


1

**Inzozi Za Kera Zivuga Iby’Iki Gihe**


2

**Umunsi umwe umunyeshuri w’indangazi, yuriye igare ry’umwotsi, atangira gusoma igitabo kiramuhuza aratwarwa. Umugenzuzi w’iryo gare amunyura iruhande, amusaba kumwereka itike. Wa munyeshuri ashakashaka mu mifuka ye yose ariko ntiyashobora kuyibona. Arongera arisakasaka ariko noneho ashishikaye. Nuko umugenzuzi amubwirana ineza ati: “Ntacyo bitwaye, bwana, nuyibona uzayohereze ku kigo kitugenga. Nzi neza ko uyifite.”**
**Nuko, n’igishyika cyinshi wa munyeshuri arasubiza ati: “Ntabwo ushobora kubyumva, ngomba kuyibona ubu! Nkeneye iyi tike ngo menye mu isi aho ndi kugana!”**
**Uyu mugoroba, miliyoni nyinshi z’abantu ku isi barabaza bati: “Turagana he hano ku isi?” Ahazaza hasa nahadafututse. Bari mu rudubi. Bibaza aho isi yacu igana.**
**Ntabwo dukwiriye gukomeza kubyibazaho. Imyaka ibihumbi bibiri na magana atandatu irashize umwami wa kera arose inzozi zerekana uko amateka y’iyi si agomba gukurikirana.**



3

**(Videwo: amasegonda 10) Abahanga bavuga ko ubusanzwe abantu twese turota inshuro nyinshi buri joro.**
**Ariko inyinshi mu nzozi turota, ntituzibuka.**


4

**Bishoboka ko mu nzozi zigeze zimenyekana cyane mu mateka y’isi ari izabaye mu ijoro rimwe hashize imyaka 2600, ku ngoma ya kera y’i Babuloni.**
**Igitekerezo cy’izo nzozi cyavuzweho cyane, kandi cyandikwa kinavugwa n’ uwari uhibereye.**

1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza



5


Igitabo cya Danieli, igice cya kabiri kivuga iby’icyo gitekerezo.
Nyamara nyirukurota, umwami w’igihangange Nebukadineza, ntiyashoboye (cyangwa ntiyashatse) kwibuka inzozi yarose!
Icyo yamenye gusa nuko zar’inzozi zidasanzwe. Yari azi ko izo nzozi z’amayobera zashoboraga kuba zifite ubusobanuro bw’ingenzi cyane.
Koko kandi, ibyo byari byo!


6

Imana Yamuhaye inzozi zitumenyesha amateka y’isi -- cyane cyane by’umwihariko ayo mu Burayi, n’Uburasirazuba bwo hagati -- kuva ku gihe cy’Umwami Nebukadineza kuzageza ku mperuka y’ibihe!


7

Imana Ishimwe ko Yatumenyesheje ibyo ahazaza hahatse.
Ubwami bwa Babuloni bwari ubwa mbere bwo ku isi bukomeye cyane kandi bukungahaye, amahanga yari ariho muri icyo gihe abureberaho.
Babuloni kandi yari ifite umwami w’umunyambaraga cyane. Uyu mutegetsi, kubw’amaboko yari yarashoboye kunesha abanzi be umwe umwe kugeza aho ingoma ye yimakajwe nk’Umugabekazi w’amahanga.


8

Mu mwaka wa kabiri wo ku ngoma ye, Umwami Nebukadineza yari aryamye yibaza igihe ubwami bwe buzagereza.
Nk’uko n’abandi bategetsi babigenza,Yashakaga kumenya iby’ahazaza.
Muri iryo joro, Imana Iri mu ijuru Ireba hasi maze Ihitamo umukorera-bushake w’umutegetsi w’igitugu watumye iby’ahazaza bimenyekana.

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza


9

Umwami akangutse kare kare mu bitotsi bye biryoshye, ahagarika umutima.
Yari yarose inzozi, kandi yari azi ko zerekeranye n’ibintu by’ingenzi cyane, ariko byagaragaraga ko atashoboraga kwibuka ibyo aribyo!
Abanyababuloni bahaga inzozi agaciro gakomeye, nicyo cyatumye umwami ashaka kumenya inzozi yarose n’icyo zasobanuraga.


10

Birumvikana, umwami yari afite abapfumu, abakonikoni, abacunnyi, n’abarozi.
Mu by’ukuri bashoboraga kumubwira ibyo ari byo.
Bona nubwo hari mu masaha ya kare kare, bashushubikanirijwe kuza ibwami.
Bahageze, bahagarara imbere y’umwami arababwira ati,



11

(Isomo: Danieli 2:3)
“...Narose inzozi, umutima wanjye uhagarikwa no gushaka kuzimenya.”
Danieli 2:3.


12

Aba bagabo bari bameze nka benshi bigira ba nyiranzakaha bavuga ko bashobora guhanura ibizabaho.
Ahari bashoboraga gupimiranya bakarotora izo nzozi, ariko ntibamenye rwose ubusobanuro bwazo. Bagenda babitinza. Nyuma baza kubwira umwami bati,



13

(Isomo: Danieli 2:4)
“...Nyagasani uhoreho iteka ryose; rotorera abagaragu bawe izo nzozi, tubone uko dusobanura impamvu zazo.” Ariko kwiyemera kwabo ntikwatinze kuyoyoka, umwami w’umwibone, amaze kurambirwa kwiraza iwabo kwabo, byagenze bitya:



14

(Isomo: Danieli 2:5, 6)
“Nuko umwami asubiza Abakaludaya ati: ‘Sinkurwa ku ijambo:

1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza




15

nuko nimutambwira ngo muzinsobanurire, muzatemagurwa,



16

kandi ingo zanyu zizahindurwa nk'ibyavu."



17

Ariko ni mumbwira izo nzozi, nzabagororera mbahe impano,



18

n'icyubahiro cyinshi; nuko ngaho nimumbwire izo nzozi, n'uko zisobanurwa."
Umurongo wa 4-6.


19

Barongera bagerageza gusaba umwami kubabwira inzozi.
Kur'iyi nshuro yo umwami amenya ko bamushukaga.
Yongera kubahata ariko nyuma bemera ko batabishobora,



20

(Isomo: Danieli 2:10,11)
" Nuko Abakaludaya basubiriza imbere y'umwami icyarimwe bati: Nta muntu n'umwe wo mu isi wabasha kumenyesha umwami iryo jambo;



21

kuko nta mwami cyangwa umutware cyangwa umutegeka wigeze gusobanuza umukonikoni wese cyangwa umupfumu cyangwa Umukaludaya bene iryo jambo.



22

...kandi nta undi wabasha kwerekana icyo umwami yabajije keretse imana zitabana n'abafite imibiri.
Danieli 2:10,11.

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza



23

Bibiliya ivuga k’umwami yagize uburakari bukaze agategeke abasilikari be kurimbura abanyabwenge b’i Babuloni bose.


24

Kubw’amahirwe make, Danieli n’Abaheburayo bagenzi be batatu bashyirwa mu mubare w’abanyabwenge b’i Babuloni, nubwo igihe umwami yahamagaraga abanyabwenge kumusobanurira inzozi, Danieli na bagenzi be batari bahari. Ubwo abasirikari bazaga gufata Danieli ngo yicwe, yaratangaye, asaba ko bamuha igihe cyo kubaza Imana Itabana n’abantu, ngo ayisabe ubwenge bwo kumenyesha umwami inzozi. (Imirongo 12-15).


25

Bidatewe no kubaha uyu muhungu w’umunyakuri, umwami aha Danieli igihe cyo kuvugana n’Imana ye -- Imana Rurema.
Mbega inshingano zikomeye Danieli yari afite!
Ntabwo ari ubuzima bwe gusa cyangwa ubwa bagenzi be batatu bwari mu kaga, ahubwo bwari ubuzima bw’abanyabwenge bose b’i Babuloni!
Danieli asubira mu nzu ye, asobanurira bagenzi be uko ikibazo giteye.


26

Nuko bose binginga Imana yo mu ijuru ngo Ihishure ayo mayobera y’inzozi kugira ngo badapfana n’abandi banyabwenge b’i Babuloni.
Mbega uko icyo giterane cy’amasengesho kigomba kuba cyari kimeze!
Abasore bane b’Abaheburayo barasenga ngo Imana Ihishure inzozi z’umwami w’umupagani mbere yuko itariki ntarengwa igera! (Imirongo 16-18).


27

Bibiliya ivuga ko bitatinze Imana ya Danieli yamuhishuriye ibanga rya za inzozi mu iyerekwa rya nijoro.
Imana yo mu ijuru ntiyatinze kumva no gusubiza ayo masengesho!
Nuko Danieli ashima Imana yo mu ijuru ati,

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza



28

**(Isomo: Danieli 2:23)**
**"Ndagushimye, ndaguhimbaza, wowe Mana ya basogokuruza, umpaye ubwenge n'ubushobozi,**



29

**unsobanuriye ibyo twagusabye; kuko utumenyeshee'ibyo umwami ashaka." Umurongo 23. Mbega ibyishimo bigomba kuba byaruzuye Danieli na bagenzi be batatu b'Abaheburayo!**
**Bibiliya ivuga ko Danieli yihutiye kujya kwa Arioki, umutware wategetswe kurimbura abanyabwenge. Bibiliya igira iti:**



30

**(Isomo: Danieli 2:24)**
**"Nuko Danieli ajya kwa Arioki, wari wategetswe n'umwami kurimbura abanyabwenge b'i Babuloni; amubwira atya, ati:**



31

**"Nturimbure abanyabwenge b'i Babuloni, ahubwo unshyire umwami musobanurire ibyo ashaka."**
**Danieli 2:24**


32

**Ubwo Danieli yazaga imbere y'umwami, Nebukadineza yamubajije niba ashobora kumenya iby'umwami yarose - hamwe n'ubusobanuro bwabyo. Reka turebere hamwe uko Danieli yashubije umwami:**



33

**(Isomo: Danieli 2:27, 28)**
**"...Ibyo bihishwe umwami yasobanuzaga, nta banyabwenge babasha kubimenyesha umwami, cyangwa abapfumu cyangwa abakonikoni cyangwa abacunnyi;**



34

**ariko mu ijuru hariho Imana ihishura ibihishwe, kandi ni yo yeretse umwami Nebukadineza ibizaba mu bihe bizaza..."**
**Imirongo 27, 28.**

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza


35

Reba uko Danieli atiyitiriye ubu bumenyi.
Yari azi ko Imana Yonyine Yashoboraga guhishura iby’ ahazaza.



36

(Isomo: Yesaya 46:9,10)
Nta gushidikanya Danieli yari yarasomye muri Yesaya 46:9,10:
“...kuko ari jye Mana, nta indi. Ni jye Mana; nta indi duhwanye;



37

Mpera mw itangiriro nkavuga  iherezo, mpera no mu bihe bya kera nkavuga ibitarakorwa...”



38

Ubu bwenge buva ku Mana, Yo Yafashe uyu mwanya Ikamenyesha Nebukadineza, natwe Ikatunyuriramo amateka y’ isi y’ imyaka igera ku 2600.
Icya mbere cyo, Danieli yasobanuye mu buryo bunonosoye izi nzozi umwami yarose:



39

(Isomo: Danieli 2:29)
“Nuko ibyawe, Nyagasani, watekerezaga uryamye ibizaba mu gihe kizaza;



40

Ihishura ibihishwe ni yo yakubwiye ibizaba.”[mu minsi ya nyuma]
Danieli 2:29.



41

(Isomo: Danieli 2:31)
Ibyakurikiyeho, Danieli asobanura inzozi:
“Nuko, Nyagasani, wabonye igishushanyo kinini,



42

**kandi icyo gishushanyo cyari kinini cyane, kirabagirana cyane, cyari kiguhagaze imbere, kandi ishusho yacyo ikaba yari iteye ubwoba.”**
**Umurongo wa 31.**



43

**(Videwo y’ amasegonda 9)**
**Mbese ntimwumva umwami avuga asamaye yikiriza ati “Yego, yego - ibyo niko nabibonye! Igishushanyo giteye ubwoba, kiri ahirengeye!”**
**Danieli asobanura inzozi mu buryo busobanutse neza ku buryo nta gushidikanya na guke Nebukadineza yagize kubyerekeye inzozi yari yabonye.**



44

**(Isomo: Danieli 2:32, 33)**
**Nuko Danieli akomeza agir’ ati:**
**“ Nuko icyo gishushanyo, umutwe wacyo wari izahabu nziza, kandi igituza cyacyo n’ amaboko yacyo byari ifeza, inda n’ ibibero byacyo byari imiringa,**



45

**amaguru yacyo yari ibyuma, n’ ibirenge byacyo byari igice cy’ ibyuma, n’ icy’ ibumba.”**



46

**(Videwo y’ amasegonda 14)**
**Uko Nebukadineza yumvaga Danieli asobanura neza neza ibyo icyo gishushanyo gikozemo nkuko yari yakibonye mu nzozi, yaratangaye.**
**Umutwe washashagiraga ari izahabu nziza.**
**Igituza n’ amaboko byari ifeza.**
**Inda n’ ibibero byari imiringa.**
**Amaguru yari ibyuma, naho ibirenge byari imvange y’ ibumba n’ ibyuma.**



47

**(Isomo: Danieli 2:34, 35)**
**Urabyitegereza, ugeza aho ibuye ryaziye, ritarimbuwe n’ intoke,**



48

ryikubita ku birenge by’ icyo gishushanyo by’ ibyuma n’ ibumba, rirabimenagura.”




49

“Nuko icyuma n’ ibumba n’ umuringa n’ ifeza n’ izahabu biherako bimenagurikira rimwe,



50

bihinduka nk’ umurama w’ aho bahurira mu cyi, bitumurwa n’ umuyaga, ntibyagira ishyikizo;



51

(Videwo y’ amasegonda 9)
Ikindi kigomba kuba cyarabereye umwami urujijo ni ukubona ibuye ryashyigutse ahatazwi, rikaza n’ umuvuduko mwinshi, rikikubita ku birenge bya cya gishushanyo, rikabimenagura, maze n’ umurego mwinshi rikanajanjagura rigasya cya gishushanyo cyose kigahinduka umukungugu wahushywe n’ umuyaga ku buryo kitongeye kugaragara.



52

(Isomo: Danieli 2:35)
maze iryo buye ryakubise igishushanyo rihinduka umusozi munini, rirangiza isi yose.”
Danieli 2:29-35.



53

(Videwo y’ amasegonda 8)
Umwami agomba kuba yaragize ati, “ Nibyo, ibuye ritarimbuwe n’ intoke ryaraje rimenagura igishushanyo maze rihinduka umusozi munini, rirangiz’ isi yose.” Inzozi zose zasobanuwe neza neza nkuko umwami yari yazirose. Tekereza uko Nebukadineza agomba kuba yaratangajwe n’ ukuntu uyu musore w’ imfura yamubwiye inzozi, ijambo ku ijambo, neza neza nkuko umwami ubwe yari yaziboneye!

1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza


54

**Ku ruhande rw'umwami, ikintu kimwe kigomba kuba cyari ukuri nyakuri nuko nta muntu wari washoboye guhishurira Danieli ibi, nta muntu ushobora kuvuga ibyo undi wundi yarose! Bishobora gusa kuba byaravuye ku Mana.**


55

**Umwami ashobora kuba yaribajije isano afitanye n'izo nzozi. Natwe dushobora gutekereza nkawe. Nyamara inzozi za Nebukadineza zahanuraga gukomera no kugwa kw'amahanga akomeye yo ku isi.**
**Mu buryo bumwe cyangwa ubundi, ubwami bwerekanywe mu nzozi z'umwami bwagize uruhari rukomeye muri buri gihugu cyo mu isi, cyane cyane muri ibi bihe turimo.**



56

**Imana Yerekanye mu magambo make uko amateka y'isi yakurikiranye uhereye mu gihe cya Babuloni kugeza mu mwaka wa 600 mbere yo kuvuka kwa Kristo kuzageza ku ndunduro y'amateka y'isi.**
**Nyuma rero, Danieli yaje kugera ku ngingo ikomeye y'inzozi.**



57

**(Isomo: Danieli 2:28)**
**Danieli ahanga umwami amaso agira ati:" Wa mutwe w'izahabu ni wowe."**
**Umurongo wa 38.**
**Babuloni yari umutwe-- igihugu cy'izahabu nziza!**
**Umwami agomba kuba yaramwenyuye kubw'ibyishimo ubwo yumvaga aya magambo.**


58

**Amaronko yagiye azanwa n'abasilikari , n'ubwiza bw'inyubako ya Babuloni byari rudasumbwa. Abahanga mu mateka y'isi bemeza ko izahabu ari ikimenyetso kijyanye neza no kwerekana ingoma ya Babuloni.**


59

**Izahabu yari yakoreshejwe nta kurondereza mu kurimbisha inyubako z'i Babuloni. Reba uko umuhanga umwe mu by'amateka ataka uwo mugi ukomeye wa kera:**

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza



60

“Yubatse mu ngobyi ahagana iburasirazuba; ikozwe mu mpand’enye zingana... izengurutswe n’imiferege...



61

inzugi zayo z’imiringa, imirima yaho inagana mu kirere yerekana uturima tw’utunyatsi tugeretse ku tundi...ingoro z’umwami ebyiri...



62

ahongaho, isi yose hamwe n’umwamikazi usumbwa na bake mu cyubahiro, bacaga bugufi, bakamukeza.



63

aho niho uyu mugi wubatse, ibi nibyo biranga umujyi mukuru w’ubwo bwami bwashushanywaga n’umutwe w’izahabu.” -Uriah Smith, Ubuhanuzi bwa Danieli n’Ibyahishuwe, ku mpapuro za 33, 34.



64

Imirima itangaje inagana mu kirere i Babuloni yari kimwe mu bitangaza birindwi bizwi ku isi kuva kera!


65

Iyo Danieli aba umunyapolitiki w’inyaryenge ushaka kwimenyekanisha ibwami, ubusobanuro bw’inzozi aba yarabuhagarikiye aha.
Ariko Danieli yari afite ubutumwa Imana Yashakaga guhishurira isi -- ubutumwa butari ubwo mu gihe cye gusa, ahubwo bwari n’ingenzi kuzageza ku iherezo ry’amateka y’isi.



66

(Isomo: Danieli 2:39)
Nuko Danieli yicisha bugufi ariko avuga ashize amanga abwira umwami ati:
“Kandi uzakurikirwa n’ubundi bwami budahwanije n’ubwawe gukomera...”
Danieli 2:39.

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza


67

Kwa kumwenyuzwa n’umunezero k’umwami kugomba kuba kwarahise kuyoyoka vuba ubwo yumvaga Danieli amubwira aya magambo.  Umwami w’umwibone w’i Babuloni ashobora kuba atari yarigeze atekereza ko haba hari irindi shyanga ryari kuzigera ritegeka isi.



68

Mu by’ukuri, abacukumbura ibya kera batataburuye ibisate by’ibumba byanditweho aya magambo ya Nebukadineza:



69

“Ibikingi bikomeye bya Esagila na Babuloni nashimangiye nkanabishyiraho izina ry’ubwami bwanjye bw’iteka.”



70

(Isomo: Danieli 4:30)
Bibiliya itangaza uko umwirasi Nebukadineza yavuze agira ati, Ngiyi Babuloni hakomeye,



71

niyubakiye ngo habe umurwa wanjye nturaho, mpubakishije imbaraga z’amaboko yanjye, ngo haheshe ubwami bwanjye icyubahiro.”
Danieli 4:30.
Nyamara Imana Yari Yaravuze ko hari ubundi bwami bwari gusimbura ubwami bw’izahabu bwa Babuloni. Nuko, ibyo bisohora Danieli akiriho, arabibona.



72

(Videwo y’amasegonda 13)
Ku ngoma y’umwami Belushaza  w’umwirasi n’umwibone, akaba yari umwuzukuru wa Nebukadineza, umwami Kuro w’Abamedi agota Babuloni.




73

Itariki ya 3 mu kwezi k’Ukwakira  mu mwaka wa 539 mbere yo kuvuka kwa Kristo, ubwami bugereranywa n’izahabu burahirikwa!

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza


74

Reba uko Imana IdasobwaYari Yarahanuye iby’uwari gufata umugi n’uko yari kuwufata.
Imyaka hafi 200 mbere yo kugwa kwa Babuloni,




75

(Isomo: Yesaya 45:1)
Imana Yavuze ibinyujije mu muhanuzi Yesaya, Iti: “Ibi ni byo Uwiteka abwira Kuro, uwo yimikishije amavuta, ni we mfashe ukuboko kw’iburyo, nkamuneshereza amahanga ari imbere ye,



76

kandi nzakenyuruza abami kugira ngo mukingurire inzugi, kandi n’amarembo ntazugarirwa.”
Yesaya 45:1.



77

Imana Yanavuze uwo ibyo byari kubaho: Ni Kuro, Umumedi, wavuzwe imyaka 150 mbere yuko avuka.



78

(Videwo y’amasegonda 8)
Kuro ntiyashoboraga kugusha inkike, kuko zari ndende kandi zisobekeranye, yashenye anyuze iyindi nzira: Yayobeje amazi yanyuraga hagati mu mugi, umugezi urakama maze ingabo ze ziremamo inzira, zimanukamo kugeza aho zaboneye akayira kazigeza mu mugi.
Icyo gihe, hari umuntu w’indangazi wibagiwe asiga inzugi za rutura z’imbere zikozwe mu miringa zifunguye, nta murinzi azisizeho!


79

Abasirikari ba Kuro binjiye mu mugi bica umwami n’ibyegera bye mu gihe bariho birenza za vino banyweshaga ibikombe by’izahabu Nebukadineza yari yaranyaze ubwo yafataga umugi wa Yerusalemu.
Hari hashize imyaka Nebukadineza asahuye ibikombe by’izahabu mu rusengero rw’i Yerusalemu rwari rwarubatswe na Salomo.

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza


80

Danieli yari yarahanuye ko nyuma y’ubwami bwagereranywaga n’izahabu bwa Babuloni, hari kuzima ubundi bwami budahwanije na Babuloni gukomera, bugereranwa n’igituza n’amaboko by’ifeza.



81

Ubutegetsi bukomatanyije bw’Abamedi n’Abaperesi ntaho bwari buhuriye n’ingoma y’icyubahiro y’i Babuloni, nyamara bwategetse uburasirazuba bwo hagati imyaka ibinyejana bibiri.
Danieli yari yaravuze ko ubwami bw’ifeza nabwo bwari kugira iherezo:



82

(Isomo: Danieli 2:39)
“...kandi hazaba ubundi bwami bwa gatatu bw’imiringa, butegeka isi yose.”
Danieli 2:39 NIV.
Mbese ibyo byarasohoye? Yego rwose!


83

Ubu buhanuzi bw’igishushanyo cy’icyuma, bw’inda n’ibibero by’umuringa, bwasohoye, igihe umusore w’umujenerali w’umuhanga, Alegizandere Ukomeye (Alexander the Great), yaneshaga Dario wa gatatu w’umuperesi mu ntambara yabereye Arbela mu mwaka wa 331 mbere y’ivuka rya Kristo, nuko ubwami bwa gatatu buba ubw’Ubugiriki!


84

Ku myaka 25 y’ubusore, Alegizandere aba umutegetsi w’ingoma mpuzabihugu y’ahantu hagutse isi yigeze kugira.



85

Umugiriki w’umuhanga mu by’amateka Arian wanditse ibya Alegizandere yagiz’ati, “ Ndahamya ko nta gihugu, umugi, cyangwa abantu...aho izina rye ritageze...



86

Kuri jye mbona ko hari ikiganza cy’Imana cyayoboye byombi ukuvuka kwe n’ibikorwa bye.”
Ububiko bw’Ibitabo by’Amateka ( Historical Library), igitabo cya 16, igice cya 12.


# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza


87

**Aho bihuriye neza nuko benshi mu ngabo z'Abagiriki bakoreshaga intwaro zikozwe mu muringa, icyuma cya gatatu mu nzozi za Nebukadineza.**


88

**Alegizandere yishwe n'umuriro w'ubuganga mbere yuko yizihiz'imyaka 33 y'amavuko. Amaze gupfa, ubwami bwe buratenteburwa maze buza kugabanywamo ibice byinshi kugez'ubwo nyuma,**




89

**" Ku itariki ya 22 mu kwezi kwa Kamena mu mwaka w'168 mbere yo kuvuka kwa Kristo, mu ntambara y'i Pydna (soma Pidina), aho Alegizandere yategekaga hashiraho nyuma y'imyaka 144 apfuye."**
**Amateka ya Roma, igitabo cya 3, igice cya 10.**




90

**Noneho hakurikiraho ubwami butey'ubwoba kurush'ubundi bwose bwabubanjirije.**
**Muribuka ko Imana Yari Yaravuze mbere ko hari kubaho ubwami bune bugenda busimburana.**




91

**Mu by'ukuri, amaguru y'ibyuma asobanura neza ububasha burimbura butagir'impuhwe bwaranze ubwami bwa kane bw'isi:**
**Uku ni ko Danieli abubwira umwami:**



92

**(Isomo: Danieli 2:40)**
**"Arik'ubwami bwa kane buzakomera nk'icyuma..." (Danieli 2:40).**


93

**Ba Kaisari biyitaga ubwabo imana kandi bagategeka abantu bose kubasenga no kububaha.**
**Ni mu gihe cy'ubutegetsi bw'i Roma habaye ibintu bibiri by'ingenzi muri icyo gihugu.**

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza



94

**1. Yesu Yavukiye i Betelehemu.**
**Umutegetsi wo ku ngoma y’Abaroma ni we washyizeho iteka ryo kwica abana bose b’abahungu bari bafite imyaka ibiri cyangwa abakiri bato kur’abo i Betelehemu.**
**Yari yibwiye ko Umwana Yesu Azagwamo. Kandi**



95

**2. Yesu Yabambwe i Yudaya, ku butegetsi bw’Abaroma.**
**Umutegetsi w’Umuroma yemera ko Yesu acirwaho iteka.**
**Yesu Yatewe imisumali ku musaraba n’abasirikari b’Abaroma, kandi ikimenyetso cy’Abaroma cyashyizwe ku mva ya Yesu aho bageragezaga kumurindira.**
**Noneho inzira ubuhanuzi bwakurikiraga irahinduka.**
**Nta butegetsi na bumwe bubumbye IBIHUGU BY’ISI bwongeye gukurikira nyuma ya Roma.**




96

**(Isomo: Danieli 2:41, 43)**
**Danieli yarandits’ati: “Kandi nkuko wabony’ibirenge n’amano, ar’igice cy’ibumba ry’umubumbyi n’igice cy’ibyuma,**




97

**ni k’ubwo bwami buzigabanyamo...**




98

**“...ni ko bazivanga n’urubyaro rw’abantu; ariko ntibazafatana,**




99

**nkuko ibyuma bitavanga n’ibumba.”**
**Danieli 2:41, 43.**

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza



100

**Mu yandi magambo, umuhanuzi yavuze bitaraba ko nta bwami bw’isi bwa gatanu buzakurikiraho, ko ahubwo ubwami bw’i Roma bw’ibyuma buzigabanyamo.**




101

**(Videwo y’amasegonda 3)**
**Roma yagombaga kwigabanyamo ubwami butandukanye.**


102


**Ubutegetsi bw’ibyuma bw’ubu bwami bw’igihangange Roma bwategetse hafi imyaka 600 buritandukanya.**


103

**Roma itakaz’ugukomera kwayo n’imbaraga zayo kubera kwishinga ibinezeza, politiki ya ruswa no guta umuco, nuko ihinduka umuhigo w’urugomo rw’amoko rwatangiye kujya rutera ubwami hagati y’umwaka wa 351 nyuma y’ivuka rya Yesu na 476 nyuma y’ivuka rya Yesu.**



104

**Umwami w’abami Augustus araneshwa, maze Roma yiremamo ibicebice bigizwe mu gishushanyo n’ibirenge n’amano akoze mu byuma no mu ibumba.**



105

**(Isomo: Danieli 2:43)**
**“Kandi nkuko wabonye ibyuma bivanzwemo ibumba, ni ko bazivanga n’urubyaro rw’abantu;**



106

**ariko ntibazafatana, nkuko ibyuma bitavanga n’ibumba.”**
**Danieli 2:43.**
**Ibitero by’abagome b’i Roma bitum’ubutegetsi bwigabanyamo. Uku kwirem’ibice byerekanwa n’ibirenge by’ibyuma bivanze n’ibumba, birem’ishingiro ry’ibihugu ubu biboneka mu Burayi.**

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza



107

**(Videwo y’amasegonda 6)**
**Benshi mu bahanga mu mateka bashyir’aya moko cumi y’Ababarubare ku rutonde rukurikira:**
**Alamanni - Abadage, Burgundians -Abasuwisi, Franks - Abafaransa, Lombards -Abataliyani, Saxons - Abongereza.**



108

**(Video y’amasegonda 6)**
**Suevi- Abaporutigali, Visigoths -Abespanyole; Abaheruli, Abostrogoti, Abawizigoti ni amoko ubu yazimangatanye cyangwa akaba yaragiye yifatanya n’ibihugu biyazengurutse.**


109

**Nanone uko Imana Yavuze ko ubu bwami butazigera bwongera guhura ngo bube ingoma imwe y’isi bizitira iby’ibi bihugu bikora.**



110

**Uburayi buzahora bwiremye mo ibice.**
**Ntibuzigera bufatana!**
**Nubwo Uburayi bugira isoko rimwe, bugakoresha ubwoko bw’ifaranga rimwe, buracyiremye mo ibice.**



111

**Imana Yavuze ko naho bakwivanga n’urubyaro rw’abantu. Mu yandi magambo, imiryango ya cyami yagombaga gushyingirana.**


112

**Mu ngoro y’umwami muri Danimarki, igiti cy’urutonde rw’imiryango ya cyami mu Burayi kirafotoye.**
**Bose bari bafitanye amasano! Bibwiraga ko mu gushyingiranwa bizabarinda intambara izari zo zose. Nyamara, byari iby’ubusa ntacyo byamaze.**


113

**Ntibigeze bahuza. Nuko rero, intambara nyinshi zarwanywe mu Burayi zari amatiku yo mu miryango! Imana Yari Yarahanuye ko batazigera bafatana. Bagerageje kongera guhuza ubwami bw’i Roma nyamara ibi ntibyamaraga kabiri, nkuko ibyuma n’ibumba bidashobora gufatana!**

# 1 - Uko Wamenya Iby’Ahazaza



114

**Tekereze ukuntu bagerageje kenshi kongera kurundarundira ibihugu by’Uburayi hamwe. Byagendekeye bite aba biteguriraga kuba abategetsi b’isi bageragezaga kunga Uburayi bwasandaye?**




115

**Charlemagne - YARATSINZWE, Karoli wa 5 - YARATSINZWE, Ludoviko wa 14 - YARATSINZWE, Napoleon - YARATSINZWE, Kaizari Wilhelm - YARATSINZWE, Hitileri - YARATSINZWE.**
**Ubwo yahungiraga ku kirwa cya Elba, Napoleon, Umufaransa w’umurwanyi wari ukomeye wo mu myaka ibanza yo muw’i 1800 -- yagombye kwemera ko Imana Yamurushaga imbaraga.**
**Aba tumaze kuvuga Imana Irabaruta bose!**




116

**Imana Yavuze ko BATAZAFATANA!**
**Urugero rujyamo neza n’urw’aba bashakaga gutegeka isi!**
**Nyamara na nubu, abantu baracyagerageza guhuriza hamwe ibihugu by’Uburayi, ariko bisa naho byanze gufatana, nkuko Imana Yakabivuze!**
**Bishobora guhurira hamwe, ariko ntibishobora gufatana!**




117

**(Videwo y’amasegonda 12)**
**Nebukadineza agomba kuba yarajijiwe n’iby’ubu buhanuzi.**
**Imana Yari yaravuze amakuba y’izi ngoma enye zikomeye ku isi.**
**Yahanuye kandi ko Roma yagombaga gusimburwa n’ibihugu byinshi, birindwi muri byo bikaba ubu biri mu burengerazuba bw’Uburayi--bimwe bikomeye, ibindi bikennye, ariko byose byigabanijemo.**



118

**N’iki cyagombaga gukurikira?**
**Noneho, Danieli arushaho kugaragaza ibyishimo n’icyizere muri we avuga indunduro asobanura iby’ibyuma bikomeye byabonetse mu nzozi. Yaranditse ati:**

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza



119

(Isomo: Danieli 2:44, 45)
“Nuko ku ngoma z’abo bami, Imana yo mu ijuru izimika ubundi bwami, butazarimbuka iteka ryose;



120

kandi ubutware bwabwo ntibuzazungurwa n’irindi shyanga; ahubwo buzamenagur’ubwo bwami bwose bukabutsembaho; kandi buzahoraho iteka ryose.”



121

“ Ubu nibwo busobanuro bw’inzozi z’ibuye wabonye ryavuye ku musozi ritarimbuwe n’intoke --



122

ibuye ryamenaguye ibyuma, n’imiringa, n’ibumba, n’ifeza, n’izahabu,



123

Ni uko Imana ikomeye yahishuriye umwami ibizaba mu bihe bizaza. Kandi izo nzozi n’iz’ukuri no gusobanurwa kwazo ntiguhinyurwa.”
Danieli 2:44, 45.


124

Ikizakurikiraho gikomeye mu rwego rw’amateka y’umuntu kizaba kugaruka kwa Kristo no kwimikwa kw’ingoma Ye, byerekanwa n’ibuye “ritarimbuwe n’intoke.”
Ubwami bwe ntibuzashyirwaho n’intoke z’abantu, buzashyirwaho n’ikiganza gikomeye cy’Imana --
ubwami buzakwira isi yose.



125

(Isomo: Ibyahishuwe 11:15)
Icyo gihe ubu buhanuzi buzasohora,
“...Ubwami bw’isi bubay’ubw’Umwami wacu... kandi azahora ku ngoma iteka ryose!”
Ibyahishuwe 11:15.

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza




126

Reba neza ibintu bizaheruko bivugwa n'ubu buhanuzi butangaje bwo mu gitabo cya Danieli:




127

Kugaruka kwa Yesu.



128

Amahanga yo ku isi azagira iherezo.




129

Imana Izimika ubwami bwayo.




130

Ubu bwami bwayo buzahoraho iteka.



131

Yesu Azasigwa nk'Umwami w'Abami n'Umutware utwar'Abatware.



132

Azaza ku isi aje kwima ingoma izahoraho iteka.

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza



133

**Danieli amaze kubwira umwami inzozi ze zishitura umutima n’ubusobanuro bw’Imana butangaje, Umwami Nebukadineza ahaguruka ku ntebe ye ya cyami nuko apfukama yicishije bugufi imbere y’Imana Ikomeye ya Danieli, Yagaragayeho ubwenge n’ububasha bitangaje.**



134

**(Isomo: Daniel 2:47)**
**Umwami abwira Danieli ati, “...N’ukuri Imana yanyu ni yo Mana nyamana, n’umwami w’abami, kandi ni yo ihishura ibihishwe...”**
**Danieli 2:47.**
**Ni ukuri, Imana ya Danieli niyo Mana nshaka ko Iba Imana Yanjye --Imana Yifatiye ahazaza mu biganza byayo!**



135

**Imana Ibinyujije muri iki gishushanyo kinini cy’icyuma Nebukadineza yabonye mu nzozi yarose mu myaka ibinyejana bitandatu mbere y’ukuvuka kwa Yesu, Imana Yahishuye ibihishwe bizaba mu myaka ibinyejana by’ahazaza!**


136

**Nibyo, nshuti, “izo nzozi ni iz’ukuri, no gusobanurwa kwazo ntiguhinyurwa!”**
**Urugendo ruri hafi kurangira!**
**Ikigiye gukurikiraho gikomeye ni ukuza kwa Kristo mu bicu Aje kwima ingoma ye y’iteka.**



137

**Videwo y’amasegonda 5)**
**Ubwami bwerekanywaga n’izahabu, n’ifeza, n’imiringa, n’ibyuma, bwose bwarahise mu mateka y’isi.**
**Kandi ikigiye gukurikiraho ni ukuza vuba mu cyubahiro k’Umwami wacu!**


138

**Yateganij’ejo hazaza heza cyane dukesha amaraso Yaviriye ku musaraba i Kaluvari.**
**Hasigaye gusa igihe gito ngo ibi byose bisohore.**
**Ubu muri iki gihe, Imana Iri gutegura ubwami bwayo n’abazabubamo.**

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza



139

(Videwo y’amasegonda 7)
Dushobora kuvuga by’ukuri ko tuzaragwa ubwo bwami niba gusa, kubwo kwizera, dukora nkiby’igisambo ku musaraba cyakoze ubwo cyari kimanitse hagati y’isi n’ijuru iruhande rwa Yesu.
Ntiyari agishobora na gato kwegera Yesu, nyamara yarazi ko ar’umunyabyaha kandi ko akeneye gukizwa ibyaha byose yari yarakoze.
Akebutse Umukiza w’isi, abona amaraso avirirana ashoka mu maso ava mu nguma z’ikamba ry’amahwa Yambitswe ku mutwe.
Yumvise mu mutima we atsinzwe. Yicuza ibyaha bye maze arataka ati,



140

(Isomo: Luka 23:42)
“Mwami, uzanyibuke, ubw’uzazira mu bwami bwawe.” Luka 23:42.
Maze Yesu Amwizeza ko bazaba bari kumwe muri ubwo bwami bwe.



141

Nawe ubwawe ushobora gusenga ririya sengesho maze ugahabwa ubwishingizi bwo kuzabana na Yesu mu bwami bwe buri hafi kwimikwa hano ku isi.



142

(Isomo: Matayo 25:34)
Icyo gihe nagaruka, nibw’uzumva Kristo yivugir’ubwe aya magambo yo kurarika ati:
“... Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe...”
Matayo 25:34.


143

Iyi si ntabwo yaremwe n’ibiganza by’umuntu. Ikomoka mu biganza by’Imana. Dushobora guhangana n’iby’ahazaza dufite kwizera kwinshi. Yesu agiye kuza vuba.
Ibuye ryahagutse ritarimbuwe n’intoki rizavungavunga igishushanyo.
Ubwami bwo kuri iyi si buzashiraho. Imana Izahita Yimika ubwami bw’iteka, butazashira.

# 1 - Uko Wamenya Iby'Ahazaza


144

**Ushobora kugira ibyiringiro mu Mana.**
**Ushobora kwizera Iyi Mana.**
**Ushobora kuruhuka mu mutekano mu biganza byayo.**
**Iraguhamagara uyu munsi.**
**Irakurarikira kuza uyu munsi.**
**Irakomanga ubu ngubu ku mutima wawe.**
**Ubwo tugiye gusenga, mbese wakwemera kuvuga uti,**
**"Nibyo, Mwami, nshaka kukwizera byimazeyo.**
**Nguhaye ubuzima bwanjye uyu mwanya?"**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



1

**Gutegereza ahazaza nta bwoba**


2

**Umunsi umwe ukeye wo mu cyi, hari umugabo n’umukobwa we w’imyaka 9 bariho boga mu njanja. Bari bamaze akanya bizambaguza mu bitunda ubwo mu kanya gato umuvumba w’amazi watangiye kuzamukana imbaraga nyinshi. Wa mwana w’umukobwa ahita atwarwa n’igitunda kimujyana kure ku buryo Se ataragishoboye kumugeraho. Uwo mukobwa yarakeneye ubufasha ngo abone uko agaruka ku nkombe. Kubw’amahirwe ariko, uwo ise aho kugira ubwoba ahamagar’arangurura ati, “Ukomeze urerembe woga mu mutuzo, ntugire ubwoba. Ndagaruka kukurohora.” Nuko uwo mugabo arihuta ajya gushaka ubwato. Ubwo yagarukaga aho ibyo byabereye azany’ubwato n’abo kumufasha kurohora umwana we, umutima uramusimbuka. Umukobwa we ntiyarakiri aho yamusize. Ibitunda by’inyanja byari byamujyanye kure. Ubwo nyuma ku kaburembe bashoboraga kumugeraho, umukobwa yari ari kureremba n’umutima utuje, ari hafi aho nkuko se yari yamubwiye.**


3

**Nyuma baje kumubaza icyamufashije kugumana umutima utuje aho yarari wenyine muri iyo nyanja yahorereraga kure maze arasubiza ati, “ Nakoze gusa nkuko Papa yari yambwiye gukora. Nari nzi ko yagombaga kugaruka, rero nta bwoba nari mfite.” Ibyiringiro by’uwo mukobwa muto w’intwari byaramukijije; byatumye arokoka ashobora kurohorwa. Ibyiringiro byacu bikomeye bikomeza ukwizera kwacu nk’abakristo ni ibyiringiro by’uko Data wo mu ijuru Yiteguye gutabara iyi si iri ku kaminuka.**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!




4

(Videwo y’amasegonda 10) Mu minsi ishize umushakashatsi uzwi cyane aherutse kuvuga iby’ubwoba afite ko isi ishobora kutazongera kumara indi myaka igihumbi.
Avuga ko uburyo abantu bangiza ikirere cyo hejuru y’ubutaka dutuyeho, bizatuma ubushyuhe bwiyongera ku isi,



5

bukayitera guhiringita maze ibyo bigateza imyuzure kw isi ivuye k’ugushonga kw’ibibumbe by’urubura biri ku mpera zombi z’isi.
Ariko abandi batekereza ko isi izarangira mu bundi buryo.




6

(Videwo y’amasegonda 5) Bamwe bavuga ko tuzirimbura ubwacu mu ntambara y’intwaro za kirimbuzi.



7

Abandi bakavuga ko tuzabura ibiryo tukanabura n’ibindi bikoresho shingiro kuko abantu ku isi bakomeza kwiyongera bikabije.




8

Hari n’abandi bagira bati dushobora kuzatsembwaho n’ibigendajuru bizerera mu kirere ubwo bizasekurana n’isi.



9

Hari rero n’abandi batekereza ko hari abandi bantu batuye andi masi bazaza bakaturimbura twese. Benshi muri twe birumvikana dufite ibindi bintu byinshi biduhangayikishije.



10

Twirirwa duhatana tugerageza dushaka amaramuko cyangwa se tureba uko twabana neza n’abandi, cyangwa turwana n’uburwayi, ishavu n’urupfu.

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!


11

**Kuri bamwe muri twe, ahari hafi ya twese, ubuzima ntibutworoheye. Biradukomereye ku buryo wumva rimwe na rimwe twifuza ko isi yarangira!
Mu by’ukuri ntabwo ubuzima bwaremewe kuzurwamo n’imibabaro n’inzara, intege nke n’ibibazo biremerera umutwe. Turashaka isi irushaho kuba nziza!**


12

**Ni byo nshuti, ngufitiye inkuru nziza! Iyi si igiye gushira. Kandi hari indi si nziza cyane igiye kuza!**


13

**Hafi ya twese twifuza kumenya igihe nuko isi izarangira.
Ese mama izarangira muri ibi bihe byacu cyangwa bizafata imyaka igihumbi cyangwa imyaka ibihumbi cumi uhereye ubu?**


14

**None se ni nde uvuga ukuri kubyerekeye ukurangira kw’isi?
Abahanura ibizaba tubakizeho.**



15

**Ikibazo gusa n’ukumenya abahanuzi bahanura ukuri nyako - abahanura, ibyo bavuze bigasohora!**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



16


(Videwo y’amasegonda 15). Ariko se muzi ko hari UWO ubuhanuzi bwe bwose bwagiye busohora ijambo ku ijambo?
Ushobora kutubwira neza neza uko isi izarangira, niba igiye kurangira vuba cyangwa niba izaramba indi myaka ibihumbi cyangwa irenze iyo?
Ntibyagombye gutangaza kumenya ko Uwaremye iyi si - uwar’uhari isi itangira - ko ari nawe uzi uko izarangira.
Kandi nshuti, Yesu Kristo, Imana y’irema, Ashobora kutubwira iby’ahazaza Abinyujije mu ijambo rye. Ni umuyobozi utayobya.
Ni nde wamenya byinshi birebana n’imperuka y’isi kurusha UWAYITANGIJE?


17

Bibiliya itubwira iby’ikintu gitangaje mu buzima bwa Kristo.
Umunsi umwe, abigishwa be bamujyanye ku ruhande bamwereka inyubako y’urusengero rwari rumaze kongera kubakwa n’ubutegetsi bw’Abaroma.


18

Yari imwe mu nyubako zikomeye mu butegesti bwose bw’i Roma - inyubako nziza yubakanywe ubuhanga! Yesu amaze kureba iyo nyubako, Abwira abigishwa be ibintu bitangaje. Ati,



19

(Isomo: Matayo 24:2)
“...Ntimureba ibi byose? Ndababwira ukuri



20

yuko aha hatazasigara ibuye rigeretse ku rindi ritajugunywe hasi.”
Matayo 24:2.



21

Iyi yari inyubako ikomeye mu gihugu cy’Abayahudi, Yesu Yahanuye ko izasenywa by’akabarore.

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!


22

**Ibyo byatangaje cyane abigishwa.
Maze  ubwo bazamukaga umusozi wa Elayono, babaza Yesu ikibazo buri wese muri twe yari kubaza:**



23

**(Isomo: Matayo 24:3)
"...abigishwa baza aho ari biherereye, baramubaza bati: "Tubwire, ibyo bizaba ryari?**



24

**n’ikimenyetso cyo kuza kwawe n’icy’imperuka y’isi ni ikihe?"
Matayo 24:3**


25


**Urabona, abigishwa be bibwiye ko niba iyi nyubako yari gusenywa, ko byagombaga guhurirana no kugaruka kwa Yesu  n’imperuka y’isi.**


26

**Ariko mu gitabo cya Matayo igice cya 24, tubona ko Yesu yavuze ibintu bibiri bitandukanye.**


27

**Kimwe muri byo kwari ukugaruka kwa Yesu - Kugaruka kwe ku isi mu cyubahiro no kwimika ingoma ye idashira hano ku isi.**



28

**(Videwo y’amasegonda 6) Nyamara, ikindi Yesu Yavuze cyagombaga gusohora kikabonwa n’abantu benshi bariho mu gihe yabivugaga.
Kwari ukurimbuka kw’umujyi wa Yerusalemu n’urusengero.
Yesu Yakomeje kubabwira uko byari bigiye kugendekera urusengero.**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



29

**(Isomo: Matayo 24:15-16)**
**Muri Matayo 24:15, 16, Yaravuz ati, “ Ariko ubwo muzabona ikizira kirimbura cyahanuwe n’umuhanuzi Danieli,**




30

**gihagaze Ahera” ( ubisoma, abyitondere).”**



31

**“ Icyo gihe abazaba bari i Yudaya bazahungire ku misozi.”**



32

**Daniel yari yarahanuye ko Yerusalemu izarimburwa. Ariko hano Yesu Aributsa abigishwa be imiburo ya Danieli yari igiye gusohora.**



33

**(Isomo: Matayo 24:17-18)**
**Avuga muri Matayo 24:17,18:**
**“n’uzaba ari hejuru y’inzu, ye kuzamanuka ngo atware ku bintu byo mu nzu ye.”**



34


**“n’uzaba ari mu mirima, ye kuzasubira i muhira, ngo azane umwenda we.”**


35

**Mu yandi magambo, Yababwiraga ko bagombaga guhunga bagakiza amagara yabo, kuko ubwo bari kubona ingabo zigose umujyi wa Yerusalemu, kurimbuka kwayo kwari kwegereje.**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!






36

(Isomo: Luka 21:20)
Muri Luka 21:20, Yesu Agira Ati: "Ariko, ubwo muzabona  i Yerusalemu hagoswe n’ingabo, muzamenye yuko kurimbuka kwaho kwenda gusohora."
Yongeyeho ko aho bazaba bari hose bakabona izo ngabo bagomba guhunga.





37

(Isomo: Luka 21:22, 24)
Kuko iyo minsi izaba ari iyo guhoreramo, ngo ibyanditswe byose bisohore.





38

" Bamwe bazicwa n’inkota, abandi bajyanywe mu mahanga yose ari imbohe.





39

kandi Yerusalemu hazasiribangwa n’abanyamahanga, kugeza ubwo ibihe by’abanyamahanga bizashirira." Luka 21:22,24





40

" Mu mwaka wa 66 nyuma yo kuvuka kwa Kristo, nibura imyaka 33 nyuma yuko Yesu Ahanuye ibi, Ingabo z’Abaroma ziyobowe na Sestiyusi zanesheje




41

abigometse ku butegetsi mu isibaniro ryabereye hanze i Yerusalemu.  Nyamara ubwo umujyi waterwaga, wakomeje guhanyanyaza urwanya ingabo z’Abaroma ku buryo nyuma




42

izi ngabo z’Abaroma zitaruye, zitaye icyizere cyo gufata umujyi."
 (Reba Eusebiyusi, Amateka y’Itorero, igitabo cya 3, igice cya 5).

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



43

**(Videwo y’amasegonda 6) Abakurikije amabwiriza Yesu Yatanze, bose barokotse mu irimbuka rya Yerusalemu maze ntibicwa mu gihe umugi wafatwaga n’ingabo z’Abaroma.**


44

**Muri iryo fatwa riteye ubwoba, abantu bagera kuri miliyoni imwe n’ibihumbi ijana (1,100,000) barishwe . Bananiwe gukurikiza amabwiriza ya Yesu yo guhunga umujyi ubwo ingabo z’Abaroma zasubiraga inyuma mu mwaka wa 66 nyuma yo kuvuka kwa Kristo. Iri ni isomo ry’ingenzi ryerekana icyiza cyo kwiga ubuhanuzi no kwita cyane ku bimenyetso by’ibihe.**
**Abizeye Yesu bose bakaba maso bakabona ibimenyetso Yari Yarababwiye mbere bararokotse mu gihe ababihinyuye barimbutse.**
**Niko bizamera no mu bihe by’imperuka y’isi - abizera barebana ubushishozi bazakizwa, ariko abatagira icyo bitaho n’abatizera bazarimbuka.**



45

**(Videwo y’amasegonda 5) Rwa rusengero rw’akataraboneka rwo byarugendekeye bite?**
**Tito, Umujenerali w’Umuroma war’ushinzwe gufata umugi wa Yerusalemu yatanze amabwiriza yo kutangiza urusengero, ariko umwe mu basilikari be ajugunya ifumba y’umuriro yaka mu rusengero ayinyujije mu rugi,**


46

**nuko urusengero ruhinduka umuyonga!**
**Nta buye na rimwe ryasigaye rigeretse ku rindi!**


47

**Ubuhanuzi Yesu yahanuriye abigishwa be imyaka 40 mbere yo kurimbuka kwa Yerusalemu busohora neza neza nkuko bwavuzwe.**
**Mbese tuzirengagiza ibimenyetso Yesu Yaduhaye birebana n’imperuka, cyangwa tuzita cyane ku miburo maze twitegure ibiri imbere?**
**Tuzamenya dute ko igihe cy’imperuka y’isi cyegereje?**
**YESU YADUHAYE IBIMENYETSO BIGARAGARA.**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



48

Reka turebe bimwe muri ibi  bimenyetso by’ibi bihe turimo! Muri Matayo 24:7, Kristo Agira Ati,



49

(Isomo: Matayo 24:7)
“ Ishyanga rizatera irindi shyanga, n’ubwami buzatera ubundi bwami.



50

Hazabaho inzara n’ibishitsi hamwe na hamwe.” Matayo 24:7.
Ikinyejana cya 20 cyabaye ikinyejana cyarengeje ibindi kuba inkoramaraso mu mateka y’umuntu.




51

(Videwo y’amasegonda 20) Intambara ya mbere y’isi yaguyemo abantu miliyoni 20 babay’ibitambo by’intambara.  Intambara ya kabiri y’isi yarimbukiyemo abantu miliyoni 50. Nubwo buri wese yatekereje ko urugomo n’urwango byagombaga gushira, na nubu turacyari mu ntambara z’urudaca. Bigaragara ko isi yarushijeho kuba mbi.  Iki ni kimwe mu bimenyetso by’ibihe.



52

Amahanga ahurira mu biganiro by’amahoro mu gihe ariho ategura n’intambara. Ubundi buhanuzi bwerekeranye n’iby’amahoro n’itegura ry’intambara bugira buti:



53

(Isomo: 1 Abatesalonike 5:3)
“Ubwo bazaba bavuga bati: N’amahoro, nta kibi kiriho; ni bwo kurimbuka kuzabatungura...”
1 Abatesalonike 5:3.
Tuvuga ibyo amahoro ariko nta mahoro ariho!
Buri wese ashaka amahoro! Ariko ni mu magambo gusa!


54

Bibiliya ivuga ko mu bihe bya nyuma by’isi, umuntu azaba afite ubushobozi bwo kurimbura isi.

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!




55

**(Isomo: Ibyahishuwe 11:18)**
**“ Amahanga yararakaye, nuko umujinya wawe uraza...kandi ni igihe cyo kurimburiramo abarimbura isi.”**
**Ibyahishuwe 11:18.**
**Nta gihe cyigeze kubaho aho umuntu yagize ubushobozi bwo kurimbura icyo isi ikozwemo.**


56

**Kuva aho intwaro za kirimbuzi zihimbiwe, ubu umuntu ashobora kurimbura isi ubwayo.**



57

**Abaterabwoba bamaze kumenya uburyo bwo kugura cyangwa kwiba zimwe muri izi ntwaro za kirimbuzi zajyaga zirindwa cyane. Zimwe muri izi ntwaro z’ubumara zigenda ziburira mu cyeragati cy’abategereje kuzigurisha cyangwa kuzikoresha.**



58

**Kimwe mu binyamakuru byemerwa cyavuze ko amakuru y’uko bakora intwaro za kirimbuzi aboneka mu nzu nyinshi z’ibitabo ziri hirya no hino ku isi. Biroroshye kuzimenya nkuko byoroshye gukoma kuri orudinateri.**



59

**(Videwo y’amasegonda 5) Ni nde uzifite kandi zizakora iki mu minsi ya vuba? Ntiziruta ivalisi, ariko zishobora guterekwa ahari ho hose, kandi imwe muri zo ishobora kurimbura umwe mu mijyi ikomeye yo ku isi.**



60

**Yesu Yavuze ko mu minsi ya nyuma hazabaho ibyago by’ubwoko bwose.**



61

**(Isomo: Matayo 24:7)**
**“...hazabaho inzara...”**
**(Matayo 24:7)**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!


62

Kandi mu mpande nyinshi z’isi HARI amapfa.



63

Imibare itangwa yerekana ko abantu miliyoni 57 bazicwa n’inzara muri uyu mwaka umwe. Ni ukuvuga ko ibihumbi 156 bazapfa buri munsi bazize inzara.



64

Ku bantu biliyoni batuye iyi si, 60 ku ijana barya ibidahagije, naho 20 ku ijana bazicwa n’inzara. Yesu Yavuze ko hagomba kubaho amapfa, icyo ni kimwe mu bimenyetso by’imperuka.



65

(Videwo y’amasegonda 5) Ababizi batubwira ko iyo umubare w’abaturage urenze cyane umusaruro w’ibyokurya, amapfa ku isi yose, inzara, ibyorezo n’intambara z’ibiryo ntibigira rutangira. Tuzagaburira dute abarenze za biliyoni mu gihe ubu 2/3 by’abatuye isi bashonje?



66

(Isomo: Luka 21:25)
Yesu Yavuze iby’ibihe bya nyuma byo gushoberwa isi izaba irimo, ati, “...kandi no hasi amahanga azababara bumirwe...”
Luka 21:25.



67

Yesu Yavuze ko hazabaho ibyorezo:



68

(Isomo: Matayo 24:7)
“hazabaho  inzara, n’ibishitsi hamwe na hamwe.”
Ijambo ibyorezo mu inkusanyamagambo ubu rishatse kuvuga ibyago, cyangwa indwara z’inzaduka.

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



69

**Nubwo ubuganga ubu bwateye intambwe ikomeye ntibubuza ibyorezo kuba ubu ari byinshi.**



70

**Indwara ya ebola, ubuganga, SIDA, umusonga, igituntu, imitezi, mburugu na kolera.**




71

**Umuryango w’Abibumbye wita ku buzima uvuga ko abazwi bafite agakoko gatera Sida ari miliyoni 40.
Niba ntagikozwe ngo iyo ndwara ihagarikwe, amahanga yose azorama.**




72

**Ikindi kimenyetso cy’ibihe kiboneka mu bwandure bw’ibidukikije.
Bibiliya ihanura ko isi izarushaho kugenda isaza. Muri Yesaya 51:6, Imana Igira Iti,**




73

**(Isomo: Yesaya 51:6)
“ Nimwubure amaso yanyu murebe ijuru, murebe no ku isi hasi.**



74

**ijuru rizatamuruka nk’umwotsi, n’isi izasaza nk’umwambaro...”
Mbega uko ikirere n’isi bizaba byifashe mu gihe bisatira imperuka!**


75

**Ikirere hejuru y’imijyi myinshi minini yuzuye ubumara ibihaha byacu bihumeka.**



76

**Ibyapa bimanitse mu mijyi myinshi bivuga iby’ibyago biterwa n’ububi bw’imyuka yanduye.**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



77

**(Videwo y’amasegonda 5)**
**Ahantu henshi amazi ntakiri meza yo kunyobwa, kuber’ibintu byinshi byayahumanije.**



78

**Ibishingwe biva mu nganda z’intwaro za kirimbuzi byamaze kuba ikibazo cyo kwitabwaho.**
**Abakozi bo mu ruganda rumwe rw’intwaro za kirimbuzi ubu barahabwa impozamarira kubera ko bazahajwe n’uburozi bwaho bakoraga.**


79

**Amashanyarazi azava he? Amazi meza, umwuka, ibyokurya byiza tuzabikura he?**



80

**(Videwo y’amasegonda 6) Kubera ukwiyongera gukabije kw’abaturage, abantu bahanganye n’ibibazo bibakomereye by’ ubuzima!**



81

**(Isomo Luka 21:25)**
**“...kandi no hasi amahanga azababara bumirwe...”**
**Luka 21:25**



82

**Bibiliya ivuga nibyo kwiyongera kw’imitingito y’isi.**



83

**(Isomo: Matayo 24:7)**
**“ Hazabaho...n’ibishitsi hamwe na hamwe.”**
**Matayo 24:7.**
**Twabonye ukwiyungikanya gukabije kw’ibishitsi.**



84

**Buri mwaka habaho ibishitsi bikomeye bigera ku 6000 ku isi.**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



85

**(Videwo y’amasegonda 10) Mu myaka 90 gusa ishize, twapfushije abageze kuri miliyoni 1.500.000.**



86

**Mu gihe gito gishize, ibishitsi byahitanye abantu bari hagati y’ibihumbi 20.000 kugeza ku bihumbi 30.000 mu ngunga imwe.**
**Benshi muri mwe muribuka ibishitsi biherutse kuba mu bihugu bitandukanye.**




87

**(Isomo: Luka 21:11, 25)**
**Bibiliya igira iti, “ Kandi mu isi hamwe na hamwe hazaba ibishitsi bikomeye, kandi hazabaho inzara n’ibyorezo by’indwara;**




88

**hazabaho n’ibitera ubwoba n’ibimenyetso bikomeye biva mu ijuru...**




89

**“ Kandi hazaba ibimenyetso ku zuba no ku kwezi no ku nyenyeri,**



90

**kandi no hasi amahanga azababara bumirwe bumvise inyanja n’umuraba bihorera.”**
**Luka 21:11, 25.**



91

**(Videwo y’amasegonda 17) Reba uko bivuga ngo umuyaga, n’umuraba bihorera.**
**Ku isi hose hari ihinduka ry’ibihe ridasanzwe.**
**Imiraba izikura iby’ikuzimu iherekejwe n’imivumba y’amazi ikaze (typhoons) , imiyaga irimbura igaterura ibyo ihuye nabyo ibijyana mu kirere (Tornado), isata, imiyaga y’inkubi, serwakira, ibirunga - ibi byose biteye igihunga kubera imitungo n’ubuzima bw’abantu bihitana.**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



92

**Bibiliya itubwir’ikindi kimenyetso. Iby’imico mu bihe bya nyuma.**
**Yesu Yagereranyije imibereho y’igihe cya nyuma nka Sodoma na Gomora, imigi ibiri izwi mu yabayeho kuba yari kabuhariwe mu byaha.**
**Imana Yagezaho Irimbura iyo migi iyitwikisha umuriro uturutse mu ijuru.**




93

**(Isomo: Luka 17:28, 30)**
**“No mu minsi ya Loti na yo byari bimeze bityo...**




94

**...Ni nako bizamera, umunsi Umwana w’umuntu azabonekeraho.”**
**Luka 17:28-30.**



95

**(Isomo: Yuda 1:7)**
**Yuda arandika ati”...Kandi n’i Sodomu n’i Gomora n’imidugudu yari ihereranye naho, kuko abaho nabo bitanze, bakiha ubusambanyi, no kwendana mu buryo imibiri itaremewe.”**
**Yuda 7.**



96

**Paulo yavuze imyifatire yarangaga abantu bo muri yi mijyi agira ati,**



97


**(Isomo: Abaroma 1:26, 27)**
**“...ndetse bigeza ubwo abagore babo bakoresha imibiri yabo uburyo bunyuranye n’ubwo yaremewe.”**



98

**“ Kandi n’abagabo nuko, bareka kugirira abagore ibyo imibiri yabo yaremewe bashyushywa no kurarikirana;**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



99

Abagabo bagirirana n’abandi bagabo ibiteye isoni...”
Abaroma 1:26, 27.



100

(Isomo: 2 Timoteo 3:2-5)
“ Kuko abantu bazaba bikunda, bakunda impiya, birarira, bibona, batukana, batumvira ababyeyi, indashima, batari abera,



101

badakunda n’ababo, batuzura, babeshyerana, batirinda, bagira urugomo, badakunda ibyiza,




102

bagambana, ibyigenge, bikakaza, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana-




103

bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana imbaraga zako.”
2 Timoteo 3:2-5



104

(Isomo: 2 Timoteo 3:13)
Aho ntibizarushaho kuba bibi? Yee, birambabaje kubivuga, “...Kandi abantu babi, n’abiyita uko batari, bazarushaho kuba babi, bayobya bakayobywa.”



105

Kimwe mu bimenyetso bikomeye Yesu yatanze ni ukuza kw’abiyita Kristo n’abahanuzi b’ibinyoma. Kristo Yatanze imiburo kubyerekeye abiyita kristo n’abahanuzi b’ibinyoma bazayobya isi.



106

(Isomo Matayo 24:23-24)
“ Icyo gihe umuntu n’ababwira ati: Dore, Kristo ari hano; n’undi ati: Ari hano; ntimuzabyemere!

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



107

**Kuko abiyita Kristo n’abahanuzi b’ibinyoma bazaduka bakore ibimenyetso bikomeye n’ibitangaza kugira ngo babone uko bayobya**



108

**n’intore, niba bishoboka.” Matayo 24:23-24**



109

**(Isomo: Matayo 24:26)**
**“ Nuko nibababwira buti: Dore, ari mu butayu; ntimuzajyeyo.”**
**Matayo 24:26.**
**Ntimuzirirwe mugira aho mujya kuko Yesu Yavuze ati,**




110

**(Isomo: Matayo 24:27)**
**“ Kuko nkuko umurabyo urabiriza i burasirazuba ukabonekera aho rirengera,**



111

**ni ko no kuza k’Umwana w’Umuntu kuzaba.” Umurongo wa 27.**



112

**(Isomo: Ibyahishuwe 1:7)**
**Nanone tubwirwa ngo, “ Dore Arazana n’ibicu, kandi amaso yose azamureba, ndetse n’abamucumise na bo bazamureba...”**
**Ibyahishuwe 1:7.**


113

**Tuzamubona n’Aza! Nta n’umwe uzagomba kutubwira igihe Yesu Azazana n’abamalayika Be bera!**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



114

Ikimenyetso cya nyuma gikomeye Yesu Yavuze ni icyo ubutumwa buzakwira hose ku isi.
Mu bimenyetso byose byavuzwe, iki nicyo cyonyine kitarasohora.



115

(Isomo: Matayo 24:14)
Matayo 24:14: Yesu Aravuga Ati,”Kandi ubu butumwa bwiza bw’ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose: NI BWO IMPERUKA IZAHERAKO IZE.”



116

Mu gitabo cy’Ibyahishuwe, tubona uko Imana Ivuga Iby’uku kwamamaza ubutumwa.




117

(Isomo: Ibyahishuwe14:6)
“ Nuko mbona malayika wundi aguruka aringanije ijuru,



118

afite ubutumwa bwiza bw’iteka ryose, ngo abubwire abari mu isi,



119

bo mu mahanga yose, n’imiryango yose, n’indimi zose, n’amoko yose.”
Ibyahishuwe 14:6
Wari uzi ko gahunda y’aya materaniro turimo muri uyu mugoroba iri mu rwego rwo gusohoza ubu buhanuzi. Dufite uruhare mu ibwiriza ry’ubutumwa bw’iteka ryose mu baremwe bose.


120

Ubutumwa bwiza buriho buravugwa ku isi yose bunyujijwe ku Matereviziyo, amaradiyo, mu biterane by’amavuna, ku byuma kabuhariwe bya orudinateri, mu byigisho bya Bibiliya by’abakorana bushake, n’amasomo anyura mu iposita hirya no hino ku isi yose.

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!


121

**Danieli yavuze ko “ubwenge buzagwira”. Mu minsi ikomeye ya nyuma mu mateka y’iyi si, igitabo cya Danieli cyarafatanuwe,
ibyo bikazatuma ubwenge bugwira bwerekeranye n’umugambi w’Imana Ifitiye iyi si kimwe n’ubwenge bwiyongera mu bushakashatsi bukorwa n’abazobereye mu by’ubuhanga ku isi.**




122


**Igihe kirashira vuba!
Ibyaha byatumye isi yo mu gihe cya Nowa irimbuka biraganje n’uyu munsi.**


123

**Ibintu biriho biba muri iki gihe bigaragaza ko umuntu asa naho ahugiye kubyo kwirimbura.
Yesu Yagereranyije iyi minsi turimo nk’iminsi yo mu gihe cya Nowa.**



124

**Abantu bariho mu minsi ya Nowa bari bahugiye mu kwibeshaho, bakora ibyabo bya buri munsi nta gihe gihagije bafite cyo kwita ku birebana n ‘iby’Umwuka.**




125

**(Isomo Matayo 24:37-39)
Muri Matayo 24: 37-39, Yesu Yagize Ati: “ Uko iminsi ya Nowa yari iri, no kuza k’Umwana w’Umuntu ni ko kuzaba.**



126

**kuko , nkuko bari bameze muri iyo minsi yabanjirije umwuzure; bararyaga, baranywaga,**



127


**bararongoraga, barashyingiraga, bageza umunsi Nowa yinjiriye mu nkuge:**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!




128

ntibabimenya kugeza aho umwuzure waziye, ukabatwara bose:



129


ni ko no kuza k’Umwana w’Umuntu kuzaba.”


130


Yesu Yavuze ko kugaruka kwe kuzaba nkuko byari biri mu minsi ya Nowa.
Abantu bazaba binezeza ariko nta gihe bafite cy’iby’Imana! Bakunda ibinezeza kuruta uko bakunda Imana.


131

Iminsi irabarirwa ku ntoki. Bidatinze Umwana w’Imana Agiye gutunguka mu kirere gitatse inyenyeri ashagawe n’abamalayika batabarika.
Imana Irebana igishyika uwo munsi, atari uko Izarimbura isi, ahubwo ari uko Izacyura abantu bayo imuhira. Harya imuhira harategereje. Byose birateguwe.



132

Uko ubu tubon’ibimenyetso by’isi, dushobora rwose kubona uko twegereje ukugaruka kwa Yesu.
Ibintu bimaze kurushaho kuba bibi kuruta uko byari biri ubwo Yesu Yavukiraga bwa mbere kuri iyi si.
Imana Yatanze ibimenyetso icyo gihe ngo Imenyeshe abantu igihe Yesu yagombaga kuza ku isi.



133

(Videwo y’amasegonda 7) Imyaka yari imaze kuba 4.000, nuko Imana Yohereza abamalaika n’abanyabwenge kumenyesha ubwoko bwayo ibyo kuza KWE.



134

(Isomo Yohana 1:1)
Nubwo bibabaje kuvugwa, “Yaje mu bye, ariko abe ntibamwemera.” Ntibari bamwiteguye.

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!


135

**Nshuti, Yaduhaye ibi bimenyetso byose bivuga kugaruka kwe kwegereje. Yesu Yagize Ati,**



136

**(Isomo: Matayo 24:33-34)**
**“nuko namwe ni mubona ibyo byose, muzamenye yuko ari hafi, ndetse ageze ku rugi!**



137

**“Ndababwira ukuri yuko ab’ ubu bwoko batazashiraho kugeza aho ibyo byose bizasohorera.” Matayo 24:33,34.**


138

**Mbese turemera kumwakira ubu- cyangwa tuzongera tumubabaze? Igihe kirakuze, kandi ibigeragezo birakomeye. Nta gihe na gito cyo gupfusha ubusa.**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



139

**Icyombo Central America cyavuye i New York Harbor cyerekeza iy’amajyepfo mu nyanja y’Atalantika ahagana ku muyoboro wa Panama maze gitangiraga kududubiza kirava. Abantu bari mu bundi bwato babona ko ubwo bwato bundi buri gutabaza maze bwihutira kubatabara. Uwayoboraga ubwato bwatabaraga yohereza ubutumwa agira ati: Byagenze bite, harabura iki? Igisubizo cyamugarutseho cyagiraga kiti: “Tumerewe nabi kandi turi kwika. Turategereje kugeza mu gitondo!” Uwashakaga gutabara yashoboraga kubona ubwato bugenda burengerwa maze yongera kumusaba ati: “Reka mfate abagenzi ufite ubu muri ubwo bwato.” Ariko ijoro ryari riguye, n’umuyobozi w’icyombo Central America atinya guhererekanya abagenzi muri uwo mwijima. Asubiramo ati, Turategereje kugeza bukeye mu gitondo.”**

**Umutware wa bwa bwato bundi arongera yohereza ubundi butumwa ahatiriza ko bidatinze hagombye kugira ikintu cyihutirwa gikorwa. Nyamara baramuhakaniye. Yagombaga kugira aho ategerereza kure muruwo mutamenywa w’ijoro. Ku kiraro aho abakozi be bari bategerereje bashoboraga gushishoza bakabona umucyo w’amatara y’icyombo Central America ahorera mu miraba.**

**Nyuma nibura y’isaha imwe n’igice, barebanag’ubwoba bwinshi wa mucyo w’amatara wagendaga ukendera.**

**Icyombo cyari cyatikiye, abarimo bose nta n’uwo kubara inkuru warokotse.**

# 2 - Ibimenyetso Utakwirengagiza!



140

**Gutegereza bishobora kuvamo kurimbuka burundu. Hari ibihe ugomba guhita ufata ibyemezo utazuyaje. Kapiteni w’icyombo Central America yatekereje ko nta ngorane baramutse bategereje bakageza mu gitondo. Yaribeshye cyane bikabije.**
**Bibiliya itubwira ko “Uyu munsi ari wo munsi wo gukirizwamo.” Ntutegerez’ikindi gihe. Ntuzuyaze. Ntutinde. Kuki utafata icyemezo ubu cyo kwakira Kristo?**
**Mbese waha Imana umutima waw’ubu, ukayisaba kugufasha kwitegura ukugaruka kudatinze kwa Kristo?**
**Haba hari ikintu mu buzima bwawe kikuziga kikakubuza kuba witeguye kugaruka vuba kwa Yesu? Kuki utareka icyo kintu runaka ubu mu gihe dusenga? Niba koko ukomeje, wiyemeje kwakira Kristo, zamura ukuboko kawe kw’iburyo maze uvuge uti, “Nibyo, Mana, ndashaka kwitegura kugusanganira ubw’uzagaruka.”**

# 3 - Icyanzu Gikomeye



1


**Umunsi uzagera mu kudapfa.**


2

**Mariya yarananiwe. Yari yagiz’ akazi kenshi muri icyo cyumweru. Ubuzima bwe bwasaga nka jugujugu y’ akazi katavaho. Ubwo yaratway’ imodoka ava ku maduka, yavuye mu muhanda mukuru, afata agahanda gato kagana iwe.**


3

**Mu kanya gato umucyo w’ inyenyeri zigwa urasira mu kirere cy’ ijuru n’ ijoro.**
**Izo nyenyeri zigwa zimurikira ijuru.**



4

**Kubera kutamenyera uko kwiyerekana kw’ inyenyeri, agabanya umuvuduko w’ imodoka n’ igihunga cyinshi. Ako kanya ahita yibwira ati, “Iyi n’ imperuka y’ isi! Kristo Araje! Icyo nifuza gusa n’ ukugera imuhira nkaba kumwe n’ umuhungu wanjye.”**
**Hanyuma ubwo yasubiraga kuri iyi nkuru, Mariya yagiz’ ati, “Igihe nabonag’ ijuru ritangaje, natekereje ko Yesu Aje uwo mwanya.”**



5

**Hari ubwo wigeze wibaza niba, umunsi umwe isi ishobora kuzarangira? Niba byarigeze bikubaho, waba wibaza uko izarangira? Haba hari ibinyenyeri bigwa bizamenyekanisha ko imperuka igeze?**



6

**(Videwo y’ amasegonda 8) Bamwe bibwira ko isi izarangira mu ntambara y’ ibirwanisho by’ ubumara - ko abantu bazirimbura ubwabo bakanarimbura ubuzima bwose buri ku isi.**


7

**Abandi bibwira ko ukwiyongera kw’ abatuye isi kuzagera aho isi itagishobora kwishingira abantu benshi gutyo, maze inzara kuri rubanda nyamwinshi ikazakurikiraho.**

# 3 - Icyanzu Gikomeye


8

**Nanone abandi bagira ubwoba ko umunsi umwe wenda ibigendajuru bizagonga isi bikayirimbura.**



9

**(Videwo y’amasegonda 8) Ariko se mwari muzi ko kera cyane, Bibiliya yahanuye neza uko isi izarangira? Kandi nshuti, inkuru nziza nuko abantu batazazira intambara, inzara cyangwa se gusekurana kw’ibiba mu kirere.**


10

**Ahubwo, Bibiliya ivuga ko isi izarangizwa no kugaruka kwa Yesu Kristo hano ku isi.**
**Azagaruka kuri iyi si Yasize hashize hafi imyaka 2000, kandi Azagaruka Aje gusoza igihe nkuko tubizi no gutangiza ubuzima bw iteka.**


11

**Iyo abantu babajijwe uko batekereza uko kugaruka kwa Yesu kuzaba kumeze, biranezeza kumenya uko abantu batekereza uko bizaba bimeze.**


12

**Nibyo nshuti, Umwami Yesu Agiye kuza vuba, kandi nta gushidikanya ko ibibazo by’iyi si birenze ubushobozi bw’umuntu - ko Kristo gusa na Se aribo bashobora kugorora ibibazo byarengeye isi.**
**Mbeg’uko bizaba ar’umugisha ubw’Umwami Azagaruka!**


13

**Intumwa Paulo, ubwo yari muri gereza mu mwijima, muri gereza i Mammertine, ategereje ko umuntu ushinzwe kwica azamuca umutwe, yaranditse ngo**



14

(Isomo: Tito 2:13)
“dutegereje ibyiringiro by’umugisha, ni byo kuzaboneka k’ubwiza bwa Yesu Kristo, ni we Mana yacu ikomeye n’Umukiza,”
Tito 2:13.
Paulo yandikiye Tito uru rwandiko ruhumuriza, “umwana we nyakuri kubwo kwizera,” yibutsa Tito ibyo “ kuzagaruka mu bwiza” bw’Umwami wacu.


15

Niba ubona ko hari igihe ubuzima bwawe bwijimye bucogojwe n’ibikubaho, rarama urebe hejuru kandi wibuke “ ibyiringiro byuzuye” ukugaruka kwa Kristo hano ku isi - kuzatunganya ibintu byose!




16

Ikivugwa cyane mu Isezerano Rishya ni ukugaruka kwa Kristo.
Hafi umurongo umwe kuri makumyabiri n’itanu ifite icyo ivuga cyerekeranye n’ uko kugaruka kwa Yesu.
Mu Isezerano Rishya, Kristo Yafashe igihe cyo kuvuga kubyo kugaruka kwe kurusha ibindi bintu yaganiriyeho.
Mu Isezerano Rishya hari amasomo abiri buri muntu wizera Bibiliya yagombye kumenya.



17

(Isomo: Yohana 3:16)
Isomo rishobora kuba rizwi cyane ni irya Yohana 3:16:
“Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w’ikinege,



18


kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.”
Isomo rya kabiri n’isezerano ryiza cyane Yesu Yasezeranye mbere gato yo kubambwa kwe no kujyanywa mu ijuru kwe:



19

(Isomo: Yohana 14:1-3)
“Ntimuhagarike imitima yanyu; mwizera Imana, nanjye munyizere.”

# 3 - Icyanzu Gikomeye



20

“Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi:
iyab’ atarahari, mba mbabwiye, kuko ngiye
kubategurira ahanyu.”



21

“Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka,



22

mbajyan’ i wanjye, ngw’ aho ndi, namwe muzabeyo.”
Yohana 14:1-3.


23

Mu binyejana byinshi, ugucika intege, imiruho,
cyangwa urupfu byakangishag’ abayoboke ba Kristo,


24

Iyi nyenyeri y’ ibyiringiro - isezerano ryo kugaruka
kwe- kwabateye ubutwari n’ imbaraga zo kwihangana.
Abayoboke ba Yesu bategerezanyaga umwete mwishi
ukuzuzwa kw’ iri sezerano.



25

(Isomo: 2 Timoteo 4:7,8)
Mu minsi ye ya nyuma, ubwo uwari ugiye kumwica yari
hafi, Paulo yavuze ibyo kunesha:
“Narwanye intambara nziza, narangije urugendo,
narinze ibyo kwizera.



26

Ibisigaye, mbikiwe ikamba ryo gukiranuka,
iry’ Umwami wacu, umucamanza utabera,



27

azampa kure urya munsi; nyamara si jye jyenyine,
ahubwo n’ abakunze kuzaboneka kwe bose.”
2 Timoteo 4:7,8.

# 3 - Icyanzu Gikomeye


28

**Paulo yategereje adatinya inkota y’uwari ushinzwe kumwica ku munsi w’iherererezo rye kuko yari afite kwizera mu isezerano ryo kugaruka kwa Kristo!**


29

**Nibyo, Yesu AZAGARUKA!**
**Kandi nshuti, isezerano Yesu Yasigiye intumwa ze ni iryacu natwe.**
**Yesu Azaza!**


30

**Ubwo abigishwa bamubazaga ibimenyetso byo kugaruka kwe n’iby’imperuka y’isi, Yesu Yavuze mu buryo burambuye ibigomba kuba mbere ho gato yo kugaruka kwe.**



31

**(Isomo: Matayo 24:4,5)**
**Reka tubisome:**
**Yesu Yaravuze ati,”...Mwirinde hatagira umuntu ubayobya.**




32

**kuko benshi bazaza biyita izina ryanjye bati: Ni jye Kristo: bazayobya benshi.”**
**Matayo 24:4,5.**
**Ku murongo wa 24, Yesu Avuga kubyo iki kibazo.**



33

**(Isomo: Matayo 24:24)**
**“Kuko abiyita Kristo n’abahanuzi b’ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n’ibitangaza, ngo babone uko bayobya**



34

**n’intore, niba bishoboka.”**

# 3 - Icyanzu Gikomeye



35

**Niba tutazi uko twavuga itandukaniro - uko wajonjora ukameny’umuhanuzi w’ibinyoma - dushobora kuzifatanya ubwacu n’abiyita uko batari, twibwira ko ari Kristo!**
**Yesu Yatanze imiburo ko bishobora kubaho! Kandi ntiyavugaga ibyerekeye uburiganya buke bugusha.**


36

**Uko bigaragara Yavugaga ibyerekeye ibintu birenze ukwemera byo kwihindura uko utari byateguranywe ubwitonzi, kandi bikozwe ku buryo bizayobya abatuye isi hafi ya bose!**
**Urabona, aba biyita uko batari bazakor’ibimenyetso - bakiz’abarwayi kandi berekan’ibintu by’indengakamere ngo bashyigikire ibyo bavuga!**


37

**Ntituzihende ngo tuyoberwe ukuza nyako kwa Kristo! Nta n’umwe wakor’ibyo. Ariko dushobora kwibeshya ku bigira kristo maze tugahendwa mbere yuko Yesu Atunguka!**
**Mubitekerezeho.**


38

**Umwanzi azakoresha abiyita kristo n’abahanuzi b’ibinyoma bagerageze gushuka abantu kubyo kugaruka kwa Yesu.**



39

**(Isomo: 2 Abakorinto 11:13,14)**
**“Bene abo n’intumwa z’ibinyoma, n’abakozi bariganya, bigira nk’intumwa za Kristo.”**



40

**“Kandi ibyo si igitangaza, kuko na Satani ubwe yihindura nka marayika w’umucyo.”**
**2 Abakorinto 11:13,14.**
**N’umwanzi azihindura ubwe maze yigane ibisa n’ukugaruka kwa Yesu.**

# 3 - Icyanzu Gikomeye





41

**(Videwo y’amasegonda 13)**
**Kuv’icyo gihe n’ubu hari uwigaragaza yiyita ko ari Kristo.**
**Bashobora kwambara imyenda ituma abantu bibwira ko Kristo Yayambaraga.**
**Bakavuga mu buryo bw’ijwi ricuranze neza.**
**Bakavuga bifashisha cyane Ibyanditswe.**
**Bagaragara nkaho ar’abanyabwenge.**
**Bamwe muri bo bareshya umubare mwinshi w’abayoboke bizera ko nanone Yesu Yagarutse ku isi.**
**Ariko nta n’umwe muri aba bantu uri Kristo.**
**Dushobora kubabwira ibyo nta kwibeshya na guke kuturimo.**
**Ariko se kuki?**
**Umuntu nk’uwo ashobora gusa nk’uko wari witeze ko Yesu Asa.**
**Ashobora kuba avuga nkuko wibwira ko Yesu Avuga.**


42

**Ashobora gukiza abantu no gukora ibimenyetso n’ibitangaza bihebuje, ibigeragezo bishobora kurengera ku buryo byatuma ushidikanya kubyo Bibiliya ivuga.**
**Ariko, ntitwahangara kwizera ibyacu - ibyo twumva, ibyo tureba, nibyo twiyumvamo!**



43

**Hari umuyobozi umwe nyakuri werekana niba umuntu ari uw’ukuri koko cyangwa niba yiyita uko atari - ni Bibiliya.**



44

**Reka turebere hamwe ibimenyetso bike cyangwa ibintu bwite bizajyana n’ukugaruka kwa Kristo bizaturinda ubushukanyi**



45

**Kugaruka kwa Kristo Kuzagaragarira amaso**

# 3 - Icyanzu Gikomeye




46

**(Isomo: Matayo 24:27)**
**“Kuko nkuko umurabyo urabiriza i burasirazuba ukaboneker’aho rirengera, ni ko no kuza k’Umwana w’umuntu kuzaba.”**
**Matayo 24:27.**
**Ubundi, mu Byahishuwe 1:7 dusoma ngo,**



47

**(Isomo: Ibyahishuwe 1:7)**
**“Dore arazana n’ibicu, kandi amaso yose azamureba...”**


48

**Abihindurizama abandi bashobora kuboneka aha cyangwa hariya, ariko uwiyita uko atari ntashobora kuza mu bicu byo mu ijuru ngo amaso yose amurebe.**


49

**Ubwo Yesu Yari Arangije umurimo we hano ku isi, Yari hafi yo kuzamuka mu ijuru.**



50

**Ajyana n’abigishwa bamwegereye ku musozi wa Elayono, nuko Amaze kubaha amabwiriza, Abasezeraho, Ahita Azamurwa mu ijuru.**



51

**Reka turebe icyo Bibiliya ivuga kuri ibi.**



52


**(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 1:9-11)**
**“Amaze kuvuga atyo, azamurwa mu ijuru bakimureba, igicu kiramukingiriza.**

# 3 - Icyanzu Gikomeye





53

Bakiraramye batumbira mu ijuru, akigenda, abagabo babiri barababonekera, bahagaze i ruhande rwabo, bambay’ imyenda yera.




54

Barababaza bati: Yemwe bagabo b’ i Galilaya, n’ iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru?




55

Yesu, ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo, nk’ uko mumubonye ajya mu ijuru.”
Ibyakozwe n’ intumwa 1:9-11.




56

Abamarayika babiri baturutse ku Mana baje guhumuriza abigishwa ko isezerano Yesu Yari Yarabahaye rizasohora.
Yesu Yavuze Yeruye ibyo BAZABONA:





57

(Isomo: Luka 21:27)
“Ubwo nibwo bazabona Umwana w’ umuntu aje mu gicu, afite imbaraga n’ ubwiza bwinshi.”
Luka 21:27.



58

Nta n’ umwe uzagomba kukubwira ko Yesu Aje.
Uzamubona Aje mu bicu. Hari kandi ibindi bimenyetso umwanzi adashobora kwigana.
Kristo ntazabonekera ahantu hamwe na hamwe hitaruye cyangwa se ngo Asohoke mu bwato bugenda mu kirere.




59

Yesu ntabwo azagaruka ari wenyine -Azaza mu ikuzo rihebuje!

# 3 - Icyanzu Gikomeye



60

(Isomo: Matayo 25:31)
Yesu Aravuga ati,
“Umwana w’umuntu ubwo azazana n’abamaraika bose, afite ubwiza bwe, ni bwo azicara ku ntebe y’ubwiza bwe:”
Matayo 25:31.



61

(Isomo: Matayo 24:31)
Kuki Yezu Azaza Azanye n’abamarayika? Atanga igisubizo: “Azatumisha abamaraika be ijwi rirenga ry’impanda,



62

bateranye intore ze mu birere bine, uhereye impera y’ijuru, ukageza iyindi mpera yaryo.”
Matayo 24:31.


63

Nibyo, Yesu Azaza Ashagawe n’abamaraika bera - bakwiriye ikirere n’icyubahiro cyinshi.
Ubu noneho murabona ko aba bantu biyita Kristo badashobora na rimwe kuba we!
Bizababagora kugerageza kwigana kugaruka kwa Yesu!
Nta n’umwe wabishobora!
Hari n’ibindi bintu bigendana no kugaruka kwa Yesu.



64

Ukugaruka kwe kuzumvikana - kandi n’Abapfuye Bakiranuka Bazazurwa Bongere Babeho



65

(Isomo: 1 Abatesalonike 4:16)
“Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse ava mu ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n’ijwi rya maraika ukomeye,



66

n’impanda y’Imana; nukwo abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka.”
1 Abatesalonike 4:16.

# 3 - Icyanzu Gikomeye


67

**Urabona rero, kugaruka kwa Kristo ntikuzagaragara gusa, ahubwo kuzanumvikana - buri wese azakumva. Ijwi rirenga ry’uguhamagara kw’Imana, ijwi ry’impanda rizakangura abasinziriye maze basohoke mu bituro byabo.**


68

**Mbese uriyumvisha umunezero uzahaba ubwo ibituro bizafungurwa maze imiryango ikongera guterana?**


69

**Murabona uko bikomereye Satani kwigana ukugaruka nyako kwa Kristo?**



70

**Haracyari andi makuru meza!**
**Nimurebe uko bizagendekera abakiranutsi bazaba bakiriho Yesu nagaruka:**



71

**(Isomo: 1 Abatesalonike 4:17)**
**“maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe na bo tuzamuwe mu bicu, gusanganirira Umwami mu kirere.**



72

**Nuko rero tuzabana n’Umwami iteka ryose.”**
**1 Abatesalonike 4:17.**



73


**(Videwo y’amasegonda 4) Abayobotse Yesu badakebakeba bazazamukana n’abapfuye bazutse gusanganir’Umwami mu kirere.**
**Mbega ukuntu azaba ari umunezero kubo mu miryango myinshi izaba yongeye guhura!**

# 3 - Icyanzu Gikomeye



74

Paulo avuga mu buryo burambuye uko bizagenda ubwo Yesu Azagaruka:



75

(Isomo: 1 Abakorinto 15:51-53)
“Dore, mbamenere ibanga... twese tuzahindurwa,




76

mu kanya gato, ndetse mu kanya nk’ako guhumbya, ubwo impanda y’imperuka izavuga. Impanda izavuga koko,



77

abapfuye bazurwa ubutazongera kubora, natwe duhindurwe.”



78

“kuko uyu mubiri ubora ukwiriye kuzambikwa kutabora, kandi uyu mubiri upfa ukwiriye kuzambikwa kudapfa.”
1 Abakorinto 15:51-53.


79

Imana Izaha umuyoboke wese wa Yesu impano yayo y’urukundo - ubugingo buhoraho.
Izindi mpano zose ntacyo zimaze hatariho impano y’ukudapfa.



80

(Isomo: Abafilipi 3:20, 21)
Kandi hari ikindi kintu Imana Izah abantu bayo:
“...ni ho dutegereje Umukiza ko azava, ni we Mwami Yesu Kristo,

# 3 - Icyanzu Gikomeye




81

uzahindura uyu mubiri wo gucishwa bugufi kwacu, akawushushanya n’umubiri w’ubwiza bwe,...” Abafilipi 3:20,21.
Umubiri nk’uwa Kristo.
Nta kundi kuribwa n’imibabaro - cyangwa indwara.
Hari indi nkuru nziza yaruta iyi?




82

Hari urundi rwego rw’abantu. Ukugaruka kwa Yesu ntibizaba ari inkuru nziza kuri bo. Tega ugutwi wumve uko Bibiliya ivuga ikintu cya nyuma kizatigisa isi mu mateka yayo.





83

(Isomo: Ibyahishuwe 6:14-17)
“ijuru rikurwaho, nk’uko bazinga igitabo cy’umuzingo;





84

imisozi yose n’ibirwa byose bikurwa ahantu habyo.”




85

“Abami bo mu isi n’abatware bakomeye n’abatware b’ingabo n’abatunzi... n’ab’ububasha...




86

bihisha mu mavumo no mu bitare byo ku misozi;




87

babwira misozi n’ibitare bati: “nimutugweho, muduhishe amaso y’Iyicaye kuri iriya ntebe ...

# 3 - Icyanzu Gikomeye




88

kuko umunsi ukomeye w’ umujinya wabo usohoye, kandi ni nde ubasha guhagarara adatsinzwe?” Ibyahishuwe 6:14-17.



89

(Isomo: Ibyahishuwe 16:18)
“Habaho imirabyo n’ amajwi no guhinda kw’ inkuba, habaho n’ igishitsi cyinshi,




90


igishitsi gikomeye gityo nticyigeze kubaho, uhereye aho abantu babereye mu isi.” Ibyahishuwe 16:18


91

Iki gishitsi kizasenyagura imigi minini yo ku isi.
Nta muntu n’ umwe iki gishitsi kitazageraho kuko ari cyo kizaba cyihutisha kuza kwa Kristo!


92

Yesu Yaburiye abantu ko ukugaruka kwe kuzaba mu gihe nta n’ umwe uzaba abyiteze.
Yongeye kuvuga ko abantu bazaba bahuze cyane, bapfush’ igihe cyabo ubusa mu munezero w’ ubapfapfa.



93

(Isomo: Matayo 24:30)
Muri Matayo 24:30, tubwirwa ko Yesu azagaruka, “n’ amoko yose yo mu isi nibw’ azaboroga...”


94


Ibi nibyo Yesu Yavuze byagombaga kugera ku bantu batazaba biteguye uwo munsi. Barazimiye kandi barabizi!
Mbega ishusho ibabaje, kandi byarashobokaga ko biba ibindi.
Nshuti, uwo munsi uzabaho koko!
Icyo gihe nta gukanguka ngo usange ibyo watekereje byari inzozi!

# 3 - Icyanzu Gikomeye



95

**Nta kintu cy’ingenzi ku isi kiruta kwitegura gusanganira Yesu igihe Azaba Aje.**
**Mbega ukuntu duha ubutunzi bwo mu isi bupfa ubusa agaciro gakomeye!**
**Igishitsi kimwe gusa kiraba, maze byose bikubama!**





96

**(Isomo: Luka 21:36)**
**“Nuko rero mujye muba maso, musenge iminsi yose, kugira ngo mubone kurokoka ibyo byose byenda kubaho,**





97

**no guhagarara imbere y’Umwana w’umuntu.”**
**Luka 21:36.**





98

**Reka twongere turebere hamwe vuba vuba ibyo twigiye hamwe muri Bibliya:**





99

**Abahanuzi b’ibinyoma n’abiyita kristo bazagerageza kuyobya buri wese.**




100


**Umwanzi azagaragara nka marayika w’umucyo.**




101

**Kugaruka kwa Kristo ntikuzaba ibanga.**

# 3 - Icyanzu Gikomeye



102

**Amaso yose azabona kugaruka kwa Yesu.**




103

**Abamarayika bera bose bazazana na Yesu.**




104

**Azazana n’ ijwi ry’ impanda.**




105

**Azazana n’ ijwi rirenga rya Marayika ukomeye.**




106

**Abakiranutsi bapfuye bazazuka.**




107

**Abakiranutsi bazasangwa bakiriho bazazamurwa batabanje gupfa.**



108


**Abakiranutsi bose bazambikwa ukudapfa.**



109


**Ababi bo ku isi bazaboroga babonye Yesu.**

# 3 - Icyanzu Gikomeye



110

**Igishitsi gikomeye kizarimbura isi.**



111


**Abazimiye bose bazicwa.**


112

**Iby’ubwiza buhebuje n’icyubahiro byo kugaruka kwa Kristo! Nta n’ucishiriza icya kabiri cyabyo, nta karamu y’abanditsi yabyerekana uko biri cyangwa se ngo ibitekerezo bibishyire mu bwenge bw’umuntu! Ariko twifuzaga gusaranganya nawe duke tw’uko abanditsi n’abahanzi bagerageje kugereranya uko kugaruka kwa Yesu kuzaba kumeze n’uburyo babyibwira mu ibitekerezo byabo bakurikije ibyanditswe muri Bibiliya.**


113

**“Mu gihe nta n’umwe uzaba abyiteze, Yesu Azagaruka! Ijwi ry’Imana, risa n’ijwi ry’inkuba, rizazenguruka isi yose rimenyekanishe umunsi n’isaha byo kuza k’Umwana wayo.**


114

**“Ijuru ryizingira hamwe nk’ikizingo, isi ihindira umushitsi imbere y’Imana, kandi buri musozi na buri kirwa bivanywa ahabyo.**


115

**“Mu kanya gato iburasirazuba haboneka igicu gito cy’umukara, kingana hafi n’ikiganza cy’umuntu.**

# 3 - Icyanzu Gikomeye


116

**Uko cya gicu kigenda cyeger’isi, kigenda kirushaho gutamuruka, kandi kirushaho kugira icyubahiro kugez’aho kibaye kinini cyane gitamirijwe hejuru n’umukororombya. Abantu b’Imana bacecetse badakoma barararamye bareb’ibibaye, babuz’uko babivuga. Biratanganje!**


117

**Ijuru riba ryuzuy’amashusho arabagirana, ibihumbi cumi ukubye ka bihumbi cumi, n’ibihumbi by’ibihumbi by’abamarayika bazengurutse Yesu Yicaye ku ntebe ye y’ubwami!**


118

**“Ubwiza bwabyo byose bwuzura ijuru kandi uko bagendaga begera hafi ku isi, ‘buri jisho’ ribona Umukiza agarutse. Nta kamba ry’amahwa ryari rimutamirije ku mutwe, ahubwo yari afite ikamba ry’icyubahiro rirambitse mu ruhanga rwe rwera. Kandi ku mwambaro we no ku itako rye hari izina ryanditswe ngo:
‘Umwami w’abami n’Umutware w’abatware.’**


119

**“ Nuko abami bo mu isi, n’abakomeye, n’abakire, n’abatware b’ingabo, n’abanyabubasha, na buri mbohe na buri wese uri mu mudendezo batakira ibitare n’imisozi ngo ibagwire kandi ngo ibahishe mu maso y’Umwana w’Intama.**


120

**“Abarenganyije bakica abana b’Imana n’abakobye bagahakana ko Kristo ar’Umwana w’Imana, bagasakuza ngo “ Nababmbwe! Nababmbwe!” nabo barazuwe ngo bahagarar’imbere ya Yesu.
Bakuka imitima, amavi arakomangana, maze habaho kurira no kuboroga guteye ubwoba ngo,**



121

**“N’UMWANA W’IMANA. NI MESIYA W’UKURI.”**

# 3 - Icyanzu Gikomeye



122

“Noneho, bamureba mu cyubahiro cye cyose, bashigaje kumureba Yicaye iburyo ku ntebe y’ububasha.



123

Abamunnyeze ngo yigize Umwana w’Imana barahora. Hari Umwibone Herodi wikakaje ku rwego rwe rw’ubwami maze agategeka abasirikari b’abashinyaguzi kwambika Yesu ikamba ry’ubwami.



124

Abo ni nabo ba bagabo nyine n’ibiganza byabo byanduye bambitse Yesu umwenda w’umuhengeri, bakanamwambika n’ikamba ry’amahwa mu mutwe, bamuhatira gufat’urubingo mu kuboko kwe, bamupfukamiye, bamushinyagurira bamutuka Yagizw’urwamenyo.



125

“Abamuteye inkota bakanacira amacandwe ku Mutware w’Ubugingo noneho batinye kumureba bashakashaka uko bahunga ngo be kureba icyubahiro gikomeye cyo mu maso he.



126

Ba bandi bamutoboy’ibiganza n’ibirenge bashingamo imisumali, wa musirikari wamutoboje icumu mu rubavu , bose bazarebana izi nkovu ubwoba no kwicuza.
Umutambyi n’abategetsi bamurebane ubwoba bwinshi bibutse ibyaberey’i Kaluvari.
Batitizwa n’ubwoba bibutse uko bazunguzaga imitwe mu byishimo bya Satani ubwo biyamiriraga bati: “Yakijije abandi; we ntashobora kwikiza.



127

Niba ari Umwami w’Isirayeli, n’amanuke ave ku musaraba nonaha, natwe turamwemera. Yiringiye Imana, ngaho nimukize nonaha niba imukunda.”

# 3 - Icyanzu Gikomeye



128

“Ubwiza bwa Kristo n’abamwemeye noneho bugaragarira ba bandi bose bashakaga kumurimburana n’abayoboke be.  Bakijunjitswe n’ubwoba bwinshi bumva amajwi y’abera y’ibyishimo byabasaze bavuga bati,



129

(Isomo: Yesaya 25:9)
“...Iyi ni yo Mana yacu twategerezaga, ni yo izadukiza...”



130

(Videwo y’amasegonda 11)
“Mu gihe isi iriho ihinda umushitsi, imirabyo irabya n’inkuba zikubita, ijwi ry’Umwana w’Imana rihamagare abera bapfuye.
Yitegereze imva z’abakiranutsi, nuko maze Azamur ukuboko kwe akwerekeza mu ijuru, avug ijwi rirenga Ati: “Mukanguke, mukanguke, mukanguke, mwebwe abasinziriye mu mukungugu, mukanguke, muzuke!”


131

Abapfuye bo mu isi yose bazumva ijwi rye, kandi abazaryumva bose bazabaho.  Maze isi yose izakikizwa n’ingabo nyinshi cyane  zikomeye ziturutse muri buri shyanga, buri muryango, buri rurimi no mu moko yose.


132

“Baturuka mu nzu y’imbohe y’urupfu,  baza bambaye ubwiza bwo kudapfa, baririmba bati: “Wa rupfu we, urubori rwawe ruri he?, wa kuzimu we kunesha kwawe kuri he?
Maze abakiranutsi bakiriho, n’abera bazutse, bahurize amajwi yabo hamwe  barangurura n’umunezero mwinshi wo kunesha.  Ubusembwa n’uburema bwose bwasigaye mu gituro.
Mbega gucungurwa gutangaje! Kwavuzwe kuva kera, kwiringiwe kuva kera, kwategerezanywe urukumbuzi rukomeye,  uko gucungurwa ariko kukaba kutari kwarigeze gusobanukira abantu neza mu buryo bwuzuye.

# 3 - Icyanzu Gikomeye


133

“Abakiranutsi basanzwe bakiriho bahindurwa mu kanya gato, ndetse mu kanya gato nk’ako guhumbya.” Bumvise ijwi ry’Imana basabwa n’ubwiza bwayo; bambikwa ukudapfa maze bazamuranwa n’abera bazutse gusanganira Umwami mu kirere.


134

Abamarayika bateraniriza intore Ze hamwe zivuye mu mpande enye z’isi, kuva ku mpera y’isi kugeza ku yindi.  Abamarayika bera baterura abana bato bazutse bakabahereza ba nyina.


135

Inshuti zatandukanijwe n’urupfu kera zongera guhuzwa ubutazongera gutandukana, bazamuririrwa hamwe bajya mu murwa wera w’Imana baririmba indirimbo z’umunezero.


136

“Maze uko bazamukaga mu ijuru, humvikana amajwi y’urwunge rw’abamarayika ngo: ‘Uwera, uwera, uwera, Mwami Mana Ihoraho.’ Maze abacunguwe uko binjira bagana mu Murwa Wera, barangururira icya rimwe bati, ‘Haleluya’.


137

“ Mbere yo kwinjira mu Murwa Wera, Umukiza ashyire ikimenyetso cyo kunesha ku bamuyobotse, Abahe ikimenyetso ko ari abaragwa b’ubwami.  Umubare utabarika w’abacunguwe buri wese aramurangamira, buri maso yose atangarire ubwiza burabagirana bw’uwo mu maso  higeze kononekara ntihase n’ah’umuntu, n’uw’ishusho ye yononekaye ntise n’iy’abana b’abantu.”


138

Yesu, n’ukuboko kwe kw’iburyo Arambike ikamba ku ruhanga rw’abanesheje.  Buri wese ahabwe ikamba ririho izina rye bwite kandi ryanditseho ngo ‘Ukwera kube uk’Umwami.’

Buri wese asabwa n’umunezero utagira akagero, kandi buri jwi ritera hejuru, rishima.

# 3 - Icyanzu Gikomeye


139

Imbere y’iteraniro ry’abacunguwe hari Umurwa Wera.
Yesu Akingure amarembo yubatswe mu imaragarita Ayarangaje, maze amahanga yitondey amategeko kandi afite kwihangana kwa Yesu bawinjiramo.
Aho babona Paradiso y’Imana, ahari kwa Adamu mbere yuko acumura.
“Nuko ijwi ryiza kurusha indirimbo ritigeze ryumvikana mu gutwi k’umuntu, ryumvikana, rigire riti: ‘Intambara yanyu irarangiye.’



140

(Isomo: Matayo 25:34)
“Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe, uhereye ku kuremwa kw’isi.”
Matayo 25:34.


141

Ibi ni byo byiringiro byacu. Iri niryo herezo ryacu. Aha niho ahazaza hacu hashingiye. Dushobora kubana iteka na Kristo mu ijuru.
Iyo tubuze ubugingo buhoraho tuba tubuze byose.
Iyo tubuze ijuru, tuba tubuze byose.
Niba tutiteguye ukugaruka vuba kwa Kristo, tuzabura ikintu gikomeye cyane mu mateka y’ibihe.
Yesu aravuga ati ngwino...Ngwino ubabarirwe.
Ngwino ugirirwe ibambe.
Ngwino ubashe kunesha ibyaha byawe.
Ngwino mu kubaho kw’iteka.
Ngwino winjire mu bwami bwanjye.
Mbese urakira ukurarika kwe uvuga uti ndaje ubu nonaha?
Niba wifuza kuba iteka mu bwami bwe, hagarara ubu mu gihe tugiye gusenga.

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?



1

**Vumbura Amayobera y’Ubuzima**


2


**Reka ducishirize ko watuye ku cyambu aho bogera. Urabyutse mu gitondo kare kare maze wiyemeza kugenda genda ku musenyi wo ku nkengero. Ni ipica ry’urukerereza nziza. Imirasire y’imyambi y’izuba rirashe ishashagirana hejuru y’amazi. Imivumba y’amazi ikubita ku nkombe.**


3

**Nuko uko umanuka utuje ugana ku nkengero, aho ugenda mu musenyi, urabutswe ubukanda bw’ibirenge by’umuntu wahanyuze. Uko wicuma, ubonye ubukanda, ubonye n’ubundi, n’ubundi. Ariko waterera amaso kure ntubone umuntu wahakandagiye. Mbese ubu bukanda ubona bukubwiye iki? Burakwereka muri make ko nubwo udashobora kubona uwahanyuze, ko ariko hari umuntu wahageze. Hari umuntu watembereye aho bogera mbere yuko uhagera. Reka mbabaze ikindi kibazo.**


4

**Iyo uhagaze hanze ukareba hirya no hino ubona iki? Ibyatsi, ibiti, udusozi n’imisozi, indabyo, utugezi n’ibiyaga, wenda ubona n’inyamaswa.**


5

**Kandi aho uhagaze aho, uhagaze kuki?**
**Nibyo, uhagaze ku butaka - ku isi.**


6

**Rarama urebe hejuru, urabona iki?**

4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?


7


Ku manywa, ushobora kubona izuba, ikirere cy’ijuru cyangwa ibicu.


8

Mu ijoro, ushobora kubona ibihumbi n’ibihumbi by’inyenyeri cyangwa se ukwezi.


9

Mbwira, byageze aha bite?  WOWE se wageze aha ute? Ni nde wakuremye?


10

Bamwe bavuga ko ubuzima bwatangiriye ku tunyabuzima duto cyane (cells) two mu nyanja- Utwo tunyabuzima duto cyane twakuzemo utundi tunyabuzima duto twiremamo utundi twinshi. Noneho nyuma y’imyaka za miliyoni utwo tunyabuzima duto twagiye duhinduka  mo ibiremwa bito bito byashoboraga kuva mu mazi bikajya ku butaka ahumutse, aho byamereye amaguru.



11

Miliyoni z’abantu babayeho mu bihe bitandukanye bagiye bizera ibintu bidahuye ku byerekeye uko ibibaho byose (universe), isi, n’ibinyabuzima byose byabayeho.  Bizera ko Imana-Rurema Yabiremye byose. Ariko se iYo Mana ni Iyihe?


12

Muri iki gihe abantu basenga imana nyinshi.  Buddha (Buda), Shinto, imana z’abahindu, n’izindi.  Abasenga izo mana buri wese avuga ko iye isumba iz’abandi.

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?



13

Ariko se mwari muzi ko izi mana zose zivugwa ku isi, Imwe Yonyine ariyo Yemera ko ari Rurema rw’ibintu byose?
Kandi Iyo Mana Ikaba ari Imana Ivugwa na Bibiliya Yera.
None rero tugiye kurebera hamwe uko dushoboye muri Bibiliya turebe iby’Iyo Mana y’ibyaremwe byose.


14

Iyo ubonye inzu, hari ubwo ujya utekereza ko iyo nzu yiyubatse?
Oya. Uhita ubona ko hari uwayubatse.


15

Iyo ubonye umuhanda, ujya utekereza ko uwo muhanda wikoze ubwawo cyangwa ko hari uwawuharuye?
Imihanda n’amazu byoroshye cyane gukorwa kurusha isi n’abantu.
Nuko rero iyo urebye abantu n’inyamaswa n’inyenyeri, kwemeza ko hari uwabiremye byose mbese ntibyumvikana?
Hari Uwahanze ibi byose. Arabirema.


16

Turatangira kwiga ku byo Imana yemeza: ko ari Umuhanzi n’Umuremyi wa byose.
Reka dutangire twibaza ibyo Bibiliya igitabo cyayo, kivuga ku murimo wayo mu irema ry’isi n’ibiriho byose. Reka ubwa mbere turebe uko byagenze rugikubita.



17

(Isomo: Itangiriro 1:1)
“Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n’isi.”
Itangiriro1:1



18

(Isomo: Itangiriro 1:3)
“Imana iravuga iti: Habeho umucyo: umucyo ubaho.”
Itangiriro 1:3

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?




19

**(Isomo ku mashusho 2: Itangiriro 1:4, 5)**
**“Imana ibona umucyo ko ari mwiza: Imana itandukanya umucyo n’umwijima,”**




20

**“Buragoroba buracya: uwo ni umunsi wa mbere.”**
**Itangiriro 1:4,5**
**Ku munsi wa mbere w’icyumweru Imana Yaremye umucyo kandi Itangiza uruhererekane rw’iminsi n’amajoro.**




21

**(Isomo: Itangiriro 1:6) Umunsi wa Kabiri**
**“Imana iravuga iti: Habeho isanzure hagati y ‘amazi, rigabanye amazi n’andi mazi.” Itangiriro 1:6**




22

**(Isomo: Itangiriro 1:7)**
**“...biba bityo.”**
**Itangiriro 1:7**





23

**(Isomo: Itangiriro 1:8)**
**“Imana yita iryo sanzure Ijuru. Buragoroba, buracya: uwo ni umunsi wa kabiri.” Itangiriro 1:8**
**Umunsi wa kabiri, Imana Yaremye isanzure ry’ijuru riri hejuru yacu, Itandukanya amazi yo ku isi n’ayo mu bicu n’isanzure.**




24

**(Isomo ku mashusho 2: Itangiriro 1:9) Umunsi wa gatatu**
**“Nuko Imana iravuga iti: ‘Amazi yo munsi y’ijuru ateranire hamwe, ahumutse haboneke;’**




25

**biba bityo.**
**Itangiriro 1:9**

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?






26

**(Isomo ku mashusho 2: Itangiriro 1:11)**
**“Imana iravuga iti: ‘Ubutaka bumeze ubwatsi,**
**n’ibimera byose byerera imbuto ku butaka,**



27


**n’ibiti byerera imbuto ku butaka zirimo utubuto twabyo, igiti cyose cyera imbuto zikwiriye ubwoko bwacyo. Nuko biba bityo,”**
**Itangiriro 1:11**



28


**(Isomo: Itangiriro 1:13)**
**“Buragoroba buracya: uwo n’umunsi wa gatatu.”**

**Itangiriro 1:13**
**Umunsi wa gatatu Imana Yatumye ubutaka bwumutse bugaragara, Irema inyanja, kandi Itwikiriza isi ibimera.**




29

**(Isomo ku mashusho 3: Itangiriro 1:14,15)**
**“Imana iravuga iti: Mu isanzure ry’ijuru habeho ibiva, bitandukanya amanywa n’ijoro;**




30

**bibereho kuba ibimenyetso no kwerekana ibihe, n’iminsi n’imyaka;**



31

**bibereho kuvira mu isanzure ry’ijuru, kugira ngo bivire isi; biba bityo.”**
**Itangiriro 1:14,15**



32

**(Isomo ku mashusho 2: Itangiriro 1:18, 19)**
**“Imana ibona ko ari byiza.”**

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?



33

"Buragoroba, buracya: uwo ni umunsi wa kane."
Itangiriro 1:19
Ku munsi wa kane Imana yatumye izuba n'ukwezi bigaragara mu kirere. Yaremye kandi n'inyenyeri.



34

(Isomo ku mashusho 3: Itangiriro 1:20) Umunsi wa Gatanu
Imana yaremye iki ku munsi wa gatanu?
"Imana iravuga iti: Amazi yuzuremo ibyigenza byinshi cyane bifite ubugingo,



35

kandi inyoni n'ibisiga biguruke mw isanzure ry'ijuru."
Itangiriro 1:20




36

(Isomo: Itangiriro 1:23)
"Buragoroba buracya: uwo ni umunsi wa gatanu"
Itangiriro 1:23. Ku munsi wa gatanu, Bibiliya ivuga ko, Imana Yaremye inyoni, amafi, n'ibindi biremwa byo mu nyanja.



37

(Isomo ku mashusho 2: Itangiriro1:24) Umunsi wa Gatandatu
Hano tugeze, umunsi wa gatandatu wo kurema wabaye uw'ingenzi cyane:
"Imana iravuga iti: Isi izane ibifite ubugingo:



38

amatungo n'ibikururuka, nkuko amako yabyo ari, n'inyamaswa zo mw isi, nkuko amoko yazo ari: biba bityo"
Itangiriro 1:24



39

(Isomo ku mashusho 5: Itangiriro 1:26, 27)
Imana iravuga iti: 'Tureme umuntu, agire ishusho yacu ase natwe;

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?





40

batware amafi yo mu nyanja, n’ inyoni n’ ibisiga byo mu kirere, n’ amatungo,




41

n’ isi yose, n’ igikururuka hasi cyose.”




42

Nuko Imana irema umuntu ku ishusho yayo; mu ishusho y’ Imana niko yamuremye;




43

umugabo n’ umugore niko yabaremye.”




44

(Isomo ku mashusho 2: Itangiriro 1:31)
“Imana ireba ibyo yaremye byose, nuko byari byiza cyane.



45

Buragoroba, buracya: uwo ni umunsi wa gatandatu.”
Itangiriro 1:31
Umunsi wa gatandatu - umunsi Imana Yaremyeho inyamaswa, n’ umuntu.


46

Ntabwo Adamu na Eva bavumbutse cyangwa ngo bapfe kubaho.
Bibiliya ivuga ko Imana Yaremye imibiri yabo kw ishusho ryayo.

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?


47

**Ni umuhanga kabuhariwe, umunyabwenge w’umuhanzi ukomeye, watumye tubaho!**
**Umunsi wa Karindwi**
**Ku munsi wa karindwi, Imana Irangiza imirimo yayo yo kurema, nuko Iraruhuka. Maze Yikubitira umunsi wa karindwi Iwugira Isabato, umunsi wo kuruhuka.**



48

**(Isomo ku mashusho 3: Itangiriro 2:1,2)**
**“Ijuru n’isi n’ibirimo byinshi byose birangira kuremwa.**




49

**Ku munsi wa karindwi Imana irangiza imirimo yakoze:**



50

**iruhuka ku munsi wa karindwi imirimo yayo yose yakoze.”**
**Itangiriro 2:1, 2**




51

**Imana iha umugisha umunsi wa karindwi, iraweza: kuko ari wo Imana yaruhukiyemo imirimo yakoze yose.”**
**Mu materaniro yacu aza kuza, turagaruka ku ngingo y’Isabato y’umunsi wa karindwi Imana Yaremeye kuruhuka.**


52

**Nuko rero aha turabona uko Imana Yaremye iyi si n’ibiyirimo byose, natwe abantu turimo.**


53

**Reka turebe neza iby’Umuhanzi Kabuhariwe, ari we Rurema; turusheho kumenya uwo ari we.**


# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?


54

**Umubiri w’umuntu werekana ibihamya bitangaje by’ubuhanzi n’umuhanzi.**


55

**Reba gusa umwanya umwe w’umubiri - amaso:**



56

**(Videwo y’amasegonda 10)
Abahanga batubwira ko uburyo buhambaye agakingirizo k’imboni n’ikirorirori by’ijisho bikoze, ko ubigereranije n’ibyuma kabuhariwe byo gufotora tubona kw isi, ibi byuma byaba nk ‘udukinisho tw’abana.**


57

**Ijisho rihindura umucyo mo ubutumwa busomwa n’ubwonko ku buryo kugeza ubu nta nzu nimwe ikorerwamo ubushakashatsi kw isi (laboratories) yashoboye gukora nkabyo.  Uturandaryi two mu bwonko (brain cells) duhindura ubwo butumwa mo ibitangaza byo kureba - kugeza ubu, nta bisa n’ibi bintu cyangwa gucishiriza ibisa nabyo birashoboka hano ku isi.**


58

**Ijisho ry’umuntu ryerekana Umuremyi wuzuye urukundo, Ushaka ko tubona ibyiza biriho byose Yaremye.  Si igitangaza kuba umunyezaburi yaranditse ati:**



59

**(Isomo: Zaburi 139:14)
“Ndagushimira, yuko naremwe uburyo buteye ubwoba butangaza;**

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?




60

Imirimo wakoze ni ibitanganza: Ibyo, umutima wanjye ubizi neza." Zaburi 139:14
Umubiri w’umuntu n’imitekerereze ye birahanitse cyane ku buryo byasobanurwa gusa nuko byahanzwe n’Umuhanzi w’umunyabwenge kabuhariwe.



61

Ariko se noneho, twavuga iki ku bindi byaremwe muri rusange? Ni iki cyatwemeza ko Imana yahanze ibibaho byose?



62

Yesaya, umuhanuzi w’ubutumwa bwiza, aduhamagarira twese kurebesha amaso yacu ahatuzengurutse maze tugatumbira ku byo Imana yaremye bihanitse ku ijuru.





63

(Isomo ku mashusho 2: Yesaya 40:26)
"Ni mwubure amaso yanyu murebe hejuru, ni nde waremye biriya, agasohora ingabo zabyo mu mitwe,





64

zose akazihamagara mu mazina? Kuko afite imbaraga nyinshi akagira amaboko n’ububasha,




65

nicyo gituma nta na kimwe kizimira"
Yesaya 40:26



66

Waba warigeze ureba kw ijuru umubare utabarika w’inyenyeri ziri hejuru yawe? Wigeze se wibaza aho zikomoka cyangwa ngo utangazwe n’ubwinshi bwazo?

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?


67

Imana yakoresheje ishushanya ryadufasha kumva biruseho ubutarondoreka bwabyo.
Igihe kimwe Yafashe Aburahamu, se w’Abarabu n’Abayuda, maze Imujyana hanze Imusaba kugerageza kubara inyenyeri.



68

(Isomo: Itangiriro 15:5)
“ Rarama, urebe ijuru ubare inyenyeri, niba wabasha kuzibara. Ati: Urubyaro rwawe ni ko ruzangana.”
Itangiriro 15:5.


69

Vuba aha umuhanga mu by’inyenyeri aherutse kuvuga ko ushoboye kubara umusenyi wose w’inkombe z’inyanja zose zo ku isi, nibwo washobora gucishiriza ukavuga umubare w’inyenyeri ziri kw  ijuru.


70

Mu gihe gitaha ni ujya ku cyambu aho bogera, uzagerageze ufate indobo yuzuye umusenyi uwubare.
Uzabe wateganije igihe kinini cyane!  Hari igitangaje se ko umwami Dawidi yavuz’ati,



71

(Isomo ku mashusho 2: Zaburi 8:3, 4)
“Iyo nitegereje ijuru, umurimo w’intoki zawe,
N’ukwezi n’inyenyeri, ibyo waremye,



72

Umuntu n’iki k’umwibuka,
Cyangwa umwana w’umuntu k’umugenderera?”
Zaburi 8: 3, 4



73

(Videwo y’Amasegonda 20) Waba warigeze wibaza niba Imana y’ububasha Igenga kandi Igakomeza ibiriho byose, niba yita kuri buri wese kandi Ikita no ku bibazo byose tugira hano kw isi?
Icyakora Yesu yavuze ko nta n’igishwi gipfira ku isi Imana itabizi.

4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?




74

**(Isomo: Matayo 10:31)**
**“Nuko ntimutinye: kuko muruta ibishwi byinshi.”**
**Kandi kugira ngo Ashimangire cyane iby’urukundo rw’Imana n’uburyo Ituzirikana, Yesu yagize ati,**



75

**(Isomo: Matayo 10:30)**
**“Ndetse n’imisatsi yo ku mitwe yanyu irabazwe yose.” Matayo 10:30.**
**Mbega Imana!**


76

**Ni ubuhe burenganzira Imana Ivugwa muri Bibiliya ifite bwo kuvuga ko tugomba kuba ari Yo dusenga Yonyine?**
**Imana Ivugwa n’abakirisito muri Bibiliya Yemeza ko ariyo Ikwiriye gusengwa no guhimbazwa kuko ari Umuremyi - Imana.**


77

**Niba ibyo Yivugaho ari byo, ko ariyo Rurema, nuko rero dukwiriye kuyiramya? Si byo?**


78

**Ubwo Yohana, umwe mu ntumwa za Kristo n’umwanditsi w’igitabo giheruka cya Bibiliya, ari cyo Ibyahishuwe, yarimo yerekwa ubwo yari ari ku kirwa cya Patimosi, yerekwa ibyaberaga mu cyumba kirimo intebe y’ubwami y’Imana mu ijuru. Reba ibyo yabonye:**



79

**(Isomo ku mashusho 4: Ibyahishuwe 4:10,11)**
**“Ba bakuru makumi abiri na bane bikubita imbere y’Iyicara kuri iyo ntebe,**



80

**bakaramya Ihoraho iteka ryose, bakajugunya amakamba yabo imbere y’iyo ntebe, bavuga bati:**

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?





81

Mwami wacu, Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n’ubutware koko,




82

kuko ari wowe waremye byose. Igituma biriho, kandi icyatumye biremwa, n’uko wabishatse.” Ibyahishuwe 4:10,11.


83

Aba bakuru baba imbere y’intebe y’Imana barayihimbaza kandi bakayiramya kuko ari Umuremyi. Niyo mpamvu natwe dukwiriye kuramya Imana yo hejuru mu ijuru.



84

Ni Yo Yaremye isi natwe twese Iraturema. Ariko mushobora kubaza muti ni iki kindi cyerekana koko, ko Imana ari umuremyi? Imana ubwayo Itubwira ko ahatuzengurutse hose hari ibiduhamiriza ko ariyo Muremyi wacu.



85

(Isomo ku mashusho 2: Abaroma 1:20)
“kuko ibitaboneka byayo ni byo bubasha bwayo buhoraho n’ubumana bwayo, bigaragara neza, uhereye ku kuremwa kw isi, bigaragazwa n’ibyo yaremye:



86

kugira ngo hatagira icyo kwireguza”
Abaroma 1:20
Uhereye igihe cy’irema, habayeho ibihamya bigaragarira ku byaremwe ko Imana ari Yo Muremyi wa byose.


87

Mbese nkuko ibirenge byishushanya ku musenyi. Bitumenyesha ko hari umuntu wahanyuze nubwo twaba tutamubonye.

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?


88

Kandi nkuko ibituzengurutse byagize Uwabiremye, ibyo bintu bimeze nk’ubukanda bukwerekana ko hari Uwaremye ibi ibintu byose.



89

Imana Data, nkuko Bibiliya Imwita, ntiyari wenyine mu murimo wayo wo kurema.



90

(Isomo: Itangiriro 1:26)
Mw  Itangiriro havuga ngo: “ Imana Iravuga Iti: Tureme umuntu, agire ishusho yacu, ase natwe...”
Ubutumwa bwiza bwa Yohana burushaho kubisobanura.




91

(Isomo ku mashusho 3: Yohana 1:1-3)
“Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n’Imana, kandi Jambo yari Imana.




92

Uwo yahoranye n’Imana mbere na mbere.




93

Ibintu byose ni we wabiremye; ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we.”



94

(Isomo ku mashusho 2: Yohana 1:14)
Jambo uwo yabaye umuntu, abana natwe, tubona ubwiza bwe



95

busa n’ubw’Umwana w’ikinege wa Se yuzuye ubuntu n’ukuri”. Yohana 1:14.

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?



96

**Bibiliya ivuga ku byo tuzi ku izina ry’ Ubumana: Imana Data, Imana Umwana, n’ Imana Umwuka Wera. Ubumana bugizwe n’ abanyabuzima batatu, bose batekereza kimwe, nyamara bose baratandukanye.**


97

**Yesu Yafatanije n’ Imana Data mu kurema ibintu byose.**




98

**(Isomo: Abefeso 3:9)**
**“iby’ubwiru bikwiriye kugenda, aribwo bwahishwe n’ Imana yaremye byose muri Yesu Kristo uhereye kera kose.”**
**Impano yose nziza kandi itunganye umuntu yigeze agira cyangwa azigera atunga ayikesha Rurema Ugenera mwene muntu imigisha yose ibaho.**



99

**Imana ntiyaremye umuntu ku ishusho yayo gusa, ngo Inamuhe gusa isi nziza yo guturamo, ahubwo Inashishikazwa n’ ibyo umuntu akenera.**




100

**(Isomo: Zaburi 145:15, 16)**
**“Amaso y’ ibintu byose aragutegereza, nawe ukabigaburira ibyo kurya byabyo igihe cyabyo.**



101

**Upfumbatur’ igipfunsi cyawe,**
**Ugahaza kwifuza kw’ ibibaho byose.”**
**Zaburi 145:15,16.**



102

**Reka dusuzumire hamwe bumwe mu buryo Imana Ikoresha yita ku bukene bw’ ibiremwa byayo. Dufate urugero ku mazi unywa. Yabayeho mbere ya za nyubako kizibose zo mu Egiputa – amazi anganya imyaka y’ ubukuru n’ udusozi.**

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?


103

Amazi ashobora kwanduzwa n’imiti iva mu nganda cyangwa ibisigazwa by’imyanda iva mu ngo ; ariko azamurwa n’izuba akayoyokera mu kirere,


104

akongera agahinduka amazi meza ashobora kongera gukomeza gukoreshwa, agakwirakwizwa hose n’imvura, ikime, cyangwa urubura. Mbega uburyo butangaje bw’imikorere y’amazi Imana Yashyizeho!


105


Kandi hari ho imbaraga ikomeye y’Imana ibyara ingufu z’amashanyarazi  iboneka ku ijuru - izuba! Bitekerezeho gato:


106

Izuba riramutse ryiyongereyeho gato mu bunini cyangwa se rikegera ku isi ho gato, amazi mu nyanja yabira akarenga inkombe.



107

Izuba riramutse ribaye ritoya ho gato cyangwa se rikigira hirya ho gato y’isi,  iki kirere cyacu cyakonja kikaba ubutita. Haramutse hari igihindutse kw izuba, nta buzima bwaba ku isi.
Kurema ibintu byose, si cyo Imana yakoze cyonyine, ahubwo Ikomeza kubibumbatira byose!
Umwuka duhumeka ni impano y’Imana: Bibiliya igira iti,



108

(Isomo: Yobu 12:10)
“ Ni we ufite mu kuboko kwe ubugingo bw’ikizima cyose,
N’umwuka w’umuntu wese”.
Yobu 12:10


109

Imana Yahanze ibibaho byose,kandi Imenya urugero nyarwo rw’umwuka duhumeka wo kubeshaho ubuzima n’amagara ku isi.

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?



110

**Yamenye urugero nyarwo rw’imyuka dukenera ngo duhumeke (nitorojeni, Okisijeni, Arigoni na Okiside ya kariboni) yose yivangira mu kirere. Mu by’ukuri, ibyo ntibyapfuye kwizana!**


111

**Uko nta herezo ririho ry’ibitangaza muri iyi si yacu itugaragarira n’amaso - ni nako nta herezo ku buryo Imana Yita ku byo Yaremye.**
**Tekereza, imyimukire y’inyoni ni umwe mu mikino buhanga yo mu buzima bwa kamere.**


112

**Wasobanura ute uko inyoni ipima uburemere bungana urwara ishobora kuguruka ibirometero ibihumbi idahagarara ijya aho itigeze ibona?**


113

**Wasobanura ute uko ifi zibona utugezi zavukiyemo kandi ari kure kuri za kirometero zirenze 1900 mu nyanja zidasoma i karita ndanganzira?**
**Zamenye zite igihe zigomba kugendera n’aho zigomba kujya?**



114

**Ninde wigishije inzuki gukora ibinyagu bikoranywe ubuhanga butangaje kandi zifite ubwonko butangana n’umutwe w’igikwasi?**
**Ni nde nkomoko y’ubwo bugenge bwose? Yobu atubwira ati:**



115

**(Isomo ku mashusho 3: Yobu 12: 7-9)**
**“Nuko ubaze inyamaswa; na zo zizakwigisha;**
**N’inyoni zo mu kirere, na zo zizagusobanurira:**



116

**Cyangwa uvugane n’isi, na yo izakwigisha; Kandi amafi yo mu nyanja azakubwira.**

4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?



117

**Muri ibyo byose n’ikihe kitazi**
**Ko ukuboko k’Uwiteka ari ko kwakoze ibyo byose?**
**Yobu 12:7-9.**
**Nibyo, Imana Yabiremye byose!**
**Mu by’ukuri, inshingano n’amahirwe yacu byo gusenga Imana bishingiye ku mpamvu z’uko ari Umuremyi wacu kandi ibintu byose akaba ari Yo bikesha ukubaho.**




118

**(Isomo ku mashusho 2: Zaburi 100:3)**
**“Mumenye yuko Uwiteka ari we Mana:**
**Ni we waturemye, natwe turi abe;**




119

**Tur’ubwoko bwe, tur’intama zo mu cyanya cye.”**
**Zaburi 100:3**
**Imana Izi ibyo dukeneye, kandi Ifite ubushobozi bwo kubitanga.**



120

**(Isomo ku mashusho 2: Yeremiya 32:17)**
**Yeremiya ati: Yewe Mwami Uwiteka! Dore, ni wowe waremesheje ijuru n’isi ububasha bwawe bukomeye n’ukuboko kwawe kurambuye;**



121

**Nta kintu na kimwe kikunanira.”**


122

**Mbese ntiwumva ugize amahoro y’umutima kumenya ko Imana Ishobora gukora ibintu byose bibaho no mu buzima bwawe bwite?**
**Nta kibazo kiba gito kitakwerekwa Imana y’amasi.**
**Imana Izi byose - kandi Ibimenya byose mbere yuko biba.**



123

**(Isomo ku mashusho 2: Yesaya 46:9)**
**Iravuga iti “...Ni jye Mana; nta indi duhwanye.**

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?




124

**Mpera mu itangiriro nkavuga iherezo, mpera no mu bihe bya kera nkavuga ibitarakorwa." Yesaya 46:10**



125

**Mbega amahoro n’icyizere dushobora kugira mu gihe tuzi ko nta kintu gishobora kutubaho cyakomerera Imana ngo Inanirwe kutwitaho! Ariko ikiruta byose,**



126

**(Isomo: 1Yohana 4:8)**
**" Imana ni urukundo."**
**Yesu Aravuga Ati:**



127

**(Isomo: Yohana 16:27)**
**" kuko Data na we Abakunda ubwe..."**




128

**(Videwo y’amasegonda 10) Mbese utangazwa nuko Imana Ishobora byose Yaremye kandi Ikabumbatira ibintu bya rutura byo ku isi yose ko nawe yaba Ikwitayeho?**
**Biratangaje cyane gutumbirira imbaraga z’Imana zitagira akagero, ubwenge bwayo bwimbitse, n’ubushobozi bwayo bwo kubera hose icyarimwe. Ariko urukundo rwo, dushobora kurusobanukirwa. Kandi, nta kintu na kimwe ku isi cyashobora kudutandukanya n’urukundo rw’Imana!**



129


**(Isomo ku mashusho 4: Abaroma 8:38, 39)**
**" kuko mmenye neza yuko naho rwaba urupfu, cyangwa ubugingo, cyangwa abamalayika, cyangwa abategeka, cyangwa abafite ubushobozi,**



130

**cyangwa ibiriho, cyangwa ibizaba,**

4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?



131

cyangwa uburebure bw’igihagararo, cyangwa uburebure bw’ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitazabasha kudutandukanya n’urukundo rw’Imana



132

ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu.”
Abaroma 8:38, 39.



133

Imana Idukunda iyo turi abo gukundwa - n’iyo tutari abo gukundwa.  Ibyo murabyumva?
Idukunda turi abirabura  cyangwa abazungu, abagabo cyangwa abagore, dufite uburanga, cyangwa dusa nabi.
Nta wundi wundi umeze atyo!
Ariko icy’ingenzi kuruta ibindi, Idukunda by’iteka!



134

(Isomo: Yeremiya 31:3)
“Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho.”



135

(Isomo: Zaburi 100:5)
Dawidi yaranditse ati: “Kuko Uwiteka ari mwiza, imbabazi ze zihoraho  iteka ryose.” Zaburi 100:5.
Imana ntidukuraho amaboko na rimwe! Ibana natwe buri mwanya wose turiho kandi ntizigera Iduhana!
Kandi haramutse hakiri ugushidikanya runaka mu bitekerezo byacu kubyerekeye urukundo rwayo, Imana ibidusobanurira mu buryo bworoshye dushobora kumva tutarushye.



136

“Isomo ku mashusho 3: Yesaya 49:15,16)
“ Mbese umugore yakwibagirwa umwana yonsa, ntababarire uwo yibyariye?



137

Icyakora bo babasha kwibagirwa, ariko jye sinzakwibagirwa.

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?



138

Dore nguciye mu biganza byanjye nk’uca imanzi...”
Yesaya 49:16.


139

Imana Yagerageje kwerekana urukundo Ifitiye umuntu, ariko amagambo n’ubutumwa bwoherejwe n’abahanuzi n’abamalayika ntibyahagije. Ntitwabwakiriye.


140

Hanyuma Imana Yohereza Umwana wayo. Yesu yari uguhishurwa kuzuye k’ubumana n’ingeso za Se.



141


(Isomo: Yohana 14:9)
Yesu ati, “Umbonye, aba abonye Data.”


142

Niba koko dushaka kumenya uko Imana Iri, nicyo Idutekerezaho, dukwiriye kwiga iby’ubuzima bwa Yesu.
Yafashe kamere yacu, ngo amenye ibyo dukeneye.
Yabwirije inkuru nziza y’agakiza ku bakene.
Yakijije abo imitima imenetse kandi ahumura impumyi.


143

Yagaburiye abashonje kandi Asangira n’abamwakiriye i wabo. Yabababariye ibyaha maze Abaha ibyiringiro by’ahazaza.


144

Mu maso he habaye aha mbere benshi babonye.
Ijwi rye ryabaye irya mbere benshi bumvise.
Yamamaje ubuzima n’umunezero hose mu midugudu no mu mijyi aho yagendagenze.
Yabayeho bwa buzima bwigomwa bushyira abandi imbere.

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?


145

**Iyo turebye isoni, ibitutsi, no gucishwa bugufi Yagiriwe, urupfu rwe i Nyabihanga nuko umutima we wamenetse, nibwo dutangira gusobanukirwa gahoro iby’urukundo Imana Ikunda abana bayo.**



146

**(Isomo: Yohana 3:16)**
**“Kuko Imana yakunze abari mw isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w’ikinege,**



147

**kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.”**
**Yohana 3:16.**


148

**Iyi Mana y’ibiriho byose ni Iyihe?**
**Ni Umuremyi Rubasha.**
**Ni Yo Itanga Itaziganije.**
**Ni umuhanzi birenze ubwenge**
**Ni Imana y’urukundo.**



149

**Kera cyane habayeho umuhungu wagize impanuka ikomeye. Bamwihutana ku bitaro amerewe nabi cyane. Uwo muhungu yari akeneye ako kanya kongererwa amaraso ariko habura uyamuha. Ise yari ahuje nawe ubwoko bw’amaraso yahise yemera kuyamuha. Muganga atangira kuvoma amaraso mu kuboko kwa se w’umwana ahita ayinjiza mu mubiri w’umwana. Uko amaraso yavaga mu kuboko kwa se yinjira mu mubiri w’umwana, uwo mubyeyi arararama abwirana muganga ikiniga ati “ Dogiteri, niba ari ngombwa yavome yose. Ndifuza guha umuhungu wanjye amaraso yanjye yose.”**


150

**Data wo mu ijuru Yarebye isi Yaremye Abona yarazimiriye mu byaha. Ubwo yatangaga Umwana wayo, Imana Yarekuye byose uko byakabaye ibyo ijuru ryashoboraga gutanga.**
**Yesu Yagize ati, Data, niba Ubishaka, bifate byose. Fata buri gitonyanga cy’amaraso yanjye ukize umuhungu wanjye, ukize umukobwa wanjye, ukize inshuti yanjye.”**

# 4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?


151

**Wakwirengagiza ute urukundo rumeze rutyo?**
**Imana Ishobora byose y’urukundo Yarakuremye.**
**Ubwo mwene-muntu yacumuraga, Imana Yatanze ibyayo byose ku bwawe. Ufite agaciro ku Mana. Igukunda urukundo rutangaje.**
**Ubwo tugiye guhombeka amaso dusenga kuri uyu mugoroba, wakunda kuzamura ukuboko kwawe ugira uti, “Nyagasani, nugururiye umutima wanjye urukundo rwawe. Ndagushimira ko wandemye ukananshungura. Ubu nkweguriye ubugingo bwanjye.”**

4 - Kubwo Amahirwe cyangwa kubwo Ubuhanzi?



1

**Icyo Ibyo Bikubwiye Ubu**


2

**Mu myaka yashize, uwitwa Bwana Marsh (Soma Marshi) yamenye ko nyirasenge yapfuye kandi akaba yarashyirishije Marshi mu bazaragw' umutungo we. Muri icyo cyifuzo Nyirasenge yari yarasize yanditse ngo: "Ku wo nkunda cyane Stiveni Marshi, nkuraze Bibiliya y' umuryango wanjye n' ibiyirimo byose, hamwe n' ibisigaye by' umutungo wanjye."**
**Nuko, imyenda yose imaze kwishyurwa, hari hasigaye gusa utudolari amagana tuvuye mu mutungo usigaye. Mu gihe gito ayo mafaranga yose yarayoyotse, nuko Bwana Marshi abona asigaranye gusa igitabo cya Bibiliya cy' umuryango, nacyo yagiye aterera mu gisanduku cy' ibintu bishaje.**
**Ubwo yafataga ikiruhuko cy' izabukuru, Sitiveni Marshi yabeshwagaho n' agashahara gake bagena k' izabukuru. Amara nibura imyaka 30 abaho butindi.**

5 - Amabanga y' Imizingo y' Ibitabo bya Kera

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera




3

(Videwo: amasegonda 9). Hanyuma akababakabye muri za mirongo cyenda (90), afata icyemezo cyo kwimuka ajya kuba kwa muhungu we. Ubwo yafataga utwangushye, yakubitanye na Bibiliya ya nyirasenge atangira kurambura impapuro zayo. Bwana Marshi agiye kubona abon’aguye ku inoti za Banki zitatanije mu mpapuro za ya Bibiliya. Arabara arenza ibihumbi bitanu by’amakashi y’amadolari, ayo akaba yari akayabo k’amadorari muri icyo gihe.
Umugabo wabayeho mubukene kandi yari kuba yarabayeho adamaraye.
Ubutunzi bwari ku mitwe y’intoki ze neza neza mu ijambo ry’Imana.
Mbese aho natwe ntibijya bitubaho ko tugira ubutunzi butangaje ku mitwe y’intoki tutabizi?
Hari za miliyoni z’abantu zizera ko Bibiliya ar’igitabo cy’akataraboneka kigeze kwandikwa.
Bemera ko Bibiliya yahumetswe n’Imana kandi ikaba irimo amabwirizwa y’ukunt’umuntu yabon’ubugingo buhoraho.
Abantu bo mu mahanga yose, bo mu ndimi zose, n’amoko yose bamaze kwemer’ijambo ry’Imana ko ari ijambo ry’agaciro gakomeye rihindura ubuzima.
Abandi bantu bafit’ihinyu rikomeye cyane. Baryibaza ho ibibazo byinshi.


4

None se bite iby’igitabo kigurishwa kurusha ibindi ku isi-Bibiliya yera? Mbese ishobora kwizerwa? Ese ivuga ukuri? Ntiyibeshya?
Abantu bamwe bavuga ko ushobora kwizera Bibiliya nta gushidikanya na guke uyifite ho. Abandi bakavuga bati ntushobora.
Ni nde uri mu kuri?

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



5

Igisubizo ni ingirakamaro kuko niba Bibiliya ARI ukuri, uyizera utayizera bikubera inzira y’ubugingo cyangwa iy’urupfu!
Niba Bibiliya ari ukuri, iherezo ryawe ryose iteka rishingiye ku kuba uyizera kandi ukayemera.
Icyo wizera cyerekeranye na Bibiliya ni cyo kizana itandukaniro mu byo wizera ku birebana n’Imana.
Hari ahantu hamwe gusa ushobora kumenya ishusho nyayo y’Imana, kandi aho ni muri Bibiliya. Mu by’ukuri, iyo niyo mpamvu twahawe Bibiliya.


6

Itubwira iby’Imana Itagaragara dushobora kumenya gusa dusomye ubutumwa Yatwoherereje Ibunyujije Mu bahanuzi bayo no mu Mwana wayo waje kutwiyereka.


7

Reka turebere hamwe iby’iki gitabo gikomeye, Bibiliya, cyitwa Ijambo ry’Imana maze turebe niba dushobora kubona ibyemeza niba ari ukuri cyangwa se atari ukuri, niba ishobora kwizerwa cyangwa se itari iyo kwizerwa.



8

(Videwo: amasegonda 6) Bibiliya ntabwo ari igitabo kimwe gusa, ahubwo igizwe n’ibitabo byinshi bikusanyirijwe imbere y’
igifuniko kimwe. Bibiliya igizwe n’ibitabo 66 byanditswe mu bihe bitandukanye byanditswe n’abantu batandukanye mu gihe cy’imyaka 1600. Isezerano rya kera rigizwe n’ibitabo 39 n’ibitabo 27 mu Isezerano rishya.


9

Abantu 45 batandukanye banditse ibi bitabo, nyamara tubasangamo uguhuza gutangaje gushobora gusa gusobanurwa nuko bavomye ku isoko imwe. Habaye kutavuguruzanya kw’inyandiko bona nubwo hafi y’abanditsi b’ibi bitabo batigeze na rimwe bamenyana.


10

Bakoraga imirimo itandukanye. Bamwe bari abarobyi, abandi ari abashumba, abandi ari abami, abandi ari abategetsi, abandi ari abahinzi, abandi ari ababwiriza, abandi ari abakozi ba leta, abandi ari abaganga- abantu bo mu nzego zose z’ubuzima.

5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



11

(Videwo: amasegonda 13) Nyamara hari ubumwe nyabwo, n’injyana hagati y’ibitabo banditse. Ni igitangaza rwose!
Uku guhuza gushobora gusobanurwa gusa no kwemera ko Imana Yaduhaye iki gitabo kugira ngo Ishobore kutugezeho ubushake Idufitiye.




12

(Isomo: 2 Petero 1:21)
Petero yaranditse: ati: “ kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n’ubushake bw’umuntu, ahubwo abantu b’Imana bavugaga ibyavaga ku Mana, bashorewe n’Umwuka Wera.”
2 Petero 1:21.




13

(Isomo: 2 Timoteo 3:16-17)
Intumwa Paulo yanditse iti “ Ibyanditswe byose byahumetswe n’Imana, kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu,



14

kumwemeza  ibyaha bye, no ku mutunganya, no kumuhanira gukiranuka,




15

kugira ngo umuntu w’Imana abe ashyitse afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose.”
2 Timoteo 3:16-17
Impamvu Imana yahisemo ubu buryo bw’itumanaho - Ivuganira natwe mu buryo bwanditse - nuko umuyoboro wayihuzaga n’umuntu wari umaze gucibwa n’icyaha.


16

Igihe Imana Yagendagendanaga n’umuntu mu murima wa Edeni, icyo gihe ntabwo hari hakenewe umuhanuzi wagombaga kumenyesha ibyo Imana Yashakaga ko umuntu amenya.


17

Igihe Adamu yacumuraga, yihishe Imana kubera ubwoba n’umutima wamuregaga icyaha yakoze.
Igihe Imana Yamubazaga aho ari, Adamu yarashubije ati:

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



18

**(Isomo: Itangiriro 3:10)**
**“...Numvise imirindi yawe muri iyi ngobyi, ntinyishwa n’uko nambaye ubusa, ndihisha.”**
**Itangiriro 3:10.**


19

**Ibyo kuvugana n’Imana amaso ku maso byarangiriye aho. Imana Ihitamo kuduhishurira ibyo Yashakaga ko tumenya Ibinyujije mu bahanuzi, nyuma Iza no kubinyuza mu Mwana wayo.**



20

**(Isomo: Amosi 3:7)**
**“N’ukuri, Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b’abahanuzi ibihishwe byayo.”**
**Amosi 3:7**


21

**Imana Yahumekeye muri Mose yandika igitabo cya Yobu, hamwe n’ibitabo bitanu bibanza by’Isezerano rya Kera, ari byo byitwa “Amategeko”. Ibi byabaye ahagana mu mwaka w’1500 mbere y’ivuka rya Yesu.**


22

**Muri icyo gihe, Isirayeli yari yarahindutse ubwoko bukomeye bugizwe na miliyoni nyinshi z’abantu, kandi Imana Yashakaga kumenyekanisha ugushaka kwayo binyuze mu buryo bwanditse.**
**Iki cyari igihe inyandiko z’inyuguti zari zikivumburwa zisimbuy’ubundi bwoko bw’inyandiko yari yihariwe n’Abanyegiputa bitaga hieroglyphics (Soma Iyerogilifiks).**


23

**Abantu bashoboraga gusoma amategeko cumi Imana Yandikishije intoki zayo bwite, bakanasoma igitabo cy’amategeko y’Imana Mose yanditse.**

5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera




24

Nyamara hari ikibazo: Ese Bibiliya iracyavug’ukuri kandi yaba ikiri iyo kwishingikirizaho nkuko yari iri mu gihe Imana Yayitangaga?
Kugeza muw’1947, inyandiko za mbere dufite z’Isezerano rya Kera zar’izahagana mu mwaka wa 900 nyuma y’ivuka rya Kristo.



25

Umuzingo w’igitabo cya Yesaya wabonetse wari uwa kera muw’125 mbere y’ivuka rya Kristo.
Uwo muzingo wari waragiye uhora wandukurwa mu gihe cy’imyaka igihumbi mbere yuko inyandiko ya kera yandikishijwe intoki iboneka.
Uwo muzingo wari urimo Igitabo cyose cya Yesaya.




26

Umunyacyubahiro Ferederiko Kenyon, umwe muri ba bahanga kabuhariwe akaba na Perezida w’ishuli ry’Abongereza ryita ku bushakashatsi bw’ibyabayeho kera agira ati: “Nyuma y’imyaka igihumbi ubutumwa buhererekanywa, mu gice kimwe cy’amagambo 166 kirimo ijambo rimwe gusa rigizwe n’inyuguti eshatu rikigibwaho impaka,



27

kandi iryo jambo nta nubwo rihindura cyane ubusobanuro bw’ubutumwa!”



28

Nyiricyubahiro Ferederiko Kenyon agira ati:



29

“Umukristo ashobora gufata Bibiliya yose mu ntoki akavuga nta bwoba cyangwa gushidikanya ko mu biganza bye afashe igitabo cy’ukuri kw’ijambo ry’Imana,



30

igitabo cyarambye ibinyejana, ab’igihe kimwe bakagihererekanya nab’ikindi gihe gikurikiyeho nta kintu kigaragara gitakaye.”

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



31


Nyakubahwa Kenyon yavuze ibi amaze igihe mu buzima bwe agenzura ibihamya by'ukuntu Bibiliya yagiye ihererekanwa n'ingaruka iryo herekanya ryagize ku butumwa buri muri icyo Gitabo.


32

Abajora Bibiliya bo mu kinyejana cyashize babonye ko hari impamvu nyinshi zo gushidikanya ibya Bibiliya, nyamara ibyinshi mu byo bayinengaho byataye agaciro kubwo ubushakashatsi bw'abacukumbura ibya kera ( archeologist).


33

Kugeza mu kinyejana cya 19, hari hazwi bike ku byerekeye ibyabaye kera, uretse kumenya gusa ibyo Bibiliya yabivugagaho.



34

Amateka ya kera yasaga n'ahishe igihe cyose inyuma y'inyandiko y'amashusho adasanzwe yandikirwaga muri Egiputa bitaga hieroglyphics (Soma Iyeroglifiks).
Nta numwe muri Egiputa cyangwa ku isi hose washoboraga kumenya icyo ayo mashusho asobanuye.



35

Nuko mu mwaka w'i 1798, Napolewo yayoboye igitero cya gisilikari muri Egiputa.
Napolewo n'abasilikari be ibihumbi 38 (38.000) bitwaza abahanzi amajana, abazobereye mu ndimi, n'abashakashatsi bo kubafasha gusobanukirwa neza n'amateka y'icyo gihugu kitari kizwiho byinshi.


36

Aho banyuraga hose babonaga ibisigazwa bya kera, inyandiko zidasomeka, ibibare bitatse, n'insika z'insengero.
Napolewo n'abashakashatsi be bagendaga bibaza ubutumwa bw'amabanga izo nyandiko z'amashusho zari zihishe.


37

Hashize umwaka umwe, ubwo hari muw'i 1799, nibwo ubuvumbuzi budasubirwaho bw'ingenzi mu bintu bya kera butigeze bugerwaho mbere bwagezweho.

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



38

**Umwe mu basoda ba Napolewo yataburuye ibuye ryaje kwitwa ibuye Rosetta ( Soma Rozeta Sitone), ibuye ry’umukara mu burebure ripima centimetero 122, na centimetero 76 mu bugari, ibuye ryatwikuruye amayobera y’inyandiko icoye nk’ishusho maze rihishura amabanga yari yarahishwe mu binyejana byinshi.**


39

**Iryo buye Rozeta ubu ribitswe mu nzu ndangamuco y’Ubwongereza.**



40

**Iki gitare cyavumbuwe hafi y’umugi wa Rozeta, cyari cyanditseho itegeko rya kera mu nyandiko y’uburyo butatu:**



41

**Iyeroglifik ( inyandiko z’amashusho), ikinyegiputa demotiki, no mu Kigiriki.**
**Birumvikana ko abahanga bashoboraga gusa gusobanura inyandiko yo mu Kigiriki ariko iby’inyandiko z’amashusho aribyo iyeroglifiki byari ibindi bindi.**



42

**Nyamara nyuma y’imyaka 20, ubwo hari muw’i 1822, umusore w’intiti w’umufaransa witwa Yohana Fransisiko Champollion yatangaje isi yose asobanura iyo nyandiko y’amashusho y’amayobera yari yaranditswe ku ibuye Rozeta.**


43

**Nguko uko ubutunzi bwinshi bwo muri Egiputa yo hambere bwafunguriwe abasomyi b’amahanga yo ku isi.**



44

**Icy’ingenzi kurushaho ariko, nuko amateka ya kera ya Egiputa yari yaribagiranye kuva kera, ubu ashimangira Ibyanditswe Byera.**
**Amabuye yararanguruye cyane yerekana ko ibyo Bibiliya yavuze ari ukuri!**

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera


45

Uko ubushakashatsi mu bya kera bukomeza kwimba hasi bushakashaka, niko bugenda bubona ibimenyetso byemeza ko amateka ya Bibiliya ajyanye n’amateka yagiye yandikwa ku mibereho y’abakera.



46

Ibiherutse kuvumburwa ahitwa i Tell Marduk byatangaje abakora ubushakashatsi ku bitaburwa mu butaka .
Uyu mujyi witwaga Ebla (Soma Ebula) wo mu gihugu cya Siriya - kandi ukaba warigeze gukungahara mu butunzi, wari utuwe n’abaturage bagera ku bihumbi maganatatu (300.000).


47

Kuva imizingo yo ku nyanja itukura yavumburwa, nta nkuru abashakashatsi bo muri urwo rwego bahugukiye bashishikariye nk’iyo. Ibyo ariko birushijeho gusamaza abiga Bibiliya.


48

Mu ishuri ry’abanditsi riri mu mudugudu w’ibwami habonetse ibisate by’ibumba n’utubaru bisa n’ibyaranditswe nibura imyaka 2300 mbere ya Kristo.
Ubuvumbuzi bw’ibyabitswe ku butegetsi bwa katanga kambere ku isi, bwanditse mbere y’ikinyejana byerekeye ku bwami bwa Ebla.


49

Abakataje mu mateka bibajije niba mu gihe cya Mose Abaheburayo barateje imbere umwuga wo kwandika. Nta bihamya byo mu mateka byari byakaboneka kugeza mu kinyejanacya 19.


50

Nyamara ibyo bisate bya Ebla n’ibindi byabonetse byerekana ibyabayeho kera cyane mbere y’igihe cya Mose.
Mu by’ukuri, abashakashatsi mu bya kera bavumbuye amazu abika ibitabo byabayeho ibinyejana mbere ya Mose.

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera


51

**Ibisate bya Ebla bivuga iby’amateka yo kurema n’iby’umwuzure.**
**Ibindi bivugwa ni amazina n’ahantu byombi bigiye bihura n’ibyo dusoma muri Bibiliya nka: Esawu, Aburahamu, Isirayeli, Sinayi, ndetse na Yerusalemu.**


52

**Igitangaje ariko cyane ni ahavugwa “imijyi ibiri y’icyaha”- Sodoma na Gomora.**
**Mbere y’ivumburwa ry’ibi bisate, nta kintu na gito cyari kizwi mu mateka yibyavugwaga kuri iyi migi uretse ibyavugwaga na Bibiliya.**
**Ibyo rero byatumaga bavuga ko iyo migi yari imihimbano.**


53

**Ibitabo byinshi nyamara bizagomba kongera kwandikwa kuko ubu buvumbuzi bushimangira amazina y’ahantu henshi hariho icyo gihe.**


54

**Abanditsi bamwe bazagomba kwemera ko igitabo cy’Itangiriro kirenze ibyo bavuga ko ari indirimbo z’abashumba n’imigani y’ibihimbano. Ubuvumbuzi bwa Ebla n’ahandi bwashimangiye amashirakinyoma kuri Bibiliya!**



55

**(Isomo: Zaburi 119:160)**
**Dawidi agira ati: “Indunduro y’ijambo ryawe ryose ni ukuri...”**
**Zaburi 119:160.**



56

**(Isomo: Yesaya 45:19)**
**“...Jyewe Uwiteka mvuga ibyo gukiranuka, mbwiriza amagambo atunganye.”**

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



57

Bavuga ko abapfuye batatabara inkuru. Nyamara mu buryo runaka barazibara.
Inkuru zitangaje kurusha impimbano.
Amajyambere y’iby’abakera avugira mu mva zabo z’imikungugu, ashimangira yuko ijambo ry’Imana ari ukuri kandi ko ari iryo kwishingikirizwaho.




58

Kugeza mu kinyejana cya 19, abahanga bamwe batekerezaga ko Umwamikazi Semiramis yubatse Babuloni.
Nyamara muri Bibiliya Danieli yasubiye mu byo umwami Nebukadineza yavuze asa n’ugira ati,




59

(Isomo: Danieli 4:30)
“...Ngiyi Babuloni hakomeye niyubakiye...?”
Danieli 4:30.
Ni nde wari mu kuri?




60

Mu mwaka w’1899, Robert Koldewey yatangiye gucukumbura ibisigazwa bya kera bya Babuloni, ataburura ibihumbi n’ibihumbi by’amatafari ahiye yose ariho ikimenyetso cy’umwami Nebukadineza, yose yari akuwe ku nsika no ku nsengero z’uwo mudugudu!




61

Ikibaru cy’ibuye cyanditse mu buryo bita kuneyiforume gicoyeho ibikorwa by’imena Nebukadineza yagezeho, cyataruwe n’abahanga mu byo kugenzura ibitaburano i Babuloni,




62

Hari handitseho ngo “Ibikingizo bya Esagila na Babuloni nakomeje nkanashyiraho izina ry’ubwami bwanjye bw’iteka.”




63

(Isomo: Danieli 4:30)
Bibiliya ivuga iby’umwirasi Nebukadineza avuga ngo,
“ Ngiyi Babuloni hakomeye,

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



64

niyubakiye ngo hab’umurwa wanjye nturaho, mpubakishije imbaraga z’amaboko yanjye, ngo hahesh’ubwami bwanjy’icyubahiro?” Danieli 4:30


65


Icyapa cyanditse ku nzu the East India house ubu iri i Londres cyerekana imirongo itandatu y’ibyanditswe kuri Babuloni biyivuga ho kuba yari imishinga y’inyubakwa nini kabutindi ya Nebukadineza.
Iki na none cyashimangiye Ijambo ry’Imana.


66

Andi mayobera y ‘amateka y’isi nuko atavuga Belushaza nk’umutegetsi w’i Babuloni.
Bibiliya yavuze ibya Belushaza nk’umwami w’i Babuloni wiboneye ikiganza cyandikaga ku rusika rw’icyumba cy’ibirori.
Byari ibihimbano gusa Danieli yitekerereje se?
Reka da!



67

Nabonidasi, umusimbura w’igihangange Nebukadineza, yasigiye Beluteshaza umuhungu we intebe ye y’ubwami mu gihe cy’imyaka icumi ubwo yari ari kure ahitwa i Tema muri Arabiya.




68

Ibisate by’amabuye abashakashatsi babonye bivuga ko ubutegetsi bwashyizwe mu maboko ya Belushaza, uwarazwe ingoma.
Ibyari byanditswe ni ibi ngo:



69

“ Naho kuri Belushaza umuhungu wanjye ushyizwe hejuru, umwana nibyariye, watanze umutima we kuba aho gusengera ibigirwamana bikomeye, ntagahe icyaha urwaho;



70

azahazwe no gushisha mu buzima bwe; kandi kubaha imana zikomeye kube mu mutima wa Belushaza umuhungu wanjye w’imfura natonesheje..” -- Imana Irabwira Umuntu wo muri iki Gihe, urupapuro rw’154.

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



71

(Isomo: Danieli 12:4)
Mbese ntibitangaje ko mu gice cya nyuma cya Danieli dusoma ngo:
"Nuko Danieli, bumba igitabo, ugifatanishe ikimenyetso kugeza igihe cy’imperuka;



72

benshi bazajarajara hirya no hino; kandi ubwenge buzagwira."
Danieli 12:4
Ubwenge ntibugomba kugwira gusa mu rwego rw’ubuhanga.
Ubwenge bugomba kugwira no kubyerekeye ukugororoka kw’ijambo ry’Imana.



73

Amatafari n’ibibindi, ibisate by’amabuye n’inyandiko z’intoki - byacukumbuwe n’abahanga bacukumbura ibyarenzweho n’ubutaka - byose biremeza ko ibyo Bibliya ivuga ari ukuri!


74

Uretse ibyo rero, ikindi gihamya simusiga kigaragaza ko Bibiliya ari ijambo ryahumetswe n’Imana ni ukudasobwa mu gutangaza ibizaba.




75

(Isomo: Yesaya 46: 9 -10)
"...Ni jye Mana; nta indi duhwanye,



76

Mpera mu itangiriro nkavuga iherezo, mpera no mu bihe bya kera nkavuga ibitarakorwa..."
Yesaya 46:9,10.



77

Yego, nkuko Imana Yeyura inyegano z’igihe, Ikatumenyesha ibyo mu gihe kizaza, Yereka isi ko Bibiliya atari igitabo gisanzwe, ahubwo ko ari Igitabo Cyayo.

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera


78

Mbere yuko Babuloni igera ku iherezo ry’ubushobozi n’icyubahiro byayo, Igitabo cy’Imana cyari cyarahanuye ukugwa kwayo:



79

(Isomo: Yesaya 13:19)
“Kandi i Babuloni, ni ho cyubahiro cy’amahanga y’abami, ni ho bwiza bw’ubwibone bw’Abakaludaya,



80

hazamera nkuko Imana yarimburag’i Sodoma n’i Gomora.”
Yesaya 13:19.
Bibiliya ibivuga bitaraba ko hari imbaraga zizatembagaza iyi ngoma y’igihangange.



81

(Isomo: Yeremiya 51:11)
“Uwiteka yabyukije  imitima y’abami b’Abamedi; kuko imigambi ye iri kuri Babuloni, ngo aharimbure...”
Yeremiya 51:11.



82

Izina ry’umuntu wagombaga kuyobora  ingabo zo gutera Babuloni ryari ryarahanuwe imyaka 150 mbere yuko avuka, ndetse n’uburyo yari kubikoramo bwari bwarahanuwe.



83

(Isomo: Yesaya 45:1)
“Ibi ni byo Uwiteka abwira Kuro, uwo yimikishije amavuta, nza... kugirango mukingurire inzugi...”
Yesaya 45:1.
Mbese ubuhanuzi bwa Bibiliya bwarasohoye?
Bwasohoye inyuguti ku nyuguti!



84

Mu nzu ndangamuco y’Ubwongereza mu cyumba kimurikwamo iby’i Buperesi hateretse ikibindi cya Kuro-- cyavumbuwe mu matongo y’i Babuloni.
Kuri iki kibindi cy’ibumba, Kuro avugamo ibigwi bye!
Uko yabirondoye byose ni ko byabayeho!

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



85

Bibiliya ntiyavuze gusa mbere y’igihe iby’irimbuka rya Babuloni, ahubwo yunzemo igira iti:




86

(Isomo: Yeremiya 51:37)
“I Babuloni hazahinduka ibirundo...”
Yeremiya 51:37.




87

(Isomo: Yesaya 13:20-21)
Yesaya arandika ati: “Ntihazongera guturwa...”




88

Ahubwo inyamaswa z’inkazi zo mu butayu ni zo zizahaba...imbuni zizahaba...”
Yesaya 13:20, 21.



89

Imana Yonyine niyo Yashoboraga kubona iby’ahazaza ha Babuloni maze Ivuga idasobwa iherezo rya Babuloni ikomeye.
Umugenzuzi Austen H. Layard ( Soma Ostini H. Layadi) asobanura uko ikibanza cya Babuloni ya kera cyari kimeze.



90

“Ibirundo bitagir’ingano by’ibishingwe bitwikiriye ubuso bunini bw’igihugu n’itongo ryambaye ubusa kandi riteye ubwoba.



91

Imbuni zitangirira mu dupfukirane tw’uduhuru duto naho imbwebwe inyonyombera mu mishike.”
Ibyavumbuwe mu matongo y’i Niniwe n’i Babuloni, urupapuro rwa 413.
( Discoveries Among the Ruins of Nineveh and Babylon, p. 413)


5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



92

Ubu, nta kintu na kimwe kikirangwa i Babuloni mu byari byarahaheshej’ icyubahiro keretse gusa izina ryayo ryanditse ku cyapa kiharanga kiri ku ruhande rw’ umuhanda.
Ibirundo binini bisandaguritse hirya no hino mu matongo y’ i Babuloni ya kera ni bimwe mu bihamya nyakuri byerekana ko koko Bibiliya yahumetswe n’ Imana kandi ko iboneye itibeshya.



93

(Isomo: Yesaya 40:8)
Dushobora kwemeranya n’ umuhanuzi uvuga ati:” Ubwatsi buraraba, uburabyo bugahunguka: ariko Ijambo ry’ Imana yacu rizahoraho iteka ryose.” Yesaya 40:8


94

Kandi nshuti, niba Imana Ishobora kuvuga  Idahusha Ikamenyesha mbere cyane y’ ibinyejana ibyari kuzaba ku ngoma za kera,
mbese twashidikanya na gato dute ubushobozi n’ ubwenge Ifite bwo kuvug’ Idasobwa, ibintu ahazaza hatuzigamiye?
Ntibikabeho!


95

Mu by’ ukuri, ubuhanuzi bwa Bibiliya buduhesha amahirwe yo gutamurura inyegamo ikingirije ahazaza, tugashobora kubirebera mu maso y’ Imana, maze tukanarabukwa ibisubizo by’ ingorane zizitira amaramuko y’ umuntu hano ku isi.


96

Bibiliya irenze cyane amateka y’ isi yizerwa, irenze by’ ihabya ibyo abahanga babona batibeshya, iruta n’ ubuhanuzi bwamaze gusohora.
Iyaba Bibiliya itarutaga ibyo byose, ntacyo byaba bitwaye umuntu ayikoreshereje uko yishakiye.



97

Icy’ ibanze muri iki gitabo, icyo byose bishingiyeho ni inkuru y’ ibyabereye ku musozi mubi uri kure hanze y’ i Yerusalemu, ibyo bibaye hakaba hashize ibirenze imyaka y’ ibinyejana 19.
Kwizera icyo gitabo si kimwe no kuta cyizera.

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera


98

**Umwana w'Imana Ihoraho Yapfiriye kuri wa musaraba cyangwa se ntiyapfuye, kimwe muri byo.**
**Uko Bibliya Imuvuga ni ko ari cyangwa si ko ari! Kimwe muri ibyo.**
**Mbese umusaraba w'i Kaluvari wari inzozi cyangwa ni ibintu bigaragara byabayeho?**
**Hari itandukaniro, kandi dukeneye kurimenya!**


99

**Ahari ikimenyetso kirenze ibindi cy'uko Bibiliya ari icyo yivuga ko iri, ni imbaraga ifite zo guhindura imibereho y'abantu.**
**Izo mbaraga zikubiye mu muntu umwe --Yesu Kristo!**
**Yesu Yaravuze Ati,**



100

**(Isomo: Yohana 5:39)**
**" Murondore mu byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo arimwo mufite ubugingo buhoraho; kandi ari byo bimpamya."**
**Yohana 5:39**



101

**Yesu Yavugaga iby'Isezerano rya Kera, kuko Isezerano Rishya ryari ritarandikwa!**
**Kandi uko mugenda mufungura impapuro zo mu Isezerano rya Kera, muzavumbura ko rihanura ukuza kwa Mesiya, rikanavuga ubutumwa bwe bw'urukundo n'agakiza.**



102

**(Isomo: Luka 24:44)**
**Yesu Yabwiye abigishwa be Ati:**
**"...Aya n'amagambo nababwiraga nkiri kumwe namwe, yuko ibyanditswe kuri jye byose,**



103

**mu mategeko ya Mose no mu byahanuwe no muri Zaburi bikwiriye gusohora."**
**Luka 24:44.**

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera


104

Isezerano rya Kera ryahanuye ibya Kristo, kandi Isezerano Rishya ni inkuru ivuga iby'ubuzima bwe. Murabona rero ko, Bibiliya yose ari ibyahishuwe bya Yesu Kristo, waje ku isi yigometse, Aje kwerekana uko I Se nyawe Yasaga.



105

Icyo nicyo gituma Bibiliya yitwa "Ijambo ry'Imana Rihoraho".
Rigira imbaraga itangaje aho ryamamajwe hose -- imbaraga ihindura abantu, igahindura ingeso zabo, ikongera intege mu batentebutse, ikongera ubutwari mu bacogojwe n'ibibazo, igaha ibyiringiro abagiye gupfa. Mu mateka yose y'isi, ububasha Bibiliya ifite bwo guhindura abantu bwagaragajwe kenshi na kenshi. Imbaraga ifite, zahinduye abantu b'abarakare mo abanyamahoro.


106

Abahehesi, abakora ibya mfura mbi baraboneye bahinduka abere.
Abasinzi bakuwe mu businzi bwabo, abajura bava mu busambo bwabo, ababeshyi bava ku kumama.
Ubu ntiwakwirirwa ushakishiriza kure ushaka kumenya abicanyi kabuhariwe muri gereza bahindutse mo abakristo basimbukishwa n'ibyishimo baheshejwe n'imbaraga iva muri Bibiliya.


107

Ntugomba kujya gushakira kure ingo z'abashakanye zerekezaga ku gutandukana ubu zikaba zararokowe zikaba zisigaye zirangwa n'urukundo rushya zatejwe n'imbaraga za Bibiliya.
Nta n'umwe wasoma Bibiliya, buri munsi atarambirwa, adafite Igitabo cy'Imana kimuhindura. Kandi, nawe nufata igihe buri munsi cyo gusoma Bibiliya, nawe izaguhindura.


108

Yesu Yamaze igihe cye Ahindura abantu. Iryo niryo shingiro ry'idini rya Gikristo. Ni naryo shingiro rya Bibiliya, ibanga ry'imbaraga yayo.

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



109

**(Isomo: Yohana 8:32)**
**Yesu Yari Azi izo mbaraga zahinduraga abantu maze Aravuga ati: “namwe muzamenya ukuri, kandi ukuri ni ko kuzababatura.” Yohana 8:32.**



110

**Ukuri ni ko kubatura abantu -- kubahindura!**
**Ukuri ni ko guhindura umusinzi agahinduka uwirinda akaba umubyeyi w’urukundo.**
**Ukuri ni ko gukiza umunywi w’ibiyobwabwenge.**
**Uburiganya bwinshi bukorerwa muri iyi si muri iki gihe budutera kwibaza tuti, “Ukuri ni iki?**



111

**(Isomo: Yohana 17:17)**
**Yesu Yatanze igisubizo Ati:**
**“Ijambo ryawe ni ryo kuri.” Yohana 17:17.**
**Bibiliya, Ijambo ry’Imana, ni ukuri!**
**Imbaraga ziri muri iryo Jambo zihindura imitima y’abagabo n’abagore.**


112

**Ariko rero Ijambo ry’Imana rihindura gusa abashaka guhinduka -- abashaka kwemera Umuntu Uvugwa muri icyo Gitabo ariwe Yesu Kristo.**
**Kandi Miliyoni z’abantu bahinduwe no kwiga Bibiliya.**
**Nta mbaraga zindi zikomeye ziriho ku isi zikabakaba imitima zikayihindura.**
**Nshuti, urabona k’uburyo dukoresha iki Gitabo bufite itandukaniro.**
**Kirenze igitabo twitwaza tujya ku rusengero cyangwa se dushyira ahagaragara mu mazu yacu!**
**Kirenze cyane amakuru y’ingenzi cyangwa se inama zunganira.**
**Ni Imana Ivugana n’imitima yacu.**
**Ni urwandiko rwayo rw’urukundo ku bana bayo bari ku isi.**
**Muri yo hari ibanga ryo kuramba, guhirwa kw’iteka, n’amahoro y’umutima.**

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



113

**(Videwo y’amasegonda 12)**
**Reka mbabwire igitekerezo cy’imbaraga y’ijambo ry’Imana rihindura imitima y’abantu. Mu myaka yashize, hariho ubwato bwitwaga the Bounty (soma Bawunti).**
**Muw’i 1790, umukuru wabwo Kapiteni Bligh (soma Blayi) n’ikipi bagendanaga bava mu Bwongereza kujya gutunda ibiti byo gutera ahitwa West Indies byeraga amatunda ahendutse yagombaga kugaburirwa abacakara.**



114

**(Videwo y’amasegonda 7) Kubera ubutegetsi bw’ubugome bwa Bligh no gufata nabi abo barikumwe, batangira gusubiranamo mu bwato. Uwitwa Fletcher Christian, wari uyoboye iyo myigaragambyo yuriza Bligh n’abandi bantu 18 mu bundi bwato buto. Kubera ubuhanga buhanitse bwo kuvugama bwa Kapiteni Bligh, bashoboye kubona inzira ibasubiza mu Bwongereza.**



115

**(Videwo y’amasegonda 4) Abari basigaye ku bwato Bounty bo ntibahirwa cyane, bagiye kubona babona bomotse ku kirwa kidatuwe cya Pitcairn (soma Pitikerni).**



116

**(Videwo y’amasegonda 10) Bacyomoka bahise batwika ubwato Bounty ngo hatagira umenya n’aho banyuze. Igihe bageraga i Tahiti, Bligh yapakiye mu bwato bwe abagore n’abana ndetse n’abagabo ba kavukire baho. Ubwo aho bari aho batangira kumenya kwenga inzoga zikaze, maze amakimbirane n’intambara birongera birarota. Ubuhotozi n’ubwicanyi biraduka nuko bidatinze ubwato busigaramo umugabo umwe rukumbi, Johana Adams, n’abagore bake n’abana.**

# 5 - Amabanga y'Imizingo y'Ibitabo bya Kera



117

(Videwo y’amasegonda 8) Yohana Adams ashakurura mu bwato kugeza aho aboneye Bibiliya ya Bounty umuntu yari yarabitse mu isanduku. Atangira kuyisoma, kandi uko yayisomaga, uguhinduka gutangaje kumutahamo. Ahita abona ko afite uruhari runini rwo gushakira abo bana ahazaza habo.
Atangira kubigisha gusoma no kwandika ndetse akanabatoza uburyo bwo kubaho.
Abaturage bose b’icyo kirwa barahinduka bitangaje ku buryo ibyo byateye amatsiko abagenzi bo mu mato yanyuraga haf’aho, bihuruz’ubutegetsi bw’Ubwongereza, nyuma ndetse binakurura isi yose.


118

Nshuti, nawe iyi Bibiliya ishobora guhindura ubuzima bwawe. Iyo dusomye Bibiliya, Umwuka Wera wayoboye abayanditse mu myaka ibinyejana byashize; natwe iyo tuyisoma ahindura imibereho yacu. Ngwino wige ijambo ry’Imana wugurure umutima maze uvugane kwizera uti:
“Nyagasani, nyereka ukuri kwawe, nanjye nzagukurikiza.”
“Yewe Nyagasani, mpishurira icyo nkwiriye guhindura mu buzima bwanjye.”
“Yewe Nyagasani, ndifuza ko mu mpapuro z’ijambo ryawe nakubona mo Umukiza ukunda, ubabarira akanahindura imibereho.”


119

Nibyo, nshuti, si igitabo gusa - Ni Nyiracyo utuma habaho itandukaniro.
Ni turabukwa Nyiracyo, ukwizera kwacu kuzatumbagira...
Kuko kumumenya ari ukumukunda no kumwizera.

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



1

**Imana y’urukundo yemera ko biba Ite?**


2

**Clara Anderson yari umukozi wo mu rugo i San Fransisco kandi yari umugore witonda cyane, akita ku murimo we. Umunsi umwe arangije akazi yaramazeho imyaka 15 akorera umukoresha umwe, arazimira baramubura. Umukoresha we nta gahurihuri yari afite kaho Clara yari ari. Yasaga naho yazimiye. Biza kuba nk’igitangaza nyuma y’iminsi abakozi b’umugi babishinzwe bashakisha baza kumubona.**

**Basanze Clara mu misozi yari yihishemo yo hanze ya San Francisco, yaratangiye kwiyicisha inzara. Clara ababonye yarabakabukiye agira ati” Nimundeke, ndashaka gupfa”. Uvuga iyi nkuru wari mu bamuvumbuye aho yari yihishe, yamuhase ibibazo. Nuko Clara agira ati “Reba, nta numwe unyitayeho. Ndi umuja gusa, ndi umwe mu bantu ibihumbi ino ukora akazi gasebye ko hasi. Ubuzima bwanjye nta gaciro bufite. Nta muvandimwe wa hafi ngira, nta muryango ngira, nta nshuti. Ndigunze kuburyo rwose nizinutswe ntagishaka kubaho. Nta muntu numwe navuga ko anyegereye - Ntawe nshobora kuvugisha, ntawe ngira wo gutura ibindi ku mutima. None nimundeke nipfire, kuko mu by’ukuri nta numwe mfite unyitayeho.”**


3

**“Ntawunyitayeho!” ni amarira yo kwiheba y’abagabo n’abagore mu isi yigunze. Haherutse kuba iperereza ku bijyanye n’Imana, Ikibazo cyari iki ngo: “uramutse wemerewe kubaza Imana ikibazo kimwe, icyo kibazo cyaba ikihe?”**

**Wowe se bite? Uramutse ubonye uko ubaza ikibazo kimwe, wayibaza iki? Dore ikibazo miliyoni z’abantu bafite ngo: Mana, mbese koko unyitaho? Niba koko uri Imana nziza, ni kuki muri iyi si yacu hariho uburwayi bwinshi, umubabaro, n’urupfu? Kuki hari ugusuhuza umutima, n’agahinda gasaze? Kuki amapfa ayogoza, imyuzure, ibyorezo, n’intambara?**

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?


4

Dukebutse iruhande rwacu tubona ko muri iyi si hari imbaraga y’umubi. Muri iki gihe, ahantu hose buri munsi harabera amahano.



5

(Videwo y’amasegonda 15) Ni nde nyirabayazana w’ayo mahano, agahinda, no kubabara biri muri iyi si? Abantu benshi bashyira ku Mana ibibazo bibageraho. Ni kangahe ujya wumva abantu babaza ngo “Kuki Imana Yangiriye ityan’itya?”


6

Reka turebe icyo Bibiliya ivuga ku ntambara ikomeye ubu iriho irwannywa hagati y’imbaraga z’icyiza n’ikibi.
Mushobora kubaza muti, “Niba Imana Atariyo Izana aya makuba yose n’umubabaro mu isi, ni nde nyirabayazana w’aya mahano yose tubona buri munsi?”


7

Bibiliya itunga agatoki k’umunyacyaha!
Yesu yavuze igitekerezo cy’umuhinzi wabibye imbuto nziza mu murima we, nyamara ubwo zameraga,



8

harimo n’urukungu mu murima.



9

(Isomo: Matayo 13:27)
“Abagaragu be baraza babaza umutware bati: Mutware, ntiwabibye imbuto nziza mu murima wawe?



10

None urukungu rurimo rwavuye he?”
Bashakaga kumenya aho urukungu rwavuye.

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



11

(Isomo ku mashusho 3: Matayo 13:37-39)
“Arabasubiza ati:’Ubiba imbuto nziza ni Umwana w’umuntu.”




12

“Umurima ni isi: imbuto nziza ni zo bana b’ubwami; urukungu ni abana b’Umubi.”



13

“umwanzi warubibye ni Umwanzi.”
Matayo 13:37-39.



14

Urareba, mu gihe Imana Igerageza kwerekana urukundo n’ubugiraneza kuri buri wese, hari indi mbaraga ikorera muri iyi si iteza amakuba, ibyago, ishyano, urupfu, n’indwara mu mibereho y’abana b’Imana.



15

Mu gitabo giheruka cya Bibiliya ari cyo Ibyahishuwe, hatubwira uko byose byatangiye ngo tumenye ukuri nyako, uko mu ijuru byagenze bigateza intugunda kw isi.
Tuzamenya imvano y’ikibi. Bishobora kugutangaza, ariko intambara yigeze gushozwa mw ijuru!



16

(Isomo ku mashusho 4: Ibyahishuwe 12:7-9)
“Mu ijuru habaho intambara. Mikaeli n’abamarayika be batabarira kurwanya cya kiyoka: ikiyoka kirwanana n’abamarayika bacyo,



17


Ntibanesha, kandi mw ijuru ahabo ntihaba hakiboneka.

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



18

Cya kiyoka kinini kiracibwa, ni cyo ya nzoka ya kera, yitwa Umwanzi na Satani, ni cyo kiyobya abari mw isi bose;




19

nuko kijugunywa mw isi, abamalayika bacyo bajugunyanwa na cyo.”
Ibyahishuwe 12:7-9.



20

Noneho, reba uko iki kiyoka cyangwa Umwanzi kivugwa mu Byahishuwe 12:3, 4:



21

Mu ijuru haboneka ikindi kimenyetso: mbona ikiyoka kinini gitukura, gifite imitwe irindwi n’amahembe cumi.



22

no ku mitwe yacyo gifite ibisingo birindwi.”



23

“Umurizo wacyo ukurura kimwe cya gatatu cy’inyenyeri zo kw ijuru, uzijugunya mw isi...”


24

Uko bigaragara kimwe cya gatatu cy’abamalayika bo mw ijuru bakurikiye uyu mushukanyi mu kurwanya Imana.
Reka ariko twumve iby’uyu mu marayika waguye witwa Lusiferi.
Mu isezerano rya kera agereranywa n’Umwami w’i Tiro kandi dore ibimuvugwaho:

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



25

(Isomo ku mashusho 4: Ezekieli 28:12-14)
“ Umva uko Umwami Uwiteka avuga ngo: Wari intungane rwose, wuzuye ubwenge n’ubwiza buhebuje.
Ezekieli 28:12



26

Wahoze mw Edeni, ya ngobyi y’Imana; umwambaro wawe wari ibuye ryose ry’igiciro cyinshi...
Ezekieli 28:13




27

“Wari warasigiwe kugira ngo ube umukerubi utwikira;...kugira ngo ube ku musozi wera w’Imana;




28

wagendagenderaga hagati y’amabuye yaka umuriro.”
Ezekieli 28:14


29

Lusiferi yari umumarayika ufite uburanga, waremwe atunganye mu nzira ze zose. Yari umumarayika uhagarara iruhande rw’Imana nk’umukerubi utwikira.


30

Mu ijuru, Lusiferi yari afite umwanya wo hejuru. Abamalayika babiri bakikizaga intebe y’imbabazi y’Imana, umwe iburyo undi ibumoso. Umwe muri aba bamalayika yari Lusiferi.


31

Ntiyanyuzwe no kuba iruhande rw’Imana.
YASHAKAGA KUBA IMANA!
Lusiferi yadukwaho n’ikintu, umubano we wa hafi yari afitanye n’Imana uzamo igitotsi. Imana Ibwira Lusiferi Iti,

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



32

**(Isomo: Ezekieli 28:15)**
**“Wari utunganye bihebuje mu nzira zawe zose uhereye umunsi waremeweho, kugeze igihe wabonetsweho gukiranirwa.”**
**Ezekieli 28:15.**



33

**(Isomo: Ezekieli 28:17)**
**“Ubwiza bwawe nibwo bwateye umutima wawe kwishyira hejuru; kubengerana kwawe niko kononnye ubwenge bwawe...”**
**Ezekieli 28:17.**



34

**Uyu mu malayika mwiza, washyirwaga hejuru yaje kwihugiraho. Yifuje icyubahiro no kuramywa kandi Imana ari yo yonyine bigenewe. Yagize inyota y’ubutegetsi. Yahangaye kurushanwa n’Umuremyi we mu gutegeka ibibaho byose!**
**Tega ugutwi wumve ibi:**




35

**(Isomo ku mashusho 3: Yesaya 14:12-14)**
**“ Wa nyenyeri yo mu ruturuturu we, mwana w’umuseke ko uvuye mu ijuru, ukagwa.**




36

**Waribwiraga uti: Nzazamuka njye mw ijuru, nkuze intebe yanjye y’ubwami, isumbe inyenyeri z’Imana...**



37

**...Nzaba nk’Isumba byose.”**
**Yesaya 14:12-14.**


38

**Ubwo aya magambo yo kwikakaza yavaga mu kanwa ka Lusiferi, urukundo rutunganye n’ubwumvikane bw’ab’ijuru byahise bivungagurikamo uduce twinshi tw’inarijye.**

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?


39

Ntibyafashe igihe, Lusiferi atangira gukwirakwiza umwuka mubi wo kurakara mu bandi bamalayika. Buhoro buhoro, atangira gusebya urukundo rw’Imana n’ubutabera bwayo.


40

Kwigomeka kwa Lusiferi gukwirakwira mu bandi bamalayika nkuko itunda rimwe riboze mu gikarito ryangiza ayandi. Ushobora kwibaza icyatumye icyo gihe Imana Itarahise Irimbura Satani.
Imana Yashoboraga gukuraho Lusiferi n’abamalayika bifatanyije nawe kwigaragambya buhumyi, ariko Imana yabikoreye ko ibindi biremwa twari kujya tuyikorera kubera kuyigirira bwoba.


41

Reka tugenekereze, Imana Itwatse umudendezo wacu wo kwihitiramo maze Ikatugira nk’imashini.
(Aha biraterwa n’abashyira akaboko hejuru). Ni bande muri mwe mufite abana?
Wakwifuza umwana umeze nk’imashini? Wakwifuza ute kugira umwana washyizemo gahunda yo kumvira ibyo umubwiye byose? Umwana wawe yajya abyuka mu gitondo akagira ati,
‘Yego, Mama, ndirira umuceri.’
“Ni byo Papa, ndasukura inzu”
Uramutse ufite umwana ukoreshwa nk’ imashini (robot), atagira umutima, y’icyuma.
Nta mwana waba ugifite.
Washaka umwana umeze atya?
Birumvikana ko igisubizo ari oya.
N’Imana rero nuko.


42

Imana ni Imana y’urukundo. Inezezwa gusa n’isano y’urukundo Ifitanye n’ibiremwa byayo biyisenga kubwo kuyikunda no kuyizera.


43

Satani yikomye amategeko y’Imana n’ubutabera bwayo, nyamara Imana ntiyashyizeho aya mategeko ku mbaraga Igamije kwerekana umutware uwari we! Yayashyiriyeho kurinda ibiremwa byayo, gushimangira amahoro n’umunezero w’ibiremwa byayo.

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



44

Amategeko y’Imana ni nk’ibimenyetso by’amatara n ibyapa bigenga umuvuduko ku mihanda, byose byashyiriweho kurinda umutekano ngo tugire imibereho myiza. Nyamara uyu mumalayika wubahwaga kurusha abandi yatekereje ko yashoboraga kuyobora neza isi n’ibiriho byose kurusha Umuremyi we!


45

Satani,”umwanzi w’Imana”, yigize umubi!



46

(Videwo y’amasegonda 10) Imana iha buri wese ububasha bwo guhitamo kumvira cyangwa kutumvira. Imana, kubwo ubutabera n’urukundo rwayo Yemereye Satani kwereka isi yose uburyo Satani nyine yateganyaga gutegeka isi.
Ntabwo dusobanukirwa uko ibi byose byagenze; icyo tuzi nuko Imana ari Inyarukundo kandi ko Ihorana ineza kuri bose.


47

Intambara yatangiriye mu ijuru ntirakarangira, ahubwo yahinduye gusa aho ibera! Intambara ikomeye iri hagati y’icyiza n’ikibi irarwanirwa ku isi, aho Satani agomba kwerekanira uko ubutegetsi bwe buri nuko ateganya gutegeka isi.



48

Ariko se kuki kw isi? Kuki isi yacu igomba guhinduka



49

(Isomo: 1 Abakorinto 4:9)
“...Ibishungero by’ab’isi n’iby’abamarayika n’abantu.”
1 Abakorinto 4:9.

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?


50

Ubwo isi yasohokaga mu maboko y’Umuremyi yarabengeranaga kandi itunganye, ari nziza birenze uruvugiro.
Bigaragara ko na Satani ariko yabibonaga, kuko yarebye iyi si nk’aho ari iyo igiciro kireshya.
Yifuje gufatira iyi si y’uburanga bwari bugiseseka- isi yari ikivuka.


51

Nubwo Adamu na Eva, ababyeyi bacu wambere bari baremwe baboneye, ntabwo bari bashyizwe aho badashobora gukora nabi.
Bari bafite umudendezo wo guhitamo gukunda no gukurikira Imana cyangwa se bagahitamo kwirengagiza amabwiriza yayo. Ariko ubuyoboke bwabo bwagombaga kugeragezwa kandi iryo gerageza ryagombaga kwibanda ku giti kimwe rukumbi.
Imana yatanze imiburo,




52

(Isomo ku mashusho 3: Itangiriro 2:16,17)
“Ku giti cyose cyo muri iyo ngobyi ujye urya imbuto zacyo, uko ushaka;



53

ariko igiti cy’ubwenge bumenyesha icyiza n’ikibi ntuzakiryeho: kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa.”
Itangiriro 2:16,17.
Ibyo basabwaga byasaga naho ari ibintu bishoboka.
Bagomba kuba barumvise rwose bafite umutekano.
Ariko umuntu agomba kuba agwa kenshi mu mutego iyo azi ko nta ngenza imuriho kubera umutekano aba yiyumvamo.


54

Uko niko byagendekeye Eva. Satani yakoresheje ububasha ndengakamere bwe aramushuka. Si kenshi Satani akora yiyerekana uko ari. Ni umushukanyi cyane. Akoresha amashyirahamwe, agakoresha abantu ndetse akoresha n’inzoka!

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



55

Nicyo gituma Paulo yagize ati:




56

(Isomo ku mahusho 3: Abefeso 6:11-12)
“ Mwambare intwaro zose z’Imana, kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe n’uburiganya bwa Satani.




57

Kuko tudakirana n’abafite amaraso n’umubiri; ahubwo dukirana n’abatware n’abafite ubushobozi,





58

n’abategeka iyi si y’umwijima, n’imyuka mibi y’ahantu ho mw ijuru.”
Abefeso 6:11,12.



59

Eva yarashutswe.
Ntiyigeze agira amakenga yuko amagambo inzoka ivuga yari akomotse kuri Satani.
Umwanzi anyuze mu nzoka yabajije Eva,





60

(Isomo: Itangiriro 3:1)
“... N’ukuri koko Imana yaravuze iti, ‘Ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi?”’
Itangiriro 3:1.




61

(Isomo ku mafoto 4:Itangiriro 3:2-4)
Eva arasubiza ati, “Imbuto z’ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya;




62

Keretse imbuto z’igiti kiri hagati y’ingobyi,

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?






63

**ni zo Imana yatubwiye iti, ‘Ntimuzaziriye, ntimuzazikoreho, mutazapfa.”’**



64

**Iyo nzoka ibwira umugore iti: ‘Gupfa ntimuzapfa.”’ Itangiriro 3:2-4**



65

**Uko Eva yategaga amatwi inzoka, agomba kuba mu bitekerezo bye yaribwiye ko inzoka yavugaga ibintu bitandukanye nibyo Imana Yari Yarababwiye. Bishoboka ko inzoka yabonye Eva agiye mu rujijo igahita yungikanya amagambo iti,**



66

**(Isomo: Itangiriro 3:5)**
**“ Kuko Imana izi yuko ku munsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza, mugahindurwa nk’Imana, mukamenya icyiza n’ikibi.”**
**Itangiriro 3:5.**



67

**Umwanzi yavuze ko nta kuri Imana Igira, ko Imana yigwijeho ibyiza. Kuba nk’Imana nicyo cyifuzo cyakunze kugurumana muri Satani kinamubera ikigusha. Ibyo Satani yavugaga binyura Eva nuko mu kanya gato nk’ako guhumbya biba biramurangiranye.**



68

**(Isomo ku mashusho 2: Itangiriro 3:6)**
**“Uwo mugore abonye yuko icyo giti gifite ibyokurya byiza, kandi ko ari icy’igikundiro,**



69

**kandi ko ari icyo kwifurizwa kumenyesha umuntu ubwenge, asoroma ku mbuto zacyo, arazirya...” Itangiriro 3:6.**

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?


70


**Nuko Eva aha Adamu imbuto, maze Adamu ararirya.**


71


**Adamu na Eva batsindwa kugaragariza Imana urukundo n’ubuyoboke, nuko ntibyatinze bahise barabukwa ko hari ikintu kitagenze neza.**


72


**Satani yari yigaruriye isi yari ikivuka! Kuva ubwo, yahise yitwa “Igikomangoma cy’iyi si.”**
**Umutware w’isi wivumbuye ku butegetsi!**
**Adamu na Eva bari bumviye ijwi ry’umubi.**


73

**Uko uyu munsi wakoreweho ibara wari hafi kwira, Imana Iza nkuko Yari Isanzwe Iza mu mafu ya nimugoroba, Ihamagara Adamu na Eva.**
**Kugeza icyo gihe, uwo wari umwanya mwiza bagiriragaho amahirwe yo gutembera no kuvugana n’Imana yabaremye amaso ku maso. Ariko uwo munsi barahunze, maze bajya kwihisha mu bihuru!**



74

**Nyuma Adamu yanyereye gahoro yikinga inyuma y’uduhuru two mu ngobyi, maze aricuza,**



75

**(Isomo: Itangiriro 3:10)**
**“...Numvise imirindi yawe muri iyi ngobyi, ntinyishwa nuko nambaye ubusa, ndihisha.”**
**Itangiriro 3:10.**


76

**Adamu ntiyari yarigeze agira ubwoba mbere, ariko ngiki icyo icyaha kizana.**
**Kigera n’aho gituma umuntu atinya Imana.**

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?




77

**(Isomo: Itangiriro 3:11)**
**Imana Irabaza Iti, “...Wariye kuri cya giti nakubujije kuryaho?**
**Umurongo wa 11.**
**Adamu arasubiza ati:**





78

**(Isomo: Itangiriro 3:12)**
**“...Umugore wampaye ngo tubane, niwe wampaye ku mbuto z’icyo giti, maze ndazirya.”**
**Itangiriro 3:12.**
**Hari hashize amasaha make Adamu yifuje gupfana na Eva.**
**Ariko noneho Adamu yakurikijrho gushinja Eva icyaha, ndetse anashinja n’Imana kuba yararemye Eva.**
**Mbega ukuntu icyaha cyonona n’urukundo nyarwo!**



79

**Eva nawe ntiyabuze kugira uwo ashinja icyaha. Ubwo Imana Yamubazaga icyo yakoze, yagize ati,**





80

**(Isomo Itangiriro 3:13)**
**“...Inzoka yanshukashutse, ndazirya.”**
**Itangiriro 3:13**
**Eva nawe yashinje Imana icyaha! Mu yandi magambo, yagize ati, Ni inzoka waremye yanshyize muri izi ngorane.”**



81

**Uwo munsi Adamu na Eva bari bokojwe gupfa!**
**Imana Ibirukana mu ngobyi kugira ngo batazongera kurya ku giti cy’ubugingo.**
**Umwanzi yari yavuze ko batazapfa, ariko Bibiliya igira iti,**




82

**(Isomo: Itangiriro 5:5)**
**“Iminsi yose Adamu yaramye ni imyaka maganurwenda na mirongwitatu, arapfa.”**
**Itangiriro 5:5**
**Bamenye batinze ko umwanzi yari**

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?




83

(Isomo: Yohana 8:44)
"...kuko ari umunyabinyoma, kandi ni se w' ibinyoma." Yohana 8:44.



84

Biroroshye gushinja Imana ko ariyo Iteza agahinda gasaze no kwangirika ku isi, nyamara Satani ni we nyirabayazana w' ibyo byago.



85

(Videwo y' amasegonda 10) Niwe wazanye imivurungano ku iyi si kandi kuva kera ni we wakomeje guteza icyaha n' umubabaro. Yesu Yashyize umwanzi ku karubanda Anagaragaza uburyo Satani ababaza abantu.


86

Igihe kimwe ku Isabato ubwo yigishirizaga mu isinagogi, Yabonye umugore wahetamishiijwe n' uburema.
Yesu abonye uburwayi bwe amugirira impuhwe, aramukiza.


87

Ubwo abatware batangira kumujora ko Yakoze igikorwa cyo gukiza ku Isabato- Umunsi wo gusenga wera w' Imana. Ariko nimurebe uko Yesu Yireguye ku byo Yakoze:



88

Isomo ku mashusho 2: Luka 13:16)
" Kandi uyu ko ari umukobwa wa Aburahamu, akaba amaze iyi myaka cumi n' umunani aboshywe na Satani,



89

ntiyari akwiriye kubohorwa iyi ngoyi ku munsi w' Isabato?"
Luka 13:16


# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?


90


Yesu yavuze ko Satani yaboshye uyu mugore imyaka 18 yose.
Satani niwe munyacyaha! Urebye, Satani niwe mbaraga mbi iri inyuma y'indwara zose no kubabara, guhagarika umutima n'urupfu!


91

Bishoboka ko muri Bibiliya nta handi tubona ku buryo burambuye amayeri ya Satani nkuko aboneka mu gice cya mbere cya Yobu, mu kiganiro umwanzi yagiranye n'Imana.



92

Hari nyuma yo kugwa kwa Satani ubwo abana b'Imana baje gushengerera imbere yayo. Na Satani yazanye nabo. Nimutekereze! Iteraniro ry "abana b'Imana" na Satani akabazamo atatumiwe!




93

(Isomo ku mashusho 2: Yobu 1:7)
"Uwiteka Abaza Satani ati: Uturutse he?"
Yobu 1:7
Mu yandi magambo Imana Yaramubajije Iti, ni nde wagutumiye? Ufite ubuhe burenganzira bwo kuba uri aha? Satani yasubije Uwiteka ati,



94

"Mvuye gutambagira isi no kuyizereramo."
Yobu 1:7.
Satani yavugaga uko yagengaga isi. Yari yarasimbuye Adamu kuri uwo mwanya!


95

Adamu yitwa "umwana w'Imana" (soma muri Luka 3:38), neza neza nka babandi bazaga wa munsi gushengerera Imana.


96

Bishoboka se ko abo bari abatware ba ayandi masi, mbese rwose nkuko Adamu nawe mu ntangiriro yari umutware w'iyi si yacu?
Uko biri kose, Satani ntiyari yorohewe kwemeza ko ari we uhagarariye isi . Nyagasani yabajije Satani ati:

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?




97

(Isomo ku mashusho 4: Yobu 1:8,9,11)
“...Mbese witegereje umugragu wanjye Yobu, yuko ari nta uhwanye nawe mu isi,




98

ko ari umukiranutsi utunganye, wubaha Imana kandi akirinda ibibi?”



99

Maze Satani asubiza Uwiteka ati: Ariko se ugirango Yobu yubahira Imana ubusa?”




100

Ariko rambura ukuboko kwawe, ukore ku byo atunze byose, nawe azakwihakana ari imbere yawe!”
Yobu 1:8,9,11.



101

Ntibyoroshye! Satani yemeje ko impamvu yonyine yatumaga Yobu yubaha Imana ar’ukubera ibyo Imana Yari Yaramukoreye, ko atari uko Yobu yakundaga Imana no kuyizera.



102

(Isomo ku mashusho 2: Yobu 1:12)
“Uwiteka asubiza Satani, ati: ‘Dore, ibyo atunze byose biri mu maboko yawe; keretse we ubwe we kumuramburaho ukuboko kwawe.’”



103

Nuko Satani aherako ava imbere y’Uwiteka.”
Yobu 1:12
Nuko Satani ava aho yihutishijwe no kuramburira ukuboko kwe ku butunzi bwa Yobu.


104

Ibyago bitangira kwisukiranya:
Icya mbere: Abasabeya bisutse mu mapfizi ye barayanyaga, bicisha n’abagaragu be inkota.

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?


105

**Icya kabiri: Inkuba yarakubise, ihitana intama n’abashumba.**


106


**Icya gatatu: Abakarudaya bisutse mu ngamiya za Yobu barazinyaga.**


107

**Icya kane (cy’inkuru mbi y’inshamugongo): Inkubi y’umuyaga yashenye inzu y’umuhungu mukuru wa Yobu. Abana icumi bose ba Yobu bari mu birori muri iyo nzu nta numwe warokotse!**



108

**Nyagucwa Yobu! Yatekereje ko Uwiteka yamwatse ibyo yari atunze byose akanateza ako kandare kose.**
**Ntiyigeze yumva ko yabitejwe n’umwanzi.**
**Nubwo agahinda kari kamusaze, Yobu ntaragahinduka ngo anamuke ku Mana.**




109

**(Isomo: Yobu 1:21)**
**Yobu yagize ati:”...Uwiteka niwe wabimpaye, kandi Uwiteka niwe ubintwaye; izina ry’Uwiteka rishimwe.” Yobu 1:21**
**Nubwo atashoboraga gusobanukirwa n’amahano yamugwiriye yatsembyeho ubutunzi bwe n’abana be, Yobu ntiyatezutse ku kwizera ubuntu bw’Imana.**
**Ariko Satani yaratarashirwa.**
**Yongeye gucokoza Imana avuga ati,**



110

**(Isomo ku mashusho 3: Yobu 2:4-6)**
**“...ibyo umuntu atunze byose yabitanga ngo abicunguze ubugingo bwe.”**



111

**“ Ariko noneho, rambura ukuboko kwawe, ukore ku magufka ye no ku mubiri we, azakwihakana ari imbere yawe!”**

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



112

**“ Uwiteka abwira Satani, ati: ‘Dore, ari mu maboko yawe, keretse ubugingo bwe gusa, ube aribwo wirinda.”’**
**Yobu 2:4-6**



113

**Ibigeragezo biba bimugezeho. Mbese Yobu yakomeje gushikama nubwo ibintu byagendaga birushaho kuba umwaku, cyangwa se yateye Imana umugongo?**



114

**(Isomo ku mashusho 2: Yobu 2:7)**
**“ Nuko Satani aherako arasohoka ava imbere y’Imana,**



115

**ateza Yobu ibishyute bibi bihera mu bworo bw’ibirenge bigeza mu gitwariro.”**
**Yobu 2:7**


116

**Niba warigeze urwara ikibyimba uzi nibura uko uburyane bw’ikibyimba kimwe bumera. Ngaho rero tekereza noneho ubirwaye kuva mu rutwariro rw’umutwe kumanura ukageza ku mano!**



117

**Nubwo Satani yari yaravukije Yobu byose, ubutunzi bwe, abana ndetse n’ubuzima, Yobu ntiyaretse gukomera ku Mana. Mbega intwari! Bibiliya igira iti:**



118

**“ Muri ibyo byose Yobu ntiyakoze icyaha, haba no kubiherereza ku Mana.”**
**Yobu 1:22.**



119

**Ni nde wagiriye nabi Yobu?**
**Ni nde wamuteje ibyago?**
**Ni SATANI!**

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?




120

**Ni nde wibye amatungo ye akanica abagaragu be?
Ni SATANI!**




121

**Ni nde wateje inkubi y’umuyaga akanarimbura abahungu n’abakobwa be?
Ni SATANI!**



122

**Uwiteka ashobora kureka ibyago bikatugeraho ngo kubaha Imana no kuyikunda kwacu bigeragezwe,**




123


**nyamara Satani ni we icyaha gihama ni we wo gushyirwaho ibibi byose biri ku isi!**


124

**Wowe nanjye twafatiwe hagati y’izurungutana ry’intambara ikomeye, amakimbirane hagati y’ubutegetsi n’ubwigomeke , hagati y’Umuremyi na Satani, we nkomoko yo kwivumbura.
Ntabwo turi indeberezi. Tubishaka tutabikunda, rutwambikiyeho.**


125

**Gutekereza ko Satani atabaho ko gusa ari nk’imigani baca cyangwa se ikintu gusa cyo gukurura abantu bituma tudashobora kwitegura bihagije guhangana n’iyo nyaryenge Satani.**



126

**Mu gitabo cy’Ibyahishuwe hagira hati:**

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



127

**(Isomo ku mashusho 2: Ibyahishuwe 12:12)**
**"Nuko rero, wa juru we, namwe abaribamo nimwishime. Naho wowe, wa si we, nawe wa nyanja we, mugushije ishyano!**



128

**kuko Satani yabamanukiye, afite umujinya mwinshi, azi yuko afite igihe gito."**
**Ibyahishuwe 12:12**
**Petero yanditse iyi miburo:**



129

**(Isomo ku mashusho 2: 1 Petero 5:8)**
**"Mwirinde ibishindisha, mube maso; kuko umurezi wanyu Satani azerera nk’intare yivuga,**



130

**ashaka uwo aconshomera."**
**1 Petero 5:8**


131

**Nubwo Satani akora ibibi bikabije, Imana Rurema Ifite umugambi wo kongera kurema, umugambi umwana wayo Yesu afitemo uruhare -Umwana wayo Ikunda Yemeye kwitanga, apfira kuturihirira umwenda ngo tubone ubugingo buhoraho.**


132

**Bibiliya ivuga ko Satani atera nk’intare yivuga.**


133

**Satani yakoreye mu mwami Herode ngo yice Umwana Kristo (aratsindwa).**

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



134

**(Videwo y’Amasegonda 10) Satani yihinduye marayika uvuye mu ijuru asanga Yesu mu butayu, amugeragerésha ibishuko bitatu bikomeye (Satani yaratsinzwe).**


135


**Satani akorera mu mbaga y’abantu kwica Yesu i Karuvali (aho niho Satani yatsindiwe burundu).**


136

**Nubwo hari Karuvali, habayeho n’umuzuko! Imana Ihimbazwe!**
**Nguko uko Imana yatanze Umwana wayo, n’Umwana nawe Akitanga ngo agukizanye nanjye urwari rudutegereje.**
**Iyo niyo saha yo kunesha, umunsi wo gutanga umudendezo ku mbohe zose, umwanzi yaboheye kuri iyi si.**



137

**Uwo munsi umwanzi Satani yaraneshejwe. Kristo, kubwo urupfu rwe yabonye uburenganzira bwo kurimbura ikibi cyose n’imibabaro.**
**Paulo, mu Baheburayo 2:14 yaranditse ati:**




138

**(Isomo ku mashusho 2: Abaheburayo 2:14)**
**“ Nuko rero, nkuko abana bahuje umubiri n’amaraso, ni ko nawe ubwe yahuje ibyo nabo,**



139

**Kugira ngo urupfu rwe aruhinduze ubusa ufite ubutware bw’urupfu, ni we Satani.”**


140

**Satani yiyerekaniye ku karubanda imbere ibiremwa bihanitse uwo ari we. Aracyerekana kandi na nubu uburyo yategeka isi.**
**Za serwakira, imitingito y’isi, imyuzure, ubwicanyi, indwara, kwiheba n’imibabaro! Ibi byose, turabibona.**

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



141

Nyamara ibyo tutabona byihishe inyuma y’ibyo byose, ni imikorere ndengakamere ya Satani.



142

Aya marorerwa tubona si “ibikorwa by’Imana”- ni “ibikorwa by’umwanzi.”


143

Ushobora kuba wibaza iby’agahinda, kwiheba, n’ingorane ugira mu mibereho yawe. Ushobora kuba wibaza ibyo urupfu rw’umwana, cyangwa inshuti ukunda maze ukabaza uti: “Imana iri he?”


144

Bibiliya itwigisha ko Imana Ihari. Mu kwiheba, mu gahinda n’ibyago Iba Ihari.
Kandi Izagaruka vuba kurangiza ibibazo byazanywe n’icyaha n’umubabaro.



145

Inkuru nziza nuko iyi si, yanyurujwe na Satani igiye vuba gutabarwa.
Kumenya ibi byagombye kugabanya ubwoba bw’abagenzi barakaye bahangayikishijwe n’isi yayobye!
Imana Ifite umugambi wo kurimbura Satani- umwanzi w’umushukanyi – kandi ibyo tuzabyiga neza mu materaniro yacu ataha.  Reka turebe uko Bibiliya ivuga ibya Satani:



146

(Isomo ku mashusho 3: Ezekieli 28:16, 18)
“...narakurimbuye, wa mukerubi utwikira we...”



147

nicyo cyanteye gukongeza umuriro ukuvuyemo;

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?



148

uragukongora, maze nguhindurira ivu hasi imbere y’abakureba bose...”
Ezekieli 28:18.
Icyaha n’umubabaro bizashiraho burundu.


149

Ni byo nshuti, Yesu agiye kuza vuba! Ntazaza nk’umunyagalilaya uciye bugufi, cyangwa nk’uwo bagize urwamenyo, uwo baciraguye amacandwe, kandi bihakanye. Ntazaza nk’uwo bamanitse ku musaraba,



150

ahubwo Azaza nk’Umwami w’abami, Umutware w’abatware afite uburenganzira bwo gutegeka! Tugomba kwitegura kumusanganira, kuko kubura ibyo ni ukubura byose!




151

(Videwo y’amasegonda 12) Ubu ikibazo ni iki: Tuzizera nde? Tuzakurikira nde?
Imana y’urukundo- cyangwa umumarayika waguye?
Imirongo iri gucibwa; isi yose igabanijemo ibice bibiri.
Uyoboka nde?
Uri ku ruhande rwa nde?


152

Yesu ararikana urukundo abihebye, abigunze, abababaye, abo imitima irega, abana be bose batuye iyi si yivumbuye:



153

(Isomo: Matayo 11:28)
“ Mwese abarushye n’abaremerewe, nimuze munsange, ndabaruhura”.
Matayo 11:28.



154

(Isomo: Yohana 6:37)
“...kandi uza aho ndi sinzamwirukana na hato .”
Yohana 6:37
Ese iyo si inkuru nziza?

# 6 - Kuki Hariho Kubabara Cyane?


155

Iyo ubuzima bugeze mu mahina, mu mibabaro, mu bwihebe, no gucika intege, Yesu Aba Ahari.
Yumva Akababaro ufite ndetse gashobora kuba kari kugushengura muri uyu mwanya.
Uburwayi bushegesha umubiri wawe, Yesu Arabusobanukiwe. Azi uburibwe.
Yatobojwe imisumari abagome bashimangiye mu biganza bye.
Azi uko kwigunga bimeze.
Yabyiboneyeho ubwo Yari Amanitse ku musaraba aho Yarabundikiwe n’umwijima.
Azi ubukene.
Yabimenyeye aho Yagendagendaga mu tuyira tw’imikungungu two muri Palestina Afite utwo kurya duke, Atagira naho Ataha yita imuhira. Ngwino umusange uyu munsi.
Araguha ibyiringiro bishya, Akongere imbaraga.
Iyi ni inkuru nziza kuri bose.
Umunsi umwe nyirizina, uyu Yesu Agiye kugaruka gukuraho imibabaro yose y’ubuzima.
Azagaruka kuyobora mu isi yagizwe nshya.
Icyaha n’abanyabyaha bazarimburwa.
Noneho nyuma Satani azatsindwa uruhenu bidasubirwaho.
Yesu yifuza cyane kukwinjiza mu muryango w’Imana, ngo aguhe ubugingo buhoraho mu isi izaba yagizwe nshya.
Nyamara icyemezo kigomba gufatwa--Ni nde uzahitamo kukubera Imana n’Umutware?
Nshuti, iki cyemezo ni icyo ubuzima cyangwa urupfu!
Ntiwahitamo ubu ukareka Yesu Akakubera Umwami?
Arategereje. Arambuye cyane amaboko ye.
Agira ati, “Ngwino! Ngwino! Ngwino!”
Mu gihe dusenga, wahombeka amaso ukagira uti “Yego, Mwami Yesu, ndaje?”.

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.



1

**Ashobora no guhindura ubuzima bwawe.**



2

**Abantu babiri bagendaga mu igare ry’umwotsi bagenda za kilometero batembera muri Leta Zunze Ubumwe Za Amerika.  Kuko urugendo rwabo rwari rurerure, bamaze igihe cyabo bavuga ibibajemo mu mutwe.**
**Bavuga iby’ihindagurika ry’ibihe.**
**Bavuga ku bya politiki.**
**Bavuga ibyo mu bwana bwabo, iby’imiryango yabo, iby’imibanire mu ngo zabo. Ikiganiro cyabo kiza kubageza ku by’amadini. Uwa mbere yari umuhakanamana. Undi yari umukristo. Umwe muri bo ntacyo yizeraga na gato.**
**Undi yari afite kwizera gushikamye cyane mu Mana. Umwe muri bo ntiyigeze asoma Bibiliya. Undi we yasomaga Bibiliya ubudasiba.**


3

**Ikiganiro cyabo muri ubwo bushyuhe bwo ku gicamunsi cyo mucyi cyibandaga kuri Yesu Kristo. Wa muhakanamana abaza wa mukristo w’inshuti ye bimwe mu bibazo bikomeye nk’ibi bikurikira: Kuki uri umukristo? Byaba byarakugwiriye kubera aho utuye? Byaba se aruko wagiye kwibona ugasanga waravukiye mu gihugu cya  gikristo, nibyo?**
**Mbese Yesu Atandukaniye he n’undi muntu ukomeye?**
**Mbese Yesu aruta umwigisha w’imibanire cyangwa umufilozofe  mu byo umuco?**
**Wakwemezwa niki ko ibyo Yesu Yiyita ari byo?**
**Niki cyakwemeza ko Yesu  ari Imana, ko n’ubugingo buhoraho atanga ari nyabwo?**
**Muri iryo gare ry’umwotsi kuri icyo gicamunsi, ibibazo by’uwo muhakanamana byari ingenzi cyane.**
**Mugenzi we w’umukristo yagerageje kuganira nawe ibisubizo.**
**Ntabwo nshidikanya mu bitekerezo byanjye ko hari ibisubizo bifite ireme bishobora gutangwa kuri ibyo bibazo kandi ko gusobanukirwa nibyo bisubizo bisobanura ubugingo bw’iteka.**

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.


4

Mu by’ukuri iyi si yacu ifite bimwe ikesha abantu b’ibyamamare. Abantu bagize icyo bayikorera ngo bayigire ahantu heza cyane.


5

Abami, abaprezida, abanyamadini, abayobozi ba gisilikari, abashakashatsi n’abahanzi bagize ikimenyetso basiga ku isi.
Amazina yabo azwi hose ku isi.


6

Hari izina rimwe riyahebuje yose.
N’amateka y’isi agabanijemo imyaka imbere na nyuma yo kuvuka kwe.
Izina rye ni Yesu.
Yesu ni izina ry’ikirangirire mu mateka.
Ariko kuba izina rye ryarumviswe ni kimwe, no kumenya uwariwe koko ni ikindi.


7

Kuri uyu mugoroba, nifuza kubamenyesha byuzuye ibyo amateka ya Yesu - Yesu uvugwa muri Bibiliya.
Reka duhere ahabanza.
Mushobora kuba mwibaza mut i- Yesu ni nde?
Atandukanye ate n’abandi? Yari umuntu mwiza gusa, umwigisha w’imbonezamutima? cyangwa umucurabwenge?
Babiri mu bigishwa be nabo babyibajijeho.


8

Ubwo Yesu Yahuraga n’abigishwa be babiri mu nzira igana Emawusi ku munsi Yesu Yazutseho, kuwa mbere w’iminsi irindwi,


9

Yaberetse ubuhanuzi bwari bumaze gusohora mu minsi mike yari ishize.



10

(Isomo ku mashusho 3: Luka 24:25, 27)
“Mwa bapfu mwe, imitima yanyu itinze cyane kwizera ibyo abahanuzi bavuze byose!...

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.




11

**Atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bose,**




12

**Abasobanurira mu Byanditswe, byose Ibyanditswe kuri We.”**
**Luka 24:25, 27**



13

**Reka turebe ibyemeza ko Yesu ari Mesiya.**




14

**AMAYOBERA YO KUVUKA KWE**
**Mbere cyane yuko Yesu abyarwa na Mariya, Yesaya yari yarabihanuye:**



15

**(Isomo ku mashusho 2: Yesaya 7:14)**
**“Nicyo gituma Uwiteka ubwe ari we uzabihera ikimenyetso:**



16

**Dore umwari azasama inda azabyara umwana w’umuhungu amwite izina Imanueli.” Yesaya 7:14**



17


**(Videyo: amasegonde 5) Yesu afite amazina menshi. Imanueli, Yesu, Umukiza, Kristo, na Mesiya. Ubuhanuzi bwa Yesaya burebana no kuvuka kwa Yesu abyarwa n’umwari bwari bwaranditswe imyaka 600 mbere yuko Avuka.**
**Marayika umwe yongeye kuvuga iby’ubu buhanuzi nk’icyemezo ko Yesu yari Mesiya. Reka turebe uko Marayika avuga kubyarwa kwa Yesu n’umwari Mariya.**

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.



18

**(Isomo ku mashusho 2: Matayo 1:18)**
**" Kuvuka kwa Yesu kwagenze gutya.  Nyina Mariya yari yarasabwe na Yosefu,**



19

**ariko yari ataramurongora, babona afite inda y'Umwuka Wera." Matayo 1:18**



20

**AHO YAVUKIYE**



21

**(Isomo: Mika 5:2)**
**"... Betelehemu ...muri wowe niho hazava uzaba umwami w'Isirayeli..." Mika 5:2**
**Bigaragara ko Yesu Yavukiye i Betelehemu neza neza mu mudugudu wari warahanuwe mu myaka 700 mbere yuko Avuka.**



22

**(Isomo: Matayo 2:1)**
**"... Yesu amaze kuvukira i Betelehemu mu gihugu cy'i Yudaya..." Matayo 2:1**
**Isezerano rishya rishimangira ugusohora k'ubuhanuzi bwa Mika. Yesu yari Arenze cyane kuba umuntu mwiza,**
**Yari Arenze kuba umwigisha w'imyifatire myiza,**
**Arenze kuba umucurabwenge mbonezamutima.**
**Yari Umwana w'Imana.**
**Yavutse k'umukobwa w'isugi nkuko umuhanuzi Yesaya yari yarabivuze.**
**Yavukiye i Betelehemu nkuko umuhanuzi Mika yari yarabihanuye.**

# 7 - UBUZIMA BW'UMWE BWAHINDUYE ISI.


23

Imyaka amagana mbere y’ ivuka rya Yesu, ubuhanuzi bwa Bibiliya buhishura bweruye kandi mu buryo burambuye iby’ ubuzima bwa Kristo.
Ubu buhanuzi bwarasohoye neza nkuko byari byavuzwe.
Ubwo Adamu na Eva bakoraga icyaha, Imana yari ifite umugambi. Urukundo rwayo rwahamagariye Yesu Umwana wayo kuza ku isi, abaho mu butungane, apfa kubwo ibyaha byacu. Yemeye kujya mu cyimbo cyacu ngo tubone ubugingo buhoraho niba twemera umugambi we wo kutubera Umukiza. Ibi nibyo bita INAMA Y’ AGAKIZA.


24

Hagiye gushira nibura imyaka 2000 abanyabwenge bavuye i Burasirazuba bize Ibyanditswe.
Bari barasomye iby’ Umwami ukomeye wagomba kwerekanwa kandi icyo cyari igihe cye cyo kuza.


25

Bamenye ko igihe kigeze, kandi inyenyeri yari ikimenyetso cy’ Umwami wavutse. Bamusanze i Betelehemu barapfukama baramya Yesu.



26

(Isomo ku mashusho 2: Luka 2:7)
“Abyara umuhungu w’ imfura, amworosa imyenda y’ impinja,



27

amuryamisha mu muvure w’ inka, kuko bari babuze umwanya mu icumbi.” Luka 2:7


28

Yesu Yaryamishijwe mu muvure inka zigaburirirwamo kuko nta cyumba cyari gihari. Yavutse nta kivurira.

7 - UBUZIMA BW'UMWE BWAHINDUYE ISI.

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.


29

Nyina yari imfura ikarabye.Yari akibyiruka ubwo Malayika yamubwiraga ko yari agiye kubyara umwana w’Imana.



30

Nubwo yari “Umwana w’Imana”, Yari Imana Yuzuye nka Se.
Intumwa Paulo ivuga ko Yari ahwanye n’Imana.
Yafashe ishusho y ‘umugaragu ngo abe nk’umuntu.




31

(Isomo ku mashusho 3: Abafilipi 2:6)
“ Uwo nubwo yabanje kugira akamero k’Imana, ntiyatekereje ko guhwana n’Imana, ari ikintu cyo kugundirwa;



32

ahubwo yisiga ubusa, ajyana akamero k’umugaragu w’imbata,




33

agira ishusho y’umuntu.”
Abafilipi 2:6,7


34

Yesu yabaye nkatwe mu buzima bwo kw isi.
Ariko yari umuziranenge uboneye, nta kizinga; aritanga, ngo tubone ubugingo buhoraho.
Mu masaha 24 ya nyuma y’ubuzima bwa Kristo, ubuhanuzi bwari bwaramuvuzweho imyaka ibinyejana bya kera bwarasohoye mu buryo burambuye.



35

Fata urugero rwa Yuda AMUGAMBANIRA

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.



36

**(Isomo: Zaburi 41:9)**
**" Kandi inshuti yanjye y'amagara nizeraga, nagaburiraga, niyo imbangiriye umugeri."**
**Petero yabajije Yesu uwari ugiye kumugambanira, Yesu Yaramushubije ati:**



37

**"...Uwo ndibukoreze inogo nkayimuha, niwe uwo..." Yohana 13:26**



38

**IGICIRO CYARISHYWE UMUGAMBANYI**



39

**"...Nuko banyishyura ibice by'ifeza mirongo itatu" Zekaria 11:12**



40

**(Isomo ku mashusho 2: Matayo 26:14,15)**
**" Hanyuma umwe muri abo cumi na babiri, --witwaga Yuda Isikaryota -- asanga abatambyi bakuru,**



41

**arababaza ati:" Mwampa iki nkamubagenzereza?" Bamugerera ibice by'ifeza mirongo itatu."**



42


**UKO YAKUBISWE AKANASHINYAGURIRWA**



43

**(Isomo ku mashusho 2: Yesaya 50:6)**
**" Abankubita nabategeye umugongo, n'imisaya nyitegera abamfura uruziga;**

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.



44

Kandi mu maso hanjye sinahahishe gukorwa n'isoni no gucirwa amacandwe."



45

(Isomo: Matayo 26:67)
" Nuko bamucira amacandwe mu maso, bamukubita ibipfunsi, abandi bamukubita inshyi,"
Matayo 26:67



46

BATOBOYE IBIGANZA N'IBIRENGE BYE




47

(Isomo: Zaburi 22:16)
"...Bantoboye ibiganza n'ibirenge."
Zaburi 22:16
Nyuma yo kuzuka kwa Kristo, Tomasi, umwe mu bigishwa be washidikanije ko Yesu Yazutse, yamenyekanishije ko ibiganza n'ibirenge bya Kristo byatobowe koko. Yaragize ati,



48

(Isomo ku mashusho 2: Yohana 20:25)
"...Nintabona inkovu z'imbereri mu biganza bye, ngo nzishyiremo urutoke rwanjye,



49

...sinzemera."
Yohana 20:25



50

YABARANYWE N'ABAGOME
Reba uko ubu buhanuzi kuri Kristo bwasohoye neza:




51

(Isomo: Yesaya 53:12)
“...akabaranwa n’abagome.”
Yesaya 53:12



52

(Isomo ku mashusho 2: Mariko 15:27,28)
“ Bamubambana n’abambuzi babiri, umwe iburyo bwe n’undi ibumoso.”




53

Nuko ibyanditswe birasohora ngo,
“Yabaranywe n’abanyabyaha.”
Mariko 15:27,28




54

BAFINDIYE IMYENDA YE
Umwami Dawidi yavuze ibyagombaga kuba ku myenda ya Yesu imyaka nk’igihumbi mbere yuko Yesu Apfa:



55

(Isomo: Zaburi 22:18)
“ Bagabana imyenda yanjye, bafindira umwambaro wanjye.”
Zaburi 22:18




56

(Isomo ku mashusho 3: YOHANA 19:23, 24)
“ Nuko abasirikare...bajyana imyambaro ye, bayigabanyamo kane...



57

Iyo kanzu ntiyari ifite umubariro, ahubwo yari iboshwe yose, uhereye hejuru ukageza hasi.



58

Baravuga bati: Nuko baravugana bati...
“ Twe kuyitanyagura, ahubwo tuyifindire, turebe uri bube nyirayo uwo ari we.”
Yohana 19:23, 24

7 - UBUZIMA BW'UMWE BWAHINDUYE ISI.

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.




59

**AMAGAMBO YE ARI KU MUSARABA**





60

**(Isomo Zaburi 22:1)**
**" Mana yanjye, Mana yanjye, niki kikundekesheje?" Zaburi 22:1.**
**Gereranya umurongo wo mu Isezerano rya kera na Matayo 27:46:**





61

**(Isomo: Matayo 27:46)**
**" Mana yanjye, Mana yanjye, niki kikundekesheje?" Yesu yavuze ayo magambo mbere gato yuko apfa mu isaha ya cyenda.**





62

**Ubuhanuzi bwinshi bwari burenze kugenzurwa na Yesu nk'umuntu.**





63

**Ntiyari gushobora kugena aho Yagombaga kuvukira.**





64

**Uburyo Yavutse mo,**




65

**Igambanirwa rye,**




66

**cyangwa ibyerekeye urupfu rwe.**

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.


67


**Muby’ukuri, Yesu Yari uwo Yavuze ko Ariwe.-- Mesiya. Ubwo Yari Abambwe ku musaraba w’isoni, no gukubitwa n’imisumari batoboje mu biganza no mu birenge bye, n’ikamba ry’amahwa, bamuseka, bamukoba,**


68

**“ Yashoboraga kuba yarahamagaye abamarayika igihumbi bakaza bakarimbura isi bakamugira Uwo umudendenzo.”**
**Ntiyashoboraga kwikiza ngo anadukize!**



69

**Mbese aho ujya utekereza niba koko hari ujya akwitaho?**
**YESU AKWITAHO!**
**Yabyerekanye kera ku musozi uri hanze ya Yerusaremu!**
**Mbega urukundo!**
**Rumenagura imitima yacu y’ubwibone.**
**Yashoboraga guhamagara abamarayika igihumbi ariko Imana Ishimwe, Ntiyabikoze!**
**Ahubwo Yemeye gupfa kubwawe nanjye!**



70

**Ikibazo cy’ingenzi ni iki, Yesu ninde kuri wowe?”**



71

**Yesu Yaje kuri iyi si yacu kubaho ubuzima buzira inenge ngo Asimbure ubuzima bwacu bw’icyaha. Yapfuye urupfu twagombaga gupfa agira ngo tubeho by’iteka!**
**Bibiliya ivuga ibyo kwitanga kwe iti,**



72

**(Isomo ku mashusho 4: Yesaya 53:3-7)**
**“ Yarasuzugurwaga, akangwa n’abantu; yari umunyamibabaro, wamenyereye intimba...**



73

**“ Nyamara ibicumuro byacu nibyo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, ... kandi imibyimba ye niyo adukirisha.”**

7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.




74

“ Twese twayobye nk’intama zizimiye...




75

“Yararenganye,... ariko yicisha bugufi ntiyabumbura akanwa ke, amera nk’umwana w’intama bajyana kubaga! Yesaya 53:3-7



76

Aha turabona ko Yesu yagereranijwe n’Umwana w’intama.
Inshuro nyinshi muri Bibiliya yitwa Umwana w’Intama.




77

(Isomo: Ibyahishuwe 13:8)
Ibyahishuwe 13:8 havuga iby “ Igitabo cy’ubugingo cy’Umwana w’Intama watambwe uhereye ku kuremwa kw’isi.”




78

Isomo ku mashusho 2: Ibyahishuwe 5:8, 12)
“ Abakuru makumyabiri na bane bikubita imbere y’Umwana w’Intama ...




79

[bavuga bati] “ Icyubahiro n’icy’Umwana w’Intama watambwe...”
Yesu Umwana w’Intama Yadukijije twese urupfu rw’iteka mu cyimbo cyarwo Aduha ubugingo bw’iteka.



80

(Isomo ku mashusho abiri: Abaroma 6:23)
“ Kuko ibihembo by ibyaha ari urupfu,



81

ariko impano y’Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu.”
Abaroma 6:23

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.




82

**Adamu na Eva baracumuye icyaha kibatandukanya n’Imana.**
**Imana yagombye kubirukana mu ngobyi babagamo nuko ntibongera gushobora kurya ku giti cy’ubugingo.**
**Ukubaho kwabo kwagiye kugabanuka buhoro buhoro kugeza bapfuye.**




83

**(Isomo ku mashusho abiri: Itangiriro 3:24)**
**“ Nuko yirukana uwo muntu; kandi mu ruhande rw’iyo ngobyi yo muri Edeni ryerekeye i burasirazuba ishyiraho abakerubi,**





84

**n’inkota yaka umuriro izenguruka impande zose ngo ibuze inzira ijya kuri cya giti cy’ubugingo.” Itangiriro 3:24**




85

**Imana Ibabwira ibyo inama yo kubakiza.**





86

**(Isomo ku mashusho abiri: Itangiriro 3:15)**
**“ Nzashyira urwango hagati yawe n’uyu mugore, hagati y’urubyaro rwawe [ abakurikira Satani] n’Urwe [Abakurikira Kristo];**




87

**Urubyaro [Yesu] ruzagukomeretsa umutwe, nawe [Satani] uzaru [Yesu] komeretsa agatsinsino.” Itangiriro 3:15**




88

**Gukomeretsa bisobanura iki?**

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.



89

Mu Giheburayo ijambo “gukomeretsa” risobanura “kumenagura”. Kumenagura umutwe w’umuntu birakaze cyane kuruta gukomeretsa agatsinsino ke.
Kristo Azanesha Satani.
Hari ikindi kintu Imana Yakoze cyo kwibutsa umuntu inama y’agakiza no kongera kubatunganya.


90

Yashyizeho gahunda y’ibitambo.
Bagombaga kwerekana kwizera kwabo bafite mu Mwana w’”Intama w’Imana” (Yesu) wagombaga umunsi umwe kuzabapfira ngo abaheshe ubugingo bw’iteka.


91

Bibiliya ntitubwira neza igihe gahunda y’ibitambo byatangiriye. Adamu na Eva bibonye bambaye ubusa nuko Imana Ibaremera imyambaro Ikuye mu mpu. Mu gice na none gikurikiraho, Kaini na Abeli bazanye ibitambo.



92

(Isomo ku mashusho 2: Itangiriro 4:4,5)
“ Na Abeli azana ku buriza bw’umukumbi we no ku rugimbu rwawo,



93

Uwiteka Yita kuri Abeli no ku ituro rye.”
Itangiriro 4:4



94

Imana “ ntiyita kuri Kaini n’ituro rye. Kaini ararakara cyane.” Itangiriro 4:5
Abeli yazanye umwana w’intama ushushanya Umwana w’Intama w’Imana, ariko Kaini azana imbuto z’ubutaka. Ituro rya Kaini ntiryerekanaga kwizera mu Umwana w’Intama w’Imana Watambwe.



95

(Isomo: Abaheburayo 9:22)
“...kandi amaraso atavuye, ntihabaho kubabarirwa ibyaha.” Abaheburayo 9:22

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.


96

**Ubwo Imana Yakuraga Abisiraeli mu Egiputa, Yabigishije amasomo Iyanyujije mu mihango y’ubuturo bwera Yabwiye Mose kubaka.**
**Ubuturo bwera, cyangwa ingando, yashushanyaga ingando nyayo yagondewe mu ijuru.**


97

**Umwe muri iyi mihango wari Pasika.**


98

**Ku munsi wa 14 w’ukwezi kwa mbere, abantu bari barasabwe kwica umwana w’intama maze bakaminjira amaraso yawo ku nkomanizo z’inzu zabo.**
**Cyari ikimenyetso ko bakingiwe n’amaraso y’Umwana w’Intama.**


99

**Rya joro Marayika murimbuzi yarenze ingo zari zikingiwe n’amaraso kandi ntiyagirira nabi n’umwe mubabaga imbere muri ayo mazu.**



100

**Pasika yari iyo kubibutsa ko amaraso y ‘Umwana w’Intama ariyo yonyine adukiza kurimbuka.**
**Amatungo yatambwaga ntiyashoboraga kweza ibyaha.**
**Ariko kwizera abantu bagiraga mu gitambo Imana yatambye kwashoboraga kubakiza ibyaha.**



101

**(Isomo: Abaheburayo 9:26)**
**“...ahubwo none abonetse rimwe gusa ku mperuka y’ibihe, kugira ngo akuzeho ibyaha kwitamba...”**
**Abaheburayo 9:26**




102

**(Isomo: Abaheburayo 10:4)**
**“Erega ntibishoboka ko amaraso y’amapfizi n’ay’ihene akuraho ibyaha.”**
**Abaheburayo 10:4**

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.


103

Yohana Umubatiza yavuze ibya Mesiya anavuga ibya Yesu agira ati,



104

**(“Isomo: Yohana1:29)**
**“...Nguyu  Umwana w’intama w’Imana ukuraho ibyaha by’abari mw isi!”**
**Yohana 1:29**


105

**Imihango y ‘ibitambo yerekanaga Mesiya wagombaga kuzaza - Umwana w’Intama w’Imana.**
**Amaraso yamenekaga ya buri mwana w’intama mu Isezerano rya Kera, yashushanije mu binyejana byinshi amaraso Yesu Yasheshe ku bwacu.**


106

**Yesu ni umukiza w’abari mw isi.**
**Yesu Arababarira.**
**Yesu Adukiza umutima uducira urubanza.**
**Yesu Atwigisha uko tubaho.**
**Ubuzima bwa Yesu butubera urugero.**
**Yesu Atwongera mo imbaraga.**
**Yesu Aduhindura imitima.**
**Yesu Aduha ubugingo bushya.**

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.


107

Rimwe igihe Nyakubahwa Ernest Shackleton (soma Shakeletoni) yageragejea kwambuka inyanja y’Antarakitika mu w’1914, ubwato bwe bwitwa Kwihangana (Endurance,) bwamenywe n’ikibuye cy’urubura cyarerembaga. Abari mu bwato bazererezwa n’ishuheri y’umuyaga kugeza ubwo batsitse ku kirwa Nzovu (Elephant Island). Shakeritoni yasabye abagabo kubaka inkambi aho, ngo bashobore kubikamo ibikoresho byabo kandi banashobore no kugerageza kuzarwana n’igihe cy’ubukonje cyari cyegereje. Nyamara yaje kubona ko nta muntu uzabasha kuzaza aho kubatabara. Nta n’umwe wari uzi aho bahererereye. Bari kure y’isi ituwe, mu manyinya y’inkubi y’imiraba y’inyanja y’Antarakitika. Hari ibyiringiro bimwe gusa byo gutabarwa. Wenda hari umuntu wari kuzahanyura yambukiranya iyo nyanja iteye ubwoba maze akabarwanaho. Shakeritoni atangira gupakira ibintu mu bwato bunini bwa karahabutaka ngo bakomeze urugendo. Afata abantu batandatu mu babishakaga. Bagombaga kwambuka ibilometero hafi 1400 mu nyanja y’inkubi y’umuyaga mwinshi kugira ngo bagere ku cyambu cya Norvege ku kirwa cy’ubutita muri Georgia y’amajyepfo.

# 7 - Ubuzima bw'Umwe Bwahinduye Isi.



108

Byasaga n’aho ari ikintu kidashoboka kugenda mu bwato budatwikiriye mu gihe nk’icyo cy’umugaru n’ishuheri bikaze cyane. Ariko Shakeritoni abyumvikanaho n’abantu be baragenda. Bamara iminsi bihindira munsi y’ihema ridakomeye, bikinzemo ishuheri, basenga ngo umuyaga utazatatamura inkuge yabo ukabajyana kure. Bihanganiye ubukonje, bwa bundi bubi bwinjira ukibwira ko bwageze ku magufka, baba mu mifuka yo kuryamamo nayo yabaye ubutita, amazi yahindutse urubura atemba mu migongo yabo, barwana n’inzara n’inyota nabyo bitaboroheye. Nyuma y’iminsi mirongo ine batangiye urwo rugendo, bose bari hafi yo kwicwa n’ubwo buzima bubi ariko bagiye kubona babona bari gukabakaba ku nkombe za Georgia y’amajyepfo. Umugambi wa Shakeritoni yari awugezeho; mu gihe gito hari ubwato bwihutishijwe kujya gutabara ba bandi bandi bari basigaye inyuma. Ubwo Imana Yarebaga inzitizi n’amagorwa twarimo, kandi Ikabona uko twari twigunze ku kirwa cya twenyine, tugoswe n’inyanja itagira aho irangirira y’ibyaha, Imana ubwayo Yibiye muri iyo ndahangarwa y’inyanja. Yishyiraho ubwicanyi, ubugome ndengakamere bw’inyokomuntu.



109

Ku isi yose nta uhwanye na Yesu. Ni we wenyine Ushobora kudukiza. Ni we wenyine Ushobora kudukuraho urubanza kandi agahindura ubuzima bwacu. Ni we wenine Ushobora kuduha ubugingo buhoraho. Wakunda kuzamura ukuboko kwawe kw’iburyo maze ukavuga uti: “Yego Yesu, uyu mugoroba nemeye ko uri Umwami wanjye n’Umukiza. Yego Nyagasani, nizeye ko wamfiriye. Yego Mwami nguhaye ubuzima bwanjye.”
Zamura gusa ukuboko kwawe mu gihe ndi kugusabira.

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka




1

Ibanga ry’ukudapfa




2

(Video: amasegonda 19) Isi iratigita. Imbaraga idasanzwe y’igishitsi yumvikanira mu mujyi wose. Amazu y’ibiro n’amazu yo guturamo yirunda hasi. Ibitaro, amashuri n’insengero birasenyuka.
Umutingito w’isi wo muri Gashyantare 2001 muri El Salvador wahise uhitana abantu bakabakaba 3000. Abandi ibihumbi basigaye iheruheru batagira aho bikinga. Abakozi bihutana ubufasha, bakoze ubutananirwa umunsi n’ijoro bashakisha abazize ayo mahano. Basanze bake gusa aribo bakiriho.
Nyuma y’amasaha 4 bataburura, bari hafi gukurayo amaso ubwo umwe yarabutswe akaboko igice cyako kimwe gitabye muri uwo musaka. Byari binababaje ubwo babonaga ako kaboko kanyeganyega. Byateye abakozi b’abatabazi kurushaho gutaburura. Byababafashe hafi amasaha 4 yo gutwikurura umugabo w’igikwerere mu nsi y’ibinonko. Yarakiriho. Yanambye iminsi ine yose nta cyo gutamira nta tuzi two kunywa. Nyuma ari mu bitaro bamubajije uko yashoboye kubaho mu buzima bubi nk’ubwo.
Igisubizo cye cyari,” Nifuzaga kubaho. Nasamaga umwuka. Sinashakaga gupfa. Nizeraga ko ubufasha buri mu nzira buza.”



3

Twavukanye uku kwifuza kubaho.
Wowe nanjye twari tubifite ubwo twinjiraga muri iyi si. Uw’ari we wese wigeze kubaho yagize ubwo bushake. Bishobora kuba aribwo bushake bukaze twigeze tugira. Twebwe abantu duhurijwe hamwe n’ubwo bushake rusange dufite bwo kwifuza kubaho.

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka


4

Rero iyo amagara y'umuntu aterewe hejuru, abantu bakora ibikorwa bishoboka n'ibidashoboka, by'ubutwari burambuye bwo gukiza abandi. Bishobora kuba ar'umwana waguye mu iriba. Cyangwa abagenzi baheze ku cyambu mu bwato bwahuye n'isanganya.


5

Cyangwa uwazamutse agahera ku musozi ... Cyangwa uwaheze mu byasakambuwe n'umutingito w'isi. Ariko iyo ubuzima bw'umuntu buri mu mahina, abantu birukankira kurwananaho.


6

Ukuri buri wese muri twe atifuza gutekerezaho - nyamara kugakomeza kuba ukuri - nuko ubuzima bw'uwariwe wese muri twe buri mu makuba. Si n'amakuba gusa. Twese turi abo gupfa.




7

(Isomo: Abaroma 6:23)
BIbiliya ivuga ngo, "kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana n'ubugingo buhoraho, muri Yesu Kristo Umwami wacu."
Abaroma 6:23.



8

Icyaha n'uburozi - kirica. Kirica! Kuki? Kuko kidutandukanya n'Isoko y'ubuzima bwose- Imana ubwayo, Yaturemye. Kandi buri wese muri twe yaracumuye.



9

(Isomo: Abaroma 3:23)
"kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana;" Abaroma 3:23.



10


(Isomo: Abaroma 3:10 -12)
"Nta ukiranuka n'umwe,

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka




11

Nta umenya, nta ushak’Imana:



12

“Bose barayobye, ...Nta ukora ibyiza n’umwe.” Abaroma 3:10-12.


13

Ababyeyi bacu ba mbere, Adamu na Eva, abo amoko yose y’abantu yakomotseho, bahisemo kutumvira Imana banyura mu nzira zabo bwite, bitandukanya n’Imana.



14

(Isomo: Abaroma 5:12)
“Kuko bimeze bityo, nk’uko ibyaha byazanywe mu isi n’umunt’umwe, urupfu rukazanwa n’ibyaha,




15


ni k’urupfu rugera ku bantu bose, kuko bose bakoz’ibyaha.” Abaroma 5:12


16

Ingaruka z’icyaha ni urupfu.
Urupfu ruterwa n’icyaha rubara ijana ku ijana.
Adamu yagombaga gupfa kubw’icyaha.
Nguko uko bose abamukomotseho - buri wese muri twe turi muri uwo mubare w’abapfa.


17


Nuko rero twese turi hasi mu mworera.
Mu mutego tutagira gifasha.
Twokojwe gupfa uretse ko twagira umuntu udutabara.
Inkuru nziza ni uko hari uwo kudutabara!



18

(Isomo: Abefeso 2:8,9)
“Mwakijijwe n’ubuntu kubwo kwizera: ntibyavuye kuri mwe, ahubwo n’impano y’Imana;

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka



19

ntibyavuye no ku mirimo, kugira ngo hatagir’umuntu wirarira;”
Abefeso 2:8,9.
Niby’ukuri, twese twaracumuye.
Nta gushidikanya guhari!
Ducumura muri buri gikorwa cyo kwikunda dukora, buri jambo, ndetse yewe no mu bitekerezo.



20

Tekereza igihe kitabarika buri munsi twacumuyeho! Kandi ikibazo cyacu si ibyaha gusa twakoze - Ikibazo ni uko turi abanyabyaha!


21

Umuntu ufite indwara y’injyana muntu udashobora kumenya ikibazo afite ngo asab’ubufasha bwa muganga arapfa nta kabuza.
Kandi iryo niryo herezo ry’abanyabyaha badashobora kumenya ubukene bw’umwuka bafite ngo bashake ubufasha.



22

(Isomo: Yesaya 59:2)
“Ahubwo gukiranirwa kwanyu [ibyaha] ni ko kwabatandukanije n’Imana yanyu,...”
Yesaya 59:2.
Imana ni isoko y’ubuzima, kandi ubwo Adamu yacumuraga, yatangiye gupfa.
Twese turi munsi y’urubanza rwo gupfa.
Ariko Imana y’urukundo ntiyatubwiye ingaruka z’icyaha Itaduhaye ibyiringiro by’agakiza!
Ngiyi inkuru nziza!



23

(Isomo: Abaroma 6:23)
“kuko ibihembo by’ibyaha ari urupfu, ariko impano y’Imana n’ubugingo buhoraho, muri Yesu Kristo Umwami wacu.”
Abaroma 6:23.



24

(Videwo: amasegonda 3) Agakiza ni impano.
Ntitugakwiriye.
Ntitwanakabona kubw’imirimo myiza yacu ubwacu, kandi ntitwanakagura ku giciro icyaricyo cyose.

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka


25

Abantu benshi bibwira ko abantu bahabwa imbabazi n'ubugingo buhoraho kubera gukora ibikorwa byinshi byiza.
Abantu bicara ku buriri bw'.imisumari bizera ko mu kubabaza imibiri yabo bashobora gukundwakara ku Mana.


26

Abantu bamwe bakubitagura imibiri yabo bakanayikomerekesha ibiboko, n'iminyururu, abandi bakitobora n'utwuma dutyaye, maze


27

abandi bakagendesha ibirenge ku makara ashyushye bashaka gukundwakazwa n'Imana mu bikorwa bidasanzwe byo kwiyangiriza imibiri.


28


Abandi bizera ko bakesha ubuzima bwabo bw'ahazaza bubaka insengero cyangwa bagaburir'abatagatifu,


29

kandi ku bandi, nta munezero urenze cyangwa inzira isumba izindi yo kuboner'ihirwe ku Mana nko gukora ingendo bajya i Maka (Mecca) cyangwa se bagapfa barwanira Isilamu.


30

Abakristo benshi nabo bakora ibintu nk'ibyo batabizi. Bajya mu rusengero, bagatanga amaturo, bagakurikiza amategeko ya Bibiliya yo kugirira abandi ineza, batekereza ko Imana Ibagirira imbabazi kandi ibyo bikaba byabahesha ubugingo buhoraho.
Ariko se, ibyo birashoboka?



31

Mbese umuntu ashobora gutugir'Imana ngo Imubabarire, Imuhe n'ubugingo buhoraho abinyujije mu kubabaz'umubiri we no kuwushyira ku nkeke ababaza ibitekerezo bye cyangwa akora ibikorwa byo kugiraneza?

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka



32

**Mbese hari ubwo dukorera agakiza nkuko mu mikino ngororangingo umuntu akorera igikombe cyangwa umudari wa zahabu w’ishimwe?**



33

**(Isomo: Abefeso 2:8,9)**
**Bibiliya igira iti,” “Mwakijijwe n’ubuntu kubwo kwizera: ntibyavuye kuri mwe, ahubwo n’impano y’Imana;**



34


**ntibyavuye no ku mirimo, kugira ngo hatagir’umuntu wirarira;”**
**Abefeso 2:8,9.**


35


**Ntabwo twakwikirish’ubwacu n’imirimo yacu ubwacu. Tugomba kwishingikiriza ku buntu bw’Imana n’urukundo rwayo no ku mbabazi zayo, Iduha ku buntu.**
**Iyaba twashoraga gukora ngo tubone agakiza, ntikaba kakibaye impano.**


36

**Ducishirize ko umukoresha wawe agushyikirije ibahasha akakubwira ko agufitiye impano.**


37

**Ufunguye ugasangamo harimo agapapuro k’isheki y’igihembo wakoreye mu byumweru bibiri bishize, mbese iyo yaba ari impano?**
**SI IMPANO NIBA WARAYIKOREYE!**


38

**Aiko se kuki Imana Ishobora byose Itegeka ibibaho byose**

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka



39

(Videwo y’amasegonda 12) Yagira imbogamizi z’abantu baba iriya mu kirere?
Kuki Imana Itarets’umuntu wikunda, wivumbuye maze ngo Imureke ibyaha bye bimugaruke?



40

(Isomo: 1 Yohana 4:8)
Igisubizo kiboneka mu rwandiko rwa mbere rwa Yohana:
“kuko Imana ar’urukundo.”
1 Yohana 4:8.


41

Bamwe muri mwe muri ababyeyi.



42

Na bamwe muri mwe muzi uko bimeze kugira umwana urwaye ni uko atangira kurira umunsi n’ijoro.
Ukora ibishoboka byose kugirango ibintu bisubire mu buryo ariko ntibishoboke.
Ukagendagenda hirya no hino, umuririmbira ubuguriguri ugakurikiza inama zose inshuti zaguhaye ariko bikanga,
Reka nkubaze ikibazo.
Uko waba unaniwe kose, n’igihe umwana yaba amaze arwaye, harubwo ujya utekereza kumujugunya cyangwa kumutererana muri ubwo buribwe bwe?



43

Oya? Kuki? Kuko ukunda cyane ako gahinja kakiri gato katifashije kubera ububabare n’umuruho kagomba kubabara.
Ni ko no ku Mana biri!


44

Abana bayo ku isi barwaye indwara y’icyaha,

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka


45

**n’umubabaro n’umuruho bibagora bituma Imana Irushaho kubakunda.**



46

**Nta na rimwe Imana Yigeze Itekereza kutujya kure! Nta na rimwe Imana Yigeze Itekereza kutureka ngo dupfe cyangwa ngo tugire ingaruka z’ukutumvira kwacu.**



47

**(Isomo: 2 Petero 3:9)**
**Bibiliya Igira iti, “Umwami Imana ...Itwihanganira, Idashaka ko hagira n’umwe urimbuka, ahubwo Ishaka ko bose bihana.” 2 Petero 3:9.**


48

**Ititaye uko wab’uri mwiza cyangwa mubi,**
**Imana Iragukunda kandi Ishaka kugukiza.**
**Ntishaka ko wapfa.**


49


**Nyamara twese twaracumuye.**
**Ntitwumviy’Imana twica amategeko yayo.**


50

**Ubutegetsi bwo ku isi ntibushobora kwihanganira kutagira amategeko kuko butamara kabiri.**


51

**Abica amategeko barahanwa. Ariko kwica amategeko y’Imana nibyo bikaze, kuko icyaha kidutandukanya n’Imana - Yo Yonyine Ishobora kudufasha no kudukiza!**


52

**Nubwo Imana Ari Imana y’urukundo rw’iteka, ni n’Imana y’ubutabera.**
**Ku musozi wa Sinai, Imana Yarivuze:**

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka





53

(Isomo: Kuva 34:6,7)
“...Uwiteka, Imana y’ibambe n’imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n’umurava mwinshi;



54

igumanir’abant’imbabazi, ikageza ku buzukuruza babo b’ibih’igihumbi, ibabarira gukiranirwa n’ibicumuro n’ibyaha: ntitsindishiriza na hat’abo gutsindwa...”
Kuva 34:6,7.


55

Ese haba nta gisubizo gihari? Nta buryo bwo kubyikuramo?
Nibyo, hari uburyo bwo kubivamo!
Imana y’urukundo Yabonye inzira yo kudukiza kandi Igakomeza ubutabera bwayo.



56

Yabonye Umusimbura Utunganye wo gupfa mu cyimbo cyacu,
Ariha indishyi kubw’ibyaha byacu kugira ngo tubeho.
Yohana, umwigishwa Yesu Yakundaga, abisobanura muri ubu buryo:



57

(Isomo: Yohana 3:16)
“Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w’ikinege,




58

kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.”
Yohana 3:16.


59


Yesu Yaje mu isi yigir’umuntu, Ahura n’ibibazo bimwe n’ibigeragezo umuntu wese yahuye nabyo.
Mu buzima bwe, Yagize kumvira kuzuye.
Nuko, nk’umuziranenge uhagararire umuntu, Kristo Yikoreye ku bushake bwe ibicumuro bya buri wese wigeze abaho, maze apfa mu cyimbo cye.

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka



60

**(Isomo: Abaroma 5:19)**
**Paulo yagize ati, “Kandi nk’ uko kutumvira Imana k’umuntu umwe kwateye ko abenshi baba abanyabyaha,**



61

**ni ko no kuyumvira k’umwe kuzatera ko abenshi baba abakiranutsi.”**
**Abaroma 5:19.**


62

**Urupfu rwa Yesu ntabwo rwari rugamije gukiza uburakari bw’Imana.**
**Yesu Yaritanze Arapfa ngo Adukure mu byaha, kandi Imana Yaradukunze cyane ku buryo Yifuzaga gutamba Umwana wayo w’Ikinege ku bwacu.**
**Yesu niwe war’Umwana w’Intama w’Imana, Umwana w’Intama w’Igitambo!**



63

**(Videwo y’amasegonda 25)**
**Mose amaze gukura mu Egiputa Abisirayeli, ubwoko Imana Yatoranije , bazerereye mu butayu hafi y’umusozi Sinai, buri munsi bakabonera mu bimenyetso no mu migenzo, ibyerekana inama yo gucungura umuntu wacumuye.**
**Ubuturo bwera bwo mu butayu, bwubatswe hakurikijwe amabwiriza yihariye atanzwe n’Imana, bwahoraga bwibutsa umuntu iby’urupfu rwagombaga kuzabera i Karuvali- mu mpinga y’umusozi aho Yesu Yagombaga gupfira, aho Umwana w’Intama w’ukuri Yagombaga gutambirwa ibyaha by’abantu bose, Agatanga ibyiringiro no kudashidikanya ku mbabazi z’ibyaha n’agakiza.**


64

**Umunyabyaha yazaga azany’itungo ry’igitambo.**
**Akarambika ibiganza bye hejuru y’itungo azanye, maze akatura ibyaha bye.**
**Agafata imbugita akayisogota, byerekana ko ibyaha bye byakuruye urupfu rw’Umwana w’Intama watambwe, ari w’ushushanya Yesu.**


# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka


65

Yego, ntibinejeje. Ariko umusaraba w’ i Kaluvari wazaniy’ umuntu isezerano ry’ ubugingo bw’ iteka wari urushijeho kubabaza.
Nyamara, kubw’ iki gikorwa Imana Yerekanye ko’ icyaha cyazanye urupfu ku munyabyaha no ku gitambo kitacumuye.


66

Ubwoko bw’ Imana mu bihe bya Bibiliya bwagiye butamba ibitambo byerekanaga kwizera bwari bufite mu rupfu rw’ Umwana w’ Imana, Uwagombaga gupfa mu cyimbo cy’ umuntu, Akamuber’ inshungu.



67

(Isomo: Yohana 1:29)
Yesu yari igitambo cy’ ukuri. Ubwo yari aje kubatizwa, Yohana yagiz’ ati, “...Nguy’ Umwana w’ intama w’ Imana, ukuraho ibyaha by’ abari mu isi.” Yohana 1:29.
Mbeg’ iby’ isoni nke kubona bamwe mu bo Yaraje gucungura baragambaniye ubuzima bwe!
Yesu Yarakubiswe, Arashinyagurirwa, Acirw’ urubanza rwo kubambwa, bukaba bwari uburyo bubi burengej’ ubundi bwose bwo kwicwa.



68

(Isomo: 1 Petero 2:22)
Nyamara nkuko Bibiliya ibivuga, “Utarakoz’ icyaha, ntanabonekweho n’ uburiganya mu kanwa ke”
Yapfiriye kur’ uwo musaraba!
1 Petero 2:22.


69

Kristo Yabambwe mu minsi ya Pasika. War’ umuhango muri icyo gihe ko abategetsi b’ Abaroma bafungur’ umwe mu bicanyi kugira ngw’ abantu babagirir’ icyizere.
Imbaga y’ abantu yihitiramo Baraba basaba ko Yesu yicwa.


70

Mu rupfu, Yesu Yitiranijwe n’ abanyabyaha. Yabambwe hagati y’ abajura! Kandi ubwo Imana yamushyiragaho ibyaha by’ abatuye isi bose,

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka




71

**(Isomo: Matayo 27:46)**
**Yavuze ijwi rirenga ati: Mana yanjye, Mana yanjye n’iki kikundekesheje? Matayo 27: 46**
**Yiyumvisemo gutandukana gutey’ubwoba icyaha kizana. Yesu ntiyashoboraga kwihanganira umubabaro wo gutandukana na Se. Byamumennye umutima.**



72

**(Isomo: Mariko 15:31)**
**Imbaga yari aho irasakuza: “ ...Yakijije abandi; ntabasha kwikiza.”**
**Mariko 15:31.**


73

**Kandi ibyo byari ukuri!**
**Ntiyashoboraga kwikiza ubwe kandi ngo akize n’abandi. Yari Imana Yishyuraga ikiguzi cy’ubwoko bwazimiye, amategeko yishwe, ibihembo by’ibyaha. Iyo niyo Mana y’urukundo rutashoboraga kunyurwa, igihe cyose umuntu yari atarasubizwa mu muryango wayo, Yatanze Umwana wayo bwite ngw’apfe mu cyimbo cy’umuntu, Amubere inshungu.**



74

**Yesu Yakorewe ibyo twagombaga kugirirwa, kugira ngo dukorerwe ibyo yagombaga kugirirwa.**
**Yaciriwe urubanza kubw’ibyaha byacu, Apfa urwo twagombaga gupfa, kugira ngo tubone ubugingo buhoraho.**
**Uku niko Imana Yagombaga kuduha ubugingo bw’iteka kandi Idatatiye ubutabera bwayo. Atari uko hari icyiza twakoze, ahubwo kuko Imana Iduha agaciro kubwo ibyo Kristo yakoze mu buzima Yagize buzira amakemwa.**



75

**(Isomo: Abefeso 2:8)**
**Paulo, intumwa ku banyamahanga, yaravuze ati: “Mwakijijwe n’ubuntu kubwo kwizera...”**
**Abefeso 2:8**
**Uku kwizera niko shingiro ry’agakiza.**


76

**Ubw’umukuru w’inzu y’imbohe w’umufilipi yabazaga Paulo icyo yakora ngw’akizwe, Paulo yarashubije ati:**

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka



77

(Isomo: Ibyakozwe n'Intumwa 16:31)
"Izer'Umwami Yesu, urakizwa."
Ibyakozwe n'Intumwa 16:31




78

Nyamara, ntibihagije kwemera mu bitekerezo byawe ko Kristo Yabaye hano ku isi. Uko si ukwizera kwagukiza, hari ibirenz'ibyo.



79

(Isomo: Yakobo 2:19)
Bibiliya igir'iti: "... abadayimoni nabo barabyizera, bagahind'imishitsi." Yakobo 2:19.


80

Kwizera muri Yesu birenze kumenya ko Yapfuye hashize imyaka irenze 1900.
Bibiliya igir'iti:




81

(Isomo: Imigani 3:5, 6)
"Wiringir'Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe;



82

Uhor'umwemera mu migendere yawe yose, Na w'azajy'akuyobor'inzira."
Imigani 3:5,6
Mbes'uramwiringira? Mbese uramwiringira by'ukuri mu buryo buhagije kuburyo umureka akaba Umugenga w'ubuzima bwawe?


83

Ukwizera gukiza ni ukwiringira igitambo cya Kristo nk'inyishyu yuzuye kandi ihagije y'igiciro cya buri cyaha twigeze gukora.
Bisobanura: kwizera ko atari ibyo dukora bidukiza, ko ahubwo ari ibyo Yesu Yadukoreye i Karuvali.

8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka



84

Nta muntu n’umwe ugomba kwirata ko ashobora kwikiza ubwe.
Icyubahiro cyose ni icy’Imana! Ku ruhande rw’Imana tubihabwa k’ubuntu, naho ku ruhande rw’umuntu, tubiheshwa no kwizer’Imana byuzuye - kubushake tukayireka Ikagenga ubuzima bwacu.



85

Kwakira agakiza n’ibintu byoroshye. Nyamara benshi babigira nkaho bikomeye kandi biruhije.
Ikibazo tugomba gusubiza nikimwe nk’icyabajijwe n’umunyafilipi ubwo yatakiraga Paulo na Silasi muri rya joro ritey’ubwoba igihe igishitsi cyafunguraga imiryango yose ya gereza.




86

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 16:30)
“Nkwiriye gukora nte ngo nkire?”



87

Hari ibintu bine by’ukuri byerekeye agakiza ukeneye kumenya ngo ubone gukizwa.
Bine gusa.



88

(Isomo: Abefeso 2:8, 9)
Icya mbere: Agakiza ni impano y’ubuntu.
“ Mwakijijwe n’ubuntu kubwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe, ahubwo n’impano y’Imana; ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagir’umuntu wirarira.” Abefeso 2: 8, 9
Ubu rero ikibazo ni iki: Ni kuki agakiza kagomba kuba impano itangwa ku buntu?
Impamvu agakiza kagomba gatangwa ku buntu, bitugeza ku ngingo ya kabiri.




89

(Isomo: Abaroma 3:23)
Icya kabiri: Twese twakoze ibyaha.
Abaroma 3:23 havuga ngo: “Kuko bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw’Imana”.

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka



90

Ni ukuvuga ngo sinkwiriye impano. Sinkwiriye agakiza.
Urabona ko nakoze ibyaha. Sinashyikiriye ubwiza bw'Imana.
Niba agakiza gashingiye ku byiza nkora ubwo sinshobora kukabona kubera ko nakoze ibyaha - sinshobora kuba mwiza bikwiye.
Iyo niyo mpamvu nyayo ko agakiza kagomba gutangirw'ubuntu, mperw'ubuntu, kuko ndashobora kugakorera nkaba nta nagakwiriye. Twese twakoze ibyaha ntitwashyikira ubwiza bw'Imana.



91

(Isomo: Abaroma 6:23)
ICYA GATATU: Ingorane: Icyaha gisobanura urupfu.
Abaroma 6:23. "Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu."
Icyo ni cyo kibazo twese duhura nacyo.
Ndi umunyabyaha; nuko rero nkwiriye gupfa.
Sinkwiriye impano y'agakiza.
Sinkwiriye iyo mpano y'ubuntu.
Ni cyo gituma rero agakiza kagomba kuba impano y'ubuntu, urabona, kuko twese twacumuye tukaba tutarashyikiriye ubwiza bw'Imana.
Ikibazo nuko nk'umunyabyaha nkwiriye gupfa. Ariko Imana Ikaba Ifite igisubizo cy'iyo ngorane.




92

(Isomo: Abaroma 5:8)
ICYA KANE: Igisubizo: Yesu Yaradupfiriye.
Abaroma 5:8 havuga ngo, " ariko Imana yerekany'urukundo rway'idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukir'abanyabyaha."



93


Ibintu byoroshye. Reka tubisubiremo:



94

1. Agakiza ni impano y'ubuntu.

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka



95

2.Twese twaracumuye.



96

3. Ingorane: Icyaha gisobanura urupfu rwacu.



97

4. Igisubizo: Yesu Yaradupfiriye, ibyo bigasobanura ko dufite ubugingo niba tumwemera nk’Umukiza wacu.


98

Ubwo twari tukir’abanyabyaha, Yesu Yaradupfiriye.
Mbese nshuti, namwe ntimumukunda?
Ntimumukundiye ko Yarapfiriy’ibyaha byanyu n’ibyanjye?
Ntimumukundiye kuba yaraduhay’iyo impano y’agakiza ku buntu?


99

Ubu ushobora kubaza uti, Nakwemera nte iyo mpano y’ubuntu?”



100

(Isomo: Ibyahishuwe 3:20)
Bibiliya iduha igisubizo cy’ibyo mu Byahishuwe 3:20.
“...Dore, mpagaze ku rugi, ndakomanga.”
Ese iyo Nyirubugingo buhoraho Akomanze ku rugi rw’inzu yawe, umurekera hanze cyangwa umurarikira kwinjira?

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka




101

Birumvikana ufungur’urugi maze ukamurarikira kwinjira mo!
Reba, iyo twakiriye Yesu, twakira impano y’ubugingo buhoraho Atanga.
Mbese ibyo si byiza?
Yesu Ashaka kwinjira mu buzima bwacu.
Tumurarikire kubamo.


102

Uko niko twemera iyo mpano y’ubuntu.
Twakira Yesu maze tukagira tuti, “ Urakoze, Yesu!
Injira mu buzima bwanjye.
Injira mu mutima wanjye.
Ugenge ubuzima bwanjye- ugenge umutima wanjye.”
Kandi iyo Yesu Amaze kwinjira, tumwakira nk’inshuti yacu, Umukiza wacu, Umwami
wacu n’Umutware.



103

Hari ibintu bibiri by’ingenzi biba iyo dusabye Yesu kuza mu mitima yacu - iyo tumwakiriye mu buzima bwacu.



104

(Isomo: 1 Yohana 1;9)
Icyambere, twicuz’ibyaha byacu tukakira imbabazi ze.
“Ariko ni twatur’ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, “Ariko ni twatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu,



105

no kutwezaho gukiranirwa kose.”1 Yohana 1:9.
Nshuti, iryo ni isezerano ryiza.


106

Ibyo twaba twarakoze byose cyangwa aho twaba twarabaye hose, ubuzima twaba twarabayemo bwose, bona nubwo twaba twarabaye abanyabyaha kabuhariwe dute, dushobora kugana kuri Yesu maze tukemera iyo mpano y’ubuntu y’agakiza.
Dushobora kwicuz’ibyaha byacu maze tugahabwa imbabazi zuzuye za byose.

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka


107

Bibiliya itubwira ko Yesu Yirukan’ibyaha kure mu muhengeri w’inyanja, bitazongera kwibukwa ukundi.




108

Nshuti zanjye, iyo Yesu Ababariye, Aribagirwa. Ese haba hari icyaha waba waricujije ku Mana, ukaba ucyumva kikigucira urubanza, kandi kikikuremereye? Ahari hari icyaha runaka ucyumva ko gikomereye cyane Imana kukibabarira.
Tugomba kwizera iby’Imana Ivuga.
Mu gitabo cya 1 Yohana 5:10, hatwerurira neza ko iyo tutizey’Imana, tuba tuyihinduy’umubeshyi.



109

(Isomo: 1 Yohana 5:10)
“Uwizer’Umwana w’Imana ab’afit’uko guhamya muri we:



110

nah’utizer’Imana ab’ayis’umunyabinyoma,




111

kuko atemeye ibyo Imana yahamije ku mwana wayo.” 1Yohana 5:10.
Iyo Yesu Asezeranye ko Azatubabarira ibyaha byacu kandi Akajugunya ibicumuro byacu kure, ntazasobwa gukora nkuko Yavuze ko Azabigira.



112

Iyo Yesu Ababariye, Aribagirwa, natwe twari dukwiriye kwibagirwa!



113

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 3:19)
Mu magambo ya Petero mu Byakozwe n’Intumwa 3:19 hagira hati:
“Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe...”

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka



114

**Reba, iyo dusanze Yesu, twakira impano y’agakiza y’ubuntu, tukamwakira mu buzima bwacu, ikintu cya mbere kiba nuko Yesu Atubabarira, akatwuhagira, Akatwoza, Akajugunya ibyaha byacu kure i muhengeri mu nyanja.**
**Ese ibyo si byiza bihebuje, nshuti zanjye.**
**Ntukunda Umukiza wawe n’uwanjye? Ariko hari ikindi kintu kiba iyo twakiriye Yesu mu mitima yacu.**





115

**Aduha imbaraga zo kunesh’ibyaha maze tukagenda dusa nawe - tukagera ikirenge mu cye.**
**Igisambo nticyongera kwiba.**
**Umubeshyi ntiyongera kubeshya.**
**Umusinzi ntiyongera kunywa.**




116

**(Isomo: Yohana 1:12)**
**Soma muri Yohana 1:12: “Icyakor’abamwemeye bose, bakizer’izina rye, yabahay’ubushobozi**




117

**bwo kub’abana b’Imana.”**
**Azaduh’imbaraga zo kub’abana b’Imana, abahungu be n’abakobwa be. Ntituzaba tukigengwa na Satani. Ntituba tukir’abana b’umwijima.**



118

**Azaduh’imbaraga zo kuger’ikirenge mu cye. Uko tugenda tumwizera, uko twakir’impano y’ubuntu y’agakiza, Azaduh’imbaraga tuneshe.**



119

**Iyo dusitaye tukagwa tumaze guhabw’iyo mpano, Azahora buri gihe Atubabarira.**
**Nuko Azaduha imbaraga zo kunesha, turusheho gukura dusa na Yesu.**
**Kugira kwizera, kwiringira, no kudashidikanya kuby’umukiza wacu Yesu ni ibintu bigenda bikura.**
**Ntabwo tuzaba abaziranenge, ariko tuzababarirwa.**
**Ntabwo Satani aba akiri umwami wacu. Yesu niwe Mwami wacu.**

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka


120

Urabona, kwizera bisobanura kugira kwizera no kwiringira kandi ukakira impano y’agakiza. Atubabarira ibyaha byacu kandi Akaduha imbaraga zo kugenda tugera ikirenge mu cye.


121

Iyo dukinguye urugi rw’umutima wacu tukararika Yesu Akatubamo, Yeza imitima yacu yanduye maze Akatubabarira.
Anaduha imbaraga zo guhinduka tukanesh’ibyaha maze tukagenda dusa nawe.


122

Kandi iyo Yesu Ari muri twe, tumenya tudashidikanya ko dufit’ubugingo buhoraho.
Ibyo mwari mubizi?
Ntabwo tugomba kugira ubwoba niba twarakijijwe cyangwa niba tuzabana na Yesu iteka.



123

(Isomo: 1Yohana 5:12, 13)
Ufit’uwo Mwana niw’ufit’ubwo bugingo:
nah’udafit’Umwana w’Imana nta bugingw’afite.



124

Ibyo ndabibandikiye, mwebw’abizey’izina ry’Umwana w’Imana,



125

kugirango mumenye ko mufit’ubugingo buhoraho.” Yohana 5:12,13.


126

Yesu Ashaka ubu ko tumenyer’aha ko dufite ubugingo buhoraho.
Dushobor’ubu kumenyer’aha ko nitwakira Yesu kuba mu mitima yacu, tugir’ibyiringiro byuzuye by’agakiza kacu.
Yesu arararika buri wese ahariho hose kugira ngo

# 8 - Twavukiye Kubaho by'□teka



127

**(Isomo: Yohana 3:16)**
**"...umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."**
**Yohana 3:16.**
**Ahari ushobora kwiyumva mo ko uri umunyabyaha wihebye, ariko ibyo si'□ukuri!**
**Imana Ishobora guhindura ibidashoboka mo ukunesha.**
**Nta buzima bukabije kuba bubi, nta cyaha gikabije gukomerera Kristo Atababarira!**

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka


128

Ku itariki ya 31 Ukuboza 1995, hari umugabo i New York wari usaziye mu kazi ko kuzimya imiriro witwaga Yohana Clancy, yari ayoboye ikipi y'abari bagiye gutabara inzu yashyaga muri Manhattan yo hepfo, mu ntara yiganjemo abakoresha ibiyobyabwenge. Nubwo ababagamo bari bazwi ko ari abasabirizi, abanywi b'ibiyobyabwenge, abashegeshwe n'ubusinzi, n' ubusambanyi, uko umuriro warushagaho gukara niko abazimya umuriro barushagaho guhangayikishwa n' uko muri iyo nzu haba hakirimo umuntu.
Nyamara, Clancy na bagenzi be biyemeza kwinjira muriryo tanura rikaze ribabura ngo bashakishe banarokore ababa bakirimo.
Inyubako igenda isabwa n'imyotsi kuburyo byari bikomeye kugira icy amaso yarabukwa mo. Abazimya imiriro bari bari gutanga ubuzima bwabo ngo bakize abasabirizi bashobora kuba baranakoreshaga iyo nzu by'agateganyo. Mu kanya gato n'igisenge cyo ku nzu ya kabiri kiba cyituye hasi, kizitira Yohana Clancy. Bagenzi be bakor' uko bashoboye ngo bamugobotore uwo muriro ukaze, ariko ubwo bashoboraga kumukurura bakamukuramo, byari iby'ubusa bari batinze.
Basanze umubiri we wahiye watonyotse utanamumenya. Umunsi wa nyuma w'umwaka w'1995 wari n'uwa nyuma w'ubuzima bw'iyi ntwari yazimyaga umuriro. Yasize umugore wari utwite inda y'ameze atandatu n'imigambi y'ahazaza bari barateganirije hamwe. Yohana Clancy yizeraga ko ubuzima bwose bufite agaciro;
nuko rero yari yiteguye kubura ubuzima bwe bwite ngo akize ubwa buri wese washoboraga kuba akiri muri iyo nyubako. Yasize umutekano w'iwe mu rugo azabiranywa n'umuriro wasaze. Yemeye kwinjira mu birimi by'umuriro abura ubuzima bwe ngo akize ubw'abandi.
Ukwitanga kwe ku murimo kwamuviriyemo kubura ubuzima bwe.
Ntiyashoboraga kwipfumbata abona abandi bapfa.
Ubwo inkuru ndende z'iki gitekerezo zagendaga zisobanuka, abapererezi baje kuvumbura ko umuriro wari watejwe ku bushake. Byaje kugaragara k'uwitwa Edwin Smith, umwe mu mburamukoro zitagira aho

kuba zitagira n’urumiya, wari muri yo nzu kuba ari we wayishumitse.
Igikomeye cyane kumvikana nuko Yohana Clancy yarari kugerageza gukiza nyirugushumika inzu. Yatanza ubugingo bwe kubw’uwatej’uwo muriro ku bushake. Mbega icyitegererezo cya Yesu!


129

Yesu Yasiz’umutekano w’iwe mu ijuru, Aza mu isi yayogojwe n’ibirimi by’umuriro ukongora.
Umukiza wacu Abambwa ku musaraba, maze umuriro w’icyaha uramukongora.
Twacumuye ku bushake bwacu bwite.
Twatwikishij’iyi si yacu n’imibereho yacu y’ubugome, uburiganya, ubuhehesi, ubwambuzi, ubusambanyi, n’ibinyoma.
Kristo yapfiriye kugirango tubeho. Yakongorewe ku musaraba n’ibirimi by’umuriro w’icyaha kugirango tutazakongorwa n’umuriro w’ikuzimu.
Uyu munsi, Yesu ategereje kuguha ibyiringiro byo kuzabaho iteka n’iteka.



130

Atez’ugutwi kandi Arategereje.
Kuki utamwugurur’urugi rw’umutima waw’uyu munsi maze ukamurarikira kwinjiramo, akab’Umukiza n’Umwami w’ubugingo bwawe?
Arategereje! Ateze umusaya mubwire arumva!
Hari ikintu kimwe Yesu Adashobora gukora, n’ukuguhatira kumwugururira umutima wawe. Yahaye buri wese ububasha bwo kwihitiramo. Nitwe ubwacu tugomba gufungur’urugi!
Azinjiramo Anezerewe nitumufungurir’urugi!
Nshuti, ntiwakwemera kubikor’ubu nonaha?
Urashaka kurarika Yesu mu mutima wawe utazariye?



131

Niba ari uko ubyiyumvamo, sengana nanjye iri sengesho.



132

“Mana nkunda, menye neza ko nd’umunyabyaha kandi nkeneye ubufasha,

# 8 - Twavukiye Kubaho by'Iteka




133

**Nemeye Yesu nk’Umukiza wanjye n’Umwami.**



134

**Ndashaka kwakira ugukomanga kwe kandi murarikiye kwinjira mu mutima wanjye ubu nonaha.**



135

**Nyabuneka, mbabarira buri cyaha naba narakoze. Nyabuna genga ubuzima bwanjye bwose.**


136

**Ndashaka ko Yesu Yinjira mu mutima wanjye maze Akaweza maze kandi Akamfasha kubaho ku bwe. Urakoze kumva no gusubiza isengesho ryanjye, mbisabye mu izina rya Yesu, Amina”**

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



1

**Umucamanza Ari mu Ruhande Rwawe**


2

**Yakobo wa mbere, umwe mu bami b’igihugu cy’Ubwogereza, bavuga ko yagerageje kuba umucamanza.  Yitondeye kumva ingingo z’urega. Ubwo yari hafi gufata umwanzuro yumvise n’ingingo z’uwiregura.**

**Amaze kumva impande zombi byamubereye urujijo ayoberwa icyo yakora.  Abantu yatekerezaga ko ari abere, yahise abona ko bari mu cyaha.  Abantu yari yabonye mucyaha, asanga ari abere.  Yahise areka umurimo w’ubucamanza.**
**Dore uko umwami Yakobo wa mbere yabisobanuye, “Nashoboye kumva neza urega, hanyuma numva uregwa, maze kumva impande zombi, sinzi uruhande ruvugisha ukuri.”**
**Umucamanza wajijwe ntibimworohera gufata umwanzuro w’ukuri.**
**Imana niyo mucamanza utabogama, utabera, kandi w’ukuri. Imana ntiyigera ijijwa na rimwe igihe cyose ica imanza zacu.**



3

**(Videwo y’amasegoda 4)**
**Bibiliya yigisha yuko buri muntu afite urubanza rumutegereje imbere y’Imana.**



4

**(Videwo y’amasegonda 12)**
**Nubu, turahamagarwa kwitaba mu rubanza ngo dusobanure uburyo twabayeho n’ibyo twakoze.**
**Buri mugabo na buri mugore wabayeho afite urubanza rumutegereje imbere y’intebe y’ubucamanza bw’Imana - urukiko rukuru rw’isi yose.**
**Intumwa Paul atubwira ibyerekeranye n’umunsi ntarengwa isi yose igomba kuzirikana.**

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



5

"....Yashyizeho umunsi izaciraho urubanza rw’abari mu isi."
Nta numwe uzasaba uruhushya rwo kutahaba. Nta numwe utazitaba.
Bibiliya ivuga yeruye ko buli wese azitaba imbere y’Imana:




6

"Kuko twese dukwiriye kuzagaragarizwa imbere y’intebe y’imanza ya Kristo..."
2 Abakorinto 5:10.


7

Twaba tubyizera cyangwa tutabyizera.
Twaba tubikunda cyangwa tutabikunda.
Twaba twiyita abakristo cyangwa tutaribo.
Abo twaba turibo, twese tuzagaragazwa.
Imana ntirobanura ku butoni.
Igihe twese tuzahamagarwa n’urukiko rwo mu ijuru, tuzitaba. Kubera iki?
Paulo aduha igisubizo:



8

(Isomo: Abaroma 14:12)
"Nuko rero, umuntu wese muri tw’azimurikir’ibyo yakoze imbere y’Imana."
Abaroma 14:12


9

Umwanzuro w’urukiko rwo mu ijuru uzashimangira burundu ibyo ukubaho kwa buri muntu Kandi uwo mwanzuru ntusubirwaho, kuko nta rukiko rusumba urwo mu ijuru rwo kujuririramo.



10

(Videwo y’amasegonda 15)
Mbere yuko umwanzuro w’urubanza utangwa, cyangwa igihano gitangwa, hazabaho urubanza cyangwa iperereza.
Reka tujye muri Bibliya tureba ishusho y’urukiko rwo mu ijuru.
Umuhanuzi Danieli yaranditse ati:

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere




11

(Isomo: Danieli 7:9, 10)
“Nkomeza kwitegereza kugez’aho bashyiriyeho intebe z’ubwami.  Haza Umukuru nyir’ ibihe byose, aricara.



12

Imyambaro ye yeraga nka shelegi, kandi umusatsi we wasaga n’ubwoya bw’ intama bgera.




13

Intebe y’ubwami bwe yasaga n’ibirimi by’umuriro, kandi n’inziga zayo zasaga n’umuriro ugurumana;




14

Imbere ye hatembag’umuriro.



15

Uduhumbagiza baramukoreraga;



16

kandi inzovu inshuro inzovu bari bamuhagaze imbere.
Imanza zirashingwa, ibitabo birarambürwa.”
Danieli 7:9, 10.


17

Hano Danieli arerekana Imana, Data wa twese, cyangwa Umukuru nyir’ ibihe byose, yicaye ku ntebe ye y’ ubwami buhoraho, akikijwe n’abamarayika batabarika.
Reba icyo Danieli yabonye yongeye kwerekwa:



18

“Hanyuma nkitegereza ibyo neretswe n’ijoro, mbona




19

**haje usa n’ Umwana w’ umuntu, aziye mu bicu byo mu ijuru!**



20

**az’ umujy’ umwe, asanga wa Mukuru nyiri’ ibihe byose, bamumugeza imbere.”**
**Danieli 7:13**


21

**Hano Umwana w’ Imana arerekanwa ahagaze imbere y’ Umukuru nyir’ ibihe byose.**
**Murabona ukuntu bisa no mu rukiko rwo mu isi!**
**Hari umucamanza uyobora: Ni Umukuru Nyiribihebyose.**
**Hari abahamya: abamarayika bera babonye kandi banditse ibyakowe byose.**
**Uhagaze imbere y’ intebe ni Yesu - umurengezi wacu nkuko Yohani yabyanditse:**



22

**(Isomo: 1 Yohana 2:1)**
**“... Dufit’ Umurengezi kuri Data wa twese, ni we Yesu Kristo ukiranuka...”**
**1 Yohana 2:1.**




23

**(Videwo y’ amasegonda 5)**
**“Yego,” ushobora kuvuga, “Biragaragara ko buri wese ahari uretse ugomba kuburanishwa!”**
**Muri rusange nuko bimeze, ariko, reka turebe icyo Bibiliya ivuga:**



24

**(Isomo: Danieli 7:10)**
**“Imanza zirashingwa, ibitabo biraramburwa.”**
**Danieli 7:10.**
**Biragarara ko ibyo bitabo byanditswemo ibikorwa by’aba gomba kuburana, nkuko Solomoni yanditse:**



25

**(Isomo: Umubwiriza 12:4)**
**“Kuko Imana izazana umurimo wose mu manza n’ igihishwe cyose, ar’ icyiza, cyangwa ikibi.”**
**Umubwiriza 12:14.**

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



26

Malaki arongera: “Maze abubahaga Uwiteka baraganiraga, Uwiteka agateg’amatwi, akumva;



27

Nuko igitabo kikandikirwa imbere ye cy’urwibutso rw’abubahaga Uwiteka, bakita ku Izina rye.”
Malaki 3:16.
Igihe cyose imitima yacu yerekeye ku Mana, Irabibona.
Ikandika ijambo ryose ritera inkunga tubwira buri wese n’igikorwa cy’ubugwa neza cyose birandikwa.
Umwami Dawidi nawe yari azi ibyerekeye ibyandikwa kuko yavuze:



28

(Isomo: Zaburi 56:8)
“ushyira amarira yanjye mu icupa ryawe; mbese ntiyanditswe mu gitabo cyawe?”
Zaburi 56:8.
Imana izi n’ibyerekeranye n’intimba z’ubuzima bwawe.
Kandi Imana izi ibyacu byose, nkuko Dawidi yanditse:



29

Isomo: Zaburi 139:1, 3, 16
“Uwiteka, warandondoye, uramenya.



30

...uz’inzira zanjye zose



31

....Mu gitabo cyawe handitsemo iminsi yanjye yose, yategetswe, itarabaho n’umwe.”
Zaburi 139:1, 3, 16.

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere


32

Nubwo Imana izi ibitwerekeye byose, Iyandikwa ry’ibyodukora siyo rifitiye inyungu
Ibyanditwe mu gitabo bibitswe kugirango bizafashe abari mu isi, kugirango bizabe igihamya kigaragaza urukundo n’ubutabera by’Imana muri buri rubanza. Uko tuzisobanura imbere y’Imana n’igitekerezo gikomeye.


33

Buri wese agomba gusobanura uko yakoresheje impano ikomeye y’ubuzima! Ibi nibyo Solomoni yavugaga ubwo yandikaga:



34

(Isomo: Umubwiriza 11:9)
“Wa musore we, ishimir’ubusore bwawe, n’umutima wawe ukunezeze mu minsi y’ubuto bwawe;




35

kandi ujye ugenda mu nzira umutima wawe ushaka, no mu mucyo wo mu maso yawe;




36

ariko menya yuko ibyo byose bizatume Imana igushyira mu rubanza.”
Umubwiriza 11:9.



37

(Isomo: Matayo 12: 36, 37)
Nkuko Matayo yanditse: “Kandi ndababgira yuko ijambo ry’imfa-busa ryos’abantu bavuga bazaribazwa kumunsi w’amateka.



38

Amagambo yawe ni y’azagutsindishiriza, kandi n’amagambo yawe ni y’azagutsindisha.”
Matayo 12: 36, 37.

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



39

Umuntu yagereranije ko umuturage usanzwe avuga amagambo ahagije mu cyumweru kimwe yakuzuza igitabo cy’amapaji 320!
Mu myaka 60, ibitabo 3,000 byarenga.


40

Ibitabo bibitswe mu mazu y’isomero bivuga iki kubyerekeye urubanza?
Kandi ibirenze ibyo, n’imigambi yatumy’umuntu avuga amagambo akanakora ibikorwa, nayo izashyirwa ahagaragara.



41

(Isomo: 1 Abakorinto 4:5)
“...kugeza ubw Umwami wacu azaza, agatangaz’ibyari byahishwe mu mwijima, kandi akagaragaza n’imigambi yo mu mitima...”
1 Abakorinto 4:5.


42

Kuri uwo munsi, nta gutsiba cyangwa gutwikira!
Abantu bashobora gushuka inshuti zabo ndetse n’imiryango yabo, ariko nta numwe uzashobora gushuka Imana.
Imana isoma amabanga yo mu mutima!


43

Umunsi w’urubanza rwacu n’ugera, tuzibona mumwanya umwe muri iyi ibiri:
cyangwa ibyanditswe ku makosa yacu yakera bizaba byaratwikiriwe n’amaraso ya Yesu, cyangwa ibitwanditsweho bizadutsindisha.
Uko biri kose, ntabwo ar’ibyo twigisha, ahubwo abo turi bo n’ibyo dukora ni byo bizerekana itandukaniro ry’aho duhagaraye!



44


(Isomo: Matayo 16:27)
Tubwirwa yuko Yesu ubwo azagaruka, “...Azitura umuntu wese ibikwiriye ibyo hakoze.”
Matayo 16:27.
Ibyiza dukora sibyo shingiro ry’agakiza kacu, dukizwa n’ubuntu bw’Imana.
Ariko imirimo myiza yerekana ko imitima yacu twayeguriye Imana.

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



45

Ubu yenda waba uvuga "ko niba dukizwa kubw'ubuntu bw'Imana, kuki twacirw'urubanza n'imirimo yacu.? Iki n'ikibazo cyiza!
Dogiteri Sakae Kubo aherutse kwandika:



46

"Reka turebe icyo byasobanura niba urubanza ruzaba rudashingiye ku mirimo.



47

Imana yazaducira urubanza ikurikije, ibara ry'uruhu rwacu, ubwoko bwacu, ikigero turimo, amashuri twize, indoro yacu, impano zacu, imbaraga zacu,



48

kuba twanditswe mu bitabo by'itorero, cyangwa kuba twitwa abizera?
Imana ishobora kuducira urubanza ishingiye gusa ku mirimo yacu myiza cyangwa mibi."
Guhamagarwa mu rukiko, urupapuro rwa 20.
Imirimo myiza ntabwo ikorwa na b'ukuri



49

(Videwo y'amasegonda 8)
Hari Imirimo myiza ikorwa iturutse ku mutima wuzuye urukundo rw'Imana n'urw'umuntu.
Kugirana umubano uzira uburyarya na Yesu bibashisha abiyemeje kumukurikira gukora imirimo myiza.
Umunyabwenge Salomoni yabivuze atya mu gitobo cy'Umubwiriza:



50

(Isomo: Umubwiriza 12:13, 14)
"Iyi ni yo ndunduro y'ijambo, byose byarumviswe,



51

Wubah'Imana, kandi ukomeze amategeko yayo; kuko'aribyo bikwiriye umuntu wese.

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



52

Kuko Imana izazana umurimo wose mu manza…”
Umubwiriza 12:13, 14.
Kuko imibanire y’umuntu na Kristo igaragazwa n’imyitwarire ye, hagomba kuba hariho igipimo cy’uko umuntu yitwara.


53

Uko imanza zicibwa hano mu isi, umugambi w’urubanza n’ukwerekana niba harakozwe icyaha--niba itegeko ritarakurikijwe.  Umuntu abarwaho icyaha iyo gusa atubahirije itegeko.



54

Mu buryo Imana icamo urubanza, hari itegeko cyangwa igipimo, kandi Yakobo yerekana neza itegeko rigomba kuzakurikizwa.




55

(Isomo: Yakobo 2:12
“Muvuge kandi mukore nk’abajya gucirwa urubanza n’amategeko ater’umudendezo.” James2:12.



56

(Isomo: Yakobo 2:11)
Mu murongo twasomye, Yakobo avuga amategeko abiri, “ntugasambane,” na “ntukice.”
Biragaragara ko amategeko cumi y’Imana yitwa “amategeko y’umudendezo” akaba ariyo azashingirwaho mu guca urubanza rw’imibereho y’abantu.



57

(Videwo y’amasegonda 4)
Urubanza ruzerekana igice duhagazemo mu ntambara ikomeye iri hagati ya Kristo na Satani.
Turi kumwe na Kristo?
Twamwemereye kuba muri twe?


58

Twamukunze urukundo ruhebuje n’ubuntu bwe nkuko bigaragazwa mu mategeko cumi? N’icyifuzo cyacu cyo gukurikiza ubushake bwe dufashishwe n’imbaraga ze? Amategeko ye yanditswe mu mitima yacu?

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



59

Urareba, iyo abimukira bashaka kuba abaturage b’igihugu, bagomba kurahira ko bazubahiriza icyo gihugu, bagasezerana ko bazaba abaturange b’indakemwa kandi ko bazitondera amategeko y’icyo gihugu.



60

(Video y’amasegonda 10) Ni nako bimeze ku bakristo. Iyo bakiriye Kristo kandi bakifuza kuba abaturage b’ubwami bwe, Imana isaba ko barahira kuzayikunda bakanitondera amategeko ya guverinoma yayo.



61

Nyamara, siko abimukira bose bakomeza kubahiriza imihigo yabo.
Bamwe berekana ko ari abaturage ntanga rugero, ariko nyuma bagahinduka. Iyo bigaragaye, ubwene gihugu bw’uwo muntu barabumwambura kandi bakamusubiza iyo akomoka.



62

Nkuko bigaragara, ntabwo abakristo bose bakomeza kuzirikana imihigo bagize.
Ntibihagije kuba turi abera ubu, tugomba gukomeza kwizera Yesu kugeza ubwo azagaruka. Ntibihagije kuvuga ko turi abayoboke ba Kristo, tugomba kureka ubuzima bwe bwera no gukiranuka kwe bikagaragara mu buzima bwacu.



63

(Isomo: Matayo 7:21)
Yesu yavuze ngo, “Umuntu wese umbwira ati, Mwami, Mwami, si we uzinjira mu bwami bw’ijuru,



64

keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka.”
Matayo 7:21.
Intambara hagati y’icyiza n’ikibi, hagati ya Kristo na Satani, yerekeranye na kamere y’urukundo rw’Imana.


65

Kandi itegeko nicyo gipimo cya kamere. Ntibitangaje rero ko itegeko rigaragara cyane mu rubanza ruheruka!

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere


66

**Ariko ingingo ikomeye itazwi cyane n’abakristo nuko urukiko rwo mu ijuru ubu ruri guca imanza! Mu by’ukuri, igitabo cyanyuma cya Bibiliya, Ibyahishuwe, cyerekana ko Imana Iri ubu guca imanza.**



67

**Niyo mpamvu mu nzandiko za nyuma zo mu gitabo cy’Ibyahishuwe, umuhanuzi Yohana agaragaza umuburo wanyuma w’isi no guhamagarwa muri aya magambo:**



68

**(Isomo: Ibyahishuwe 14:6, 7)**
**“Nuko mbona maraika wund’aguruka aringanij’ijuru,**



69

**afite ubutumwa bwiza bw’iteka ryose, ngo abubwire abari mu isi-**



70

**bo mu mahanga yose, n’imiryango yose, n’indimi zose, n’amoko yose -**




71

**Avuga ijwi rirenga ati: ‘nimwubahe Imana, muyihimbaze; kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye;**



72

**muramye Iyaremye ijuru n’isi n’inyanja n’amasoko.” Ibyahishuwe 14:6, 7.**



73

**Urabona k’ubutumwa butavuga ko “igihe cyo guca urubanza kizaza,” buvuga ko “igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye.”**


9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



74

Igice cya kabiri cy’ubutumwa bw’abamarayika batatu gihamagar’abantu b’Imana kuva mu matorero afutamye yo mu mins’iheruka.
Igice cya nyuma cy’ubutumwa buheruka kiburira abantu b’Imana kwirinda gusenga inyamaswa yo mu gitabo cy’Ibyahishuwe 13.



75

(Isomo: Ibyahishuwe 14:9, 10)
“Umuntu n’aramya ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo, agashyirwah’ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza,



76

Uwo niw’uzanywa ku nzoga, niyo mujinya w’Imana” Ibyahishuwe 14:9, 10.
Reba imirongo ya 14 na 15, ikurikir’ubutumwa bw’abamarayika batatu:



77

(Isomo: Ibyahishuwe 14:14, 15)
“Mbon’igicu cyera; no ku gicu mbon’uwicayeho, usa n’Umwana w’Imana,



78

wambay’ikamba ry’izahabu ku mutwe, kandi afite umuhoro utyaye mu ntoke ze.



79

Marayika wundi ava mu rusengero, arangurura ijwi rirenga, abwira uwicaye kuri icyo gicu ati,



80

‘Ahuramo umuhoro wawe, usarure, kuko isarura risohoye,



81

**kandi ibisarurwa byo mu isi byeze cyane’.” Ibyahishuwe 14:14, 15.**



82

**Umusaruro w’isi usobanura iki? Ni ukurangira kw’isi. Umusaruro werekeranye no kugaruka kwa Kristo. Hazaba iki mbere y’uko Yesu Agaruka?**
**Imana Izaca urubanza.**

**Urubanza rwe rwerekana uwiteguye kugaruka kwe. Ariko reka dusesengure iyi ngingo ku buryo bwimbitse. Yenda waba wibaza igihe urubanza rwatangiriye?**


83

**Igisubizo kiboneka mu buhanuzi bwo mu gitabo cya Danieli!**



84

**(Isomo: Danieli 8:14)**
**“...Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na maganatatu, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa.”**
**Danieli 8:14, B. Y. 57.**
**Ubu nibwo buhanuzi bufata igihe kirekire buboneka muri Bibiliya.**



85

**(Isomo: Ezekieli 4:6)**
**Mu buhanuzi twabonye ko umunsi uhwanye n’umwaka.**
**“Umunsi wose nawukunganirije n’umwak’umwe.” Ezekieli 4:6. Ubwo iminsi 2300 ihwanye n’imyaka 2300.**



86

**Imyaka 2300 n’igipande cy’ubuhanuzi bumbiye mu gitabo cya Danieli ibice bya 7, 8 na 9.**

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere




87

**Ubu buhanuzi bwerekana igihe nyakuri cyo kubatizwa kwa Kristo no kubambwa kwe. Bwerekana kandi igihe urubanza rwagombaga gutangira.**



88

**Iyi minsi y’ubuhanuzi 2300 yatangijwe n’itegeko ry’umwami Artexerxes ryo kuvugurura Yerusalemu no kuvugurura ubukungu bwayo.**
**Abisirayeli bari bamaze imyaka 70 mu buretwa i Babuloni kandi bari bategereje gusubira iwabo no kubaka umugi wabo bakundaga.**


89

**Hanyuma, mu mwaka wa 457 M. K. umwami yatanze ihame ryari ritegerejwe.**
**Imyaka ibihumbi bibiri na maganatatu uherekeye kuri iyo tariki irangira mu mwaka w’i 1844 Nyuma y’ivuka rya Kristo.**
**Reka dusubire ku isomo ryacu. Mu minsi y’ubuhanuzi ibihumbi bibiri na maganatatu cyangwa ibihwanye niyo myaka, nibwo ubuturo buzezwa. Twabonye ko ubwo buhanuzi burangira muri 1844. Kwezwa k’ubuturo bwera bisobanura iki?**



90

**Mu mwaka 1844 aho Bibiliya isobanura ko ariho igihe cy Imana cyo guc’imanza cyatangiye. Igihe cyarageze. Ushobora kubaza uti, “Guc’imanza byaba byerekeranye gute no kwezwa k’ubuturo Danieli yeretswe ko kuzabaho mu mpera z’iminsi 2300?**



91

**Kwez’ubuturo n’iki?**
**Bihuriyehe n’urubanza?**
**Bibiliiya isobanura ubuturo bubiri - bumwe bwo ku isi, ubundi bwo mu ijuru.**


92

**Mu gihugu cy’Isirayeli cya kera, abantu bazanaga buri munsi ibitambo mu buturo.**

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



93

**Aho niho bicuzaga ibyaha byabo bagatanga igitambo cy’umwana w’intama berekana ko bizeye kuzapfa kwa Yesu, umwana w’Imana.**



94

**Muri iki gihe, iyo dukoze icyaha, dusaba Imana kutubabarira ibyaha byacu kuko Yesu yapfuye mu mwanya wacu yishyur’umwenda w’icyaha.**




95

**Nyamara, mbere y’umusaraba i Kaluvari, abantu nta gitambo bari bafite barebagaho, kubera kwizera barebag’imbere mu gihe Umwana w’Intama y’Imana azicwa abapfira.**
**Mu gutamba inyamaswa itagira inenge, bemeraga ko bafite kwizera mu Mukiza wagombaga kuza kandi agapfa kugirango babashe kubabarirwa.**



96

**Hanyuma amaraso yasimburaga ibyaha byabo yajyanwa n’umutambyi akayaminjagira imbere y’umwenda w’ahera cyane mu buturo.**




97

**Hanyuma umunsi umwe buri mwaka, abana b’Isiraeli bizihizaga umuhango ukomeye witwa Umunsi w’Impongano cyangwa kwezwa k’ubuturo. Ku bwoko bw’Isiraeli, war’umunsi w’urubanza.**



98

**Iminsi cumi mbere y’Umunsi w’Impongano, amakondera yaravuzwagwa, yibutsa Isiraeli ko ar’igihe cyo gusuzuma ubuzima bwabo - kugirango bihane kandi bicuze ibyaha byabo. Utubahirizaga ibyo bamucaga mu nkambi.**




99

**“Kuko uwo munsi ari ho muzajya muhongererwa kugira ngo muhumanurwe,**

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere




100

nuko imbere y’Uwiteka muzaba muhumanutse ibyaha byanyu byose.”
Abalewi 16:30.



101

Mu gitabo cy’Abaheburayo herekana neza uko ubuturo bwo mu isi n’imihango yayo yerekanaga ibyo ubuturo bwo mu ijuru aho Kristo Umutambyi wacu Mukuru ababaririra ibyaha byacu.




102

(Isomo: Abaheburayo 8:1, 2)
Paulo aravug’ati, “...Dufit’umutambyi mukuru umez’atyo, wicay’i buryo bw’intebe y’Ikomeye cyane yo mu ijuru,




103

ukorer’Ahera ho mu buturo bw’ukuri, ubw’abantu batubatse, ahubwo bwubatswe n’Umwami Imana.”
Abaheburayo 8:1, 2.




104

(Isomo: Abaheburayo 9:11, 12, 24)
Nanone: “Ariko Kristo, amaze kuza, ahinduk’umutambyi mukuru...



105

Ahubwo yahinjijwe rimwe n’amaraso ye,



106

amaze kutubonera gucungurwa kw’iteka...



107

kuko Kristo atinjiy’Ahera haremwe n’intoke,

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



108

hasuraga ha handi h'ukuri, ahubwo yinjiye mu ijuru ubwaho,




109

kugirango non'ahagarare imbere y'Imana ku bwacu..." Abaheburayo 9:11, 12, 24.
Urupfu rwa Kristo i Kaluvari rwabaye igitambo cyuzuye cy'impongano y'ibyaha byacu.



110

(Isomo: Abaheburayo 7:25)
"...Abasha gukiza rwos'abegerezwa Imana na we,



111

kuko ahoraho iteka ngo abasabire."
Abaheburayo 7:25.
Ubuturo bw'ukuri cyangwa ubuturo buri mu ijuru. Ikintu cyose kibera mu isi gifitanye isano n'ibibera muri gahunda y'agakiza. Yesu n'Umwana w'intama wishwe. Yesu n'Umutambyi uriho. Yesu ni Umutambyi wacu Mukuru. Nkuk'umutambyi mukuru w'Isiraeli yinjiraga Ahera cyane rimwe mu mwaka, niko na Yesu mu mpera z'igihe yinjiye Ahera cyane kugirango akore umurimo we wo guc'imanza.



112

(Isomo: Matayo 10:32, 33)
Mu rubanza, imibanire yacu na Kristo izerekana aho tuzaba by'iteka..
Kristo yifuza kudukiza. Arakora ibishoboka cyose ngw'adukize. Aragir'ati:
"Umuntu wese uzampamiriz'imbere y'abantu,



113

nanjye nzamuhamiriz'imbere ya Data uri mu ijuru.

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



114

**Arik’uzanyihakanir’imbere y’abantu wese, nanjye nzamwihakanir’imbere ya Data uri mu ijuru.” Matayo 10:32, 33.**

---


115

**Urabona ko utagomba guhagarara wenyine mugihe cy’urubanza! Niba twarahamirije Kristo, nawe azaduhamiriza imbere ya Data wa twese.**
**Niba tur’aba Kristo, ni Umuvugizi wacu.**
**Tuzahagarar’imbere y’Imana nk’abatarigeze gucumura tubinyujije muri Kristo.**

---


116

**Ibitwanditsweho bizerekana gusa ubuzima bwiza bw’Umucunguzi wacu, kandi ubuzima bwe bwera butwitirirwe. None nshuti, nta mpamvu yo gutinya urubanza. Upfa kuba ukunda Yesu ukamukurikira n’umutima wose, n’ubugingo bwose.**
**Kuko, Yesu azerekan’ibigwi by’amaraso yashehwe ngo atwikire ibyaha byose byicujijwe, nkuko Yohani yanditse:**

---



117

**(Isomo: 1 Yohani 1:7)**
**“Amaraso ya Yesu Umwana way’atwezaho ibyaha byose.”**
**1 Yohani 1:7.**


---



118

**Videwo y’amasegonda 13)**
**Turi mu bihe bya nyuma by’iyi si. Ibanziriza-rubanza ryatangiriye mu rukiko rwo mu ijuru kuva mu 1844.**

---



119

**(Videwo ikomeza)**
**Nta gushidikanya guc’imanza byatangiriye kuri Abeli, umukiranutsi wa mbere waguye kuri kuri iyi si.**

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



120

(Isomo: 1 Petero 4:17)
Paulo yanditse: “Kuko igihe kigiye gusohora, urubanza rukazabanziriza mu b’inzu y’Imana...”
1 Petero 4:17.
Mu yandi magambo, guc’imanza byatangiriye mu bitwa ko ari abantu b’Imana.


121


Dukoresheje amaso y’umutima twareba Abeli mu rukiko. Urubanza rwe rushyikirijwe urukiko. Imana isuzumye ubuzima bw’Abeli. Hari inyandiko yuko yemeye urupfu rw’umwana w’intama w’Imana.


122

Kimwe mu bikorwa bya nyuma by’Abeli byanditswe muri Bibiliya n’igitambo yatanze, cyerekana ukwizera kwe mu Mucunguzi wagombaga kuza. Ubuzima bwa Kristo buramwitiriwe. Ibyaha bye bitwikiriwe n’amaraso ya Kristo.



123

Ushobora kwizera ko Yesu, Umuvugizi w’Abeli, arambuye ibiganza bye birimo inkovu z’imisumali avuga ati: “Amaraso yanjye, Data, yishyuye umwenda w’Abeli.” Abamaraika batabarika bishimiye ko Yesu avuze ngo: “izina ry’Abeli ni rigume mu gitabo mu gitabo cy’Ubugingo!” None iryozina riracyarimo.! Nkuko Kristo yabisezeranye:



124

(Isomo: Ibyahishuwe 3:5)
Unesha, niwe uzambikwa imyenda yera,



125

kandi sinzahanagura izina rye na hato mu Gitabo cy’Ubugingo;



126

ahubwo nzaturira izina rye imbere ya Data n’imbere y’abamaraika be.”
Ibyahishuwe 3:5.

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere


127

**Kandi ntagushidikanya, izina rya Yuda ryagezweho mu rukiko rwo mu ijuru.**
**Yuda yari umuyoboke wa Kristo - umwe mu bigishwa be.**
**Ntabwo yari mubi wese; ahubwo ubuzima bwe ntibwari mu kigero cy’umwuga we. Ntabwo yakunze Kristo amaramaje!**


128


**Mu bihe bimwe yakurikiraga Kristo, ariko akomeza gucika intege kugeza ubwo yagurishije umwami we impiya mirongo itatu! Hanyuma kubera agahinda arimanika!**


129

**Yesu yakundaga Yuda. Yicishije bugufi kugirango yoze umukungugu wo ku birenge bya Yuda mu ijoro ry’ifunguro rya nyuma. Yesu yari yizeye kugusha neza umutima w’ubwibone.**
**Yashakaga kuzagarara iruhande rwe mugihe cyo guca imanza ari Umuvugizi we,**


130

**ariko Yuda aranangira. Mbega ukuntu byarababaje Yesu kongera kureba izina rya Yuda. Ugukiranuka kwacu ubwako ntacyo kuzatumarira mu gihe cy’urubanza. Umva:**



131


**(Isomo: Yesaya 64:6)**
**“Kuko twese twahinduts’abanduye, kandi n’ibyo twakiranutse byose bimeze nk’ubushwambagara bufit’ibizinga...” Yesaya 64:6.**


132

**Uretse gusa abakomeje kugira Kristo nyambere mu buzima bwabo bashobora kwambara ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo. Bitabaye ibyo, nta muntu uzatsindishirizwa mu rubanza.**
**Nuko rero izina rya Yuda ryarahanaguwe mu Gitabo cy’Ubugingo.**

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere




133

Turiho mu gihe gikomeye.  Nkuko Abisiraeli bari bameze, dukeneye guhora dusuzuma imibereho yacu. Dukeneye gukomeza kwomatana na Yesu, kuko ariyo myiteguro ishoboka mukwitegura guhamagarwa mu rukiko.
Bidatinze igihe cy’imbabazi k’umuntu kizarangira kandi iteka rigiye gucibwa ngo:



134

(Isomo: Ibyahishuwe 22:11)
“Ukiranirw’agumy’akiranirwe; uwanduye mu mutim’agumye yandure...uwer’agumye yezwe.”
Ibyahishuwe 22:11.
Muri icyo gihe, ubuntu n’imbabazi Imana yakomeje kugirira umuntu bizavaho.  Amagambo ateye agahinda azaba amagambo y’abakomeje kwanga kwakira agakiza - banze kwakira Kristo ngo ababere Umwami n’Umuvugizi.



135

(Isomo: Yeremiya 8:20)
Bazavuga ngo, “Isarura rirarangiye, icyi kirashize, kandi tudakijijwe!”
Yeremiya 8:20.
Hanyuma Yesu agaruke ku Isi, kuko dusoma.




136

(Isomo: Ibyahishuwe 22:12)  “Ndore ndaza vuba, nzanye ingororano, kugirango ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze.” Ibyahishuwe 22:12.


137

Nshuti, Yesu yifuza kuba Umuvugizi wawe mu rubanza! Yifuza ko wakwemera igitambo cye cy’i Kaluvari.  Yifuza ko wamwicuzaho ibyaha byawe kugirango abihanagure.  Yifuza kwandika izina ryawe mu Gitabo cy’Ubugingo.  Yohani asobanura abazinjira n’abatazinjira mu murwa wera:



138

(Isomo: Ibyahishuwe 21:27)
“Muri rwo ntihazinjiramo ikintu gihumanya, cyangwa ukora ibizira, akabeshya,

# 9 - Kujya mu Rubanza Ufite Icyizere



139

**keretse abanditswe mu Gitabo cy’ Ubugingo cy’ Umwana w’ Intama.”
Ibyahishuwe 21:27.**


140

**Urifuza gufungurir’ umutima wawe Yesu ubu ngubu? Urifuza kumusaba ngo avane mu bugingo bwawe ikintu cyose cyakubuza kuba mu bwami bwe? Mu rubanza Imana yerekana ikintu cyose kitwerekeye.
Igishyira ku karubanda, imbere y’ isi yose. Ibyaha byacu byose birandikwa. Urifuza ko ibyaha byawe byatwikirwa n’ amaraso ya Yesu?
Urifuza ko Kristo atera intambwe agira ati: “Nibyo, uyu mugabo, uyu mugore, ni umwe wo mu banjye. Nababariye ibyaha byabo. Nahanaguye imyenda yabo. Nababariye amakosa yabo. Amaraso yanjye atwikiriye ibyaha byabo, ahanagura ibyanditswe burundu.” Yesu ahagaze ku ntebe yo mu ijuru. Ahagaze yo mu rubanza nk’ Umukiza wawe.
Ubu ngubu tubivuga! Uyu mwanya! Urashaka kumusanga? Wamwegurira ubugingo bwawe bwose? Kuki utakwerekeza ikiganza cyawe mu ijuru ubu ngubu mugihe dusenga ukavuga uti, “Yego, Mukiza. Akir’ ubugingo bwanjye. Ndashaka kuba uwawe.”**

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?



1

**Mbese koko bifite itandukaniro?**



2

**Mwaba mwarabonye ukuntu ubwicanyi bugenda bwiyongera mu mijyi mikuru ku isi hose? Birigaragaza mu buryo butangaje.**


3

**Umunsi umwe, hari umugabo umwe wiroshye mu biro ku cyicaro gikuru cy’abapolisi, arakaye cyane.**
**Hari umuntu wari winjiye mu nzu ye, amutwara ibintu byinshi by’agaciro kenshi. Uyu mugabo yari yashoboye kurabukwa ishusho y’umujura wamwibye, ubwo rero yaraje kureba abapolisi ngo barebe icyo bakora kuri icyo kibazo.**
**Nuko umupolisi war’ubishinzwe amwereka igitabo cy’urutonde rw’amafoto y’abantu bazwiho ubugiranabi ngo arebe niba yacishiriza akabonamo ishusho y’uwamusahuye.**


4

**Mu kanya gato, umupolisi ati; “B’uretse gato”. Ashyira urutoki rwe ku ifoto imwe, akajya areba iyo foto akanareba n’uwo mugabo. Umupolisi ariyamirira ati: “ Uyu ni wowe!” Kandi hari urwandiko rwo mu bucamanza rwo kugufata ukajyanwa imbere y’ubucamanza!”**
**Nuko uko byaje kugaragara, wa mugabo wari wibwe washakaga ko abapolisi bamurenganura niwe waje kubonekwaho ko ashakwa kuber’ibyaha by’ubugiranabi!**



5

**Ubwicanyi n’ubugiranabi biri hose, naho udashobora gukeka ko bwahaboneka. Buri mu kazi aho abantu bakorera, mu nganda, mu midugudu dutuyemo, mu mijyi mito n’iminini.**

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?



6

Mu bihugu bimwe na bimwe, imyigaragambyo, imyivumbagatanyo n’ubusambo bireze.
Ubuhotozi, abayobya indenge, iterabwoba rikoresha za bombes, gukinda abagore, ubujura, ubusambo, naruswa mu nzego z’ubutegetsi bivugwa buri munsi mu bihugu byose byo ku isi.
Kuki ubugiranabi bugenda bwiyongera?
Ni iki kiri inyuma yo kwiyongera kutigeze kubaho kwo kutagendera ku mategeko?
Mbese isi yacu byayigendekeye bite?




7

Mu bihugu byateye imbere n’ibindi bihugu bikize byo ku isi, urungano rushya rw’abasore b’ingimbi barahagurutse, barabaza, ntibapfa kwemera, kandi bateje ibibazo.
Imana Irahamagarira abantu bakuru kubera abana babo icyitegererezo cyiza.  Abana bakurikiza umuco basanze mu bantu babakikije.  None se ni nde uzababera urugero mu by’Umwuka?



8

Ababyeyi b’abagabo barabeshya ku kazi cyangwa se ku misoro baha Leta, ababyeyi b’abagore bakuzamo inda kandi abo babyeyi bombi babana babeshyana.



9

Ibyo byose abana barabireba!
Naho ingo zisenyuka zisigira abana inkovu mbi!
Ni nde uzigisha abana abamenyesha gutandukanya ikibi n’icyiza niba ababyeyi nabo ubwabo batabikurikiza?
Ntabwo mu by’ukuri ababyeyi bashobora gushyira ku mashuri urwo ruhare rukomeye!
Amashuri menshi ntiyigisha cyangwa se ngo ashyigikire inyigisho zivuga uburyo bwo kwifata neza mu buzima.
Muri iki gihe hasa naho hari ibyiyumviro ko twarenze kure ibyo Bibiliya yigisha byerekeye uburyo buboneye bwo kubaho!

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?



10

Hari amatorero muri iki gihe nayo yigisha ko amabwiriza y'Imana kubyerekeye icyiza n'ikibi atakiri ku murongo.




11

Bavuga ko amategeko y'Imana yakuweho,



12

cyangwa se ko atakijyanye n'iki gihe turimo,




13

cyangwa se ko aruhije gukurikizwa.



14

Ingaruka z'ibyo nuko abantu benshi ubu bikorera ibyo bishakiye - maze isi ikaba iri gusarura umusaruro udasanzwe w'ingo zasenyutse, abana b'indakoreka, n'ubugiranabi bukaze.



15

(Isomo: Hosea 8:7)
Umuhanuzi Hosea aravuga ati,"Babiby'umuyaga, bazasarura serwakira..."


16

Ikibazo ariko ni iki: Ni nde ugena igihe ibintu ari byiza cyangwa bibu?
Ntabwo ari iby'abantu nabo ubwabo bataboneye rimwe na rimwe bibwira ko ari byiza?
Niba kugena icyiza cyangwa ikibi bituruka ku buryo tubyitekerereza twe ubwacu, dushobora gusobanura hafi y'icyari cyo cyose.

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?




17

**(Isomo: Imigani 16:25)**
**Nyamara Bibiliya itubwira ko tutari abacamanza beza bazi gushishoza neza ku cyiza n’ikibi aho igira iti: “Hariho inzira umuntu yibwira ko ari nziza; Ariko iherezo ryayo ni inzira z’urupfu.” Imigani 16:25.**




18

**(Isomo: 2 Timoteo 4:3, 4)**
**Intumwa Paulo Yabivuze mbere ati: “kuko igihe kizaza, batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi yabo azaba abarya yifuza kumva ibibanezeza,**



19

**bazigwiriza abigisha bahuje n’irari ryabo.”**



20

**“kandi baziziba amatwi ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikiz’imigani y’ibinyoma.” 2Timoteo 4:3, 4.**



21

**Nibyo nubwo bibabaje kuvugwa, tugenda tubona ko tudashobora kuronk’umudendezo twegezayo amategeko!**
**Gukuraho ibyerekana icyiza n’ikibi bikurikirwa na rwaserera.**



22

**Uramutse ushinguye ibimenyetso n’ibyapa byo ku muhanda ukabikuraho, icyakurikiraho n’amaherere ku mihanda isanzwe no ku mihanda minini nyabagendwa.**



23

**Amategeko ni ayahe?**
**Mbese dushobora kumenya icyiza n’ikibi?**

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?




24

Kera cyane, Imana Yaduhaye uburyo bwo kubaho tukabana mu buzima buzira ubugizi bwa nabi.
Iyo ubwo buryo buza gukurikizwa, ubugizi bwa nabi ntibwari kwigera bubaho!
Buri wese yari kugira umutekano n'umunezero aho yari kuba ari hose ku isi.



25

(Isomo: Kuva 20:2)
Igihe abana b'Isirayeli bashingaga amahema muy butayu wa Sinai, Uwiteka Yaje guhura nabo Arababwira Ati, "Nd'Uwiteka Imana yawe, yagukuye mu gihugu cy'Egiputa, mu nzu y'uburetwa."
Kuva 20:2.



26

(Videwo y'amasegonda 6)
Ubwa mbere, Uwiteka Yivuze Ababwira ko Ari we Wabakuye mu buretwa.
Ni We wabafunguriye inzira mu nyanja itukura;
Ni We wabarindaga.
Muri make, Uwiteka Yari ari kubabwira Ati, Mbitaho. Mushobora kunyizera."



27

Nuko Ababwira Amategeko yayo kugira ngo umuntu abeho neza mu mahoro n'umutekano - kandi ayo mategeko yari kumumenyesha icyiza n'ikibi.



28

Reka turebe gato urutonde rw'Amategeko Cumi Imana Yavugiye ku musozi Sinai:
(Isomo: Amategeko Cumi aboneka mu Kuva 20)"
"Ntukagir'izindi mana mu maso yanjye…



29

"Ntukiremer'igishushanyo kibajwe...ntukabyikubite imbere...



30

"Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka, Imana yawe…

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?



31

“Wibuke kwez’umunsi w’isabato. Mu mins’itandat’ujy’ukora...arik’uwa karindwi ni wo sabato y’Uwiteka Imana yawe...



32

“Wubahe so na nyoko...




33

“Ntukice...




34

“Ntugasambane.



35

“Ntukibe.



36

“Ntugashinj’ibinyoma mugenzi wawe.



37

“Ntukifuz’inzu ya mugenzi, ntukifuz’umugore wa mugenzi wanjye, cyangwa umugaragu we,



38

Cyangwa umuja we, cyangwa inka ye, cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe.”
Kuva 20:3 -17.

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?



39

(Videwo y'amasegonda 10)
Ubwo ubwoko bw'Abisirayeli bumvaga ibyo, bahinze umushitsi.
Niba ibyo byari ubushake bw'Imana, bari biyemeje kubukora.


40

Nyamara nyine, kubera tuzi ukuntu abantu buntu dushobora kwibagirwa, Imana Yanditse



41

(Isomo: Kuva 31:18)
"Amaze kuvuganira na Mose ku musozi Sinai, Uwiteka



42

amuha ibisate by'amabuye bibiri, biriho ibihamya,



43

byandikishijweh'urutoke rw'Imana."
Kuva31:18.


44

Nubwo bwari ubwa mbere Imana Itanga Amategeko yayo mu buryo bwanditse, amategeko yabayeho kuva iteka n'iteka.
Mbere rwose mbere yo kuri Sinai, mbere ndetse ya Adamu na Eve, amategeko adahinduka y'iteka agorora yahozeho ariyo shingiro y'ubutegetsi bw'Imana mu ijuru.


45

Mu by'ukuri, n'abamalayika bagengwaga n'amategeko y'Imana.
Bari barahawe guhitamo gukurikira Amategeko y'Imana cyangwa se ko bayivumburaho.

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?


46

Satani n’abamarayika be bahitamo “kwikorera ibyabo bishakira” - kwishyiriraho amategeko yabo.
Nuko uku kwivumbura kwabo kubakururira kwirukanwa mu ijuru.



47

(Isomo: Ibyahishuwe 12:7-9)
Bibiliya ivuga ko,
“Mu ijuru habaho intambara. Mikaeli n’abamarayika be batabarira kurwanya cya kiyoka: ikiyoka kirwanana n’abamarayika bacyo.




48

Ntibanesha, kandi mu ijuru ahabo ntihaba hakiboneka.”



49

Cya kiyoka kinini kiracibwa, ni cyo ya nzoka ya kera, yitw’Umwanzi na Satani, ni cyo kiyobya abari mu isi bose;




50

nuko kijugunywa mu isi, abamarayika bacyo bajugunyanwa na cyo.”
Ibyahishuwe12:7-9.
Nyamara hari abamarayika bahisemo gukurikira Imana bakomera no ku mategeko yayo.



51

(Isomo: Zaburi 103:20)
“Muhimbaz’Uwiteka, mwa bamarayika mwe:
Mwa banyambaraga nyinshi mwe basohoz’itegeko rye Mukumvir’ijwi ry’ijambo rye.”
Zaburi 103:20.


52

Adamu na Eva muri Edeni bari bazi Amategeko y’Imana, kuko bamaze gucumura, bumvise bakozwe n’isoni umutima ubacira urubanza.

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?


53

Kandi ubwo Kaini yarakazwaga nuko Imana Yakiriye ituro rya Abeli Ikanga irye, Uwiteka Yabajije Kaini Iti,



54

(Isomo: Itangiriro 4:6, 7)
“N’iki kikurakaje, kandi n’iki gitumy’ugaragaza umubabaro?




55

N’ukor’ibyiza, ntuzemerwa? ariko n’udakora ibyiza, ibyaha byitugatugira ku rugi.”
Itangiriro 4:6, 7.
Icyo gihe, Itegeko ry’Imana ryagombaga gushyirwa mu bikorwa kuko tubwirwa ko,



56

(Isomo: Abaroma 4:15)
“...ariko aho amategeko atari, nta gicumuro kihaba.”
Abaroma 4:15.



57

Imbonerahamwe ivuga ko
“Igicumuro...ari ukwica itegeko, ibyategetswe, n’ibindi; icyaha.”


58

Aburahamu yari azi kandi yubahaga amategeko y’Imana mbere cyane yuko amategeko atangirwa i Sinai.



59

(Isomo: Itangiriro 26:5)
Imana Yavuze ko Izahira Aburahamu n’abamukomokaho, “kuko Aburahamu yanyumviraga, akintonder’ibyo namwihanangirije n’ibyo nategetse n’amategeko yanjye nandikishije n’ayo navuze.”
Itangiriro 26:5.

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?



60

Bigaragara neza ko mbere ya Sinai, umutimanama wa Yosefu watumye atsinda igishuko yari yatezwe n’umugore wa Potifari ubwo yamusubizaga ati,



61

(Isomo: Itangiriro 39:9)
“Databuja ... kandi ntacyo yasize ngw’akinyime keretse wowe, kuko uri umugore we:



62

none nabasha nte gukor’icyaha gikomeye gityo, ngacumura ku Mana?”
Itangiriro 39:9.


63

Yosefu yari azi ko gusambana ari icyaha; yari azi ibijyanye n’ibyo Imana Yita byiza cyangwa bibi. Yari yaramashe akomeje ku kutica Amategeko yera y’Imana!



64

(Videwo y’amasegonda 4) Abana b’Isirayeli bari barabwirijwe gukorera Imana no kuyubaha, nyamara bibagiwe Amategeko y’Imana aho bari mu Egiputa ari inkoreregahato.



65

Bamaze kuva mu Egiputa, hasigaye ibyumweru bike mbere yuko bagera i Sinai, Uwiteka Yacyashye Mose kuko Abisiraeli bicaga Amategeko yayo bagerageza gutoragura manu ku Isabato:



66

(Isomo: Kuva 16:28, 30)
“Uwiteka abwira Mose ati: ‘Muzageza he kwanga kwitonder’amategeko yanjye n’ibyo nategetse?’



67

Nuko ku wa karindwi abantu bararuhuka.”
Kuva 16:28, 30.
Nuko rero urabona ko itegeko rya kane ryari rizwi na mbere ya Sinai.

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?



68

Nibyo, amategeko y’Imana ni urugero rw’iteka rwerekana icyiza ku bibaho byose.
Kandi mu by’ukuri, mbese twatangazwa nuko Imana ifite amategeko agenga ingoma yayo?



69

(Isomo: 1 Abakorinto 14:33, 40)
Intumwa Paulo yaranditse ati: “kuko Imana itari iyo umuvurungano...”



70

“Ariko byose bikorwe neza uko bikwiriye, no muri gahunda.”
1 Abakorinto 14:33, 40.



71

Nta butegetsi bufite gahunda bushobora kurama budafite amategeko abugenga. Nta baturage bashobora kubana neza ngo bajye imbizi mu mujy’umwe, mu munezero no mu mutekano batagira amategeko. Kamere ubwayo ifite amategeko; ndetse n’abana ntibashobora gukina umukino utagira amategeko bagenderaho!



72

(Isomo: Abaroma 2:13)
Bibiliya igira iti, “ kuko abumva gusa amategeko atari bo bakiranuka ku Mana;



73

ahubwo abayumvira ni bo ni bo batsindishirizwa na yo.”
Abaroma 2:13.
Urabona ko kumenya amategeko y’Imana atari byo byonyine by’ingenzi ko ahubwo tunagomba kuyumvira.

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n' Ikibi?




74

**(Isomo: Yohana 14:15)**
**Yesu Yaravuze Ati,"Ni munkunda, muzitonder’ amategeko yanjye." Yohana 14:15.**
**Mu by’ ukuri, Yesu yasubiye mu magambo yanditswe mu Isezerano rya Kera yerekana ku mugaragaro ko urukundo ari rwo shingiro rishoboza umuntu kwitondera amategeko yose.**



75

**(Isomo: Matayo 22:37- 40)**
**“...Ukundish’ Uwiteka, Imana yawe, umutima wawe wose, n’ ubugingo bwawe bwose, n’ ubwenge bwawe bwose.**



76

**Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry’ imbere."**



77

**Nuko Yesu Aravuga Ati, “N’ irya kabiri rihwanyena ryo ngiri:"Ukunde mugenzi wawe nk’ uko wikunda.**




78

**Muri ayo mategeko yombi amategeko yose n’ ibyahanuwe, ni yo yuririraho." Matayo 22:37- 40.**


79


**Niba dukunda Imana by’ ukuri n’ umutima wacu wose, n’ ubwenge bwacu bwose, n’ ubugingo bwacu bwose,**



80

**urwo rukundo tuzarwerekana twitondera amategeko yayo ane ya mbere:**

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?




81

Tuzagira Imana Nyambere mu buzima bwacu





82

Ni yo Yonyine rukumbi tuzasenga





83

Tuzubaha kandi duhe ikuzo Izina ryayo Ryera





84

Tuzazirikana gukomeza umubonano tugirana nayo buri Sabato





85

Kandi niba dukunda by'ukuri bagenzi bacu nkuko twikunda, nta gushidikanya ko:





86

Tuzubaha kandi duheshe ababyeyi bacu icyubahiro




87


Duhe ubuzima agaciro




88


Dukomeze umuco wo kumenya kuvangura icyiza n'ikibi

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?




89

**Twubahe umutungo w'abandi**



90

**Tube abanyakuri mu isano tugirana buri muntu n'undi**




91

**Twe kwifuza ibintu by'abandi**


92

**Abacishiriza berekana ko umuntu yashyizeho amategeko arenga miliyoni 35 yo kuboneza imyifatire.**


93

**Nyamara mu Mategeko Cumi, Imana Yanditse uko abantu bagomba kwifata kuzuyemo imyifatire yose y'umuntu.**
**Ni Imana gusa Yashoboraga kwandika Amategeko atunganye. Bibiliya igira iti:**




94

**(Isomo: Zaburi 19:7)**
**"Amategeko y'Uwiteka atungana rwose, asubiz'intege mu bugingo.**
**Zaburi 19:7,**



95

**(Isomo: Zaburi 19:11)**
**"Kandi kubyitondera harimo ingororano ikomeye."**
**Zaburi 19:11**



96

**Umuhanga mu bya Bibiliya witwa Ogusti Storgong yaranditse ati:"Amategeko ni yo nyandiko gusa yerekana kamere y'Imana."**

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?



97

Muri iki gihe, twavuga ko “Amategeko Cumi ari ishusho y’ imico y’ Imana - imico idahinduka”!


98

Urabona ko ihinduka iryo ari ryo ryose ry’ amategeko y’ Imana ryagabanya ubutungane bwayo.
Kubera ko Amategeko atunganye, ntashobora na rimwe guhinduka.



99


(Isomo: Luka 16:17)
Yesu Yavuze ukuri ubwo Yagiraga Ati: “Icyoroshye ni uko ijuru n’ isi byashira kuruta ko agace k’ inyuguti imwe yo mu mategeko kavaho.”
Luka 16:17.


100

Nyamara, uravuga uti,” Buri gihe numva Amategeko Cumi anyonga umunezero wanjye, asa naho anzitira. Imana ntiyigeze Ishaka ko Amategeko yayo abera umuntu umutwaro cyangwa se ngo azitire umunezero we.



101

Ahubwo, Imana Yashakaga ko Amategeko yatubera urusika ruturinda rukadukingira ishavu n’ urubanza rw’ icyaha.
Imana Yashakaga ko Amategeko yayo yahesha buri wese umudendezo n’ umutekano aho yaba ari hose.



102

(Isomo: Gutegeka kwa kabiri 5:29)
“Icyampa bagahoran’ umutim’ umez’ utyo, ubanyubahisha, ukabitondesh’ amategeko yanjye yose,



103

kugira ngo babon’ ibyiza, bo n’ urubyaro rwab’ iteka ryose!”
Gutegekwa kwa Kabiri 5:29.

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?


104

Mbese nkuko twubaka ku biraro no ku mihanda yo mu misozi miremire tugashyiraho inkuta z’ibyuma zo kuturinda no kuturindira muri iyi nzira y’ubuzima.



105

(Isomo: Abaroma 3:20)
Ariko nta yindi mpamvu yindi Imana Yahereye umuntu amategeko uretse: “...kuko amategeko ari y’amenyekanish’icyaha.”
Abaroma 3:20.



106

(Isomo: Abaroma 7:7)
Nkuko Paulo yabivuze,”...icyakora, simba narameny’icyaha, iyo ntakimenyeshwa n’amategeko.



107


kuko ntaba naramenye kwifuza, iyaba amategeko atavuze ngo: Ntukifuze.”
Abaroma 7:7.


108

Hari igitekerezo kimwe cy’umukobwa w’umwami wari wiyiziho ubwiza, abagaragu n’abaja be baramwumvishije ko ubwiza bwe butagereranywa. Nyamara umunsi umwe, umucuruzi aza mu mudugudu aho uwo mukobwa yaratuye amugurisha indorerwamo. Igihe umukobwa w’umwami yirebaga yatew’ubwoba nuko yasaga nuko ahita ajanjagura ya ndorerwamo ihinduka ibisate.


109

Amategeko y’Imana ni nk’indorerwamo, kandi nkuko umukobwa w’umwami yirebeye mu ndorerwamo, iyo dusomye tukayiga, dushobora kutanezezwa nibyo tureba,


110

ariko gukuraho amategeko cyangwa se kuyirengagiza ntibizahindura imibereho yacu y’uko turi.

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?


111

**Amategeko agaragaza ibyaha byacu!**
**Iyo dukurikije amabwiriza y’Imana yo mu Mategeko yayo, atubera umuyobozi akadufasha kugira ubuzima bwiza buzira umutima uducira urubanza.**


112

**Amategeko ntadushoboza gutsinda icyaha cyangwa se ngo adukureho urubanza rw’icyaha.**
**Nta cyiza na gito dushobora kuzakora mu gihe kizaza ngo gihanagure ibyaha twakoze mu gihe cyashize.**
**None se twabona imbabazi dute?**
**Twakizwa dute urubanza rwo gupfa kubw’amategeko yishwe?**


113

**Mu murima wa Edeni, Imana Yashyizeho urwibutso rwerekana ko kutumvira bizanira urupfu umuntu utumvira cyangwa bikikorezwa inshungu itagira icyaha.**
**Umwana w’Intama yagombaga gutambwa, ngo yerekane ukwizera umunyabyaha afitiye inama y’Imana y’agakiza.**


114

**Ubu bwari uburyo bw’Imana bwo gufasha Adamu gusobanukirwa n’ukuntu Umwana w’Imana w’umuziranenge Yagombaga gupfa ngo asibanganye icyuho cy’Amategeko yishwe.**
**Kristo, Umwana w’Intama w’Imana, Yagombaga kwishyiraho igihano cyari kigenewe umuntu, Yemera gupfa urupfu rubi.**


115

**Urabona ko Amategeko atahoboraga kugira uwo akiza ibyaha.**



116

**(Isomo: Abagalatia 3:21)**
**Intumwa Paulo igira iti, “kuko iyaba harabayeho amategeko abasha kubeshaho abantu,**



117

**gukiranuka kuba kwaraheshejwena yo.”**
**Abagalatia 3:21.**
**Amategeko ntatanga imbabazi n’agakiza - Ni impano y’Imana!**
**Tubonera ubugingo buhoraho mu gitambo gusa cya Kristo.**



118

**(Isomo: Abaroma 6:23)**
**“kuko ibihembo by’ibyaha ari urupfu, ariko impano y’Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu.”**
**Abaroma 6:23.**
**Agakiza ntigashobora kuva ku kubahiriza Amategeko.**



119

**(Isomo: Abefeso 2:8, 9)**
**“Mwakijijwe n’ubuntu kubwo kwizera: ntibyavuye kuri mwe, ahubwo n’impano y’Imana;**



120

**ntibyavuye no ku mirimo, kugira ngo hatagir’umuntu wirarira.”**
**Abefeso 2:8, 9.**


121

**Niba se dukizwa n’ubuntu, dufite umudendezo wo kubaho tutumvira? NTIBIKABEHO!**



122

**(Isomo: Abaroma 6:1, 2)**
**Paulo yaranditse ati: “Nuko tuvuge iki? Tugumye gukora ibyaha ngo ubuntu busage?**



123

**“Ntibikabeho! Mbese twebw’abapfuye ku byaha, twakomeza kuramira muri byo dute?”**
**Abaroma 6:1, 2.**
**Agakiza gahabwa abashaka gukizwa ibyaha kandi bashaka kuba mu bwami bw’Imana.**

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?



124

Hari abantu batekereza ko Amategeko y’Imana yakuweho. Bitekerezeho gato.



125

Haramutse nta mategeko ariho, nta cyaha cyabaho, kuko icyaha n’“ukwica amategeko.”



126

Haramutse nta mategeko ariho, ntitwaba dukeneye kugirirwa ubuntu, kuko ubuntu ar’urukundo no kugira neza by’Imana tugirirwa iyo twishe Amategeko.




127

Niba tudakeneye ubuntu, ntidushobora gukuraho umusaraba.



128

Niba umusaraba udakenewe, mu by’ukuri ntitunakeneye Umukiza.
Iyo ukuyeho Amategeko, Icyaha, Ubuntu, Umusaraba, n’Umukiza byose uba ubigize ubusa kandi dukeneye Umukiza Wabambwe ku musaraba ngw’Adukirishe ubuntu bwe ngo atange indishyi y’umwenda w’icyaha twakoze kuko twishe Amategeko. Ubu ni bwo butumwa bwiza. Ubuntu ntibukuraho Amategeko y’Imana. Kubw’ubuntu bw’Imana twifuza gukomeza Amategeko Y’Imana.


129

Niba umugororwa ategereje kwicwa


130

aramutse agiriwe imbabazi maze akarekurwa, mbese ibyo bivuga ko aba arekuwe ngo yibereho ubuzima budakurikiza amategeko? Yakwikorera ibyo yiboneye byose? Reka da!

10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?


131

Kuko aba yarababariwe, yagombye ahubwo kurushaho kwiyumvamo ko agomba gukurikiza amategeko igihugu gisaba ko yubahirizwa.



132

Ikindi kandi gikomeye nuko Amategeko y’Imana atugaragariza ibyaha byacu akanadufasha kwiyumva ko dukeneye Umukiza.
Uko tugenda twemera Kristo ho Umukiza wacu n’Umwami, Atugirira imbabazi kandi Akaduha n’imbaraga zo kubahiriza Amategeko ye, nkuko Yabisezeranye Ati:




133

(Isomo: Abaheburayo 8:10)
“...Nzashyir’amategeko yanjye mu bwenge bwabo, Nyandike mu mitima yabo...”
Abaheburayo 8:10.


134

Mbese ntibyoroshye gukora ikintu ukunda gukora? Ibyo nibyo Imana Isezeranira abahitamo kuyikurikira. Izandika Amategeko yayo mu mitima yabo kandi bazishimira kuyakurikiza.



135

(Videwo y’amasegonda 8) Ubwo nibwo buryo bwonyine umuntu azashobora kubaha no kuyoboka Imana.
Ni kubw’urukundo Kristo Yarafitiye Se rwamushoboje gukomeza Amategeko,



136

(Isomo: Yohana 15:10)
kuko Yesu Yavuze ati,”...nitondey’amategeko ya Data, nguma mu rukundo rwe.”
Yohana 15:10.



137

(Isomo: Yohana 14:15)
Yesu Adusaba kwerekana urukundo tumukunda twubahiriza Amategeko Ye:”Ni munkunda, muzitonder’amategeko yanjye.”
Yohana 14:15.

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?


138

**Urukundo rukomeye cyane no kubaha ubushake bw'Imana byerekaniwe neza neza muri wa murima mu nsi y'igiti cy'umwelayo mu mwijima w'umutamenwa w'ijoro rikonje.**
**Ubwo Umwana w'Imana Yasengaga, uruhanga rwe rujojoba mo ibyuya by'amaraso, Agira Ati,**



139

**(Isomo: Matayo 26:39)**
**"...Data, niba bishoboka, iki gikombe kindenge: ariko bye kub'uko jyeweho nshaka, ahubwo bib'uko wow'ushaka."**
**Matayo 26:39.**
**Iherezo ry'umuntu ryari mu rungabangabo - isi yanduye yagombaga gukizwa cyangwa igahera burundu.**


140

**Uyu Munyagalileya Yashoboraga kureka byose ntapfire i Kaluvari, Agashyira ku ruhande ibyo umuntu yifuza mu buzima n'ibyo yifuza ko byasohozwa?**
**Yashoboraga kwihanagura icyuya mu ruhanga rwe Akavuga Ati,**
**Reka umunyabyaha warwishigishiye arusome**


141

**Cyangwa se Yashoboraga kutwikorerera umusaraba. ibyo nibyo Yahisemo, Apfira ibyaha byacu. Yasheshe amaraso Ye kugirango tubabarirwe. Yapfuye urupfu twagombaga gupfa kugirango tubone uko tubana nawe by'iteka.**


142

**Kubera ko Kristo yaturihiye umwenda w'ibyaha byacu, ubu dushobora kubonera imbababazi mu gitambo yatanze.**


143

**Umusaraba utanoze ku musozi wa Kaluvari ni urwibutso rw'iteka rw'igiciro Imana Yarishye kubera Amategeko yishwe no gukiza umunyabyaha.**

10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?



144

Iyo Amategeko y’Imana aba yarakuweho cyangwa yarahinduwe, Yesu ntiyari kuba Yaragombye gupfa. Kaluvari ntiyari kuba ikiri ngombwa.



145

Ariko Imana ntiyahoboraga kwirengagiza ibyaha by’umuntu uriho urubanza!




146

Ntiyashoboraga guhindura Amategeko yayo.



147

Nuko rero umunyabyaha yari akeneye Umukiza. Kandi Imana ishimwe cyane kubw’urukundo rwayo rwatumye Yemera gutanga Umwana wayo w’ikinege ngw’Atubere inshungu!”




148

(Isomo: Yohana 3:16)
“Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w’ikinege,



149

kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.”
Yohana 3:16.



150

Igitabo cy’Ibyahishuwe cyerekana uko abiteguye gusanganira Yesu agarutse bameze n’uko bazajyana mu murwa wo mu ijuru kubana nawe ubuziraherezo.

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?



151

**(Isomo: Ibyahishuwe 14:12)**
**Imana Ibavuga ho ibi: “Aho ni ho kwihangana kw’abera kuri, bitondera amategeko y’Imana, bakagira kwizera nk’ukwa Yesu.”**
**Ibyahishuwe 14:12.**



152

**(Isomo: Ibyahishuwe 14:14)**
**Ku murongo wa 14, hagira hati:”Mbona igicu cyera; no ku gicu mbona uwicayeho, usa n’Umwana w’umuntu,**



153

**wambaye ikamba ry’izahabu ku mutwe, kandi afite umuhoro utyaye mu ntoke ze.”**
**Uku ni ko byerekanwa uko Imana Izaza gusarura isi.**



154

**Mu buhanuzi bukomeye Yesu Yahaye Yohana mu gitabo cy’Ibyahishuwe ku byerekeye amateka y’itorero, Yesu Avuga ko abasigaye bakomeza ukuri kw’itorero ry’Imana bavugwa muri ubu buryo:**



155

**(Isomo: Ibyahishuwe 12:17)**
**“Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye,**



156

**bitonder’amategeko y’Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu.”**
**Ibyahishuwe 12:17.**


157

**Ngibyo ibyo dusoma mu gitabo giheruka cya Bibiliya!**

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?


158

Abantu b’Imana bakunda cyane Umuremyi wabo n’Umucunguzi ku buryo bashaka gukora ibyo Abasaba cyangwa Yifuza.
Bashaka kwerekana urukundo bamufitiye bakora ugushaka kwe.
Bazi neza ko ugushaka kwe kuri mu Mategeko ye.
Bakora byose bumvira Uwabakoreye ibikomeye ngo abakure mu byaha byabo.
Yesu Arambuye amaboko Ahamagara Ati, “Ngwino!”
Aracyaduhamagara!
Arashaka kuduha imbaraga zo kubaho tubeshejweho na we.



159

(Isomo: Ibyahishuwe 22:17)
Ashaka kutweza ho inenge y’ibyaha.
Aracyahamagara n’ijwi ryinginga Ati,”...Kandi ufite inyota naze; ushaka, ajyane amazi y’ubugingo ku buntu.”
Ibyahishuwe 22:17.


160

Umubwiriza yigeze gusura urugo rumwe mu nkengero z’Umujyi munini. Umugore wo muri urwo rugo yari afite ikinyabupfura cyane ariko avuga akomeje ati: “Ntabwo na gato nshamadukira ibya Bibiliya n’iby’ubukristo” arakomeza ati:” ariko niba bigushishikaje wahamagara umugoroba umwe, ukavugana n’umugabo wanjye we ukunda cyane kuba yabimenya. Nifuza rwose ko wagaruka mukabonana.”
Umubwiriza aza kugaruka ku Isabato nimugoroba. Kuko atari umunsi wo gukora, umugabo wa wa mugore yari yaramenyereye guhurira na bagenzi be ku i hoteri ku gicamunsi bakabuguza.
Yari umuntu ukunda kusahinda aganira ariko akanaba wa wundi uroha ibigambo byinshi ntugire icyo ingenzi utoramo. Nuko abwira umubwiriza ati, “Mfite Bibiliya, wagombye kubona Bibiliya yanjye. Mama yayinshyiriye mu gasanduku ubwo nari mvuye mu rugo nshyingirwa. Yarariho ashakashaka Bibiliya ye ngo ayimwereke ati, ariko se di, Bibiliya yanjye irihe? Yarashakashatse icyo yaguyeho yitaga Bibiliya cyari igitabo cyanditsemo amasengesho. Ntiyigeze abona Bibiya.


161

**Mu bibazo ariko yari afite harimo nicyo inzoga. No kubuguza nabyo byarangizaga kandi yanywaga itabi cyane. Ibi byose byiyongeyeho akandi kamenyero kabi, byari byarateye icyuho hagati ye n'umugore we, wafunze utwe, yiteguye kwahukana.**
**Bari bafite umugambi wo gutandukana. Ibintu byari byifashe nabi.**
**Nyamara muri uwo mugabo harimo icyifuzo gikomeye cyo kuba yabaho neza birushijeho ku buryo n'inzoga ikaze itashoboraga kumukura kuri icyo gitekerezo.**
**Umubwiriza yifuje kongera guhura nawe ku kigoroba cyo ku wa kabiri w'iminsi irindwi, ubwo nibwo batangiranye kwiga ibyigisho byiyungikanije bya Bibiliya.**


162

**Uko ibyigisho byo mu ijambo ry'Imana byigishwaga buri byumweru, niko wa mugabo yatangiye kwinjirwamo n'iby'umusaraba wa Yesu. Uwundi muryango waruri kwakira Yesu ubifashijwemo n'Umwuka wera.**
**Icyo kigoraba byari ibintu bitangaje cyane kumva uyu mugabo asaba umubwiriza ati, "Uyu mugoroba ugomba gusigara ho gato.**
**Umugore wanjye ashobora kwigendera. Mbese dushobora gusigarana gato turi abagabo, tukaganira?"**

10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?

# 10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?


163

**Nuko, umugabo avugisha ukuri kose abwira umubwiriza igitekerezo kibabaje cy'ubuzima bwari bugeze aharindimuka kandi bwaratangiye neza. Yari yaravukiye mu muryango wari ukomeye mu bya gikristo, ariko yari yarahaye urwaho irari rya gisore rimugeza aho atacyigarura. Nawe yari wa mwana w'ikirara, wararuje za ngeso mbi zamujyanye gusa kure cyane agwa ku gasi.**
**Ibyerekeranye n'idini byari byaramuyoyotsemo, Bibiliya itakiba mu bitekerezo bye.**
**Kristo Yiyambazwaga gusa mu bikomeye.**
**"Mubwiriza ariko, nshaka kumenya cyane, wangenj'ute? Ubu maze ibyumweru bine birikubise nta nzoga nkoza mu kanwa ndacanye n'umuti n'umwe w'isegereti y'itabi. Ntabwo nigeze mara igihe kinini nk'iki ntarahiye cyangwa ngo mvugire ubusa izina ry'Imana". Maze, ubwo yajugunyaga umuti w'itabi wakoreshejwe mu gicaniro cyo mu nzu, akomeza agira ati, " Imiti y'itabi nakoreshaga isigaye intera iseseme. Ndabizi neza ngiye kuva ku itabi. Ariko hari ikirushijeho kuba cyiza kuruta ibyo byose. Umugore wanjye yapakuruye ibikapu bye yari yapakiye mu byumweru bitatu bishize. Muri iki gitondo yankurikiye nsohoka ansanga ku rugi, imyaka yari ibaye myinshi ariko ni ubwa mbere yansomye ansezeraho.**
**N'ukuri nibyo yabikoze! Numiwe cyane, mbese natangaye cyane ubwo yamwenyuriraga akagira ati,'Nkunda Yakobo wahindutse mushya.'**
**None mbwira, mubwiriza, byangendekeye bite? Nzi ndashidikanya ko byatewe n'amateraniro y'ibyigisho bya Bibiliya tugirana ku wa kabiri nimugoroba."**



164

Umubwiriza aramusubiza ati, “ku bwanjye ntacyo nakoze, ariko nizera ko Bibiliya ishobora kugusobanurira uko byagenze.” Nuko arambura mu 2 Abakorinto 5:17, atangira gusoma:”Umuntu wese iy’ari muri Kristo, ab’ar’icyaremwe gishya: ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya.”
Yakobo wahindutse mushya atangira kwisomera iryo somo buhoro. nuko agira ati, “Icyaremwe gishya --- Yakobo mushyashya! Nibyo pe! Yakobo mushashya! Mubwiriza, iy’uba war’unzi mbere, uyu mugoroba sinkiri wa wundi.
Ni koko nshuti,ni umwana w’Imana kandi ashobora guhindura abagabo n’abagore. Arashaka kuguhinddura na we.Arashaka kukugabira imbaraga zigushoboza gukomeza amategeko ye. Uri umunyantegenke.Ariko Yesu ni umunyambaraga. Ibyakubayeho byose, ntacyo.Yesu arakubabarira akweze.Araguha imbaraga z’ubuzima bushya.Ntiwemere ko hagira ikigukoma mu nkokora.Araguhamagra ngu utahe.Wakwemera gupfukama ugasenga uti:”Yego, Nyagasani, ndaje.” Pfukama. Ntiwite ku bandi bari hano. Zirikana Yesu gusa mu gihe upfukama. Maze uvuge uti: “Yego mwami Yesu, ndaje, ndaje kano kanya”. Reka dusenge.

10 - Byagendekeye Bite Icyiza n'Ikibi?

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza



1

**Uko Wahaza Ibyifuzo Bikuri ku Mutima**


2

**Hari igitekerezo kivuga iby’ uwitwa Thomas Huxley, umuhanga mu bumenyi bw’ ibinyabuzima wari wakerewe kugera mu mugi aho yagombaga kwigishiriza. Yabonye itagisi, icyo gihe amatagisi byari ibiziga bikururwa n’ ifarashi, ayisimbukiramo nuko ahita asakuza abwira umushoferi ati: “Twarira muri vitesi yo hejuru!”**


3

**Umushoferi aramwumvira atangira gukubit’ ifarashi ye ikiboko maze igenda isimbagurika umuhanda wose . Huxley aricara, aratuza gato mu ntebe ye, aruhutse cyane, nuko noneho ahaguruka vuba nk’ ushigutse, Arahamagar’ ati,**
**“Umva, umva, mbese uzi aho nshaka kujya?**
**Umushoferi ati: “Oya, Nyakubahwa, “ Ariko ndikwihuta cyane uko nshoboye.”**


4

**Umubare ukabije w’ abantu benshi barahungabanye muri iyi minsi.**
**Hari byinshi biri kubera mu buzima bwabo. Bahora buri gihe bihuta bagir’ aho bajya. Nyamara icy’ ukuri nuko, benshi cyane batazi neza aho bajya; ntibazi aho ubuzima bwabo bugana.**


5

**Ni kubwo iyi mpamvu nyirizina Imana Irarika ubuheruka, nkuko tubibona mu gitabo giheruka ibindi muri Bibiliya cy’ Ibyahishuwe. Mu gice cya 14, umurongo wa 7, intumwa Yohana araburira ab’ isi bategereje kugaruka kwa Yesu muri aya magambo...**



6

**(Isomo: Ibyahishuwe 14:7)**
**“...Nimwubahe Imana, muyihimbaze; kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye;**

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza



7

**muramye Iyaremye ijuru n’ isi n’ inyanja n’ amasoko.” Ibyahishuwe 14:7.**
**Ariko iyo ufite ikarita-ndanga y’ umugi utuyemo maze ukagerageza kuyikurikira ushakisha ahantu, Mu gihe iyo karita ikosheje itandukaniro riraboneka!**


8

**Kuramya nde?   Muramy’ Iyaremy’ ijuru n’ isi.**
**Muramy’ Umuremyi wa byose.**
**Imana Iraturarikira kwitonda maze tukamenya aho tugana.**
**Iyo tumenye ko twaremwe n’ Imana, biduha kumva icyo tuberey’ aha n’ aho tugana.**


9

**Nyamara muri iki gihe, abantu bibagiwe ko Imana ari Umuremyi w’ ibibaho byose, Umuremyi w’ isi yacu, n’ ibintu byose, n’ abantu bose bo mu isi.**
**Abantu bamwe bakubwira ko ushobora kwizera ibyo Bibiliya ivuga nta kubishidikanyaho na gato. Abandi bakakubwira ko utabyishingikirizaho. Ni nde uri mu kuri?**



10

**(Videwo y’ amasegonda 6)**
**Muri iki gihe, miliyoni z’ abantu zitekereza ko twavuye ku kantu gato tukagenda duhindagurika.**
**Ngo mu myaka za biliyoni twagiye tuva ku tunyabuzima tumwe rukumbi tugenda dukura duhinduk’ ibikoko byo mu nyanja nabyo byakuze bikavamo inyamaswa ziba ku butaka zaje kub’ abantu.**
**Batekereza ko buri kintu cyabayeho kubw’ amahirwe cyangwa isanganya tudasobanukirwa.**


11

**Ariko se wari uzi ko Imana Yaduhay’ ikimenyetso cy’ igikorwa cyayo cyo kuturema?**
**Yaduhay’ ikintu kigomba kutwibutsa buri cyumeru ko Yaturemye, Ikarem’ isi yacu, n’ ibibaho byose.**
**Niba Bibiliya ivug’ ukuri, iherezo ryawe ry’ iteka rishingiye k’ ukuntu wizera cyangwa wemer’ Ibyanditswe.  Uko wizera ibiri muri Bibiliya bituma hab’ itandukaniro ry’ ibyo wizera byerekeye ku Mana.**

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza





12

**Mu by’ ukuri, Imana Ikimara kurangiza kurema Yahise iduha uru rwibutso rugaruka uko iminsi irindwi ihise. Nyamara, hafi y’ isi yose yibagiwe urwo rwibutso urwo ari rwo.**



13

**(Videwo y’amasegonda 15) Kutibuka urwo rwibutso, kwateye benshi kwibagirwa ko Imana ari Yo Yaremye isi.**
**Nuko rero muri iki gihe twohereza abantu ku kwezi kujya gushakirayo ibyababafasha kumenya uko isi yacu yatangiye kubaho.**


14

**Tureba kure mu kirere twifashishije ibyuma kabuhariwe bireba kure, ngo tumenye uko ibiriho byose byatangiye kubaho.**
**Reka turebere hamwe muri iki gitabo gikomeye - Bibiliya - igitabo kandi cyitwa- Ijambo ry’ Imana - maze turebe niba dushobora kubona mo ibiduhamiriza niba koko ar’ ukuri cyangwa s’ atar’ ukuri, niba ari icyo kwizerwa cyangwa se kutizerwa.**



15

**Uyu murego n’ uw’ iki kandi kuki biduhenda - bitwunguye iki? Nuko dushaka ibisubizo by’ ibi bibazo dufite by’ ingutu. Mbese mu biriho byose nitwe turiho twenyine? Twagez’ aha dute? Kuki tur’ aha? Kandi turagana he?**
**Nuko ubushakashatsi burakomeza. Nyamara uko dukomeza kwibaza, niko n’ ibisubizo biri imbere yacu neza. Nyamara turi mu isi y’ abanyamazinda - ntitucyibuka aho twaturutse!**



16

**Imana Irabwir’ ab’ isi bibagiwe Iti,**
**“Mwibuke, mwibuke ko nd’ Umuremyi wanyu. Kandi kugirango mbafashe kwibuka, nabahay’ icyapa - ikimenyetso!”**



17

**(Videwo y’ amasegonda 5). Muri iki gihe cy’ amateka y’ isi, aho ibivuga ko twagiye duhindagurika bikigisha ko twabayeho k’ ubw’ amahirwe, Imana Igir’ Iti, “ Ntimwahindaguritse - Narabaremye!”**

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza


18

Ariko bamwe bashobora kubaza bati, “ N’ikihe kimenyetso cyibutsa ko Imana Yaturemye?” Muribuka ubwo twiganaga iby’Imana Yaremye buri munsi mu cyumweru cy’Irema?



19

(Isomo: Zaburi 33:8, 9)
Irema ryari ritinyitse! Imana Yabikoze Ite? - kandi vuba? Bibiliya itanga igisubizo: “ Isi yose yubahe Uwiteka,
Abari mu isi bose bamutinye.”



20

“Kuko yavuze, bikaba,
Yategetse, bigakomera.”
Zaburi 33:8, 9


21

Ntidushobora kubisobanukirwa, ariko Imana Yabeshejeho ibintu Ikoresheje ijambo ryayo. Ijambo ry’Imana, rivuzwe cyangwa ryanditse muri Bibiliya rirarema kandi rifit’imbaraga! Uki icyemezo gishobora gusa gusobanuka aruko hemejwe ko Imana yaduhaye iki Gitabo ngo Ibone uko Itumenyesha ubushake bwayo.



22

(Isomo: Itangiriro 2:1)
“Ijuru n’isi n’ibirimo byinshi byose birangira kuremwa.”
Itangiriro 2:1.


23

Mu minsi itandatu, Umuremyi Abeshaho isi.
Ayuzuz’ibimera n’ibiti, indabyo n’imigezi.


24

Arem’umucyo w’izuba n’ubwiza bw’ibirengarenga n’ukwezi kwiza bitangaje ko kunezererwa bumaze kwira.

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza



25

Ikirenz’ ibindi ariko, Yaremye abantu babiri batunganye. Mbeg’ icyubahiro! Kuremwa mu ishusho Y’ Uwabaremye! Baremewe gutegek’ isi n’ ibiyuzuye byose!




26

(Isomo: Itangiriro 1:27)
“Imana irem’ umuntu, ngw’ agir’ ishusho yayo, afit’ ishusho y’ Imana ni ko yamuremye...”
Itangiriro 1: 27.




27

Ariko, Imana ntiyari Yarakarangiza!
Yari Ishigaje ikintu kimwe Yashakaga gukora.
Itond’ urebe uko Bibiliya ivug’ uko byagenze ku munsi wakurikiyeho wa karindwi wo kurema:





28

(Isomo: Itangiriro 2: 2 - 4)
“ Ku munsi wa karindwi Imana irangiz’ imirimo yakoze:




29

iruhuka ku munsi wa karindw’ imirimo yayo yose yakoze.”





30

Imana ih’ umugish’ umunsi wa karindwi, iraweza: kuko ariwo Imana yaruhukiyemo imirimo yakoze yose.”




31

“Uku ni ko kuremwa kw’ ijuru n’ isi, ubwo byaremwaga.”
Itangiriro 2:2-4.




32

Imana ni yo gusa Ishobora kweza ikintu, na Bibiliya ivuga ko Yejej’ umunsi wa karindwi.

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza



33

Kweza ikintu n’ukugishyira ku ruhande ngo gikoreshwe ibyera.
Imana yatoranije Isabato mu yindi minsi.
Irayikubitira nk’iyera - igirwa iy’Imana burundu.
Hari abantu bibaza ngo - uwo munsi utandukaniye he n’iyindi? Wenda, uru rugero rwagira akamaro.


34

Ku munsi w’ubukwe, umugore umwe yezwa cyangwa ashyiririrwa ku ruhande umugabo umwe. Reka ducishirize ko ari ku munsi wawe w’ubukwe. umunezero wakurenze. Hashize igihe utegereje uyu munsi.


35


Reka nanone ducishirize ko uwo wahisemo kuzakubera umugore afite abakobwa b’abavandimwe be batandatu. Ku munsi w’ubukwe mu birori umugore umwe ashyingirw’umugabo umwe. Ashyirwa ku ruhande. Ntaba akiri uwo muri barindwi. Ni we uba wejejwe. Yerejwe umugabo we mu ishyingirwa.


36

Byagenda bite nyuma yo gushyingiranywa, umwe muri ba bakobwa bavindimwe n’umugore waw’agiz’ati ,” Hari irihe tandukaniro? Umwe muri barindwi yaba umugore wawe. Buri wese muri aba bavandimwe b’abakobwa barindwi ni mwiza.
Wabivugaho iki? Mbese hari itandukaniro?


37

Wowe se Madamu, ubona abagabo bose ari cyo kimwe? Nta gushidikanya rirahari!
Nk’umukwe rero, wavuga uti, “Umugeni wanjye namwihitiyemo, arezwa, atandukanywa n’abandi, arashinganye n’uwanjye?
Niko n’Imana yafashe umunsi usanzwe w’amasaha 24 - y’umunsi wa karindwi - Ikawuhitamo, Ikaweza, Ikawikubitira, Iwugira uwayo.
Isabato n’umunsi wera wahawe umugisha.
Mu magambo y’Imana, Isabato s’umunsi ubonetse wose, Isabato n’umunsi wa karindwi.



38

(Isomo: Mariko 2:27, 28)
Aha Yesu Yagiz’Ati: “Isabato yabayeho kubw’abantu, abantu si bo babayeho kubw’isabato.

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza



39

ni cyo gitum’Umwana w’umunt’ar’Umwami
w’isabato na yo.”
Mariko 2:27, 28.


40

Imana Yatanz’Isabato kugira ngo tugir’igihe cyo kwibuka ko tutagiye twihindagura. Mu minsi itandatu, Imana Yaremy’umuntu, n’ibindi Yashyize mu isi nziza y’akataraboneka!
Iki cyagombaga kub’igihe cyejejwe aho umuntu n’Imana Yamuremye bagombye kuvugurura isezerano ryabo ry’urukundo n’ubwitange bagirirana buri cyumweru.
Buri cyumweru, umuntu yagombaga “kwibuka” ko Imana Yaremy’ijuru n’isi mu mins’itandatu maze Ikaruhuka ku munsi wa karindwi.


41

Igihe Yandikag’amategeko n’intoke zayo bwite, Imana Yasaby’umuntu kwibuka. Itegeko rya kane riri hagati muri ayo Mategeko yera y’Imana.
Imana Yabwiy’umuntu “kwibuka” uyu munsi, kuko mu minsi itandatu yaremye isi, inyanja, n’amasoko y’amazi.



42

Iyab’Isabato yari yarakomeje kwizihizwa nk’urwibutso rwo kurema, nta muntu waba uhakanirema, umuhemu cyangwa utizera wari kuba akiriho magingw’aya.
Buri cyumweru, bari kuba barakomeje kujya bibutswa aho baturutse n’isano bafitanye n’Iyabaremye!
Uko icyaha cyagiye cyiyongera mu isi, umuntu yagiye yibagirwa aho yaturutse, n’igituma ari aha, n’aho agana.
Ibi bimazekuba, umuntu yanibagiwe uburyo agomba kubaho.



43

(Videwo y’amasegonda 10)
Mu gihe cya Mose, Abisirayeli bari baribagiwe Imana yabo burundu.
Bari barisutse mu byo kuramy’ibigirwamana byakozwe n’abantu!

11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza



44

(Videwo y’amasegonda 7)
Imana Yabakorey’ibitangaza Ibakiza abanzi babo maze Ibanyuza mu butayu mu nzira igana mu “ Gihugu cy’Isezerano.”
Mu butayu, Imana Yakoz’ibintu bibiri Igamije kubereka ibyo Yashakaga ko bakora bijyanye n’umunsi wa karindwi w’Isabato Yari Yarabaremeye mu cyumweru cya mbere cy’amateka y’iyi si.




45

(Videwo y’amasegonda 10)
Icya mbere, Imana Yabibukije ko Yabitagaho kandi ko Yo Yabakuye mu gihugu cy’Egiputa.
Ntibashoboraga kwitwaza ibyokurya bihagije.
Bidatinze batangira kwitotomba kuko ibyo kurya byari byabashiranye.
Basa naho batari bigeze banyurwa n’ibitangaza byose, n’ubugiraneza Imana Yaberetse, ariko Imana y’urukundo Ibaboner’ibyo kurya!




46

(Isomo: Kuva 16:4,5)
“Maze Uwiteka abwira Mose ati: Dore, ndabavubira ibyokurya bimanutse mu ijuru:




47

iminsi yos’abantu bazajya basohoka baterany’iby’uwo minsi,



48

kugirango mbagerageze yuko bitonder’amategeko yanjye, cyangwa batayitondera.”
KUva 16:4
“Umutsima uvugwa aha uzwi ku izina rya ‘manu’.”



49

“Kandi ku wa gatandatu bajye bitegur’ibyo bajyan’iwabo,



50

bihwanye n’ibyo bajyaga bateranya inshur’ebyiri.”
Kuva 16:5




51

(Isomo: Kuva 16:6)
“Mose na Aroni babwir’Abisirayeli bose bati:




52

Ni mugoroba ni ho muribumenye yuk’Uwiteka ari we wabakuye mu gihugu cy’Egiputa.”
Kuva 16:6



53

(Videwo y’amasegonda 16)
Manu yagwaga mu ijoro ikime kiri gutonda. Mu gitondo, ikime cyamara kuma, manu ikazimagiza hasi. Mu masaha ya kare nibw’abantu bajyaga hanze kuzitoragura byageza ku manywa y’ihangu, manu zisigaye zarashongaga.
Ariko reb’uko byagendaga ku munsi wa gatandatu w’icyumweru:



54

(Isomo: Kuva 16:21, 22)
“Bajya babiteranya uko bukeye, umuntu wese ateranya ibihwanye n’imirire ye.



55

izuba ryava, bikayaga.”




56

“Ku wa gatandatu baterany’ibyokurya bingana kabiri n’ibyo bajyaga bateranya, ingero ebyiri za omeru z’umuntu wese.

11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza




57

abakuru b’ iteraniro bose baraza babibwira Mose.





58

(Isomo: Kuva 16:23)
“Arababwir’ ati: Ibyo ni by’ Uwiteka yavuz’ ati, Ej’ uzab’ umunsi wo kuruhuka, isabato yejerejw’ Uwiteka.




59

mwots’ icyo mushaka kotsa, mutek’ icyo mushaka guteka; ibisaze mubibike, birare bigeze mu gitondo.” Kuva 16:21 - 23.





60

(Isomo: Kuva 16:25, 26)
Ku byerekeranye n’ umunsi wa karindwi: “Mose arababwir’ ati: Uyu munsi mury’ ibi; kuko non’ ar isabato y’ Uwiteka; uyu munsi ntimubibona mu gasozi.




61

Mu mins’ itandatu mujye mubiteranya, arik’ uwa karindwi ni wo sabato, kuri wo ntibizajya biboneka.” Imirongo ya 25 na 26.



62

Abantu hafi ya bose bakora iby’ Imana Yari Yategetse, ariko bamwe bajya hanze ku Isabato gutoragura manu. Kubera ibyo, reba uko Imana yavuze!




63

(Isomo: Kuva 16: 28 - 30)
“Uwiteka abwira Mose ati: ‘Muzageza he kwanga kwitonder’ amategeko yanjye n’ ibyo nategetse?




64

Dore, ubw’ Uwiteka abahay’ isabato, ni cyo gitum’ ajy’ abaha kuwa gatandat’ imitsima y’ iminsi ibiri:

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza




65

umuntu wese agume aho ari, ntihakagire umuntu uva aho ari ku wa karindwi.’



66


Nuko ku wa karindwi abantu bararuhuka.”
Kuva 16:28 - 30.


67

Isabato yatangijwe mu gihe cy’iremwa kandi ubwoko bw’Imana bwayubahirizaga na mbere yuko bajya i Sinai aho Imana Yabahereye Amategeko Cumi.



68

Mu kwezi kwa gatatu k’urugendo rwo Kuva mu Egiputa, Imana Izana abantu ku musozi Sinai, maze Ihabonekera Mose, Imuha  ubutumwa bwo kugeza ku bantu:




69

(Isomo: Kuva 19:5, 6)
“None nimunyumvira byukuri, mukitonder’isezerano ryanjye,



70

muzambera amaronko, mbatoranije mu mahanga yose, kuko isi yose ari iyanjye.



71

kandi muzambera ubwami bw’abatambyi n’ubwoko bwera.



72

Ayo abe ari yo magambo ubwira Abisirayeli.”
Kuva 19:5, 6.

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza


73

Imana Yagiriye abantu bayo ineza itarondoreka.
Iyo bubaha amategeko yayo, bari kuyiber’ ubwoko bwatoranijwe, n’ ishyanga ryera!
Rimwe muri ayo mategeko ryari ryatangiwe kumenyesha abantu kutazigera bibagirw’ isano bafitanye n’ Umuremyi wabo.
Mu by’ ukuri, iryo tegeko ritangirwa n’ ijambo wibuke.




74

(Isomo: Kuva 20: 8 - 11)
“Wibuke kwez’ umunsi w’ isabato. Mu mins’ itandat’ ujy’ ukora, ab’ ari y’ ukoramo imirimo yawe yose:



75

arik’ uwa karindwi ni wo sabato y’ Uwiteka Imana yawe.  Ntukagir’ umurimo wos’ uwukoraho:




76

wow’ ubwawe, cyangwa umuhungu wawe, cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe,



77

cyangwa itungo ryawe, cyangwa umunyamahanga waw’ ur’ iwanyu: kuko iminsi itandatu ari iyo Uwiteka yaremeyemo



78

ijuru n’ isi n’ inyanja n’ ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi:



79

ni cyo cyatumy’ Uwiteka ah’ umugish’ umunsi w’ isabato, akaweza.”
Kuva 20:8 -11.

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza





80

Isabato iri hagati, cyangwa ku mutima w’ayo mategeko cumi.
Umunsi w’Isabato ni urwibutso rw’irema.
Isabato ni iya kera imaze igihe nk’icy’isi ubwayo.
Imana Isezeranira imigisha myinshi ubwoko bwayo niba bayumviye kandi bakanibuka urwibutso rwayo rw’irema.




81

(Isomo: Yesaya 58:13, 14)
“N’uhindukira ntukandagire isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera, ahubwo ukita isabato umunezero,




82

umunsi wera w’Uwiteka ukawita uw’icyubahiro, ukawubaha, ntube icyigenge,




83

ntiwishakire ibyo kwinezeza, ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe,



84

nuko uzishimira Uwiteka...”
Yesaya 58:13, 14.
Iy’umuntu yibuk’urwibutso rw’irema, ibibazo byinshi afite byo- kwibagirw’Imana, ubuzima butagiz’icyo bumumariye, kubaho atiyizi - byose byari kubonerw’ibisubizo.
Nta batizeririrema bajyaga kubaho



85

(Videwo y’amasegonda 8) Nubwo kubivuga bibabaje, abantu b’Imana baribagiwe.
Bibagiwe kuramya Imana ku munsi wayo wera kandi,


86

ntibatinze batangira kuramya imana zibajwe n’imana z’amabuye.
Bibagiwe aho bavuye!


# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza


87

Mu myaka ibinyejana, amavugurura yo gukomeza Isabato yagiye abaho ubw'abahanuzi b'Imana bashishikarizaga abantu kongera kwita ku Mana Rurema.
Yesaya abitsindagiraho cyane avuga ko Imana Itigeze yifuza ko Isabato iharirwa ubwoko bw'Abayahudi gusa.



88

Isabato yashyizweho mbere y'uko ubwoko bw'Abayahudi bubaho.
Imana ntiyigeze Igenera umugisha nkuwo ubwoko bumwe gusa.




89

(Isomo: Yesaya 56:6, 7)
Imana Irarikira buri wese, ahantu hose kwibuka no kweza Isabato bari kumwe n'Imana. " Buri wese wez'isabato...




90

nzabageza ku musozi wanjye wera, mbanezereze mu nzu yanjye y'urusengero:




91

...kuko inzu yanjye izitwa inzu yo gusengerwamo n'amahanga yose."
Yesaya 56:6, 7.



92

Nta na hamwe muri Bibiliya wasanga havuga ko umunsi wa karindwi ari "isabato y'Abayahudi."
Yesu Yareruye Avuga ko ari umunsi w'abantu bose ubwo Yagiraga Ati,



93

(Isomo: Mariko 2:27)
"...Isabato yabayeho kubw'abantu, abantu si bo babayeho kubw'isabato."
Mariko 2:27.

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza




94

(Isomo: Kuva 20:10)
Nuko Imana Iravuga Iti,"...ariko uwa karindwi ni wo sabato y’Uwiteka Imana yawe..."
Kuva 20:10.



95

(Isomo: Matayo 12:8)
Yesu ubwe Yivugiye ko Ar’"Umwami w’isabato."
(Matayo 12:8) kuko Yayiremye.




96

(Isomo: Ibyahishuwe 1:10)
Ni cyogituma Yohana umuhishuzi yarawise "umunsi w’Umwami..."
Ibyahishuwe 1:10.
Isabato irenze kuba urwibutso rw’irema n’Umuremyi.
Ni ikimenyetso hagati y’Imana n’umuntu.



97

(Isomo: Ezekieli 20:20)
"kandi mujye mwez’amasabato yanjye; ab’ikimenyetso hagati yanjye namwe,



98

kugira ngo mumenye yuko nd’Uwiteka Imana yanyu."
Ezekieli 20:20.
Uwejeje Isabato mu cyumweru cy’irema ni nawe weza abanyabyaha.
Umuremyi wacu ni n’Umukiza wacu!



99

(Isomo: Ezekieli 20:12)
"Maze kandi mbaha n’amasabato yanjye,
ngw’ab’ikimenyetso hagati yanjye na bo,



100

kugira ngo bamenye yuko ari jye Uwiteka ubeza."
Ezekieli 20:12.

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza




101

**(Videwo y’amasegonda 12)**
**Isabato yahanzwe mbere yuko icyaha kiza mu Isi, kandi izanizihizwa icyaha kimaze kuvanwa mu Isi.**




102

**(Isomo: Yesaya 66:22, 23)**
**“Nkuko ijuru rishya n’isi nshya, ibyo nzarema, bizahoraho imbere yanjye, ni k’UWITEKA avuga,**




103

**ni k’urubyaro rwawe n’izina ryawe bizahoraho.”**



104

**Igihe kizaza uhereye mu mboneko z’ukwezi ukageza mu mboneko z’ukundi, no guhera ku isabato ukageza ku yindi,**



105

**abantu bose bazajya baza gusenga imbere yanjye, ni k’Uwiteka avuga.”**
**Yesaya 66:22, 23.**



106

**(Videwo y’amasegonda 6)**
**Ubwoko bw’Imana buzahora iteka bwizizihiza Isabato buha Imana icyubahiro cy’uko Ar’Umuremyi wabo n’Umucunguzi.**
**Niba isabato yarijihijwe mbere y’uko icyaha cyinjira mu isi, kandi ikazizihizwa ubw’isi izagirwa nshya, mbese ntibyumvikana k’ubwoko bw’Imana bukwiriye kuyizihiza n’ubungubu?**


107

**Niba dufit’ibibazo ibyaribyo byose byerekeranye n’iby’Imana n’Isabato, dushobora kureba uko Yesu Yayifataga.**

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza



108

Luka atubwira ibyo Yesu Yakoze ku munsi w’Isabato:



109

(Isomo: Luka 4:16)
“Ajy i Nazareti, iyo yarerewe;




110

ku munsi w’Isabato yinjira mu isinagogi, nk’uko yamenyereye, arahagarara ngw’asome.”
Luka 4:16.
Bibiliya ivuga ko kuri Yesu, kujya mu Isabato byari akamenyero!



111

Inkoranyamagambo Webstar’s (dictionaire) igir’iti, Isabato;




112

ku munsi wa karindwi w’icyumweru (ku Isabato).”
- Inkoranyamagambo (Webster’s New World Dictionary, second college edition ya kabili).



113

(Videwo y’amasegonda 9)
Iyo uwo muns’uhinduka cyangwa ukibagirana hagati y’igihe cya Mose n’Adamu, Imana Iba Yarabikosoye ubwo Yandikag’Amategeko Cumi ku musozi wa Sinai.



114

(Videwo y’amasegonda 11) Iyo haba hari umunsi watakaye hagati y’igihe cya Mose na Yesu, nta kabuza Kristo ntiyari kubura kubivugaho.



115

(Videwo y’amasegonda 9) Iy’uwo munsi uhindurwa mu gihe cy’abigishwa, nta gushidikanya ko bari kuba barabyanditseho.

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza



116

(Videwo y’amasegonda 9) Birumvikana, Abayahudi bakomera cyane ku kubika Inyandiko z’ibyabayeho, na nubu baracyasenga ku munsi wa karindwi, cyangwa ku Isabato.



117

(Videwo y’amasegonda 19) Ubwo Yesu Yari ku isi, ibyo kumeny’umunsi wo kuruhuka ntibyigeze bitez’ibibazo.
Ahubwo impaka gusa zagibwaga zari izerekeye uko Yesu Yawuruhukaga.
Abatambyi bari baragoretse uburyo Isabato yagombaga gukurikizwa, bashyiraho amabwiriza akomeye yuzuye inzitizi.
Yesu Yagerageje gukuraho amabwiriza, abantu bishyiriyeho maze Yesu Yerekana ubusobanuro bw’uko Isabato yaziririzwa.


118

Ubwo baregaga Yesu ko Yakandagiye Isabato kuko Yakijije umuntu kuri uwo munsi, Yarashubije Ati,



119

(Isomo: Matayo 12:12)
“...amategeko ntabuzanya gukora neza ku isabato.” Matayo 12:12.



120

(Videwo y’amasegonda 18) Bibiliya ivuga ko Yesu Yakizaga kandi Yigishaga,
Isabato n’iyo kutugira abantu buzuye, Ikadukiza umutima udushinja, kubera no kwikunda, ikaduha amahoro y’umutima;
Isabato ituma dusubirana ishusho y’Imana kandi ikatugarura ku Muremyi wacu!
Uyu niwo murimo Yesu Yaje gukora, kandi ni nawo murimo abigishwa basigaye bakora nyuma Yesu Amaze kubavanwamo.

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza




121

(Videwo y’amasegonda 11)
Ubusobanuro bwo kubahiriz’Isabato bwerekanywe n’abayoboke ba Yesu ku gihe cy’urupfu rwe.
Muri uku kumanjirwa, inshuti za Yesu zararuhutse nkuko itegeko ry’Imana ribisaba, bareka gusiga umurambo wa Yesu babyigiza inyuma mu masaha ya nyuma y’Isabato irangiye.




122

(Isomo: Luka 23:54 - 56)
“Hari ku munsi wo kwitegura, isabato yenda gusohora.



123

Nuko abagore bavanye na Yesu i Galilaya, bamukurikiye, babon’imva n’intumbi ye, uko ihambwe.




124

Basubirayo, batungany’ibihumura neza n’imibavu. Kandi ku munsi w’isabato bararuhuka, nkuko byategetswe.”
Luka 23:54 -56.




125

(Videwo y’amasegonda 8) Ku muns’ubanziriz’Isabato, ibyiringiro byabo muri Yesu byari byanyonzwe.
Bari babonye Yesu apfa urupfu rubi ku musaraba.
Inzozi zabo n’ibyiringiro byari biri mu mva yijimye.
Bashakaga gusiga umurambo we.



126

(Isomo: Luka 24:1)
“...K’uwa mbere w’iminsi irindwi, kare mu museke bajya ku gituro, bajyanye bya bihumura neza batunganije.”



127

Reka turebe uko ibintu byagenze muri iyi minsi itatu y’ingenzi.

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza



128

1. Ku wa gatandatu w’iminsi irindwi: Nibwo Yesu Yapfuye; abagore batunganije ibihumura n’imibavu.




129

2. Ku wa karindwi (Ku munsi w’Isabato): Yesu Yaruhukiye mu mva; n’abayoboke be nabo baruhutse uwo munsi.



130

3. Ku wa mbere w’iminsi irindwi: Yesu Yazutse mu bapfuye! Abagore baje gusiga umurambo wa Yesu. Igihe Yesu Yapfaga, nta gushidikanya na guke kwari ku kumenya umunsi w’Isabato uw’ariwo.



131

(Isomo: Yohana 19:30)
Yesu Yabambwe ku musaraba ku munsi wo kwitegura maze Arataka Ati,”...Birarangiye!...”
Yohana 19:30.



132

Umurimo we wo gucungura war’urangiye!
Ku Isabato, Yesu Aruhukira mu gituro



133

(Videwo y’amasegonda atandatu) maze Azuka kuwa mbere w’iminsi irindwi.
No mu rupfu, Yesu Yitondeye Isabato;
Yaruhukiye mu mva ku Isabato.
Uko tweger’umusaraba, tugenda turushaho kumva ko umunsi uw’ar’iwo wose utab’Isabato.
Kuko kwica Isabato byaba ar’uguhindura ibyerekey’irema, byaba ar’uguhindura ibyo ku musozi Sinai ( Amategeko Cumi y’Imana), ndetse byaba ari no guhakana ibyaberey’i Karuvali!


134

N’iby’ukuri, umunsi duhitamo mu minsi irindwi tukawuzirikiriza ntabwo ar’umunsi ubonetse wose. Umwanditsi w’umukristo witwa George Vandeman yaranditse ati:

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza




135

"Twakwakira dute iby'Abayoboke ba Yesu basuzugur'igihe cyejejwe nubwo baba bakor'ibikorwa by'urukundo,



136

twakwakira dute kumubona apfira ku musaraba kuko itegeko ritashoboraga gusisibiranywa bona nubwo byari gukiz'ubugingo bwe -



137

twaba tumurikirwa dute n'umucyo w'i Kaluvali kandi tuvuga ngo byose ni cyo kimwe?
- Umunsi Wo Kwibukwa, Urupapuro rwa 40.




138

Umuremyi Yagiz'Ati " Wibuke", nyamara benshi baribagirwa.
Nyamara ntabwo cyari icyifuzo cy'Imana.
Yesu Yari Yiteze ko abakristo bazakomeza Isabato mu bihe byose.




139

(Isomo: Matayo 24:20)
"Namwe musengere kugira ngo guhunga kwanyu kutazabaho mu mezi y'imbeho cyangwa ku isabato."
Matayo 24:20.



140

(Videwo: amasegonda 6) mu mwaka wa 70 nyuma yo kuvuka kwe igihe Yerusalemu yarimburwaga, Yesu Yari Yiteze ko abakristo bagombaga kuba bagikomeza Isabato!



141

(Isomo: Ibyakozwe n'Intumwa 17:1, 2)
Isezerano Rishya ryerekana ko Abayoboke ba Yesu bakurikizaga Isabato na nyuma yo kuzuka kwe..
"... Bager'i Tesalonike, hariho i sinagogi y'Abayuda.

11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza




142

Nuko Paulo, nk’uko yamenyereye, yinjira muri bo, ajya impaka na bo mu byanditswe ku masabato atatu.”
Ibyakozwe n’Intumwa 17:1, 2.
Ku yindi Sabato ubwo Paulo Yabwirizaga, Abanyamahanga baza kumubaza bati:




143

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 13:42, 44)
“...Abanyamahanga barabinginga ngo ayo magambo azongere abwirizwe ku isabato ikurikiyeho.



144

“Ku isabato ikurikiraho, ab’umudugudu hafi ya bose bateranira kumva ijambo ry’Imana.”
Ibyakozwe n’Intumwa 13:42, 43.




145

Mu by’ukuri, tubona mu gitabo cy’Ibyakozwe n’Intumwa ko Paulo yakoze amateraniro 84 ku Isabato.



146

Isabato igenda isa n’urudodo rw’izahabu kuva mu Itangiriro kugeza ku gitabo cy’Ibyahishuwe, aribyo byerekana abiteguye gusanganira Yesu Agarutse!



147

(Isomo: Ibyahishuwe 14:12)
“Aho ni ho kwihangana kw’abera kuri, bitondera amategeko y’Imana, bakagira kwizera nk’ukwa Yesu.”
Ibyahishuwe 14:12.



148

(Isomo: Yohana 14:15)
Yesu Yaravuz’Ati, “Ni munkunda, muzitonder’amategeko yanjye.”
(Yohana 14:15)
kandi rimwe muri ayo mategeko ritubwira “kwibuka Isabato”.

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza



149

**Niba buri cyumweru ku munsi wa karindwi w’Isabato turamya Imana Umuremyi wacu, ntituzigera twibagirwa aho twavuye cyangwa ngo tuyoberwe Uwaturemye akanarema isi ituzengurutse.**



150

**Niba tweza Isabato buri cyumweru, ntituzigera dukenera kwibaza abo turi bo, - tur’abahungu n’abakobwa b’Imana, Umwami wa byose!**


151

**Ntituzigera twibaza uko twageze aha - turi hano kuko Imana Yadushakaga, kuko Yaturemye.**


152

**Yesu uwo Ugusaba “kwibuka” Agutegeye ibiganza bye muri uyu mugoroba - ibiganza byigeze guterw’imisumali ku musaraba i Kaluvari kubera ibyaha byawe - Araguhamagara n’ituza Ati, “Nkurikira.”**



153

**Uremera gukurikira Umuremyi wawe nonaha?**
**Uremera kubaha itegeko rye wibuka umunsi w’Isabato Yashyizeho ku bwawe?**
**Uremera guhera ubu kuzajya ujya kumuramya buri cyumweru igihe Isabato Ye igeze buri wa karindwi w’icyumweru?**
**Ushaka gukurikiza urugero rwa Yesu n’abigishwa be uramya Umuremyi wawe ku munsi wa karindwi w’Isabato?**

# 11 - Twaremewe Ikintu Kirushijeho kuba Cyiza


154

Nshuti, ntabw’Isabato ari ikibazo gusa cy’umunsi tujya gusenga ho. Ni ugukurikira Yesu muri byose. Ni ukuba nk’Adamu na Eva ubwo baramyaga Umuremyi wabo mu ngobyi ya Edeni kuri ya Sabato ya mbere na mbere.
Ni ukubaha itegeko ry’Imana nka Mose ubw’Imana Yavugaga Iti, “Wibuke kweza umunsi w’Isabato.”
Ni ukuramya Imana ku munsi nk’uwo Yesaya, Yeremiya, Danieli n’abandi bantu b’ibihangange mu kwizera bavugwa bo mu Isezerano rya Kera.
Ni ugushimira Imana buri Sabato nka Petero, Yakobo na Yohana ko ari Umuremyi wa bose.
Ni ukubarirwa mu b’iki gihe giheruka bari mu ruhande rw’Imana bavugwa mu Byahishuwe ko bitondera amategeko y’Imana.
Wakwemera kuvuga uti, “Yego, Yesu, nzaguma iruhande rwawe. Nzakugira nyambere. Nzagukurikira hose.”
Niba iki ari icyifuzo cyawe, zamura ukuboko kwawe ubwo tugiye gusenga.




1

**Ntugatume bikubaho**



2

**Ibitekerezo by’ibihimbano bifatwa vuba nk’ukuri iyo bimaze igihe kinini bivugwa. Urugero n’urw’igitagangurirwa. Hafi mu mwaka wa 350 mbere y’ukuvuka kwa Kristo, umuhanga ukomeye Aristotle yavuze ko igitagangurirwa gifite amaguru atandatu. Mu binyejana 20 byakurikiyeho, buri wese yemeraga ko igitagangurirwa gifite amaguru atandatu. Nta n’uwigeze at’igihe cye ngo ayabare. Ni nde se wari gutinyuka kuvuguruza ibyo Aristotle yemeje? Nyamara, nyuma haje kuza uwitwa Lamarck, wazobereye mu binyabuzima n’ibintu-kamere. Uwo yabaz’amaguru y’igitagangurirwa yitonze. Uz’umubare w’amaguru we yabonye? Umunani! Icyo gihimbano cyari cyarabaye aho ibinyejana bigashira ibindi bigataha, kigakwirakwizwa nk’aho ari ukuri cyataye agaciro kuko Lamarck yigomwe maze akabara ayo maguru.**

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano



3

Mbese bishoboka ko no mu itorero rya gikristo haba haranyereyemo ibihimbano by’idini? Aho hano ntitwaba turi gukina n’ibintu by’ingenzi birenz’amaguru atandatu - cyangwa umunani y’igitagangurirwa?
Miliyoni z’abantu basenga ku munsi wa mbere w’icyumweru bibwira ko ari wo Sabato ivugwa muri Bibiliya.  Mu giterane cyacu giheruka, twabonye neza ko umunsi wa karindwi w’icyumweru, ku Isabato, ari wo Sabato y’ukuri y’Imana.  Mbese rwose nkuko mu myaka ibihumbi bibiri ibitabo byigishaga bibehya ko igitagangurirwa kigir’amaguru atandatu, niko na miliyoni z’abantu bemeye ibihimbano birebana n’ umunsi w’i  Sabato.
Impamvu muza muri ibi biterane byigirwamo Bibiliya nuk’umutima wanyu wifuza kumeny’ukuri. Murashaka kumeny’icyo ijambo ry’Imana koko rivuga. Ntimushishikajwe n’ibyo abakuru b’amadini bigisha. Murashaka kumenya icyo Imana Ivuga. Reka twongere dusuzumire hamwe ibyo twiganye ubushize.




4

(Videwo y’amasegonda umunani)
Twize ko Imana Yaduhaye umunsi w’umwihariko buri cyumweru - umunsi w’Isabato- tujya kuramya mo Imana kandi tukibuka umurimo wayo nk’Umuremyi wacu. Twabonye ko umunsi w’Isabato atari umunsi uwa ariwo wose-- ko ahubwo ari umunsi wa karindwi w’icyumweru.
Twize kandi ko ku iherezo ry’iyi si, Isabato izakomeza kubahirizwa no mu ijuru turi kumwe n’Umuremyi wacu.



5

Ariko, Iyo turebye ahatuzengurutse,  tubona ko abantu benshi - mu by’ukuri ni abantu benshi - ntibasenga Imana ku munsi wa karindwi.



6

Yewe, abenshi ndetse ntibanasenga Imana Ivugwa muri Bibiliya, ahubwo basenga izindi mana.




7

**Ariko no mu basenga Imana Ivugwa muri Bibiliya, nabo hafi benshi bayisenga ku yindi minsi itandukanye n’uwo Imana ubwayo Yikubitiye Ikawugir’umunsi wayo wera**
**Ibyo biterwa n’iki?**
**Mbese Imana Yahinduye uwo munsi?**
**Haba hari undi muntu wundi se wawuhinduye?**
**Kuki abantu benshi bajya gusenga ku yindi minsi, dutange urugero nko ku cyumweru, bakacyita Isabato, aho kujya gusenga ku munsi wa karindwi?**


8

**Twize ko Bibiliya itubwira ko Imana, mu mategeko yayo, Yahaye twese abatuye ku isi ikimenyetso kidasanzwe:**




9

**(Isomo: Ezekieli 20:12, 20)**
**“Maze kandi mbaha n’amasabato yanjye, ngw’ab’ikimenyetso hagati yanjye na bo,**




10

**kugira ngo bamenye yuko ari jye Uwiteka ubeza...”**



11

**“kandi mujye mwez’amasabato yanjye; ab’ikimenyetso hagati yanjye namwe,**



12

**kugira ngo mumenye yuko nd’Uwiteka Imana yanyu.” Ezekieli 20:12, 20.**

12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano



13

(Videwo y’amasegonda 4) Bibiliya kuva mu gitabo kibanza ukageza ku kirangiza, ihamya ko Imana Yashyizeho umunsi w’Isabato kandi uwo munsi akaba ari umunsi wa karindwi w’icyumweru.
Nta na hamwe muri Bibiliya wasanga Imana Ivuga ko Yahinduy’uwo munsi wo gusenga no kuruhuka - icyo kimenyetso kiri hagati y’Imana ubwayo n’abantu bayo.



14

(Videwo y’amasegonda 10) Reka dusubire gato ku byo twabonye muri ubu butumwa tubifashijwe no kwiga Ijambo ry’Imana.
Imana Imaze kurema isi n’umuntu, Yaremye Isabato.



15

nk’urwibutso rw’irema ku munsi wa karindwi muri icyo cyumweru cya mbere cy’irema no mu mateka y’isi y’igihe cyose.


16

Ubwo Imana Yandikaga amategeko yayo ku musozi Sinai, Yashyize itegeko ry’Isabato hagati y’ayo mategeko yose.



17

(Videwo y’amasegonda 5)
Iri tegeko ryari iryo guhora ryibutsa umuntu ko atapfuye kubaho gusa.



18

Impamvu Imana Itanga Yo gusab’umuntu kwitonder’umunsi wa karindwi nuko Yaremy’isi mu mins’itandatu



19

maze Iruhuka ku munsi wa karindwi.
Ku birebana n’amategeko yayo, Imana yabwiye Mose kubwir’abantu kutagira icyo bagabanya cyangwa bongera ku mategeko.



20

(Isomo: Gutegeka kwa kabiri 4:2)
“Ntimukongere ku mategeko mbategeka,
ntimukayagabanye,



21

mubone kwitonder’amategeko y’Uwiteka Imana yanyu mbategeka.”
Gutegekwa kwa kabiri 4:2.
Imana Yaranababwiye Iti,



22

(Isomo: Zaburi 89:34)
“Sinzic’isezerano ryanjye,
Sinzahindur’ijambo ryavuye mu kanwa kanjye.”
Zaburi 89:34.


23

Yesu ubwe Yerekanye ko yiyemeje guha isumbwe amategeko Yari Yaratangiye ku musozi Sinai. Yabwiye abantu mu Kibwiriza cyo ku Musozi ko Ataje gukuraho amategeko ko ahubwo Yaje kuyasohoza!



24

(Isomo: Matayo 5:17- 19)
Mwumve aya magambo:”Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohoza.




25

Kandi ndababwir’ukuri yuko ijuru n’isi kugeza aho bizashirira,



26

amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira.



27

Nuko uzica rimwe ryo muri ayo mategeko, naho ryaba ryoroshye hanyuma y’ayandi, akigish’abandi kugira batyo,

12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano



28

**mu bwami bwo mu ijur’azitwa mutoya rwose...” Matayo 5:17- 19.**
**Ubw’Imana Yahag’ubwoko bwayo Amategeko Cumi, Yanavuze Yeruye ko nta muntu n’umwe ugomba gusubiramo cyangwa se guhindura amabwiriza yasohotse mu kanwa kayo kera.**


29

**Yesu Ubwe Yabyerekanishije urugero Yatanze ko Yashakaga kubaha umunsi We na Se Bejeje mu cyumweru cya mbere cy’amateka y’iyi si.**



30

**(Isomo: Luka 4:16)**
**“Ajy’i Nazareti, iyo yarerewe; ku munsi w’isabato yinjira mu isinagogi, nk’uko yamenyereye,**




31

**Ajya mu isinagogi ku munsi w’isabato, arahagarara ngw’asome.” Luka 4:16.**


32

**Igihe Abafarisayo barega abigishwa ba Yesu ko bica amategeko, Yesu Yababwiye ko Ari Umwami w’uwo munsi.**



33

**(Isomo: Mariko 2:27, 28)**
**“Isabato yabayeho kubw’abantu, abantu si bo babayeho kubw’isabato.**



34

**ni cyo gitum’Umwana w’umunt’ar’Umwami w’isabato nayo.” Mariko 2:27, 28.**


35

**Yesu ntiyubashye gusa umunsi w’Isabato, ahubwo Yanasabye Abigishwa be gusenga ngo bazakomeze umunsi we wera no mu gihe cy’ahazaza.**



36

**(Isomo: Matayo 24:20)**
**Iki cyifuzo kiboneka muri Matayo 24:20: “Namwe musengere kugira ngo guhunga kwanyu kutazabaho mu itumba cyangwa ku isabato.”**


37

**Aha Yesu Yavugaga iby’Abigishwa be bagombaga guhunga Yerusalemu mbere yo**



38

**Abaroma bayirimbuye mu mwaka wa 70 nyuma yo kuvuka kwa Yesu.**


39

**Ubwo Yabambwaga, Yari Yiteze ko Abamukurikiye bagombaga gukomeza kweza Isabato.**


40

**Abayahudi Orthodox basengaga ku munsi wa karindwi kuva bava mu Egiputa, hashize imyaka irenga ibihumbi bitatu maganatanu.**
**Aho bari hose ku isi, baracyemera ko Isabato, ari umunsi wa karindwi w’icyumweru, uwo Imana Yikubitiye, tugomba kuyisengaho.**


41

**Naho Bibiliya yaba ari yo yonyine iduha amakuru, nabwo twashobora gukomeza kumenya umunsi wa karindwi cyangwa Isabato iyo ari yo.**
**Tugarutse ku nkuru yo kubambwa, Igitabo cya Luka kitunyuriramo muri make uko ibintu byagenze mu mpera ya cya cyumweru Yesu yabambwemo.**
**Yesu Amaze gupfira ku musaraba ku munsi wa gatandatu wo kwitegura ‘Isabato, Bibiliya igira iti:**

12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano




42

**(Isomo: Luka 23:54 - 56; 24:1)**
**“Hari ku munsi wo Kwitegura, isabato yenda gusohora.”**




43

**Nuko abagore bavanye na Yesu i Galilaya, bamukurikiye, babon’imva n’intumbi ye, uko ihambwe.**



44

**Basubirayo, batungany’ibihumura neza n’imibavu. Kandi ku munsi w’isabato bararuhuka, nk’uko byategetswe.**



45

**“K’uwa mbere w’iminsi irindwi, kare mu museke bajyana n’abandi bagore,**



46

**ku gituro bajyanye bya bihumura neza batunganije.” Luka 23:54 -56; 24:1.**


47

**Abakristo benshi ku isi bubahiriza umunsi bo bita “uwa gatanu mutagatifu” ubanziriza Isabato bibuka urupfu rwa Yesu.**
**Bubahiriza kandi Pasika iba ku munsi wa mbere w’icyumweru bibukamo izuka rya Kristo.**


48

**Bibiliya itubwira ko, “ukurikije amategeko”, uwo munsi wo hagati yo gupfa no kuzuka kwa Yesu wari Isabato.**



49

**(Videwo y’amasegonda 4) Nubwo bwose Luka yandits’aya magambo hashiz’imyaka myinshi nyuma yo kubambwa kwa Yesu, yarakivuga ko “ku Cyumweru” ari umunsi wa mbere w’icyumweru. Kandi yakomeje kwita umunsi wa karindwi Isabato. Ibyanditswe muri Bibiliya bitandukanya neza iyo minsi yombi.**



50

**Mu kuri, abigishwa bamaze imyaka myinshi nyuma yo kubambwa kwa Yesu basenga kandi babwiriza ku Isabato y’umunsi wa karindwi.**



51

**(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 13:14, 42, 44)**
**Bibiliya ivuga ibya Paulo na bagenzi be ubwo basuraga mu Antiokia, “...Ku munsi w’isabato binjira mu isinagogi, baricara.”**




52

**Ibyakozwe n’Intumwa 13:14. Nyuma, bagisohoka,**



53

**barabinginga ngo bazongere kubabwira ayo magambo ku isabato ikurikiyeho.”**



54

**“Ku isabato ikurikiraho, ab’umudugudu hafi yabose bateranira kumva ijambo ry’Imana.”**
**Ibyakozwe n’Intumwa 13:42 na 44.**
**Paulo yari amenyereye kujya gusenga mu isinagogi buri Sabato:**

12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano




55

**(Isomo: Ibyakozwe n’ Intumwa 18:4)**
**“Agira impaka mu isinagogi amasabato yose, yemeza Abayuda n’ Abagiriki.”**
**Ibyakozwe n’ intumwa 18:4.**
**Dukurikije ibi bivugwa muri Bibiliya, biroroshye kubonako nta gihamya cy’ uko Kristo cyangwa s’ abigishwa be bahinduye umunsi wo gusenga.**
**Nta na hamwe muri Bibiliya hatubwira iby’ iryo hinduka!**



56

**Nta mwanditsi n’ umwe wo mu Isezerano Rishya wavuze ko isabato yaba yarahindutse ku buryo ubwo ari bwo bwose.!**
**Iy’ uwo munsi uba warahindutse, iyo nkuru yari kuba ku ruhembe rw’imbere muri buri gitabo cyo mu Isezerano Rishya!**




57

**(Isomo: Zaburi 89:34)**
**Imana Yaravuz’ Iti, “Sinzahindur’ ijambo ryavuye mu kanwa kanjye.”**
**Zaburi 89:34.**
**Imana ntiyigez’ Ihindur’ Amategeko yayo kandi nta n’ umwe ufut’ uburenganzira bwo guhindur’ Amategeko y’ Imana!**
**Abayoboke bo mu matsinda atandukanye bubahiriz’ umunsi wa mbere w’ icyumweru bemez’ ibimaze kuvugwa.**




58

**James Gibbons w’ umukaridinali muri Kiliziya Gatolika yigeze kwandika ati: “Ushobora gusoma Bibiliya kuva mu gitabo cy’ Itangiriro ukageza mu Byahishuwe, ntaho uzigera ubona umurongo n’ umwe utanga uburenganzira bwo kweza umunsi wa mbere w’ icyumweru.**




59

**Ibyanditswe Byera bishyigikira ko idini ryubahiriza umunsi wa karindwi.”**
**Kwizera kw’ Abakurambere, urupapuro rw’ i 111, n’ i 112.**



60

**Clovis G. Chapel wo mu idini ry’Abametodisti nawe yavuze nk’ibyo ati:”Impamvu twubahiriz’umunsi wa mbere w’icyumweru aho kubahiriz’umunsi wa karindwi ntibishingiye ku itegeko rigaragara.**




61

**Uzashakishiriza mu Byanditswe Byera ntazigera abona ahari uburenganzira bwo guhindura umunsi wa karindwi mo uwa mbere w’icyumweru.”**
**- Amategeko Cumi y’Ubuzima , urupapuro rwa 61.**



62

**Nta na hamwe muri Bibiliya handitse ko Kristo cyangwa abigishwa be bakomej’undi munsi uw’ari wo wose cyangwa se ngo babwirize abandi kubikora! Ushobora kwibaza uti “None se kujya gusenga ku wa mbere w’iminsi irindwi byatangiye bite?”**



63

**Tubwirwa na Socrates Scholasticus, umuhanga mu by’Amateka wabayeho mu myaka y’ikinyejana cya 5 ko: “ Hafi y’amatorero yose yo ku isi bizihizaga amayobera yera [ifunguro ryera] ku Isabato ya buri cyumweru,**



64

**ariko ukurikije ibyavugwaga ku migenzo imwe n’imwe ya kera, abakristo bo muri Alegizandiriya n’i Roma bari barahagaritse kubikora.”**
**Amateka ya Kiliziya, uko asubirwamo n’uwitwa C.B. Haynes, Isabato yimurirwa ku munsi wa mbere w’icyumweru, ku rupapuro rwa 35.**



65

**Abandi bahanga mu mateka banditse ko amatsinda menshi y’amatorero yubahirizaga Isabato ku munsi wa karindwi mu bihe byabanjirije ibi turimo, kandi ibyo bintu bikaba byaranditsweho bihagije n’abakristo bo hafi ku isi yose bo muri ibi bihe byacu.**



66

**Abahanga benshi mu mateka y’itorero ibyo guhindur’iminsi buhoro buhoro bavuga ko byatangiye hagati y’imyaka ya 70 n’i 135 N.K. Icyo gihe cyaranzwe n’ubwivumbagatanye nkoramaraso bw’Abayuda bwakurikiwe n’ihonyabwoko bagiriwe n’Abaroma, kabiri kose.**


12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano




67

Ugututumba k’urwangano Abaroma bagiriy’Abayuda, hamwe n’imirwano hagati y’Abayuda n’Abakristo byatij’umurindi kwihutish’inyandiko zirwanya Abayuda zatumy’ahantu hose hategekwaga n’Abaroma havuka urangango runuka rwibasiye Abayuda. Abakristo bahise barushaho kwishisha bahunga kwitiranwa n’Abayuda.Kubera ko kubahiriza isabato byasaga n’aho ari byo biranga  Abayuda, Abakristo benshi bahise badohoka kuri iryo hame bahunga kwitiranwa nabo.



68

“ Ibimenyetso bitangaje bivuga ko mur’icyo gihe, iyubahirizwa ry’umunsi wa mbere w’icyumweru ryatangijwe mu gushaka gufatanya ikiruhuko cya Pasika n’icy’umunsi wa mbere w’iminsi irindwi,



69

bagerageza kwereka abategetsi b’Abaroma itandukaniro riri hagati yabo n’idini ry’Abayuda.” Byakuwe mu gitabo kimaze kuvugwa ku rupapuro rwacyo rwa 237.


70

Uhereye ku byo tumaze kuvuga, biroroshye kubona ukuntu Abakristo babaga mu mugi mukuru w’ingoma y’Abaroma bitandukanije n’abubahiriza isabato. Ahongaho mu mugi mukuru, niho ubushyamirane bwari bushinze ibirindiro.



71

(Videwo y’amasegonda 7)
Birumvikana rero ko abakristo baba baragerageje gukwepa isabato yasuzugurwaga n’Abaroma, ukurikije ko itorero ry’i Roma ryari ryiganjemo abanyamahanga bari bihannye bava mu madini ya gipagani.



72

(Isomo: Abaroma 11:13)
Ni byiza kubona uko Paulo yabwiye itorero ry’i Roma: “Ariko ndababwira mwebwe abanyamahanga...” Abaroma 11:13.


73

**Aba Bakristo bari baherutse kwihana bavuye mu bupagani ntibari bakomeye mu byo kubahiriza Isabato nk’uko Abakristo b’Abayuda bamye bubahirizaga Isabato buri gihe.**



74

**Ariko se ni kuki mu yindi minsi yose, umunsi wa mbere ariwo bahisemo?**
**Icyo ni ikibazo cyiza!**
**Ku ngoma y’Abaroma, Abapagani bari bamaze igihe kirekire basenga izuba, bizihiza umunsi wa mbere nk’umunsi w’izuba.**



75

**Abami b’abami b’Abaroma bivugag’ubwabo ko ari imana-zuba, bagashyira ikimenyetso cy’izuba ku biceri by’amafaranga no ku nyubako maze bagasaba ko abagererwa babo babasenga.**
**Abahanga bamwe muby’iyobokamana bavuga ko ubwumvikane itorero ryagiranye n’idini rya gipagani bwayigiriye akamaro.**
**Kwemera kwinjiza imihango mike ya gipagani mu itorero byatumye abapagani biroha mu bya gikirisito kandi bakumva bisanga kuko hatari hatandukanye n’aho bahoze. Ibyo byanafashije ubutegetsi guhuriza abaturage mu idini rimwe rikomeye.**



76

**Umunsi wa mbere w’iminsi irindwi wizihijwe mu myak’ibinyejana byinshi atar’umunsi wera ahubwo ari ikiruhuko.**
**Nuko nyuma, iyo minsi yombi iza kujya yubahirizwa nk’iminsi yera.**



77


**Mu gitabo Amategeko y’Intumwa, igice cya 23 dusoma ngo: “Abakristo si bo bonyine badohotse ku kwizera kwabo buhoro buhoro**



78

**Itorero ry’Intumwa ryahagaze rishikamye kandi riboneye mu ntambara yaje yibasiye ubusugire bwaryo, ariko mu gihe Abakristo bakurikiyeho bwa kabiri n’ubwa gatatu bazaga,**

12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano




79

**nibwo gutatira ukuri n’ubuhakanyi byahise bigaragara.**




80

**Itegeko Rusange Rya Mbere Ryubahiriza Umunsi wa Mbere ryashyizweho n’umwami w’abami Constantine ku Itariki ya 7 Werurwe 321 N.K ryihutishije umurego w’ubwumvikane.**




81

**Akiri umupagani, yategetse ko “Abacamanza n’abantu batuye mu migi bajye baruhuka, kandi ahakorerwa imirimo y’amaboko hose hafungwe ku munsi munyacyubahiro w’izuba.**





82

**Nyamara mu giturage, abahinzi n’aborozi bashobora kwikomerez’imirimo yabo nta kibaziga kandi nta tegeko bishe.**
**Amateka y’itorero rya Gikristo, cyanditswe mu mwaka wa 1902, umuzingo wa 3, urupapuro rwa 380.**



83

**Intambwe yakurikiyeho yo kwinjiza mu idini rya Gikristo gahunda yo kubahiriza umunsi wa mbere yafashwe n’itorero ry’i Roma mu nama nkuru ya Lawodikiya.**
**Iyo nama niyo yashyizeho itegeko rya mbere ryo kubahiriza umunsi wa mbere w’icyumweru.**




84

**Mu mwaka wa 325, Silivestiri, Musenyeri w’i Roma yahinduye izina ry’umunsi wa mbere awita ‘Umunsi w’Umwami**
**Byavuye mu gitabo cyitwa Historia Ecclesistica, p.739.**

**Mu yindi nama nkuru ya Lawodikiya yabaye muwa 364, hashyizweho itegeko rikurikira:**




85

**“ Abakristo ntibakwiye kwigira Abayuda (gukomeza Isabato) kandi ngo babe inkorabusa ku wa karindwi ... ahubwo bajye bakora kuri uwo munsi;**



86

**nyamara mu buryo bwihariye, umunsi w’Umwami bazajye bawubaha kandi nk’Abakristo, niba bishoboka**




87

**ntibakajye bawukoraho.” Amateka y’Inama Nkuru z’Itorero umuzingo wa kabiri, urupapuro rwa 316**


88

**Nubwo byagenze gutyo, kugeza mu kinyejana cya 6 Abakristo bari bacyubahiriza Isabato.**



89

**“Abakomeje gutsimbarara kucycemezo cyo kudakora ku munsi wa karindwi, bafashwe nk’abahanuzi ba Antikristo.”**
**Itegeko ry’Umunsi Wa Mbere , bivugwa muri C. B. Haynes,**
**byandukuwe mu gitabo cyitwa Isabato Yimurirwa Kuwa Mbere w’Icyumweru, Urupapuro rwa 43.**



90

**(Videwo y’amasegonda 7) Wibuke ko muri icyo gihe Bibiliya itari gikwira nkuko biri muri iki gihe. Amahame y’idini yamamazwaga mu mvugo; Byageze igihe abayoboke basanzwe badashobora gutandukanya Ibyanditswe n’imihango.**


91

**Hahise imyaka ibinyejana abantu benshi bataramenya rwose ukuri kwigishwaga na Kristo n’Intumwa ze. Imyaka ibinyejana byarahise,**


92

**nuko haza abagorozi b’Abaporotestanti, bikomy’imiziririzo n’imigenzo byari byarasimbuye inyigisho z’ijambo ry’Imana.**

12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano




93

**Ijwi ry’Abagorozi ryavugaga riri, “Bibiliya, Bibiliya gusa ibe ariy0 igenga kwizera kwacu.”**


94

**Benshi, nka Husi na Yoramu, batwitswe babona bazize ukunamba k’ukuri kwa Bibiliya!**


95

**Nyamara nyuma y’ikinyejana cya gatandatu, ukuri kw’Isabato, kwari kumaze gutwikirwa n’imigenzo y’imyaka amagana menshi.**
**Nibake bashoboraga kureba ngo bashakashake babe bamenya icyo Ibyanditswe Byera byigisha.**
**Bemeraga ibyo babwiwe uko ibihe byasimburanaga, ntakubaza niba ari iby’ukuri cyangwa ibihimbano.**



96

**Abantu bakunze kwemera ibintu batabanje kubyibazaho. Mu myaka amagana, abantu bakomeje kwizera ko isi yacu iri hagati y’ ibyaremwe byose.**
**Umucura bwenge Koperiniki yasanze atari ko bimeze. Yatangaje ko ahubwo izuba ari ryo mukondo w’ ibyaremwe. Uzi abarushije abandi kurwanya icyo gitekerezo? Abayobozi b’ idini, Abigisha b’ iyobokamana. Bateye hejuru bati: “Ntushobora guhindura amajuru y’ Imana.”**
**Koperiniki w’ abandi, ntacyo yari yahinduye ku majuru y’ Imana, yerekanye gusa ko akamenyero abantu basanganwe kuva kera, kadafite ishingiro mu rwego rw’ ubuhanga.**
**Koperiniki yahishuye ukuri. Ibyo abantu bemera kuva kera si ko biba ari ukuri.**
**Isabato yahinduwe ite? Umva amagambo atangaje dukesha abanditsi bo mu idini gatolika ryafashe iya mbere mu kwimura Isabato bakayishyira ku cyumweru.**



97

**“Itorero Gatolika ryamaze imyaka isaga igihumbi mu murimo ryashinzwe n’Imana nta muporotesitanti urabaho.**




98

**ribon' urwaho rwo guhindur' umunsi wa karindwi riwugira uwa mbere w' iminsi irindwi."**
**-Biboneka mu gitabo cyitwa Isabato ya Gikristo, Urupapuro rwa 16.**




99

**Mu gitabo cya Gatigisimu cyigisha abihannye, dusoma ngo:**




100

**Ikibazo: Umunsi w' Isabato ni uwuhe?**




101

**Igisubizo: Ku wa Karindwi ni wo munsi w' Isabato.**



102

**Ikibazo: Kuki turuhuka ku wa mbere aho kuruhuka ku Isabato?**



103

**Igisubizo:"... kuko Itorero Gatolika ryimuriye ukwera kw' umunsi wa karindwi rikagushyira kuwa mbere**
**Iri hinduka ryakozwe n' Inama ya Laodikiya mu mwaka wa 336 nyuma y' ivuka rya Kristo.**


104

**Wabaz' uti, kuk 'itorero ry' Abagatolika ryihaye uburenganzira bwo gukora iri hindura?**
**Ku ruhande rumwe, igisubizo kiboneka mu bubasha idini Gatolika ryahaye imihango.**

12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano


105

Ingingo imwe ikomeye y’itandukaniro hagati y’Abaporotesitanti n’Abagatulika mu minsi ya mbere y’Ubugorozi ryari rishingiye ku bubasha itorero ryahag’imihango.
Ubwo Martini Luteri yavugaga ko’agomba gusa gukurikiza ibiri muri Bibiliya yonyine, yateja ibibazo mu bigo byinshi by’itorero Gatolika ryagendaga rishingiye gusa ku migenzo.




106

Mu by’ukuri, Inama ya Trent yari yateraniye kumvikana ku cyemezo cy’umwanya Idini Gatulika rigomba guha imigenzo n’isano iryo dini rifitanye na Bibiliya.
Igisubizo cyaje kuboneka ku kaburembe.
Reba mu magambo make disikuru yavuzwe yakuruye impaka nkuko bivugwa na H.H. Holtzman:



107

“Kera kabaye, mu nama ya nyuma yo ku itariki ya 18 Mutarama 1562, ugushidikanya kose kwashyizwe ku ruhande:




108

Musenyeri mukuru wa Reggio yavuze ijambo, atangaza yeruye ko imigenzo iri hejuru y’ibyanditswe byera.”
Byavuye mu gitabo cyitwa
-Canon and Tradition, p.263
Bibiliya ntishyigikiye igitekerezo cy’uko imigenzo iba ishingiro ry’amahame y’itorero.


109

Uribuk’ikibazo Yesu Yabajij’abatambyi bo mu gihe cye?



110

(Isomo: Matayo 15:3, 9)
Yesu Arababaz’ati:”Namwe n’iki gituma mucumurir’itegeko ry’Imana imigenzo yanyu?”

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano




111

Maze Arongera Ati, "Bansengera ubusa,
Kuko inyigisho bigisha ari amategeko y’abantu."
Matayo 15:3, 9.




112

Urareb’ikibazo? Bibiliya - cyangwa imigenzo y’abantu?
Ntabw’ar’ikibazo gusa cy’iminsi no kuyibara.
Ni ikibazo cy’abatware
Icyo ni cyo kibazo nyacyo!
Mbese Yesu ni Umutware wawe - cyangwa utwarwa n’imigenzo y’irindi shyirahamwe?



113

Twerekany’ibivugwa n’abahanga biringirwa n’ibyagezweho mu mateka. Nyamara hari amatangazo agezwehoa ajyanye n’ihinduka ry’Isabato.




114

Turabon’ibi bivugwa:"Itorero Gatolika ni ryo ryafash’icyemezo k’umunsi wa mbere w’icyumweru uba umunsi Abakristo basengaho bubahiriza izuka rya Yesu."
- Karl Keating, Ubugatolika na Fundamentalism (Ibyishingikirizwaho,) byanditswe mumwaka w’1988, ku rupapuro rwa 38.



115

Andi magambo yagutera guhagarara no gutekereza yavuzwe n’ikinyamakuru cyitwa: Mutagatifu Gatalina, Umurinzi wa Kiliziya Gatolika cyo kuwa 21 Gicurasi ,1995. kiragira kiti: "Bishoboka ko gushir’amanga gukomeye, ihindura rivugurura Itorero ryaba ryarigeze gukora ryabaye mu kinyejana cya mbere. Umunsi wera,




116

Isabato, yahinduwe ivanwa ku wa karindwi yimurirwa ku wa mbere w’iminsi irindwi... bitavuye ku biboneka mu Byanditswe Byera, ahubwo bivuye ku bubasha itorero ryihaye...

12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano



117

**Abantu batekereza ko Ibyanditswe Byera bigomba guharirwa ububasha, bagombye mu by’ukuri kuba Abadiventisti b’umunsi wa karindwi, maze bagakunda bakeza isabato.”**



118

**Mu buhanuzi bwa Danieli mu gice cya 7, Imana Ihishurira Danieli ko “agahembe gato” ka Danieli 7:21, 25, kagombaga**



119

**(Isomo: Danieli 7:25)**
**“Azigir’inama zo guhindur’ibihe n’amategeko...”**
**MBEG’UBUHANUZI!**
**Ubu rwose n’ubuhanuzi bweruye ko ububasha bw’idini ryo ku isi buzagerageza guhindura Amategeko y’Imana.**
**Mu Mategeko Cumi, hari itegeko rimwe rukumbi rivuga iby’igihe - Itegeko ry’Isabato.**


120

**Itorero ry’i Roma ryatekereje gukora ibyo, ariko na n’ubu, Imana Iracyari ya yindi Yaremye ijuru n’isi kandi ntiyahinduye ibyo Yatangiriye mu Edeni.**
**Mu by’ukuri, ubuhanuzi buhamagarira buri wese aho ari kuramya Umuremyi, kuko Ari We uzacira abantu imanza.**


121

**Ubu buhanuzi bwatanzwe ngo burarikir’abantu bazaba biteguye gusanganira Yesu ubwo Azaba agarutse, aje mu bwiza bwe mu bicu.**
**Abazabwakira kandi bazaba biteguye bavugwa muri ubu buryo,**



122

**(Isomo: Ibyahishuwe 14:12)**
**“Aho ni ho kwihangana kw’abera kuri, bitonder’a amategeko y’Imana, bakagira kwizera nk’ukwa Yesu.” Ibyahishuwe 14:12**


123

**Birumvikana ko abafite kwizera nkukwa Yesu, bazajya bakurikiz’amategeko Ye bibavuye ku mutima.**

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano




124

Nibyo, Imana idusaba KUYIBUKA nk’Umuremyi wacu twubahiriza umunsi wayo wera. Gukora ibyo Idusaba byerekana ko tuyubaha.
Iyo umuntu yubahirije Isabato yashyizweho n’umuntu aba yubashye imigenzo y’abantu.
Iyo tumenye ibyo Imana Ishaka, tunezezwa no kubikurikiza.
Imana Igira icyo Ivuga ku by’imigenzo y’abantu:




125

(Isomo: Mariko 7:6, 7)
“... Ubu bwoko bunshimish’iminwa yabo, ariko imitima yab’indi kure.”




126

“Bansengera ubusa kuko inyigisho bigisha ari amategeko y’abantu.” Mariko 7:6, 7




127

(Isomo: Mariko 7:9)
kandi ati:”... Musuzugura neza itegeko ry’Imana, ngo muziririze imigenzo yanyu yanyu!”
Mariko 7:9



128

(Isomo: Mariko 7:6)
Yesu ati: “imitima yab’indi kure.”
Murabona ko koko biterwa n’umutima.
Urukundo ni cyo kibazo.



129


(Isomo: 1Yohana 5:3)
Bibiliya igir’iti, “ Kuko gukund’Imana ar’uku, ar’uko twitonder’amategeko yayo; kand’amategeko yayo ntarushya.”
1Yohana 5:3.


130

Umunsi umwe,ubwo Yesu yigishaga,yabwiye abamwumvaga ko atari buri wese uzajya mu ijuru. Yavuze ko ushobora kumenyer’igiti ku mbuto zacyo, cyaba cyiza cyangwa kibi.

12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano



131

(Isomo: Matayo 7:21)
Nuko Yesu Aravuga ati, “Umuntu wese umbwira ati, Mwami, Mwami, si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru,



132

keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka.”
Matayo 7:21.


133

Ibyo birasobanuye neza. Imana Izi abayo Ibabwiwe n’imbuto bera mu buzima bwabo.
Ntabwo ar’abavuga gusa ko ar’ab’Imana, ahubwo ni abakora Ibyo Yabasabye gukora.
Abo ni bo bazakirwa mu bwami bw’Imana.


134

Niba Ukunde Imana, uzareka abe ariyo Igenga ubugingo bwawe ngo ubone uko ukora ibyo Ishaka.
Iyo twubahirije Isabato, ntitwubahiriza ibyo Imana Idutegeka gusa, ahubwo twugururire ubuzima bwacu kwakira imigisha itangaje



135

Uko buri cyumweru tujya muri uwo munsi watoranijwe twibuka Umuremyi wacu tumwegera, turushaho kumumenya no kumusobanukirwa.
Duhugijwe na byinshi muri iki gihe. Buri wese ahora muri jugujugu.
Dufite byinshi byo gukora - nyamar’igihe kitubana gito!


136

Muri iyo jugujugu no guhangayika Imana Iturarikira gufata umunsi umwe mu cyumweru tukava mu byo dusanzwemo,tukaruhuka..
Iraturarikira kwirirwana nayo uwo munsi - tuyiramya, tuganira nayo, tuyumva Ituvugishiriza mu ijambo ryayo, Bibiliya.
Mbega amahirwe - gufata umunsi umwe wuzuye rimwe buri cyumweru tuyitekerezaho kandi tuganira n’Uwaturemye!

# 12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano


137

**Nshuti, reka nkwerurire neza uko iki kibazo giteye.
Ku ruhande rumwe hari ukuri naho ku rundi,
hari imigenzo.
Ku ruhande rumwe dufite Bibiliya naho ku rundi, hari inyigisho z'abantu.
Ku ruhande rumwe dufite amategeko y'Imana naho ku rundi, n'amahame y'idini yashyizweho n'abantu.
Ku ruhande rumwe dufite Isabato naho ku rundi, hari Kuwa mbere w'iminsi irindwi.
Si ikibazo cy'umunsi - ni ikibazo cy'abami dukeza.
Si ikibazo cyo kubaha Imana - ni ikibazo cyo gukurikira Yesu.
Wakwemera gufata icyemezo cyo kwegurira ubugingo bwawe gukurikira ukuri kw'Imana aho kwemera imigenzo yashyizweho n'abantu?
Mu gihe tugiye gusenga, kuki utabwira Yesu k'uzamukurikira hose?**

12 - Miliyoni z'Abantu Bayobejwe n'Ibihimbano

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



1

**Ijuru, Ikuzimu, cyangwa ni ubusa?**


2

**Mu mwaka w’1956, Congo-mbirigi yaguye mu gico cy’intambara ikaze y’abaturage. Hopitali ya Dogiteri Paulo Carlson (soma Karilisoni) yari yafashwe ku ngufu n’abivumbuye ku butegetsi. Abakozi benshi b’ibyo bitaro bari bishwe.  Ikibabaje nuko na Dogiteri Karilisoni nawe yari mu bishwe. Hashize igihe git’ubwo bwicanyi butagir’ishingiro bubaye, igih’umurambo we war’umaze kuboneka babonye mu mufuka w’ikoti rye Isezerano Rishya. Muri yo dogiteri yari yaranditsemo italiki y’umunsiubanziriza  kuraswa kwe, yari yanditsemo ijambo rimwe gusa, “ Amahoro.” Amahoro mu gihe kirusha ibindi kuba kibi.**
**Ama horo imbere y’urupfu. Niki cyahaye Dogiteri Paulo Karilisoni amahoro ameze atyo?**


3

**Birashoboka se ko tugira amahoro, mu gihe duhanganye n’urupfu? Iyo rukubise, twakingaho iki? Mbese bigenda bite iyo umuntu apfuye? Ajya mu ijuru? Mu muriro? Ahinduka ubusa? Muzi uko umubiri ubwawo uhinduka. Nyirawo se ajya he? Abapfuye bava mu buzima burundu, cyangwa bimukira ahandi hantu?**


4

**Ububabare bw’urupfu buraryana cyane ku buryo twumva dushaka byanze bikunze ko twakwizera ko HAGOMBA kuba hari uburyo abo dukunda bataba bagiye burundu-- Twibwirako turamutse dukoze ubushakashatsi, twabona uko twajya tuvugana nabo.**


5

**Hari abashimangira ko bumva amajwi ahamya ko dushobora kuvugana n’abapfuye**
**Reka dufat’urugero ku mupfumu Yakobo Van Praagh (soma Puragi).**
**Igitabo cye cyitwa Vugana n’Ijuru: Ubutumwa bwUmupfumu ku Byerekeye Ubuzima Nyuma y’Urupfu, cyabaye rurwanirwa nyuma y’uko abonekera Umwami Lari Show (soma Showu).**

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?


6

**Imitima yacu itakishwa no kumenya ukuri ku byerekeye urupfu no kugira amahoro mu gihe duhanganye n’igituro.**



7

**(Videwo: amasegonda 5) Mbese Imana ifite icyo Ivuga kuri iyo ngingo?**
**Bibiriya hari icyo ivuga uko bigenda igihe dupfuye?**
**Igisubizo ni YEGO RWOSE!**


8

**Igisubizo kandi kiboneka mu izuka rya Yesu Kristo.**


9

**Nyuma y’igihe Yesu apfiriye ku musaraba, Bibiliya ivuga ko inshuti ze zashyize umurambo we mu “mva nshya ya Yosefu.”**


10

**Pilato, Guverineri w’umuroma yoherez’umurinzi, kandi n’abasirikari bashyira ikimenyetso cy’Abaroma ku ibuye ryatwikiraga umunwa w’imva.**
**Ubwo bagiraga ngo hatagira utwara umurambo We. Nta n’umwe kandi wari kubishobora uretse nyine Se wa Kristo.**


11

**Mu museke kuwa mbere w’iminsi irindwi hakiri murucyerera, malaika w’umucyo amanuka ava mu ijuru, yubura igitare agikura ku munwa w’igituro maze ahamagara Yesu ngo asohoke.**


12

**Umukiza wazuts’asohoka mu cyubahiro,anesheje urupfu-- Umuneshi Rubasha.**
**Abasirikari bagushijwe gihumure n’ubwiza bwa Malaika bamera nk’abapfuye**

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



13

Igitekerezo cyo kuzuka kwa Kristo cyari imbaraga y’inkundura y’itorero rya mbere rya Gikristo -- kuko Abaroma batagiraga ibyiringiro by’ubuzima bwo hanyuma y’igituro.
Icyo bari bazi gusa nuko imva yari umwobo muremure, umworera w’umwijima kuburyo ntawashoboraga kugira ibyiringiro ko hari awawusohokamo ari muzima.
Noneho abakristo bari bafite ubutumwa bw’ibyiringiro nyakuri. Igituro si cyo herezo.
Abapfira muri “ Kristo” bagomba kwongera kubaho!


14


Amahambiro aboneka munsi y’ubutaka bw’umujyi wa Roma, yerekan’itandukaniro ryahozeho kera hagati y’abpagani n’abakristo. Ureby’inyandiko zo ku bituro by’abapfiriye mu bupagani buzira ibyiringiro wasoma ibikurikira.


15

N’ahandi n’ahandi naho inyandiko z’aya magambo y’umubabaro: Urabeho by’iteka.
Noneho reb’ibyabaga byanditse ku mva z’abakristo:


16

Urabeho kugez’ubwo tuzongera guhura-- cyangwa: Ijoro ryiza, Ni aha mu gitondo.
Bandikaga ku mva bafite ibyiringiro n’ubutwari, bategereje  umunsi w’izuka.



17

(Isomo: Ibyahishuwe 1:18)
“Kandi nd’Uhoraho. Icyakora nari narapfuye, ariko none dore mporaho iteka ryose. Amina.



18

Kandi mfit’infunguzo z’Urupfu n’iz’Ikuzimu.”
Ibyahishuwe 1:18
Nta byiringiro nyabyo by’ahazaza nyuma y’urupfu kerets’Umukristo amenye icyo Imana imubikiye.

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



19

**Igice cya cumi na gatanu cy’urwandiko rwa mbere rw’Abakorinto Paulo avuga birambuy’iby’urupfu n’umuzuko.**
**Yasobanuye neza ko niba nta muzuko uriho, ubukristo ntahazaza bwaba bufite.**



20

**(Isomo: 1 Abakorinto 15: 16-18)**
**Reba neza icyo avuga:**
**“Nib’abapfuye batazuka, na Kristo ntarakazuka.”**



21

**Kandi niba Kristo atazutse, kwizera kwanyu ntikugira umumaro, ahubwo muracyari mu byaha byanyu!**




22

**Kandi niba bimeze bityo, n’abasisinziriye muri Kristo bararimbutse.”**
**1 Abakorinto 15:16-18**


23

**Ariko kugira ngo dusobanukirwe n’impamvu yatumye avuga ibyo, tugomba kubanza kwumva icyo Bibiliya yigisha ku rupfu ubwarwo.**


24

**Igihe Imana yaremaga umuntu, Ntamugambi na muto yari ifite w’uko hagira n’umwe upfa.**
**Imana Imaze kurem’Adamu, Ireba ibyo yari Imaze kurema byose, maze Bibilya itubwira mu gitabo cy’Itangiriro 1:32 ko byose byari byiza cyane!**
**Icyo gihe nta rupfu, indwara, kubabara kwari ku isi mbere yo gucumura kw’Adamu na Eva.**
**Ahari wakwibuka ibyo Imana yabwiye umuntu icyo gihe:**



25

**(Isomo: Itangiriro 2:16,17)**
**“Uwiteka Imana imutegek’igiti:Ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi ujy’ury’imbuto zacyo, uk’ushaka,**

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?




26

ariko igiti cy’ubwenge bumenyekanish’icyiza n’ikibi ntuzakiryeho,




27

kuk’umunsi wakiriyeho no gupf’uzapfa.”
Itangiriro 2:16,17.


28

Igice gikurikiyeho cy’iki gitekerezo ntabwo kinejeje. Igitekerezo cy’amahano cya twandikiwe mu gitabo cy’Itangiriro igice cya gatatu.


29

Umwanzi, yakoresheje  inzoka, abonekera Eva aramushuka ngo yoye kwumvira Imana maze arye kugiti cyabuzanijwe.
Ubwo Eva yasobanuraga ko Imana yamubujije kurya imbuto z’icyo giti ngw’adapfa,




30

(Isomo: Itangiriro 3:4) iyo nzok’iramubwir’iti: “ Gupfa ntimuzapfa”.
(Umurongo wa 4.)
Iki ni ikinyoma cya mbere cyanditse muri Bibiliya kubyerekey’urupfu!
Eva yiyemeza kwizer’iby’umwanzi maze arya ku giti kimenyekanish’icyiza n’ikibi.


31


Biba ngombwa ko Imana ishyir’Adamu na Eva kure y’igiti cy’ubugingo, kuko:



32

(Isomo: Itangiriro 3:22, 23)
dore uyu munt’ahindutse nk’imwe yo muri twe, kubyo kumeny’icyiza n’ikibi.

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?




33

noneho atarambura ukuboko, agasoroma no ku giti cy’ ubugingo, akarya, akarama iteka ryose.”




34

Nuko Uwiteka Imana imwirukan mu ngobyi yo muri Edeni



35

kugira ngo ahinge ubutaka yavuyemo.” Itangiriro 3:22, 23.



36

Urupfu rwaje ku muntu kuko yari yatandukanye n’ Imana, isoko y’ ubugingo no kuba kure y’ igiti cy’ ubugingo.



37

(Isomo: Itangiriro 3: 18) Noneho Imana ibwira Adamu: “...Nawe uzajya urya imboga zo mu murima.




38

Gututubikana ko mu maso hawe ni ko kuzaguhesha umutsima, urinde ugeza ubwo uzasubira mu butaka,



39

kuko ari mwo wakuwe: uri umukungugu mu mukungugu ni mo uzasubira.” Itangiriro 3:18, 19


40

Aha rero niho hari urufunguzo rwo gusobanukirwa n’ urupfu icyaricyo nicyo Imana teganya gukora kugira ngo idukize gutandukana nayo by’ iteka.

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?


41

**Bibiliy’ ivuga ko umunt’ azasubira mu mukungugu uwo yavuyemo. Reba uko Imana yaremye Adamu:**




42

**(Isomo: Itangiriro 2:7)**
**“Uwiteka Imana irem’ umuntu mu mukungugu wo hasi,**



43

**imuhumekera mu mazuru umwuka w’ ubugingo, umuntu ahinduka ubugingo buzima.”**
**Itangiriro 2:7**



44

**Imana Ifata ubutaka maze Irema umubiri w’ umuntu. Ubwo yari Imaze kubumbabumba umubiri w’ umuntu, Yari Ifite gusa igipampara cy’ umubiri. Hakenewe ikindi kintu kugira ngo umuntu  ahinduka ufite ubugingo. Aha Bibiliya ivuga ko Imana yahumekeye mu mazuru y’ Adamu umwuka w’ ubugingo-- noneho umuntu agahinduka ubugingo buzima.**



45

**(Videwo:amasegonda 3) Dushobora gukora inganisha rimeze nk’ iri:**
**Igipampara cy’ Umubiri ongeramo (+) Umwuka uhumekwa Bitanga (=) Ubugingo Buzima**



46

**(Videwo:amasegonda 3) Cyangwa dushobora kwandika ko Umuntu muzima kuramo Umwuka uhumekwa Bitanga Igipampara cy’ Umubiri**



47

**(Isomo: Umubwiriza 12:7)**
**Ibyo niby’ umunyabwenge avugira m’ Umubwiriza: “N’ umukungug’ ugasubira mu butaka uko wahoze, n’ umwuk’ ugasubira ku Mana yawutanze.”**
**Umubwiriza 12:7**

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



48

Ibi ni kimwe n’ibintu biboneka mu gitabo cya Yobu - kimwe mu bitabo bya mbere byanditswe bya Bibiliya -- aho yavuze ibyerekey’urupfu.




49

(Isomo: Yobu 27:3)
“Ubugingo bwanjye buracyari buzima; kandi Umwuka w’Imana ni we utuma mpumeka.”
Yobu 27:3
Reba uko Bibiliya ivuga. “kandi Umwuka w’Imana ni we utuma mpumeka.”



50

Ngicyo icyo ‘Imana yahumekeye mu muntu ubwo Yamuremana.





51

(Isomo: Zaburi 146:3, 4)
Reka turebe irindi somo:
“Ntimukiringire abakomeye, cyangwa umwana w’umuntu wese, utabonerwamo agakiza.





52

Umwuka w’umuvamo, agasubira mu butaka bwe; Uwo muns’imigambi y’igashira.”
Zaburi 146:3,4.



53

Umwami Dawidi agaragaza ukuri kubyerekey’urupfu igih’umwuka wo guhumeka uvuye mu mubiri maze umubiri ugasubira mu butaka. Umunt’arapfa.




54

(Isomo: Umubwiriza 9:5,6)
Ibi bihuje n’ibyo Salomoni yavuze:
“Abazima bazi ko bazapfa: ariko abapfuye bo nta cyo bakizi, kandi nta ngororano bakizeye,

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



55

kuko batacyibukwa.



56

"Urukundo rwabo, n' urwangano rwabo, n' ishyari ryabo, byose biba bishize..."
Umubwiriza 9:5,6




57

(Videwo: Amasegonda 5) Ntacyo bazi!
OYA! Ntacyo!
Ibi bikurikij' iby' umunyezaburi yanditse, ko abapfuye batari mu ijuru guhimbaz' Imana. Nonese bari he? washobora kubaza.




58

(Isomo: Zaburi 115:17)
Dawidi yarabyeruye. "Abapfuye ntibashima Uwiteka. Cyangwa abanuka bajya ahacecekerwa."
Zaburi 115:17




59

(Isomo: Yobu 14:10, 12, 13)
" Arik' umuntu we, arapf' akagenderanirako: N' ukuri, umwuka w' umunt' urahera ubwo akab' ari he?"




60

"Nik' umunt' aryam' ubutabyuka: kugez' ubw' ijuru rizaba ritakiriho,



61

ntabwo bazakanguka, Cyangwa kubyutswa ngo bave mu bitotsi byabo."



62

"Icyamp' ukampish' ikuzimu, Ukandindira mu rwihisho, kugez' ubw' uburakari bwawe buzashirira,

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?




63

**Ukantegekera igihe, kandi ukazanyibuka!”
Yobu 14:10,12,13**



64

**Aha rero tubibwirwa biva mu Ijambo ry’Imana ubwayo ko umunt’apf’akaryama mu mva ikuzimu kandi ntazuke kugeza ku munsi w’umuzuko.
Reba uko Ibivuga:**




65

**“Umuntu n’apfa, azonger’abeho? Naba nihanganiy’iminsi y’intambara yanjye yose, ntegerej’igihe cyanjye cyo kurekurwa.**



66

**Wampamagara, nakwitaba: Wa...”
Yobu 14:14,15**



67

**(Isomo: Yobu 17:13)
Reba uko Yobu abitubwira: Iyo nitegereje ikuzimu ko ari ho iwanjye;
Iyo nshashe uburiri bwanjye mu mwijima.
Yobu 17: 13**



68


**Urabona ko Yobu yakoresheje ijambo gusinzira avuga urupfu. Ibyo kandi bihwanye neza n’ibyo abandi banditsi ba Bibiliya bakoresheje.**



69

**(Isomo: Zaburi 13:3)
Dawidi yanditse agira ati: “ “ Uwiteka, Mana yanjye, birebe unsubize,
Hwejesh’amaso yanjye, kugirango ne gusinzir’ibitotsi by’urupfu.”
Zaburi 13:3
Dawidi yari afite ubwoba bwo gusinzira ibitotsi by’urupfu. Yashakaga kubaho!**

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



70

(Isomo Danieli 12:2)


Danieli avuga ibyerekeye abapfuye bazazuka ati:
“Kandi benshi bo muri bo, bazaba barasinziriye mu gitaka, bazakanguka; bamwe bazakangukir’ubugingo buhoraho, abandi bazakangukira gukorwa n’isoni, no gusuzugurw’iteka ryose.”
Danieli 12:2


71

Kimwe mu kuri guhumuriza tubona mu ijambo ry’Imana nuko iyo umuntu apfuye aruhuka mu mahoro, ntabibazo byo mu buzima bimubuza amahwemo kugeza ahamagawe n’Umutanga-bugingo. Mbese hari igitangaza ko Bibiliya igereranya urupfu n’ibitotsi?


72

Umuhanuzi Nathan abwira Umwami Dawidi uko byari kumugendekera igihe cyo gupfa kwe cyari kuba kigeze



73

(Isomo 2 Samweli 7:12
“Kandi iminsi yawe n’igera ...ugasinzirana na basokuruza bawe.”
2 Samweli 7:12


74

Yesu ubwe yita urupfu ibitotsi.
Avuga iby’urupfu rw’inshuti ye yakundaga Lazaro, yakoresheje nk’ayo magambo.
Reka turebere hamwe uko Yesu n’abantu bari bamwegereye bavuga iby’urupfu.
Hari umuryango i Betaniya Yesu yakundaga gusura, umuryango wa Lazaro, Mariya na Marita.



75

(Isomo: Yohana 11:5)
Bibiliya ivuga iti: “Yesu yakundaga Marita na mwene se Lazaro.” Yohana 11:5.

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



76

Umunsi umwe Yesu n’abigishwa be bari ku mugezi wa Yorodani, Abona impuruza ivuye ku nshuti ze eshatu z’i Betaniya ko Lazaro arwaye cyane, ariko Yesu aguma aho yari ari indi minsi ibiri.




77

(Isomo: Yohana 11:11, 12, 14, 15)
Nuko Yesu aravuga ati: “Inshuti yacu Lazaro irasinziriye, ariko ngiye kumukangura.”



78

Abigishwa bari banezerewe bavuga bati:
“nib’asinziriye azakira”



79

“‘Yesu niko kuberurira ati: ‘Lazaro yarapfuye.



80

Nanjye nnezerewe kubwanyu, kuko ntari mpari, kugira ngo noneho mwizere: nimuze tujye aho ari.’”
Yohana 11:11-15


81

Nuko bafata urugendo bajya i Betaniya aho uwo muryango wari utuye.
Begerej’uwo mugi, Marita aza yirukanka kubasanganira.



82

Ubwo yahuraga na Yesu aravuga ati: “Data buja, iyaba wari hano, musaza wanjye ntaba yarapfuye.” Yohana 11:21
Ntagushidikanya ko yari afite ukuri kuri byo! Ariko Yesu yari afite umugambi.



83

Aravuga ati, “ ‘Musaza wawe azazuka.”
Noneho reba neza igisubizo cya Marita:

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



84

“Nzi yuko azazuka mu muzuko wo ku munsi w’imperuka.” Yohana 11:23-24
Marita yari yizeje Yesu ko yari yiteguye kuzabona Lazaro mu muzuko wo ku munsi w’imperuka y’isi.



85

Nyamara, Yesu yari yiteguye gukor’igitangaza giteguza uwo muzuko.




86

(Isomo: Yohana 11:25)
Yesu araberurira ati: “Nijye kuzuka n’urupfu n’ubugingo; unyizera naho yaba yarapfuye azabaho.” Yohana 11:25.



87

Ubwo Yesu yazaga ku gituro cya Lazaro, Yohana atubwira  muri



88

(Isomo: Yohana 11:35)
Ko Yesu yarize!
Ntabwo yaririraga inshuti ye Lazaro. Yari azi ko agiye kumuzura mu bapfuye.


89

Yaririraga abari ku kiriyo b’umuryango n’inshuti bariho bashengurwa n’agahinda, ndetse n’abandi bose bajyaga kubabwaho n’ibyo kubabarira no kurira ku bw’uwo bakunda babuze.


90

Yesu asaba ko ibuye riri ku munwa w’igituro


91

rikurwaho.

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



92

**(Isomo: Yohana 11:39)**
**Yibaza kuri icyo kibazo cya Yesu, Marita arahakana ati: Ariko Data buja,... none aranuka, kuko amaze iminsi ine.”**
**Yohana 11:39**
**Nikoko, Yesu yatindije urugendo rwe rw’i Betaniya ho iminsi ine.Yakerewe ku bushake, kugira ngo hatagira ushidikanya ku rupfu rwa Lazaro..**


93

**Nyamara ibuye ryakuwe ku gituro, maze Yesu arangurura ijwi rirenga ati: “LAZARO, SOHOKA!”**


94

**Hari uwavuze ati byari biza ko Yesu yerekana neza mu mvugo ye avuga mu izina bwite Lazaro; naho ubundi igituro cyose cyo ku isi cyari gufunguka!**


95

**Mbega umunsi unejeje ku nshuti eshatu z’i Betaniya!**
**Mbega ibyishimo n’umunezero!**
**Nshuti, wabaye umunsi w’ibyishimo bikomeye i Betaniya.**


96

**ariko ibyo ni nk’akantu gato kuko byerekana icyubahiro n’ibyishimo bizabaho igihe Yesu azaba agarutse maze ibituro byose by’izindi nshuti ze zamwemeye nk’umukiza wazo bigakinguka --- nuko bakazukira kumusanganira mu kirere!**
**Ubu ni ubutumwa buhumuriza intumwa Paulo yabwiraga Abakristo bambere ati:**



97

**Isomo: 1 Abatesalonike 4:13, 16)**
**“Ariko bene data ntidushaka ko mutamenya iby’abasinziriye,**

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



98

mutababara nka ba bandi badafit’ ibyiringiro.”
1 Abatesalonike: 4:13
Paulo atubwira ko Yesu azabikora ubwo Azaba aje bwa kabiri:



99

“Kuk’ Umwam’ ubwe azaza amanuts’ ava mu ijuru, arangurur’ ijwi rirenga rya maraika ukomeye,



100

n’ impanda y’ Imana nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka.”
1 Abatesalonike 4:16.


101

Paulo akurikiranya ibyo bintu uko bizaba Yesu aje ati:



102

(Isomo: 1 Abakorinto 15:51-55)
“Dore mbamener’ ibanga: ntituzasinzira twese, ahubwo twese tuzahindurwa--



103

mu kanya gato, ndetse mu kanya nk’ ako guhumbya, ubw’ impanda y’ imperuk’ izavuga,



104

Impanda y’ imperuk’ izavuga koko, abapfuye bazurwe ubutazongera kubora, natwe duhindurwe.”
1 Abakorinto 15:51, 52.
Nuko Paulo atubwira uko tuzahindurwa:



105

Kuk’ uyu mubir’ ubora ukwiriye kuzambikwa kutabora, n’ uy’ upfa ukambikwa kudapfa

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



106

“ Arik’ uy’ ubora numara kwambikwa kutabora, n’ uy’ upfa ukambikwa kudapfa,



107

nibwo hazasohora rya jambo ryanditswe ngo ‘ Urupfu rumizwe no kunesha.




108

Wa rupfu we, kunesha kwawe kuri he?”
1 Abakorinto 15:53-55



109

Yesu yari yabwiye abigishwa be ko azazuka ava mu gituro.




110

(Isomo: Yohana 5:28, 29)
“Ntimutangazwe n’ ibyo; kuko igihe kizaza, ubwo abari mu bituro bose bazumva ijwi Rye



111

bakavamo, abakoze ibyiza bakazukira ubugingo,



112

naho abakoze ibibi bakazukira gucirwaho iteka.”
Yohana 5:28, 29.

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



113

Tekereza gato: Niba iyo abantu bapfuye bajya mu ijuru cyangwA mu muriro i kuzimu, kuki byaba ari ngobwa ko hazabaho umuzuko w’abakiranutsi cyangwa abakiranirwa. None se Yesu yaba yaravugiy’iki ko Azaza bwa kabiri?



114

(Isomo: Ibyahishuwe 22:12)
“Dore ndaza vuba, nzanye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze.” Ibyahishuwe 22:12


115

Bigaragara neza!
Ko iyo abantu bapfuye, baba basinziriye, baba baruhuka imirimo n’imihati yabo kugeza Yesu aje.



116

Azaba aje gukora iki?
Azaba aje kuzura no gukoranya abantu bose bemeye igitambo cye yatanze kubwabo.
Yesu kandi azaba aje kwakira abamwizera bazab’icyo gihe bamukurikira.
Reka wumve kuri iyi nkuru nziza!



117

(Isomo: 1 Abatesalonike 4:17)
“Maze natw’abazaba bakiriho basigaye, duehereko tujyananwe nabo tuzamuwe mu bicu, gusanganira Umwami mu kirere.



118

Nuko rero tazabana n’Umwami iteka ryose.”
1 Abatesalonike 4:17.


119

Twabonye ko abacunguwe bose bazaba bafite umubiri w’ubwiza nk’uwa Kristo, kandi bazahabwa ukudapfa (ubugingo bw’iteka) kugira ngo babane n’Umwami iteka n’iteka.

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?


120

Umuntu rero ashobora kubaza ati: “Nonese bite by’ igisambo ku musaraba?”


121

Reka turebe icyo Bibiliya itwigisha kubw’ icyo gisambo n’ isezerano Yesu yagihaye.
Yesu yari abambwe hagati y’ ibisambo bibiri kugira ngo abamubambye bashobore kumwitiranye n’ ubugira nabi.



122

Igitabo cya Mariko kivuga bwa mbere ko, ibisambo byombi byabanje gushinyagurira Yesu bivuga biti: Niba koko yari afite ubushobozi, Yagombye kubakiza no kwikiza we ubwe. Nyuma umwe muri ibyo bisambo arihana asaba agakiza.



123

(Isomo: Luka 23:42, 43)
Aravug’ ati: “Mwami, uzanyibuke, ubw’ uzazira mu bwami bwawe.




124

“Aramusubiz’ ati: ‘Ndakubwir’ ukuri yuk’ uyu munsi turi bubane muri Paradiso.”
Luka 23:42.43


125

Reka nanone twongere turebe iryo sezerano. Nikoko nshuti!, Uyu munsi, uyu mwanya nonaha, nawe ushobora guhabwa ibyo byiringiro.
Muri Kristo harimo ibyiringiro.


126

Nubwo Kristo yapfuye muri icyo gihe, akaryama mu gituro kugeza ku wambere w’ iminsi irindwi mu gitondo, Yesu yashyizeho ubuhungiro bwo kudaherena n’ igituro.

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?



127

**(Isomo: Luka 23:43)**
**Videwo y’amasegonda 5) Mbeg’ibyiringiro bitangaje ku gisambo cyariho gipfa! Mugihe ntakwizera yarasigaranye. Mugihe ibyo yabonaga byose byari byahindutse umwijima, byamukuy’umutima, Yesu yamusezeraniye isezerano ry’ibyiringiro by’ibiboneka hirya y’igituro. Yesu asezeranira icyo gisambo muri iyo saha, “ ‘Ndakubwir’ukuri yuk’uyu munsi turi bubane muri Paradiso.”**



128

**Bamwe batekereza ko Yesu yasezeraniye igisambo ko cyijira muri Paradiso uwo mwanya nyine. Ariko Yesu ubwe ntabwo yahise ajya muri Paradiso igihe yapfaga.**


129

**Bibiliya itubwira ko Yapfuye uwo munsi, ku wa gatandatu w’iminsi irindwi, agahambwa mu mva y’intirano.**


130

**Ku wa mbere w’iminsi irindwi, Yesu abonekera Mariya, kandi yashakaga ku muramya, ariko Aramuhakanira kuko Yari atarazamuka mu ijuru. Umva uko Yabivuze ati:**




131

**(Isomo: Yohana 20:17)**
**“... kuko ntarazamuka ngo njye kwa Data...”**
**Ubwo hari mu gitondo kuwa mbere , maze aravug’ati ntabwo ndazamuka ngo njye kwa Data! Yohana 20:17 Ubwo rero Yesu ntiyari ari muri Paradiso kuwa gatandatu w’iminsi irindwi!**


132

**Bibiliya itubwira ko igisambo kitari muri Paradiso kuwa gatandatu w’iminsi irindwi.**



133

**(Isomo: Yohana 19:31-33)**
**“Uwo munsi wari uwo kwitegura Pasika kand’Abayuda ntibashakaga ko imibiri iguma ku misaraba ku Isabato**

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?




134

kuko iyo sabato yari umunsi mukuru, niko gusaba Pilato kubavuna amaguru ngo babamburwe.
Yohana 19:31



135

Abasirikare baraza babanza kur’umwe, bamuvun’amaguru, n’undi war’ubambanywe nawe bamugenza batyo.



136

Ariko bageze kuri Yesu, basanga amaze gupfa, ntibamuvuna amaguru.” Yohana 19:31-33


137

Aha tubona tubona ko bavunnye amaguru y’ibisambo byombi kugira ngo hatagir’ucika,


138

ariko ntibavunnye aya Yesu kuko yari yamaze gupfa kuwa gatandatu w’iminsi irindwi. Nuko rero Yaba Kristo cyangwa igisambo, ntawari muri Paradiso kuwa gatandatu w’iminsi irindwi.


139

Yesu yishyuy’igiciro cyo gucungura no kuvugurura


140

Impano ikomeye Imana ishobora guha mwene muntu, nu ubugingo buhoraho, kunesh’urupfu!
Izindi mpano zose zonyine ntacyo zivuze!
Kandi n’iyanyu muramutse muyisabye!


141

Guhitamo kwawe n’uguhitamo gukomeye cyane mubyo wigeze ukora; ukubaho kwawe ku iteka niho gushingiye!

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?


142

Iyo mpano y’ ubugingo buhoraho yasezeraniwe buri wese wemera Kristo nk’Umucunguzi n’Umwami we.
Igiciro ni ugutanga umutima gusa.
Umutima wejejwe kandi uhindutse.
Umutima w’ubwibone wahinduwe mushya ku birenge by’umusaraba.
I Kaluvari byose Kristo yatumye bishoboka.
Niki kindi Yari gukora?


143

Ubugingo buhoraho bushobora kuba ubwawe uramutse ubushaka koko.


144

Kuko Ariho, dufite ibyiringiro bitangaje-- ibyiringiro byo hakurya y’igituro


145

Mugitondo kimwe amateraniro yariho akorerwa mu mujyi muto mu buvazuba bw’Leta Zunze Ubumwe Z’Amerika. Umusore umwe yariho agendagenda muri ayo materaniro yataye umutwe bikomeye.



146

Inzu y’amateraniro yari hafi y’irimbi.
Mbere yuko yinjira muri iyo nzu aho amateraniro yaberaga, uyu musore yari yagendagenze muri iryo rimbi. Yibaza icyo ubuzima busobanuye.
Yashakag’ukubabarirwa n’amahoro mu mutima.
Ubwo yatekerezaga ku rupfu, kuruta byose yashakaga, ikimuhamiriza ko ubugingo budashira buriho koko.

# 13 - Bigenda Bite Iyo Upfuye?


147

**Umutwe w’icyigisho kur’uwo mugoroba wavugaga uti: “Ibyiringiro Hirya y’Igituro.” Umusore yicaye hagati mu bantu ashishikariye kwumva.**
**Uwo mugoroba yiyegurira Kristo.**
**Uwo mugoroba yemeye Kristo wamupfiriye akazuka mu bapfuye kugira ngw’Atange ubugingo buhoraho.**
**Uwo mugoroba imibereho ye yose yahinduwe n’uyu Kristo Muzima.**
**Kur’uwo mugorob’amahoro yuzuye umutima we.**
**Uwo mugoroba ibyiringiro bishya bivumbuka mu mutima we.**


148

**Ushobora kugira ayo mahoro - ibyo byiringiro - uko kwishingirwa kw’ubugingo buhoraho - ubuzima buboneka hirya y’igituro. Nib’ushaka ubwo bwishingizi , wakwemera guhaguruka ubu nonaha tugasenga?**

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.

14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.




1

**Mbese Abazima Bashobora Kuvugana n’Abapfuye?**



2

**Iyo umuntu apfuye mbese ashobora kugaruka mu mwuka akagenderera abakiri bazima?**
**Imyuka y’abapfuye ishobora kugaruka kuvugana n’abazima?**
**Mbese urupfu rwica umubiri, maze umwuka ugakomeza kubaho?**



3

**Abanyamyuka n’abapfumu, mbese twabizera mu gihe bavuga ko bashobora kuduhuza n’imyuka y’abacu bavuye muri ubu buzima?**




4

**Mbese imyuka y’abapfuye ishobora kwihanga mu bazima, igakorera, kandi ikavugira mu mibiri, mu majwi, no mu bwenge bwabo?**



5

**Habaho ingingo zikomera; iyo tuganiraho muri uyu mwanya, ni imwe mu zirusha izindi kuruhanya.**



6

**Ni ikibazo gikomeye twakwita ingorabahizi. Ubugingo buhoraho bwacu bugishamikiyeho. Tugomba kugitekerezaho rero tutajenjetse. Twamenya dute ko ibitubayeho bifite ishingiro cyangwa ko ari intarukira; ko biguruka nta mababa - cyangwa ibinyoma byaduteza akaga?**





7

**Insinzi, ni uko muri Bibliya,Yesu Adushyikiriza ukuri!**


# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.


8

Yesu ni inshuti yacu. Asobanukiwe n’uko bitugendekera, iyo umukunzi aducitse agasigara mu gikombe cy’igicucu cy’urupfu. Intimba tugira, ziramubabaza; kuko Yazinyuzemo. Nuko rero tumugane, Atubwire ibyo Azi ku rupfu, izuka n’ubugingo budashira ibyo ari byo. Niba Yesu Yarabivuze, nzazirika ubuzima bwanjye kuri iyo mvugo Ye. Ni yo nsinzi. Dushobora kubyemeranyaho dutyo?


9

Mbese urashima Yesu? Iyo tubabaye, agira agahinda.



10

(Isomo: Yohana 11:35)
Ku rupfu rw’inshuti, Bibliya iravuga ngo: “Yesu ararira.”
Yohana 11:35.
We ubwe, Yanyuze mu gikombe cy’igicucu cy’urupfu.




11

... Witinya; Nd’uwa mbere kandi ndi uw’imperuka.



12

Kandi ndi uhoraho. Icyakora nari narapfuye, none dore mporaho iteka ryose. Amina.



13

Kandi mfite imfunguzo z’urupfu n’iz’ikuzimu.
Ibyahishuwe 1:17,18.
Ikirutaho, Yesu ni umutanga bugingo. Yazanwe no kugira ngo tugire ubugingo bwinshi muri iki gihe.



14

...Nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.
Yohana 10:10
Adusezeranira ubuzima buvuguruye ijana ku ijana kandi buzahoraho iteka.

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



15

(Isomo Yohana 11:25)
"Yesu aramubwira ati, 'ni njye kuzuka n'ubugingo. Unyizera naho yaba yarapfuye azabaho'".
Yohana 11:25.
Yesu Yazobereye mu buzima. Arusha abaremwe bose kuzimbura iby'ubugingo, kuko ari we waremye ibiri kuri iyi si byose.



16

"Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana.



17

Ibintu byose ni we wabiremye, ndetse mu byaremwe byose nta kintu na kimwe kitaremwe na we.
Yohana 1:1,3.



18

"Kuko muri we ari mwo byose byaremewe... Ni we wabiremye byose, kandi rero ni nawe byaremewe."
Abakolosayi 1:16.


19

Aho bigeze aha, birakwiriye ko dusubiramo tugasuzuma ibyo tumaze kwiga.
Yesu yasobanuye urupfu icyo ari cyo: ntabwo ari ubugingo nyirizina, kandi s'ubugingo bwiyuburura ngo bukomeze kubaho bwihindurije.



20

(Isomo: Yohana 11:11)
Mu kuvuga iby'inshuti ye yari yapfuye, Yesu Yagize ati:
"Inshuti yacu Lazaro iransinziriye..." Yohana 11:11
Yavugaga iby'umuntu wapfuye. Yesu Ashushanya ibitotsi n'urupfu. Muri Bibliya ni cyo kigereranyo cya bugufi gishushanya urupfu.

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



21

(Isomo Yohana 11:14)
Yavuze ibyo gusinzira, abigishwa be nti babyumva. Noneho Abivuga ku mugaragaro Ati: "Lazaro yarapfuye." Icyo gihe Lazaro ntiyari ariho ngo abe yari ahantu runaka mu bundi buryo.
.


22

Yari yarapfuye kandi umurambo we wari mu gituro. Yesu yasobanuye byumvikana ko hanyuma y'urupfu nta buzima buhari keretse nyuma y'izuka. Yasobanuye kandi ko umuzuko ari uwo mu gihe kizaza.



23

(Isomo: Yohana 6: 40)
"Kuko icyo Data ashaka ari iki: ari ukugira ngo umuntu wese witegereza umwana akamwizera,



24

ahabwe ubugingo buhoraho, na njye nzamuzure ku munsi w'imperuka".
Yohana 6:40


25

Imitima yacu isabwa n'ubwuzu igihe twumva ko Yesu Agiye kugaruka. Umugambi we urumvikana kandi usobanura byimazeyo ikibazo cy'ubuzima n'izuka. Azagaruka kugira Ate?



26

(Isomo: 14: 1- 3 )
"Ntimuhagarike imitima yanyu mwizera Imana nanjye munyizere."



27

"Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi. Iyaba atahari mba mbabwiye, kuko ngiye kubategurira ahanyu. "

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



28

“Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye;




29

ngo aho ndi namwe muzabeyo.”
Yohana 14:1-3.



30

Yesu ubwe yashushanije uko igikorwa cyo kuza kwe kizaba cyitwaye:




31

(Isomo Matayo 24:30,31)
“Ubwo ni bwo ikimenyetso cy’Umwana w’umuntu kizabonekera mu ijuru, n’amoko yose yo mu isi ni bwo azaboroga,




32

abonye Umwana w’umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, afite imbaraga n’ubwiza bwinshi.”



33

“Azatumish’abamalaika be ijwi rirenga ry’impanda, bateranye intore ze mu birere bine,



34

uhereye impera y’ijuru ukageza iyindi mpera yaryo.”
Matayo 24:30,31


35

Impanda, kubera iki? Abamalaika, kubera iki?

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



36

Gukangura abasinziriye mu bituro, kubateraniriza hamwe ngo bagende mu ijuru - ha handi Yesu Yateguriye abamukunda. Kugaruka kwa Yesu kwasobanuwe mu buryo budasobwa, ingingo ku yindi:




37

(Isomo: 1 Abatesal. 4:13-18)
“Ariko bene Data, ntidushaka ko mutamenya iby’abasinziriye,



38

mutababara nka ba bandi badafite ibyiringiro.



39

Ubwo twemeye ko Yesu yapfuye akazuka, abe ariko twizera yuko Imana izazanana na Yesu abasinziriye muri we.



40

Iki nicyo tubabwira tukibwirijwe n’ijambo ry’Umwami wacu yuko twebwe abazaba bakiriho, basigaye



41

Kugeza ku kuza k’Umwami, tutazabanziriza na hato abasinziriye.



42

Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse  ava mw ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n’ijwi rya Malaika ukomeye,



43

n’impanda y’Imana abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka.

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



44

**Maze natwe abazaba bakiriho basigaye duhereko tujyananwe nabo tuzamuwe mu bicu gusanganira Umwami mu kirere.**




45

**Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose.**




46

**Nuko mumaranishe umubabaro kubwirana ayo magambo." 1 Abatesalonike 4:13-18**




47

**Ndakwingize Itegereze amahame nyakuri atatu avugwa hano:**




48

**1. "Uku niko Umwami wacu Yabyigishije. " Ni amagambo y'Umwami wacu ubwe Yigishije bityo rero nta wagombye kubijyaho impaka.**



49

**2. Abakristo bazaba bakiriho ubwo Yesu Azaba Agarutse bazamuranwa n'abazaba bazutse. Abazima ntibazabanziriza abazaba barasinziriye muri Yesu. No kuzuka ntibizaba urusorongo. Intungane zizazukira rimwe.**



50

**3. Ibitotsi ni ryo jambo Yesu na Paulo bakoresheje mu kugeranya abapfuye mbere y'uko habaho izuka. "abapfiriye muri we,( Kristo)." Yesu Yagaragaje ko mu rupfu ari ntacyo umuntu yumva cyangwa amenya. Uwapfuye ntacyo yumva ntacyo amenya. Kumva no kumenya ni umurimo w'ubwenge. Mu rupfu ntibukora, burahagara.**

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



51

(Isomo: Umubwiriza 9:5)
Hano, icyo Bibliya ivuga kirumvikana. "Abazima bazi ko bazapfa, ariko abapfuye ntacyo bamenya."
Umubwiriza 9:5.



52

Abapfuye bazi ibingana iki? Nta na gito bazi. Abazima rero ntacyo bashobora kuvugana n'abapfuye. None se abemera ko umuntu apfa agakomeza kubaho, babivanye he?




53

( Yobu 7:9,10)
Bibliya yigisha ko abapfuye ntacyo bumva cyangwa bamenya. Yobu yarabyeruye at: " Uko igicu cyeyuka kigahera,ni ko n'umanuka ajya ikuzimu atazasubira kuzamuka ukundi."
Yobu 7:9.




54

Ntazagaruka mu nzu ye ukundi,
N'aho yari atuye ntihazongera kumumenya."
Yobu 7:10



55

Iyo myizerere ituruka kuri Satani ubwe. Mu murima wa Edeni yashutse Eva, bituma we n'umugabo we Adamu batakaza urugo rwabo, nyuma baza no kubura ubugingo bwabo. Satani yihereranye Eva, avugira mu nzoka. Ni we mushukanyi kabuhariwe.



56

(Isomo: Itangiriro 3:4)
Yizeye ikinyoma cya Satani: "Gupfa ntimuzapfa."
Itangiriro 3:4.



57

(Isomo: Itangiriro 2:17)
Iki kinyoma cyavuguruzaga ukuri Imana Yivugiye, Iti: " No gupfa muzapfa." Itangiriro 2:17.
None ikibazo ni iki: Twizere nde?

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.




58

umwe mu bavugana n’imyuka avuga ko (n’abandi ibihumbi hirya no hino ku isi bizera iby’imyuka barabyemeza bati:), “Birashoboka kuvugana n’abacu bavuye muri ubu buzima”. Ibi se nibyo niko biri? Birashoboka? Oya.


59

Dushingiye ku byo Yesu Yigishije, tuzi ko abazima badashobora kuvugana n’abapfuye. Kuki se? Kuko abapfuye ntacyo bazi. Basinziriye ubuticura, ibitotsi by’urupfu. Niba uvugana n’abapfuye ahari wabaza uti:



60

“Niba abapfuye ntacyo bamenya, imyuka ivugana n’abazima ni iya ba nde?”



61

Bibliya isobanura bene iyo myuka iyoari yo.



62

(Isomo: Ibyahishuwe 16: 13,14)
“Mbona imyuka itatu isa n’ibikeri, iva mu kanwa ka cya kiyoka (Satani),




63

no mu kanwa ka ya nyamaswa, no mu kanwa ka wa muhanuzi w’ibinyoma.



64

Kuko ari yo myuka y’abadayimoni ikora ibitangaza, igasanga abami bo mu isi yose,



65

ngo ibahururize kujya mu ntambara yo ku munsi ukomeye w’ Imana ishobora byose.”
Ibyahishuwe 16:13,14.

14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.


66

Uretse kuvuga gusa iyo myuka iyo ari yo, Bibliya irondora n’inkomoko yayo:



67

(Isomo: Ibyahishuwe 12: 7-9)
“Mu ijuru habaho intambara. Mikayile n’abamaraika be batabara kurwanya cya kiyoka; ikiyoka kirwanana n’abamaraika bacyo,



68

Ntibanesha, kandi mu ijuru ahabo ntihaba hakiboneka.



69

Cya kiyoka kinini kiracibwa, nicyo ya nzoka ya kera, yitwa Umwanzi na Satani, ni cyo kiyobya abari mu isi bose;



70

nuko kijugunwa mu isi, abamaraika bacyo bajugunywana nacyo.” Ibyahishuwe 12:7-9.


71

Hari abamaraika baguye! Nshuti, murabe maso! Ni ikintu giteye akaga cyane kuba wagirana isano iyo ari yo yose n’iyo myuka. Umugambi rukumbi w’iyo myuka, nongere mbisubiremo;umugambi wayo rukumbi ni ukukuyobya no kuguteshukisha kuri Yesu, ngo bigutere kubura agakiza gahoraho.


72

Wagombye rero guhagarara bwuma, ukitera akanyabugabo, ukitandukanya n’iyo myuka. Niba wizera yuko abapfuye bariho, ibyo bishobora kukubera ikigusha ku buryo wanabigwamo; erega intambara iracyari yose!

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.


73

**Imana mu ijambo ryayo Yaciriyeho iteka ukwizera iby’imyuka. Kandi Yabuzanije ko hagira uvugana n’iyo myuka. Dore umuburo Imana Yamagana abantu kubyerekeye gusiguza umuntu wagerageza kuvugana n’umwuka runaka. “.**



74

**(Isomo: Abalewi 19:31)**
**Abalewi 19:31: “Ntimugahindukirire abashitsi cyangwa abapfumu: ntimukabashikishe, ntimukabaraguze ngo mubiyandurishe:**



75

**Ndi Uwiteka Imana yanyu.”**



76

**(Isomo Gutegeka 18:10-12)**
**Mbere yuko Abisiraeli bajya mu gihugu cy i Kanani, bari bihanangiririjwe, ngo “Muri mwe ntihazaboneke... ukora iby’ubupfumu,**




77

**cyangwa umwambuzi, cyangwa ushikisha, cyangwa uragurira abantu ibizabaho, cyangwa umushitsi.**



78

**“Kuko abakora ibyo bose ari ikizira k’Uwiteka.” Gutegeka 18:10-12. Imana Izi yuko abavugana n’imyuka ya bene wabo, bazayobya ubwoko bwayo, niyo mpamvu yababwiye Iti:**



79


**(Isomo: Kuva 22: 18 )**
**“Umurozikazi (umupfumu ) ntuzatume abaho.”**
**Kuva 22:18**


80

**Ibyabaye kuri Sauli ajya gushikisha umupfumu uvugana n’imyuka, bigaragaza ubupfu bwo gushaka kugerageza kuvugisha abapfuye.**

14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



81

**(Isomo: 1 Ngoma 10:13 )**
**"Uko niko Sauli yatanze azize gucumura yacumuye k'Uwiteka, kuko atitondeye ijambo ry'Uwiteka, kandi yashikishije umushitsi ngo amuhanuze. . .**




82

**kandi yashikishije umushitsi ngo amuhanuze." 1 Ngoma 10:13**


83

**Satani ubwe azagerageza kwigaragaza nkaho  ari Yesu ubwe.**



84

**(Isomo: 2 Abakorinto 11: 14)**
**" Kandi ibyo si igitangaza kuko na Satani ubwe yihindura nka maraika w'umucyo. "**
**2 Abakorinto 11:14.**


85

**Mbese wigeze kwibaza uko umuntu yavugana n'umuntu usa, uvuga, ukora nk'uwo bari baziranye atarapfa?**
**Bibliya ivuga ko Satani (n'abamalaika be) "biyoberanya."**


86

**Bashobora kwihindura mu ishusho y'uwo ari we wese wigeze kubaho. Biteye ubwoba kubona uko abantu bazima beza bashobora  guhendwa, bakagwa mu mitego ya Satani bibwira ngo biboneye umuntu wabo utakiri ho!**


87

**Ibyanditswe bihishuye ikintu giteye impungenge. Satani azagerageza kwiyerekana nkaho ari Yesu. Reba rero imbaga izagwa mu bishuko bitewe no kuyoberwa ukuri kwerekeye kugaruka kwa Yesu. Si yo mpamvu se Yesu yatanze imiburo ikaze kuri iyo ngingo?**

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



88

(Isomo: Matayo 24:4,5) “Yesu arabasubiza ati: ‘Mwirinde hatagira umuntu ubayobya’.”




89

“Kuko benshi bazaza biyita izina ryanjye, bati ni njye Kristo: bazayobya benshi.”
Matayo 24:4,5
Nuko rero ibi bintu birakomeye kuburyo



90

Yesu yasubiye muri uwo muburo, muri icyo kibwirizwa nyine:




91

(Isomo: Matayo 24:23-25)
“Icyo gihe umuntu n’ababwira ati:’dore Kristo ari hano; undi ati: ari hano;’ ntimuzabyemere.




92

“Kuko abiyita Kristo n’abahanuzi b’ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n’ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya,




93

bayobya n’intore, niba bishoboka.”



94

Dore mbibabwiye bitaraba. “ Matayo 24:23-25.



95


ARiko wajya kumva umuntu agira ati cyangwa ukamenya umuntu vuga ngo “Nabonye nyakwigendera wanjye ari muzima.”

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



96

Hari n’uwo wakumva yemeza ati, “Nivuganiye na nyakwigendera umugabo wanjye.”



97

Undi yavuga ati:” Umuhungu wanjye yaguye mu gitero cy’iterabwoba, ariko naramusuye, nashoboye kuvugana na we biramfasha”. Yesu Yavuze iki? Yavuze ko abapfuye basinziriye kandi ko imyuka ishobora KUYOBYA ndetse n’intore. Za miliyoni zz’abantu zizayoba. Kuki? Kuko ibitekerezo biri mu mitwe yabo no mu bwenge bwabo ari byo biringira kuruta Ijambo ry’Imana.



98

Kuki intore zitazayoba? Kuko bizera Yesu. Biringira ijambo ry’Imana kuruta ibyo biyumvamo n’ibyababayeho.




99

Iki ni cyo kibazo:



100

Tuzemera ukuri kw’Imana



101

cyangwa tuzemera ibinyoma bya Satani?

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.


102

Abakoresheje ijambo ry’Imana mu kongera imbaraga z’ubwenge bwabo, bazashobora guhagarara bashikamye igihe ubushukanyi bukomeye buzaba bwatangiye gusendera isi nk’amazi y’umwuzure. Dukeneye kumenya ibi bintu kandi tukabyemera tutajenjetse. Ntitwemere guhendwa cyangwa kugushwa n’icyo ari cyo cyose twumva cyangwa tubona cyatwemeza ibintu ngo ni ukuri.


103

Ahari waba warumvise ibyo bita “abagarukiye ku buvumo” aho abantu muganga yemeza ko bapfuye, nyuma y’igihe runaka bakongera bakabaho.


104

bagasobanura ko bibonye bazenguruka mu cyumba mu bitaro, hasi bakabona umubiri wabo ubwabo --


105

cyangwa bakavuga ko babonye umucyo mwinshi, maze bakabona Yesu cyangwa maraika abarembuza ngo bamusange. Hari abandi bavuga ko babonye umukunzi wabo hirya y’urupfu.
Ijambo ry’Imana ni ryo ryonyine ryadushoboza gutahura ibinyoma, ntitugwe mu mutego w’ubushukanyi.



106

Kuvuga ngo “nizera ibyo mbonye, n’amaso nyanjye”, ni inzira nyayo iganisha ku buyobe.


107

Dushobora gufata icyemezo kitagira rutangira, igihe tugendeye ku byo ubwenge bwacu butweretse mu cyimbo cyo gukurikira ijambo ry’Imana ari ryo Bibliya. Muri iyi si harimo imyizerere myinshi idashobotse yerekeye ku bapfuye.

14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



108


**Dufatire urugero ku byo kugaruka mu mubiri. Miliyon z’abantu bizera ko iy’umuntu apfuye agaruka mu mubiri mu bundi buryo akavukira mu kindi kintu atazi. Icyo kintu gishobora kuba inka, imbeba, cyangwa inzoka.**


109

**Ashobora no kuba undi muntu w’umukungu, umwami, umukene, usabiriza, impumyi cyangwa igipfamatwi, cyangwa wajahajwe n’uburwayi runaka.**



110

**Idini ryitwa Hindu, ryigishako hariho “uruziga rw’ubuzima” ruhora ruzenguruka. Maze iyo umuntu apfuye, yongera kuvuka bigakomeza bityo mu kwiyuburura kutagira iherezo. Benshi babyibazaho, ariko ntibabone ubucurabwenge bwihishe inyuma y’urwo ruziga rw’ubuzima.**
**Muri iyo myizerere, umuntu nta burenganzira agira bwo kwihitiramo no kwifatira ibyemezo.**




111

**Intego ntabwo ari ubuzima bushikamye umuntu ashobora guhitamo, kwishima cyangwa gushyikirana n’abandi. Ahubwo umuntu arakomeza akazenguruka, kugez’igihe azagerera kuri iyo nirivana ari yo kugwegweza cyangwa gutengamara nk’uwashyikiriye--**



112

**“Aho wiyumva mo ko uri mu amahoro asesuye ariko ari mu cyuka, nta kirangabuzima, nta bwenge, nta kwibuka,**



113

**nta kwiyumva ko “ uri “ umuntu, nta bushobozi bwo gutekereza no gukunda, no kwiyumvamo ko yishimye.**


114

**Maze umuntu akamirwa n’ibintu nk’igitonyanga kiguye mu nyanja; nta buzima gatozi agasigara atagira ikimuranga.**

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.




115

Budisime ari ryo dini ry’uwitwa Buda na ryo niko rimeze. Nyamara Buda yigishije ko ushobora kurekura “uruziga rw’ubuzima” ugeze mu iherezo ry’ubu buzima; -- ko atari ngombwa gukomeza kuruzengurukaho ubuziraherezo mu gihe wifitiye impano cyangwa amahirwe yawe.




116

Iyo nyigisho ikomeza igira iti, Ukoresheje imbaraga ziguhesha gucunga ubushake bwawe, ushobora kugera ku rwego rutuma wiyumvamo ko ntacyo ukeneye, ko ntacyo wifuza.




117

Iyo umuntu ageze kuri uru rwego mu ntekerezo no ku mubiri, ashobora gusanga urupfu i Nirvana, aho ajya akarigita mu bintu nkuko igitonyanga kirigitira mu ngezi.




118

Muri aya madini yombi akomeye, ahuriye ku nyigisho ivuga ko, icyiza n’ikibi ari imbaraga zinganya imitsindo, zizakomeza kuraturana ubuziraherezo.




119

Mu kirwa cya Bali cyo muri Indoneziya, hari uburyo babyina by’umuhamirizo witwa Barongi.



120

Barongi yambara imyambaro imuhindura nk’igi rinini ribijije. Maze agahangana n’abagabo batandatu bitwaje inkota zityaye. Baba bamaze kwiyuhira ikiyobyabwenge bamenyereye.



121

Barongi asatira ba bagabo nabo bakagenza ikinyumanyuma. Nyuma akoma akaruru, agahindukira; nabo bakamuhindukirana, bakamwirukaho, bagerageza kumutema.

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



122

**Barongi arahagarara, agahangana nabo. Barahagarara. Yatera intambwe imwe abasanga bagatera intambwe imwe bamuhunga. Bigakomeza bityo, bityo kugeza ubwo ba bagabo batandatu bamera nk’abafashwe n’ikizungera, bakadandabirana nk’abasinzi. Hari ibyo baterana babijugunya; usanga kenshi babitera indorerezi zitari mu mukino wabo. Ubwo hakaza abantu baturutse ku giturage, bagakiranya ba bandi, bakababakubita hasi ku buryo basukirwa amazi. Hanyuma bakazunguza imitwe nk’abavuye mu nzozi, ubwo bagahaguruka bakagenda berekeza ku tuzu twabo. Ba Barongo nabo bagafata inzira bagana mu kindi cyerekezo.**
**Ibyo se bisobanura iki?**
**Ni umukino wo mu rwego rw’idini. Barongi ahagarariye Imana, ba bagabo bahagarariye ikibi. Hindu yigisha ko intambara hagati y’icyiza n’ikibi idashobora kurangira. Nta utsinda, byombi bigwa miswi. Biranganya.**





123

**Ibyo bishingiye ku kwemera yuko amateka agenda yizengurukaho--ko ahora agenda yisubiramo, ngo amateka nta cyerekezo agira.**
**Ngo nta Mana Ihoraho y’urukundo Izatsinda urupfu Ikazanira ab’isi gukiranuka n’amahoro.**




124

**Njyewe nshimira Yesu cyane ko ari kuzuka n’ubugingo; wowe se ntiwabimushimira? Mbega ibyiringiro tumukesha!**
**Ikibi ntikizakomeza kwiganzura.**
**Amateka si zunguruka ;afite aho yerekeza. Amateka yose arerekeza ku gihe Imana Izarema isi nshya, izaturwamo n’abantu bazira icyaha, nta ndwara, nta ntambara, nta nzara, nta kubabara cyangwa urupfu.**




125

**(Isomo: Ibyahishuwe 21: 1-4)**
**“ Nuko mbona ijuru rishya n’isi nshya, kuko ijuru rya mbere n’isi ya mbere byari byashize,**

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



126

n’inyanja yari itakiriho.”




127

“Mbona ururembo rwera Yerusalemu nshya rumanuka ruva mw ijuru ku Mana,




128

rwiteguwe nkuko umugeni arimbishirizwa umugabo we.”




129

“Numva ijwi rirenga rivuye kuri ya ntebe rivuga riti: Dore ihema ry’Imana riri hamwe n’abantu,




130

kandi izaturana nabo, nabo bazaba abantu bayo. Imana ubwayo izabana nabo, ibe Imana yabo.



131

“Izahanagura amarira yose ku maso yabo, kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa, ntibizabaho ukundi.



132

cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi, kuko ibya mbere bishize.” Ibyahishuwe 21:1-4.

14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



133

Mbese ntiwahitamo Yesu ubu ngo ubyarwe ubwa kabiri? Si nyuma umaze gupfa; oya, icyo gihe byaba byatinze.  Ntukeneye kwiyuburura ubuziraherezo uva mu buzima bumwe ujya mu bundi.
Ahubwo ni nonaha, uyu munsi!



134

(Isomo: 1 Petero 1:3,4 )
"Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ni yo na se, ishimwe,




135

kuko yatubyaye ubwa kabiri, nkuko imbabazi zayo nyinshi ziri, kugira ngo tugire ibyiringiro bizima.




136

tubiheshejwe no kuzuka kwa Yesu Kristo



137

tuzabone umurage utabasha kubora cyangwa kwandura cyangwa kugajuka,



138

ni wo namwe mwabikiwe mw ijuru,"
1 Petero 1:3, 4


139

Ushobora kugira ubugingo buzahoraho. Ibyo ni byo Imana Ishaka ko umenya uyu munsi utabishidikanyaho.

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.



140

**(Isomo: 1 Yohana 5: 11,12)**
**“Kandi uko guhamya ni uku ni uko Imana yaduhaye ubugingo buhoraho kandi ubwo bugingo bubonerwa mu mwana wayo.**



141

**Ufite uwo mwana niwe ufite ubugingo. Naho udafite umwana w’Imana, nta bugingo afite.**
**1 Yohana 5:11,12**
**“Twabimenya dute? Dushobora dute kubyemeza? Ijambo ry’Imana niryo ribyemeza ku mugaragaro:**



142

**(Isomo: 1 Yohana 5:13 )**
**“Ibyo ndabibandikiye, mwebwe abizeye izina ry’Umwana w’Imana,**




143

**kugira ngo mumenye ko mufite ubugingo buhoraho...”**
**1Yohana 5:13**
**Ikibazo buri wese agomba kwisubiriza ni iki: “Mbese mfite Yesu?”**
**Ushobora kumugira muri kano kanya.**




144

**Yesu aravuga ati: “Dore, mpagaze ku rugi [rw’umutima wawe] ndakomanga.**



145

**Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi,**



146

**Nzinjira iwe dusangire.”**
**Ibyahishuwe 3:20.**

# 14 - Amajwi Aturuka Hakurya y'Igituro.


147

**Ngaho kingura urugi rw'umutima wawe nonaha, umurarikire kwinjira.**

# 15 - Subiza Isaha Inyuma



1

**Uko Wagera Ku Buzima bw' Intarumikwa**


2


**Igihome cy' Abamonaki ba kera bo muri Porutigali giteretse ku rutare rwitegeye amazi y' urubogobogo ya Mediteraniya.**
**Kuhareba biteye impungenge.**
**Ni heza bihebuje.**
**Kuhagera, ni zo ngorane.**
**Ugomba kwicara mu gitebo kiziritseho umugozi ukururwa n' umumonaki ugeze mu za bukuru.**


3

**Umunsi umwe, umushitsi hamwe n' umuherekeza, bahagurutse mu kigo bajya muri cya gitebo.**
**Uko umumonaki yabururutsaga niko umugozi wizunguzaga hejuru ya rwa rutare. Ubwoba bwamutashye, wa mukerarugendo niko kubaza ati: "Mbese uyu mugozi bawusimbura ka ngahe?"**


4

**Umuherekeza ni ko kumuhumuriza ati "Ntugire ubwoba. Igihe cyose umugozi ucitse, ni bwo tuwusimbuza undi. "**


5

**Nkuko biri muri iki gitekerezo, abantu benshi bacungira amagara yabo ku butemutemu.**
**Bategereza ko ubuzima bwabo butangira kujya mu mahina, nk' umugozi ucitse, ngo babone kuwusimbuza undi.**
**Nyamara amagara araseseka ntayorwa.**
**Ubuzima uzagira si ubuzakugwirira, ni ubwo uzaba wihitiyemo. Ibanga ni uguhitamo kumvira amategeko agenga kamere y' ibyaremwe.**

# 15 - Subiza Isaha Inyuma



6

Nshuti, mbese wakwishimira ubuzima budashobotse? Abantu benshi batanga amafaranga iryaguye ku miti. Indwara zirahenda. Nizo zitwara umutungo munini wa benshi. Mbese amagara ntaruta cyane amagana? Ubaze icyo kibazo umuntu urembejwe na kanseri, cyangwa umurwayi wajahajwe na Sida.



7

Ubaze ababyeyi b’umwana urwaye kanseri yo mu maraso, cyangwa umuntu ukuze wahetamishijwe na rubagimpande. Bazakubwira ko ntacyo wagurana amagara mazima; kandi ko ufite ikirezi atamenya ko cyera!





8

Umwaka umwe mu buzima cyangwa umunsi umwe ufite gaciro ki?
Umwamikazi Elizabeti wa mbere, ari gusamba, ngo yaba yaravuze ngo: “ Umutungo wanjye wose mu kanya gato!” Nyamara nta kiguzi watanga.
Nubwo bimeze bityo, mbese uriyumvisha ko ushobora kuramba imyaka n’imyaka mu buzima bworoshye, uramutse ukurikije amabwiriza y’ibanze yo kwitungira amagara?





9

Dogiteri Buresilowu wo muri UCLA (Kaminuza ya Kaliforuniya, i Losanjelesi) yakoze ubushakashatsi mu myaka 9.
Yabajije abantu 7.000 ibibazo birindwi ku buryo bamenyereye gufatamo ubuzima bwabo maze afata igihe cyo gukurikira uko bifata agereranya abiyitaho bafute ubuzima bwiza n’abirangaraho.




10


Ngibi ibibazo birindwi yabajije:




11

1. Unywa itabi?
2.Niba unywa ibisindisha,ugarukira he?
3.Ukora imyitozo mu gihe cyabigenewe?

# 15 - Subiza Isaha Inyuma





12

4. Usinzira amasaha angahe buri joro?
5.Upima ibiro bingahe?
6.Wica umwaku buri gitondo?
7.Ukunze kurya hagati y’amasaha yabigenewe?
Abamenyereye gahunda nziza y’ubuzima ijyanye na biriya bibazo uko ari birindwi, ugereranije basumbya abatabikora myaka 11,5 y’uburame.




13

Watanga iki kugira ngo wongere imyaka 11n’igice ku buzima bwawe?
Ibyo turiho tuganira kuri iyi ngingo, bibasha rwose kukwongerera imyaka y’ubutarumikwa.
Ubona bigufitiye akamaro guhugukira ibi tugezeho tuvuga?
Hari benshi batangazwa no kubona ukuntu Imana muri iki gihe na hano turi Yita kuko twaba intarumikwa no ku munezero wacu.




14

(Isomo: 3 Yohana 1:2)
“Ukundwa, ndagusabira, kugira ngo ugubwa neza muri byose, ube mutaraga, nkuko umutima wawe ugubwa neza.”
3 Yohana 1:2




15

(Isomo: Yohana 10:10)
Yesu ati: “...ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.”
Yohana 10:10



16

Yesu ashaka ko tugira ubuzima buzira umuze, bwuzuye umunezero, n’ibyishimo.

Ashaka ko tugira ubuzima buryoshye busendereye!



17

Mbese byadushobokera kumenya uko twagira amagara mazima? Yee, birashoboka!
Hari benshi batazi yuko muri Bibliya Imana yatanze amabwiriza areba imibereho itaranganwa umuze.

# 15 - Subiza Isaha Inyuma



18

Kuva mu myaka imirongo, abashakashatsi ku bibazo by’ ubuvuzi bitaye cyane ku mibereho y’ Abayuda batabogama. Umubare w’ ababo bicwa na kanseri uri munsi cyane y’ uw’ abandi; kandi bigaragara ko bahangana gahoro n’ ibirwara bya rutura.
Abo Bayuda baba bafite ibanga karande ribakingira indwara za kirimbuzi zihitana abandi?


19

Biratangaje kumenya ko igihe Abayuda batangiraga kurya indyo ihwanye n’ iy’ ababazengurutse, ibyago byo kurwara za kanseri n’ izindi ndwara byanganaga n’ iby’ abandi.
Ubushakashatsi bwasanze ko ibanga ryabo ryari mu buryo bitaga ku buzima bwabo, mu mirire, no mu mibereho yabo.



20

(Video: iminota10 ) Igihe Imana Yavanaga Abisraeli mu Egiputa,Yabibukije amabwiriza y’ ingenzi ku muze muke. Imaze kugaragaza umugambi wayo ku byerekeye kwitungira amagara, Yatanze isezerano ry’ ingenzi ku bazakurikiza ayo mabwiriza.



21

(Isomo Kuva 15: 26)
“... N’ugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, ugakora ibitunganye mu maso yayo,



22

ukumvira amategeko yayo,ukitondera ibyo yategetse,



23

“nta ndwara nzaguteza muzo nateje Abanyegiputa ;kuko ari jye Uwiteka, ugukiz’indwara”
Kuva15:26.
Kandi yaravuze ati:



24

(Isomo: Kuva 23:25)
“Nuko muzakorera Uwiteka Imana yanyu,nayo izaha umugisha umutsima wanyu n’amazi yanyu.

# 15 - Subiza Isaha Inyuma



25

**Kandi nzakura indwara hagati muri mwe.”**
**Kuva 23:25**
**Mbese birumvikanye?**
**Ni turamuka dukurikiza amabwirije y’Imana, akenshi indwara zishobora kubonerwa insinzi!**
**Iyi ni inkuru ndengakiguzi!**
**Mbega isezerano ritangaje!**


26

**Umunyezaburi yagize icyo avuga kuri iri sezerano,ati:**



27

**(Isomo: Zaburi 105: 37).**
**“Nta munyantege nke n’umwe wari uri mu miryango ye yose.” Zaburi 105:37**
**“Yee,” ushobora kuvuga uti: “ Ahari Abanyegiputa ntibahuje natwe indwara.” Si ko biri!**


28

**Ikipi y’impuguke ziturutse ku isi yose yateraniye mu nzu ibikwamo ibya kera mu ishuri ry’ubuvuzi, i Manshesita (mu Bwongereza) mu mwaka w’1975. Bari bagamije kubaga imirambo yagwengeye y’Abanyegiputa bapfuye mu 1900, mbere y’ivuka rya Kristo.**




29

**(Video y’segonda) Ibyo babonye byarabatangaje. Abanyegiputa ba kera, indwara barwaraga ni kimwe n’izajahaje abo muri iki gihe.**



30

**(Videwo y’amasegonda 6 )**
**Indwara y’umutima,**
**kanseri,**
**indwara z’imiyoboro y’amaraso,**
**rubagimpande,**



31


**(Video y’amasegonda 6) indwara y’Umwijima, tatanosi, trikinozisi, kugagara urwasaya, n’izindi.**

15 - Subiza Isaha Inyuma

# 15 - Subiza Isaha Inyuma


32

**Nubwo Egiputa yari isangano ry’uburezi n’umuco mu isi yo mu gihe cya Mose, mu byerekeye ubuvuzi n’imiti, ubumenyi yagenderagaho busa cyane n’ubuvuzi karande bw’Afurika yo muri iki gihe!**


33


**Mu 1552 Mbere y’Ivuka rya Kristo hasigaye igihe gito ngo Mose avuke, muri  Egiputa hasohotse igitabo cyitwa Papirusi Eberis.**
**Icyo gitabo kirimo urutonde  rw’amoko  y’indwara, ubwandure, insanganya n’imiti ibivura.**
**Muri iyo miti, iyo watinyuka gukoresha niyo mike.**


34

**Mu gihe ihwa ryarigise mu mubiri, umuti wabyo wari ugutsirita amaraso y’urunyo avanze n’amase y’ifarashi ku ruguma.**
**Benshi bapfaga bazize kugagara urwasaya.**
**Uwariwe n’inzoka, yagombozwaga gusuka amazi ku kigirwamana.**


35

**Kuvura uruhara?**
**Ufata ibinono by’ifarashi, uburabyo bwitwa date, hamwe n ‘ibitsi by’imbwa, ukabiteka mu mavuta, maze iyo mvange ukayisiga muri rwa ruhara.**


36

**Bibliya itubwira ko Mose yigishijwe ubwenge bwose bw’Abanyegiputa**
**(Ibyakozwe n’Intumwa 7:22).**
**Mu byo yanditse harimo ibirebana n’isuku, guhabwa akato, isuku ku mubiri, ku byokurya ;**
**ariko nta narimwe yigeze ahingutsa ubuvuzi  buvugwa muri Papyrus Eberisi.**
**Ariya mabwiriza y’ubuzima atangaje Mose yayavanye he?**
**Ku Mana.**


37

**Urwagakara hamwe n’ibibembe, ni byo byago bya rutura byajahaje abo mu Bihe by’Umwijma.**

# 15 - Subiza Isaha Inyuma




38

Amabwiriza ku buzima bw’abaturage, ayo Mose yigishije bamaze kuva mu Egiputa ayakomoye ku Mana, niyo yakumiriye biriya byago.
Abantu amamiliyoni bashoboye kurokoka ibyo byago, bitewe n’uko muri ibyo byago, abavuzi bisunze abakozi b’Imana.





39

Joriji Rozeni yanditze ngo: “Idini ryafashe iya mbere mu buyobozi, mu gihe ubuvuzi bwari bwamangaye budafite icyo gutanga.




40

Umuco wo kwirinda indwara zanduza idini ryawukomoye mu Isezerano Rya Kera...




41

Iki gitekerezo hamwe n’ingaruka zacyo mu buzima bwa buri munsi birasobanuwe neza mu gitabo cy’Abalewi” -Muganga Joriji Rozeni, mu gitabo yanditse cyitwa, History of Public Health, ( Amateka y’Ubuzima bw’Abaturage) ku mpapuro za 63 kugeza 65.



42

Mbega ukuntu biteye isoni gupfa kw’abantu miliyoni 60 bahitanwe n’ibyo byorezo, kandi amabwiiza ya Bibliya ku buzima bw’a baturage atarigeze abura.



43

Imana niyo yahanze imibiri yacu.
Izi uko twakwirinda indwara, tukarind’imibiri yacu ntihungabane. Imana yahaye umuntu umubiri usa na bike, urangwa n’amatwara adapfa gukomwa mu nkokora. Inyinshi mu ngingo zawo tugomba kuzitwararikaho.



44

Imana yaraturemye, kandi izi neza ibikenewe kugira ngo tugire amagara azira umuze.

# 15 - Subiza Isaha Inyuma


45

**Umusore umwe,yafashe amafaranga yari yarazigamye imyaka myinshi, ayagura ivatiri y’igitonore.**


46


**Yari afite agatabo gakubiyemo amabwiriza yatanzwe n’uwayikoze, kugira ngo ishobore gutembera imyaka myinshi, nta nkomyi.**


47

**Yari yarayihenzweho, ku buryo nta cyagombaga kumubuza kuyifata nk’inka imwe; ariko ntiyasomye amabwiriza.**
**Icyari kimuhihibikanije ni uburyo yashoboraga kuvuduka ibirenga mayilo 60 (hafi km 97) mu isaha. Yakundaga kuvuduka no gucakira feri, agerageza imibangukire yayo no kumva uko imipira ijwigira.**


48

**Ari amavuta, amazi, imipira, byamuteshaga igihe, nta mwanya yari yifitiye wo kugira icyo asuzuma muri ibyo byose.**
**Ntiyari uwo guta igihe ku bintu nk’ibyo byoroshye. Icyari kimushishikaje ni ukwicara agacigatira uruziga ruyobora imodoka rwa dirigisiyo akigira aho abenshi barangarira uko avudukana icyo gitonore cy’imodoka.**


49

**Mushobora gufindura amaherezo y’iki gitekerezo. Ntibwakeye kabiri, igaraji ritamuciye akayabo ko kuyikoresha.**
**Uko se niko natwe tugenza umubiri utangaje Imana yaduhaye? Ahubwo mu by’ukuri turashaka gukurikiza amabwiriza twahawe, awureba!**


50

**Kujya mu bitaro rimwe gusa, bishobora gutsemba umutungo wakoreye mu buzima bwawe bwose.**

# 15 - Subiza Isaha Inyuma


51

**Byadufasha gusubira mu murima wa Eden, kugaruka ku irema, no kuzirikana ku byo Imana yabwiye Adamu na Eva byerekeye ku gucunga neza amagara yabo.**
**Ibyokurya byiza bitunganiye umubiri.**
**Icyaha kitaraza mu isi, Imana yahaye Adamu na Eva ibyokurya bitunganye byo guteza imbere ubuzima bwabo.**



52

**(Isomo: Itangiriro 1:29)**
**Dore, mbahaye ibimera byose byera imbuto, biri mu isi yose,**



53


**n’igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo: bizabe ibyokurya byanyu.”**
**Itangiriro 1:29**


54

**Mu mvugo y’iki gihe twavuga yuko bahawe amatunda, impeke, n’imbuto.**


55

**Ibyo ni byabaye ibyokurya byabo.**
**Byongeye kandi Imana yabahaye igiti cy’ubugingo ho inyongezo ngo kibaheshe guhorana itoto n’amagara azira umuze.**
**Adamu na Eva bamaze gucumura, Imana yabatandukanije n’igiti cy’ubugingo kandi kubyo kurya byabo yongeraho imboga.**



56

**(Isomo Itangiriro 3:18)**
**“Na we uzajya urya imboga, zo mu murima.”**
**Itangiro 3:18.**
**Imboga hamwe n’amatunda impake n’imbuto, ni byo byokurya umuntu yagenewe mbere y’umwuzure. Yari indyo yuzuye? Cyanerwose!**
**Wibaze ko mbere y’umwuzure, abantu baramaga imyaka amagana**

# 15 - Subiza Isaha Inyuma



57

(Isomo Itangiriro 5:27)
Metusela niwe warushije abantu bose kurama imyaka myinshi,
“ Iminsi yose Metusela yaramye ni imyaka maganurwenda na mirongo itandatu n’icyenda:arapfa.” Itangiriro 5:27.


58

Nyuma y’umwuzure imyaka y’uburame yaragabanutse cyane.
Shemu mwene Nowa, yaramye imyaka 600.
Umwuzukuru we arama 239. Umwuzukuruza arama 175.
Mu gihe cy’umwami Dawidi, imyaka y’uburame yaramanutse igera kuri 70!
Ibyo byo umuntu yabyita kurindimuka. Si byo se?


59

Ubuzima bw’ibimera bwahungabanijwe cyane n’umwuzure. Nyuma y’umwaka Nowa n’ab’umuryango we bamaze mu nkuge, ibyokurya bibatunga byari bimaze gukendera. Nyuma y’icyo gihe, ni bwo Imana yemereye Nowa n’ab’umuryango we kury’inyama by’amaburakindi. Ibimera cyangwa ibisimba si ko byose byashoboraaga kuribwa Imana yatanze amabwiriza ku byo kurya bibereye umuntu.



60

Habayeho gutandukanya “ inyamaswa zanduye n’izitanduye”. Ndetse Imana yamenyesheje Nowa umubare w’ibisimba bijya mu nkuge hakurikijwe ibice zibarirwamo:



61

(Isomo Itangiriro 7:2)
“Mu matungo yose no mu nyamaswa zose zitazira,ujyanemo birindwi birindwi, ikigabo n’ikigore:



62

No mu nyamaswa zizira, ujyanemo ebyiri ebyiri,ingabo n’ingore.”
Itangiriro 7:2

# 15 - Subiza Isaha Inyuma


63

Bigaragara ko Nowa yari azi inyamaswa Imana yita izanduye cyangwa izitanduye.



64

Bishyize kera, igihe Imana yakuraga Abisiraeli mu buretwa bwo mu Egiputa, yahaye Abisiraeli amabwiriza areba ubuzima bwabo n’uburame bwabo. Mu byo kurya, Imana yerekanye ibisimba byanduye n’ibitanduye:



65

(Isomo: Gutegeka 14:6)
“mu nyamaswa zose mwemererwa kurya icyatuye inzara,



66

ngo kigire imigeri igabanije, kikuza abe ari cyo mujya murya”
Gutegeka 14:6.
Biroroshye gufata aya mabwiriza akubiye mu bintu bibiri: 1) Imigeri igabanije, no 2) kwuza



67

(Video y’amasegonda 14)
Izi ni zimwe mu nyamaswa zitanduye muri rusange hakurikijwe imirongo 4 kugeza 6:
inka, intama, impara, ihene, ifumberi, impongo, inyemera, n’isirabo.



68

(Video y’amasegonda 10) Inyamaswa zihumanye, kandi abantu bakaba bakomeje kuzirya; hakurikijwe imirongo uwa 7 n’uwa 8 harimo:
ingamiya, urukwavu, ingurube, na rockbadger.
Wibuke amabwiriza 2:
Niba inyamaswa ifite ikinono gisatuye, kandi ikuza ishobora kuribwa.
Hariho izuza, ariko zidafite ikinono gisatuye.
Ntizemewe. Ibyo ni ukubyibuka.


69

Urugero, ingurube yatuye inzara;ariko ntiyuza. Ni ikizira rero.
Hari ibyo Bibliya ivugayeruye byerekeye ku ngurube.

# 15 - Subiza Isaha Inyuma



70

**(Isomo: Abalewi 11:7, 8)**
**“N’ingurube, kuko yatuye inzara ngo igire imigeri igabanije ariko ntiyuze ni igihumanya kuri mwe.**



71

**Inyama zazo ntimuzazirye, n’intumbi zaza ntimuzazikoreho. Ni ibihumanya kuri mwe.”**
**Abalewi 11: 7, 8.**
**Inyamaswa nyinshi Imana ibuzanya ziri mu bwoko bw ‘inyacyavu.**
**Mu gutanga aya mabwiriza, ntacyo Imana yatugomwe.**
**Izi izibereye ubuzima bwacu n’ izishobora kutwanduza zidutera indwara.**




72


**(Isomo Zaburi 84:11)**
**“Ntazagira ikintu cyiza yima abagenda batunganye.”**
**Zaburi 84:11.**


73

**Ingurube ni inyacyavu.**
**ibyo ihuye nabyo ibishobotse n’ ibidashobotse, irabiyongobeza; mu masaha make bikaba bihindutse ibiyitunga.**
**Ku nka si ko bimeze.**
**Inzira y ‘ibyo inka zirya ntabwo iromboreje. Ibyo iriye, bigomba amasaha 48 kugira ngo bigere iyo bijya.**
**Inzira ikura imyanda mu mubiri, nayo ntabwo iromboreje ibyo bikayifasha kwisukura mu mubiri.**


74

**Kenshi mu mubiri w’ ingurube habamo udukoko twitwa trikina.**
**Iyo uriye inyama z’ ingurube yatwanduye, igishishwa gipfunyitsemo urwo runyo kirashonga.**
**Maze urwo runyo rugahita rwigira mu rusika rw’ubura, rukahororokera.**


75

utu dukoko twinjira mu mitsi y’amaraso, akadukwiza umubiri wose. Indwara Trichinozisi iiterwa n’utwo dukoko ishobora kuba injyanamuntu, hakurikijwe umubare w’utunyo umuntu aba yariye.
Kenshi abantu bajya bitiranya iyo ndwara na rubagimpande, cyangwa ibyokurya biroze.


76

Kubaga imirambo y’abapfuye kera mu gihe cya Mose, byagaragaje ko abo bantu bari baranduye utwo dukoko two mu ngurube. Imana izi ibirushaho kuba byiza. Reka ibyo tube tubyihoreye, tuvuge ku byerekeye amafi.



77

(Isomo: Gutegeka kwa kabiri 14:9,10)
“Ibi abe ari byo mujya murya mu byo mu mazi byose: igifite amababa n’ibikoko cyose mujye mukirya.




78

Ikidafite amababa n’ibikoko cyose, ntimukakirye ni igihumanya kuri mwe.”
Gutegeka 14:9,10.




79

Birumvikana. Hano naho amabwiriza ni abiri, biroroshye rero kubyibuka.



80

1) Ibifite amababa, kandi



81

2) Bifite ibikoko.
Ushobora kwibaza ku dusimba two mumazi abantu barya, kandi tudafite amababa, haba n’ibikoko cyangwa amaga?

15 - Subiza Isaha Inyuma

# 15 - Subiza Isaha Inyuma


82

Dogiteri Bruce Hallsted ( soma Burusi Holisitedi), wo muri Kaminuza ya Loma Linda, abisabwe n’ubutegetsi yakoze ubushakashatsi ku mafi, ngo yemeze ayo abasilikare bashobora kurya n’ay’uburozi atera indwara.


83

Abakozi bazimiriye mu mazi cyangwa mu butayu bakeneye kumenya amafi yatera indwara, n’amazima. Dogiteri Holisitedi mu gihe yari arangije ubushakashatsi bwe, yemeje ko gahunda abagenda mu mazi bagomba gukurikira ari ya yindi Imana yahaye Abisiraeli mu myaka 3,500 ishize:



84

(Isomo: Gutegeka kwa kabiri 14: 9)
“ Ibi abe ari byo mujya murya mu byo mu mazi byose igifite amababa n’ibikoko mujye mukirya.” Imana izi imitere y’abakera n’iyacu, izi ibyokurya bibereye buri wese n’ibitamubereye.


85

“Hari uwabaza ati: “ Ku byerekeye inyoni se, bite?” Dore amabwiriza y’ingenzi Imana yavuze:



86

(Isomo Gutegeka 14:11,12)
“ Inyoni n’ibisiga bidahumanya mwemererwa kubirya.



87


Ariko ibi ntimukabirye...”
Imirongo 11,12.



88

(Video y’amasegonda 14) Imana itanga urutonde rukurikira: Icyanira, agaca, icyaruzi rutuku, icyiyoni, mbuni, igihunyira, igishondabagabo, uruyongoyongo , agacurama,uko amoko yazo ari.

# 15 - Subiza Isaha Inyuma



89

(Isomo Gutegeka 14:19)
Maze Imana iravuga iti:”Ibigira amababa bikagenza amaguru magufi byose, ni ibihumanya kurimwe; ntimukabirye.”
Ku murongo wa 19.



90

(Isomo: Abalewi 3:17)
Imana yaravuze iti: “ Rizababere itegeko ridakuka mu bihe byanyu byose no mu buturo bwanyu bwose:”



91


Ntimukagire urugimbu cyangwa amaraso murya”
Abalewi 3:17.


92

Abayuda batabogama baracyakurikiza aya mabwiriza kugeza magingo aya.
Igihe bica itungo, babanza kuricurika kugira ngo amaraso atembe avemo.
Hanyuma bakaricoca, bakaritumbika mu mazi arimo umunyu kugira ngo amaraso yaba yasigayemo, akamuke ashiremo.


93

Urugimbu rugombwa kugerurwa, ntiruribwe.
Mu myaka myinshi abantu batekereje ko itegeko ribuza kurya urugimbu Imana yaba yararitanze mu rwego rwo kuziririza imihango.


94

Nyamara ubushakashatsi bwo muri iki gihe bwemeranya n’ubwenge buri mu mategeko y’Imana.


95

Ubu birazwi ko mu maraso hagendamo imyanda, imbuto z’indwara, udukoko dutera indwara, n’indi myanda y’umubiri wigobotora.
Indwara nyinshi zikwirakwizwa zinyuze mu maraso.


# 15 - Subiza Isaha Inyuma


96

Birazwi kandi ko urugimbu rufashe nk’urukomoka ku mata no ku nyama rwongera kolesterol mu maraso -- ariyo imwe mu mpamvu zitera kurwara umutima n’imiheha ikwirakwiza amaraso mu mubiri.
Ni indwara zingana iki zakwirindwa iyaba umuntu yashoboraga kwizera Umuremyi we ahitamo kurya byiza bifasha umubiri!


97

Umwitozo ngororabuzima.
Bibliya ivuga ko Imana imaze kurema Adamu na Eva, yabageneye umurimo bakora. Umwitozo yo kwimara ubute.



98

(Isomo Itangiriro 2:15)
“Uwiteka Imana ijyana wa muntu,imushyira muri iyo ngobyi ngo ahinire ibirimo, ayirinde.”
Itangiriro 2:15


99

Imyitozo - ngororangingo irinda umubiri indwara nyinshi. Umubiri w’inkorabusa uracupira.


100

Imyitozo - ngororangingo igusha neza imitsi n’imiyoboro y’amaraso.


101

Ibihaha birushaho gukora neza bigatunganya umwuka mwinshi, bitavunitse.


102

Umutima urushaho gukora neza; uko uteye, ugasunika amaraso menshi.
Ibakwe ribyara umwuka mwiza ugakwira mu ngingo; maze umubiri wose ukagubwa neza.
Adamu na Eva bamaze gucumura, Imana yatubuye umurimo, maze urushaho kuruhanya.

# 15 - Subiza Isaha Inyuma




103

**(Isomo: Itangiriro 3: 19)**
**Imana iravuga iti: “Gututubikana ko mu maso hawe niko kuzaguhesha umutsima urinde ugeza ubwo uzasubira mu butaka.” Itangiriro 3:19.**
**Yongeyeho ko ubutaka buvumwe, ko buzameramo amahwa n’ibitovu iti “uzajy’urya ibivuye mu butaka ubanje kubiruhira” Umurongo wa 17 n’uwa 18.**


104

**Imana yari izi ko umuntu azakenera imyitozo kandi ko umuntu atabikeneye ku neza y’umubiri gusa, ahubwo ko ibyo bimufasha no kumutsindira impagarara.**
**Hari uwavuze ngo “Ubunebwe, ni inzu umwanzi akoreramo.”**



105

**(Isomo: Kuva 20:9)**
**Imana iravuga iti “ Mu minsi itandatu ujye ukora,abe ariyo ukoreramo imirimo yawe yose.”**
**Kuva 20: 9.**
**Iyaba buri wese yakoraga iminsi itandatu, bishoboka ko baba bananiwe bikababakururira kugwa mu ngorane!**



106

**Imibiri yacu ni insengero z’Umwuka Wera.**
**Turamutse tumenye uko Imana yitaye ku mibiri yacu, natwe twarushaho kuyitaho.**



107

**(Isomo: 1 Abakorinto 6: 19,20)**
**Intumwa Paulo yaravuze ati: “Mbese ntimuzi ko imibiri yanyu ari insengero z’Umwuka Wera uri muri mwe,**



108

**uwo mufite wavuye ku Mana? kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge.**



109

**Kuko mwaguzw’igiciro. Nuko rero mutum’imibiri yanyu ihimbaza Imana.”**
**1 Abakorinto 6:19,20**

# 15 - Subiza Isaha Inyuma


110

Turi ab’Imana kabiri; ubwa mbere kuko yaturemye, ubwa kabiri kuko yaducunguye.
Igiciro Imana yatanze ni igitambo cy’Umwana wayo i Kalvari.
Kubera yuko iby’umuntu yatanzweho ari indenga giciro, yagombye guhimbaza Imana mu byo akora byose.




111

(Isomo: 1 Abakorinto 10: 31)
“Namwe iyo murya cyangwa munywa cyangwa mukora ikindi kintu cyose ,mujye mukorera byose guhimbaza Imana.” 1 Abakorinto10:31.
Umuntu wese ukunda Imana yagombye kwirinda ikintu cyose cyakwangiza cyangwa kikanduza umubiri we.



112

(Isomo 1 Abakorinto 3:17)
“ Umuntu utsemba urusengero rw’Imana, Imana izamutsemba.




113

Kuko urusengero rw’Imana ari urwera,
kandi urwo rusengero ni mwe”.
1 Abakorinto 3:17
Ahari wakwibaza ukuntu umuntu yanduza umubiri we.
Paulo atondeka ibintu byinshi tugomba kwirinda:



114

(Isomo 1 Abakorinto 6:9,10)
“ ... Ntimwishuke, abahehesi cyangwa abasenga ibishushanyo, cyangwa abasambanyi, cyangwa ibitingwa, cyangwa abagabo bendana,



115

cyangwa abajura, cyaangwa abifuza cyangwa abasinzi,
...bene abo ntibazaragwa ubwami bw’Imana.
1 Abakorinto 6:9,10
Bibliya ivuga urutonde rw’amakozere yo gushayisha no gukora ibizira, byangiza umubiri.
Ubusinzi nabwo bubarirwamo.

# 15 - Subiza Isaha Inyuma



116

**(Isomo: Imigani 20:1)**
**Salomo yaranditse ati: “Vino ni umukobanyi, inzoga zirakubaganisha, kandi ushukwa na byo ntagira ubwenge.**
**Imigani 20:1**




117

**(Isomo: Imigani 23:31-33)**
**Byongeye “ Ntukarebe vino uko itukura, igihe ibirira mu gikombe, ikamanuka neza;**



118

**amaherezo iryana nk’inzoka igatema nk’impiri.**



119

**Amaso yawe ukayahanga ku bitariho, kandi umutima wawe ukavuga ibigoramye”**
**Imigani 23 31-33**


120

**Ibisindisha ni bimwe mu ngorane za karahabutaka zibasiye ubuzima.**
**Umubare urenze kimwe cya kabiri cy’impanuka z’imodoka hagaragaye ko ziterwa n’ubusinzi bw’utwaye imodoka, cyangwa bw’umunyamaguru.**


121

**IUmubare urenze kimwe cya kabiri cy’ubwicanyi ukomoka ku businzi bwa bene ubwite bombi cyangwa bw’umwe muri bo!**


122

**Ibisindisha by’inzoga bigwabiza ubushobozi bw’umubiri bwo gukoresha vitamini, kandi isukari iba mu binyobwa bisindisha no muri byinshi mu bidasindisha igwabiza ubushobozi bw’umubiri bwo kurwanya indwara.**

# 15 - Subiza Isaha Inyuma



123

**Ibisindisha byongera urugimbu ku mwijima bigahuta abahitanwa n’urushwima.**
**Uburambe bw’ubuzima bugabanukaho nibura imyaka 12.**
**Kandi ukurikije ibarura rya vuba aha, umwe muri buri bantu 10 wirenza ikirahuri cya mbere atwarwa n’inzoga agahinduka rubundakumazi.**



124

**Ubushakashatsi bwa vuba aha, bwerekanye ko hari utunyabuzima two mu bwonko dupfa igihe cyose ibisindisha byinjiye mu maraso kandi ko iyo ababyeyi b’abagabo**



125

**n’abagore babo ari ba kanyota, babyara abana badashobotse bavukana ubusembwa kuruta abana bavuka ku babyeyi batanywa inzoga.**
**Ariko ku bakristo, gukoresha ibinyobwa by’inzoga bigira ingaruka zirenze.**



126

**Abakristo bakeneye imbaraga zuzuye z’ibitekerezo zibashoboza guhangana n’ibigeregezo bya Satani.**
**Ntacyo bagurana ibitekerezo bizima n’ubwenge bubashoboza gutandukanya icyiza n’ikibi.**



127

**Ku musaraba ,Yesu yanze ikinyobwa kimugusha ikinya abasirikari bamuzaniye.**




128

**Nubwo yababaraga birenze kamere ,Yesu yarinze apfa ataremera icyo aricyo cyose cyayobya ubwenge bwe.**

# 15 - Subiza Isaha Inyuma


129

**Hari iyindi migenzo igwa nabi ubuzima.
Abanywi b’itabi bafite urugero rwo hejuru rwo kwicwa na kanseri y’ibihaha kurusha uko yica abatarigeze barinywa.
Kandi Kanseri si yo yonyine yica ivuye ku itabi.
Urugero rw’abanywi b’itabi bicwa n’indwara y’umutima ni 103 ku ijana ugereranije n’abatarigeze barinywa by’itetu.**


130

**Buri mwaka, indwara zifata imyanya y’ubuhumekero mu bihaha zihitana abantu ibihumbi 55.000!
Uburozi Nicotine buba mu itabi butera imitsi ijyana maraso meza gukanyarara.**


131

**Uruhurirane rw’urugimbu no gukanyarara ku imitsi bizonga imiyoboro y’amaraso ntishobore kugeza amaraso aho akenewe. Akabumbe kamwe k’amaraso karahagije kwitendeka ahantu, kugira ngo umuntu agwe amarabira.**


132

**Uburwayi butewe no kugabanuka k’umwuka mu bwonko bwibasira mbere na mbere abanywi b’itabi.**


133

**Itabi ku bagore batwite ryangiza imiyoboro y’amaraso ku bana babari mu nda.
Urugero rw’Impinja zipfa rurenga 27 ku ijana mu mpinja zivuka ku bagore banywa itabi ugereranije n’abatarinywa.**


134

**Umwaka ushize , muri Amerika honyine , itabi ryo mu isegereti ryirengeje abantu ibihumbi 500,000.**



135


**(Isomo: Kuva 20:13)
Imana yaravuze iti: “Ntukice.”
Kuva.20:13
Abantu biyicisha ibyo barya cyangwa banywa bangana iki?**

# 15 - Subiza Isaha Inyuma



136

Hari uwavuze ngo mu bikurankota bifasha abantu kwiyahura, ibyuma, amakanya n’ibiyiko ni karahabutaka.
Ahari umuntu yakongeraho ibirahuri n’amacupa!




137

Kafeine ariwo muti uboneka mu ikahwa, ibitabo bimwe biwubarira mu bitera imbaraga no mu birimo ubumara. Muganga Harolidi Shiriyoki yabyanditse mu gitabo cyitwa You and your Health, (Wowe n’Ubuzima Bwawe) Umuzingo wa. 1, urupapuro rwa 413.




138

Mu cyayi no muri kola harimo kafeyine. Ibi binyobwa byose bigira uruhari mu guteza indwara y’umutima, indwara zifata imitsi yumva, na kanseri yo mu ruhago.



139

Uramutse ubonye umuntu winyabya kenshi na kenshi mu kindi cyumba ajyanwe no kwiteramo inshinge z’utubuto twa kafeyine watekereza ko yataye umutwe. Ariko se ni bangahe bakora ibisa bityo biyuhira ibyayi by’ikahwa, bataretse n’ibinyobwa biva kuri kola.





140

Kwirinda nyakuri, ni ukuzibukira icyo ari cyo cyose cyangiza, no gukoresha mu rugero, icyitwa icyiza.



141


Hariho abantu bipakiramo ibintu byiza ariko birengeje urugero!
Ibi biratwerekeza ku kindi kibazo cy’ubuzima kibangamiye benshi kuri iyi si .




142

“Hari uwavuze ko urugimbu rwo ku mubiri rungana n’ipawundi (hafi nusu kilo), rukeneye imitsi rwiramburaho ifit’uburebure bwa kilometero yose.

# 15 - Subiza Isaha Inyuma



143

kandi umutima ukaba ugomba gusunika amaraso mu miyoboro ifite ubwo burebure bw’akarenga.”
--Byavuzwe na Harold Shryock, Umuganga w’umudogiteri mu gitabo You and your Health, (bisobanura “ Wowe n’Ubuzima Bwawe”) umuzingo wa mbere ku rupapuro rwa 395.


144


Umutima, impyiko, umwijima n’ibihaha by’abantu ba nyamunini, bikora kurenza urugero.
Hari indwara 16 ba nyamunini bihariye kurusha bagenzi babo bafite umubyibuho uri mu rugero.


145

Imana ishaka ko twita ku mibiri yacu, kugira ngo twishimire ubuzima butaranganwa umuze.
Ishaka ko tuba abantu bazi icyobakora bashyira mu gaciro, kandi banezerewe.
Ishaka ko tugira ubuzima buzira umuze.
Kurama no kugira ubuzima buzira umuze biterwa nuko dukurikiza amabwiriza y’Imana.


146

Kuruhuka no kunanura ingingo
Yesu yemeraga ibiruhuko, no kwiyufura jugujugu
Nyuma y’umunaniro na rwserera bari biriwemo mu baturage, Yesu yabwiye abigishwa be ati:



147

(Isomo: Mariko 6:31)
“Muze mwenyine ahiherereye,aho abantu bataba, muruhuke ho hato.”
Mariko 6:31
Yesu ashima ko nyuma y’umurimo twajya dufata igihe cyo kuruhuka no kunanura umubiri.



148

Ni yo mpamvu yaduhaye Isabato.
Imana izi ko dukeneye kwibagirwa imihati y’imirimo duhoramo, tukamarana nayo igihe runaka.

# 15 - Subiza Isaha Inyuma


149

Igihe ufata ngo wikinge jugujugu ya buri munsi si mu Butayu ukeneye kujya kuruhukiramo. Nubwo hashobora kugushimisha mu bihe runaka by’umwaka. Ushobora guhitamo ahantu mu misozi hitaruye, aho ibiti birebire n’ibiyaga bifukuye bishobora kugarura ihumure mu mutima wawe.


150


Uko byamera kose ukeneye kujya ahantu hitaruye rwaserera n’urusaku rwo mu migi no mu mihanda. Ahantu hagushimisha, ntukahigomwe!


151

Ni byo, Imana ishaka ko iwacu haba ijuru rito.
aho twitegurira kuzaba mu isi nshya, aho indwara zajahaje iyi si zitazarangwa na mba.


152

Wavuga rero uti “ibyo ndabishimye.” “Nifuza kuzabayo ariko ndacyafite utugeso ntarashobora gutsinda.”
Uyu munsi tugufitiye inkuru nziza.
Imana ntigutezeho kubyishoboza.



153

(Isomo: Yohana 15:5)
Yesu yaravuze ati: “Ntacyo mubasha gukora mutamfite.
Yohana 15:5.
Ntitwakwishoboza gutsinda ibyo twamenyereye gukora n’imbaraga zacu.
Umukiza wacu arahari.
Arashaka kudutabara!
Paul yamenye ibanga ryo gutsinda.



154

(Isomo: Abafilipi 4:13)
Yaravuze ati: “Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga.”
Abafilipi 4:13.

# 15 - Subiza Isaha Inyuma


155

Umugoroba umwe, umugore wari mu materaniro nk’aya turimo yaganiriye na Pastoro wari wamusuye, bavugana ku byo kugaruka mu muryango w’Imana. Arasubiza ati; “Byanshimisha, ariko sinabishobora; kubera itabi.” Pastoro amuhamagara mu izina niko kumubaza ati:”wizera ko Yesu Akwifuriza gutsinda iyo ngeso?” Undi ati rwose, ariko sinabishobora , nta ntege mfite.
Pasitoro ati: Wakunda ko ngusomera muri 1 Yohana 5:14 havuga ngo,
“Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye, ni uko atwumva, iyo dusabye ikintu nkuko ashaka.”
Pasitoro aramubaza ati, “None se Mariya, wizera ko ushobora kuva ku itabi?”
Mariya ati, “Oya.”
Pasitoro ati, “ Ni byiza, “kuko Bibiliya ivuga iti, “iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye.” None se “kwizera kuboneka he?”
Mariya arasubiza ati: “Muri We.”

# 15 - Subiza Isaha Inyuma


156

Pasitoro yongera gusoma iryo somo ati, “Turamutse dusabye icyari cyo cyose uko Ibishaka, uretse kureka kunywa itabi, Iratwumva.”
Maze ahindukirira Mariya amubaza ati wemera ko iryo somo ryandikwa muri Bibliya yawe?
Undi ahakana avuga ati, “Sinifuza guhindura Bibliya.”
Pastoro ati “Mbese Imana Ikwifuriza kuva ku itabi?.
Undi ati, “yego”, Ntiyabihakana.
Pastoro ati wasaba Yesu mwiherereye akaguha imbaraga yasezeranye?
Undi arabyemera.
Arongera ati mfite ikindi kibazo kimwe.
Ati none se byashoboka kumenya igihe izo mbaraga yasezeranije zizabonekera? Bizafata icyumweru kimwe, ukwezi, amezi atatu? Iyo mbaraga izakuzaho ryari?
Nuko babumbura mu gitabo cya Yohana 1:12 , havuga ngo:
“Icyakora abamwemeye bose, bakizer’izina rye, yabahay’ubushobozi bwo kub’abana b’Imana.”
Pasitoro ati “muri uyu mugoroba, tubonye ko ushobora kwizera Yesu.: “noneho tubonye ko ushobora kwiringira Yesu. Tubonye ko ibyo dusabye mu izina rye Azabiduha. Kandi tuzi ko ko Ashaka ko wareka itabi. Twabonye kandi ko uko wamwakiriye ari nako uribwakire imbaraga.”


157

Yagufasha kugira ubuzima bwuzuye, buzira umuze ahubwo burangwa n’ibyishimo, ubu, hano kw isi, kandi ukaba wizeye ubugingo buhoraho mu isi izaba yagizwe nshya.
Rambura amaboko umusange. Arakwakiza yombi.

# 16 - Gutangira Bundi Bushya




1

Ushobora kongera ugatangira



2

(Videwo y’amasegonda 10) Muri Wererwe mu mwaka wa 1992, Umubwirizabutumwa w’Umukristo yakoreshej’amavuna i Moscou mu nzu-mpuzaruhame i Kremlin.
Rimwe nyuma y’amateraniro, umubwiriza butumwa yari yicaye mu cyumba gito cy’ibiro bye ako kanya urugi rurakinguka


3

Umusore ureban’ikizizi w’ubwanwa busakaye akananwa,yinjiranye amashagaga n’igikabyo mu biro.
Umubwiriza amubony’asubir’inyuma yibwira ko atewe.
Umurusiya umusobanurira araza abahagarara hagati.
Nuko muri ako kanya uwo musor’atangira asunguza amaboko, avug’ahimbawe mu rurimi rw’Ikirusiya.
Usobanura avuga ko uyu mugabo yari umwe mu bagizi ba nabi kabuhariwe w’i Moscou.
Yahoraga afungwa avamo asubiramo  inshuro 28 zose.
Azabiranijwe n’ibibi yakoze, abuz’ibyiringiro by’ahazaza, yifuzaga cyane kugira amahoro.
Umubwirizabutumwa asomana ituze isomo ryo mu 1 Yohana 1:9 havuga ngo: “Ariko ni twatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu.”
Umubwirizabutumwa abwira uwo mugabo  wari uhangayitse igitekerezo cy’igisambo ku musaraba cyababariwe.
Amwizeza ko “Yesu Akiri Umukiza kugeza na bugingo nubu.
Atanga imbabazi. Arabohora. Atanga agakiza. Kakire! Ukanezezererwe! Ubishimire Imana!”
Nuko uyu mugabo w’Umurusiya apfukama amarira amutemba mu maso, maze yakira imbabazi z’Imana.

# 16 - Gutangira Bundi Bushya


4

**Hashize hafi umwaka, Umubwirizabutumwa atembereye i Moscou.**
**Ubwo yasengag'Imana hamwe n'itsinda ry'abizera mu rusengero rwari rukimara guhangwa, abona wa mwicanyi wihannye ari kuririmba mu ishyirahamwe ry'abaririmbyi.**


5

**Mu maso y'uwahoz'arumwicanyi hagarazaga amahoro y'umutima. Uwo mugabo yarabagiranishwaga n'ibyishimo. Yari yarakiriye Yesu. Inyigisho za Bibiliya zari zarahinduy'ubuzima bwe, maze akurikira Yesu mu mubatizo wemerwa na Bibiliya.**
**Umubatizo wa Bibiliya ni ikimenyets cy'ubuzima bwahinduwe n'ubuntu bw'Imana. Umubatizo ugaragaza ubuzima bushya umuntu ab'atangiye muri Yesu Kristo. Umubatizo uvug'iby'ubuzima buhindutse.**
**Igitekerezo cya Sauli nyuma waje kub'intumwa Paulo ni rumwe mu ngero zikomeye z'ihinduka rikaze Yesu Ashobora guhindura mu buzima bw'umuntu.**


6

**Nubwo Sauli yari Umuroma kavukire, yari yaranigishijwe n'abigisha b'i Yerusalemu barut'abandi.**
**Sauli yagiriraga ishyaka ryinshi idini ry'Abayuda, kandi yari azwiho kurwanira ukwizera kwabo ashikamye.**



7

**Sauli-- wamaze kwihana izina rye rikaba Paulo-- avuga ubwe ibyo yakoraga ngo atsembe Abakristo.**



8

**(Isomo: Ibyakozwe n'Intumwa 22:4, 5)**
**"Kandi narenganyag'ab'iyi Nzira ya Yesu, ngo bicwe, nkababoha nkabashyira mu nzu y'imbohe, abagabo n'abagore...**



9

**"...njyanw'i Damasiko no kuzana n'ab'aho i Yerusalemu ar'imbohe, kugira ngo bahanwe." Ibyakozwe n'Intumwa 22: 4, 5.**

# 16 - Gutangira Bundi Bushya





10

Ubwo yari mu nzira agan’i Damasiko, Umucyo urabagirana umurika uva mu ijuru, umugusha hasi.



11

(Isomo: Ibyakozwe n’intumwa 22:7, 8)
Yumv’ijwi rivuga riti, “...Sauli, Sauli, undenganiriz’iki?”



12

Nuko arasubiza ati, Uri nde, Mwami?
Maze ijwi rirasubiza riti,



13

“Ndi Yesu w’i Nazareti, uwo urenganya:”
Ibyakozwe n’Intumwa 22:7, 8.



14

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 22:10)
Umwibone w’Umufarisayo abaz’Umwami yicishije bugufi ati, “Ngire nte, Mwami? Umwami arasubiz’ati...” Haguruka ujy’i Damasiko,



15

ni h’uzabwirirwa iby’ugenewe gukora byose.”
Ibyakozwe n’Intumwa 22:10.


16

Sauli yahumishijwe n’ubwiza bw’uwo mucyo, ararandatwa ajyanywa mu nzu i Damasiko.

# 16 - Gutangira Bundi Bushya


17

**Mu mins’ itatu, Sauli yagiz’ igihe cyo gutekereza ku mibabaro n’ ingoyi yatej’ abantu b’ Imana, n’ ibihe yamaze avuga ko Yesu Atari Mesiya kandi ko abayoboke be bar’ inkurikizi gusa.**
**Muri uko guhamya abantu b’ Imana akanabashinja ibinyoma, anariko arwahanya Umukiza w’ abari mw isi!**
**Mbega agahinda mu mutima Sauli agomba kuba yaragize yimenyeho ibyo yakoze.**
**Sauli yari afite igihe cyo kwigorora yihuza n’ Imana ye.**


18

**Yamaze gatatu ari mu mwijima w’ icuraburindi, maze Imana Imwohererez’ umuhanuzi witwaga Anania. Nuko Anania abwira Sauli ati,**



19

**(Isomo: Ibyakozwe n’ Intumwa 22:13-15)**
**“...Sauli mwene Data, humuka. Uwo mwanya ndahumuka, ndamureba.**



20

**Aravug’ ati: Imana ya basogokuruza yagutoranirije kera kumenya iby’ ishaka,**



21

**no kubona wa Mukiranutsi, no kumva ijwi riva mu kanwa ke.**



22

**kuko uzab’ umugabo we wo guhamiriz’ abantu bose ibyo wabonye n’ ibyo wumvise.” Ibyakozwe n’Intumwa 22:13-15.**
**Maze, kugirango Sauli ater’ intambwe ajy’ imbere mu buzima bwe yibagirwe ibyahise,**

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



23

**(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 22:16)**
**Anania abwira Sauli ati, “Non’ikigutinza n’iki? Haguruka ubatizwe, wiyuhagire ibyaha byawe,**



24


**wambaje izina rye.”**
**Ibyakozwe n’Intumwa 22:16.**


25

**Ubu nibwo buryo Sauli yomatanye ‘Imana ye by’iteka. Kuri Sauli, umubatizo niwo war’inzira igana ku buzima bushya.**
**Sauli yagombaga kuhagirwa akezwa ibibi bitey’ubwoba yari yarakoreshejwe n’ishyaka yari afitiye idini.**
**Yarakeneye kwezwa. Yarazi kw’akeneye ubuntu butangaje bw’Imana n’imbabazi zayo.**


26

**Igihe yabatizwaga, yamenye kw’Imana Yamubabariye. Kandi Sauli, warenganyaga yaje kwitwa Paulo, umurwanashyaka wa Yesu mu buzima bwe bwose!**


27

**Hari ubwo wigeze wifuza kongera kwivugurura ngo utangire bundi bushya kandi ngo amakosa yose wakoze mu gihe cyashize ahanagurwe?**




28

**(Videwo y’amasegonda 8) Imana yari Izi ko twese dukeneye kumenya ibyo bintu, nuko Ishyiraho umubatizo ngo ube ikimenyetso kitwuzuza na Yo uhereye icyo gihe tukibatizwa: Gutangira bundi bushya - ubuzima bushya muri Yesu.**
**N’iki kindi gisumbyeho cyari gushushanya gupfa ku cyaha n’itangiriro ry’ubuzima bushya kurusha umubatizo wibiza - umuntu akavikwa mu mazi?**

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



29

Umubatizo wa Gikristo uturuka kuri Yohana Umubatiza, umuhanuzi utarakeberaga mu mano wabaga mu butayu bw’i Yudaya abwirizag’ashiz’amanga, abwir’abantu kwihana. Amayira yose ajya ku mugezi Yorodani yari apfukiranye yuzuy’abantu bajyaga kumuteg’amatwi.



30

(Isomo: Matayo 3:5, 6)
Bibiliya igir’iti, “Maze ab’i Yerusalemu n’ab’i Yudaya yose no mu gihugu cyose giteganye na Yorodani, bose barahaguruka bajya aho ari.



31

ababatiriza mu ruzi rwa Yorodani, bavuga ibyaha bakoze.”
Matayo 3:5, 6.


32

Yesu nawe yafunze urugi rw’ibarizo rye nuko asezera kuri nyina agana inzira ijya kuri Yorodani.
Ubwo Yohana yakebukaga agakubita Yesu amaso, yaramumenye ahita ahagarika ibyo kubwiriza.




33

(Isomo: Yohana 1:29)
Yohana avuga ibya Yesu ati, “...Nguyu Umwana w’intama w’Imana, ukuraho ibyaha by’abari mu isi.” Yohana 1:29.


34

Yohana yamenye Umwana w’Intama w’igitambo nyakuri wagomabaga gupfira ibyaha by’abantu bose bazemera igitambo cye.
Igihe Yesu Yamusabaga kumubatiza, Yohana yarashidikanyije.



35

(Isomo: Matayo 3:14)
Yohana aravuga ati, “Ko ari jye wari ukwiriye kubatizwa nawe;...” Matayo 3:14.

# 16 - Gutangira Bundi Bushya




36

(Isomo: Matayo 3:15)
Nyamara Yesu Yarabimuhatiye Ati,”...Emera ubikore! kuko ari byo bidukwiriye, ngo dusohoze gukiranuka kose...” Biri ku murongo wa 15.
Yohana yamenye ko Yesu Atari Yarigeze akora icyaha ngo Yihane.
Kandi mu by’ ukuri Yesu ntiyari akeneye kwerekana ukwizera Yari afitiye umuzuko we bwite!



37

Yesu yasabye kubatizwa kuko yashakaga kumera nk’ umuntu.
Yashakaga kudusigir’ urugero rwuzuye rwo kwigana.
Nuko Yohana avika Yesu mu mugezi wa Yorodani, kuko icyo nicyo ijambo kubatiza risobanuye.




38

(Isomo: Matayo 3:16, 17)
Bibiliya igir’ iti,”Yesu amaze kubatizwa, uwo mwany’ ava mu mazi: ijuru riramukingukira,




39

abon’ Umwuka w’ Imana amanuka, asa n’ inuma, amujyaho.



40

“maze, ijwi rivugira mu ijuru riti: Nguy’ Umwana wanjye nkunda nkamwishimira.”
Matayo 3:16, 17.
Ku mababa y’ inuma, Imana Yohereje urukundo rwayo n’ amagambo yo gukomeza Yesu, ariko hari n’ ikindi Imana Yakoze.



41

Ubwo Yesu Yasohokaga mu mazi ahagaze ku nkengero y’ amazi yanduye ya Yorodani imyenda Ye ikijojoba amazi, Imana Yerekanye mu ruhame ko Yesu Ar’ Umwana We- Uwasizwe.
Umubatizo wa Yesu ni wo wakomy’ imbarutso yo gutangira umurimo we kubwiriza mu ruhame, nkuko Petero abivuga,

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



42

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 10:38)
“...n’irya Yesu w’i Nazareti, uko Imana yamusutseho Umwuka Wera n’imbaraga,



43

akagend’agirir’abantu neza, agakiz’abo Satani atwaz’igitugu, kuko Imana yari iri kumwe na we.”
Ibyakozwe n’Intumwa 10:38.
Yesu ubwe ntiyabatizaga, Bibiliya itubwira ko ari abigishwa be babatizaga:



44

(Isomo: Yohana 4:1, 2)
“Abafarisayo bumvise ko yigisha, kandi abatiza benshi, arusha Yohana,



45

icyakora Yesu ubwe si we wabatizaga, ahubwo n’abigisha be.”
Yohana 4:1, 2.
Reba Itegeko rya nyuma ryanditse Yesu Yavuze mbere yuko azamurwa mu ijuru:



46

(Isomo: Matayo 28:19, 20)
“Nuko mugende muhindur’abantu bo mu mahanga yos’abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n’Umwana n’Umwuka wera.



47

mubigisha kwitonder’ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y’isi.”
Matayo 28:19, 20.


48

Wenda uribaz’umubatizo abayoboke ba Yesu babatizwaga nyuma Yesu Amaze gusubira mu ijuru. Nta gushidikanya bakurikij’urugero rwa Yesu, kuko bar’abigishwa be.

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



49

(Isomo: Abefeso 4:5)
Paulo, umwe mu bayoboke b’ishyaka ryinshi avuga ko “Harih’Umwam’umwe no kwizera kumwe n’umubatizo umwe.”
Abefeso 4:5.



50

Umubatizo umwe uvugwa binonosoye wabaye nyuma yo kubambwa tuwubona mu Gitabo cy’Ibyakozwe n’Intumwa - umubatizo wayobowe n’umubwiriza-butumwa Filipo.


51

Ubwo Filipo yagendaga mu kayira k’ibitaka kagan’i Gaza, Yabony’umubitsi w’imari y’umugabekazi Kandake, warushinzw’imari ye yose.
Yari akubutse i Yerusalemu gusenga.


52

Yarasubirag’iwabo, yicaye mu igare rye kandi asoma mu muzingo..
Filipo yirukanka agana kur’uyu mugabo amubaza niba




53

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 8:30, 31) amubaza niba yarumvag’ibyo yasomaga. Umubitsi w’imari asubiza vuba ati,



54

“Nabibasha nte, ntabonye ubinsobanurira?”.


55

Yinginga Filipo ngo yurire bicarane mu igare rye.
Filipo arebye abona uwo mugabo asoma muri Yesaya mu gice cya 53.
Umunyetiyopiya asaba Filipo kubimusobanurira. Icyo gice kivuga iby’ubuzima bwa Yesu no kubambwa kwa Mesiya mu buryo bunonosoye.

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



56

**(Isomo: Ibyakozwe n’ Intumwa 8:35)**
**Bibiliya igir’ iti,”Filipo aterur’ amagambo, ahera kur’ ibyo byanditswe, amubwir’ ubutumwa bwiza bwa Yesu.”**
**Ibyakozwe n’ Intumwa 8:35.**


57

**Mbeg’ uko icyo cyigisho cya Bibiliya, basimbagurika muri iyro gare byari bimeze!**
**Filipo ntiyavuze gusa ibya Yesu, ahubwo uko bigaragara yanaboneyeho no gusobanura icyo umubatizo ari cyo, kuko Bibiliya ivuga ko bakigenda bageze ku kidendezi cy’ amazi maze Umunyetiopia akabwira Filipo ati,**



58

**(Isomo: Ibyakozwe n’ Intumwa 8:36, 37)**
**“...Dor’ amazi, ikimbuza kubatizwa n’iki?”**
**Ibyakozwe n’ Intumwa 8:36.**




59

**Filipo arasubiz’ ati, “Niba wizeye mu mutima wawe wose, birashoboka.”**



60

**Nuko Umunyetiopiya arasubiza ati, “Nizeye Yesu Kristo ko ari Umwana w’ Imana.”**
**Igice cya 37.**



61

**(Isomo: Ibyakozwe n’ Intumwa 8:38)**
**“Umunyetiopiya ategeka ko bahagarik’ igare, baramanukana bajya mu mazi bombi, Filipo n’ umunyetiopiya w’ inkone, arayibatiza.”**
**Filipo yibiza mu mazi Umunyetiopiya w’umubitsi w’ imari, nkuko Yohana yibije Kristo.**



62

**(Isomo: Ibyakozwe n’ Intumwa 8:39)**
**“Bavuye mu mazi, Umwuka w’ Imana ajyana Filipo,**

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



63

**...nuko ikomeza kugenda inezerewe.”**
**Ibyakozwe n’ Intumwa 8:39**


64

**Uko niko bigenda iyo duhamby’ ubuzima bwa kera bw’ icyaha maze tugatangira ubuzima bushya muri Kristo.**
**Biragaragara ko kwibiza bwari bwo buryo umubatizo wakorwagamo mu itorero rya mbere rya Gikristo.**



65

**Mu by’ ukuri, nta gihamya kigaragara mu Isezerano rishya ry’ ubundi buryo umubatizo wakorwagamo.**
**Aha hari amafoto y’ aho babatirizaga (twita Yorodani) mu rusengero mu Bufilipi mu kinyejana cya mbere.**
**Abahanga mu by’ amateka y’ itorero rya mbere n’ iby’ abahanga basuzuma ibya kera babonye**


66

**byombi byerekana ko kwibiza ari bwo buryo bwakoreshwaga mu mubatizo kugeza mubinyejana bya 12 na 13.**




67

**Karidinali James Gibbons yarandits’ ati:” Mu binyejana byinshi nyuma y’ ishyirwaho ry’ umubatizo wa Gikristo wakorwaga mu buryo busanzwe bwo kwibiza;**



68

**ariko kuva mu kinyejana cya 12, kubatiza baminjagir’ amazi bihabw’ intebe mu itorero Gatolika,**



69

**kuko ubu buryo bwo kubatiza bwitabirwaga kurush’ umubatizo wo kwibizwa...**

# 16 - Gutangira Bundi Bushya




70

**Ubu buryo bworoshye bwo kubatiza bwatey’Itorero amakenga maze bukajya bukoreshwa hakurikijwe igihe n’ahantu bukorewe.**



71

**Muri iki gihe, ba Mukerarugendo benshi basura urusengero rwa Mutagatifu Yohana ruri mu matongo y’umugi uvugwa na Bibiliya wa Efeso muri Turukiya. Uru rusengero rwubatswe ngo rub’urwibutso rwa Yohana, umwigishwa.**
**Ah’abatirizwaga (Yorodani) hari hateye amatsiko, hafite ishusho y’uruziga na ...umurongo ugabany’urwo ruziga mo imigabane ibiri ingana, n’...ibujyakuzimu, ifite ingazi zijyana hasi hasize impande zombi.**




72

**Abantu benshi bumvise iby’inzogera y’umunara wa kera imbere ya Katedarali ya Pisa mu Butaliyani, izwi cyane ku izina ry’Umunara Uhengamye wa Pisa.**




73

**Kathedrali n’Umunara uhengamye biri hamwe n’aho babatiriza, inyubako ya muviringo irimo**



74

**ikidendezi gifite ubunini...**
**n’ubujyakuzimu...cyubatswe mu kinyejana cya 14. Nyuma y’imyaka igihumbi na maganatatu (1300) Kristo ajyanywe mu ijuru, uburyo bwo kubatiza bwari bukiri ubwo kwibiza!**




75

**Hari za Katedrali nk’izo nyinshi mu Burayi zifite ibidendezi byo kubatirizamo.**
**Mu Butaliyani ubwaho hari mirongwitandatu n’esheshatu, zikaba zarubatswe hagati y’ibinyejana bya kane n’icya cumi na kane.**




76

**Ariko s’umuhango wo kubatiza ufite gaciro ki?**

# 16 - Gutangira Bundi Bushya




77

Mbese koko ni ngombwa kubatizwa?





78

(Isomo: Yohana 3:5)
Yesu Arabasubiz’Ati,”N’ukuri, n’ukuri, ndakubwira yuk’umunt’utabyawe n’amazi n’Umwuka,




79

atabasha kwinjira mu bwami bw’Imana.”
Yohana 3:5.



80

Aha Yesu Avuga kubyarwa n’amazi, byerekeza ku mubatizo nkuko tuza kubibona nyuma, ni ngombwa kugira ngo winjire mu ijuru.




81

Yesu ntiyavuze aya magambo ahamye inshur’imwe gusa.
Reb’ukuntu Abivuga na none muri Mariko 16:16:




82

(Isomo: Mariko 16:16)
“Uwizer’akabatizwa, azakizwa.”
Mariko 16:16.
Intambwe ya mbere yo gutegura umubatizo wemewe na Bibiliya n’ukwizera ko Yesu Kristo yapfiriy’ibyaha byawe kandi ko ar’umukiza wawe n’Umwami.



83

Filipo yeruriye Umunyetiopiya iby’uku gukenera kwizera kwimazeyo.
Ubw’Umunyetiopiya yabazaga Filipo niba yarashoboraga kubatizwa, Filipo yagiz’ati,

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



84

**(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 8:37)**
**“...Niba wizeye mu mutima wawe wose, birashoboka.” Ibyakozwe n’Intumwa 8:37.**

---



85

**(Isomo: Matayo 28:19)**
**Yesu Abwir’abigishwa be intambwe ya kabiri,**
**“ Mugende...mwigish’amahanga yose, mubabatiza.”**
**Matayo 28:19.**
**Kwigisha bibanziriza umubatizo.**

---



86

**(Isomo: Matayo 28:20)**
**Yesu Avuga ko uwitegura kubatizwa agomba kwigishwa “ ...kwitonder’ibyo nababwiye byose...” Matayo 28:20.**

---


87

**Mu yandi magambo, umuntu witegura umuhango wera w’umubatizo akeneye kumva inyigisho za Yesu akanazemera. Ariko, hakenewe ibisumbye ubumenyi ubu bujyana n’iby’idini.**

---



88

**(Isomo: Matayo 28:19)**
**“Nuko mugende muhindur’abantu bo mu mahanga yos’abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n’Umwana n’Umwuka wera.”**
**Matayo 28:19.**
**Hagomba kubah’kwiyegurira Kristo. Iy’umuntu yiyunze na Yesu, ubusanzw’atangira kubaho nka Yesu. Ntab’agishaka gukora ikint’icyari cyo yose Yesu atemera!**

---


89

**Intambwe ya gatatu n’ukwihana. Petero agir’ati,**

# 16 - Gutangira Bundi Bushya




90

**(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 3:19)**
**“ Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe.”**
**Kwihana bisobanura k’umuntu yicuza mu mutima kubw’ibyahabye maze akabivamo akabitera umugongo.**



91

**Ibi bishobora kuva gusa ku mutima wagez’i Kaluvari - umutima wanyuzwe kandi ukoroshywa n’igitambo cyatambiwe ku musaraba ngo kidukiza ibyaha byacu.**




92

**Reka muri make dusubire muri izi ntambwe zitegura umubatizo;**




93

**1. Mbere yuk’umunt’abatizwa, agomba kwemera Yesu nk’Umukiza n’Umwami.**



94

**2. Mbere yo kubatizwa, umunt’agomba gusobanukirwa n’inyigisho za Yesu kandi akifuza kumukurikira.**



95

**3. Agomba kwicuza kandi akihan’ibyaha.**


96

**Bishoboka ko wigeze rimwe kwifuza guhindur’ubuzima bwawe ngo urusheho kubaho neza - nyamara ntiwamenye uko wabigenza.**
**Ukurikiye izi ntambwe eshatu zitegura umubatizo, ushobora guhinduka umuntu mushya by’ukuri-bikuvuye ku mutima bikagaragarira hanze.**
**Ushobora guhinduka ubifashijwe n’imbaraga z’Imana, ukabyarwa ubwa kabiri, kandi ugahindukira.**

# 16 - Gutangira Bundi Bushya


97

Rimwe na rimwe abantu barabaza bati, “Iyo mbatijwe, mbese mba umwe mu b’itorero?
Cyangwa se mba mbatijwe gusa muri Yesu?”
Bibiliya itwigisha k’umubatizo muri Kristo ari umubatizo wo mu mubiri wa Kristo, ar’iryo torero.
Ubw’imbaga y’abantu babatizwaga kuri Pentikote, Bibiliya yemeza ko,



98

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 2: 41, 42)
“Nuko abemeye amagambo ye barabatizwa: abongewe ku basanzwe kur’uwo munsi baba nk’ibihumbi bitatu.



99

Bahoraga bashishikariy’iby’intumwa zigishaga, bagasangira ibyabo,



100

no kumanyagur’umutsima, no gusenga.”
(Ibyakozwe n’Intumwa 2:41, 42)
Isomo rirasobanuye neza. Iyo tubatijwe, ntitub’impfubyi mu by’Umwuka. Ntidutabwa bupfubyi.Mu Byakozwe n’Intumwa havuga ko Abantu babatijwe “bahoraga bashishikariy’iby’intumwa zigishaga, bagasangira ibyabo.”
Bahindutse bamwe mu itorero ry’Abizera Bibiliya y’Imana.



101

(Isomo: 1 Abakorinto 12:13)
Mu cya 1 Abakorinto 12:13 hagira hati: “kuko mu Mwuka umwe twese ari mwo twabatirijwe kuba umubiri umwe...” Ku murongo wa 28 havuga heruye ko umubiri ari itorero.
Iyo abagabo n’abagore bemeye Yesu bakegurira ubuzima bwabo kumukurikira, bifuza cyane gusengana n’abandi bizera. Imitima yabo. Imitima yabo ibahatira kuba mu mubare wa bamwe mu itorero ryubahiriza amategeko ya Kristo.

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



102

**(Isomo: Matayo28:19, 20)**
**Uku niko Yesu Yavuze muri Matayo 28:19, 20: “Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n’Umwana n’Umwuka wera,**



103

**“mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose...”**


104

**Muri uyu mugoroba, Yesu Arakwingingira kumwegurira ubuzima bwawe. Arakwingingira kuba umwe mu bizera Bibiliya ye, bitondera amategeko ye. Arakurarika nkuko yararitse intumwa Paulo Agira Ati:**



105

**(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 22:16)**
**“Non’ikigutinza n’iki? Haguruk’ubatizwe, wiyuhagire ibyaha byawe...”**
**Ibyakozwe n’Intumwa 22:16.**


106

**Rimwe, Nikodemo, umutware mu Bayuda yasanze Yesu n’ijoro. Ntiyashakaga ko hagira n’umwe mu Bayuda umenya ko yitaga ku bya Yesu.**



107

**(Isomo: Yohana 3:2)**
**Yashyeshyeje Yesu amubwira ngo,”Mwigisha, tuzi yuk’ur’umwigisha wavuye ku Mana;**



108

**kuko ari nta ubasha gukor’ibimenyets’ukora, kerets’Imana iri kumwe na we.”**
**Yohana 3:2.**
**Yesu Yashoboraga kurondor’umutima w’uyu mugabo, maze ntiyakebera mu mano amwerek’icyo yarakeneye gukora.**

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



109

(Isomo: Yohana 3:3)
“Yesu aramusubiz’ati, ‘N’ukuri, n’ukuri,




110

ndakubwira yuk’umunt’utabyaw’ubwa kabiri,
atabasha kubona ubwami bw’Imana.”
Yohana 3:3.



111

(Isomo: Yohana 3:4)
Nokodemo yumvise akubititse, maze abaza Yesu ati,
“Mbese umuntu yabasha ate kubyarwa akuze?



112

Yakongera agasubira m nda ya nyina, akabyarwa?”
Yohana 3:4.



113

(Isomo: Yohana 3:5)
Nuko Yesu Asobanura neza ko Yavugaga ibyo kongera kubyarwa n’Umwuka ubwo Yagirag’Ati, N’ukuri, n’ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe n’amazi n’Umwuka,



114

atabasha kwinjira mu bwami bw’Imana.”
Yohana 3:5.
Aha Yesu Aravuga ibyo kongera kubyarwa n’Umwuka bigaragarira mu mubatizo.
Ibi icyo byerekejeho n’uk’umuntu yuhagirwa mu mazi y’umubatizo.


115

Nta gushidikanya Nikodemo, Umufarisayo wibonaga, yibwiraga ko yakwinjira mu bwami bw’Imana abiheshwa no kuba yaravutse ari Umuyuda, w’umunyadini.

# 16 - Gutangira Bundi Bushya


116


**Nyamara, Yesu Yavuze Yeruye ko ikintu icyo ari icyo cyose kitari uguhindura imibereho byuzuye ubuzima bukesha imbaraga z’Umwuka wera- byerekanwa n’umubatizo- ntacyo kimaze.**


117

**Uku nik’umuntu ahamya ukwemera afite mu gitambo Data wa twese yatanze, cyagaragajwe n’Umwana.**



118

**Uku niko gutangira ubuzima bushya muri Kristo.**



119

**(Isomo: Matayo 3:17)**
**Ku mubatizowa Yesu, humvikanye ijwi ry’Imana rigira riti, “...Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira.”**
**Matayo 3:17.**



120

**Iki ni cya gihe, ubwo Umwuka wera Yamanukaga asa n’inuma akajya kuri Yesu, ubwo nibwo Yesu Yabaye Uwasizwe cyangwa Mesiya cyangwa Kristo.**


121

**Umubatizo wa Yesu werekanye itangira ry’umurimo wa Yesu mu ruhame.**
**Uko ni nako umubatizo w’umwizera werekana itangira ry’ubuzima bwe bushya agirana na Kristo nk’Umukiza we.**
**Umubatizo kandi werekana guhamya mu ruhame k’umwizera ko yomatanye na Kristo, ko yambaye Kristo.**



122

**(Isomo: Abagalatia 3:17)**
**Abagalatia 3:27 havuga hati, “kuko mwese ababatirijwe muri Kristo muba mwambaye Kristo.”**

# 16 - Gutangira Bundi Bushya




123

(Videwo y’amasegonda 10) Ku muntu wemeye Kristo ho igitambo cye, umubatizo werekana ukwizera afite mu bintu bitatu bikomeye biri mu gitambo cya Kristo.



124

(Isomo: Abaroma 6:3, 4)
Paulo yagiz’ati,”Ntimuzi yuko twese ababatirijwe muri Yesu Kristo, twabatirijwe mu rupfu rwe?”
Abaroma 6:3.



125

Nuko akomez’avuga intambw’ikurikiyeho Umukristo atera muri uyu muhango agir’ati:”Nuko rero kubw’umubatizo twahambanywe na we mu rupfu rwe.” Ku murongo wa 4.
Ariko muri iki gikorwa cyo kwizera, hari ikindi kintu cya gatatu.



126

(Isomo: Abaroma 6:4)
“kugira ngo, nk’uko Kristo yazuwe n’ubwiza bwa Data wa twese,




127

ab’ari na ko natwe tugendera mu bugingo bushya.” Ku murongo wa 4.
Ngibyo rero. Umuntu ubatijwe aba yongeye kubyarwa n’Umwuka n’amazi!


128

Tuba twerekanye mu ruhame ukwizera kwacu dufite mu rupfu, mu guhambwa, no mu kuzuka kwa Yesu Kristo.



129

(Isomo: Abaroma 6:11)
Nuko rero Paulo aratubwir’ati,”Ab’ari ko namwe mwiyumvamo ko mwapfuye ku byaha, mukaba muriho ku Mana muri Kristo Yesu.”
Noneh’ubu ushobora kubon’impamvu ibi ar’ibintu byiza mu buzima bw’umukristo?

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



130

Ni nk’ibirori by’ubukwe kuri babiri biyemeza gushyingiranywa.
Aka ab’ar’akanya ko guhamiriza mu ruhame ko bahurijwe hamwe mu gihe cyose bagifite ubuzima.





131

(Isomo: Abefeso 4:5)
Bibiliya itubwira ko harih’” Umwam’umwe no kwizera kumwe n’umubatizo umwe.”
Abefeso 4:5.
Nyamara mu itorero, hasa naho hari uburyo bwinshi umubatizo ukorwamo.



132

Bamwe baminjagira amazi, abandi bakayasuka, naho abandi bakibiza.
Haba umubatizo umwe gute mu gihe hari urujijo rwo kumenya uburyo bwemewe





133

Tugomba gusa kubaza tuti,”Yesu we Yakoze iki?”




134

Tubwirwa na Bibiliya ko Yohana yabatirizaga mu ruzi rwa Yorodani. Ubwo Yesu Yabatizwaga, “Yavuye mu mazi.”
Yabatijwe umubatizo wo kwibiza.




135

Mu by’ukuri, uko niko ijambo baptizo ryo mu kigiriki risobanura. Risobanura kwinika mu nsi y’amazi cyangwa gutwikirizaho amazi.
Ubu nibwo buryo bwonyine bw’umubatizo bushushanya urupfu, guhambwa, no kuzuka kwa Kristo.



136

Umunsi umwe Paulo na Silas bakoranaga, bagiye mu mugi wo mu Bufilipi batumiwe n’umugabo w’Umunyamakedonia Paulo yari yabonye mu nzozi.

# 16 - Gutangira Bundi Bushya


137

**Kubera kubwiriza kwabo, Paulo na Silas bakangura imitima y’abantu bo mu Bufilipi.**


138


**Ku buryo imbaga y’abigaragambyaga ibateraniraho, ubuzima bwabo bujya mu kaga. Imbaga y’abantu ibatanyaguriraho imyenda, abategetsi bakubita intumwa.**


139


**Bajyanwa mu nzu y’imbohe, aho umurinzi wa gereza yategetswe kubarinda cyane kandi agakora ku buryo bwose ngo badacika.**


140

**Mu gicuku, ubwo Paulo na Silas basengaga baririmba, uwo mwanya haba igishitsi cyinshi inkuta za gereza ziranyeganyega - nuko ako kanya inzugi za gereza zirakinguka kandi iminyururu yari kuri buri mbohe iradohoka. Umurinzi wa gereza aza yiruka, maze abonye inzugi zifungutse yibwira ko abanyururu bose bacitse.**


141

**Nuk’ubwo yari mu migambi yo gufat’inkota ye ngo yiyice -yari azi ko nta kimubuza kwicwa kuko yaretse abanyururu bagatoroka.**



142

**(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 16:28)**
**Ariko Paulo avug’ijwi rirenga ati, “Wikwigirira nabi, twese turi hano.”**
**(Ibyakozwe n’Intumwa 16:28)**

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



143

Umurinzi wa gereza yaratangaye cyane! Aba bagabo - Paulo na Silas - babababajwe bikomeye ubwo bashyirwaga mu biganza by'umurinzi w'abanyururu, ariko nta rwangano bamugiriye cyangwa se ngo babe barashatse kwihimura.
Umurinzi wa Gereza yamenye ko bari abere.
Ariruka, azana itara maze ajya mu cyumba bafungiyemo abikubita imbere abasaba imbabazi.



144

(Isomo: Ibyakozwe n'Intumwa 16:30, 31)
"maze arabasohokana, arababaza ati: Batware, nkwiriye gukora nte, ngo nkire?"




145

Nuko abo bantu b'Imana bombi baramusubiza bati, "Izer'Umwami Yesu, urakir'ubwawe n'abo mu rugo rwawe."



146

Umurinzi wa gereza ajyana Paulo na Silas i we maze yuhagira ibikomere byo ku birenge n'ibyo mu migongo yabo.



147

(Isomo: Ibyakozwe n'Intumwa 16:33)
"Mu gicuku cy'iryo joro, arabajyana, abuhagir'inguma,



148

aherako abatizanywa n'abe bose."
Ibyakozwe n" intumwa 16:33.


149

Nshuti, niba mutarigeze mbere mwumva ubusobanuro n'akamaro k'umubatizo, cyangwa se mukaba mutaragize amahirwe yo gukurikira Yesu muri uyu muhango wera w'umubatizo wo kwibiza, iki kibazo Anania yabajije Sauli no kumurarika, namwe murabibazwa ubu.

# 16 - Gutangira Bundi Bushya



150

**(Isomo: Ibyakozwe n' Intumwa 22:16)**
**"None ikigutinza ni iki? Haguruka ubatizwe, wiyuhagire ibyaha byawe..."**
**Ibyakozwe n' Intumwa 22:16.**



151

**Ubwo Yesu Yabatizwaga, ijwi ryavugiye mu ijuru riti, "Nguy' Umwana wanjye nkunda nkamwishimira." Naw' ubwawe, niwinjira mu mazi y' umubatizo, Umwami wacu Azakubwirira mu mutima wawe ati," Ur' umuhungu wanjye nkunda. Ur' umukobwa wanjye nkunda. Ndakwishimira."**

**Nta cyanezeza gikomeye mu buzima nko kumenya ko ushimisha Imana. N' umara kubatizwa, uziyumvamo ikintu kinejeje cyane cy' uko uri uwimana. Ur' umwana w' Imana. Mu buryo bumwe, umubatizo ni nk' umuhango wo gushyingirwa. Mbere yo gushyingiranwa, umugeni n' umukwe baba bakundana. Gushyingirwa ntabw' ari ko gushyir' urukundo mu mutima w' umugabo agirir' umugore cyangwa umugore agirir' umugabo. Gushyingiranwa ni ubuhamya bw' urwo rukundo. Gushyingiranwa n' ugusezeranira mu ruhame imbere y' umuryango n' inshuti.**

**N' umubatizo n' uko. Umubatizo ntushyira mu mitima yacu urukundo dukund' Imana. Impamvu ituma dushaka kubatizwa ni uko tuba dukunda Imana. Umubatizo n' ubuhamya dutangira mu ruhame imbere y' imiryango yacu n' inshuti ndetse n' itorero yuko dukundana cyane n' Imana yacu kandi ko twihaye Yesu Kristo byimazeyo.**

**Iyo tugiriye iri sezerano mu ruhame, ibyatubayeho mbere biba bisa n'ibihambwe mu mazi y' umubatizo, maze tukazukira kubaho ubuzima bushya muri Kristo. Ibyatubayeho mbere biba bigiye - bihambwe - bitazongera kudukurikirana.**

**Imana Idusezeranira kuduh' imbaraga y' Umwuka Wera yo kutubashisha kubah' ubuzima bwa Gikristo. Abantubamwe barashidikanya. Bakagundira. Ntibizera ko biteguye. Umubatizo ntushatse kuvuga ko ur' intungane. Umubatizo ushatse kuvuga ko witanze byimazeyo.**

**Ysu Arakurarikira uyu munsi gukurikira intambwe ze mu mva y' amazi y' umubatizo. Araguha imbabazi, aguhe umudendezo ku bicumuro byose by' ahashize n'imbaraga zo kubaho ubuzima bushya ubifashijwemo n' Umwuka Wera.**

**Wakwemera ubu kubwira Yesu uti nibyo ndaje? Niba wifuza gukurikira Yesu mu nzir'igan' umubatizo wemerwa na Bibiliya, ndifuza ko waza imbere muri iyi**

**nzu mvugirwaruhame kugirango ngusengere by’ umwihariko.**
**Ndabararikira mwese guhaguruk’ ubu tugasenga. Mbere yuko nsenga, niba ushaka kuvug’ uti, “nibyo, Yesu, ndashaka kubatizwa”, manuka ubu, unyure mu ruhande rw’ iburyo maze uhagarare kuri uru ruhimbi, wubike amaso kugira ngo ngusabire. We kuzuyaza. Ngwino... ngwino ubu ngubu, maze dusenge.**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)






1

**Ubushukanyi kabuhariwe buzaduka kw isi**




2

**(Video: 19 sek) Bumwe mu buhendanyi kabuhariwe bwagaragaye ahagana mu mwaka 1970. Igihangange cy'umusore w'umufaransa witwa David Stein (soma Shitayini) yashushanije imicoro 400 yigana ibihangange byamubanjirjje, birimo abitwa Picasso, Chagalls, Renoir na  Van Gogh. Ibihimbano bye abyitirira bya bihangange  byamubanjirije. Byari ibihimbano utataruraho ukwigana. Ku buryo benshi babifashe nk'aho byakozwe n'abo yabyitiriye. Ntibamenya ko ari ibyiganano.**





3

**(Video: 9 sek)  Magingo aya, imicoro 110 niyo imaze gutahurwaho ko ari imyiganano. Mu 1972, Stein (soma Shitayini ) yarafashwe,afungirwa ahitwa Sing Sing, n'i Paris (soma Pari)ho mu Bufaransa. Mu 1980 Stein yararekuwe, umutima we urahinduka, yiyemeze kujya yandika umukono we bwite ku micoro ye.**




4

**(Video: 12 sek) Magingo aya,  uwo mugabo  ni umuhanzi n'umuganirizi mbwiraruhame uzwi cyane kw isi. Ibyo avuga mu ruhame ni ibiki? ni ibanga ry'ukuntu wavumbura magendu (ibyiganano).**
**Na mwe muraza kubyibonera. Stein yerekenye ko bitoroshye kuvumbura magendu. Yewe,  n'impuguke birazitonda. Nubwo yari inyaryenge, yabyitwayemo nk'umwana wiga kugenda,  ugereranije**




5

**(Video: 7 sek) Se w'abahendanyi bose (Satani)! Umwanzi ni we numero ya mbere mu gucurik'abantu, guhendana, no kwigana. Birumvikana ko abikora yihishe. Akoresha abandi: rubanda ,abafite ubushobozi, ibiro ntarabinyoma. Iyaba yarwanyaga Imana ku mugaragaro, abakristo yashuka akabaherana ni mbarwa. Niyo mpamvu akorera mu rwihisho,akenshi akiyerekana yifubitse umwitero w'idini.**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)


6


**avanga ukuri n'ibinyoma, abuza abizera gusenga Imana mu kuri. Ibyo ni byo ahugiyemo, kuva mu myaka ibihumbi ishize.**


7

**Imana ntidutererana mu maboko y'uwo muhendanyi, uhubwo yatuburie muri Bibliya, ku byerekeye ubushukanyi kabuhariwe buzaduka mu minsi y'imperuka.**


8

**Bibliya ivuga ko Daniel ubwe yabonye mu nzozi ibikoko bivumbuka mu nyanja.**



9

**(Isomo Danieli 7:2,3)**
**Danieli ati: "Nagiye kubona, mu byo neretswe nijoro, mbona imiyaga ine, ihubukira ku nyanja nini".**



10

**Muri iyo nyanja havamo inyamaswa ine zidasangiye ubwoko." Daniel 7:2,3.**



11

**Inyamaswa ziva mu nyanja?**
**Ibyo bishatse kuvuga iki?**


12

**Mureke Bibliya idufindurire ibyo bimenyetso by'ubuhanuzi. Icya mbere, muri izi nzozi, harimo amazi.**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)




13

**(Isomo: Ibyahishuwe 17:15)**
**Mu Byahishuwe 17:15 ngo: "Ya mazi wabonye... ni yo moko, amateraniro y'abantu, amahanga, n'indimi."**
**Muri icyo gice, Imana ibwira Danieli icyo izi nyamaswa zisobanura.**




14

**(Isomo: Danieli 7:17,23) " Izo nyamaswa nini uko ari enye ni bo bami bane bazaduka kw isi**





15

**"...Inyamaswa ya kane izaba ubwami bwa kane kw isi." Danieli 7:17,23**
**Ijambo ry'imana rivuga ko inyamaswa bisobanura ubwami.**



16

**Inyamaswa ziva mu karere k'isi gatuwe zishushanya amahanga runaka azaduka. Dore uko ayagereranya, muri Danieli 7:3**




17

**(Isomo Danieli 7: 3)**
**Inyamaswa ine ziva mu nyanja zidasangiye ubwoko.**





18

**(Isomo Danieli 7:4)**
**Iya mbere yasaga n'intare, ifite amababa nk'ay'ikizu." Danieli 7:4**




19

**(Isomo Danieli 7:5)**
**Ndongera mbona indi nyamaswa ya kabiri isa n'idubu, yegutse uruhande rumwe,**




20

**kandi yari itambitse imbavu eshatu mu mikaka yayo." Danieli 7:5**

17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)



21

**(Isomo: Daneli 7:6) "Hanyuma y'byo mbona indi nyamaswa isa n'ingwe, ku mugongo wayo yari ifite amababa ane asa n'ay'igisiga..." Danieli 7:6**

---



22

**(Isomo Danieli 7:7)**
**Hanyuma y'ibyo nitegereje mu byo neretswe nijoro, mbona inyamaswa ya kane, iteye ubwoba n'inyamaboko n'imbaraga byinshi cyane."**


---



23

**Yari ifite imikaka minini y'ibyuma, iconshomera ibintu irabimenagura, ibisigaye ibisiribangisha amajanja yayo.**


---



24

**Yari ifite itandukaniro n'izindi nyamaswa zose zayibanjirije, kandi yari ifite amahembe cumi." Danieli 7:7**

---


25

**Mbega ibikoko! Murabona ko igikoko cyose ari inyamaswa idasanzwe. Byose bifite ibimenyetso byihariye bidufasha gusobanukirwa n'iri yerekwa.**

---


26

**Mu gihe Danieli yariho yibaza iby'izi nyamaswa enye,agomba kuba yaributse inzozi umwami ukomeye Nebukadineza yarose,(inzozi z'igishushanyo kinini cy'umuntu ukozwe mu byuma. Muri izo nzozi zombi, ibigereranyo byakoreshejwe bibumbye ingoma 4 mpuzabihugu zabayeho kera.**

---



27

**(Video: 6 sek) Uhereye kuri Babuloni, Abamedi n'Abaperesi, Ubwami bw Abagiriki,Ubwami mpuzabihugu bw'Abaroma.**


28

bikarangirira ku kuza kwa Yesu, n’iyimikwa ry’Ubwami buzahoraho.


29

Reka dusubire inyuma turebe inyamaswa yose n’ubwami bwose,uko bwapfupfunute mu karere gatuwe kw isi.




30

Isomo Daniel 7:4)
Iya mbere yasaga n’intare,ifite amababa nk’ay’ikizu. Nkomeza kwitegereza kugeza aho amababa ashikurijweho;



31

igahagarikwa ku isi, ihagarika amaguru yemye nk’umuntu, kandi ihabwa umutima nk’uw’umuntu.” Daniel 7:4




32

Babuloni twayigereranya na kintu ki yoyabaye ingoma ya mbere mpuzabihugu ( ishushanwa n’umutwe w’izahabu muri cya gishushanyo kireshya n’ikirunga ) hari ikindi twayigereranya nacyo uretse intare yo mwami w’ibisimba?


33

Abanyebabuloni ubwabo mbese ntibakoreshaga intare nk’indangagihgu yabo? Abahanga mu bumenyi bw’ibya renzweho n’igitaka, bataruye mu matongo ya Babuloni iki kirangagihugu cy’intare ifite amababay’ikizu.


34

Nkuko intare irangwa n’imbaraga no kwigarurira byose, intambara za gisirikare za Nebukadineza zabaye izidahigwa. Ibakwe ryaranze Babuloni mu gifata ubutegetsi i no kwagura imipaka y’ubwami bwayo mpuzabihugu, bugeraranwa n’amababa y’ikizu. Murebe uko Imana ikoresha  icyo ikigereranyo mu mwanya wa Babuloni.

17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)



35

(Isomo: Yermiya 4:7)
Intare yasohotse mu kibira cyayo, kandi umurimbuzi w'amahanga yarahagurutse.



36

Ava iwe azanwe no guhindura igihugu cyawe umwirare..." Yeremiya 4:7.



37

Uyu mwami w'i Babuloni w'umwirasi kandi w'umwibone, yibwiraga ko ubwami bwe buzahoraho iteka. Asa n'utarigeze atekereza ko n'irindi shyanga ryategeka isi. Amatafari yubakishije amazu ye yayacoyeho inyandiko ivuga ngo "icyampa ngo azahoreho."



38

(Video: 4 Sek) Tariki ya 13 ,539 M.K., Ubwami bwa Babuloni bugereranwa n'umutwe wa zahabu mu gishushanyo cy'ibyuma, cyangwa intare mu nzozi za Danieli, bwahangutse izuba riva.



39

(Video: 3 sek) ubwami bugereranwa n'idubu buza ku ngoma ya kabiri, nta bundi keretse ubwami nganzamahanga bw'Abamedi n'Abaperesi ari bwo gituza cy'izahabu mu gishushanyamuntu nganzamarumbo cy'ifeza.
Uko Danieli mu nzozi yitegerezaga rya dubu,yaravuze, muri



40

(Isomo: Danieli 7:5)
Yegutse uruhande rumwe,kandi yari itambitse imbavu 3 mu mikaka yayo..."
Danieli 7:5.


41

Daniel avuga ko idubu ryari rifite imbavu eshatu mu mikaka yaryo. Ariko Bibliya nta bisobanuro ibitangaho.

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)



42

**Icyakora, abenshi mu bahanga ba Bibliya bemeza ko izo mbavu ari**



43

**Icyakora, abenshi mu bahanga ba Bibliya bemeza ko izo mbavu ari**



44

**Ubwami mpuzabihugu bw'Abaperesi bwatwaye isi mu gihe cy'imyaka 200. Imana yeretse Danieli mu nzozi ko amashagaga n'ubukaka bw'iyo ngoma bitazayibuza gusimburwa n'indi ngoma.**



45

**(Isomo: Danieli 7:6)**
**Hanyuma y'ibyo mbona indi nyamaswa isa n'ingwe, ku mugongo wayo yari ifite amababa ane asa n'ay'igisiga;**




46

**kandi yari ifite imitwe ine; ihabwa ubutware**


47

**Nkuko idubu ritadomoka nk'ingwe, ni ko ingabo z'Abaperesi zitashoboye kwiyufura ngo zicike ibisumizi byazicakiye biyobowe na Alegizanderi Mukuru.**



48

**(VIDEO: 4 sek) Mu nzozi mpanuzi za Nebukadineza, inda n'ibibero by'umuringa by'igishushanyo yarose, bigereranya ingoma mpuzabihugu y'ubugiriki ari yo ngwe mu nzozi za Danieli.**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)


49

**Amababa ane agereranya umuvuduko mu kwigarurira ibihugu kwingabo za Alegizanderi. Yatsisnze Dariyo wa III, mu ntambara abereye ahitwa Arbela mu mwaka wa 331M.K.  mu gihe kitageze ku myaka 12, yahindutse umutegetsi w'ingoma yabaye kabuhariwe mu kwagura imipaka yayo vuba na bwangu. Imitwe 4 y'ingwe, igereranya ibice 4 ubugiriki bwacitsemo.**



50

**(Isomo: Danieli 8:22)**
**...Hazaba ubwami bune bukomoka kuri ubwo bwoko." Danieli 8:22.**


51

**Amateka aduhamiriza rwose ko ingoma y'Abagiriki yigabanijemo kane. Alegizaneri yapfuye amaze imyaka 32; nyuma y'imyaka 7 gusa atsinze intambara y'Arbela. Ndetse igihe yari atarahambwa,habayeho gushyamirana gutangirira mu bavandimwe be, gukomereza mu bagaba be b'ingabo. Hanyuma abayobozi b'ingabo ze bane bigabanya ubutegetsi.**




52

**(Video: 9 sek)  Noneho inyamaswa y'ingwe ariyo Bugiriki ifite imitwe ine! ari yo: Cassander, Lysmachus, Ptolemy na Seleucus (soma Kasanda, Lisimakusi, Putolemi na Seleyukusi)**


53


**Hari abagira ingorane zo kuyobora umutwe umwe mu nzira ikwiriye.Imitwe ibaye ine byacura iki? Byaba akajagari.Umutwe wose uharanira gufata iya mbere.Uko niko byagendekeye Ingoma y'ubugiriki. Abagaba b'ingabo bane ba Alegizandero bari abagabo b'ibisahiranda b'abishakizi; nibo bamaraniraga ubutegetsi.**



54

**Buri wese yatyarizaga  inkota gutema mugenzi we, maze igihugu kigwa mu kaduruvayo."**
**Byavuye mu gitabo cyitwa Alexander  the Great, p.494.**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)



55

Rwaserera n'ubwigomeke byarakomeje mu bice bine by'igihugu, kugeza ku itariki ya 22 , ukwezi kwa 6, Umwaka168 M.K.  mu ntambara yabereye i Pidina ingoma mpuzabihugu ya Alegizandero  yarahangutse, nyuma y'imyaka 144 apfuye.
Byavuye mu gitabo cyitwa Amateka ya Roma (History of Rome) igitabo cya 3, igice cya 10.


56

Bite se na cya gikoko cya kane,  Danieli yavuze ko kizagera ku butegetsi kigasimbura ingoma y'Abagiriki?


57


Malaika yabwiye Daniel ko ubwami bwa  kane buzaba butatameze nk'ubundi. Inyamaswa yari ibuhagarariye yari ifite imbaraga zitangaje kandi imikaka yayo y'icyuma yaconshomeraga ibyo ihuye nabyo byose. Ngiryo ipica  ry'ubutegetsi bwamunzwe n'ubwicanyi.


58

Ntibyoroshye kubona ipica rirushijeho kwerekana uko ubutegetsi bw'i Roma bwatangiye.


59

Roma yarushije izindi ngoma zayibanjirije guhubuka no kubura imbabazi.Batsembatsembye amahanga bagurisha abaturage ngo bagirwe abacakara.



60

(Video: 4 sek) Iki gitindi cy'igisimba cyari gifite amenyo y'icyuma,naho ku gishushanyo cy'icyuma gihagarariwe n'amaguru y'icyuma. Danieli yatewe amatsiko n'iyi nyamaswa cyane cyane amahembe yayo icumi.



61

(Isomo: Daniel 7:8 ) Aravuga ati: "Nitegereje ayo mahembe,mbona muriyo hameze irindi hembe ritoya,

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)



62

**Imbere yaryo hakurwa amahembe atatu mu yari asanzwe..." Daniel 7:8**




63

**Malaika abwira Danieli ko " muri ubwo bwami hazakomokamo abami cumi" Danieli 7:24.**



64

**(Video: 4 sek) Nta gushidikanya, Danieli yakubise agatima kuri cya gishushanyo cy'icyuma,cyari gifite ibirenge by'icyuma kivanze n'ibumba; ari byo bishushanya ibice ingoma y'Abaroma yigabanijemo.**



65

**(Video: 4 sek) Muri 476 N.K amoko y'ababarubaro yo mu majyaruguru y'u Bulaya yari amaze kwiganzura ingoma y'Abaroma. Amahanga 7 yo muri ayo moko aracyari mu Bulaya na magingo aya.**



66

**Ariko icyashishikaje Danieli cyane cyane, ni ihembe rito ryameze muri ya yandi icumi, rigahirika amahembe atatu rihatanira ubukuru.**



67

**(Isomo: Danieli 7:8)**
**Danieli yaritegereje,abona kuri ako gahembe amaso asa n'ay'umuntu, n'akanwa kavuga ibikomeye."  Danieli 7:8**


68

**Aka gahembe, kahagaritse umutima wa Danieli.**



69

**(Isomo: Danieli 7:15)**
**Yaranditse ngo "Njyewe Danieli ibyo neretswe bintera agahinda mu mutima...birambabaza cyane." Danieli 7:15.**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)



70

**Kubera iki imiterere y'aka gahembe yahangayikishije Danieli?**



71

**(Isomo: Danieli 7:21,25)**
**Kubera ko "ako gahembe karwanije abera kakabatsinda."**



72

**Ni we uzavuga ibyo kugomera Isumba byose**



73

**azarwanya abera b'Isumba byose, yibwire guhindura ibihe n'amategeko**



74

**kandi bizarekerwa mu maboko ye kugeza aho igihe n'ibihe n'igice cy'igihe bizashirira." Danieli 7:21,25.**


75

**Danieli yasobanukiwe yuko ubu buhanuzi butarebaga rubanda rusanzwe, ahubwo ko bwarebaga abantu b'Imana.**


76

**Aka gahembe karwanije abera b'Imana,kandi mu gihe runaka karabatsinda. Uko bigaragara, ako gahembe ni ubutegetsi bwabaye igikoresho cya Satani cyo kurwanya, gutoteza no kurenganya ubwoko bw'Imana, n'ukuri kwayo.**



77

**(Isomo: Danieli 7:28) Danieli ati: Njyewe ....bimpagarika umutima cyane,**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)




78

bituma mu maso hanjye hahinduka ukundi, ariko mbika iryo jambo mu mutima wanjye



79

Aka gahembe ni nde?




80

Turebe uko Bibliya ishushanya ako gahembe.;turebe no mumateka y'isi ibyo kagezeho. Danieli yeretswe inyamaswa ya kane ariyo igereranya ubwami mpuzabihugu bw'i Roma, iteye itya:



81

(Isomo: Danieli 7:7)
...Inyamaswa iteye ubwoba y'inyamaboko n'imbaraga byinshi cyane...kandi yari ifite amahembe cumi.



82

(Isomo: Danieli 7:24)
Danieli 7:24 hatubwira ko amahembe cumi agereranya abami cumi bazakomokamo.


83

Mu cyimbo cy'uko ubwami bwa kane busimburwa na bundi nkabwo, ubuhanuzi bwateganije ko ingoma y'Abaroma izacikamo ibice bigizwe n'ubwami bucishije bugufi. Amateka yemeza ko ubwo buhanuzi bwa Daniel bwasohoye.



84

Abahanga mu mateka y'isi bemeza ko Roma gucikamo ibice byagaragaye muri 476 N.K.
Mu gitabo cyitwa Horae Apocalypticae, Edward Elliott impuguke yUmwongereza mu mateka y'isi, yemeje ko amahanga y'Ababarubaro yategetse ingoma mpuzabihugu y'i Roma hagati y'imyaka 351-476 N.K.

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)



85

(Video: 20 sek)  Urutonde rukurikira ruriho amazina y'amoko akomoka ku muryango w'I Bulaya witwa jerimanike, uko akoreshwa muri ki gihe mu kinyarwanda
-Abadage (Germans), Abasuwisi (Swiss), Abafransa (French ), Abataliyani (Italiens), Abongereza (English), Abaporutuge (Portuguese), Abasipanyoli (Spanish). Amoko 3 yasibanganye ni Heruli, Ostrogoths, na Vandals.



86

Ayo niyo mahembe cumi yameze ku nyamaswa ya kane Danieli yabonye.
Ukurikije ubuhanuzi, ihembe rito ryagombaga gufata ubutegetsi nyuma y'amahembe cumi ariyo mami cumi akomoka ku ngoma y'Abaroma




87

(Isomo: Danieli 7:24)
Kandi ayo mahembe cumi muri ubwo bwami hazakomokamo abami cumi:




88

hanyuma yabo hazaza undi mwami ...kandi azanesha abami batatu."
Danieli 7:24




89

Mu mwaka wa 493,  N.K.  niho Abaheruli bahangamuwe  n'Umwami w'abami witwa Zeno.



90

Mu mwaka wa 534 N.K undi Mwami w'abami witwa Yusitiniyani yatsembye Abavandali;  naho mu mwaka wa 538 N.K. ahangamura Abasitorogoti.



91

Uko niko amahembe atatu Danieli yeretswe, yaranduranwe n'imizi, akinguruka Kiliziya y'i Roma, irakunda iratengamara.

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)



92

**Muri icyo gihe nibwo Yusitiniyani yashyizeho itegeko ryimika Bishopu w'i Roma ari we Papa, aba umukuru wa Kiliziya y'i Roma mu karere k'iburengerazuba.**



93

**(Isomo: Danieli 7:24) " Ntazaba asa n'abo bambere" Danieli 7:24. Mbese iyi nyamaswa yari itandukanye n'izindi? Cyane!**


94

**Abandi bami bari abo mu rwego rwa politiki;ariko agahembe , kari gakomatanije idini na politiki**



95

**Urutoke-buhanuzi rwerekana rutibeshya ko Kiliziya y'i Roma yo mu bihe by'umwijima, ariyo igereranwa nihembe rito ryo muri Danieli 7, nkuko Abagorozi b'Abaporotesitanti babivuze. Danieli yatanze ikindi kimenyetso kiranga ubutegetsi bw'ako gahembe.**



96

**(Isomo: Danieli 7:21))**
**Maze mbona iro hembe rirwanya abera ryenda kubanesha" Danieli7:21.**



97

**(Isomo: Danieli 7:25)**
**Yavuze kandi ko ubwo butegetsi "buzarenganya abera." umurongo wa 25.**


98

**Mbese itorero ryo mu bihe by'umwijima ryagize uruhari mu kurenganya? Yego.**
**Urukiko rushinja abatemera,(inquisition), abarwaniramusalaba, Abahugeno, Abavoduwa,Abalibijwa,Intambara y'imyaka 30, ruhonyorabondo, gereza yo mu kuzimu (akazu k'ibwina),**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)

17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)




99

**ibirimi by'umuriro utwika abazira kwizera kwabo- ibyo byose amateka abishinja kiliziya, ko ari byo byaranze ubutegetsi bwayo bwo mu myaka amagana y'umwijima. Uretse ibyo rero hari ikindi kkimenyetso simusiga kiranga ubutegetsi bw'ihembe rito.**




100

**(Isomo: Danieli 7:25)**
**Ibyahanuwe bivuga ko " ...Azigira inama yo guhindura ibihe n'amategeko..." Danieli 7:25. Mbese ubutegetsi bwa Papa bwo mu bihe by'umwijima, bwaba bwarageragejeje guhindura n'amategeko y'Imana?**




101

**Yego, bwigamba ko hakurikijwe imigenzo karande ya Kiliziya, isabato yavuye ku wa karindwi yimukira kuwa mbere ( ku cyumweru).**




102

**Ikindi kimenyetso tugezeho cyerekana igihe ubwo butegetsi buzaba bugeze ahirengeye, n'igihe buzamara butoteza abera b'Imana.**





103

**(Isomo: Danieli 7:25) " kandi bizarekerwa mu maboko ye kugeza aho igihe n'ibihe n'igice cy'igihe bizashirira." Danieli 7:25.**
**Hari ibindi bimenyetso tubona muri Bibliya.**




104

**Ijambo igihe, risobanura umwaka umwe. Ijambo ibihe,risobanura imyaka ibiri, ariyo myaka 720 y'ubuhanuzi .Igice cy'igihe ni ukuvuga igice cy'umwaka ari yo iminsi 180.**
**Iyo twongeranije igihe (iminsi 360), ibihe (iminsi 720) n'igice cy'igihe (iminsi 180) tugera ku giteranyo cy'iminsi y'ubuhanuzi 1260 ariyo myaka ingana ityo.**




105

**(Isomo: Ezekeli 4:6)**
**Ukurikije Ezekeli, umunsi umwe w'ubuhanuzi ungana n'umwaka umwe."...Umunsi wose nawukunganirije n'umwaka umwe." Ezekeli 4:6. Ubutegetsi bw'ihembe rito bwabaye ntavuguruzwa mu myaka 1260!**
**Amateka yemeza ko uyu mubare uzira kubariranya.**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)



106

Abasitorogoti ari bo baherutse mu kubangamira Kiliziya Gatolika, bahiritswe mu mwaka wa 538 N.K bakinguruka Roma batyo kugira ngo ibone uko yisagagura muri politiki no mu buyobozi bw’idini.



107


Mu mwaka 1798 hashize imyaka 1260 yuzuye neza,Ubutegetsi bwa Kiliziya y’i Roma bwahiritswe na Berthier, umugaba w’ingabo za Napoleon


108

Uko twize ubuhanuzi bwa Danieli igice cya 7, ukuntu agahembe kameze ku mutwe w’inyamaswa ya kane, twabonye ibimenyetso bikaranga, reka twongere tubirebe.


109

1. Iri hembe rito ryakomotse mu Bulaya bw’i burengera zuba mu mami cumi nayo yakomotse ku kwigabanya kwa Roma. Danieli  7:8.



110

2. Mu nzira yaryo yo gufata ubutegetsi, ihembe rito ryaranduranye n’imizi amami 3 ariyo: Abaheruli, Abasitorogoti, n’Abavandali. Aya moko uko ari 3, mu myizerere yabo bari mu gice cy Abariyani bahakanaga ubukrisitu. Banze kwemera ko Papa nk’umuyobozi wa Kiliziya  Danieli 7:8


111

3. Ubuhanuzi bwemeza ko ihembe rito rizamera nyuma y’ayandi. Daniel 7:20. Ni ukuvuga yuko rizategeka nyuma ya 476 N.K.


112

4. Ubu butegetsi buzaba budasa n’ubundi. Buzaba bukomatanije politiki n’idini. Danieli 7:24.

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)


113

**(Isomo: Danieli 7:21,25)**
**5.Ihembe rito rizarenganya abera,ribatoteza. Danieli ati: “Mbona iryo hembe rirwanya abera, ryenda kubanesha.” Daniel 7:21,25.**



114

**(Isomo: Danieli 7:25)**
**6. Iri hembe,rizibwira guhindura ibihe n’amategeko.” Mu yandi magambo, iri torero rizibwira ko rishoboye guhindura ibihe Imana yashyizeho n’amategeko yayo. Daniel 7:25.**




115

**(Isomo: Danieli 7:25)**
**7. Ubuhanuzi bwerekana ko ubu butegetsi buzaba bukaze mu gihe cy’imyaka 1260, kuko Bibliya ivuga ngo: “Bizarekerwa mu maboko ye kugeza aho igihe n’ibihe n’igice cy’igihe bizashirira.” Danieli 7:25.**


116

**Murareba ko ukurikije ubu buhanuzi, hariho ubutegetsi bumwe, bwabaye ahantu runaka mu gihe runaka bwujuje ingingo zose tumaze kubona.Ubwo butegetsi ni Kiliziya y’i Roma.**


117

**Noneho reka twicume ho gato, tugere mu mpinga y’ubuhanuzi bukomeye bwa Danieli, kuko umusozo wabwo ushimishije ku bantu b’Imana.**


118

**Mu iyerekwa, Danieli yabonye ubutegetsi, hano ku isi, buhatanira gutegeka muri politike no mu idini.**


119

**amaso ye yayavanye ku isi,ayerekeza mu ijuru.**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)




120

(Isomo: Danieli 7:9,10)
Nkomeza kwitegereza , kugeza aho bashyiriyeho intebe z’ubwami. Haza Umukuru Nyiribihebyose aricara;





121

Imyambaro ye yeraga nka shelegi,kandi umusatsi we weraga nk’ubwoya bw’intama bwera.





122

Intebe y’ubwami bwe yasaga n’ibirimi by’umuriro, kandi inziga zayo zasaga n’umuriro ugurumana;




123

imbere ye hatembaga umuriro.




124

Uduhumbagiza baramukoreraga;





125

kandi inzovu inshuro inzovu baramukoreraga. Imanza zirashingwa, ibitabo birabumburwa. Danieli 7:9,10.



126

Danieli yabonye Imana Data, hano yitwa Umukuru Nyiribihebyose,aza yicara ku ntebe y’ubwami bw’icyubahiro.




127

(Isomo: Daniel 7:22)Nimurebe uko Danieli ashushanya iki gikorwa. Kugeza aho Umukuru Nyiribihebyose yaziye... Danieli 7:22.
Ubu imanza zigiye gushingwa.

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)






128

**(Isomo: Daniel 7:10) "...imanza zirashingwa ibitabo birabumburwa" Danieli 7:10. Daniel yabonye uko imanza ziburanishwa mu ijuru, Imana icira urubanza agahembe ukuntu karenganije abera. Danieli kandi yabonye uko irangiza rubanza ryakozwe.**



129

**(Isomo: Danieli 7:26)**
**Hanyuma urubanza ruzashingwa, bazamunyaga ubutware,**



130

**ngo babumareho burimburwe kugeza ku mperuka." Danieli 7:26.**


131

**Hanyuma Daniel abona ikintu kidasanzwe cy'ihoho, ubwo Imana Data yafataga icyicaro, urubanza rugiye gutangira:**



132

**(Isomo: Danieli 7:13)**
**Nshyitegereza ibyo neretswe nijoro, mbona haje usa n'umwana w'umuntu,aziye mu bicu byo mw ijuru,**




133

**aza umujyo umwe,asanga wa mukuru Nyiribihe byose bamumugeza imbere. Danieli 7:13.**


134

**Uyu munyacyubahiro ni nde, witwa "Umwana w'umuntu" washyikirijwe Umucamanza Uhoraho?**



135

**Iri zina Yesu yaryivuzeho inshuro zisaga 40 mu Isezerano Rishya. Abigishwa be bagitangaye, yarababwiye ati:**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)




136

**(Isomo: Matayo 17: 22,23)**
**Ati: "... Umwana w'umuntu arenda kuzagambanirwa, afatwe n'amaboko y'abantu:**




137

**bazamwica, maze ku munsi wa gatatu azurwe..." Matayo 17;22,23**
**Yesu yabajije Yuda umwigishwa mugambanyi ati:**




138

**(Isomo: Luka 22:48) "... Uragambanishiriza umwana w'umuntu kumusoma?**



139

**(Isomo: Matayo 26: 64)**
**hanyuma muzabona umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana,**



140

**aziye mu bicu byo mw ijuru" Matayo 26:64. Yesu ntiyihenze,ubwo yigambaga ko ari we mwana w'umuntu,uwo danieli yabonye mw iyerekwa,wa wundi waziye ku bicu byo mu ijuru.**



141

**Kristo aje mu rubanza guhagararira abanyabyaha bamwemeye nk'umuvugizi n'umuhuza. Nk'umurengezi mu rukiko, nta n'umwe yigeze agoboka ngo atsindwe! Dusoma ngo: " ibitabo birabumburwa."**



142

**(Isomo: Danieli 7:10) " Imanza zirahingwa ,ibitabo birabumburwa." Danieli 7:10,ahahera.**


143

**Ibitabo bizaba byanditswemo ibyo dukora byose,ari ibyiza cyangwa ibibi. Hazaba handitswemo kandi n'umwanya twahawe n'uburyo twawukoresheje.**

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)


144

Niba twarakiriye Kristo nk'Umukiza n'Umwami, igihe ni kigera urubanza rwacu rugasuzumwa imbere y'Imana, Kristo azagoboka, atangaze ko yaducunguye, ko urupfu rwe rwarishye ibyaha byose twakoze.


145

Kuri uwo munsi mu bitabo byo mw ijuru, imibereho ye izira icyaha, isimbura imibereho yacu y'ibyaha maze Imana yareba ku mateka yacu, ikabona gusa imibereho itagira icyaha ya Kristo ariyo yanditswe kuri twe.


146

Tuzabona ubugingo buhoraho, bidakomotse ku byo twakoze, ahubwo bitewe n'ibyo yesu yadukoreye ku musalaba. Ahari Danieli yashishikajwe n'ihembe rito n'amaherezo yaryo ku buryo yasimbutse agana imbere,agatanga igitekerezo cyuzuye cy'imibereho y'iryo hembe,ari cyo gucirwa urubanza mbere y'uko Yesu agaruka,


147

igihe ibikorerwa kw isi bisuzumanwa ubwitonzi, maze abaturage b'ubwami buzahoraho bw'Imana bakemezwa.Maze ubwami n'ubutegetsi bwose bukegurirwa Kristo.



148

(Isomo: Danieli 7:14)
"Nuko ahabwa ubutware, n'icyubahiro, n'ubwami,



149

kugira ngo abantu b'amoko yose n'indimi zitari zimwe bajye bamukorera.



150

ubutware bwe, ni ubutware bw'iteka ryose, butazashira,

# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)



151

kandi ubwami bwe ni ubwami butazakurwaho. Danieli 7:14
Danieli arakomeza avuga amakuru meza kuri ubwo bwami



152

...Maze ubwami n'ubutware...bizahabw'abera b'Isumba byose..." Danieli 7:27.
Abantu b'Imana, abera bayo, bazaraganwa na Kristo, muri ubwo bwami buzahoraho.




153

(Isomo: Danieli 7:18)
... Abera b'Isumba byose, bazahabw'ubwo bwami babuhindure, bube ubwabo iteka ryose" Danieli 7:18.



154

Uyu mugabane w'ubuhanuzi uhuye na rya buye ryo mu nzozi za Nebukadineza ryamanutse ritarimbuwe n'intoke, rikamenagura igishushanyo uhereye ku birenge maze rigahinduka



155

Isomo: Danieli 2:35)"...iryo buye... rihinduka umusozi munini, ryuzura isi yose." Danieli 2:35
Muri izi nzozi zombi zijya gusa inzozi Nebukadineza yarose z'igishushanyo kinini


156

n'inzozi za Danieli z'ibisimba, Imana yerekanye mu nshamake amateka y'isi,uhereye igihe cya Babuloni ya kera kugeza igiheYesu agarukiye mu bicu by'icyubahiro gushyiraho ubwami bwe buzahoraho bw'urukundo no gukiranuka.


157

Magingo aya turi mubihe by'amano agizwe n'icyuma kivanze n'ibumba. Iyi si n'abayituye,nta gihe basigaranye. Ubu nibwo butumwa Imana igeza kuri buri wese muri twe ikoresheje ubuhanuzi bwayo bukaze.


# 17 - Uko Wavumbura Magendu (Ibyiganano)


158

Mbega uburyo butangaje bwo kuranga imyaka amagana y'amateka y'isi akubiye mu bice bibiri bigufi byo muri Bibliya! Ngaho tekereza;Mbese inzozi Danieli yahawe kurota kera muri rya joro i Babuloni, ntizigaragaza ko Imana ikunda kandi yitaye ku bwoko bwayo  butuye ku isi mu buryo butangaje?


159

Reba ukuntu Yerusalemu hari amatongo;ubwoko bw'Imana Israeli bwari mu bunyage i Babuloni. Ibintu byose byari mu rwijiji; ariko mu buryo budasanzwe Imana yariho ibwira Danieli iti; "Erega ndacyari maso.



160

Abami barima igihe cyagera bakavaho. Ingoma zishyirwaho igihe cyagera zigahanguka. Ariko sinari nibagirwa abana banjye bari kw isi,cyangwa imigambi mbafitiye.Umunsi umwe ibintu bizatungana.  None nshuti, abami n'ubwami bwabo barahanze, hanyuma barahanguka. Za nzozi zombi ziri hafi kugera ku ndunduro yuzuye.Yesu ari hafi kugaruka kurangiza urubanza, no kugaruza ubutware Adamu na Eva banyazwe kera.


161

Arashaka ko abana be bose bo kw isi bagira uruhare muri ubwo bwami ngo bazasangwe biteguye ubwo Umukiza azaba agarutse! Kuko kuri uwo munsi w'icyubahiro tuzitegereza Umwami wacu waducunguye!

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



1

**Uko wakwirinda gushyirwaho ikimenyetso cy’inyamaswa**


2

**Wari umunsi w’akataraboneka, umunsi w’ibyishimo abagaragira n’abacurangira umwami bateranye. Umwami Nebukadenaza yari yishimye cyane.**


3

**Yari yatumije abanyacyubahiro bose bo mu bwami bw’i Babuloni.  Wari umunsi yari yiteguye cyane kandi atari kuzibagirwa mu gihe cyose cyo kubaho kwe.**


4

**Mbere y’icyo gihe, umwami yari yarasose inzozi zidasanzwe. Abona igishushanyo kinini gikozwe mu cyuma.**


5

**Ntiyashoboye kwibuka ibyo yarose, nuko Danieli yagombaga kumumenyesha iby’inzozi, n’icyo zisobanura.**
**Nebukadineza nta kindi yashoboye gutekereza!**


6

**Yari umutwe wa zahabu!  Ubwami bwe bwari indahangarwa.  Buri wese yashoboraga kubona uk’ubwami bw’i Babuloni bwari bukomeye! Na WE UBWE ko yari igihangange.**


7

**Yategetse abagaragu be gukora igishushanyo gikozwe muri zahabu gusa.**



8

**Igishushanyo cyose cyari gikozwe muri zahabu. ubwiza bw’acyo bwatangazaga buri wese.  Bwari uburyo umwami yashakaga kwerekana ko ubwami bwe buzahoraho iteka.**


# 18 - Ikimenyetso Rurangiza


9

Kuri uwo munsi, abantu udumbagiza b’abanyacyubahiro bari bateranye mu birori byo gutah’igishushanyo cya zahabu cy’umwami Nebukadineza.



10

Mu kanya inteko nini yose iraceceka. Impanda ziravuzwa, umuvugizi w’umwami atangazamw ijwi riranguruye ati:




11

(Isomo: Danieli 3:4-6)
...Yemwe bantu b’amoko yose y’indimi zitari zimwe, nimwumv’uko tubategeka,




12

ngo nimwumv’amajwi y’amahembe n’imyironge n’inanga n’isambuka n’amabubura n’amakondera



13

n’ibintu by’ubgoko bwose bivuga, muhereko mwubarare hasi muramye igishushanyo cy’izahabu



14

umwami Nebukadineza yakoze;



15

arik’umuntu wese wanga kubarara hasi ngo aramye



16

ako kanya arajugunywa mu itanura ry’umuriro ugurumana.”  Danieli 3:4-6

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza


17

Umuziki uracurangwa.  Abantu bose bagwa bubamye baramy’ igishushanyo -- abantu hafi ya bose.



18

Mu gihe bose bari baphukamye, Saduraka, Meshaki na Abedinego bakomeje guhagarara--Abaheburayo batatu banze kutumvira Imana bunama kandi baramyw’ ikigirwamana. Ntibyatinze raporo igera ku mwami.



19

Azabiranijwe n’uburakari butewe n’uko habonetse uhangara kubahuka  itegeko rye, Nebukadineza ategeka ko bamuzanira abigometse.



20

Ubwo umwami yitegerezaga abo Baheburayo batatu, yahise abamenya.  Bari abahungu bato bafite ubwenge buhambaye.



21

Mu bihe byashije, yari yarabashinz’ imirimo myinshi, bayikora neza.  Abagirira impuhwe, yiyemeza kongera kubagirira ubuntu.  Ahamagara buli wese mu izina rye, umwami arababwira  ati:



22

(Isomo: Danieli 3:15)
“Nuko noneho ni mwumv’ amajwi y’ ibintu by’ amako yose bivuzwa,



23

mukemera kubarara hasi mukaramya igishushanyo nakoze, ni byiza; ariko ni mutakiramya,

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



24

ako kanya murajugunywa mu itanura
ry’ umurir’ ugurumana.” Danieli 3:15.
Iy’ umwami yabaga yatanz’ itangazo, yagombaga kurishyigikira cyangwa agata ishema mu baturage.


25


Saduraka, Meshaki, n’ Abedinego bashoboraga kubon’ ibirimi by’ umuriro biturutse mu itanura. Ntawashoboraga gushidikany’a icyo umwami yashaka kugeraho.


26

Bagombaga gukor’ iki? Wishyize mu mwanya wabo, wagombaga gukor’ iki? Bashoboraga kutumvir’ itegeko ry’ Imana? Bashoboraga kwigir’ inama ko ntacyo byatwara kunamir’ ikigirwamana rimwe mu bihe nka biriya. Uko biri kose, Bari bageze mu y’abagabo. Mbese ntibyari bikwiriye kwerekana ko bubaha umwami?



27

Bigaragara ko ibyo bitekerezo bitabaje mo, kubera ko bari barigishijw’ amategeko y’ Imana kuva mu buto bwabo, kandi rimwe muri ayo mategeko ryavugaga ngo,



28

(Isomo: Kuva 20:4, 5)
“Ntukiremer’ igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n’ ishusho yose...



29

Ntukabyikubit’ imbere, ntukabikorere...”
Kuva 20:4, 5.
Bacishije make kandi badashidikanya bashujije batya:



30

(Isomo: Danieli 3:16-18)
“...Nebukadineza, ntampamv’ ituma tugusubiz’ iryo jambo.

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



31

Nib’ar’ibyo, Imana yacu dukorera ibasha kudukiza mu itanura ry’umurir’ugurumana,



32

kandi izadukiza ukuboko kwawe, Nyagasani.




33

Ariko naho itadukiza, Nyagasani, umenye ko tutaribukorere imana zawe,



34

haba no kuramya icyo gishushanyo cy’izahabu wakoze.”
Danieli 3:16-18.
Ibikurikira birashimishije cyane. Umwami yararakaye ategeka ko itanura barishyushya inshuro ndwi, rikagurumira cyane kuruta ubusanzwe.


35

Nuk’umwami ategeka ko Saduraka, Meshaki, n’Abedinego babohwa kandi bakajugunywa mu itanura rishyushye.
Umuriro war’ukaze cyane kubury’abasirikare bajuguny’abo basore batatu mu itanura, bahasize agatwe.


36

Ako kanya, umwami yihutira kujya ku muryango w’itanura, abwir’ibyegera bye ko arikubona abantu bane bagenda mu birimi by’umuriro kandi ko umwe asa n’Umwana w’Imana!


37

Imana yacu yinjiye mu itanura rishyushye. Yari kumwe n’Abaheburayo batatu mu muriro. Ni Umutabazi kabuhariwe.

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza


38

Nebukadineza yategetse Abaheburayo gusohoka mu itanura, abantu bose batangazwa nuko abo basore batatu bavuye mu muriro imisatsi yabo ari mitaraga n’ imyenda yabo ntamwotsi uyihumuraho! Ikigirwamana cya zahabu cyahise cyibagirana. Ingingo y’ ibanze mu binyamakuru by’ icyo gihe, n’ imyaka yakurikiye, yavugaga igitangaza cy’ abo basore batatu.


39

Imana yabo yabakijije ibirimi by’ umuriro. Mbega igihamya gikomeyecye urukundo rw’ Imana ku bayoboke bayo bayizera! Bishoboka ko umunsi umwe mu bihe bizaza, hazabaho umuntu uzadutegeka uko dusenga. Bishoboka ko nka bariya Baheburayo batatu dushobora kuzacirw’ urwo gupfa kubera imisengere yacu.


40

Ushobora kuvuga ngo, “Nshimishijwe nuko ntawe untegeka uko ngomba gusenga!”
Byaba biteye ubwoba! Kwicwa kubera ko udasenze mu buryo undi muntu agutegetse.


41

War’ uziko dukurikij’ ubuhanuzi bwa Bibiliya, ibihe bikomeye bir’ imbere yacu? Kandi ko ingingo y’ ibanze ishingiye ku gusenga?



42

Nk’ Abaheburayo batatu, umuntu wese uzaba uriho mu bihe bya nyuma azasabwa guhitamo?
Ihitamo rizatera kashe ku mibereho y’ iteka!

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza


43

Nebukadineza, umutware ukomeye w’i Babuloni yakorehej’igishushanyo buri muntu wese yagombaga kunamira. Ikibazo nyakuri cyari ugusenga.
Itegeko rya kabiri ritubuza gusenga ikigirwamana ryasuzumaga niba twarahisemo gusenga Imana nyakuri cyangwa gusenga izindi mana.
Itanura ryashyuhijwe inshuro ndwi kurusha ubusanzwe. Igihe cy’umudugararo kitigeze kibaho.
Igihano cyo kutumvira ishyirahamwe ry’itorero n’ubutegetsi cyari urupfu.
Mu minsi yanyuma, Ijambo ry’Imana mu gitabo cy’Ibyahishuwe ryerekana ko umutegetse ukomeye azafatanya itorero n’ubutegetsi. Ingingo ikomeye izaba yerekeranye no gusenga. Mu bihe byanyuma by’imidugararo, amategeko y’Imana azarekan’uwo twubaha mu gihe iteka ryo gupfa rizashyirwaho.




44

Igitabo cy’Ibyahishuwe kibonekamo imiburo ikomeye ku bari mu isi.
Bigaragara ko Imana yita cyane ku butumwa bwo muri icyo gitabo, kuko yavuze ngo:




45

(Isomo: Ibyahishuwe 13:9)
“Ufit’ugutwi, niyumve.” Ibyahishuwe 13:9.
Tugomba kumva ubu butumwa buhuruza!




46

(Isomo: Ibyahishuwe 14:9, 10)
“...Umuntu n’aramya ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza,



47


uwo niwe uzanywa ku nzoga, niyo mujinya w’Imana,



48

yiteguw’idafunguwe mo amazi mu gacuma k’umujinya wayo.

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



49


Kandi azababazwa n’ umuriro n’ amazuku imbere y’ abamaraika bera n’ imbere y’ Umwana w’ Intama.” Ibyahishuwe 14:9, 10.


50

Buri muntu agomba kwiga yitonze iby’ ubu buhanuzi, akameny’ adashidikanya ko ntacy’ ahuriyeho n’ imyamaswa cyangwa ikimenyetso cyayo.



51

Dukurikij’ ubu buhanuzi, abatuy’ isi bazagabanywamo ibice bibiri mu mpera z’ igihe: Igice cyiyemeje kuyoboka no kwitondera amategeko y’ Imana, n’ igice kiramya inyamaswa kandi gifite ikimenyetso cyayo.



52

Abanze kuramy’ inyamaswa no kwakir’ ikimenyetso cyayo bazatotezwa cyane. Bizab’ ar’ ibihe bikomeye nk’ ibyo ba baheburayo batatu bahuye naby’ igihe bahagararag’ imbere ya Nubukabineza.



53

(Isoma: Ibyahishuwe 13:16, 17)
“Itera bose, aboroheje n’ abakomeye, n’ abatunzi n’ abakene, n’ ab’ umudendezo n’ ab’ imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy’ i buryo cyangwa mu ruhanga,



54

kugirango hatagir’ umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, kerets’ afit’ icyo kimenyetso cyangwa izina rya ya nyamaswa, cyangwa umubare w’ izina ryayo.” Ibyahishuwe 13:16, 17.


55

Hazashyirwaho itegeko ryo gupfa ku bantu bazanga kuramy’ inyamaswa n’ igishushanyo cyayo.

# 18 - IKIMENYETSO RURANGIZA





56

(Isomo: Ibyahishuwe 13:15)
Ku nyamaswa ya kabili yo mu byahishuwe, Bibiliya ivuga iti:
“Ihabga guh’icyo gishushanyo cy’inyamaswa guhumeka, no kuvuga




57

kandi cyicishe abatakiramya bose
Ibyahishuwe 13:15.


58


Umuntu aragir’ati, “n’utaramya inyamaswa, ntacyo tuzakuguraho cyangwa tuzakugurisha, bibabaye ngombwa tuzakwica.”


59

Imana iravuga ngo: “N’uramy’inyamaswa, uzanywa ku nzoga y’umujinya w’Imana.”



60

Buli muntu utuye kur’iy’isi agomba kuzafat’umwanzuro ukomeye. N’ibihe bihano Imana izagener’abadakiranuka? Ibyahishuwe biduh’igisubizo:



61

(Isomo: Ibyahishuwe 15:1)
“Mbona mu ijuru ikindi kimenyetso, gikomeye gitangaza:



62

nicyo cy’abamaraika barindwi bafit’ibyago birindwi, nibyo by’imperuka, kuko muri byo ari mo umujinya w’Imana wuzurira.” Ibyahishuwe 15:1.


63

Mu byago birindwi, bitatu byateganirijwe inyamaswa n’abayiramya. Bigaragara ko Imana itazahana abantu itabanje kubaburira.

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza


64


**Nicyo gishimisha cyane ku byerekey’Imana!**
**Ntabw’izasuk’ibyago birindwi ku kiremwa muntu itabanje kumenyesha buri wese ibyerekey’ikimenyetso cy’inyamaswa nuko umuntu yacyirinda.**


65

**Mu butumwa bw’imbuzi buheruka, Imana itanga urufunguzo rufungura ubuhanuzi, kugirango dusobanukirwe n’ubwo buhanuzi.**
**Nta muntu ukeneye kugera mubihe biruhije ako kageni atiteguye. Ni ngombwa ko tumenya iyo nyamaswa nuko twakwirinda gushyirwaho ikimenyetso cyayo.**



66

**Reka turebe ubuhanuzi buboneka mu gitabo cy’Ibyahishuwe, dusome iby’iyo nyamaswa.**




67

**(Isomo: Ibyahishuwe 13:1-8)**
**Intumwa Yohani yanditse ngo:**
**“Ngihagarara ku musenyi wo ku nyanja, ngiye kubona mbona inyamaswa iva mu nyanja,**




68

**ifit’amahembe cumi n’imitw’irindwi: ku mahembe yayo hariho ibisingo cumi,**



69

**no ku mitwe yayo hariho amazina yo gutuka Imana.**



70

**Iyo nyamaswa nabonye yasaga n’ingwe, amajanja yayo yasaga n’ay’aruko,**



71

akanwa kayo kasaga n’ ak’ intare.



72

Cya kiyoka kiyih’ imbaraga zacyo, n’ intebe yacyo y’ ubgami, n’ ubutware bukomeye.” Ibyahishuwe 13:1, 2.




73

“Nuko mbon’ umwe mu mitwe yay’ usa n’ ukomerets’ uruguma rwica,




74

ariko urwo ruguma rwawishe rurakira.  Abari mu isi yose bakurikira iyo nyamaswa bayitangarira.




75

Baramya icyo kiyoka kuko cyahay iyo nyamaswa ubutware bwacyo;




76

baramya n’ iyo nyamaswa bati, ‘Ni nde uhwanye n’ iyi nyamaswa?



77

kandi ni nd’ ubasha kuyirwanya?’”



78

Ihabwa akanwa kavuga ibikomeye nibyo gutuka Imana,

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



79

ihabga no kurama, ngo imari amezi mirongwo ine n’abiri.” Ibyahishuwe 13:3-5.




80

“Ibumburira akanwa kayo gutuka Imana no gutuka izina ryayo,




81

n’ihema ryayo n’ababa mu ijuru.




82

Ihabwa kurwanya abera no kubanesha.



83

ihabwa no gutwara imiryango yose n’amoko yose, n’indimi zose, n’amahanga yose.



84

Abari mu isi bose bazayiramya, umuntu wese, izina rye ritanditse



85

mu gitabo cy’ubugingo cy’Umwana w’Intama watambwe uhereye ku kuremwa kw’isi.” Ibyahishuwe 13:6-8.


86

Dukeneye kureba buri ngingo y’ubu buhanuzi. Hano, Imana yongeye gukoresha ibimenyetso by’ubuhanuzi igamije kuburira abari mu isi.

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



87

**Inyamaswa yerekan’iki?**
**Danieli 7 itwigisha ko inyamaswa zerekana ingoma cyangwa ubutegetsi.**
**Mu byahishuwe, tuhabona ibishushanyo bidasanzwe--inyamaswa igizwe n’inyamasw’enye Danieli yeretswe! Ntawigez’abon’inyamasw’imez’ityo!**
**Reka twongere tureb’inyamasw’enye Danieli yeretswe, biradufasha kumv’iby’imbaraga z’iyi nyamaswa turikwiga.**





88

**Intare yerekan’iki? Nibyo, ni Babuloni!**





89

**Idubu? Abamedi n’Abaperesi.**




90

**Ingwe yerekan’iki? Ubugiriki, nibyo.**




91

**Inyamasw’itey’ubwoba y’amahemb’icumi?**
**Murayibuka! Nibyo, yerekana ingoma y’abaroma.**



92

**Inyamaswa yo mu gice cya 13 cy’Ibyahishuwe n’ubutegetsi bwakurikiy’ubwami bune Danieli yeretswe. Nkuko tubibona, ubutegetsi bumwe buri ku isi bwuzuz’ibimenyetso bivugwa mu buhanuzi.**
**Ibyanditswe byeara n’amateka y’isibyerekan’ibimenyesto by’ukuri.**
**Yohani yavuz’ibyiyo nyamaswa agir’ati:**

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



93

(Isomo: Ibyahishuwe 13:2)
“Cya kiyoka kiyih’ imbaraga zacyo, n’ intebe yacyo y’ ubwami, n’ ubutware bukomeye.” Ibyahishuwe 13:2. Turabona ko icyo kiyoka ari Satani, kuko Bibiliya ivuga ngo,




94

(Isomo: Ibyahishuwe 12:7-9)
“Mu ijuru habaho intambara...




95

Cya kiyoka kinini kiracibga, ni cyo ya nzoka ya kera, yitwa Umwanzi na Satani, nicyo kiyoby’ abri mu isi bose...”
Ibyahishuwe 12:7-9.


96

Ntabwo Satani yigaragaz’ iy’ ater’ abantu. Ariyoberanya akanakoresh’ izindi mbaraga n’ abantu. Ibyahishuwe bitwerek’ ishusho y’ intambara ikomeye hagati ya Satani n’ itorero:




97

(Isomo: Ibyahishuwe 12:3-5)
“Mu ijuru haboneka ikindi kimenyetso, mbona ikiyoka kinini gitukura,




98

gifite imitwe irindwi n’ amahembe cumi, no ku mitwe yacyo gifit ibisingiro birindwi...



99

Icyo kiyoka gihagarara imbere y’ uwo mugore waramukwaga,



100

kugirango n’ amara kubyara gihereko kiry’ umwana we.

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



101

Abyara umwana w’umuhungu uzaragiza amahanga inkoni y’icyuma:



102

Umwana w’arasahurwa, ajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo.” Ibyahishuwe 12:3-5.


103

Iyu mwana w’umuntu ni nde?
Ni Yesu Kristo!
Cya kiyoka, cyangwa Satani, yakoresheje uburyo bwose, agamije kwica Yesu.
Nuko byagenze.
N’ikihe gihugu Satani yakoreyem’igihe Kristo yavukaga?



104

Iyo tureby amateka y’isi, tubona uko Umwami Kaizari yategekaga ingoma y’ Abaroma ubwo Kristo yavukaga.


105

Umwami Herodi yatanze itegeko ryo kwica impinja z’abahungu ku geza ku myaka ibiri muri Betelehemu agamije kwica umwana Yesu.


106

Umutware w’Abaroma, Poniyasi Pilato, yaciriye Kristo urwo gupfa.


107

Abasilikare b’Abaroma babambye Kristo ku musaraba, na kashi y’Abaroma yashyizwe ku muryango w’imva ya Yesu. Satani yakoreye mu butegetsi bw’I Roma kugira no yicishe Kristo.


# 18 - Ikimenyetso Rurangiza


108

**Yesu arazuka ajya mu ijuru nkuko ubuhanuzi bwabitangaje mbere. Ntabwo ibi biguha kwizera cyane ubuhanuzi bwa Bibiliya?**


109

**Kandi ubuhanuzi bwerekanye mbere yuko imbaraga z’i Roma ziza**



110

**(Isomo: Ibyahishuwe 13:2)
giha “imbaraga” zacyo n’“intebe” yacyo y’ubwami, n’“ubutware” bukomeye ya nyamaswa.
Ubutegetsi bw’i Roma ntibwujuje iby’ubu buhanuzi? Nib’aribyo, byahawe nde?**


111

**Kuva imyak’amagana, Itorero ry’i Roma ryakoreshag’inyandiko yitwa “Impano ya Konstantino” kugirango yemez’uburenganzira bwaryo ku mujyi w’i Roma.
Iyo nyadiko, yaje nyuma kugaragara ko ar’impimbano, yahaga kiliziya ububasha bwo gutegeka Roma y’iburengerazuba, mu buryo bwa politiki n’iyoboka Mana. Iyo nyandiko yakoreshejwe gushimangira ubutegetsi bw’ubwami ivuga ko Papa ariwe mwami.**



112

**Mu mwaka wa 300 Nyuma y’ivuka rya Kristo, Konsitantino yimuriye umurwa mukuru i Bizantiyumu maze umujyi awita izina rye Konsitantinopule.**


113

**Ubwo Konsitantino yeguraga, yasigiye intebe ye Bishopu w’i Roma. Uwo Bishopu w’i Roma aba umutware mukuru wa Kiliziya, akaba n’umwami. Hatangira kubaho ubumwe bwa kiliziya na leta, kiriziya itegeka leta.**


114

**Umujyi wa Vatikani uri Roma rwagati, umujyi wahoze ar’icyicaro cy’ingoma ya kera y’Abaromani.**

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza


115

Kiliziya y’i Roma ikomeje icyicaro cyayo aho kugez’uyu munsi, ikomatanije ubutegetsi bw’idini na politiki. Buli gihugu cyo mu isi cyohereza abagihagarariye i Vatikani.


116

Ni ngombwa kuzirikana ko ubuhanuzi buvuga gahunda ubwayo, cyangwa imiterere mu byerekeye kwigisha iyobokamana. Ntabwo butunga agatoki abantu ku giti cyabo!


117


Hari abantu benshi bavugisha ukuri basenga Imana ariko bataramenya ibyo muri kwiga byerekeranye n’iyo mbaraga.


118

Ushishoje ukig’ibimenyetso byerekana inyamaswa yo mu byahishuwe 13 ubona neza ko iyo mbaraga imeze nk’iyo twabonye muri Danieli igice cya karindwi, igereranywa n’agahembe gato.


119

Umuhanuzi Yohani avuga ko ubutware bw’iyo nyamaswa buzarangwa no gukoresha ingufu, agahato kuri buri wese, kandi mu isi hose!



120

(Isomo: Ibyahishuwe 13:13-17)
“Itera bose, aboroheje n’abakomeye, n’abatunzi n’abakene, n’ab’umudendezo n’imbata, gushyirwaho ikiminyetso ku giganza cy’i buryo cyangwa mu ruhanga:



121

Kugira ngo hatagir’umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, kerets’afit’icyo kimenyetso, cyangwa izina rya ya nyamaswa cyangwa umubare w’izina ryayo.”
Ibyahishuwe 13:16-17.

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



122

Ukurikij’ijambo ry’Imana, iki kimenyetso kigomba kuba cyerekana kutayoboka ubutegetsi bw’Imana. Bibiliya yerekana neza agatsiko katazemer’ikimenyetso cy’inyamaswa.



123

(Isomo: Ibyahishuwe 14:12)
“Aho niho kwihangana kw’abera kuri, bitonder’amategeko y’Imana, bakagira kwizera nk’ukwa Yesu.”
Ibyahishuwe 14:12.



124

Ntimwibeshye, kwitonder’amategeko y’Imana nicyo kibazo gikomeye isi yose izahura nacyo.
Ubwo agatsiko kamwe kazashyirwaho ikimenyetso cy’inyamaswa, akandi kazakomeza kwita ku mategeko y’Imana kanakomeze kwiringira Yesu.



125

Abantu b’Imana nabo bazahabwa ikimenyetso cyayo, ariko kizaba ari ikimenyetso cy’Imana, ikimenyetso cy’Imana.


126

Kizashyirwa mu ruhanga rw’abayoboke bayo.



127

(Isomo: Ibyahishuwe 7:2-3)
“Mbona na maraika wundi, azamuka, av’i burasira-zuba, afit’ikimenyetso cy’Imana ihoraho.



128

arangurur’ijwi rirenga, abwira abwira ba bamaraika bane bahawe kubabaz’isi n’inyanja,

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



129

ati: ‘Ntimubabaz’isi cyangwa inyanja cyangwa ibiti



130

tutaramara gushyir’ikimenyetso mu ruhanga
rw’imbata z’Imana yacu.’”
Ibyahishuwe 7:2-3.



131

Ndashaka icyo kimenyetso;  nawe nicyo ushaka?
Nta kintu cy’ingirakamaro nkacyo.
Intambara iheruka mu mateka y’isi yerekeranye
n’ikimenyetso cy’Imana cyangwa icy’inyamaswa.
 Iri hagati y’ikimenyetso cy’Imana n’ikimenyetso
gifutamye.  Kumenya ikimenyetso cy’Imana,
bitubashisha kuvumbura ikimenyetso cy icyiganano
kizashyrwa ku bantu ku gahato.
Imana itubwira iby’ikimenyetso cyayo:



132

(Isomo: Ezekieli 20:12)
“Maze kandi mbaha n’amasabato yanjye ngo’abe
ikimenyetso hagati yanjye nabo...”
Ezekieli 20:12.



133

(Isomo: Kuva 31:13)
Imana irongera kuvuga ngo, “Kandi ubgire Abisiraeli
uti: ntimukabure kuziririza amasabato yanjye,



134

kuko ari yo kimenyetso hagati yanjye namwe mu bihe
byanyu byose,



135

kugira ngo mumenye yuko nd’Uwiteka ubeza.”
 Kuva 31:13.

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza




136

Imana ivuga ko Isabato ari ikimenyetso cy’ ubutegetsi. Ikimenyetso cy’ ubutegetsi bw’ inyamaswa n’ ikihe?




137

Ibi bikurikira biboneka muri gatikisimu y’ Abagatolika:
Ikibazo: Wemez’ ute ko kiliziya ifit’ ububasha bwo gutegek’ iminsi mikuru n’ iyera?




138

“IGISUBIZO: “Kubera guhindura Isabato mo munsi wa mbere w’ icyumweru, Abaporoso bakabyemera.




139

bagaragaza kwivuguruza igihe bubahirije uwa mbere, bakareka iyindi minsi yategetswe n’iyo Kiliziya nyine.




140

“IKIBAZO: Hari ubundi buryo bwerekana ko kiriziya ifite ububasha bwo gushyiraho iminsi mikuru y’ idini?



141

“IGISUBIZO: “Iy’ itagir’ ubwo bubash ntiba yarashyizeho kubahiriz’ umunsi wa mbere w’ icyumweru,



142

iwusimbuje umunsi w’ Isabato, uguhindura kutaboneka mu byanditswe byera.”
- Agatabo gakubiyemo amahame ya Gikistu, kanditswe na Henry Tuberville, urupapuro rwa 58.

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza


143

Umunsi wa mbere w’icyumweru nicyo kimenyetsokiranga ubutegetsi bwa kiriziya y’i Roma nkuko ibyivugira.
Yiyemerera ko yahinduy’umunsi wo gusenga iwuvana kuwa karindwi iwushyira kuwa mbere ( mu Kinyarwanda witwa ku Cyumweru) kandi ko



144

avuga ko icyo gikorwa ar’”ikimenyetso cy’ubutegetsi bwa kiriziya.”
Ibarwa yanditse na C.F. Tomasi, Ukwakira 28, 1895).
Kiliziya y’i Roma ibaz’Abaporoso impamvu batubahiriz’umunsi w’Imana, bakaba barateshejwe



145

(Videwo y’amasegonda 2)
Isabato yo muri Bibliya bagakurikira umunsi washyizweho na



146

(Videwo Y’amasegonda 5)
Umuco, imihango, n’itegeko rya kiriziya y’i Roma.



147

(Isomo: Danieli 7:25)
Danieli yeretswe ko uhagarariye ubutegetsi bw’inyamaswa “...azigir’inama zo guhindur’ibihe n’amategeko...”
Danieli 7:25.



148

(Isomo: Danieli 8:12)
Yavuze kandi ko ubwo butegetsi buzajugunya”... iby’ukuri hasi, bukajya bubasha icyo bugambiriye.”
Danieli 8:12.


149

Yohani yatangaje mbere ko Satani azahatira abantu bose kwakira ikimenyetso cy’inyamaswa:

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



150

**(Isomo: Ibyahishuwe 13:16-17)**
**“Itera bose, aboroheje n’abakomeye, abatunzi n’abakene, n’ab’umudendezo nab’imbata, gushyirwaho ikimenyetso kukiganza cy’iburyo cyangwa mu ruhanga,**



151

**kugira ngo hatagir’umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, kerets’afit’icyo kimenyetso, cyangwa izina rya ya nyamaswa, cyangwa umubare w’izina ryayo.”**
**Ibyahishuwe 13:16-17.**



152

**Kugirangw’ubwo butegetsi bw’inyamaswa bubashe gushohoz’ibyahanuwe, mu bihe biheruka, buzakoresh’imbaraga z’ubutegetsi bwa leta kugirango buhatire buli wese kwakir’ikimenyetso cyabwo. Reba uko Imana igaragaz’ubwo butegetsi:**



153

**(Isomo: Ibyahishuwe 13:18)**
**“Aha ni h’ubgenge buri: Ufite ubgenge, abare umubare w’iyo nyamaswa, kuko ari umubare w’umuntu:**



154

**kandi umubare we ni magan’atandatu na mirongw’itandatu n’itandatu.”**
**Ibyahishuwe 13:18.**


155

**Ushobora kuba wibaza icyo umubare w’inyamaswa usobanura. Abantu benshi bibaza icyo kibazo.**


156

**Reka tureke Kiriziya Gatolika idusobanurire. Ikilatini ni rwo rurimi rwemewe rwa Kiliziya Gatolika.**
**Papa, mu myigishirize ya Gatolika, ahagarariy’itorero ryose.**

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



157

**Kimwe mu byubahiro bya papa ni Vicarious Filii Dei, bisobanura “Icyegera cy’ Umwana w’ Imana,”**



158

**“Abagatolika bemera ko Kiliziya, igizwe n’ abantu, igomba kugira umutware ugaragara.”**




159

**Murabona ko agaciro k’ imibare y’ inyuguti z’ Ikilatini koroshye kubara**
**Vicarius Filii Dei**
**Vicarius 5,1,100,0,0,1,5,0 = 112**
**Filii 0,1,50,1,1 = 53**
**Dei 500, 0, 1 = 501**
**=666**
**Icyi n’ ikindi kimenyetso cyerekana ko kiriziya y’ i Roma ariyo ya nyamaswa ivugwa mu byahishuwe 13.**


160

**Niki twakura mu kigisho cy’ ubuhanuzi bwo mu ijambo ry’ Imana?**
**Turabona ko hagiye kuza igihe kandi kitari kure, ubwo buri wese azategekwa kubahiriza umunsi wa mbere w’ icyumweru utandukanye n’ itegeko ry’ Imana!**


161

**Haherutse gusohoka ibwirizwa ryiswe: “Ibarwa y’ intumwa, Dies Domini, Ya Data Mutagatifu wera, Yohani Paulo wa Kabiri, rigenewe abayobozi ba kiriziya n’ abizera, irebana no kuzirikana umunsi wera w’ Imana,” ryihanangiriza abayozi ba Kiliziya kwihatira kubahiriza umunsi wa mbere w’ icyumweru nk’ umunsi w’ ikiruhuko no gusenga.**
**Byaba bishoboka ko iy’ ibaruwa itegura ishyirwaho ry’ amategeko yo kubahiriza umunsi wa mbere w’ icyumweru aho kubahiriza Isabato ivugwa muri Bibiliya?**


# 18 - Ikimenyetso Rurangiza


162

**Iyo baruwa ivuga ko bagomba gushakisha uko hashyirwaho amategeko ya leta kugirango icyifuzo cya Papa gisohore.**
**Ibyo hari icyo bibibutsa?**
**Niko byahanuwe!**


163

**Abantu benshi bibaza iki kibazo, “Mbese ubu hari umuntu ufite ikimenyetso cy’ inyamaswa?”**
**Oya, nta muntu urahabwa ikimenyetso cy’ inyamaswa.**
**Imana ifite abayoboke bayo muri buri torero**




164

**Igihe ikimenyetso cy’ inyamaswa kizashyirwaho n’ ubutegetsi bwa leta, buri muntu agomba guhitamo hagati yo kuyoboka Imana yubahiriza Isabato nkuko biri mu mategeko y’ Imana--cyangwa kuyoboka inyamaswa yubahiriza umunsi washyizweho n’ ubutegetsi bw’ umuntu.**
**Ubwo nicyo gihe cyonyine buri wese azakira ikimenyetso cy’ inyamaswa!**
**Buri muntu agomba kuzasuzumwa: Nzumvira Imana cyangwa nzayoboka umuntu?**
**Ntabwo ari kibazo cy’ iminsi.**
**N’ ikibazo cy abatware!**




165

**(Isomo: Abaroma 6:16)**
**Paulo yanditse ko: “Ntimuzi yuk’ uwo mwihaye kuba imbata zo kumwumvira,**



166

**muri imbata z’ uwo mwumvira uwo, imbata z’ ibyaha bizan’ urupfu,**



167

**cyangwa izo kumvira Imana kuzana gukiranuka?”**
**Abaroma 6:16.**

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza



168

**Buri muntu utuye ku isi agiye guhura n’igihe gikomeye. Ntawe uzashobora kugura no kugurisha adafite ikimenyetso cy’inyamaswa.**


169

**Ubwa mbere hazabaho gukomanyirizwa hakurikire iteka ryo gupfa.**
**Ku bazakira ikimenyetso cy’inyamaswa, hakurikire ibyago birindwi.**
**Murabona impamv’iyi ngingo ikomeye?**
**Kubera ko ari ikibazo cy’ubuzima n’urupfu?**
**Kuk’ari ngombwa ko twahitamo kubaha Imana ubu?**



170

**Hari inkuru nziza ku bahitamo kubah’Imana bagahabwa ikimenyetso cyayo.**




171

**(Isomo: Yesaya 33:16)**
**Ntibazashobora kugura cyangwa kugurisha, ariko Imana iragira iti: “...azahabwa ibyo kurya bimutunga, n’amazi yo kunywa ntazayabura.”**
**Yesaya 33:16.**




172

**(Isomo: Zaburi 91:5-8)**
**Kubyerekeye ibyago bizasukwa ku isi, Imana iradusezeranira ko: “Igiteye ubwoba cya nijoro ntikizagutinyisha, cyangwa umwambi ugenda ku manywa,**



173

**Cyangwa mugiga igenda mu mwijima, cyangwa kurimbura gutsemba ku manywa y’ihangu.**



174


**Abant’igihumbi bazagw’iruhande rwawe, abant’inzovu bazagw’iburyo bwawe; ariko ntibizakugeraho.**

# 18 - Ikimenyetso Rurangiza




175

Uzabirebesh’amaso yawe gusa, ubon’ibihembo by’abanyabyaha.”
Zaburi 91:5-8.
Kandi niba ugishidikanya ibizakurikiraho, Bibiliya igirango,



176

(Isomo: Zaburi 91:9-11)
“Kuko ari wowe buhungiro bwanjye, Uwiteka wagize Isumba byose ubuturo,




177

nuko nta kibi kizakuzaho, kandi nta cyago kizegera ihema ryawe,




178

kuko azagutegekera abamaraika be, ngo bakurindire mu nzira zawe zose.”
Zaburi 91:9-11.
Imana iha isezerano ryiza abahisemo kuyikurikira:



179

(Isomo: Danieli 12:1)
“Maze icyo gihe Mikaeli wa mutware ukomeye, ujya ahagarikira abantu bawe, azahaguruka.




180

hazaba ari igihe cy’umubabaro utigeze kubaho, uhereye igihe amahanga yabereyeho, ukageza icyo gihe.



181

Nuko icyo gihe abantu bawe bazaba banditswe mu gitabo, bazarokorwa.” Danieli 12:1.
Yohani yeretswe iby’ababashije kunesha inyamaswa:



182

(Isomo: Ibyahishuwe 15:2)
“Mbon’igisa n’inyanja y’ibirahuri, bivanze n’umuriro, mbona n’abatabarutse banesheje ya nyamaswa,



183

n’igishushanyo cyawo, n’umubare w’izina ryayo,




184

bahagaze kuri iyo nyanja y’ibirahuri, bafite inanga z’Imana.” Ibyahishuwe 15:2.
Ubu, Imana irimo kwinginga abayoboke bayo b’ukuri kuva mu matorero yayobye kugirango bayikurikire burundu.




185

(Isomo: Ibyahishuwe 18:4)
“...Bgoko bwanjye, nimuwusohokemo, kugira ngo mwe gufatanya n’ibyaha byawo,



186

mwe guhabwa no ku byago byawo.” Ibyahishuwe 18:4.


187

Guhitamo gukurikira Imana bigusaba kugira icyo wigomwa. Ibuka ba Baheburayo batatu bahisemo guhangana n’urupfu, badashakishije urwitwazo biyemeza guhagararira Imana?


188

Muri aya materaniro, Imana yakomeje kukubwira ikoreshej’Umwuka Wera. Irahamagara bwanyuma abatuy’iy’isi ishaje kwitegura kugaruka k’Umwana wayo.
Azagaruka gutwara abiyemeje kumukurikira. Nti wamera nka ba Baheburayo batatu ngo uhagarire Imana n’ukuri kwayo muri iri joro?

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



1

**Uburyo Wamenya ko Amafaranga Yawe Abitswe Aho Imvura Itagwa**


2


**Yesu yibanze ku byerekeye amafaranga.**
**Imigani 16 muri 38 yerekezaga ku gucunga amafaranga cyangwa umutungo. Mu butumwa bune bwa Matayo, Mariko, Luka, na Yohana, kimwe cya cumi gihwanye n’imirongo 288 hamwe, cyerekejeje ku mafaranga cyangwa ku mutungo.**
**Hari imirongo igera kuri 500 muri Bibiliya yerekeye amasengesho, indi 500 yerekeye ku kwizera.**
**Nyamara hari umurundo w’imirongo 2000 byose avuga ku mafaranga n’ubutunzi. Amafaranga ni ingingo Imana yitayeho.**
**Icyakora ntishaka ko adutesha umutwe.**
**Ishaka ko tuyiringira, ikabona uko idukenura.**


3

**Benshi bahugira mu kwiganyira ku bibazo by’amafaranga. Bibaza aho bakura ayo kugura ibyo bashaka cyangwa bakeneye. Usanga banibaza ngo ejo nzamera nte.**


4

**Bazaba bafite ahagije yabatunga mu gihe cy’izabukuru? Bizagenda bite ubwo bazaba barembye cyangwa bashaje batagishobora gukora? Abantu bashaka ikintu gishikamye cyangwa kiramba. None se twabona hehe ubwishingizi dukeneye ubu cyangwa ahazaza?**


5

**Mu mugambi w’Imana ntibyari biteganijwe ko abantu biganyira ibyo muri iki gihe cyangwa ibyo mu gihe kizaza. Kuyiringira bituvana mu maganya yo kwibaza ngo ejo nzamera nte?**



6

**(Isomo: Matayo 6:31,32)**
**Nuko ntimukiganyire mugira ngo, Tuzary’iki? cyangwa ngo, Tuzanyw’iki? cyangwa ngo, Tuzambar’iki?**

19 - Uyu Mushinga Ntugucike.

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



7

**...kuko ibyo byose abapagani babishaka: kandi So wo mw ijuru azi ko mubikwiriye byose.”**
**Matayo 6:31, 32.**
**Reka turebe inama y’ubwishingizi buhoraho bw’Imana kuri twebwe.**


8


**Byose byatangiriye mu murima wa Eden.**


9

**Iyi si ikiva mu maboko ya Rurema, yararabagiranaga itatse ubutungane n’ubwiza bihebuje.**


10

**Aho werekezaga amaso hose, harangwaga n’ubuhangange bw’Uwahanze byose.**
**Imirasire y’izuba n’imirengere yaryo byasaga n’ibirushanwa kubengerana.**


11

**Ibiyaga bitarangwamo umuraba, wasangaga byitengetse hagati y’udusozi**


12

**Uburabyo burabagirana kandi bw’amoko yose hamwe n’imizabibu yumbije, byakwizaga hose impumuro nziza.**


13

**Ibiti byashengurwaga n’umutwaro w’imbuto z’amoko yose.**

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.


14

Inyoni zasakazaga mu kirere amajwi y'indirimbo ziryoshye. Inyamaswa zakinagiraga mu bikombe bitoshye, ntacyo zikanga. Imigezi n'ibiyaga byuzuye amafi atatse amabara.
Mbega Paradiso, uhereye aho giterwa inkingi, kugera aho giterwa iyindi!


15

Mbega ukuntu Adamu na Eva bari bishimiye isi itunganye Imana yari yabaremeye!




16

(Isomo: Itangiriro 2:8)


Ariko s'ibyo gusa!
"Uwiteka Imana ikeba ingobyi... ishyiramo umuntu yaremye."
Itangiriro 2:8.


17

Ibaze rero! Ahantu runaka hagati y'ibitangaza n'ibyiza bitatse isi ikiri uruhinja, Imana igenera Adam na Eva isambu yo guturamo.


18

Urugo rwuzuye ibya Mirenge hano ku isi, nta warugereranya n'urugo rwo mu ngobyi y'umwimerere. Imana ntiyabahaye urugo rw' ihoho gusa, yanabasobanuriye ibyerekeye ibyo kurya yabateganirije.



19

(Isomo: Itangiriro 1:29)
"... Dore mbahaye ibimera byose byera imbuto, biri mw isi yose,



20

n 'igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo, bizabe ibyokurya byanyu."
Itangiriro 1:29.


# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.


21

**Adamu na Eva ntibakodeshaga inzu, nta misoro, nta ngufuri cyangwa ifunguzo, nta bisambo bipfumura amazu, nta bitaro, nta mazu agurisha imiti.**


22

**biberaga mu kitumva indwara cyangwa ubusaza, buri wese ari magara ntunsige ku wundi, kandi bombi bakunda Imana byimazeyo. Maze Imana ishatse kubasenderezaho imigisha, irababwira iti:**



23

**(Isomo: Itangiriro 1:28)**
**.. Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo...” Itangiriro 1:28**




24

**Turi ibisonga by’Umutungo w’Imana**



25

**Imana yashakaga ko kw isi habaho umuryango mugari, unezerewe, utaranganwa umuze. Imana kandi yari izi ko abantu bakeneye gukora, no kwishimira imirimo y’amaboko yabo.**




26

**(Isomo: Itangiriro 1:28)**
**Nuko ibwira Adamu na Eva iti: “ Mutware amafi yo mu nyanja n’inyoni n’ibisiga byo mu kirere,**



27

**n’ibintu byose bifite ubugingo byigenza kw isi...**



28

**(Isomo: Itangiriro 2:15)**
**Uwiteka Imana ijyana wa muntu,imushira muri iyo ngobyi yo mw Edeni ngo ahingire ibirimo,ayirinde.” Itangiriro 1: 28; 2:15.**

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



29

Ibiri mw isi byose ni iby'Imana, ariko yabiragije abantu.
Imana niyo nyiri ibintu, turi ibisonga bicunga umutungo w'Imana.




30

(Isomo: Zaburi 24:1)
Bibliya ivuga ngo: "Isi ni iy'Uwiteka n'ibiyuzuye, isi n'abayibamo." Zaburi 24:1.



31

(Isomo: Zaburi 50: 10,11)
Imana yongera kuvuga iti: "Kuko inyamaswa zose zo mu ishyamba ari izanjye, n'inka z'ibirarashyamba zo ku misoszi igihumbi."




32

Nzi inyoni n'ibisiga byose byo ku misozi, inyamaswa zo mu ishyamba zose ni izanjye."
Zaburi 50:10,11.



33

Imana niyo idushoboza kuronka ubutunzi. Ntacyo twifitiye ku bwacu!
Imana nk'umuremyi wacu, niyo itegeka ibyo dutunze n'ubuzima bwacu.



34

Isomo: Gutegeka 8:18)
"Ahubwo uzibuke Uwiteka Imana yawe, kuko ari yo iguha imbaraga, zikuronkesha ubutunzi,



35

kugira ngo ikomeze isezerano yasezeranishije indahiro na ba sekuruza wanyu nkuko irikomeza muri iki gihe." Gutegeka 8:18.

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.




36

**Igitabo gishakirwamo ubusobanuro bw’amagambo, kivuga ko igisonga ari: Umuntu ucunga umutungo yabikijwe n’undi.**
**Muri iki gihe, iyo umuntu yemeye kubika ibitari ibye, ashaka kumenya icyo nyiri ibintu amutezeho.**
**Ubwo ni bwo bwumvikane Adamu yagiranye n’Imana, kuko Bibliya ivuga ngo,**




37

**(Isomo: Itangiriro 2:16, 17)**
**... ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi, ujye urya imbuto zacyo uko ushaka.**




38

**Ariko igiti cy’ubwenge bumenyesha icyiza n’ikibi, ntuzakiryeho,**




39

**kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa”**
**Itangiriro 2: 16,17.**



40

**(Videoy’amasegonda 20) Imana yagerageje urukundo n’ubuyoboke bw’abantu.**
**Adamu na Eva bashoboraga kurya ku mbuto zose uretse izo ku giti cyabuzanijwe.**
**Kumvira Imana ni byo byagombaga kugaragaza ko ari yo nyiri ibintu.**
**Iyo bakiranuka ku nshingano yabo, bajyaga kurama iteka mu isi ya Paradiso.**
**Batsinzwe rero na ikigeragezo gito Imana yabasabaga. bahomba amahirwe atagira ingano, babura byose: umurima wabo wa Edeni, ukudapfa, urukundo, umunezero, umutima- nama utabarega, bahomba no kujya baganira n’Imana amaso ku maso!**


41

**Bavuye ku mwanya w’ubutegetsi bibona mu bucakara. Maze Satani arahazamukira, kuko uwo mumaraika w’icyigomeke, yibwiraga ko azatwara isi ibihe bidashira.**

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



42

**Ariko ubutegetsi bwa Satani bwahungabanijwe n’uko, nyuma y’ibinyejana byakurikiyeho Yesu yaje mu isi.**



43

**Satani yibwiraga ko, uko yashutse Adamu na Eva bitamugoye ari nako azagenza Yesu. Nuko ategereza igihe Yesu yari amaze iminsi mirongo ine mu gisibo.**




44

**(Isomo: Matayo 4:8, 9)**
**Nuko amujyana mu mpinga y’umusozi muremure cyane...**




45

**amwereka ubwami bwose bwo  mw isi n’ubwiza bwabwo...**




46

**Aramubwira ati:” ibi byose ndabiguha n’upfukama ukansenga.” Matayo 4:8,9.**



47

**Satani yibwiraga ko Yesu yakururwa n’ubwami bwo mu isi. Ibintu Satani yibwiraga ko yagabira Yesu si we wari nyirabyo. Yari yaribye iyi si mu buhendanyi n’ubusambo. Umushyikirano yari afitanye n’Imana, Yesu ntiyari yiteguye kuwugurana ibihendo by’ubutunzi n’ibirabagirana by’isi.**



48

**I Karuvari, ni ho Satani yatsindiwe bidasubirwaho. Urupfu rwa Yesu ku musaraba rwatsinze Satani ruhenu. Rwazanye ubushobozi bwo guhembura isi no kuyivugurura.**

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



49

Uko turi n’ibyo dufite byose, tubikesha impano ihoraho Kristo yatangiye ku musalaba. Twamukunda, tatamukunda, abo turi bo n’ibyo dutunze, byose ni umutungo we.



50

Ntabwo ari Umuremyi gusa ahubwo ni n’Umucunguzi. Uko Adamu na Eva bari ibisonga bye, natwe niko tumeze. None se icyo adutezeho ni iki?




51

(Isomo: 1 Abakorinto 4:2)
“Kandi ibisonga bishakwaho ko biba abanyamurava. “
1 Abakorinto 4:2




52

Turi ibisonga Imana Yaragije impano y’ubuzima. Impano iruta izindi zose ni ubuzima. Paulo ati:




53

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 17:24, 25)
“Imana, yaremye isi n’ibiyirimo byose...



54

yahaye bose ubugingo no guhumeka n’ibindi byose.”
Ibyakozwe n’Intumwa 17:24, 25


55

Ubuzima bwacu bukomoka ku Mana kandi niyo iburagiye. Umutima utera, umwuka duhumeka, imbaraga isunika amaraso, hamwe n’imibiri yacu, byose ni impano y’Imana.



56

(Isomo: Zaburi 12:1)
Paulo yaranditse ngo:” Nuko bene Data, ndabinginga kubw’imbabazi z’Imana ngo mutange imibiri yanyu ibe ibitambo bizima,

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



57

byera bishimwa n’Imana, niko kuyikorera kwanyu gukwiriye.” Abaroma 12:1.
Igitambo kizima, ni ubwitange butizigama, cyangwa kwiyegurira Kristo, akaba ari we ugenga imibereho yacu.



58

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 10:38)
Kristo “ yagendaga agirira abantu neza”
Ibyakozwe 10:38


59

Ni we cyitegererezo cyacu tugomba gukurikiza urugero yatanze rw’umurimo uzira ubwikanyize.



60

Turi ibisonga by’igihe Imana Iduha. Ntituri abacunga - mutungo gusa turi n’abacungagihe.
Hari uwavuze ngo “nkuko ikirago kiboshye mu bwatsi, niko ubuzima buboshye mu gihe.”
Umunyezaburi yasabye Imana,



61

(Isomo: Zaburi 90:12)
“Utwigishe kubara iminsi yacu ku buryo butuma dutunga imitima y’ubwenge. “
Zaburi 90:12



62

Videwo y’amasegonda 6)
Guta umwanya ni ugutakaza ubuzima, ariyo talanto Imana ubwayo Yahaye abantu.
Ku munsi buri muntu afite umubare w’amasaha ungana n’uwa mugenzi we, n’iminota yo muri ayo masaha irangana. Buri wese azabazwa uko yakoresheje icyo gihe.



63

Imana Ishaka ko ducunga neza igihe cyacu. Ishaka kandi ko, igihe cyagenwe aricyo Sabato y’umunsi wa karindwi, kiduha uburyo bwo kugaragariza umuremyi wacu ko tumwizeye.

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



64

Nubwo igihe cyose ari icy’Imana, Ishaka ko Isabato y’umunsi wa karindwi itubera umwanya wo gushyikirana nayo,
kuruhukira mu ijambo ryayo,
no kwiyibutsa amasezerano yayo.
Iturarikira kureka za jugujugu dusanganwe mu mibyizi, kurema isoko, kujya mu nduruburi.
Ahubwo tukibuka ko ariyo Muremyi wacu n’Umucunguzi wacu.



65

Turi ibisonga by’impano Imana Iduha.
Ahari wavuga uti yego turi ibisonga;
Ariko se impano tugomba kugenzura ni izihe? Hari italanto naba mfite?


66

Muri iki gihe, ijambo italanto risobanura ubuhanga mu kuririmba neza, gucuranga, gushushanya, kudoda, cyangwa gushyira gahunda mu bintu.



67

Izi ni italanto koko; ariko sizo zonyine.
Ibyo twahawe byose, ni italanto:nk’abagaragu b’Imana, dufite uruhare ku byo dutunze byose.
Imana Iduha ubuzima, igihe, ubushobozi, umutungo.
Hari ubwo Imana Izaduhitishamo, ari ukwishimisha cyangwa ari guhesha abandi umugisha.
Yesu ati “Nkurikira.”
Yabayeho imibereho izira ubwikanyize.



68

(Isomo: Ibakozwe N’Intumwa 10:38)
Bibliya ivuga ko Yesu “yagendaga agirira abantu neza.”
Ibyakozwe n Intumwa 10:38.
Abenshi muri twe babona bihagije kuhagera, kugerayo wihitira witambukira.


69

Italanto twahawe ntizigenewe kuduhesha ishema mu bandi cyangwa kutugeza ku Mana.Twarazitijwe ngo tubone uko duhesha abandi umugisha.

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



70

**(Isomo: 1 Abakorinto 4:7)**
**Paulo yaranditse ati:” ...Icyo ufite utahawe ni iki?**




71

**Ariko niba mwaragihawe n’iki gituma mwirata nk’abatagihawe?”**
**1 Abakorinto 4:7.**



72

**Turi ibisonga by’amafaranga Imana Iduha.**



73

**(Isomo: Matayo 6:33)**
**Mu gihe “ ...tubanza gushaka ubwami bw’Imana no gukiranuka kwayo”,**
**(Matayo 6:33)**
**Tujya kubona tukabona Imana Iducunshumuyeho umugisha.**



74

**Hamwe n’igihe dutanga, Ibyanditswe bivuga ko, iyo twiyeguriye Imana, tuyigarurira igipande runaka cy’imigisha ifatika iba yaduhaye.**



75

**(Videwo y’amasegonda 11)**
**Umunsi umwe, Loti, umuhungu wabo w’Aburahamu hamwe n’ab’umuryango we, agatsiko k’abanzi babo kari kabajyajyeho iminyago. Inkuru igeze kuri Aburahamu, amasha kubohoza Loti hamwe n’abo bari kumwe. Yasabye Imana kumugenda mbere, iramwumvira. Loti n’ab’umuryango we barakomozwa, bagarukana n’iminyago myinshi.**

19 - Uyu Mushinga Ntugucike.

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.


76

**Ubwo Aburahamu yari yegereye i Sodomu, umwami yaje kumusanganira, amusaba kugarura abantu naho ibintu akabyigumanira. Nyamara Aburahamu yarabyanze, ntiyiziritse kuri ibyo bintu. Melekisedeki umutambyi w’Imana yamuzaniye amafunguro, kandi amuhesha umugisha.**




77

**(Isomo: Itangiriro 14:20)**
**“Nuko Aburahamu umuha kimwe mu icumi cya byose.”**
**Itangiriro 14:20**


78

**Aburahamu yifuje gushimira Imana ko Yagobotse mu kubohorwa kwa Loti, agaragaza ko Imana ariyo Nyiribintu na Nyirimigisha.**


79

**Mu myaka 150 yakurikiyeho, umwuzukuru wa Aburahamu yashimiye Imana muri ubwo buryo.**
**Igihe yahungaga uburakari bwa mukuru we, yiyumvise mo bwigunge aratinya.**
**Yumvaga akeneye cyane kurindwa n’Imana, ariko yigayira ko yibye imigisha ya mukuru we, atinya ko Imana Yaba Yaramuretse ntimubabarire.**


80

**Mbega ikidodo kimena umutima! Yakobo yicujije ku Mana, maze aguye agacuho yirambika hasi arasinzira.**



81

**(Isomo: Itangiriro 28: 12, 22)**
**“Ararota, abona urwego rushinzwe hasi, rukageza umutwe mw ijuru.**



82

**abamaraika b’Imana baruzamukiragaho, bakarumanukiraho.” Itangiriro 28:12.**
**Yakobo akangutse, amenya ko Imana yavuganye nawe, ikamusezeranira kumuyobora no kumurinda.**

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.




83

Ishimwe rimwuzuye umutima, arasezerana ati; “Kandi ku byo uzajya umpa byose, sinzabura kuguha kimwe mu icumi”. umurongo wa 22.


84

Umutima w’umwami Dawidi nawe wuzuye ishimwe nk’irya Yakobo, igihe yabazaga ati;



85

(Isomo: Zaburi 116:12)
“Ibyiza Uwiteka yangiriye byose ndabimwitura iki? Zaburi 116:12)
Hhari ubwo wigeze wibaza icyo wakwitura Uhoraho kubera ubuntu bw’indengakamere Akugirira, ubuzima, umuryango, imigisha y’ibintu bifatika Aguha?
Aho ujya wibaza niba “murakoze” gusa ihagije?
Gahunda ya Bibliya ku byerekeye ubusonga itanga inama y’uburyo umuntu yagaragariza Imana ko ashimishijwe n’ibyo Yamukoreye.


86

Yakobo yasezeranye kugarura kimwe mu icumi, cyo mubyo yunguka byose; mbese nkuko sekuru Aburahamu yabigenje.


87

Amabwiriza ya mbere yanditse ku byerekeye kimwe mu icumi aboneka mu gitabo cy’Abalewi.



88

(Isomo: Abalewi 27:30)
“Mu bimeze mu butaka byose, naho yaba imyaka cyangwa  imbuto z’ibiti, kimwe mw icumi ni icy’Uwiteka.



89

Ni icyera cy’Uwiteka.
Abalewi 27:30

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



90

**Igihe tugarura kimwe mw icumi cy’Uwiteka, twiyumvisha ko Imana Ari Umuremyi kandi ko ari yo Soko y’imigisha yose. None se imigabane ya cumi imara iki?**



91

**(Isomo: Kubara 18:21)**
**Igitabo cyo Kubara gitanga ubusobanuro bwumvikana. “Abalewi ( Abakozi bo mu murimo w’Imana) dore mbahaye kimwe mu icumi cya byose, kizatangwa n’Abisiraeli, kibe gakondo yabo, nkibahembeye imirimo bakora,**



92

**yo mu ihema ry’ibonaniro.”**
**Kubara 18:21 .**


93

**Muri Bibliya yose dusanga ko imigabane ya cumi ishyigikira umurimo w’Imana.**



94

**(Isomo: 1 Abakorinto 9:13, 14)**
**Mu Isezerano rishya Paulo arasobanura: “Ntimuzi yuko abakora imirimo yo mu rusengero batungwa n’iby’urusengero,**



95

**kandi abakora imirimo y’igicaniro bakagabana iby’igicaniro?**



96

**N’Umwami wacu niko yategetse, ko abavuga ubutumwa bwiza batungwa n’ubutumwa?**
**1 Abakorinto 9: 13, 14.**

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.


97

**Kristo Yashimye ko kimwe cya cumi gitangwa, ariko yahinyuye abanditsi n’abafarisayo kubera gutsimbarara ku tuntu duto mu rwego rw’idini:**




98

**(Isomo: Matayo 23:23)**
**“...kuko mutanga kimwe mw icumi cy’isogi n’anisi na kumino mukirengagiza amagambo akomeye yo mu mategeko.**



99

**kutabera, n’imbabazi no kwizera. Ibyo mwari mukwiriye kubikora, na bya bindi ntimubireke.”**
**Matayo 23:23.**


100

**Ahari waba wibaza ukuntu wakiranukira Imana muri kimwe mu icumi cy’ibyo wunguka.**
**Benshi bibaza icyo kibazo.**
**Maze bakiyemeza kwiringira ubuyobozi bw’Imana n’ubwenge, kandi bakayigarurira kimwe mu icumi.**


101

**Nyuma y’ibyumweru runaka, aba bantu bahamije ko, mu mibereho yabo hagaragaye igitangaza.**
**Bamaze kugeruraho umugabane, ibisigaye byabamajije igihe ndetse kurenza mbere batarawutanga.**
**Dore ibanga ry’ubwishingizi muby’imali!**


102

**Hari abantu babaza ngo mbese kimwe mu icumi hari abandi kireba batari Abayuda? Natwe rero twabaza tuti: Mbese Abayuda nibo bonyine bagenewe imigisha yo mu ijuru?**


103

**Uwitwa Jim yahembwaga intica ntikize; nuko ariko yarahumirizaga agatanga kimwe mw icumi. Agitangira ntibyari bimworoheye. Ariko hanyuma ubucuruzi bwe bwashinze imizi agera ku mutungo umutunganiye.**

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.


104

**Ibyo yagezeho, avuga ko abikesha Imana, none ntiwareba ukuntu ashishikariye guteza imbere umurimo wayo.**



105

**Dufate urundi rugero rw’uwitwa Edi. Na we yafunze umwuka, areka gucuruza ku Isabato kandi ariwo munsi w’ibyashara. Nuko mu mibyizi sinakubwira, ibyashara biza bimwiruka inyuma.**
**Ku masezerano, Imana ni Mudahemuka!**




106

**Hari abakristo bavumbuye imigisha yavuzwe muri Malaki:**




107

**(Isomo: Malaki 3:10)**
**Ni muzane imigabane ya kimwe mu icumi ishyitse. Mubishyire mu bubiko, inzu yanjye ibemo ibyo kurya. Ngaho nimubingeragereshe,**



108

**Niko Uwiteka nyiri ingabo avuga, murebe ko ntazabagomororera imigomero yo mw ijuru,**




109

**nkabasukaho umugisha, mukabura aho muwukwiza.**
**Malakiya 3:10**



110

**Uwiteka Avuga ko kimwe mu icumi cya byose ari icyera kuri we. Aduha amahirwe yo kukimugarurira kugira ngo Agere ubuyoboke bw’ubusonga bwacu. Ngo arebe ko tuzi ko ari we Nyiribintu.**



111

**Iyo twanze kubikora, Bibliya itwita ibisambo byiba Imana.**

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



112

(Isomo: Malaki 3:8)
Nyamara murabaza muti: ‘Twakwimye iki?’ Mwanyimye imigabane ya kimwe mw icumi n’amaturo.”
Malaki 3:8.


113

Nubwo kimwe cya cumi cy’ibyo twunguka ari icy’Imana, dusabwa gutanga ibirenze urwo ruhare Imana yikubitiye. Ku byerekeye amaturo, buri muntu, yemezwa n’umutima we, kugira ubuntu buhinnye cyangwa burambuye.




114

Nyamara, hari amabwiriza muri Bibliya.Yesu yaravuze ati: “Mutange namwe muzahabwa urugero rwiza, rutsindagiye, rucugushije, rusesekaye...” Luka 6:38.


115

Gahunda y’Imana mu gukenura umurimo wayo ku isi iroroshye, kandi ni ihoho.
Isaba abantu bayo gutangana umutima ukunze, batitaye ku bukene bwabo bwite, kuko Imana Izabakenura kurenza ndetse uko babitekereza.



116

Ahari watekereza ko ubwo Imana Ari Nyiribyose, izahabu , ifeza, amatungo, ubutaka, natwe; kuki Yakenera amafaranga yanjye?
Gahunda ya kimwe mu icumi yashyirirweho guteza imbere umurimo w’Imana ku isi.



117

Imana ntiyagennye ko itorero ryayo rikenurwa mu buryo bwa magendu, nka tombola, n’ibindi. Mbese kimwe cya cumi si uburyo bwiza bwo gukenura umurimo w’ubuwiriza - butumwa?



118

Buri wese atange nkuko yungutse.

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



119

**Niba wungutse amafaranga 1000**



120

**ugarurire Imana amafaranga 100**



121

**Niba wungutse ijana,**



122

**ugarure amafaranga icumi. Mbese hari akarengane karimo?**


123

**Ibyo duhaye Imana byose, Itugarurira byinshi kurenzaho.**
**Iyo tugaruriye Imana icya cumi, tuba tuyishimiye ibyo Yadukoreye. Ibyo bitwamururaho kwihugiraho no kugundira ibintu.**


124

**Turushaho kuzirikana abandi.**
**Maze uko dusaranganya n’abandi imigisha, turushaho gukurira mu rukundo no mu mpuhwe, tukarushaho gusa na Kristo.**
**Iyo niyo gahunda y’Imana mu gukurira muri Kristo.**
**Yesu Yakoreshaje ibitekerezo bitangaje ho imfashanyigisho.**


# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.


125

**Igitekerezo gikurikira, ni kimwe mu birusha ibindi gushimisha.**
**Umuhinzi-mworozi w’umunyamwete, yasaruye ibya mirenge. Ibigega birakubita biruzura birasaguka. Ibindi bibura aho bijya kandi yaratararangiza gusarura.**
**Yibaza icyo yakora, ntiyakibona.**
**Gufata icyemezo biramugora.**
**Yibaza gusagurira abakene.**
**Ariko asanga ari we wabiruhiye.**



126

**Mbese si we wapanze gahunda akoresheje ubwenge bwe, n’ubuhanga mu by’ubuhinzi maze ikibaya kikera cyane kikuzura umusaruro? Yiyemeza icyo agiye gukora:**




127

**(Isomo: Luka 12: 18 - 21)**
**“Ndabigenza ntya: ndasenya urugarama rwanjye nubake urundi runini, abe ari mwo mpunika imyaka yanjye yose n’ibintu byanjye.**




128

**nibwo nzabwira umutima wanjye nti: Mutima, ufite ibintu byinshi bibikiwe imyaka myinshi; ngaho ruhuka, urye, unywe, unezerwe.” Luka 12: 18,19.**




129

**“Ariko Imana iramubwira iti: wa mupfu we, muri iri joro, uranyagwa ubugingo bwawe**



130

**nuko ibyo wabitse bizaba ibya nde?**



131

**Ni ko umuntu wirundaniriza ubutunzi amera, utari umutunzi mu by’Imana.”**
**Luka 12:20,21.**

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.


132

Uyu muhinzi-mworozi, ntiyari azi aho imigisha ye ikomoka.
Yayobewe umuremyi we, ntiyibuka ko ari umugererwa.
Yirengagije umukene, imfubyi, abapfakazi, n’abatagira aho baba. Yihugiyeho gusa.
Uyu mugabo yari afite ibibazo biva ku mutima.



133

(Isomo: Matayo 6:21)
Yesu ati: “ kuko aho ubutunzi bwawe buri, niho n’umutima wawe uzaba.”
Matayo 6:21.
Yesu Yari Yitaye ku buryo dufatamo ibyo dutunze.
Kuko ni tutabyegurira Yesu, byaduteshura ku Mana, ndetse n’ ubugingo buhoraho tukaba twabubura.



134

(Isomo: Matayo 16:26)
Ati: “Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mw isi ni yakwa ubugingo bwe?...”
Matayo 16:26.


135

Ingorane ku bantu bo muri iki gihe, ni uguhugira mu bibazo n’ induruburi byo muri ubu buzima, ku buryo nta kanya kaboneka ko kwibuka aho imigisha tubona ituruka.



136

(Videwo y’ amasegonda 6)
Usanga umuntu atibaza ikiguzi cyatanzwe ngo avanwe mu byaha.
Bigera aho yibagirwa Imana, ntayubahishe igihe, italanto arizo mpano yahawe, hamwe n’ibyo atunze.
Buri wese muri twe yagombye kwiyibutsa ibi munsi.



137

“Ibyo dukunda, tukabihozaho umutima,



138

ni ibitirano, si ibyacu, ashwi da.

# 19 - Uyu Mushinga Ntugucike.



139

**Yesu Atwemerera kubikoresha kugira ngo binezeze ubuzima bwacu,**



140

**Ujye utwibutsa, ujye utwibutsa, Mwami mwiza. - Byaringanijwe na Dottie Rambo, mu muvugo witwa: “Ujye unyibutsa, Mwami mwiza”.**


141

**Ibyo dufite ni impano y’Imana.**
**Ubuzima, amagara, ni impano y’Imana.**
**Umwuka duhumeka, ibyokurya turya, imyambaro, amazu ducumbitsemo, byose ni impano y’Imana.**
**Ibyo tugaruriye Imana tuba tuvuze ngo:**
**“Urakoze Nyagasani, kubera ibyo wampaye.”**
**Mbese wakwifuza kuvuga uti: Mwami, nshaka kukugira nyambere mu mari yanjye no mu byo ntunze byose.**
**Niba ari icyifuzo cyawe mbese ntiwarambura ukuboko igihe tugiye gusenga?**

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri



1

**Muri iki gihe twakubona he?**


2

**Hari igitekerezo cy’umusore wo mugihe cy’Abagiriki washaka kumenya ukuri.**
**Asanga umusaza wemerwaga ko yari umunyabwenge muri uwo mujyi.**
**Umusore abaza umusaza ati: “Nyakwubahwa Munyabwenge, mbabarir’umbwire, ‘Nabona ukuri nte? Wandangira aho kuri?’”**
**Nuko Umusaza arahaguruka atangirakugendagenda.**
**Umusore aramukurikira. Bagenda mu duhanda tw’uwo mujyi bagana ku cyambu cy’inyanja.**
**Umusaza akomeza kugenda yinjira mu mazi.**
**Igihe amazi yari amaze kubagera mu rukenyerero, umusaza abwira wa musore gushyira intoke ku mutwe.**
**Umusaza atangira kuzika wa musore.**
**Inshuro eshatu, umusore yazamukaga ashaka umwuka.**
**Inshuro eshatu nanone umusaza yatebeje umutwe w’uwo musore mu mazi. Ariko ku nshuro ya gatatu, umusore atera hejuru ati “Icyo nashaka ni ukubona ukuri!”**
**Umunyabwenge aramusubiza ati: “Igihe ushaka ukuri cyane nkuko washakaga uyu mwuka wo guhumeka, uzakubona.”**
**Imana ntabwo Iduhisha ukuri. Umuhanuzi Yeremiya agira ati:**





3

**(Isomo: Yeremiya 29:13)**
**“Muzanshaka mumbone, ni munshakan’umutima wanyu wose.” Yeremiya 29: 13**
**Ariko bamwe bariho bashakira ahantu hatariho.**


4

**Bivugwa ko umuntu wese muri twe avukana “Ugushaka Imana muri we”**
**Bisa naho tuvuka dufite kwifuza cyane ikintu tudafite.**
**Muri twe, dusa n’abafite gushaka ikintu tudashobora gusobanura mu magambo neza - ariko kikaba ari ikintu tuzi ko dushaka tugikeneye!**


# 20 - Kubaturwa n'Ukuri


5

**Iyo twumva dukomeje kubura amahwemo turambiwe, dushaka ikintu cyaduhugenza mu buzima byaba ari ukubishakira mu kuba ikirangirire, imali, ibiyobyabwenge, ibisindisha, ibidushimisha cyangwa guhugira mu turimo tuduhugenza iyo tumaze gushyikira ibyo twirukagaho, dusanga bitatugejeje ku munezero urambye.**


6

**Kandi bidatinze, nko mu gihe turi twenyine turyamye twabuze ibitotsi, ikibazo cya wa muhanuzi wa kera kigakomeza kugaruka:**



7

**(Isomo: Yesaya 55:2)**
**“Niki gituma mutanga ifeza mukagura ibitare ibyo kurya nyakuri? niki gituma mukorera ibidahaza? ...”**
**Yesaya 55:2**
**Yesu yumvise yuko ari nta kamaro kwishinga ibinezeza by’igihe gito.**




8

**(Isomo: Luka 12:15)**
**“... Kuko ubugingo bw’umuntu butava mu bwinshi bw’ibintu bye.”**
**Luka 12:15**


9

**Muri iki gihe abantu bashakira ubushobozi hanze yabo ubwabo.**
**Ibi ntabwo ari bishya.**


10

**Kuva umuntu yakwiyemeza kunyur’inzira yibwirije, mu murima wa Edeni, yahise yiyumvamo ko hari ikintu abura, kandi Imana yonyine ikaba ari yo yakimubonera.**


11

**Mugihe cyo kuzerera mu butayu, Imana yemeye ko abana b’Isirayeri basonza kugira ngo bayikenere. Imana yavuganye n’Abisirayeri ibinyujije kuri Mose iti:**

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri




12

(Isomo: Gutegeka kwa kabiri 8:3)
“Nuko yagucishije bugufi, ikundira ko wicwa n’inzara,



13

... kugira ngw’ikumenyeshe yuk’umunt’adatungwa n’umutsima gusa;



14

ahubwo yuko amagambo yose ava mu kanwa k’UWITEKA ari yo amutunga.”
Gutegeka kwa kabiri 8:3


15

Uko bigaragara Imana yemera ko dusonza, tukabura amahwemo, kugira ngo dukenere ko Yo ubwayo Yadukenura, Igahaza kwifuza kwacu.



16

Muri iki gihe tubona abantu benshi barahugukiye amadini atandukanye.
Amenshi ashimangira ubushake bwo kwihuza, no gukuraho insika ziyatandukanya, haracyari byinshi byo kwigwa no gutekereza ku miterere itandukanye y’amadini n’itorero.


17

Amatorero mashya aravuka hirya no hino ku isi. Buri torero ryemeza ko rigizwe n’abantu Imana yikubitiye ikabashinga ukuri kwo kumenyekanisha kuri buri wese uri hano ku isi.
Ariko urebye neza bigaragara ko ibyo bemeza byose bidashobora kuba ukuri.



18

Bose bemeza ko Bibiliya ariyo shingiro ry’ibyo bizera, ariko inyigisho zabo ziratandukanye cyane.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri


19

Nonese abantu bashaka ukuri, bazabwirwa n’iki idini bagomba kuyoboka?
Mbese koko mu biyita Abakristo Imana Ifitemo umutwe w’abantu Yemera ko bagize itorero ryayo muri iki gihe?
Barahari, nibyo Paulo yabyemeje yandikira Abefeso:



20

(Isomo: Abefeso 4:4)
“Hariho umubiri umwe, n’Umwuka umwe, nkuko mwahamagariwe icyiringiro kimwe cyo guhamagarwa kwanyu.




21

Hariho Umwami umwe, no kwizera kumwe, n’umubatizo umwe.



22

Hariho Imana imwe, niyo Data wa twese...”
Abefeso 4:4-6



23

(Isomo: 1 Timoteo 3:15)
Paulo yandikiye umusore w’inshuti ye, Timoteyo, ati: “...Mbikwandikiriye kugira ngo ni ntinda uzamenye ibikwiriye kugenzerezwa mu nzu y’Imana,



24

niyo torero ry’Imana Ihoraho n inkingi y’ukuri igushyigikiye.”
1 Timoteo 3:15
Paulo avuga yeruye ko itorero ry’Imana muri iki gihe aririyo nkingi n’ishingiro y’ukuri., ariko se tumenya dute noneho itorero rifite ukuri?


25

Hari amashami y’amadini menshi, avuguruzanya inyigisho z’urudubi zijijisha mu madini y’abizera.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri



26

Nshuti, dukurikije ibyanditswe byera, Yesu ntiyigeze ashaka ko habaho urudubi rujijisha abantu, cyangwa amadini angana n’uburo buhuye.  Mbere gato yuko Abambwa, Yesu Yarasenze ati:



27

(Isomo: Yohana 17:21)
“Ngo bose bab’umwe, nk’uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe;



28

ngo nabo bab’umwe muri twe, ngo ab’isi bizere ko ari Wowe Wantumye.”
Yohana 17:21
Yesu yashakaga ko ab’isi bamenya ko abamukurikiye barangwa n’ubumwe n’urukundo. Kristo ntiyifuzaga ko itorero rye ricikamo ibice.




29

(Isomo: 1 Abakorinto 12:25)
Muby’ukuri Paulo yanditse ngo  “Kugira ngo umubiri utiremamo ibice...”
1 Abakorinto 12:25.



30

Ariko Paulo yavuze ko ukwimura Imana kwagombaga kuzana n’ibice!



31


(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 20:28-30)
Dusoma ngo: “Mwirind’ubwanyu, murinde n’umukumbi wose ... kuba abarinzi, kugira ngo muragir’itorero ry’Imana...



32


Nzi yuko ni mmara kuva aho, amaseg’aryana azabinjiramo, ntababarire umukumbi.”

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri



33

Kandi muri mwe ubwanyu hazaduka abantu bavuga ibigoramye,



34

kugira ngo bakururire abigishwa inyuma yabo.” Ibyakozwe n’intumwa 20: 28-30.


35

Mu gihe duhindura impapuro z’iby’amateka y’itorero tubona harabayemo ingorane zikurikira:
Abigisha b’ibinyoma baradutse, abemeye inyigisho zabo bava mu itorero.
Abandi barajijwa. Abigishwa bakururirwa hanze maze bagenda buhoro buhoro bava mu kuri kwigishijwe na Yesu. Ariko muri ibyo byose, Imana yakomeje kugira itorero ryakomeje gushikama mu kwizera.


36

Ariko abantu bavuga bati: “Byafata igihe kinini kwiga inyigisho za buri dini kugira ngo umunt’ameny’itorero ry’ukuri ry’Imana?”
Ariko hari uburyo bworoshye.
Uburyo bw’Imana!


37

Abahagarariye ubutegetsi batubwira ko byoroshye gutandukanya inote nyakuri n’iz’impimbano.
Reba, biga ibimenyetso bigize inote nyakuri mu buryo bwimbitse.


38

Bakamenya uturandaryi tw’indodo urupapuro rw’inoti rukozwemo; ibara ry’inyandiko kuri yo, ibimenyetso n’uruhererekane nyarwo rw’imibare iboneka ku note nyakuri. (iranga amafaranga)
Noneho bareba inote, bagahita bayigereranya n’ibimenyetso bigize inote nyakuri. Iyo ibuze kimwe mu bimenyetso ihita yirabura bikagaragaza ko ari impimbano cyangwa inyiganano.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri



39

Ubwo rero nibwo buryo bwo kumenya ukuri.



40

Ntabwo dukeneye kwiga inyigisho z’amadini yose amasaha n’amasaha, niba tuzi ibimenyetso biranga itorero ry’Imana nyakuri uko biboneka muri Bibiliya. Imana ntabwo irek’umuntu ngo abe nyamwigendaho ashakisha iyo ariyo, kuko Imana yaduhaye ibimenyetso biyiranga nyabyo mu Ijambo ryayo:



41

(Isomo: Amosi 3:7)
“N’ukuri, Uwiteka Imana ntizagir’icy’ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b’abahanuzi ibihishwe byayo.”
Amosi 3:7




42

Igitabo cy’Ibyahishuwe ni inshamake y’ubuhanuzi bwose buboneka muri Bibiliya. Gihishurira abantu ubwenge bwo gushishoza, bukenewe mu bihe by’imperuka. Ukwimura Imana n’urudubi mu madini biranga amateka aheruka iyi si byarerekanwe. Ibyahishuwe bihanura intambara hagati y’itorero rya Kristo na Satani
Igice cya 12 gitanga imbonera hamwe y’amateka y’itorero uhereye mu gihe cya Kristo ukageza ku iherezo ry’isi:



43

(Isomo: Ibyahishuwe 12:1, 2)
“Ikimenyetso gikomeye kiboneka mu ijuru: Mbona umugore wambaye izuba,



44

ukwezi kwari munsi y’ibirenge bye, ku mutwe yambaye ikamba ry’inyenyeri cumi n’ebyiri.”

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri



45

Kandi yari atwite. nuko atakishwa no kuramukwa, ababazwa n’ibise.”
Ibyahishuwe 12:1, 2.


46

Aha rero Imana Irerekana umugore wambaye ibyera, yiteye izuba, ahagaze ku kwezi, kandi afite ikamba ry’inyenyeri cumi n’ebyiri ku mutwe we.
Ibyo bisobanuye iki?
Mu buhanuzi bwa Bibiliya, umugore uboneye ashushanya abantu b’Imana – Itorero ryayo.
Umuhanuzi Yeremiya yanditse agira ati:



47

(Isomo Yeremiya 6:2)
“Umukobwa w’i Siyoni ufit’uburanga bwiza, wadamaraye.”
Yeremiya 6:2
none se “Siyoni” ninde? Muri Yesaya, Imana yavuze iti:




48

(Isomo: Yesaya 51: 16)
“...Mbwire i Siyoni nti muri ubwoko bwanjye”
Yesaya 51:16.
Iyo duhuje aya masomo yombi, tubona ko Imana ikoresha umugore w’imico myiza kugereranya itorero ryayo nyakuri. Intumwa Paulo akoresha amagambo amwe n’ayo avuga itorero ry’Abakorinto.



49

(Isomo: 2 Abakorinto 11:2)
“... kuko nabakwerey’umugab’umwe, niwe Kristo, ngo mmubashyingire, mumeze nk’umwari utunganye.”
2 Abakorinto 11:2



50

(Isomo: Ibyahishuwe 17: 3-5)
Nyamara, Yohana yari yeretswe undi mugore, uwo avuga mu Ibyahishuwe 17: “... mbon’umugore yicaye kunyamasw’itukura, yuzuy’amazina yo gutuk’Imana...”



51

“Uwo mugore yari yambay’umwenda w’umuhengeri n’uw’umuhemba, yari arimbishijwe n’izahabu n’amabuye y’igiciro cyinshi n’imarigarita,




52

mu ntoke ze yari afite igikombe cy’izahabu, cyuzuye ibizira n’imyanda y’ubusambanyi.




53

Mu ruhanga rwe afite izina ry’amayoberane ryanditswe ngo:




54

BABULONI IKOMEYE, NYINA W’ABAMALAYA KANDI NYINA W’IBIZIRA BYO MU ISI.”
Ibyahishuwe 17: 3 - 5.



55

Iyi mvugo ishushanya umugore wanduye -- itorero ry’ibinyoma. Itorero ryaguye ridakiranukira Yesu ryanyuranije n’ukuri kwa Bibiliya.
Yakobo nawe akoresha magambo nk’ayo, yerekan’abaretse inyigisho z’Imana bakifatanya n’ab’isi:



56

(Isomo: Yakobo 4:4)
“Yemwe basambayi namwe basambanyikazi, ntimuzi yuko ubucuti bw’iby’isi butera kwangwa n’Imana?...”
Yohana 4:4



57

Nuko rero umugore waguye yerekana itorero ry’ibinyoma, naho umugore utunganye yerekana itorero ritunganye.
Reka twongere turebe icyo ubuhanuzi buvuga ku byerekeye umugore utunganye.
Umugore utunganye = Itorero ritunganye
Umugore w’umunyabinyoma= Itorero ry’ibinyoma.



58

(Isomo: Ibyahishuwe 12:2, 4)
“...kandi yari atwite. Nuko atakishwa no kuramukwa, ababazwa n’ibise…

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri



59

Icyo kiyoka gihagarara imbere y’uwo mugore waramukwaga,



60

kugira ngo n’amara kubyara gihereko kirye umwana we.”
Ibyahishuwe 12:2, 4.
Iki kiyoka cyahagaraye imbere y’umugore ngo kimurire umwana akivuka ni ikihe?



61

(Isomo: Ibyahishuwe 12:7-9)
“Mu ijuru habaho intambara. Mikaeli n’abamaraika be batabarira kurwanya cya kiyoka: ikiyoka kirwanana n’abamaraika bacyo.




62

Ntibanesha, kandi mu ijuru ahabo ntihaba hakiboneka.



63

Cya kiyoka kinini kiracibwa, ni cyo ya nzoka ya kera, yitw’Umwanzi na Satani, ni cyo kiyobya abari mu isi bose;



64

nuko kijugunywa mu isi, abamaraika bacyo bajugunyanwa na cyo.”
Ibyahishuwe 12:7-9.



65

(Isomo: Ibyahishuwe 12:5)
Ibyahishuwe na byo bivuga iby’uwo mwana:
“Abyara umwana w’umuhungu uzaragiza amahanga inkoni y’icyuma.



66

Umwana w’arasahurwa, ajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo.”
Ibyahishuwe 12:5

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri




67

Umwana umwe mu mateka y'isi yagombaga "gutegeka amahanga akayaragiza inkoni y'icyuma" kandi yagombaga "gusahurwa, akajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo," uwo ni Yesu.
Tugarutse ku byo kugaruka kwa Kristo,




68

(Isomo: Ibyahishuwe19:15)
Yohana yaravuze ati, "Mu kanwa ke havamo inkot'ityaye, kugira ngw'ayikubit'amahanga.



69

azayaragiz'inkoni y'icyuma..."
Ibyahishuwe 19:15.
Paulo avuga uko Yesu Yajyanwe ku ntebe y'Imana,



70

(Isomo: Abefeso 1:20)
ubwo Imana "...yamuzamuraga mu bapfuye, ikamwicaza i buryo bwayo ahantu ho mu ijuru."
Abefeso 1:20.


71

Intambara yatangiriye mu ijuru yimukiye muri iyi si yacu.
Satani akorera muri Roma ya gipagani agerageza kwica Yesu akivuka.
Herodi, umutware w'Abaroma, atanga itegeko ryo kwica abana b'abahungu bose bamaze imyaka ibiri n'abatarayimara,
ariko marayika aburira Mariya na Yosefu guhungana n'Umwana Yesu bakajya muri Egiputa.


72

Umwanzi yagerageje Yesu mu gihe cyose yakoraga umurimo wamuzanye. Satani yibwiraga ko azitambika mu nama y'Imana yo gukiza iyi si yacumuye.
Ubwo Kristo yari amanitse ku musaraba, Satani yibwiye ko yatsinze intambara.
Nyamara imva irangaye ya Yesu yerekanaga ko Satani yatsinzwe burundu.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri


73

Yesu Yarazutse kandi Azamurwa mu ijuru ku ntebe ya Se.
Ubuhanuzi uko bwavuzwe buba arinako busohora!
Satani amaze gutsindwa kwica Umwana w’Imana, yahindukirije umujinya we ku mugore, ariryo torero rya Kristo.


74


Umwe mu bigishwa ba Kristo yapfuye urupfu rw’abahowe Yesu.
Iyo ushaka kubabaza ababyeyi, ukora iki ngo ubababaze cyane?
Ugirira nabi abana babo.
Satani ntiyari agishoboye kugira icyo atwara Yesu war’umaze kujya mu ijuru.
Nuko ahimbira ku bayoboke be aba ari bo arwanya.


75

Intumwa Paulo yaciwe umutwe ari hanze ku nkuta z’i Roma.
Abakristo bishwe urubozo, abandi batabwa muri yombi bajugunwa nzu z’imbohe, benshi bamena amaraso, aba ikimenyetso cy’ubuhamya bwabo.



76

Igihe cyose abigishwa ba Yesu bari bakiriho, itorero ryahagaze ku kuri ritajegajega.
Nyuma abigishwa bamaze gupfa, Abakristo bamwe bagiye batezuka ku kwizera kwabo uko ibihe byagendaga bihita, maze inyigisho z’ibinyoma zinjizwa mu itorero.



77

“ Ahagana mu mpera z’ikinyejana cya kabiri, amatorero menshi yihangishijeho ibintu bishya;



78

ubwo abigishwa ba Yesu bari baruhukiye mu bituro byabo, ukwiyoroshya kwari gusanzweho mbere kwarasibanganye.


-Ubushakashatsi ku byerekeye Kiliziya, urupapuro rwa 51.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri




79

Mu kinyejana cya kane, umwami w'abami Konsitantine yagerageje kugundira ubutegetsi bw'i Roma ahuriza hamwe abapagani n'Abakristo abakomatanyiriza mu idini rimwe rikomeye.
Ibyo byatumye ubukristo bwamamara. Abapagani babatirizwa mu itorero maze bazanamo imyizerere n'imigenzo yabo.
Uko itorero ryakiraga aya makosa, niko ryagiye ritakubwa umugambi waryo.




80

Umuhanga umwe mu by'Amateka yaranditse ati, "Ku byerekeranye n'imitekerereze ndetse n'imigenzo yakurikizwaga, Abakristo bashya ntaho bari batandukaniye n'Abapagani ba kera... Ukwinjira mu itorero ari benshi ntikwahanaguyeho ibya gipagani.




81

Ahubwo, umubare mwinshi w'abapagani babatijwe wacogoje umurego w'ibyiza byakorwaga n'Abakristo bafite gahunda kugeza aho bahindukiye ibigwari. Ibinyejana by'Ubukristo: Amateka Ahiniye Bugufi, Urupapuro rwa 58. (Centuries of Christianity: A Concise History).



82

Nyamara muri icyo gihe, hari abakristo benshi bakomeje gukomera ku kuri maze bamagana ihinduka ryadutse mu itorero.
Banga guhara ukuri bamenye, nuko benshi bararenganywa kubera imyizerere yabo.
Bidatinze abategetsi b'Abaroma basohora itegeko rivuga ko kudakurikiza inyigisho z'itorero rya Leta y'i Roma ari icyaha gihanishwa urupfu.




83

"Isomo: Ibyahishuwe 12:13)
Paulo wabihishuriwe mbere yaranditse ati,
"...Nuko cya kiyoka...
gihiga wa mugore wabyay'umuhungu."
Ibyahishuwe 12:13.
Wa mugore byamugendekeye bite?




84

(Isomo: Ibyahishuwe 12:6)
Uwo mugore "...ahungira mu butayu, aho afite ahantu yiteguriwe n'Imana,

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri



85

kugira ngo bamugaburirireyo, kumara iminsi igihumbi na magan abiri na mirongo itandatu."
Ibyahishuwe 12:6.
Urabona ko Imana Ihishura ibihe abantu bayo bagombaga kurenganywa: iminsi 1.260.
Twamaze kubona ko mu buhanuzi bwa Bibiliya, umunsi ubarwa nk'umwaka.



86

(Isomo: Ezekieli 4:6)
Ezekieli yaranditse ati, "...umunsi wose nawukunganirije n'umwak'umwe."
Ezekieli 4:6,



87

Nuko, nkuko byari byarahanuwe mu Byahishuwe, ikandamizwa ry'abizera Imana ryagombaga gukomeza rikamara imyaka 1.260.



88

Amateka yemeza by'ukuri ubu buhanuzi bwa Bibiliya. Umwami w'abami w'Abaroma Yustiniani yategetse umusirikari mukuru w'Umuroma witwaga Belisaliusi gutsembatsemba ubutegetsi bubiri gusa bwari busigaye bw'Abariani bwarwanyaga itorero ry'i Roma.



89

Abaherutse kuri ubu butegetsi bavanweho mu mwaka wa 538 N.K., maze Yustiniani avuga ko umutegetsi mukuru w'itorero ry'i Roma abaye "umuyobozi mukuru w'idini, nyakuri kandi wemewe mu gukosora abahakanyi."
Ubutegetsi bwo kutihanganira abitwaga "abahakanyi" bwatangiye ubwo.


90

Maze abizera b'Abakristo bakomeje gukomera ku kuri guhishurwa mu ijambo ry'Imana babona ko uburyo bwonyine bwo kugumana ukwizera kwabo ar'uguhunga, bisohora neza neza nkuko Ibyahishuwe byabihanuye.
Umugore ahungira mu butayu.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri


91

Abavoduwa, Abalibijwa, n’abandi bizera b’Abakristo bahungira mu misozi miremire yitwa Alupe iri mu majyaruguru y’Ubutaliani, no mu majyepfo y’Ubufaransa, kandi Abahugeno batatanira hose mu Bufaransa.
Batura mu bibaya byitaruye, mu mavumo ya kure, no mu misozi miremire.
Bahigwaga nk’aho ari abicanyi ruharwa, kandi benshi muri bo bishwe urw’agashinyaguro.
Baziraga iki? Kuko banze gutatatira inyigisho za Yesu.


92

Za miliyoni z’Abakristo bemera gupfa aho gutatira ukwizera kwabo.
Abahanga bamwe mu mateka bavuga ko abantu bapfuye baguye muri ako karengane bageraga kuri miliyoni 50.
Abenshi kandi mu bapfuye bahowe Yesu, bishwe n’abandi bantu bavugaga ko ari Abakristo bizeraga ko muri uko kwica bari gukora ubushake bw’Imana.


93

Iherezo nuko ukuri kw’Imana kwatsinze.
Bibiliya yasobanuwe mu rurimi abantu bumva kubera amajyambere yazanywe n’amacapiro, Bibiliya yageze hose ku isi.
Ukuri kw’Ijambo ry’Imana ntikwari kugipfukiranwa, kwari gushyizwe ahagaragara!


94

Abagorozi b’intwari bavuga Ijambo ry’Imana bashize amanga.  Bamwe muri bo nka  Husi na Yoramu batwitswe babona.


95

Abandi nka Luteri, Wiklife na Tindale barahizwe kandi bararenganywa.


96

Nyamara kubera ivumburwa ry’umugabane wa Amerika, hari uburyo bushya bwo kwigenga n’ubuhungiro bushya bwahawe abakristo barenganywaga bo mu Burayi.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri


97

Mu gihugu gishya cy’ishyanga rishya ryari rivutse hashyirwaho amategeko arengera uburenganzira bw’abaturage n’umudendezo w’idini.



98

(Videwo y’amasegonda 10) Igihe cyo kudohoka ku kuri no kurenganywa cyahanuwe mu Byahishuwe igice cya 12 cyaje kurangira mu mwaka w’i 1798.
Cyarangiye igihe Napolewo yoherezaga umusirikari mukuru Berthier ( soma Beritiye) wari ufite ipeti rya Jenerali ngo afate Papa ho imbohe --- ubwo hari hashize neza neza imyaka 1.260 nyuma y’uko akarengane gatangira mu mwaka wa 538 nyuma yo kuvuka kwa Kristo.


99

Ubwo ubu buhanuzi bwuzuraga, Imana Yari Igifite itsinda ry’abizera bagumye gukomera kuri Bibiliya n’inyigisho yigisha.
Ubuhanuzi bwari bwarahanuye ko Satani yari gutura umujinya we ku itorero ryasigaye rikomeza ukuri nyuma y’iki gihe cyahanuwe:



100

(Isomo: Ibyahishuwe 12:17)
“Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwany’abo mu rubyaro rwe basigaye,




101

bitonder’amategeko y’Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu.”
Ibyahishuwe12:17.


102

Icyasigaye ni igipande cy’umwenda gisaguka gisigara ku gitambaro kinini.
Ni nako biri no ku “basigaye” bo mu itorero ry’Imana, ni itsinda ry’abasigaye muri iryo torero - itorero rikiriho mu bihe rwose byegereje ibya nyuma, mbese rwose mbere gato yo kugaruka kwa Yesu ku isi.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri




103

Nuko rero dusobanuye iri somo ijambo ku ijambo twavuga ngo: “Umwanzi ararakara... maze ajya kurwanya itorero ryo mu minsi iheruka.”
Satani afite umujinya w’uko kugeza na n’ubu muri iyi minsi ya nyuma hari abantu b’Imana bagikurikira ukuri kw’Imana.



104

Yohana yerekana ibimenyetso bibiri dushobora kumenyeraho itorero ryo muri iyi minsi ya nyuma:
“Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwany’abo mu rubyaro rwe basigaye,



105

bitonder’amategeko y’Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu.”
Ibyahishuwe12:17.
Iri torero ryasigaye ni iry’abitondera amategeko y’Imana.



106

Bafite guhamya kwa Yesu Kristo


107

Ariko se ntabwo buri torero ryigisha ko Abakristo bagomba kubaha Amategeko y’Imana?
Ntabwo aribyo neza! Nyamara amadini menshi muri iki gihe hari ukuntu yigisha abayoboke bayo kutumvira amabwiriza amwe n’amwe y’Imana.
Nk’urugero, mu materaniro amwe n’amwe bigishwa gupfukamira ibishushanyo.
Abandi birengagiza ukwera kw’izina ry’
Imana.



108

(Isomo: Kuva 20:8 -10)
Amadini menshi yo ku isi yirengagije urwibutso rw’irema ruvugwa mu itegeko rya kane:
“Wibuke kweza umunsi w’isabato.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri




109

**Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose:**



110

**ariko uwa karindwi ni wo sabato y’UWITEKA Imana yawe.”**
**Kuva 20:8-10.**



111

**(Isomo: Ibyahishuwe 12:17)**
**Abasigaye ku Mana, cyangwa itorero ry’ibihe biheruka ntiryitondeye gusa amategeko y’Imana, ahubwo ubuhanuzi burivugaho ko rizaba rifite no guhamya kwa Yesu Kristo.”**
**(Ibyahishuwe 12:17).**



112

**(Isomo: Ibyahishuwe 19:10)**
**Ibyahishuwe 19:10 havuga ko, “guhamya kwa Yesu ari umwuka w’ubuhanuzi.”**


113

**Itorero ry’Imana ryo mu minsi ya nyuma rizagira impano zirimo n’umwuka w’ubuhanuzi.**
**Tuziga mu buryo burambuye iby’iyi mpano idasanzwe mu materaniro yacu nyuma.**
**Imana Itanga ibindi bimenyetso byinshi Idufasha kumenya itorero ryayo ryo mu minsi ya nyuma.**
**Abantu bayo bazitangira umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza mu isi yose, kuko Yesu Yabisabye itorero rye:**



114

**(Isomo: Matayo 28:19, 20)**
**“Nuko mugende muhindur’abantu bo mu mahanga yose abigishwa,**



115

**mubabatiza mu izina rya Data wa twese n’Umwana n’Umwuka wera,**

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri




116

**mubigisha kwitonder’ibyo nababwiye byose. Kandi dore**




117

**ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y’isi. Amina.”**
**Matayo 28:19, 20.**



118

**Itegeko ryo kubwiriza ubutumwa bwiza bw’iteka ryose ku isi yose bushushanywa n’abamarayika batatu baguruka baringanij’ijuru dusoma mu Byahishuwe igice cya 14.**
**Igice cya mbere cy’ubutumwa butatu kigaragaza ukuri gukomeye kugira kabiri, ukuri gukwiriye kubwirwa buri wese:**





119

**(Isomo: Ibyahishuwe 14:6, 7)**
**“Nuko mbona marayika wund’aguruk’aringan’ijuru,**




120

**afite ubutumwa bwiza bw’iteka ryose, ngo abubwire abari mu isi -**




121

**bo mu mahanga yose n’imiryango yose n’indimi zose n’amoko yose -**




122

**Avuga ijwi rirenga ati: ‘Nimwubahe Imana, muyihimbaze; kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye;**

# 20 - Kubaturwa n' Ukuri



123

muramye Iyaremye ijuru n’ isi n’ inyanja n’ amasoko’.” Ibyahishuwe 14:6, 7.




124

Iyi ni imiburo y’ abatuye isi yo mu bihe biheruka ibibutsa ko igihe cy’urubanza cyageze.
Ni ukongera kandi kwibutsa ibyo umunsi wa karindwi w’ Isabato, ariwo rwibutso rukomeye rw’ imbaraga irema y’ Imana.
Igice cya kabiri cy’ ubu butumwa butatu kiri ku murongo wa 8:



125

(Isomo: Ibyahishuwe 14:8)
“Marayika wundi wa kabiri akurikiraho ati: ‘Iraguye iraguye! Babuloni, wa mudugudu ukomeye,




126

waterets’ amahanga yos’ inzoga, ni zo ruba ry’ ubusambanyi bwawo’.”
Ibyahishuwe 14:8.
Ubu butumwa buhamagarira abantu nyakuri b’ Imana kwitandukanya n’ idini rikwiza ku isi inyigisho z’ urudubi.
Bararikirwa kwitondera ubuhakanyi buri mu idini muri iki gihe.
Umuburo wa nyuma,ugomba kwitabwaho cyane uvugwa mu gice cya gatatu cy’ ubu buhanuzi:



127

(Isomo: Ibyahishuwe 14:9, 10)
“Marayika wundi wa gatatu akurikiraho, avuga ijwi rirenga ati:



128

‘Umuntu n’ aramya ya nyamaswa n’ igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza,



129

uwo ni w’uzanywa ku nzoga, ni yo mujinya w’Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k’umujinya wayo’...”
Ibyahishuwe 14:9, 10.



130

Isi igomba kuburirwa kwirinda kuramya inyamaswa n’igishushanyo cyayo cyangwa gushyirwaho ikimenyetso cyayo.



131

(Isomo: Yohana 10:16)
Yesu Aravuga ati, “Mfite n’izindi ntama, zitari izo muri uru rugo; nazo nkwiriye kuzizana:



132

zizumva ijwi ryanjye, kandi zizabe umukumbi umwe, zigire umwungeri umwe.” Yohana 10:16.



133

Imana Ifite abayoboke bayizera mu matorero yose, ariko hari igihe kizagera habeho umukumbi umwe, cyangwa itorero rimwe ry’ukuri.
Yesu Yavuze ko intama ze zizahamagarwa zikava mu mikumbi yindi itarakurikije neza inyigisho z’Ijambo ry’Imana.



134

(Isomo: Ibyahishuwe 18:4)
Yohana Umuhishuzi Yahanuye iby’icyo gihe ati:
“Numva irindi jwi rivugira mu ijuru, riti: ‘Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo,



135

kugira ngo mwe gufatanya n’ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo.”
Ibyahishuwe 18:4.
Abizera Imana bayikurikira bazahamagarirwa kuva mu makosa y’idini no mu rudubi rwo mu bihe biheruka.
Wakwifuza kumenya uko Bibiliya ivuga abantu bazahamagarwa kuva mu rudubi rw’amadini ruzaba ruriho mbere gato yuko Yesu Agaruka.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri



136

(Isomo: Ibyahishuwe 14:12, 14)
“Aho ni ho kwihangana kw’abera kuri, bitondera amategeko y’Imana, bakagira kwizera nk’ukwa Yesu...”




137

“Mbon’igicu cyera; no ku gicu mbon’uwicayeho, usa n’Umwana w’umuntu,




138

wambaye ikamba ry’izahabu ku mutwe, kandi afite umuhoro utyaye mu ntoke ze.”
Ibyahishuwe 14:12, 14.




139

Reka twongere gato turebere hamwe bimwe mu bimenyetso bizaranga itorero ry’Imana ryo mu minsi ya nyuma nkuko Bibiliya ibitwereka:




140

Itorero ry’Imana ryasigaye ryagombaga kugaragara nyuma y’igihe cy’akarengane gateye ubwoba karangiye mu mwaka w’i 1789.




141

Bazaba bafite kwizera kwa Yesu, ariko kuganisha ku kwitondera amategeko yose y’Imana.



142

Bazamamaza imiburo idasanzwe y’ubutumwa bwo mu Byahishuwe ku isi yose bategurira abantu kugaruka kwa Yesu.



143

Bazaba bafite impano z’Umwuka, zirimo n’impano y’ubuhanuzi.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri


144

Amatorerero yose ashobora kuba asa ukiyabona bwa mbere,


145

nyamara uko ugenda urushaho kwiga ibiranga abakomeza ukuri kw’Ijambo ry’Imana bameze, biroroshye kugenda uhanagura ku rutonde abo usanga badafite ibi bimenyetso bivugwa muri Bibiliya.
Ahari waba warakomeje gushakisha, ugerageza kuyungurura mu rudubi rw’amadini ariho ubu ku isi, ushaka itorero ryaba ar’iry’Imana muri ibi bihe biheruka.
Njye nizera ko hariho itorero rimwe rukumbi ry’ukuri. Rigizwe n’abantu bemera Bibiliya, bashingiye kuri Kristo, bakomeza Isabato, bibumbiye mu mutwe w’Abategereje b’Abadiventi, bakorera ku isi yose. Niyo mpamvu ndi Umudivantisti w’umunsi wa karindwi. Nizera ko iri torero ryujuje ibishakwa byose.


146

Uko twakomeje twiga ubu buhanuzi butangaje, ushobora kubona neza ko Imana Ifite ubutumwa bwihariye kandi Inafite Abantu bihariye bo kubwa mamaza ku isi yose.
Ariko ntibihagije kumenya gusa ibi bintu Bibiliya ivuga.


147

Kugira amahoro n’umunezero bikomoka ku kugendana na Yesu byuzuye, ni na ngombwa ko usohoka kandi ugakurikira ukuri nkuko guhishurwa mu Ijambo ry’Imana, kuko Yesu Yavuze Ati,



148

(Isomo: Yohana 13:17)
“Ni mumeny’ibyo, murahirwa niba mubikora.” Yohana 13:17.

# 20 - Kubaturwa n'Ukuri



149

**Imana Irakurarikira gufata umwe mu myanzuro y'ingenzi ushobora gufatira ubuzima bwawe.**
**Mbese wizeye kuba warumvise neza ijambo ry'Imana ryabwirijwe muri ibi bibwirizwa?**
**Mbese wizeye kuba warumvise ukuri kw'Imana kwamamajwe muri ibi bibwirizwa?**
**Wizeye se ko Umwuka Wera yakomeje guhata umutima wawe muri ibi bibwirizwa?**
**Iyo twumvise ijambo ry'Imana, iyo dutegeye amatwi ukuri kw'Imana, Umwuka wera aduhatira gufata icyemezo.**

**Wakwemera kuvuga uti, "Yee, Nyagasani, nemeye ijambo ryawe. Yee, Yesu, nemeye guhatwa n'Umwuka Wera. Kuva ubu nzagukurikira hose. Nahisemo kunyura mu nzira nyakuri."**
**Niba icyo ari cyo cyemezo cyawe, wakwemera ubu ugahaguruka tugasenga?**

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri



1

Imana Iracyavugira mu Bahanuzi Bayo.


2

Mu bihande bitandukanye byo ku isi abahanga bakoresha ibyuma bigezweho byo gutumanaho bashobora gufata amajwi aturutse mu kirere iyo giterwa inkingi.


3


Biringira ko igihe runaka bazumva amajwi aturutse ku bantu b’abanyabwenge batuye ayandi masi.


4

Byaragaragaye ko, mu myaka ibihumbi byashize isi yakiriye ubutumwa buturutse iyo gihera; ariko ababutega amatwi ni mbarwa. Ni ubutumwa buturutse ku Muremyi w’iyi si, ubutumwa bw’urukundo Imana Ishaka kugaruza abana bayo bigize ibyigomeke.



5

Urusika rutandukanya abantu n’Imana ntirwahozeho. Ibintu byose byatangiye ku isi mu mahoro. Isi itunganye, yari ituwe n’abantu babiri batunganye, baremwe ku ishusho y’Imana.



6

(Video: 7 sek) Nuko Imana ibasanga mu murima bari batuyemo ivugana nabo bahanganye.
Mbese tekereza ukuntu batemberana n’Imana mu mafu ya ni munsi!


7

Uko niko Imana Yari Yateganije umushyikirano wo guhorana, bo na Yo!
Ntacyo bahishwaga.
Uwo mugenderano wari agahebuzo.


8

Ibiri amambu rero, uwo mushyikirano warambye gusa igihe kireshya n’ibice bibiri byo muri Bibliya.

21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri


9

Itangiriro igice cya 3 hari igitekerezo cy’inshamugongo. Adam na Eva bagwa mu cyaha.


10

Bagomera itegeko ry’Imana ry’urukundo rutunganganye. Icyaha kibabatandukanya na yo. Icyaha ntigicana uwaka n’Imana. Ni ibihabane. Adamu na Eva ntibongeye gushyikirana n’Imana bahanganye amaso ku maso.


11

Mu cyimbo cyo kumvira Imana, bumviye inzoka Lusiferi maze bagwa mu cyaha batyo.



12

(Isomo: Itangiriro 3: 8)
Bibliya iti: “ Bumva imirindi y’Uwiteka Imana igendagenda muri ya ngobyi mu mafu ya ni munsi:



13

wa mugabo n’umugore we bihisha amaso y’Uwiteka Imana



14

hagati y’ibiti byo muri iyo ngobyi”
Itangiriro 3:8.
Adam na Eva barihisha!
Ntibashakaga kurebana n ‘Imana.
Bashakaga gusa kwihisha.
Ngibyo ibyo icyaha gikora.



15

kiratandukanya kandi kikangiza isano iri hagati y’abantu n’Imana no hagati y’umuntu na mugenzi we.

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri



16

**(Isomo: Yesaya 59:2)**
**Umuhanuzi Yesaya yaranditse ati: “ Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n’Imana yanyu;**



17

**kandi ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso” Yesaya 59:2**
**Yego, icyaha cyadutandukanije n’Imana, ariko nticyadutandukanije n’urukundo rwayo. Imana Yashatse inzira zatuma Ishobora gukomeza gushyikirana n’umuntu.**
**Urukundo ntirwigera rutanya rurahuza!**


18

**Yashyizeho ubundi buryo bwo gushyikirana n’abana bayo ku isi.-uburyo bwo kubayobora, kubigisha, no kubahishurira imigambi yayo. Yatoranije abagabo n’abagore Yizeye ngo bayivugire, maze bageze ku bantu bose urukundo rwayo n’imigambi yayo.**


19

**Mu bo yatoranije, harimo Mose, Miriyamu, Samweli, Eliya, Hulida, Debura, Yesaya, Yeremiya, n’abandi benshi.**



20

**Abahanuzi n’Abahanuzikazi bari abavugiramana.**



21

**Ni bwo buryo Imana Yavugiyemo ngo “ndabakunda, mbitayeho, kani mfite imigambi yo kubafasha’.**



22

**Muri Bibliya handitsemo ibiganiro Imana Yagiranye n’abantu. Ariko ibyo biganiro, byari bitandukanye n’ibyo Imana Yagiranye n’Adamu na Eva mu murima wa Eden.**

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri


23

Hari ubwo Imana Yavugiraga mu Mwuka Wera; ubundi Igatuma abamaraika bera cyangwa abantu.
Mu myaka 2500 yo mu ntangiriro z’amateka y’umuntu, inyandiko y’iby’Imana yahishuye muri icyo gihe yari itaraboneka. Abigishijwe n’Imana batangazaga mu mvugo ibyo babwiwe. Nyamara akenshi uburyo Yakoresheje ngo Ivugane n’abantu bayo, ni



24

(Isomo Amos 3:7)
Abagabo n’abagore bahanuye ibyavaga ku Mana bashorewe n’Umwuka Wera.
Ibyo si igitangaza, kuko Bibliya ivuga yeruye iti: “Nukuri, Uwiteka Imana ntacyo izakora itabanje gushishurira abagaragau bayo b’abahanuzi, ibihishwe byayo.”
Amosi 3:7.


25

Reka turebe ukuntu ubutumwa bwageraga kuri abo bahanuzi:




26

(Isomo 2 Petero 1:21)
“Kuko nta buhanuzi bwazanwe n’ubushake bw’umuntu:



27

ahubwo abantu b’Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n’Umwuka Wera. 2 Petero 1:21
Ni ko biri. Imana Yahoranye abahanuzi, ndetse mbere y’umwuzure wo mu gihe cya Nowa.



28

(Isomo: Yuda 14 )
Enoki yatangaje ibyo kugaruka kwa Kristo “Henoki wa karindwi uhereye kuri Adamu, yahanuye ibyabo agira ati,

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri



29

‘Dore, Uwiteka yazanye n’ inzovu nyinshi z’ abera be.” Yuda 14.
Enoki niwe muntu wa mbere uvugwaho impano y’ Umwuka w’ ubuhanuzi.
Ariko hariho n’ abandi!



30

(Isomo: Ibyakozwe n’ Intumwa 3:21)
Bibliya ivuga ngo, “ Imana yavugiye mu kanwa k’ abahanuzi bera bayo bose, uhereye kera kose” Ibyakozwe 3:21.
Undi muhanuzi witwa Nowa, yahanuye ko isi izarimburwa n’ umwuzure, hasigaye imyaka 120 ngo ibyo bibeho.


31

Nyuma y’ umwuzure, tubona abandi bahanuzi, abagabo n’ abagore nka Miriyamu, Debura, Yeremiya, Yesaya, Ezekeli, n’ abandi. Bari abigisha bo gukiranuka. Bari abayobozi barangwa n’ umwuka mbonezamutima, abavugira Imana.


32

Rimwe na rimwe, mu ibonekerwa, mu nzozi, ubundi mu Ijambo ryayo, ni mwo Imana Yiyerekaga abahanuzi, n’ abahanuzikazi, ariko buri gihe, ikoresheje Umwuka Wera.




33

(Isomo: Kubara 12:6)
Uwiteka aravuga ati: “ Niba muri mwe hazabamo umuhanuzi, Njyewe Uwiteka, mu iyerekwa ni mwo nzamwimenyeshereza.



34

Mvuganira na we mu nzozi”.
Kubara 12:6
Rimwe na rimwe, intumwa z’ Imana zagombaga gutangaza amagamo zabwiwe. Ubundi zagombaga kuyandika. Ubwo rero twavuga ko Bibliya ari ibyakozwe n’ abahanuzi n’ Intumwa. Umwanditsi wese yagize uruhari mu mugambi w’ Imana.



35

Bose baravuze, barandika bakoreshejwe na we. Bashorewe n’ “Umwuka We”. Urwandiko rw’ urukundo Imana Yandikiye abana bayo ku isi ni bo yarunyujijeho.

21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri



36

**Ni nk’aho Yavuze Iti: “Ndagukunda, nshaka gushyikirana nawe. Ariko cyane cyane, Ishaka ko tumenya icyifuzo cyayo: Ko igihe runaka tuzashyikirana nayo duhanganye!**


37

**Abanditse Isezerano Rishya bose, nka Matayo, Mariko , Luka ,Yohana, Paulo, Yakobo, Petero na Yuda bagize uruhari muri uwo mugambi. Bose bari bafite impano y’umwuka.**
**Icyakora muri icyo gihe nyine, habayeho n’abandi bavugira Imana: Simon, Agabo, Barinaba, Ana,**



38


**(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 21:9)**
**n’abakobwa bane ba Filipo “...bahanuraga. “ Bose babaye ibikoresho Imana YIfashije mu kugaragaza ubushake bwayo no gutera inkunga itorero rya Gikrisito mu mizo yaryo ya mbere.**


39

**Hanyuma Yesu Ariyizira aza kugaragaza mu magambo no mu bikorwa uko Imana Imeze. Bwabaye ubwa mbere isi ibona umuvugiramana umeze atyo, mu gushyanukira gutangaza ibyo Imana Ikunda n’ibiyishishikaje.**


40

**Nubwo ibinyajana cumi n’icyenda bidutandukanije na Kaluvari, abagabo n’abagore, abahungu n’abakobwa ntibaracogora gupfukama ku birenge by’umusaraba, no gusezerana komatana n’Umukiza Wacunguye iyi si.**
**Bibliya ivuga ko, ubwo Yesu Yasubiraga mu ijuru, Yagabiye abantu impano zo gutera akanyabugabo abiyemeje kumukurikira:**



41

**(Isomo: Abefeso 4:8)**
**Ni cyo gituma ivuga iti: amaze kuzamuka mu ijuru yajyanye iminyago, aha abantu impano.**
**Abefeso 4:8.**
**Izo mpano ni izihe?**

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri




42

(Isomo: Abefeso 4: 11-15)
Bibliya iravuga iti: “Nuko aha bamwe kuba intumwa ze; n’abandi kuba abahanuzi; n’abandi kuba ababwiriza b’ubutumwa bwiza; n’abandi kuba abungeri n’abigisha.”
Abefeso 4:11



43

Kuki Yesu Yahisemo gutanga impano Aziha Itorero rye? umurongo wa 12 uragira uti:” Kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby’Imana no gukomeza umubiri wa Kristo.”




44

Izi mpano zizamara mu Itorero igihe kingana iki? “Kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera, no kumenya umwana w’Imana, kandi kugeza ubwo twese tuzasohora kuba abantu bashyitse,




45

bageze ku rugero rushyitse rw’igihagararo cya Kristo.”
Umurongo wa 13.
Bibiliya ivuga ko izi mpano zagombye guha itorero gushikama zikanongerera abantu imbaraga.



46

“kugira ngo tudakomeza kuba abana, duteraganwa n’umuraba, tujyanwa hirya no hino n’imiyaga yose y’imyigishirize,



47

n’uburiganya bw’abantu, n’ubwenge bubi, n’uburyo bwinshi bwo kutuyobya.”
Umurongo wa 14.
Reba ku rutonde rw’impano z’umwuka nkuko Paulo azita, urebe umwanya impano y’umwuka w’ubuhanuzi ihagazemo.



48

(Isomo: 1 Abakorinto 12:28)
“Imana yashyize bamwe mu itorero; ubwa mbere intumwa, ubwa kabiri abahanuzi...”
1 Abakorinto 12:28.

21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri



49

**Impano yo guhanura iza mu mwanya wa kabiri, ikurikiye iyo kuba intumwa; ariko n’impano y’ingirakamaro mu gufasha itorero kurangiza neza umurimo waryo.**


50

**Paulo yagereranije impano z’Umwuka n’ingingo z’umubiri. Yerekanye ko amaso, umutwe, umunwa, n’izindi ngingo, umubiri uzikeneye kugira ngo urangize neza imirimo yawo. N’Itorero naryo nuko. Ridafite kwerekwa ryaba impumyi!**



51

**(Isomo: Imigani 29:18)
“Aho guhishurirwa kutari, abantu bigira ibyigenge, ariko ukomeza amategeko arahirwa.”
Imigani 29:18**


52

**Ahari wabaza uti; “Impano y’ubuhanuzi yarigitiye he, kuva aho Kristo Asubiriye mu ijuru, no kuva igihe abigishwa be bose bapfiriye?”**


53

**Ntihashize ibisekuruza byinshi itorero ritangira kurangara, kujya iyo benshi bagiye no guhemukira Imana n’amategeko yayo.
Yeremiya yanditse uko byagenze mu gihe Israel yari imaze kwadukwaho n’ubuhakanyi:**



54

**(Isomo: Amaganya ya Yeremia 2:9)
Amategeko ntakihari, n’abahanuzi be ntibakibonekerwa n’Uwiteka.
Amaganya ya Yeremia 2:9.**


55

**Itorero rya mbere rimaze gutora imihango ya gipagani no kuzibukira amahame ya Bibliya, impano z’umwuka zagiye ziyoyoka buhoro buhoro.**

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri


56

**Itorero rimaze gufata inzira y’ubuhakanyi cyangwa mu Bihe by’Umwijima, Bibliya zari ziboheye ku ngoyi ya membara z’ibigo by’abihayimana.**
**Muri rusange zari zanditse mu Giheburayo, mu Kigiriki no mu Kilatini.**


57

**Byari bibujijwe ko rubanda rugufi rutunga cyangwa rusoma Ibyanditswe.**
**Abapadiri ni bo bonyine bari bemerewe gusoma Bibliya no kuyisobanura.**
**Abakristo bake b’indahemuka biziritse kuri Bibliya no ku kuri yigisha. Itoteza ntiryababujije gukomeza umurimo w’ivugabutumwa, no gusaranganya ibipande by’Ibyanditswe bari batunze. Babibye imbuto z’ubugorozi, mbere cyane ya Wikilifu na Luteri, na Husi.**



58

**(Video y’amasegonda 8) Maritini Luteri, n’abandi basobanuye Bibliya mu rurimi rw’abaturage. Itoteza riraduka, ndetse rirushaho gutera abantu inyota yo gushaka mu ijambo ry’Imana.**


59

**Uko abantu barushagaho guhugukira ubushakashatsi mu Byanditswe, amahame y’ukuri yarushagaho gupfupfunuka. Ayo mahame yashyizwe ahagaragara, maze asa n’ayorosoye ubabyukaga maze hakurikiraho gukangukira bikomeye iby’iyobokamana.**


60

**Muri icyo gihe haduka muvoma nshya yo murwego rw’idini, igizwe n’inteko y’abakristo babyiyemeje; bamwe ari Ababatisita, abandi ari Abametodisiti, abandi ari Abaprezibiteriyani, n’abandi.. Maze bacukumbura mu Byanditswe kandi basengera guhabwa umucyo.**



61

**Nuko bagicukumbura, baza kugwa ku itegeko rya kane mu y’Imana basangamo urwibutso nyamukuru rw’irema; ari rwo munsi Imana Yategetse ko abantu bayo bagomba kujya bibuka. Bageze mu gitabo cy’Ibyahishuwe, basangamo igisa n ishusho y’ubwoko bw’Imana bwo mu minsi ya nyuma.**

21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri



62

**(Isomo: Ibyahishuwe 14: 12)**
**“Aha niho kwihangana kw’abera kuri, bitondera amategeko y’Imana, kandi bakagira kwizera nk’ukwa Yesu.”**
**Ibyahishuwe 14:12**
**Muri uko kwiga no gusoma ayandi masomo, basanga mu mategeko y’Imana harimo ririya rivuga kubahiriza Isabato yo muri Bibliya.**

---



63

**Urwibutso rwo kurema bararwemera maze batangariza abari mu isi ukuri ku Isabato.**

---



64

**(Video y’amasegonda 11) Impano y’ubuhanuzi se yo bite?**
**Imana Yaba Yaragabiye abakomeza Isabato bo mu bihe biheruka impano y’ubuhanuzi? Hari ikintu kidasanzwe Yabateganyirije? Mbese twaba twihuse mu magambo turamutse twemeje ko hari ikintu Imana Yateganyirije abantu bo muri iki gihe? Aho Imana Ishobora byose mu rukundo rwayo ntiyaba Ishaka gushyikirana natwe, abo muri iki gihe?**

---



65

**(Isomo: Yoweli 2:28,31)**
**Nimwumve: “Hanyuma y’ibyo nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose;**

---



66

**abahungu banyu n’abakobwa banyu bazahanura, abakambwe banyu bazarota, n’abasore banyu bazerekwa.”**

---



67

**“...uwo munsi mukuru w’Uwiteka uteye ubwoba utaraza.”**
**Yoweli 2:28, 31.**

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri




68

**Nawe reba. Imana Yavuze ko bizabanziriza “umunsi mukuru w’Uwiteka uteye ubwoba; ni ukuvuga kugaruka kwa Yesu. Mu bantu b’Imana hategerezwa kubamo impano y’ubuhanuzi mu minsi iheruka amateka y’isi. Igihe Paulo yabwiraga Abakorinto, dore icyo yavuze ku bantu b’Imana:**



69

**(Isomo: 1 Abakorinto 1:7)**
**“Bituma mutagira impano yose mubura, igihe mutegereje guhishurwa k’Umwami wacu Yesu Kristo.” 1 Abakorinto 1:7.**



70

**Tumaze kubona ko ubwoko bw’imana bwo mu minsi ya nyuma buzarangwa no kwitondera amategeko y’Imana no kugira kwizera nk’ukwa Yesu. Ibyahishuwe12:17**



71

**“ kwihangana kw’abera**



72

**no kwitondera amategeko y’Imana”**



73

**kandi bazagira guhamya kwa Yesu.**

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri




74

(Isomo: Ibyahishuwe 19:10)
Tubwirwa ko: 'guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi." Ibyahishuwe 19:10.
Mu yandi magambo tubwirwa ko guhamya kwa Yesu, ari ukwemeza ibimwerekeye, hakoreshejwe impano y'ubuhanuzi. Dukurikije Ibyahishuwe, itorero Imana Ikoresha mu minsi y'imperuka mu gutangaza ibiyerekeye, rirangwa no kwizera Yesu no gukomeza amategeko y'Imana hamwe n'impano y'ubuhanuzi.



75

Nibyo koko, Imana Iracyakeneye umushyikirano. Iracyafite icyo Itangariza abo muri iki gihe.




76

Ahari wabaza uti? "Umuntu se ntiyakubeshya ngo niwe kandi atari we?" Umuhanuzi w'Imana, n'umuhanura binyoma wabatandukanya ute?




77

Ubuhendanyi bwahozeho na kera. Ari abahanuzi nyakuri ari n'abiyita bo bose bahozeho mu mateka y'isi. Niba tuzi ibiranga abukuri ntitwagombye kugira ikibazo ku bahanurabinyoma.




78

Bibliya itanga ibimenyetso biranga umuhanuzi nyawe:



79


Umuhanuzi nyakuri avuga ibihuje n'ijambo ry'Imana n'amategeko yayo.



80


(Isomo: Yesaya 8:20)
Ni musange amategeko y'Imana n'ibiyihamya! Ni batavuga ibihwanye n'iryo jambo, nta museke uzabatambikira."
Yesaya 8:20.

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri




81

Ibyo umuhanuzi nyakuri avuze ko bizaba, ni ngombwa ngo bibeho!



82

(Isomo: Yeremiya 28: 9)
Ijambo ry’ uwo muhanuzi ni risohora, niho bizamenyekena ko yatumwe n’ Uwiteka koko. (Yeremiya 28:9)




83

Umuhanuzi nyakuri yunganira itorero. Imwe mu mpamvu Imana yatanze impano y’ ubuhanuzi, ni ukunganira itorero. Kugira ngo tumenye impano nyayo tugomba kumenya itorero nyakuri. Bifatanye urunana.




84

(Isomo: 1 Abakorinto 14:3,4)
“Ariko uhanura we, abwira abantu ibyo kubungura,ibyo kubahugura, n’ ibyo kubahumuriza...



85

“Ariko uhanura we, yungura Itorero.”
1 Abakorinto 14:3, 4.




86

Umuhanuzi nyakuri yerereza Kristo nk’ Umwana w’ Imana, n’ Umukiza w’Abantu:



87

(Isomo: 1Yohana 4:1,2 )
Bakundwa, ntimwizere imyuka yose, ahubwo mugerageze imyuka ko yavuye ku Mana,



88


kuko, abahanuzi b’ ibinyoma benshi badutse bakaza mw isi.”

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri



89

"Umwuka wose uvuga ko Yesu Kristo yaje afite umubiri ni wo wavuye ku Mana." 1 Yohana 4: 1, 2.
B.Y. 57



90

Umuhanuzi nyakuri, amenyekanira ku mibereho ye no ku bikorwa bye.



91

(Isomo: Matayo 7: 16,18)
"Muzabamenyera ku mbuto zabo....



92

Igiti cyiza ntikibasha kwera imbuto mbi, n'igiti kibi ntikibasha kwera imbuto nziza"
Matayo 7: 16,18



93

Hakurikijwe amasomo tumaze kubona, bigaragara ko ubushishozi ari ngombwa mbere yo kwemera uwo ari we wese wigamba ko ari umuhanuzi nyakuri w'Imana.


94

Ubutumwa bw'umuhanuzi nyakuri, imibereho ye, ibikorwa bye bigomba gutiza umurindi bigahura n'amahame n'amategeko y'Imana uko byanditse muri Bibiliya.
Uwemeza ko atumwe n'Imana wese agomba kunyura muri iri suzuma.
Ni bagerwamo rikabemera, ubwo bizaba ari ubuhoro.
Ni ritabemera, kurikiza imiburo ya Kristo yo "kubitondera", ubagendere kure.

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri


95

Reka mbabwire uko Imana Yahisemo gushyikirana n’abantu bayo. Hari mu gihe abantu bari batangiye kugaragaza amahame yapfukiranwe mu binyejana byinshi.
Hari mu gihe cyo gushishikariza abantu iby’idini, kubakangura bikomeye mu bihe bibanza byo mu kinyejana cya 19.
Benshi bari bahugukiye kwiga Bibliya no gusenga. Danieli n’Ibyahishuwe ni byo byari bigezweho mu buryo budasanzwe.


96

Abizera bashishikariye kwiga Bibiliya bize ubu buhanuzi maze mu mwanzuro wabo bavuga ko Yesu yagiye kugaruka mu gihe bari bakiriho.



97

Byageze igihe bemeza itariki ya 22 ukwakira 1844. Iyo tariki rero igeze, Yesu bari bategereje ntiyagaruka.


98

Bacitse intege bitavugwa. Bahawe urwamenyo, rubanda rurabakwena, bumva ko basebye.



99

(Videwo y’amasegonda 8)
Nyuma, bamaze gusenga cyane no kongera kwihugura, basanga itariki ari yo, igikorwa ari cyo bibeshyeho! Bari bibwiye ko ubuturo bwera buvugwa muri Daniel 8:14 ari ubwo mu isi , nyamara bari bibeshye. Si ubuturo bwo mu isi bwagombaga kwezwa n’umuriro, ahubwo ni ubwo mu ijuru. Ibi byagombaga kuba maze imico y’Imana n’ubutegetsi bwayo bikagarurirwa ishema ryabyo.

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri


100

**Abantu barasebye. Bararita karahava.
Ariko Imana y'urukundo, nta na rimwe Yigeze Itererana uwo wese ushaka ukuri abikuye ku mutima: kandi mu bihe biruhije Yitaye kuri abo Badive muri ibyo bihe byari bibakomereye. Yashakaga ko bamenya ko Ibitayeho - ko Ibakunda kandi ko Yashakaga kubafasha.
Muri ayo mahina nibwo Imana Yashatse kubyutsa impano y'ubuhanuzi Iyiha Ubwoko bwayo. Byatangiye ku buryo bushimishije!**


101


**Yahisemo umwangavu w'umunyantegenke w'imyaka 17 imwereka uko umurimo w'Imana uzanesha. Iyerekwa rya mbere rya Elina Harumoni yarihawe hashize igihe gito gutentebuka ko mu Kuboza 1844 kubaye.Yeretswe abantu b'Abadive mu muhanda uzamuka ugana mu ijuru, bamurikiwe n'umucyo w'agatangaza.**


102

**Mbega ubutumwa bwabereye ihumure amatsinda mato y'abizera b'Abadiventi yari anyanyagiye hirya no hino, amatsinda yaje nyuma kumenywa ku izina ry'Abadivantiste b'umunsi wa karindwi!**


103

**Uyu Elina White waje gushyingirwa James White, umwe mu batangiranye n'ubudiventi, yakomeye ku guhamagarwa kwe. Yaravuze, arandika, atanga inama mu gihe kirenga imyaka 70.
Nubwo kwaguka kw'ibikorwa bye mu by'umurimo w' Imana no kuzobera kwe byamamaye, kuri we, umurimo we w'ingenzi wabaye umucyo muto uyobora abantu ku "mucyo munini" ari wo Bibliya.**




104

**Yaranditse ati: " Abantu ntibitaye kuri Bibliya. Kandi Uhoraho yaratanze umucyo muto ngo uyobore abantu ku 'Mucyo munini'."
Byavuye mu gitabo cyitwa Colporteur Ministry, ( Umurimo wo kubwiririsha ubutumwa ibitabo) ku rupapuro rw'i 125**

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri



105

Yerereje Ibyanditswe Byera.Yemeza  ko ari rwo rukiko kaminuza rukemura ibibazo byo mu rwego rw’amahame y’imyizerere. Ku barwanya Bibliya, yanditse  mu gitabo:



106

“Komera ku byanditswe muri Bibliya yawe nkuko byanditse, ibyo kuhinyura ukuri kwayo ubyivanemokandi wubahe Ijambo ry’Imana,



107


kandi nta n’umwe muri mwe uzazimira.”
Byavuye mu gitabo cyitwa “Selected messages,” “ Ubutumwa bwatoranijwe” mu gitabo cya 1, urupuro rwa 18.


108

Mu rwego rw’idini, nta mwanditsikazi ugeze kuri Elina White wanditse ibitabo nkawe, inyandiko ngufi, amabwiriza ahugura cyangwa amenyesha, n’inzandiko yasinyeho.  Ubutumwa, inama impanuro zivuye ku Mana, byose yabisaranganyije abo mu gihe cy’ubuzima bwe bwose.


109

Mu byo yanditse, harimo inama ku buzima bunesha bwa gikristo, ku mirire, ku buzima buzira umuze, ku buzima bw’umugore utwite, imiti, ubuzima imuhira, kurera abana, uburezi, n’ibindi byinshi. Byinshi mu byo yanditse mu myaka 100 ishize, intiti zigezweho zarabyemeje; Abigisha baminuje, abaganga, abanyamakuru  bagiye bifashisha ibyo yanditse, bakanabitangaza mu nzego nyinshi z’ubuhanga.



110

Nyakwigendera Dogiteri Clive M.McCay, wahoze yigisha Iby’Imirire muri Kaminuza Cornell yaravuze ati:
“Kwifashisha inyandiko za Elina G. White byatewe n’uko ziyobora abantu mu mirire igamije kugusha neza ibice byose by’umubiri.” Byavuye mu gitabo cyitwa:
Natural Food and Farming (Ibyokurya karande n’ubuhinzi bwa kijyambere) cyo muri  Mata 1958

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri




111

**Mu 1864 Elina White yaranditse ati: “Itabi ni uburozi bwo mu rwego rwangiza rukoresheje ubuhendanyi...**



112

**Ingorane riteza, ziza buhoro buhoro, kandi ntizihita zigaragara.”**




113

**Nyamara, muw’i 1957 niho Sosiyete y’Amerika irwanya kanseri n’ishyirahamwe ry’Amerika ryiga ku ndwara z’imitima zemeje ko itabi ari imwe mu mpamvu zitera kanseri yo mu bihaha.**
**Muri icyo gihe byari biruhije kwemera ibitekerezo bya Elina white  kuko abantu icyo gihe bizeraga ko itabi ryari umuti uvura indwara zo mu bihaha.**



114

**Mu mwaka wa 1905 Madamu White yanditse ko hari “udukoko” dutera indwara za kanseri .**
**Yagize ati: “Abantu bakomeje kurya inyama zuzuyemo udukoko  dutera igituntu na kanseri...**




115

**Uko niko igituntu, kanseri, n’izindi ndwara za kirimbuzi zandura.**
**Umurimo w’ubuvuzi, p. 313**



116

**Birumvikana, ubu tumaze kumenyera gukoresha ijambo virusi. Imyaka 93 nyuma y’icyo gihe,  ikinyamakuru Newsweek cyadukanye ingingo ivuga ngo: “Za virusi zitera kanseri.”**



117

**Dogiteri Wendell Stanley, wo muri Kaminuza ya Kaliforuniya, impuguke mu bumenyi bwa Virusi, wahawe igihembo gihanitse cyitiriwe Nobel.**



118

yageze kure no kuvuga ko yemera ko udukoko cyangwa virusi ko inyinshi muri zo zitera kanseri zizahaza abantu"
Ikinyamakuru Newsweek, Kanama 18, 1956



119

Muw'i 1902, Elina White yaburiye San Fransisco na Oakland ko Uwiteka Azatera iyo midugudu, bitewe n'uko yahindutse nka Sodomu na Gomora. Manuscript 1902, ku rupapuro rw'i 114)



120

Ku wa 18 Mata, 1906 saa kumi n'imwe n'iminota 12 zo mu museso, umushitsi ukomeye watigishije umugi wa San Fransisco. Ubuhanuzi bwarujujwe. Igikuba cyacitse nkuko byari byarahanuwe. Ibyo Madamu White yagezeho birushaho gutangaza iyo umuntu atekereje inkomyi zagiye zimubangamira, mu minsi yose y'ukubaho kwe.



121

Umuntu yakwibaza ati Elina White ni nde kandi yari muntu ki?
Igisubizo kiratujyana kikadusubiza kuri 26 z'Ugushyingo mu mwaka 1827


122

Kuri iyo tariki, abakobwa b'impanga Elizabeti na Elina bavukiye hafi y'icyaro cy ahitwa Gorham mu ntara yitwa Maine. Nyina yitwaga Eunice Harmon na se Robert Harmon. Elina yari umuhererezi mu bana umunani.


123

Afite imyaka 9 y'ubukuru, yagize impanuka yahinduye imibereho ye kugeza apfuye. Ubwo yari atashye avuye ku ishuri, Elina yahuye n'ibuye mugenzi we biganaga yamuteye, riramukomeretsa cyane.


124

Yamaze ibyumweru 3 ari muri koma ntacyo yumva. Ibyo kwiga byahise bihagarara. Byasaga n'aho atazabaho igihe kirekire. Mu mashuri ntiyigeze arenza ay'ibanze.

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri


125

**Nyuma, igihe cyose Elina yibukaga ibyamubayeho amaze imyaka cyenda, byamuteraga agahinda. Mu by’ukuri, kudasubira mu ishuri, kudashobora kongera kwiruka akina n’abavandimwe byamumenaga umutima.**
**Igipande kimwe cy’ubuzima bwe kirangiye, ikindi cyahise gitangira. Atangira guhugukira ibyigisho bya Bibliya. Akajya ajya mu materaniro makuru, mu materaniro makuru, mu kwiyungura, no mu biterane byo mu ngo.**


126

**Nyuma y’amateraniro makuru yabereye i Buxton (soma Bakisitoni) mu ntara ya Maine (soma Mene), Elina yabatijwe kuwa 26 Kanama, 1842. Ahinduka umwizera wo mu itorero ry’Abametodisite.**



127

**Hanyuma, Elina n’ab’umuryango we, bagiye mu materaniro yabereye i Portland muri Maine. Umubwiriza yari William Miller, wahoze ari kapiteni mu gisirikari akaba yari amaze iminsi yiyigisha cyane Bibliya. Ingingo yibandagaho yari ukugaruka wa Kristo. Ibyo byatumye, we hamwe n’abo bafatanije bahimbwa izina ryitwa “Abadive”, cyangwa “Abamileri”.**
**Ab’umuryango wa Harumoni bemeraga badashidikanya ukuri kw’ibyo Milleri yigishaga bwaari ubutumwa bw’ukuri.**


128

**Ariko nabo, baciw’intege na cya gikuba cyacitse ku wa 22 Ukwakira 1844.**
**Elina yarahungabanye cyane.Yararize, arasenga ashakira insinzi muri Bibliya, afatanije n’abari bagize wa mutwe wari uwabategereje Yesu w’”abadive”.**
**Nuko Imana Imuhamagarira kuba umuhanuzikazi. Ku gihagararo, ntiwamuketseho icyo cyubahiro.Yari umwangavu w’imyaka 17, arwana n’indwara y’igituntu, ndetse n’iy’umutima wari utangiye kumugera amajanja.**
**Nyamara mu Kuboza 1944, Imana Yahisemo kuvuganira nawe mu ibonekerwa. Yabyakiriye ate?**

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri



129

**Nyuma y’iryo bonekerwa, Imana Impa umucyo, Integeka kuwugeza ku bandi... Ariko ndabihunga. Nari muto, ndatekereza ngo nta uzanyumva.**
**-- Elina G. White Urwandiko rwa 3, 1847.**


130

**Nubwo yumvaga izo nshingano zimurenze, kwizera ni ko kwatumye yemera umurimo Imana imuhamagariye, uwo yari agiye gukora mu mibereho ye yose.**


131

**Elina n’umugabo we bafatanije umurimo wo gukwiza umucyo Imana yabagejejeho.**


132

**Ibyo bagezeho n’ubwitange bwabo bigaragarira mu nyandiko zabo. Elina White mu buzima bwe bwose yari umukristo kazi witanze, umuja w’Imana utarambirwa,n’umubyeyi w’impuhwe. Ari umugabo we, ab’umuryango we, n’imbaga y’abantu ibihumbi ku isi, bose baramukundaga.**



133

**Tariki 6 z’ukwa 8, 1881James (soma Jemusi), yaguye i Batttle Creek muri Michigan(soma batele kiriki. muri Mishigani)**
**Elina, mu ijambo yavugiye ku gituro cy’umugabo, yasezeranye ko atazatezuka ku murimo bombi bitangiye batizigama kuva mu myaka irenga 35!**


134

**Zimwe mu nyandiko zishimishije za Elina White zasohotse nyuma y’iriya tariki ; yabaye mu murimo ari umupfakazi indi myaka 34. Yatembereye ibihugu byinshi akora umurimo w’ubuhanuzi. Ayobora, yigisha, atanga inama mu bizera, akurikije amabwiriza Imana Yamuhaye.**

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri



135

Elina Gould White yashoje ubuzima n’imihati bye ku itariki ya 16 Kanama 1915. Yari arengeje imyaka 87 y’ubukuru. Yahambwe iruhande rw’umugabo we mu kaburi ka Oak Hill, muri Battle Creek muri Michigan. Nyuma y’ibyumweru bike atabarutse, hari ikinyamakuru cyatangaje ibi bikurikira:




136

“Nta mwuka wo kwiyemera wamurangwaho, haba no kwifuza indamu mbi. Imibereho ye n’umurimo we byabaye ibikwiriye Umuhanuzikazi. Yasigiye Amerika umurage utangaje.”
Byavuye mu Kinyamakuru cyitwa The New York Independent , 23 Kanama , 1915.



137

Ni koko, ijwi rye ubu ryaracecetse, ikaramu ye iri mu kiruhuko. Ariko amagambo ye y’igiciro cyinshi, impanuro n’inyigisho z’uwo muvugiramana w’indahemuka zizakomeza kuyobora abantu b’Imana kugeza ku kunesha guheruka!




138

(Video y’amasegonda 6 ) Umurage yasigiye abari mu isi, ni impano y’urukundo - ubutumwa bwahuranije ikirere, buturutse ku Mana y’urukundo ikomeje gushaka gushyikirana n’abana bayo, kugeza ubwo Yesu azagaruka. Icyo gihe umucyo muto uzikubura ubise umucyo w’agatangaza uzatumurikira duhagaze mu maso ye, twongeye gushyikirana nawe, duhanganye, dusabagira mu ikuzo rye rihebuje!

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri


139

Imyaka runaka ishize, mu butayu bunini bwo muri Bechuanaland ( Soma Becwana landi) ni muri Afrika y'epfo, hariho umuturage witwa Sukuba, wo mu bwoko bw'inzererezi; yiberaga wenyine. Rimwe mu gihe cy'itumba, yaseseye mu kiraro cye ngo aryame. Ariko umucyo uramuzenguruka uruta ndetse uwo ku manywa. Umuvajuru urabagirana amubwira gushaka abantu b'igitabo, basenga Imana.
Sukuba ntiyasobanukiwe.
Aribaza ati: Ikihe gitabo? Nagisoma nte?
Ururimi rwe rufite inyuguti zidahuye n'inyuguti z'izindi ndimi z'amoko y'Abanyafurika. Ururimi rwe ntirwigeze rushyirwa mu nyandiko ngo rwandikwe. Ariko "wa wundi "Urabagirana" nkuko Sukuba amwita umumarayika wamubonekeye yari yaramubwiye ko, " Icyo gitabo kivuga, kandi ko azashobora kugisoma."
Sukuba hamwe n'umuryango we, afata inzira, ashakisha cya gitabo. Ageze ku rugo rw'abahinzi, ababaza niba bazi abanyagitabo.
Umwo mu bundi bwoko atangazwa no kumva wa muvashyamba asa n'uvuga ururimi rw'ubwoko bw'abitwa Bantu.
Ntibazuyaza kumushyikiriza umupastoro, washimishijwe no kumva igitekerezo cye.
Amubwira ko arangije urugendo.
Sukuba yari anezerewe cyane.
Ariko muri iryo joro wa muvajuru yongera kumubonekera, amubwira gukomeza urugendo ruzamugeza ku bakomeza Isabato no kuri Pastor Moye wagombaga kuba afite Igitabo, n'ibitabo bine by'ibijuju ariko mu by'ukuri ari ibitabo icyenda.
Umunsi wakurikiyeho, Sukuba yarasenze asaba ikimenyetso. Yashakaga kumenya aho agomba kugana. Arangije gusenga, igicu kigaragara mu ijuru. Sukuba afata inzira agenda iminsi irindwi akurikiye cya gicu, cyaje kuzimangatana ku murenge runaka.
Aho niho Sukuba yatangiriye kubaririza kwa Pastor Moye aza kuhagera.
Nyuma Sukuba atekerereza igitekerezo cye mu rurimi ruvugwa n'abaturage baho, Pastoro Moye azana Bibiliya ye ishaje. Sukuba ariyamirira ati: " Icyo ni cyo Gitabo". Ariko yongeraho ati: Ibindi bitabo bine birihe ko byose hamwe ari icyenda?

21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri

# 21 - Ubutumwa Buturutse Hirya y'Inyenyeri

Uko byaje kugaragara, Elina White, mu myaka yari yarahise yari yaranditse ibitabo imitumba icyenda bivuga amabwiriza y’itorero ry’Imana byitwa “ Ibihamya ku matorero. ibi bitabo byaje nyuma kubumbirwa mo ibitabo bine.

Ibyo Sukuba yashakaga yari abigezeho.

Yari abonye abanyaGitabo.

Yari abonye abakomeza i Sabato, bafite umugisha wo kugira impano y’ubuhanuzi.

Nuko we n’umuryango we wose wemera Kristo, barabatizwa, bahinduka abavugabutumwa muri bene wabo.

Imana Irakora ibitangaza mu kuyobora abantu mu itorero ryayo ry’ukuri. Kuba wumvise iki gitekerezo si tombola. Nawe uri mu nzira, nk’iya Sukuba, Imana Irakuyobora ku kuri kwayo. Iraguha ubutwari bwo guhangana n’akazaza ejo.

Ahari waba umaze imyaka ushakisha ukuri. Ubu ukuri uri kugukozaho imitwe y’intoki.

Imana niyo Yakuyoboye hano. Nkuko byabaye kuri Sukuba, ushobora kuvuga uti. “ Ngiri! Itorero ry’Imana! Mbese ntiwakwifatanya n’abakomeza amategeko y’Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu? Ntiwakwemera kwifatanya n’ubwoko bw’Imana bwo mu minsi ya nyuma?

Zirikana uburyo wakwitanga. Haba n’ubwo iki cyaba ari cyo cyemezo rurangiza cyo mu buzima wawe.

# 22 - Hitamo Imara Ipfa



1

**Itorero ry’ukuri waribona ute?**



2

**Hari ubwo wigeze wibaza impamvu hariho amadini menshi? Umuturage usanzwe ntamenya kuyatandukanya. Amenshi yigisha ko ari yo yonyine ari mu kuri. Hari ubwo waba waribajije idini ryigisha kandi rikizera ukuri kw’Imana?**



3

**Nshuti, Bibliya iradufasha gusubiza icyo kibazo. Mu gihe isi irimo urudubi rw’amadini, ijambo ry’Imana ryadufasha gutandukanya ukuri n’ibinyoma.**



4

**Ingingo tugiye kwiga iravuga ngo “ Kuki hariho amadini menshi?”**




5

**(Isomo: Amosi 3:7)**
**“Nukuri, Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora,” ni ko Bibliya ivuga, “itabanje guhishurira abagaragu bayo b’abahanuzi ibihishwe byayo.”**
**Amos 3:7.**



6

**Videwo y’amasegonda 4)**
**Reka tugane ijambo ry’Imana.**
**Mwibuke ko igitekerezo cy’umuntu ku giti cye atari cyo ngombwa keretse gishyigikiwe na Bibliya.**
**Iyo bihuje, ndabyizera.**
**Iyo bitandukanyena Bibiliya, biba atari ibyanjye!**



7

**Dutangirire icyigisho cyacu mu gitabo giheruka ibindi muri Bibliya aricyo -- Ibyahishuwe.**
**Ibyahishuwe, mu gice cya 6, havuga abagendera ku mafarashi**




8

**Abo banyamafarashi bagereranya ibihe bitandukanye by’amateka y’idini rya Gikristo. Muri ibyo bihe ni mwo amatorero menshi yagiye avuka.**



9

**(Isomo: Ibyahishuwe 6:1)**
**Nuko mbona umwana w’intama amena kimwe muri ibyo bimenyetso bifatanije cya gitabo;**




10

**numva kimwe muri bya bizima bine kivuga ijwi nk’iry’inkuba kiti: ‘ngwino’.”**
**Ibyahishuwe 6:1**
**Amateka y’ubukristo agagagarira muri iki gice cya gatandatu.**



11

**(Isomo: Ibyahishuwe 6:2)**
**Ngiye kubona mbona ifarashi y’umweru, kandi uyicayeho yari afite umuheto; ahabwa ikamba nuko agenda anesha kandi ngo ahore anesha.**



12

**nuko agenda anesha kandi ngo ahore anesha”.**
**Ibyahishuwe 6:2.**


13

**Ni ukuvuga ko itorero rya mbere ari itorero rifite kwizera kunesha. Rigereranwa n’ifarashi y’umweru. Uwo mweru ugereranya kwizera kuboneye, kutanduye.**


14

**Byari byiza by’agahebuzo ku babayeho mu kinyejana cya mbere, Yesu Akimara kuzamuka mu ijuru bagize icyo baturusha.**


# 22 - Hitamo Imara Ipfa


15

Abigishwa bari buzuwemo n’ubutwari bwinshi no kwizera kwinshi, kuko babanye kandi bakagendana na Yesu. Bamwiboneye Azuka, Azamuka mu ijuru, Bari bazi ko Azagaruka. Bari bizeye mu mitima yabo badashidikanya ko amasezerano ye azasohora.


16

Amavamuhira n’ubwuzu bwinshi byabateye gushishikara mu gukwiza ubutumwa aho bashoboraga kugera hose.




17

(Isomo: Abakorosayi 1:21 -23)
Bakwije ubutumwa mu isi yari izwi icyo gihe. Paulo ati: “Namwe abari baratandukanijwe n’Imana kera, mukaba mwari abanzi bayo mu mitima yanyu no kubw’imirimo mibi,



18

none yiyungishije namwe



19

urupfu rw’umubiri we ngw’abashyire imbere yayo muri abera,



20

n’abaziranenge mutagawa.



21

niba muguma mu byo twizera, mwubatswe neza ku rufatiro,

# 22 - Hitamo Imara Ipfa



22

mutanyegenyega, kandi mutimurwa ngo muvanwe mu byiringiro biheshwa n’ubutumwa mwumvise,




23

bwabwirijwe mu baremwe bose, bari munsi y’ijuru, ari bwo njyewe Paulo, nahindukiye umubwiriza wabwo.” Abakolosayi 1:21-23.



24

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 5:14)
“Nyamara abizeye Umwami Yesu bakomezaga kubongerwaho,abantu benshi b’abagabo n’abagore.”
Ibyakozwe 5:14.
Igitabo cy’Ibyakozwe n’Intumwa kivuga ko abantu benshi babatizwaga buri munsi.



25

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 2:27)
“...Kandi uko bukeye, Umwami Imana ikabongerera abakizwa” Ibyakozwe n’Intumwa 2:47.
Itorero ryari umubiri wa Kristo.


26

Benshi babatirijwe muri Yesu. Babatirijwe mu mubiri we ari ryo torero. Abigishwa ba mbere bari bitaye kubera Yesu indahemuka. Igihe abigishwa babuzwaga kwigisha mu izina rya Yesu, Bibliya iravuga ngo:



27

(Isomo: Ibyakozwe n’intumwa 5:29)
“Petero n’izindi ntumwa barabasubiza bati: Ibikwiriye ni ukumvira Imana kuruta abantu.”
Ibyakozwe 5:29.
Icy’Ingenzi kwari ugukora ibyo Imana Yavuze biruta gukurikiza imihango yashyizweho n’abantu.


28

Bari bafite kwizera kuboneye kuko babanaga na Yesu. Ibyo bizeraga ni bimwe n’ibyo Yesu Yizeraga. Bigishaga ibihwanye n’ibyo Yesu Yigishije.

# 22 - Hitamo Imara Ipfa


29

Bene uko kwizera niko natwe tugomba kugira. Kwizera gucishije make, kuboneye, gutegereje kugaruka kwa Yesu.
Kwizera gukwirakwiza ubutumwa bwiza bw’agakiza, ku nshuti no ku baturanyi, kugeza ku mpera y’isi.
Kwizera gusohoza inshingano yo kubwiriza ubutumwa Yesu yatanze.
Kwizera kuboneye.
Uku niko kwizera abizera bo mu kinyejana cya mbere bari bafite.



30

Itorero rya mbere ryo kwizera kunesha rigereranwa n’ifarashi y’umweru.
Igihe cy’iryo torero cyarangiye mu mwaka w’i 100 nyuma yo kuvuka kwa Kristo.


31

Yohana yabonye iki ubwo Yesu Yamenaga ikimenyetso cya kabiri?



32

“Isomo: Ibyahishuwe 6: 4)
Nuko haza ifarashi itukura cyane. Uyicayeho ahabwa gukura amahoro mu isi,



33

ngo bicane, kandi ahabwa inkota ndende” Ibyahishuwe 6:4.

Hano dufite kwizera kwisize amaraso.


34

Tuzi yuko nyuma y’umwaka 100 Nyuma yo kuvuka kwa Kristo, Abakristo batangiye kwirukanwa i Roma, aho bicirwaga, kandi benshi muri bo bagaburiwe ibisimba, mu mazu y’imikino mu gihe cy’ubutegetsi bwa Roma mpuzabihugu.

# 22 - Hitamo Imara Ipfa


35

Icyo gihe itorero rya gikristo ryarahagorewe cyane. Ariko ibyo ntibyabujije Itorero gukura. Umwe mu banditse ku mateka y’icyo gihe yavuze ko amaraso y’abakristo ari nk’imbuto. Uko abantu bapfaga bamaze kwiyegurira Yesu basaga n’aho basize babibye imbuto, zeragamo abandi bo kubasimbura.  Inkuru nziza y’agakiza yasakaye aho Roma yategekaga hose ndetse no kugera aharangwaga abantu hose muri icyo gihe.



36

Nuko rero ifarahi itukura igereranya kwizera kwisize cyangwa kwandujwe n’amaraso. Ikimenyetso cya kabiri kigrerenya Itorero ryo mu myaka kuva mu 100 nyuma y’ukuvuka kwa Kristo kugeza 323 nyuma y’ukuvuka kwa Kristo.




37

(Isomo: Ibyahishuwe 6:5)
Nuko Yesu amena ikimenyetso cya gatatu -- ari cyo kigereranya, igihe cya gatatu cyo mu mateka y’ Itorero. “Amennye ikimenyetso cya gatatu, numva ikizima cya gatatu kivuga kiti ‘ngwino’.




38

Nuko ngiye kubona mbona ifarashi y’umukara. Kandi uwari uyicayeho yari afite urugero rw’indatira (umunzani) mu ntoke ze.” Ibyahishuwe 6:5.


39

Iyi farashi y’umukara igereranya kwizera kw’imberabyombi.



40

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 20: 29, 30)
“Nzi yuko ni mmara  kuvaho, amasega aryana azabinjiramo, ntababarire umukumbi.

# 22 - Hitamo Imara Ipfa




41

Kandi muri mwe ubwanyu hazaduka abantu bavugira ibigoramye, kugira ngo bakururire abigishwa inyuma yabo.
 Ibyakozwe n’Intumwa 20: 29, 30.
Iki cyabaye igihe kibabaje cyane mu mateka y’itorero rya gikristo.



42

Ni igihe cy’imbera byombi, ubwo ubupagani bwifatanyaga n’ubukristo.  Danieli yari yarabihanuye.




43

(Isomo: Danieli 8:12)
Izo ngabo hamwe n’igitambo gihoraho  bihanwa mu butware bwaryo ku bw’igicumuro.





44

Kandi iryo hembe rito iby’ukuri ribijugunya hasi, rikajya ribasha ibyo rigambiriye.” Danieli 8:12.




45

Igihombo gikomeye ni uko muri icyo gihe, ukuri kwatakaje rimwe mu mahame yakwo y’ingenzi, aririyo gukizwa no kwizera  Yesu gusa.  Kwizera Yesu kwasimbuwe n’amabwiriza ya Kiliziya.




46

Niba wibuka ibyo twize mbere, Bibliya yigisha ko agakiza ari impano itangirwa ubuntu. Ni impano, kuko twese twakoze ibyaha, bityo tukaba tudakwiriye ako gakiza. Ikidukwiriye ni urupfu, kuko ibihembo by’ibyaha ari urupfu. Ariko impano y’Imana ni ubugingo budashira.




47

Yesu Yadupfiriye tukiri abanyabyaha.  Muri make, ubwo ni bwo butumwa bwiza.


22 - Hitamo Imara Ipfa

# 22 - Hitamo Imara Ipfa




48

Kugira ngo twakire iyo mpano, icyo dukeneye ni ukurarika Yesu ngo Aze mu mitima yacu.



49

Nuko ahita atubabarira ibyaha byose.



50


Ubwa kabiri aduha imbaraga zo kutongera gukora icyaha. Azaduha imbaraga zo kugera ikirenge mu cye.


51

Ariko uku kuri kworoheje ku agakiza, ubu butumwa bwiza bworoheje nkuko buri muri Kristo, byavanzwe n’ibitari ukuri, bisimbuzwa amabwiriza yashyizweho na Kiliziya.


52

Mu cyimbo cyo kugenda ushize amanga ugana ku ntebe y’ubuntu bw’Imana kugira ngo ugirirwe ubuntu n’imbabazi, wature ibyaha nkuko Bibliya yigisha, abakristo bigishijwe kugura imbabazi z’ibyaha byabo.



53

(Isomo: 1 Yohana 1:9)
Ariko Bibliya iravuga ngo: “Ariko nitwatura ibyaha byacu, niyo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose.”
1Yohana 1:9


54

Abakristo bigishijwe ko bagomba gusanga Padiri. Bagombaga kujya ku muntu. Ntibari bakigenda bashize amanga ngo bagane intebe y’ubuntu bw’Imana. Agakiza gahinduka ingorabahizi. Nuko abantu bapfakwemera ayo maburakindi kuko bari badafite Amagambo y’Imana.


# 22 - Hitamo Imara Ipfa


55

**Muri icyo gihe, gutunga ijambo ry’Imana byari bibuzanijwe n’itegeko. Amacapiro yari atarabaho. Byari biruhije rero kugira nibura igipande cy’Ibyanditswe byera. Benshi bemeraga ibyo abayobozi b’itorero bababwiye. Maze imyizerere ya gikristo iragenda irazamba.**



56

**Ihame rya kabiri rya Bibliya ryazahaye ni iryerekaranye no gusenga. Mu cyimbo cyo gusenga Umuremyi, abantu bayobotse ibibazanyo by’ibiti n’amabuye. Mu mategeko cumi, hari aho Imana Ivuga Iti:**




57

**(Isomo: Kuva 20: 4, 5)**
**“Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n’ishusho yose iri hejuru mu ijuru,**



58

**cyangwa igisa n’ishusho yose iri hejuru mu ijuru,cyangwa hasi ku butaka, cyangwa mu mazi yo hepfo y’ubutaka;**



59

**Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere: kuko Uwiteka Imana yawe, ndi Imana ifuha,**



60

**mpora abana gukiranirwa kwa ba se nkageza ku buzukuruza n’ubuvivi bw’abanyanga.”**
**Kuva 20: 4,5.**


61

**Muri icyo gihe nibwo amashusho yariho acengera mu itorero. Mu mategeko cumi hemeza nta kujijinganya ko ari amakosa gusenga ikindi kintu cyose kitari Imana, ko ubwayo ariyo Yonyine Ikwiriye gusengwa.**

# 22 - Hitamo Imara Ipfa


62

Irindi hame rya gatatu rya Bibliya ryafashwe nabi muri ibyo bihe ryerekeye ku itegeko rya kane no ku munsi wo kuramya Imana.
Reba uko Bibiliya ivuga uko Danieli byamugendekeye ubwo yabyerekwaga:



63

(Isomo: Danieli 7:15)
Njyewe Daniel ibyo neretswe bintera agahinda mu mutima, birambabaza cyane."
Daniel 7:15.


64

Mwabonye uko Konstantine yashyizeho itegeko rya mbere ryubahiriza umunsi wa mbere. Itegeko rivana gusenga guteganijwe ku Isabato y' umunsi wa 7, rikawushyira ku munsi wa mbere w' icyumweru.




65

(Isomo: Yohana 14:15)
Ibuka ko Yesu yavuze ngo "nimunkunda, muzitondera amategeko yanjye."
Yohana 14:15. Nyamara muri icyo gihe cyo kwizera gufashe imbu zombi , gukunda Yesu byarakonje, benshi bikurikirira imihango mu cyimbo cyo gukurikira Imana.



66

Kiliziya yadohotse ku ihame ryerekeye Isabato, igerageza guhindura umunsi wo gusenga. Tariki 21 Gicurasi, 1995 ikinyamakuru gatolika cyitwa 'Umurinzi' cya Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Gatarina cyagize kiti:



67


"Ahari, mu bintu Kiliziya yahinduye, ikirusha ibindi kugaragaza ukwihandagaza kwayo cyabaye mu kinyejana cya mbere, ku ngingo yerekeye: Umunsi wera,



68

Isabato yarahinduwe, irimurwa; ivanwa ku munsi wa karindwi, ishyirwa ku munsi wa mbere... hadakurikijwe amabwiriza yo mu Byanditswe, ahubwo hakurikijwe ubushobozi Kiliziya ubwayo yiyumvamo...

# 22 - Hitamo Imana Ipfa




69

**Abantu batekereza ko Ibyanditswe ari byo kami ka muntu mu by’ iyobokamana, niba bashyira mu gaciro, bagombye guhinduka Abadivantisiti b’ umunsi wa karindwi, bityo bakajya beza umunsi wa karindwi.”**




70

**Kujya gusenga ku cyumweru si byo Bibliya yigisha. Impuguke ku isi yose zibyemeza zityo!**




71

**Nkuko twabibonye, guhindura umunsi wo kuramya Uhoraho byazanwe n’ umwami w’ abami Konstantino wategekaga ingoma y’ Abaroma, mu mwaka wa 320 Nyuma ya Kristo maze na Kiliziya irabyemera.**



72

**Nshuti zanjye, niba dushaka gukora ibyo Bibliya ivuga, twagombye kuba Abadvantisiti b’umunsi wa karindwi! Muri ibi bihe turimo byo kurumira habiri cyo gufata imbu zombi, umunsi wa gipagani w ‘izuba wafashe umwanya Bibliya yageneye Isabato Yera.**




73

**Amateka y ‘Itorero ry’ Iburasirazuba, (Igitabo cyitwa The History of the Eastern Church ) urupapuro rwa 184, handitse ngo:**
**“Ibikoroto bya Konstantino mu ruhande rumwe byanditsweho inyuguti zigize izina rya Kristo; ku rundi ruhande hari ishusho y’ ikigirwamana zuba...,**




74

**Bisa n’ aho atatinyutse kwigobotora ubuhake agengwamo n’ urumuri rushashagira.” Mbese ntibiteye amatsiko?**



75

**Imana Yagaragarije mu mategeko yayo ibi bikurikira:**

22 - Hitamo Imana Ipfa

# 22 - Hitamo Imara Ipfa




76

(Isomo: Kuva 20:11)
“Kuko iminsi itandatu ariyo  Uwiteka yaremeyemo ijuru n’isi n’inyanja n’ibirimo byose,




77

akaruhuka kuwa karindwi. Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w’isabato akaweza.”
Kuva 20:11.




78

Ubushake bw’Imana buragaragara.  Ishaka ko abantu bayo  bubahiriza Isabato y’umunsi wa karindwi. Uhereye mu ntangiriro, Bibliya ivuga ngo:





79

“Imana iha umugisha umunsi wa karindwi, iraweza.




80

Kuko ariyo Imana yaruhukiyemo imirimo yakoze yose.”
Itangiriro 2:3




81

Niba Imana umuremyi




82

Yarahaye umugisha umunsi runaka,




83

Ikaba Yaritoranirije umunsi runaka,

# 22 - Hitamo Imara Ipfa




84

niba yarejeje umunsi runaka gusumba indi minsi, yemwe nshuti zanjye, umuntu nta burenganzira afite, nta n’ububasha afite bwo kuwuhindura. Hazamo ikibazo cyo kuramya, ikibazo cyo kumvira; ari ugukurikira imihango cyangwa gukora ibyo Imana Yavuze.




85

Icyo rero cyabaye igihe cyo kudohoka. Kwizera kw’itorero kwadohotse kuva mu mwaka wa 323 nyuma yo kuvuka kwa Kristo kugeza muri 536 nyuma yo kuvuka kwa Kristo.


86

Reka tugere ku gihe cya kane cy’amateka y’Itorero, ari cyo kigereranwa n’ifarashi y’igitare igajutse.




87

(Isomo: Ibyahishuwe 6: 7, 8)
Umwana w’intama amennye ikimenyetso cya kane numva ijwi ry’ikizima cya kane kivuga kiti ‘ngwino:




88

Nuko ngiye kubona mbona ifarashi y’igitare igajutse. Kandi uyicayeho yitwa Rupfu, kandi Kuzimu aramukurikira.



89

nuko bahabwa ubutware bwa kimwe cya kane cy’isi, ngo babicishe inkota,



90

n’inzara n’urupfu, n’ibikoko byo mw isi.”
Ibyahishuwe 6:7,8.

# 22 - Hitamo Imara Ipfa




91

Ukwizera gupfuye ni cyo kimenyetso cya kane. Icyo gihe habayeho ukwifatanya kwa Kiliziya na Leta. Ubwami butagatifu ngengabihugu bwari bumaze gukura maze bukomatanya idini na politike. Na n’ubu idini na politike byunze ubumwe.




92

Itegereze amagambo akurikira. “Ubukristo buhinduka idini ryemewe, busimbura ubupagani, mu bwami mpuzabihugu bwa Roma.



93

Ubukristo, uko bwabayeho mu bihe by’umwijima, bwakwitwa ‘ubupagani bubatije’. “
 - (Byavuye mu gitabo cyitwa Amateka y’Itorero, ikinyejana cya 2, igice 2, umugabane wa 7.


94

Wibuke ko icyo gihe, byari bibuzanijwe ko abantu bashyikira Ijambo ry’Imana; kandi nkuko twabivuze, amacapiro yari atarabaho.


95

Ubantu bakurikiraga imigenzo n’imihango ya gipagani yari yaracengeye mu Itorero. Ibi tuvuga, amateka arabyemeza.



96

(Video y’amasegonda 7) Itorero rya Roma niryo dini ryonyine ryariho.
Tubibutse kandi ko ibi tuvuga atari ibyo gusebya abantu; ahubwo gahunda bayobotse, uko iteye ubwayo, niyo tubonamo amakemwa.
Ku isi hariho ababikira, abapadiri b’idini rya Gatolika n’abayoboke benshi b’imfura bo muri iryo dini; bakunda Yesu kandi bashaka ukuri.
Birakwiriye rero gusobanukirwa n’impamvu turi aho turi, ubu.


97

Iki cyari igihe kibi cyane cyo kudohoka, igihe kiruhije cyane cy’akarengane k’ubwoko bw’Imana.

# 22 - Hitamo Imara Ipfa



98

Ni yo mpamvu icyo gihe cyitwa “Ibihe by' umwijima.” Abakristo miliyoni 50 barishwe bahowe kwizera kwabo.




99

Hano, reba intambwe zerekeza ku kudohoka:




100

imigenzo,



101

ukwicuza ibyaha,



102

no kubabarira ibyaha byacengeye muri Kiliziya. Abantu bashoboraga gutanga amafaranga, bakagura imbabazi, ngo bene wabo bave muri Purugatori, cyangwa washoboraga gutanga amafaranga ugahabwa uburenganzira bwo gukwepa purugatori mu gihe cyo gupfa.
Urwo na rwo ni urugero rw' ubupagani mu itorero rya gikristo.



103

Ijambo ry' Imana ntiryigisha purugatori. Amashusho, yinjiye mu itorero, inzego za Kiliziya, n' amahame yishyiriyeho, byaracengeye. Umuntu yabaza ati: None se ukuri kw' Imana kuzakomeza gukandagirwa ubuziraherezo? Igisubizo ni Oya. Ahubwo umucyo w' ukuri uzatamurura umwijima. Kandi abantu bazatera intambwe bongere bavumbure ukuri kwazimiye muri bya bihe by' umwijima.

# 22 - Hitamo Imara Ipfa



104

Mu gihe cy’ubugorozi ukuri kuboneye kwa Yesu kwatangiye kujya ahagaragara.


105

Abafashe iya mbere mu gutera intambwe bava mu bihe by’umwiijima ni abitwa Abavoduwa, ahagana mu myaka 1400.


106

Bongeye kuvumbura ijambo ry’Imana ari ryo Bibliya. Bibliya ni ingenzi. Ijambo ry’Imana ritariho, inzandiko z’urukundo zirimo ntizibeho, ntawamenya aho yerekeza ubu buzima.


107

Mu majyaruguru y’Ubutaliyani, havugwa Abawalidensi ( Abavoduwa) bizeraga Bibliya. Bakopororaga Bibliya n’intoke, maze ibice byayo bakabiha abana babo, maze ibyo bibondo bigakwira mu migi minini y’i Burayi, byitwaje iryo jambo ridodeye mu myenda yabo. Maze bagashyikiriza iyo mirongo yo muri Bibliya inshuti basanze mu isoko cyangwa muri za Kaminuza.


108

Ariko rero kwabaga kwigerezaho, uwaramukaga afashwe, bamuzirikaga ku giti bakamutwika. Nubwo benshi bajimije ubuzima bwabo, Abawalidensi babonaga ko kuri bo ari amahirwe ko umurimo w’Imana wakomeza kubaho.


109

Nyuma y’Abawalidensi, hadutse umugorozi wiyigishije Bibliya mu mugi witwa Purage uwo ni Yohana Husi. Yohana Husi hamwe na mugenzi we witwa Yoramu, bavumbuye igitekerezo kivuga ko kumvira Imana ari byo byiza kuruta kumvira itorero cyangwa umuntu.

# 22 - Hitamo Imara Ipfa


110

Bitewe no guhagarara batajegajega ku ngingo yo kumvira, bitewe no kwizera ko ibyo Imana Idusaba ari byo bigomba gukorwa mu cyimbo cyo gukurikira imihango y’itorero, baratwitswe, barapfa; umuyonga wabo ujugunwa mu mugezi utembera mu nyanja ya Mediteraniya. Hari inyigisho zitari nke ubugorozi bwakwije ku isi yose.


111

Husi na Yoramu bamaze kuzirikwa ku nkingi no gutwikwa, mu Budage hadutse uwitwa Maritini Luteri. Ihame ryo muri Bibliya yavumbuye ni ugukizwa n’ubuntu bwonyine.



112

Hari ababajije ngo ni kuki Luteri atavumbuye amahame y’ukuri yose yari yaribagiranye mu bihe by’umwijima? Bibliya irasubiza:



113

(Isomo: Yohana 16:12)
Ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntimubasha kubyihanganira”. Yohana 16:12.



114

Gutahura amahame y’ukuri yo muri Bibliya yibagiranye byatwaye igihe. Byagiye biza intambwe ku yindi. Byadutwaye imyaka amagana kugira ngo dutakaze kwizera kwa Yesu mu bihe by’umwijima. Na none kongera kuvumbura ayo mahame y’ukuri byagombaga gutwara imyaka n’imyaka.


115

Luteri amaze gupfa, abamukurikiye bashingiye ku nyigisho ze, maze bahanga Itorero ry’Abaluteriyani. Kuri bo ubugorozi bwa Luteri bwahagaze akimara gupfa.


116

Nyuma y’Ubudage tujye i Geneve (soma jeneve), mu Busuwisi. Aho turahasanga umunyeshuri wa Bibliya witwa Yohana Calvin (soma Kaluvini)



117

mu kwiyigisha kwe, yavumbuye igitekerezo gikurikira: Abakristo ntibagiririrwa gusa ubuntu n’imbabazi, bituma begera intebe y’ubuntu badatinya; ahubwo no gukurira muri Kristo ni ingirakamaro cyane kuri bo.



118

Nuko rero Kaluvini yigishije inyigisho yo gukura, ibyo bamwe bita “ukwezwa”. Iyo twakiriye Yesu, aduha ubushobozi bwo gutsinda icyaha.



119

Kaluvini amaze gupfa, abayoboke be bashingiye ku nyigisho ze bashinze itorero ry’Abaperezibiteriyani. Urareba rero ko, nubwo ukuri kwazimiriye mu bihe by’umwijima, igihe cyarageze kurongera gutangira kubyutsa umutwe.



120

Nyuma ya Kaluvini, hari abizera bo mu bihande byo mu Burayi bw’Amajyaruguru, biyigishije Bibliya, bagera ku mwanzuro ukurikira: Mu cyimbo cyo gusuka amazi ku gahanga k’uruhinja,




121

umubatizo wagombye gukurikira urugero Yesu Yatanze, yuko umuntu agomba kwifatira icyemezo ku giti cye cyo kubatizwa, kandi akibizwa. Abo biswe Anabatisita.




122

Umubatizo wo kwibizwa, nkuko Yesu Yabatijwe. Iryo hame ry’ukuri ryari ryaribagiranye mu bihe by’umwijima. Dore ko rishushanya gupfa ku cyaha, no kuzukira kubana n’Imana mu bugingo bushya.




123

(Isomo: Abaroma 6:3, 4)
“Ntimuzi yuko twese ababatirijwe muri Yesu Kristo twabatirijwe no mu rupfu rwe?




124

Nuko rero kubw’umubatizo twahambanwe nawe mu rupfu rwe,



125

**kugira ngo nkuko Kristo yazuwe n’ubwiza bwa Data wa twese abe ariko natwe tugendera mu bugingo bushya.” Abaroma 6:3, 4.**




126

**Kugira ngo tubatizwe nkuko Yesu yabatijwe,**




127

**tugomba kumwigiraho**



128

**kwicuza ibyaha,**




129

**no kwemera Yesu nk’Umukiza wacu. Benshi muri abo Anabatisita barishwe, bazize kwizera kwabo kwababwirizaga kugera ikirenge mu cya Yesu bakabatizwa nk’uko yabatijwe.**



130

**Uko niko itorero ry’Ababatisita ryatangiye, mu bwiyoroshye.**




131

**(Isomo: Matayo 28: 18, 19) “Nuko Yesu arabegera avugana nabo, ati: Nahawe ubutware bwose mw ijuru no mw isi,**



132

**nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa,**



133

**mubabatiza mu izina rya Data wa twese n’Umwana n’Umwuka Wera.”**
**Matayo 28:18,19.**


134

**Yesu Yasabye itorero rye, kugenda, kwigisha, no kubatiza, no guhindura abantu abigishwa.**
**Abagorozi b’Ababatisita baratumitse nkuko natwe tubigenza muri iki gihe!**


135

**Urabona, buri torero ryagiye rivumbura ukuri kwirengagijwe mu bihe by’umwijima. Uko bagendaga bavumbura ayo ahame y’ukuri, abayoboke babo bishyiraga hamwe ;uko niko amatorero manini manini y’Abaporotesitanti yavutse; nk’Abaluteri, Abaperezibiteriyani n’Ababatisita.**


136

**Nyuma, umugabo witwa Yohana Wesley wo mu Bwongereza atangira kwiga asoma Bibiliya ye.**


137

**Umuvandimwe we, Karoli, yanditse indirimbo nziza zihihimbaza Yesu, maze bumva ari byiza kuziririmba mu rusengero.**
**Banabonye ko kwakira impano y’agakiza ku buntu atari byo byonyine by’ingenzi, ko ahubwo bagomba no kumvira Imana, kandi bakabatizwa bakanakura muri ubwo buntu, ariko ko byose bigomba gushingira kw’Ijambo ry’Imana ngo babe bera.**
**Yohana Wesley yari umugorozi mukuru, maze amazegupfa, abari kumwe nawe bafata ibyo yari yaratangiye n’ibyo abandi bagorozi bari barigishije maze bahimba itorero ry’Abametodisti.**


138

**Nuko mu mpande zitari zimwe zo muri Amerika y’Epfo, mu Buraya, muri Amerika y’Amajyaruguru, abantu batangiye kwiga ku byerekeye ku kugaruka kwa Yesu.**

# 22 - Hitamo Imara Ipfa




139

Umugabo witwaga Wiliyamu Miller (soma Mileri cg Mila) wo muri Amerika ya Ruguru, yize ibyo amasezerano ya Yesu yo muri Yohana14. Akubitiraho kwiyigisha ubuhanuzi bwa Danieli n’Ibyahishuwe, ku ngingo yo kugaruka kwa Yesu kwegereje.





140

Nuko bashingiye ku





141

ku byo Abawalidensi bigishije byerekeye kuri Bibliya,





142

no ku nyigisho za Huss ku byerekeye kumvira,





143

bashingira ku nyigisho za Luther (wasoma Luteri) zerekeye ubuntu,




144

bashingiye ku nyigisho za Calvin (soma Kaluvini) zerekeye ukwezwa,cyangwa ugukura,




145

bashingira ku nyigisho nyigisho z’Anabatisita zerekeye umubatizo

# 22 - Hitamo Imara Ipfa



146

no ku nyigisho za Wesley zerekeye ugutungana, uwitwa Mileri yongeyeho irindi hame ry’ingenzi rirebana n’ uburyo kugaruka kwa Yesu kwegereje.



147

Nyuma ya Mileri, muvoma ya kidiventi yarakomeje. Bagenzi be nabo bavumbura ko, iyo umuntu apfuye, aba asinziriye muri Kristo, ategereje izuka. Bibliya isobanura neza ko ibyo bitotsi bigarukira ku izuka. Mbega ukuntu bizaba ari byiza, abakunzi batandukanye ni bongera kubonana!




148

Abadivantisti ba mbere bavumbuye muri Bibliya:




149

1. Urupfu ni ibitotsi




150

2. Yesu ari hafi kugaruka



151


3. Azazura abapfuye igihe cy’izuka ni kigera:



152

(Isomo: 1 Abatesalonike 4:16)
“Kuko umwami ubwe azaza, amanutse ava mw ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n’ijwi rya Malaika ukomeye, n’impanda y’Imana; nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka.”
1 Abatesalonike 4:16.

# 22 - Hitamo Imara Ipfa



153

Nyuma ya William Miller, abemeye ibyo kugaruka kwa Yesu bavumbuye amagambo ya Yesu yo muri Yohana 14:15. “Nimunkunda, muzitondera amategeko yanjye.” Na mwe murumva ko kugirana isano y’urukundo na Yesu nta ko bisa.
Kuko tumukunda, nta cyatubuza gukomeza amategeko Ye.
Ntabwo ari amwe muri ayo mategeko, ahubwo ni buri tegeko, yose uko yakabaye.



154

Itegereze ibyo Yesu Avuga muri Matayo 15:9. “Bansengera ubusa, kuko inyigisho bigisha ari amategeko y’abantu.” Mbega ukuntu ariko bimeze muri iki gihe!
Abantu barigisha inyigisho n’amategeko y’abantu.



155

Icyo umuntu avuga si cyo ngombwa. Icya ngombwa ni icyo Imana Ivuga.




156

Ku byerekeye kuramya, tugomba kuramya Imana ku isabato, ari wo munsi Yihitiyemo. Ni umunsi udasanzwe Yaduhaye. Uko aya mahame y’ukuri yagiye avumburwa, niko abantu bagiye bishyira hamwe, maze bashinga Itorero ry’Abadivantisti b’umunsi wa karindwi.
Yesaya 58:13 na 14 hateganije ko hazabaho muvoma yo gusiba icyuho, cyaciwe mu mategeko y’Imana. Iryo somo rivuga kuri uwo munsi udasanzwe.



157

(Isomo: Yesaya 58:13, 14)
“N’uhindukira ntukandagire isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera,



158

ahubwo ukita isabato umunezero, umunsi wera w’Uwiteka ukawita uw’icyubahiro, ukawubaha,




159

ntube icyigenge, ntiwishakire ibyo kwinezeza, ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe,




160

nuko uzishimira Uwiteka,




161

na njye nzaguha kurambagira mu mpinga z’igihugu,




162

kandi nzagutungisha gakondo ya sogokuruza Yakobo. Akanwa k’Uwiteka ni ko kabivuze. “


163

Uwiteka Avuga yeruye ko kuri uwo munsi tudakwiriye gukora. Ntakujya mu mirimo izana inyungu kuri uwo munsi. Nta kujya mu bitunezeza ubwacu kuri uwo munsi.


164

Ni umunsi wera.
Ni dushyira Imana imbere ku Isabato, tuzasabagira mu byishimo kuri uwo munsi. Isabato iranezeza.
Nta cyo Imana Itwambura - ahubwo Iduha umugisha udasanzwe. Ni nka konji duhemberwa.
Ivuga ko Izaduha kurambagira mu mpinga z’igihugu.
Mbega umugisha tuzabona ni tugira Imana nyambere mu bugingo bwacu ni dukurikira Imana kandi tukubahiriza Isabato nkuko Ibidusaba!



165

Kuri buri hame nyakuri ryose Imana Yigishije muri Bibliya, Satani yaryiganye macuri.

# 22 - Hitamo Imara Ipfa




166

Imana Ivuga ko iyo dupfuye, dusinzirira mu gituro. Mu gucurika iryo hame, Satani avuga ko abapfuye bajya mw ijuru cyangwa mu muriro, cyangwa muri purugatori.



167

Imana Ivuga ko umubatizo ari ukwibizwa mu mazi menshi. Satani ati kuminjagira mu gahanga. Imana Yatanze amabwiriza yerekeye ubuzima, Satani ati ayo mabwiriza yavuyeho. Ihame nyakuri ryose, Satani aribonera ihame macuri. Maze ugasanga inyigisho zabaye urudubi.



168

(Isomo: Ibyahishuwe 18:2)
Igitabo cy’Ibyahishuwe kivuga ngo:”Arangurura ijwi rirenga ati: ‘Iraguye, iraguye, Babuloni,




169

ihindutse icumbi ry’abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose, n’ibisiga byose bihumanye”.
Ibyahishuwe 18:2 Mu buhanuzi, Babuloni risobanurwa ngo: “urudubi rw’amadini”.
Reba uguhamagara gukurikira:



170

(Isomo: Ibyahishuwe 18:4)
“Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti: “Bwoko bwanjye nimuwusohokemo,



171

kugira ngo mwe gufatanya n’ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo.”
Ibyahishuwe 18:4.


172

Imana Irahamagara, ngo ubwoko bwayo buve mu rudubi, bwe gufatanya n’ibyaha bya Babuloni. Nshuti ubungubu Yesu araguhamagara. Ubu ni cyo gihe cyo guhagararira Yesu!

# 22 - Hitamo Imara Ipfa



173

**(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa 2:47)**
**Reba uko ijambo ry’Imana rivuga: “ Bahimbaza Imana bashimwa n’abantu bose. Kandi uko bukeye Umwami Imana ikabongerera abakizwa.”**
**Ibyakozwe n’Intumwa 2:47.**




174

**(Isomo: 1 Abakorinto 12:13)**
**“Kuko mu mwuka umwe twese ari mwo twabatirijwe kuba umubiri umwe, -naho twaba Abayuda cyangwa Abagiriki, twaba imbata cyangwa ab’umudendezo--**



175

**kandi twese twujujwe umwuka umwe.”**
**1 Abakorinto 12:13.**



176

**(Isomo:1 Abakorinto 1:18)**
**“ Ijambo ry ‘umusaraba ku barimbuka ni ubupfu;**



177

**ariko kuri twebwe abakizwa, ni imbaraga z’Imana.”**
**1 Abakorinto 1:18.**

# 22 - Hitamo Imara Ipfa


178

Nkuko tumaze kubyiga uyu mugoroba, biragaragara ko mu mibereho ye no mu nyigisho ze, Yesu Yahishuye ukuri Yifuza ko abayoboke be bakurikira. Twasanze ko habayeho kurwanya ukuri, utaretse n’itorero ry’Imana, hakoreshejwe akarengane, gushayisha, no gucurika ukuri Yesu Yahaye itorero rye. Mu mateka no mu ijambo ry’Imana hatweretse ko Kristo Ayobora itorero rye mu nzira irigarura mu kuri Yari Yararihaye Akiritangiza. Arararika abantu be ngo bave mu rudubi rw’amadini baze mu kuri Yagaragarije mu murimo we. Mbese ntiwakunda gusubiza umuhamagaro wa marayika ngo “...bwoko bwanjye nimuwusohokemo”! Mbese ntiwakunda kuba umwe mu bagize itorero ry’Imana rigizwe n’abo “ bitondera amategeko y’Imana bakagira kwizera nk’ukwa Yesu”?
Turararikirwa gusohoka muri Babuloni, kugira ngo dukore ibikwiriye.
Mbese ntukunda Yesu wawe? Ari hafi cyane kugaruka kutujyana imuhira aho ari mo kudutegurira ubu. Mbese ntiwakunda kumukurikira aho Ajya hose?

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza





1

Uko Twakwikinga Ibyago 7 Biheruka


2

Aha hari mu Egiputa - ni ryo shyanga ryasirimutse kurusha ayandiyari ariho muri icyo gihe. Umwaka ni uw’i 1445 Mbere yo kuvuka kwa Kristo.  Abisiraeli bahamaze imyaka 215 - ikinyejana giheruka ni cyo bamaze mu bucakara bushaririye.  Abategetsi bakuru b’igihugu bitwa Farao bari baziranye na Yosefu kandi bamukundaga bari bamaze kujya ahacecekerwa.


3

Abategetsi bashya babonye ko kororoka vuba na bwangu kw’Abisiraeli kubangamiye umutekano w’igihugu; batinye ko intambara iramutse irose Abisrael bakwifatanya n’abanzi ba Egiputa.  Nuko Abisiraeli bagirwa imbata, Abanyegiputa barabakandamiza biratinda.




4

(Isomo: Kuva 1:12)
Ariko, Bibliya igira iti: “Uko barushagaho kubababaza,




5

niko barushagaho kugwira.” Kuva 1:12.



6

(Isomo: Kuva 2:23, 24)
 “Abisiraeli banihishwa n’uburetwa babakoresha,



7

barataka; gutaka batakishwa n’uburetwa kurazamuka kugera ku Mana.

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza



8

Maze Imana yumva gutaka kwabo, Imana yibuka isezerano ryayo yasezeranye na Aburahamu na Isaka naYakobo.” Kuva 2:23, 24.


9

Hari hashize imyaka 400 Imana Igiranye isezerano na Aburahamu ryerekeye urubyaro rwe no gucungurwa kwarwo. Noneho igihe cyari kigeze. Imana Yari Yiteguye, umutabazi wabo Yari Yiteguye!


10

Barahura (Imana na Mose). Ntibahuriye mu ngoro, cyangwa mu gacucu ko munsi y’ inyubako ya rutura yitwa piramide, ahubwo bahuriye mu butayu bwa Midiyani, iruhande rw’ igihuru cyaka kidashya.




11

(Isomo: Kuva 3:7-8)
“Uwiteka aramubwira ati: ‘Nukuri mbonye kubabara k’ubwoko bwanjye buri mu Egiputa,



12

numvise gutaka batakishwa n’ ababakoresha uburetwa; kuko nzi imibabaro yabo.




13

Kandi manuwe no kubakiza...” Kuva 3:7,8
Imana Ibwira Mose iti:



14

(Isomo: Kuva 3:10)
“Nuko none ngwino, ngutume kuri Farao



15

ukure mu Egiputa ubwoko bwanjye bw’ Abisiraeli.” Kuva 3:10.

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza


16

Hari hashize imyaka 40 Mose avuye ibwami mu Egiputa. Imyaka 40 atavuga ururimi rw’ikinyegiputa. Muri icyo gihe cyose, yaragiraga intama mu butayu. Yari adaheruka agashema yigeze ko kwiyumvamo ko ari umusore w’igikomangoma, ibwami mw Egiputa. Bibliya igira iti,



17

(Isomo: Ibyakozwe 7:22)
“Mose yigishwa ubwenge bwose bw’Abanyegiputa, agira imbaraga mu magambo ye no mu byo akora.” Ibyakozwe n’Intumwa 7:22.


18

Ariko mu butayu, kwiyoroshya, si ryo somo ryonyine Mose yahigiye. Kuragira intama byamwigishije kwihangana no kugwa neza. Noneho Imana Ibona ko Mose yiteguye gutabara no gufata kibyeyi ubwoko bwayo. Mose yicishije bugufi yumvira Imana, yemera gukoreshwa mu bintu byagaragaraga ko uwo mwanya ari umurimo udashoboka.


19

Ku bwo korohereza Mose umurimo ukomeye yari ahamagariwe, Imana Yabwiye Aroni (wari umuretwa mu Egiputa) gusohoka akajya gusanganira Mose. Ntiyari kugoboka Mose mu buryo mbonezamutima gusa ahubwo yatorewe no kumubera umusemuzi, kuko Mose yari amaze imyaka myinshi adakoresha ururimi rw’ikinyegiputa.


20

Abavandimwe bombi binjira ibwami kwa Farao, bitwaje ko ari intumwa Imana yoherejeyo. Bavuze mu izina ryayo, bavuga n’ububasha bwayo bukomeye. Umutegetsi wiyemera yabanje gato kubifata nkaho ari ibintu bidasanzwe. Imbere ye hari hahagaze abavandimwe babiri; umwe yari umushumba w’i Midiyani, witwaje inshyimbo yaragiranaga, undi ari umucakara usanzwe w’Umuheburayo. Bombi batangazaga imbaraga z’Imana bakorera. Ingingo yo kurekura Abisiraeli, Farao yayifashe nk’amanjwe.

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza



21

(Isomo: Kuva 5:2)
"Uwiteka ni nde, ngo mwumvire ndeke Abisiraeli?



22

Sinzi Uwiteka kandi ntabwo narekura Abisiraeli." Kuva 5:2.
Farao yabonaga atarekura inkoreragahato ibihumbi n’ibihumbi, ngo yigomwe abakozi adahemba. Kurushaho kubaha akazi kabaremereye ni cyo gisubizo Farao yashubije Aroni.


23

Ariko bidatinze, Imana Yari Igiye kwimenyesha Farao wigize igihangange, maze Ikamwereka imbaraga zayo. Mose na Aroni babwiye Farao ko ibyago bigiye gutera byiyungikanya, kugeza ubwo ubwoko bw’Imana buzabohorerwa. Ubu ni bwo butumwa Uhoraho yoherereje Farao:



24

(Isomo: Kuva 7:17)
"Iki nicyo kizakumenyesha ko ari Uwiteka..." Kuva 7:17.



25

Ntibwakeye kabiri, ibyago bitangira gutera. Ibyago cumi byuzuye! Nta cyago cyateraga Farao atabanje kumenyeshwa uko biribumugendekere, kugira ngo akunde arekure abana b’Isiraeli, maze we n’ingabo ze barokoke akandare. Nkuko Imana Yabisezeranye, amahano yagwiriye Abanyegiputa.



26

(Videoy’amasegonda 9 ) Icya mbere, Uruzi rwa Nili, cyari kimwe mu bigirwamana byasengwaga nacyo gihinduka amaraso ubwo Aroni yari akubitishije inkoni ye amazi. Amafi arapfa, kandi amazi yo mu gihugu cyose amara iminsi irindwi ari amaraso. Ariko Farao yanga kurekura ubwoko bw’Imana!




27

Hakurikiraho icyago cy’ibikeri. Miliyoni zabyo zirajagata mu biryo mu buriri, hose! Ariko, umwami yanga kuva ku izima ngo arekure Abisiraeli.

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza



28

Hakurikiraho icyago cy’inda. Ariko umwami w’umwibone, yanga kuva ku izima. Itegereze ko ibyago 3 bya mbere byageze kuri bene igihugu bidasize n’Abaheburayo. Ariko ibyago birindwi biheruka byibasiye Abanyegiputa gusa.




29

(Isomo: Kuva 8:22 - 23)
“ Kuri uwo munsi nzarobanura igihugu cy’i Gosheni, aho ubwoko bwanjye butuye, amarumbo y’ibibugu ye kubayo,



30

Kugira ngo umenye ko ndi Uwiteka uri hagati y’isi.”



31

nzashyira itandukaniro hagati y’ubwoko bwanjye n’ubwawe. Ejo niho icyo kimenyetso kizabaho.”
Kuva 8:22, 23.


32

Hakurikiraho ibibugu byuzura mu nzu ya Farao.


33

Nyuma y’ibibugu, icyago cya rutura cyisuka mu gihugu, gihitana amatungo yose yari mu gasozi. Ubu bwo Farao yagize amatsiko menshi, aribaza. Amatungo se y’Abaheburayo yaba yararimbutse, cyangwa se yaba yararokotse nkuko Mose yabivuze bitaraba?



34

(Isomo: Kuva 9:7)
“Farao aratuma, maze asanga mu matungo y’Abisiraeli nta rimwe ryapfuye.

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza



35

Maze umutima wa Farao uranangira, ntiyareka Abisiraeli bagenda.
Kuva 9:7.



36

Icyago cya gatandatu cyakururiye abantu n’ibisimba ibishyute, ariko umutegetsi udakurwa ku ijambo ntiyarekura Abisiraeli.


37

Ubuhanuzi bwavuze ko hazakurikiraho icyago cy’urubura.



38

(Video y’amasegonda) Icyakora Imana Yavuze ko abazikinga icyo cyago, abantu cyangwa amatungo, bazarokoka. Inkuru ikwira mu gihugu cyose benshi mu Banyegiuta barugama bugamisha n’amatungo yabo. Urubura ruragwa, ruvanze n’amahindu n’imirabyo; nuko bose abanze kwiteganyiriza barapfa!



39

(Video y’amasegonda 18) Abanyegiputa biboneye ko isi iri mu maboko y’Imana nzima, kandi ko ubwishingizi bwabo babukesha kumvira iyo Mana. Habaga ubwo Farao yibajije niba yakumvira Imana akarekura abantu, ariko icyago cyagenza make, imigambi ye myiza ikayoyoka.



40

(Video1y’amasegonda 9) Mose aburira Farao ko natarekura Abisiraeli, icyago kiribukurikireho ari amarumbo y’inzige. Guhahamuka kwatumye abajyanama ba Farao bamutera bagerageza kumwemeza kurekura abacakara, ariko umwami ababera ibamba. Nuko inzige ziratera nkuko byari byavuzwe.


41

Hakurikiraho iminsi itatu y’umwijima mwinshi umeze nk’uwakorwaho. Ariko kwigomeka kwa Farao gukomeza kumutera guhangana n’Imana y’ijuru.

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza


42

**Mose atangaza ko hasigaye ikindi cyago kigiye gusukwa ku Banyegiputa - kimwe giheruka batagomba kwirengagiza. Malaika murimbuzi yari agiye kunyura mu gihugu mu gicuku akica imfura zose zo mu Egiputa, - imfura mu bantu n’uburiza mu matungo.**




43

**Video y’amasegonda 15 ) Ubwo nabwo, Abaheburayo ntacyo bagombaga kwikanga. Ariko, ubu bwo ntibyari bihagije kuba Umuheburayo cyangwa gutura i Gosheni. Kurokoka urupfu, byasabaga ko muri buri muryango habagwa umwana w’intama maze amarao yawo agasigwa ku nkomanizo z’umuryango; ibyo bikaba ikimenyetso cyo kumvira Imana. Maze Imana Isezerana ngo:**



44

**(Isomo: Kuva 12:13)**
**“Na njye ubwo nzabona ayo maraso, nzabanyuraho;**



45

**nta cyago kizababaho ngo kibarimbure, ubwo nzakubita Abanyegiputa” Kuva 12:13.**


46

**Mbega kureba uko abantu bari bakubirije muri iryo joro! Imiryango ibihumbi y’Abaheburayo, n’iyindi myinshi y’Abanyegiputa, mu kuboko kumwe bafashe ibesani y’amaraso, mu kundi kuboko bafashe utwatsi twa ezobu two gucucagira amaraso ku nkomanizo z’umuryango. Ubwo kandi mu ndorerezi zibazaga iby’icyo gikorwa, harimo abana b’imfura.**



47

**(Isomo: Kuva 12:29)**
**“ Mu gicuku, Uwiteka yica abana b’imfura bose bo mu gihugu cy’Egiputa,**

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza



48

**uhereye ku mfura ya Farao ... ukageza ku mfura y’ imbohe yo mu kazu k’ ibgina,**



49

**n’ uburiza bw’ amatungo bwose.” Kuva 12:29**


50

**Nyamara, nta nzu n’ imwe isizweho amaraso ku nkomanizo z’ umuryango nkuko itegeko ry’ Imana ryari riri yaguyemo umuntu.**


51

**Mu gihugu cy’ Egiputa cyose uko kingana, humvikanye imiborogo y’ ababuze ababo. Kandi Farao ahinda umushitsi, ageze mu y’ abagabo, yibutse ukuntu yasuzuguye Imana y’ Abaheburayo, ayicurira ingoni, ngo:**



52

**(Isomo: Kuva 5:2 )**
**“..Uwiteka ni nde ngo mwumvire, ndek’ Abisiraeli? “Kuva 5:2 None yagez’ aho aramumenya. Mu kwiyoroshya kwinshi Farao n’ abajyanama be batumye ku bavandimwe b’ Abaheburayo, babasaba kwihuta kujyana abana b’ Israeli bakava mu gihugu ikitaraganya, kuko bari bafite ubwoba ko bagiye gushira!**



53

**(Videwo y’ amasegonda 11) Igicuku kinishye, ubwoko bw’ Imana - bwabundi bwari bwarahisemo kubaturwa nayo bwarabohowe. Kandi nkuko Imana yari yategetse, icyo gihe nticyabatunguye. Bakwese inkweto, bifubitse, bari biteguye gutahuka. Gutaha mu Gihugu cy’ Isezerano!**

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza


54

Ahari wavuga uti, “iki gitekerezo kirashimishije; ariko se twebwe abo mu kinyejana cya makumyabiri na kimwe, kitubwiye iki?” Ahari watekereza ko ntacyo kivuze, ariko siko biri. Ahubwo wasanga iki gitekerezo kidufitiye akamaro cyane.


55

Urebye mu Isezerano Rishya, dusangamo ubuhanuzi buhanitse buvuga mu buryo burambuye ibintu bizaba ku isi mu bihe bizaza. Ubwo buhanuzi, buvuga bweruye ko mu bihe biri imbere, ibyago bizongera gutera; ariko noneho bikaza ari simusiga, kandi bizaba biri ku rwego ruhanitse biyogoza isi.


56

Yego, ukurikije Bibliya, ibyabayeho bizongera bibe. Si ibyago cumi, ahubwo ni birindwi, bizaherukwa no kurokorwa k’ubwoko bw’Imana. Ntibuzavanwa mu Egiputa, ahubwo buzavanwa mu isi yigize akari aha kajya he.


57

Ariko nkuko abana b’Israeli banyuze mu bihe biruhije mbere yo gutabarwa gukomeye bava mu Egiputa, bakibonera ukuntu Abanyegiputa bakubititse,


58

Niko n’ubwoko bw’Imana buzibonera ukuntu ibyago birindwi biheruka bizasukwa ku banyabibi mbere yo kugaruka kwa Kristo.
Umuhanuzi Daniel avuga uko icyo gihe cy’amakuba kizaba cyifashe:



59

(DANIELI 12:1)
“ Maze icyo gihe Mikaeli wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe, azahaguruka:



60

hazaba ari igihe cy’umubabaro utigeze kubaho, uhereye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe:

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza



61

nuko icyo gihe abantu bawe bazaba banditswe mu gitabo bazarokorwa.”
Danieli 12:1.



62

“Ubutumwa bw’iteka ryose “ buzaba bwarabwirijwe mu isi yose. Uguhamagara kwa maraika wa kabiri wo kuva muri Bubuloni, ari yo misengere y’ibinyoma kuzaba kwaramaze gutangwa. Kandi maraika wa gatatu aratangaza kuri buri wese ati:



63

(Isomo: Ibyahishuwe 14: 9-10)
“ Umuntu n’aramya ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza,



64

uwo niwe uzanwa ku nzoga, niyo mujinya w’Imana ...” Ibyahishuwe 14:9, 10.



65

Niba Bibliya yarigeze iburira abantu, uyu niwo muburo wabwira undi. Abatuye ku isi bazabanza bagaragarizwe uko ikibazo giteye, maze buri wese yihitiremo amategeko y’Imana cyangwa ay’abantu, ubwo ni bwo ikimenyetso cy’inyamaswa kizashyirwa ku bazanywa ku nzoga ari yo mujinya w’Imana.”


66

Ibyo ni birangira, igihe cy ‘imbabazi na cyo kizaba kirangiye burundu, ku baremwe bose.



67

Maze itangazo nyamukuru ritangazwe ngo: “Ukiranirwa agumye akiranirwe;uwanduye mu mutima agumye yandure:

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza





68

umukiranutsi agumye akiranuke, uwanduye mu mutima agumye yandure, uwera agumye yezwe.” Ibyahishuwe 22:11.


69

Umurimo wa Kristo nk’Umutambyi wacu mukuru mu ijuru uzaba warangiye. Icyemezo kuri buri wese kizaba cyafashwe:ari ubugingo buhoraho cyangwa urupfu rw’iteka. Urugi rw’imbabazi z’Imana ruzaba rwakinzwe. “Igihe cy’amakuba” ku batuye ku isi nkuko cyavuzwe n’umuhanuzi Daniel kizaba kigeze.


70

Umva nshuti, Imana ntizaterura ubwoko bwayo, keretse ibyago birangiye. Bazaguma kuri iyi si kugeza ku iherezo. Bazarindwa mu makuba, nkuko abana b’Israyeli barinzwe, ariko ntibazabura gusakirana n’imiruho n’imibabaro. Igihe cy’amakuba kizagera kuri buri wese.



71

Ariko rero nshuti, uko bizagendekera abanyabyaha mu gihe bazaba bariho biyuhira igikombe cy’umujinya udafunguye w’Imana, birenze uko umuntu yabishushanya; ntiwabona icyo ubigereranya na cyo. Yohana yeretswe icyo gihe cy’amakuba azabanziriza kugaruka kwa Kristo n’ukuntu abantu b’Imana bazarindwa.



72

(Isomo: Ibyahishuwe 15:1)
“Mbona mw ijuru ikindi kimenyetso, gikomeye gitangaza,



73

ni cyo bamaraika baridwi bafite ibyago birindwi, nibyo by’imperuka; kuko muri byo ari mo umujimya w’Imana wuzurira.” Ibyahishuwe 15:1
Na none Yohana yaranditse ngo:



74

(Isomo: Ibyahishuwe 16:1)
“ Numva ijwi rirenga rivugira muri rwa rusengero ribwira abo bamalaika barindwi riti: nimugende,

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza



75

musuke mw isi izo nzabya ndwi z’umujinya w’Imana.” Ibyahishuwe 16:1.




76

“Ariko,” wabaza, “uti ibi byago abamaraika barindwi bazasuka ku banyabibi ni ibihe?” Iki ni ikibazo cyiza. Igihe dusoma ibyerekeye ibi ibyago, urasanga bisa cyane n’ibyatejwe Abanyegiputa. Reka dusome icyo Yohana avuga kuri maraika wa mbere:




77

(Isomo: Ibyahishuwe 16:2)
“Uwa mbere aragenda, asuka urwabya rwe mw isi;



78

abantu bafite ikimenyetso cya ya nyamaswa bakaramya igishushanyo cyayo




79

bafatwa n’ibisebe bikomeye bibi.”
Ibyahishuwe16:2.


80

Ibi bisebe bisa n’ibifitanye isano n’iby’Abanyegiputa batejwe mu cyago cya karindwi. Cyangwa bishobora kuba bimwe na bya bindi Yobu yarwaye.


81

Mbese wakwibaza ingaruka z icyago kimeze gityo? Amashuri yafungwa.


82

Inganda zafungwa. Amaduka ntiyashobora gukingura.

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza


83

Ibitaro byakuzura indembe zishaka kuvurwa, kandi abenshi mu baganga bakuru n’abaforomo nabo baba barwaye ubwo buribwe.
Nuko, mu gihe abantu baba bakiribwa na byo, hakwaduka akandi kandare!




84

(Isomo: Ibyahishuwe 16:3)
“Uwa kabiri asuka urwabya rwe mu nyanja.  Ihinduka amaraso nk’ay’intumbi.  Ikintu cyose cyo mu nyanja gifite ubugingo kirapfa.”
Ibyahishuwe 16:3.


85

Mbega ipica, kandi mbega umunuko ukomotse ku biremwa byo mu nyanja amazi yatereye i musozi. Abantu bazagenda bagwirirana bahunga  inkombe z’inzuzi. Icyago cya gatatu na cyo gifitanye isano n’icya kabiri.



86

(Isomo: Ibyahishuwe 16:4)
“ Uwa gatatu asuka urwabya rwe ku nzuzi n’imigezi n’amasoko; na byo bihinduka amaraso. Ibyahishuwe 16:4.



87

Mbese rwose tekereza!  Umuntu agannye kuri rubine kunywa amazi; mu cyimbo cy’amazi, akabona amaraso niyo adudubije! Mbega ingorane zavuka! Mbese hari ishyano ryaruta iryo? Ariko ibyago birindwi biheruka uko byagwa abantu nabi kose, ntawe Imana Izarenganya. Kuko maraika azatangaza ati;



88

(Isomo: Ibyahishuwe 16:5-6)
  “Wa Wera we, uri umukiranutsi... kuko uko ari ko wabitegetse.



89


Kuko bavushije amaraso y’abera n’abahanuzi,

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza




90

na we ubahaye amaraso ngo abe ari yo banywa.”
 Ibyahishuwe 16:5, 6
Mu  gihe abanyabyaha bazaba bicwa n’ inyota yo kubura ikindi banywa keretse amaraso, hari isezerano ryasezeranijwe umuntu ugenda atunganye.



91

(Isomo: Yesaya 33:16)
 “...azahabwa ibyokurya bimutunga, n’ amazi yo kunywa, ntazayabura.”   Yesaya 33:16.



92

(Isomo: Ibyahishuwe 16:8-9)
Maze Bibliya ivuga ko malaika wa kane yasutse urwabya rwe:
“Malaika wa kane asuka urwabya rwe mu zuba. Rihabwa kokesha abantu umuriro.



93

Abantu botswa n’ icyokere cyinshi, batuka izina ry’ Imana ishobora kubateza ibyo byago.



94

ntibihana ngo bayihimbaze”
Ibyahishuwe 16:8, 9.
 Maze malaika wa gatanu asuka urwabya rwe ku ntebe ya ya nyamaswa:



95

(Isomo: Ibyahishuwe 16:10-11)
“Malaika wa gatanu asuka urwabya rwe ku ntebe y’ ubwami ya  nyamaswa, ubwami bwayo bucura umwijima;



96


kuribwa gutuma barya indimi zabo,

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza




97

Kandi kuribwa kwabo n’ibisebe byabo bituma batuka Imana nyiri ijuru,



98

ntibihana imirimo y’intoke zabo.” Ibyahishuwe 16:10,11.




99

Iri somo riduhishurira ko ibi byago bitazagera hose, kandi ntibizahita biba injyanamuntu; kuko tubonye ko icyago cya gatanu kizasanga abantu bakiribwa n’icyago cya mbere. Bisa n’aho ibyago bizaza byiyungikanya mu cyimbo kubera rimwe; kandi amakozere bikurura akazaramba. Intambara rurangiza ya Harumagedoni izasanga icyago cya gatandatu rucyambikanye.



100

(Isomo: Ibyahishuwe 16:12-14)
“Maraika wa gatandatu asuka urwabya rwe mu ruzi runini Ufurate;



101

amazi yarwo akamira kugira ngo inzira y’abami baturuka iburasira-zuba yitegurwe.



102

Nuko mbona mu kanwa ka cya kiyoka no mu kanwa ka ya nyamaswa no mu kanwa ka wa muhanuzi w’ ibinyoma,



103


havamwo imyuka itatu mibi, isa
n’ ibikeri:

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza




104

kuko ari yo myuka y’abadayimoni ikora ibitangaza,




105

igasanga abami bo mu isi yose



106

ngo ibahururize kujya mu ntambara yo mu munsi ukomeye w’Imana ishobora byose.” Ibyahishuwe 16: 12-14.
Kandi Ibyahishuwe 16:16 havuga ngo:



107

(Isomo: Ibyahishuwe 16:16) “Ibateraniriza ahantu mu Ruheburayo hitwa Har-Magedoni” Isi yose itegerezwa kugira uruhare muri iyi ntambara iheruka.
Yohana yanditse ngo:




108

(Isomo: Ibyahishuwe 19:11,14-15)
“Mbona ijuru rikinguye, kandi ngiye kubona mbona ifarashi y’umweru.



109

Uhetswe nayo yitwa uwo kwizerwa kandi Uw’ukuri . Ni we uca imanza zitabera akarwana intambara zikwiriye...



110

Ingabo zo mu ijuru ziramukurikira, zihetswe n’amafarashi y’umweru, zambaye imyenda y’ibitare myiza, yera kandi itanduye.



111

Mu kanwa ke havamo inkota ityaye, kugira ngo ayikubite amahanga.

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza




112

... Yengesha ibirenge mu muvure w'inkazi y'umujinya w'Imana Ishobora byose." Ibyahishuwe 19:11,14,15



113

(Isomo: Ibyahishuwe 16:17-18,20-21)
"Maraika wa karindwi asuka urwabya rwe mu kirere. Ijwi rirenga rivugira mu  rusengero rwo mw ijuru,



114

kuri ya ntebe rivuga riti; 'Birarangiye.'



115

Habaho imirabyo n'amajwi no guhinda kw'inkuba, habaho n'igishitsi cyinshi...



116

ibirwa byose birahunga kandi imisozi ntiyaboneka.



117

urubura rukomeye rumanukira abantu ruvuye mu ijuru, ibuye ryarwo rimwe riremera nk'italanto:



118

icyo cyago cy'urubura gituma abantu batuka Imana kuko icyago cyarwo gikomeye cyane."
Ibyahishuwe 16:17-18, 20-21.


119

Abahanga benshi bemeza ko italanto inganya uburemere n'i paundi 57 ni nk'ibiro 25,8 (kg). Ibyo urwo rubura ruzarimbura, birenze ibitekerezo by'umuntu.

23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza



120

Ariko Bibliya ivuga ko Uwiteka ubwe Azagoboka muri iyo ntambara Ahetswe n’ifarashi, Ashagawe n’ingabo zo mu ijuru; maze Agatabara ubwoko bwe Akabuvana muri iyi si  yigize akari aha kajya he.



121

“Ariko” wabaza uti  “nakwememza nte ko Imana izantabara igihe ibyago bizaba bitangiye kubaho?” Hari inzira imwe rukumbi.



122

Reba, abantu barokotse icyago giheruka muri Egiputa bagaragaje ko bizeye kandi bayubashye nk’umurengezi wabo baminjagiye amaraso y’umwana w’intama ku nkomanizo z’imiryango. Mu gihe maraika murimbuzi yahanyuraga, kurimbuka ntikwabagezeho.  Bari bakurikije amabwiriza y’Imana, bagira imyiteguro ihagije.




123

Ni ko bizongera kugenda, ubwoko bw’Imana buzarindwa ibyago nibwemera ko Umwana w’intama w’Imana yababereye igitambo, bukemera ko amaraso ye abezaho icyitwa icyaha.



124

Mu mibereho yacu nimwo tugaragariza uruhande tuzabamo, niba ari urw’Imana cyangwa urwa maraika wigometse. None rero nshuti, igihe abamaraika barimbuzi bazaba bamaze gutangira umurimo wabo, guhindura uruhande urimo bizaba bitagishoboka. Urugi rw’imbabazi ruzaba rumaze gukingwa burundu. Mbese ubu sicyo gihe wahitamo kuba mu ruhamde rw Imana, munsi y’uburinzi bw’amaraso ya Yesu? Amagambo azavugwa icyo gihe niyo arusha ayandi kubabaza; aboneka muri Yeremiya 8:20, ni aya;




125

(Isomo: Yeremiye 8:20)
“Isarura rirarangiye, icyi kirashize, kandi tudakijijwe!”

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza


126

Hari igitekerezo cy’umubaji wo muri Australia wubatse akararo ku mwegege w’ishyamba. Kari gato ariko akigengaho. Umunsi umwe atashye avuye ku kazi,


127

yakubiswe n’inkuba abonye akari akazu ke kahindutse umuyonga gacumba umwotsi. Hari hasigaye ikirundo cy’ibihirahirizwa by’imbaho n’ibice by’ibyuma byirabujwe n’ibirimi by’umuriro. Agiye kureba ahahoze ikirunduru cy’inkoko ze,


128

asanga byose byahindutse umuyonga. Nuko yizembagiza muri icyo cyavu. Ariko yitegereje aho yari ahagaze, ahabona ibihirahirizwa by’amababa. Arabisanza n’ikirenge. Mutekereza ko byagenze bite?


129

Imishwi ine itagira uko isa ivumbuka muri icyo kirundo cy’inkoko-kazi yari yahiye ibundikiye iyo mishwi. Mu mvugo itatse ubwiza kandi yimbitse yo mu Byanditswe Byera, Imana Igereranya ibyo Yiteguye gukorera abana bayo igihe ibyago bizaba byaramukiye ku muryango:




130

(Isomo: Zaburi 91:1,4)
“Uba mu rwihisho rw’Isumba byose,



131

azahama mu gicucu cy’Ishobora byose...



132

Azakubundikiza amoya ye, kandi uzajya uhungira mu gicucu cy’amababa ye:

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza



133

Umurava we ni ingabo n’icyuma bigukingira.” Zaburi 91:1,4.
Yego, Imana Yatanze ubwishingizi butangaje ku bahisemo kuyikurikira:




134

(Isomo: Zaburi 91:5-11)
“Igitey’ubwoba cya ni joro ntikizagitinyisha, cyangwa umwambi ugenda ku manywa y’ihangu,



135

Cyangwa mugiga igendera mu mwijima; cyangwa kurimbura gutsemba ku manywa y’ihangu.”




136

Abantu igihumbi bazagwa iruhande rwawe, abantu inzovu bazagwa iburyo bwawe. Ariko ntibizakugeraho.




137

Uzabirebesha amaso yawe gusa, ubone ibihembo by’abanyabyaha.



138

Kuko ari wowe buhungiro bwanjye Uwiteka; wagize Isumba byose ubuturo



139

Nuko nta kibi kizakuzaho, kandi nta cyago kizegera ihema ryawe



140

Kuko izagutegekera abamalaika bayo...” Zaburi 91:5-11.

# 23 - Kurokoka Umubabaro Ugiye Kuza



141

**(Video 15 sek) Mbese hari ihumure ryaruta iryo? Mbese ntiwakunda kuzaba munsi y’amababa y’Ishobora byose igihe ibyago bizatangira gutera? Igihe umuntu azaba adashobora kubona aho yihisha? Data wo mw ijuru ashaka kukurinda no kugukiza mu gihe ibintu bizaba bigeze iwa ndabaga.**


142

**Ni wegurira Imana ubugingo bwawe, Izakubundikira nkuko inkoko ibundikira imishwi yayo. Kwihitiramo ni ibyawe. Nubwo Imana Yifuza ko wazabana nayo ubuzira herezo ntishobora kuguhitiramo. Ni wowe ubwawe ushobora gufata icyo cyemezo. Reka gutegereza. Bikore, nonaha.**

# 24 - Ikibi ku Ngoyi




1

**Ugihe Umubisha Azaba Atagishobora kugira uwo Ashuka**



2

**Umutwe w’abagenzuzi wayobeye mu makoro y’ikirwa kidatuwe. Impamba yarabashiranye, bamaze gutamira utwa nyuma .**
**Bari basigaranye lisansi nkeya. Imbeho yarushagaho kugenda yiyongera.**
**Bari bihebye.**
**Babonaga urupfu rubegereye. Nuko bakimara guta icyizere,**



3

**Umwe mu ri abo bavumbuzi arabukwa umwotsi kure.Hari umuntu wari wamenye ko bari mu y’abagabo. Ubufasha bwari mu nzira bubasanga. Bari bagiye gutabarwa. Umwotsi babonye wari ikimenyetso kibabuza kwiheba. Agakiza kari kabegereye. Bari bugufi bwo kwinjira mu bwato busussurutse, maze bidatinze bakagera imuhira, bakiruhutsa bageze imuhira.**



4


**Ibyahishuwe ari cyo gitabo giheruka ibindi muri Bibliya, kivuga ko gutabarwa kuri bugufi.**
**Tugiye gutabarwa.**
**Amakozere y’urudaca ibyaha byakuruye agiye kurangira.**
**Tugiye gutabarwa maze Satani atabwe muri yombi.Tuzabohorwa, maze Satani ajye ku ngoyi.**
**Tuzazamurwa gusanganira Yesu mu kirere, naho Satani aboherwe muri iyi si.**
**Tuzagabirwa ubugingo buhoraho, naho Satani n’abambari be bacirweho iteka ryo kurimbuka buheriheri.**

# 24 - Ikibi ku Ngoyi




5

**(Videwo y’□amasegonda 13)**
**Rimwe na rimwe,umucamanza ashobora guhanisha umunyacyaha, igifungo cy’imyaka myinshi, kugira ngo agaragaze ko icyaha cyakozwe ari inkoraruguma.**
**Hari abakatirwa igihano cy’imyaka myinshi, tuvuge nk’umusonerwa iyo akatiwe imyaka 99 nta cyizere yuko azayimara.**



6

**Ubucamanza butanga igihano kireshya gityo kugira ngo bagaragaze ko umunyacyaha yakoze amahano.**




7

**Wari uzi ko bidatinze, hari umunyacyaha ugiye gukatirwa igihano azamaramo imyaka 1000?**





8

**(Isomo: Ibyahishuwe 20:1-3)**
**Umva aya magambo yo muri Bibliya.”Mbona malaika amanuka ava mu ijuru afite urufunguzo rufungura ikuzimu, afite n’umunyururu munini mu ntoke ze.**





9

**“Afata cya kiyoka,ni cyo ya nzoka ya kera, ariyo mwanzi na Satani, akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi;**




10

**“ Akijugunya ikuzimu arahakinga, ashyiraho ikimenyetso gifatanya,**




11

**kugira ngo kitongera kuyobya amahanga, kugeza aho iyo myaka igihumbi izashirira.**

# 24 - Ikibi ku Ngoyi



12

**Icyakora n'ishira, gikwiriye kubohorerwa kugira ngo kimare igihe gito."
Ibyahishuwe 20:1-3.**



13

**Hano turahabona uko Imana iteganya kugenza Umugome kabuhariwe urusha abagiranabi bigeze kubaho, wagize uruhari mu bwicanyi bwose bwigeze kubaho kw isi.Ariko umunsi uzaba umwe maze afungwe, mu gihe cy'imyaka 1000. Imyaka igihumbi mw isi yabaye umwirare n'umusaka.Rimwe na rimwe gihe kireshya gityo bacyita Ikinyagihumbi.**




14

**Imyaka igihumbi ni iki?**



15

**Iki gihe cy'imyaka igihumbi ni ijambo ryakomotse ku kilatini rigizwe n amagambao 2;iryitwa "mille" rivuga igihumbi, n'iryitwa "annum" aribyo kuvuga imyaka.Ayo yombi akabyara iryitwa "millenium."**


16

**Ubuhanuzi nabwo butubwira ko Satani azabohwa mu gihe kireshya na**



17

**Nyuma y'imyaka 1000 azabohorerwa kumara igihe gito, kugira ngo ab'isi bagaragarizwe ko atigeze ahinduka, no muri iyo myaka 1000.
Kugira ngo ducengere ubwo buhanuzi, birakwiriye gusobanukirwa n'uko butangira,uko burangira, n'amateka ari hagati y'ibyo bihe byombi.**



18

**Reka ngire icyo nemeza, hanyuma nze kugaragaza amashirakinyoma yacyo. Imyaka igihumbi ikikijwe n'imizuko ibiri.**

# 24 - Ikibi ku Ngoyi




19

1) Ahatangira hari umuzuko w'abakizwa,



20

2) kw iherezo, hari umuzuko w'abarimbuka.



21

(Isomo: Yohana 5:25)
Umunsi mwe, ubwo Yesu yigishaga abigishwa be ibyerekeye urupfu, yaravuze ati:" Nukuri nukuri ndababwira yuko igihe kije, kandi kirasohoye,




22

ubwo abari mu bituro bose bazumva ijwi rye bakavamo." Yohana 5:25. Ngibyo.
Abapfuye bazumva ijwi rye babeho.N'ukuvuga ko abapfuye bose bazazuka.Nzi yuko ibi bishobora kubatangaza, kuko mutekereza ko intungane arizo zizazuka zonyine. Yesu arabisobanura ku murongo wa 28 na 29 w'cyo gice cya 5:



23

(Isomo: Yohana 5:28,29)
"Ntimutangazwe n'ibyo, kuko igihe kizaza, ubwo abari mu bituro bose bazumva ijwi rye,



24

"bakavamo, abakoze ibyiza bose bakazukira ubugingo;



25

naho abakoze ibibi bakazukira gucirwaho iteka."
Yohana 5:28,29

# 24 - IKIBI KU NGOYI



26

(Video: 4 sek); Hari imizuko ibiri Umuzuko wa mbere, ni uw'abakoze ibyiza, Umuzuko wa kabiri ni uw'abanyabibi.


27

Nimwumve icyo Bibliya ivuga ku bazazuka mbere.



28

(Isomo: Ibyahishuwe 20: 5,6)
"Uyu  niwo muzuko wa mbere.



29

Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo,



30

ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo, kandi bazimana na we imyaka igihumbi." Ibyahishuwe 20:5,6.


31

Ibi bihuje n'ibyo Paulo yabwiy Abatesalonike. Reba uko agereranya kugaruka kwa Kristo.



32


(Isomo: 1 Abatesalonike 4:16,17)
"Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse ava mu ijuru, aranguruye ijwi rirenga,hamwe n'ijwi rya malaika ukomeye,



33

n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka.

# 24 - Ikibi ku Ngoyi



34

Maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tuzananwe nabo tuzamuwe mu bicu, gusanganira umwami mu kirere.




35

Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose." Umurongo wa16, n'uwa17


36

Mbega ipica y'ihoho y'ubwiza bw'izuka! Mwirebere ko abapfiriye muri Kristo bazazuka mbere.Kandi abakristo bazaba  bakiriho bazazamukira rimwe nabo mu bicu gusanganira Umwami mu kirere.




37

(Isomo: Yohana 11:25)
Uwo munsi isezerano rya Yesu rizasohora ngo:   " Unyizera, naho yaba yarapuye azabaho."   Yohana 11:25.


38

Yego, intungane zapfuye zizavanwa mu bituro Kristo n'agaruka.



39

(Isomo: Yesaya 26: 19)
Yesaya agerenya ibyishimo bizazanwa n'izuka."...Ababa mu mukungugu mwe,nimukanguke muririmbe... Ubutaka buzajugunya abapfuye."Yesaya 26:19
Mbega umunsi utagira uko usa!


40

Ababyeyi bazashyikirizwa ibibondo byabo byapfuye. Abashakanye bazongera bahure. Abahungu n'abakobwa bazahura n'ababyeyi bababyaye. Mbese hari  amahuriro yarush'ayo  mu kurangwa n'ubweramutima.?

# 24 - Ikibi ku Ngoyi




41

(Isomo: Yohana 14:2,3)
Maze isezerano ritangaje Yesu yasezeranye rizasohozwa ngo: "Ngiye kubategura ahanyu




42

" Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye;




43

ngo aho ndi namwe muzabeyo." Yohana 14:2,3. Aho niho abakijijwe bazamara imyaka igihumbi!



44

(Isomo: Ibyahishuwe 20:6)
Tuzaba dukora iki? Yohana aratubwira ati: " Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo,



45

ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo kandi bazimana nayo imyaka igihumbi. Ibyahishuwe20:6. Uretse umunezero utavugwa wo gushyikirana na Kristo hamwe n'abamwemeye. Yohana arongera agahishura icyo bazaba bahugiyeho, muri iyo myaka igihumbi .



46

(Isomo: Ibyahsihuwe 20:4)
" Mbona intebe z'ubwami mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza..." Ibyahishuwe 20:4 Imana izi byose, ishobora byose, igenga byose, yahaye umwanya abagabo n'abagore basanzwe umurimo w'icyubahiro wo gucira imanza abamalaika baguye, hamwe n'abarimbuka.



47

(Isomo: 1 ABAKORINTO 6:2,3)
Paulo ati"Ntimuzi yuko abera bazacira ab'isi urubanza?...'

# 24 - Ikibi ku Ngoyi



48

Ntimuzi ndetse ko tuzacira abamalaika urubanza? ....” 1 Abakorinto 6: 2,3


49


Bizagaragarira bose ko Imana idaca urwa kibera, ko ari inyarukundo kandi ko ari inyakuri. Mu myaka ibihumbi Satani yarayishebeje, ayigerekaho imico itaranganwa yo kubogama, kwangana, no guca urwa kibera.Mu myaka igihumbi, ukuri kuzajya ahabona, imico y’Imana ihanagurweho ku mugaragaro, ibyayiharabitse byose.Ariko se , ni kuki tuzacira imanza ibyigomeke by’abamalaika n’abantu, ibyo ntibizaba byarakozwe mbere yuko Kristo agaruka?


50

Ni koko,waba se waribajije uko wabyifatamo uramutse ugeze mw ijuru maze uwo wibwirga gusangayo ukamubura, yararimbutse buheriheri? aho ntiwashidikanya ku butabera bw’Imana?


51

Mu gihe cy’imyaka igihumbi,amarangabikorwa y’abarimbuka azashyirwa ahagaragara. Amabanga yose azajya ku karubanda. Abazabibona bazemeza ko Imana ari urukundo kandi ko itarenganya.




52

(Isomo: Ibyahishuwe 16:7)
Abazasuzuma ayo marangabikorwa bazasigarana igisubizo kimwe rukumbi kivuga ngo: “ Yee, Mwami Imana ishobora byose, amateka yawe ni ay’ukuri no gukiranuka.” Ibyahishuwe 16:7.


53

Wakwibaza uko bizagendekera abo Yesu azasanga ari bazima ariko bakaba bataremeye agakiza. Ibyahishuwe 19 havuga ibyo kugaruka kwa Yesu no kurimbuka kw’abadakizwa muri aya magambo:



54

(Isomo: Ibyahishuwe 19:21)
“Abasigaye bicishwa inkota ivuye

# 24 - Ikibi ku Ngoyi



55


mu kanwa k'uhetswe na ya farashi..." Ibyahishuwe 19:21


56

Nta kuntu abarimbuka bashobora guhagarara imbere y'ubwiza bwa Kristo uzazana n'abamalaika be bera bose.j



57

Malaika umwe yaje ku gituro cya Yesu,maze abasikare b'Abaroma bahinduka nk'intumbi.



58

(Isomo: Yeremiya 25:33) Bibliya iravuga ngo, "Uwo munsi abishwe n'Uwiteka bazaba hose uhereye ku mpera y'isi ukageza ku yindi.



59


Ntibazaririrwa cyangwa gukoranwa, haba no guhambwa;bazaba nk'amase ari ku gasozi. Yeremiye 25:33


60

Yesu n'agaruka, abakiranutsi bazazuka bahindurwe, bajye gusanganira Kristo mu bicu,


61

Abadakizwa bazicwa no kurabagirana k'ubwiza bwo kuza kwe-- bazicwa n'inkota iva mu kanwa ke." Hari uwabaza ngo "bizagenda bite ku badakizwa bazaba bari mu gituro? "
Igisubizo kiri mu Byahishuwe 20:5.



62

(Isomo: Ibyahishuwe 20:5)
"Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira..."

# 24 - Ikibi ku Ngoyi


63

**Ibintu bitangiye gusobanuka. Ipica rinini ritangiye kwigira hafi ku buryo umuntu abona neza uko bizagenda Yesu Kriso n'agaruka.**



64

**Ibizabaho igihe Kristo azaba agarutse.**



65

**1. Yesu azagarukana n'abamalaika be bose (Matayo 25:31).**



66

**2. Abapfiriye muri Kristo bazazuka mbere ( 1 Abatesalonike 4:16).**



67

**3. Abazima bazazamurwa gusanganira Yesu mu kirere (1 Abatesalonike 4:17).**



68

**4. Abakijijwe bazatahana na Yesu bimane na we mu gihe cy'imyaka 1000 (Ibyahishuwe 20:4,6).**



69

**5. Abadakizwa bicwe no kurabagirana ko kuza kwa Yesu (Yeremiya 25:33).**



70

**6. Abanyabibi bapfuye ntibazuka keretse nyuma y'imyaka 1000 (Ibyah.20:5).**





71

7. Satani aboheshejwe umunyururu w'ubwigunge mu gihe cy'imyaka 1000. Ntabona uwo ashuka cyangwa arimbura!




72

Intungane ziri mw ijuru, abanyabibi bose barapfuye. Nta wasigaye!
Hose ni amatongo (Yeremiya 4:23-26).



73

Iyi si yahindutse ibohero rya Satani. Bibliya ivuga ko Satani yashyizwe mu kuzimu ngo akumaremo imyaka1000. Aboshywe buryo ki? Aboheshejwe ubwigunge ku buryo adashobora kubona uwo ashuka cyangwa arimbura mu gihe cy'imyaka 1000.



74

Kristo n'agaruka, abo azasanga kw isi barakurikiye Satani bazapfa. Abazaba bari mu bituro byabo bazabigumamo kugeza imyaka 1000 irangiye.



75

Abakijijwe bari hamwe na Kristo mu gihe cy'imyaka 1000.



76

Abo umwanzi ashobora gushuka no kuyobya, ni ba bamalaika babi bafatanije na we kwigomeka. Mu gihe cy'imyaka 6000 nta cyahindutse ku bugome bwabo.



77

Iyi si yahindutse ibohero rya Satani. Yashatse kwerekana uko yayitegeka, amaze kwambura Adamu na Eva ubutegetsi bwabo, Noneho abantu bose barirebera uko ubwo butegetsi buteye.

# 24 - Ikibi ku Ngoyi




78

**(Isomo: Ibyahishuwe 20:3)**
**Muribuka ko mu Byahishuwe 20:3 hagira hati: "Akijugunya ikuzimu ,arahakinga, ashyiraho ikimenyetso gifatanya,**



79

**kugira ngo kitongera kuyobya amahanga kugeza aho iyo myaka 1000 izashirira;**



80

**icyakora n'ishira, gikwiriye kubohorerwa kugira ngo kimare igihe gito". Ijambo ryo mu kigiriki ryitwa abusosi ni ryo rivuga ukuzimu Satani yajugunywemo. Ni naryo ryakoreshejwe mu kuvuga uko isi yari imeze, igihe Imana yari itarayitaka ubwiza bwo mu gihe cy'irema.**




81

**(Isomo: Yerem. 4:23) Iryo jambo ni naryo ryakoreshejwe mu gitabo cya Yeremiya,havuga ngo: "Nitegereje isi mbona idafite ishusho, kandi irimo ubusa; n'ijuru, mbona nta mucyo rifite."**
**Yeremiya 4:23.**




82

**Ni byo koko ,isi ni abussos,ari byo kuvuga ukuzimu, Hazaba ari ahantu hacuze umwijima! Noneho ,reba icyo Yeremiya avuga uko isi izaba imeze.**



83

**(Isomo: Yeremiya 4:24,25)**
**"Nitegereje imisozi miremire, mbona itigita ndetse n'iyindi yose nayo inyeganyega."**



84


**" Nitegereje, mbona nta muntu uhari, n'ibisiga byose byo mu kirere byahunze." Yeremiya 4:24,25.**
**Murebe ahavuga ngo "nta muntu uhari."**

# 24 - IKIBI KU NGOYI




85

(Isomo: Yeremiya 4:26)
Yeremiya arongera ati:"Nitegereje, mbona ahantu hahoze uburumbuke, harabaye ubutayu,




86

n'imidugudu yaho yose yarasenyukiye imbere y'Uwiteka, kubw'uburakari bwe bukaze." umurongo wa 26 n'uwa 27.



87

Hariya hantu ni iwabandi, kugira ngo umuntu aharuhukire imyaka 1000,ntibyoroshye; si koko? Satani n'abambari be, nta kindi bazaba bakora uretse kuzerera kuri iyo si y'umwijima yahindutse umusaka bibaza ku ngaruka zo kwigomeka ku Mana kwabo.




88

Noneho reka twiyibutse ku bizaba mu gihe cy'imyaka 1000.




89

1. Isi yahindutse umwirare n'umusaka.




90

2. Abadakizwa barapfuye, bishwe n'ubwiza bwo kugaruka kwa Yesu.



91

3. Abakijijwe bari mu ijuru, bimye hamwe na Kristo



92

4. Satani abohewe kuri iyi siy'umwijima yahindutse umusaka bibaza ku bwigomeke bwabo.


# 24 - Ikibi ku Ngoyi


93

Ari Satani,ari abamalaika yayobeje,ni nde uzahinduka? Mbese bazakomeza kuyoboka Satani cyangwa bazahitamo Kristo. Imwe mu mpamvu Imana yateganije imyaka igihumbi ku ngenga bihe yayo, ni ukugira ngo yerekane ko  Satani hamwe n'abamukurikiye, baramutse bahawe umwanya wo kwikosora, badashobora kwisubiraho.


94

Inama y'agakiza bayita inyuma ya Huye, nubwo bahabwa uburyo igihumbi bwo kuyemera.


95

Amahitamo yabo, Bibliya iyavugaho iki?



96

(Isomo: Ibyahishuwe 20:7.8)
Igisubizo kiri mu Byahishuwe 20:7,8: "Iyo myaka igihumbi n'ishira, Satani azabohorwa,ave aho yari abohewe.




97

azasohoka ajye kuyoby'amahanga yo mu mfuruka enye z'isi...



98

kugira ngo ayakoranirize intambara;umubare wabo ni nk'umusenyi wo ku nyanja." Ibyah.20:7,8  Ahari wakwibaza aho iyo nteko y'abarwanyi izaba iturutse.



99

(Isomo: Ibyahishuwe 20:5)
Mwibuke ko twasomye Ibyahishuwe 20:5 ngo: " "Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira..."

# 24 - Ikibi ku Ngoyi


100

**Yego,abasigaye bo mu badakizwa bazazuka gusa mu muzuko w'abanyabibi, mwiherezo ry'imyaka 1000. Dore ngo barasa we, icyo igikongote cy'abanyabibi bazaba bazutse uhereye kuri Adamu kugeza aho Kristo azagarukira!**



101

**(Isomo: Ibyahishuwe 20:8)**
**Yohana ati: ". . . Umubare wabo ni nk 'umusenyi wo ku nyanja." Ibyahishuwe 20:8.**



102

**Ubwo ni bwo Umurwa wera, Yerusalemu Nshya,uzamanuka kw isi, Kristo n'abakijijwe bawurimo, mw iherezo ry'imyaka igihumbi. Umujinya uzatera Satani kwibasira uwo mugi, kuko Bibliya ivuga ngo,**




103

**(Isomo: Ibyahishuwe 20:7,8) " Iyo myaka igihumbi n'ishira, Satani azabohorwa ave aho yari abohewe,**



104

**azasohoka ajye kuyobya amahanga yo mu mfuruka enye z'isi. . .**



105

**kugira ngo ayakoranirize intambara. . ." Ibyahishuwe20:7,8**


106

**Ubwo Satani azasohoka ajye kongera kuyobya abanyabibi. Erega aracyari wa wundi! Nuko abadakizwa bongere bahitemo kuyoborwa na Satani.Maze abaremmemo igitero cyo kwigarurira Yerusalemu Nshya ku ngufu.Iyo niyo ntambara iheruka mu mateka y'iyi si.Maze icyo gitero simusiga gikataze**

# 24 - Ikibi ku Ngoyi


107

Mutyo dusome muri Bibliya uko bizagenda:



108

(Isomo: Ibyahishuwe 20:9)
“Bazazamuka bakwire isi yose, bagote amahema n’ingabo z’abera n’umurwa ukundwa.



109

Umuriro uzamanuka uve mu ijuru ubarwike.”
Ibyahishuwe 20:9.



110

Maze intambara irangire. Mbega amakuba atari ngombwa!
Sekibi, bizamugendekera bite? Bibliya itubwira ko:




111

(Isomo: Ibyahishuwe 20:10,14,15) “Kandi Satani wabayobyaga, ajugunywa muri ya nyanja yaka umuriro n’amazuku . . .




112

Urupfu n’ikuzimu bijugunywa mu nyanja yaka umuriro.Ni yo rupfu rwa kabiri.



113

“Kandi umuntu wese utabonetse ko yanditswe muri cya gitabo cy’ubugingo ajugunywa muri iyo nyanja yaka umuriro.” Ibyahishuwe 20:10,14,15



114

(Isomo: 2 Petero 3:10) “. . . Ubwo ijuru rizavaho hakaba n’umuriri ukomeye, maze iby’ishingiro biremeshwa bigashongeshwa no gushya cyane,




115

**isi n'imirimo iyirimo igashirira." 2 Petero 3:10 Satani,abamalaika be babi n'abanyabyaha,akabo kazaba karangiye.**



116

**Hari abacu, inshuti n'abagenzi dukunda cyane bazaba bagiye burundu. Ni koko tuzarira. Hari ukundi byagenda se?**



117

**(Isomo: Ibyahishuwe 21:4) Ariko inkuru nziza ni uko: "Izahanagura amarira yose ku maso yabo, kandi urupfu ntiruzabaho ukundi,**



118

**kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa, ntibizaho ukundi, kuko ibya mbere bishize. Ibyahishuwe 21:4.**


119

**Mbega uguhoraho gutangaje Imana isezeranira abakijijwe! Ubwenge bw'umuntu ntibushobora gusobanukirwa n'ikuzo n'ubwiza bwa paradiso Imana iriho itegurira abayikunda kandi biteguye kuyikurikira. Tekereza nawe; ibyo byose abanyabibi bashoboraga kubigeraho. Nta bushake bagize bwo guhitamo Kristo ko ababera Umukiza n'Umwami. Nshuti se, uwo munsi, uzaba mu ruhe ruhande? Icyo gihe bizaba bitagishoboka, ko uhindura uruhande urimo. Ndetse no mu itangira ry'imyaka igihumbi, guhindura bizaba bitagishoboka. Urupfu ruramutse rugutunguye wagenda nk'utaraburiwe. Inzira imwe rukumbi wakwizera ko uzaba uri mu ntungane, mu iherezo ry'imyaka igihumbi, ni ukowakwegurira Yesu umutima n'ubugingo byawe, ubu, bicyitwa uyu munsi.**

24 - Ikibi ku Ngoyi

# 24 - Ikibi ku Ngoyi


120

**Niba wifuza kwegurira Yesu ubugingo bwawe, nagusaba kuza hano imbere, tukagusabira isengesho ryihariye. Niba hari ikintu kitagenda mu bugingo bwawe,; Niba hari akageso wananiwe gutsinda, ngwino tugusabire. Niba hari ibishuko ukigundagurana nabyo, ngwino usabirwe. Yesu arakumva. Yesu arasubiza. Ndagutegereza umunota umwe, ngaho nyaruka, nonaha.**

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



1

Ijuru Ririho koko


2

Kera habayeho umukobwa wamaze ubuzima bwe bwose mu mugi. Muri urwo rwererane rw’amatara yakiraga mu kirere cy’uwo mugi ntabwo yari yarigeze agira amahirwe yo kubona inyenyeri ku ijuru. Igihe kimwe mucyi nyina aramufata bajyana mu kiruhuko mu giturage.


3

Nuko mu mugoroba izuba rimaze kurenga, urwererane rw’inyenyeri rutamiriza ikirire nk’amabuye y’agaciro ya diyama. Nuko uwo mwana w’umukobwa areba hejuru atangaye. Yari yumijwe cyane n’ubwiza bw’inyenyeri zakiraniraga mu kirere Aruhutsa umutima we agira ati: “Mama we, Niba inyuma y’ijuru ariheza kuriya, imbere muri ryo ho hameze hate?



4

(Videwo y’amasegonda 5) Ibivuga ijuru byatwaye intekerezo z’abagabo n’abagore ku isi igihe cy’ibinyejana byinshi. Nonese ijuru rimeze rite?
Mbese ubundi ribaho?
Niba ribaho koko ririhe, kandi rimeze rite?


5

Abantu benshi ntabwo bemeza ko ijuru ribaho.
Abandi bemeza ko hariho amajuru atatu, cyangwa arindwi.
Abandi bavuga ko ujya mu ijuru igihe upfuye.


6

Abandi bavuga bati oya, iyo upfuye ujya muri pirigatori noneho nyuma ukazajya mu ijuru.


7

Abandi bati ijuru ntabwo ari ahantu ahubwo ni uburyo uritekereza.

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza


8

Hari abatekereza ko ahari abantu bose bazajya mu ijuru. Abandi bati hari abantu bake bashobora kuzajyayo. Mbega ibintu by’urudubi! N’intekerezo zinyuranye!



9

(Videwo y’amasegonda 7) Kuki hariho izo ntekerezo zihabanye zivuga ijuru?
Kuki hariho intekerezo n’inyigisho zitandukanye kandi Bibiliya ibivuga mu buryo bugaragara nk’ibuye ribengerana?



10

Mu  by’ukuri, wari uzi ko Bibiliya ivuga neza irambuye iby’ijuru?
Imana ishaka ko tumenya uko ijuru rimeze kugira ngo twiyemeze kuzaba yo!
Ijuru ntabwo ari ahantu hahishwe, Imana Idashaka ko tumenya.


11

Mu nyubako nini nyinshi, habamo urufunguzo rumwe rwinjira mu buri rugi.



12

Nyirinzu agira urwo rufunguzo rukora muri buri rugi rwitwa urufunguzo rugenga izindi. Urwo rufunguzo rumwe rufungura inzugi zose.



13

Imana ifite urufunguzo rugenga izindi; rufungura amayobera y’ijuru, urwo rufunguzo ni Bibiliya--inkomoko yonyine yo kwishingikirizaho y’ibyo dukeneye kumenya.
Amahirwe nuko tudakeneye kwitabaza inyigisho cyangwa intekerezo z’umuntu.
Ntabwo tugomba kuba mu rujijoi dushaka kumenya iby’ijuru.



14

Intumwa Petero yanditse ivuga iby’inkomoko yonyine y’ukuri.

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



15

(Isomo 2 Petero 1:19)
“Nyamara rero dufit’ijambo ryahanuwe, rirushaho gukomera, kandi muzaba mukomeza neza, ni muryitaho kuko rimeze nk’itabaza rimurikir’ahacuze umwijima,



16

rigakesh’ijoro rikageza aho inyenyeri yo mu ruturuturu izabandurira mu mitima yanyu.”
2 Petero 1:19.




17

Imana Yerekanye mu ijambo ryayo:
Aho ijuru rizaba
Uko ijuru rizaba rimeze
Aho umugi mukuru waryo uzaba
Icyo abantu bazaba bakora yo
Uko abantu baho bazaba bameze
Aho abacunguwe bazaba
uko umurwa mukuru umeze



18

Reka dufate urufunguzo rw’Imana rugenga izindi ari rwo Bibiliya, maze turebere hamwe iby’ahazaza Imana yateguriye Abayoboke bayo.


19

Mu gitabo giheruka muri Bibiliya, ari cyo Ibyahishuwe, Imana Ubwayo Yeretse Yohana ishusho y’ahazaza. Yohana avuga ibyo yabonye muri aya magambo:



20

(Isomo: Ibyahishuwe 21:1, 2)
“Mbon’ijuru rishya n’isi nshya: kuko ijuru rya mbere n’isi ya mbere byari byashize.



21

N’inyanja yari itakiriho.”

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



22

“Nuko, Njyewe, Yohana, mbon’ururembo rwera, Yerusalemu nshya, rumanuka ruva mu ijuru ku Mana,



23


rwiteguwe nkuk’umugeni arimbishirizwa umugabo we.”
Ibyahishuwe 21:1, 2.


24

Ni amashusho make yerekana ibyo byishimo n’ubwiza nkuko umugeni aba yarimbishijwe ku munsi wo gushyingirwa!



25

Umu buturo bwo mu ijuru ntabwo ari Yohana wenyine wabubonye - abahanuzi b’Imana bo mu bihe byose barabumenyeshejwe.
Umva:




26

(Isomo: Ibyakozwe n’Intumwa: 3:20, 21)
“Itume Yesu, niwe Kristo wabatoranirijwe kera,



27

uw’ijuru rikwiriye kwakira kugez’igihe ibintu byose bizongera gutunganirizwa,



28

nkuko Imana yabivugiye mu kanwa k’abahanuzi bera bayo bose, uhereye kera kose.”
Ibyakozwe n’Intumwa 3:20, 21.

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza




29

**NIKI KIGIYE GUSUBIZAHO**
**Imanana igiye kugarura ibintu byose Adamu na Eva babuze!**
**Isi yavuye mu biganza by’Umuremyi irabagirana kandi itagira inenge, ari ihogoza mu buryo budafite amagambo ahagije yabisobanura.**


30


**Umuremyi Ubwe niwe watatse icumbi ry’Adamu na Eva, Ingobyi ya Edeni, Paradiso. Imana yari yabahaye gutegeka isi.**


31


**Bari bafite ubuzima buzira igitotsi, urukundo, ibyishimo, umunezero, no gushyikirana n’Imana amaso ku maso.**
**Ntibashoboraga kurwara cyangwa gupfa iyo bahitamo kwumvira amabwiriza y’Imana.**


32

**Kandi amabwiriza yayo yari: “Nti muzarye ku giti cyabuzanijwe cyo mu ngobyi ya Edeni, mutazapfa.”**


33

**Ariko bahitamo kurya ku giti.**
**Bumvira umugizi wa nabi, icyigomeke cy’umumarayika w’umushukanyi ariwe Satani aho kwumvira Imana y’urukundo Ibitaho.**


34

**Nyuma y’ibyo, bwar’ubwa mbere mu buzima bwabo bumva imitima yabo ibacira urubanza, bakozwe n’isoni, kandi bumva batinye.**
**War’umunsi w’akaga gakomeye mu mateka y’iyi si.**
**Kubwo kutumvira kwabo, bahombye ibintu byose: ingobyi bari batuyemo, ubutware bari bahawe bwo gutwara isi, no kongera kwegera igiti cy’ubugingo.**
**Bagombaga gupfa kubera kudashobora kurya ku giti cy’ubugingo.**

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza


35

Ntibari bagifite ubugingo buhoraho.
Umunezero wabo, urukundo no gusabana n’ Imana byari birangiye.
Iyi si yacu yaritunganye ihita iterwa n’ umuvumo w’ icyaha.
Isi ihinduka iwabo w’ agahinda n’ umubabaro, indwara n’ urupfu.
Abari abatware aribo Adamu na Eva bahinduka imbata.



36

(Isomo: Abaroma 6:16)
Paulo yaravuze ati, “Ntimuzi yuk’ uwo mwihaye kub’ imbata zo kumwumvira,



37

muri imbata z’ uwo mwumvir’ uwo,...”
Abaroma 6:16.
Ariko Imana y’ urukundo, Yita kubayo, Irumva.
Inzoka yashutse Adamu na Eva. Imana Yarabakundaga bihebuje ku buryo Itashoboraga guhana abana bayo bayobye nta byiringiro Ibasiganye.


38

Bageze ku muryango w’ ingobyi, Imana Yasezeraniye Adamu na Eva ko umunsi umwe Umwana wayo, Urubyaro rw’ umugore, agomba kuza kubapfira maze bakagaruka mu Muryango w’ Imana kandi bagahabwa ubugingo buhoraho.




39

(Isomo: Itangiriro 3:15)
“Nzashyir’ urwango hagati yawe n’ uyu mugore, no hagati y’ urubyaro rwawe n’ urwe:



40

“Nzashyir’ urwango hagati yawe n’ uyu mugore, no hagati y’ urubyaro rwawe n’ urwe:
Itangiriro 3:15.



41

Uko ibihe bihita, n’ abantu bakiyongera ku isi, niko n’ ibyaha byiyongereye.
Umuntu yari hafi kwibagirwa Imana n’ amasezerano yayo.

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



42

**(Isomo: Itangiriro 6:5)**
**Abantu bari bariyononnye, basambana maze “Uwiteka abona yuko ingeso z’abantu zari mbi cyane mu isi,**



43

**kandi ko kwibwira kos’imitima yab’itekerez’ari kubi gusa iteka ryose.”**
**Itangiriro 6:5.**


44

**Byaje kuba ngombwa ko Imana Irimbuza abanyabyaha Umwuzure Ukaze kugira ngo Ikize ubugingo ku isi. Harokotse gusa abantu umunani!**
**Ntihashize igihe kinini nyuma yuko Umwuzure uba abantu bongera gutangira gucumura.**


45

**Imana Yakuye Aburahamu n’umuryango we muri Uri y’Abakaludaya yononekaye kandi ituwe n’abasengaga ibigirwamana. Nta gushidikanya ko n’ab’umuryango we iyo baza kuguma muri uwo murwa ko nabo bari kwandura bagakora ibibi.**



46

**(Isomo: Itangiriro 12:1, 2)**
**Imana Ibwira Aburahamu Iti,”...Va mu gihugu cyanyu, usig’umuryango wanyu n’inzu ya so, ujye mu gihugu nzakwereka:**



47

**“nzaguhindur’ubwoko bukomeye, nzaguh’umugisha, nzogez’izina ryawe, uzabe umugisha.”**
**Itangiriro 12:1, 2.**


48

**Aburahamu yemeye gusiga Ibinezeza by’iwabo mu Bakaludaya. Ntiyari azi aho agiye, kandi ntiyari azi ibyo Imana Yari Imuhishiye.**

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



49

(Isomo: Abaheburayo 11:9, 10)
“Kwizera niko kwatumye aba umusuhuke mu gihugu yasezeranijwe, akaba nk’umushitsi muri cyo,



50

akabana mu mahema na Isaka na Yakobo, abaraganywe naw’ibyo byasezeranijwe.”




51

“kuko yategerezag’umudugudu wubatswe ku mfatiro, uw’Imana yubatse, ikawurema.”
Abaheburayo 11:9, 10.
Imana Yasezeranye guha Aburahamu n’abana be byose ibyo Adamu na Eva bari baratakaje.


52

Abahanuzi b’ibihe byose bizeraga kandi bategerezaga kongera kugarurirwa ibintu byose.
Imana Yerekana urutonde rw’abagaragaje kwizera Bibiliya mu




53

Abaheburayo igice cya 11. Aburahamu, Enoki, Nowa, Abeli, Rahabu, Dawidi na Samueli ni bake mu bantu bakomeye mu kwizera bizeye Isezerano ry’Imana ryo kugarurirwa ibyo Adam na Eva bari baranyazwe.
Reba ibyo Bibiliya ivuga kuri izi ntwari:



54

(Isomo: Abaheburayo 11:13, 16)
“Abo bose bapfuye bacyizera, batarahabwa ibyasezeranijwe, ahubwo babiroraga biri kure cyane, bakabyishimira,...



55

“Ariko noneho barashaka gakondo, irush’icyo gihugu kuba nziza, ni yo yo mu ijuru. Ni cyo gitum’Imana idakorwa n’isoni zo kwitw’Imana yabo,



56

kuko yabiteguriye umudugudu."
Abaheburayo 11:13, 16.


57

Yesaya, Umuhanuzi warushije abandi guhanura ibya Mesiya, avuga mu buryo butangaje kubyo kugarura ibyari byarabuze Imana Yateguye.
Reka turebere hamwe ibyo Imana Yahishuriye Yesaya:



58

(Isomo: Yesaya 65:17)
"Dore ndarem' ijuru rishya n' isi nshya;



59

ibya kera ntibizibukwa, kandi ntibizatekerezwa."
Yesaya 65:17.



60

(Isomo: Yesaya 60:18)
Na none kandi:"Urugomo ntiruzongera kumvikana mu gihugu cyawe, ntihazaba gusenya no kurimbura, aho ingabano zawe zigera hose;



61

ahubwo inkike zawe uzazita Agakiza, n' amarembo yawe uzayita Ishimwe."
Yesaya 60:18.

25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



62

(Videwo y’amasegonda 18)
Ngaho nawe tekereza - Ahantu HATARANGWA urugomo! Hari gusa amahoro n’ubwumvikane!
Mbese ibyo SI BYIZA kubitekerezaho?
Ntihakenera intwaro zo kwitabaza no kwirwanaho.
Nta rugomo rugirirwa igitsinagore, yewe nta n’abajura.
Mbese si iby’igikundiro gutambagira muri twa duhanda tw’izahabu ahantu utazongera kugirira ubwoba kugundirwa no kwibwa?
Si ibyo gusa ariko umuhanuzi atubwira.
Tega amatwi wumve:



63

(Isomo: Yesaya 11:6)
“Isega rizabana n’umwana w’intama, ingwe izaryama hamwe n’umwana w’ihene...



64

kandi umwana muto ni we uzabyahura.”
Yesaya 11:6.


65

Ongera wiyumvire ibindi Bibiliya ivuga ku by’umugabane w’isi igihe uzasubizwa ubwiza wahoranye:



66

(Isomo: Yesaya 33:24)
“Nta muturage waho uzatak’indwara.”
Yesaya 33:24.
Nta ndwara z’umutima, nta kanseri, nta n’uburwayi buturutse ku kwivumbura k’umubiri - hazaba gusa ubuzima buzira umuze by’iteka ryose!
Mbese iyo si inkuru nziza cyane?

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



67

(Isomo: Yesaya 35:5)
“Icyo gihe impumyi zizahumuka...”
Yesaya 35:5.
Nta gushidikanya ko ikintu cya mbere impumyi izashaka kureba mu maso ya Yesu!
Yo! mbeg’ukuntu azaba ar’umunsi w’akataraboneka ku bazaba ari impumyi!



68

(Isomo: Yesaya 35:5, 6)
“...n’ibipfamatwi bizaziburwa.”
Yesaya 35:5.



69

“Icyo gih’ikirema kizasimbuka nk’impara.”
Yesaya 35:6.
Nta ntebe ibiremabigenderamo! Nta no kugendera ku mbago ukundi!
Buri wese azaba afite umubiri muzima.



70

(Isomo: Yesaya 35:6)
“...Ururimi rw’ikiragi ruzaririmba.” Yesaya 35:6.
Ntabwo bazavuga gusa, ahubwo bazanaririmba!
Mbega ukuntu uwo munsi azaba ar’umunsi w’umunezero!
Ariko rero hari indi nkuru nziza cyane!



71

(Isomo: Yesaya 35:1)
“Ubutayu n’umutarwe bizanezerwa: ikidaturwa kizishima, kiraby’uburabyo nka habaseleti.”
Yesaya 35:1.
Mbega ukuntu ku isi hazaba ari ahantu heza!



72

(Isomo: Yesaya 65:21, 22)
“Bazubaka amazu bayabemo; kandi bazater’inzabibu bary’imbuto zazo.



73

Ntibazubak’amazu ngw’abandi bayabemo;
ntibazater’inzabibu ngo ziribwe n’abandi;

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



74

**kuko bazamara imyaka nk’ibiti, kandi abatoni banjye bazashyira kera bishimire imirimo y’intoke zabo.” Yesaya 65:21, 22.**



75

**Bigaragara rwose ko mu ijuru ari ahantu heza hazaba abantu nyabo bakora ibintu bizima, sibyo?**
**Mu by’ukuri, tuzanagira amazina yacu bwite, kandi abantu bazatumenya!**



76

**(Isomo: Yesaya 66:22, 23)**
**“Nkuko ijuru rishya n’isi nshya, ibyo nzarema, bizahoraho imbere yanjye, niko Uwiteka avuga**



77

**ni k’urubyaro rwawe n’izina ryawe bizahoraho Yesaya 66:22.**



78

**“Igihe kizaza uhereye mu mboneko z’ukwezi ukageza mu mboneko z’ukundi, no guhera ku isabato ukageza ku yindi,**



79

**abantu bose bazajya baza gusenga imbere yanjye, ni ko Uwiteka Avuga.”**
**Yesaya 66:23.**
**Isi nshya izaba ari nziza, hazaba ari ahantu Imana n’abantu bayo bazanezererwa.**



80

**(Isomo: Yesaya 35:10)**
**“Abacunguwe n’Uwiteka bazagaruka, bager’i Siyoni baririmba,**

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



81

**ibyishimo bihoraho bizaba kuri bo,**
**bazabon’umunezero n’ibyishimo kandi umubabaro no gusuhuz’umutima bizahunga.”  Yesaya 35:10**
**Mbese ibyo ntibishimishije?**


82

**Bizaba ar’ibirori binejeje kandi bitangaje  ubwo abakijijwe bazajya baza buri Sabato ku Murwa Wera guhimbaza Imana  baririmba kandi bari hamwe.**


83

**Yesu Yavuze ko Ari kubakira buri wese inzu. Ibyo bizatunezeza, ariko Yesaya nawe yavuze ko natwe tuzubaka amazu!**
**Bigaragara ko tuzagira inzu zacu twiyubakiye ubwacu ku mirenge, maze buri herezo ry’icyumweru tukazajya tujya mu murwa mukuru w’Isi Nshya maze tukaba mu nzu Yesu Yaduteguriye mu murwa wera.**



84

**(Videwo y’amasegonda 7) Uko Bibiliya ivuga uko ijuru rimeze birasobanutse. Imana Izarema ijuru rishya n’isi nshya.  Umurwa Wera, Yerusalemu nshya, izamanuka ivuye mu ijuru ku Mana.**
**Isi, uyu mugabane wivumbuye, ukagushwa n’icyaha uzaba umurwa mukuru w’ibibaho byose.**
**Biratangaje, ariko iyi si ni yo izaba ubuturo bw’ahazaza bw’abakijijwe.  Niko Yesu Yabivuze.**



85

**(Isomo: Matayo 5:5)**
**“Hahirwa abagwaneza, kuko ari bo bazahabwa isi.” Matayo 5:5.**
**Imana Igiye gusubiza umugabane w’isi ubutungane yari ifite rugikubita.  Mbega uko Isi nshya izaba ari nziza bihebuje!**



86

**Ahari muribuka amwe mu masezerano meza cyane Yesu Yasigiye abigishwa be n’abamuyobotse b’ibihe byose mbere gato yuko Asubira mu ijuru:**

25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



87

(Isomo: Yohana 14:1-3)
“Ntimuhagarike imitima yanyu; mwizere Imana, nanjye munyizere.




88

“Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyab’atahari, mba mbabwiye...



89

“Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyana i wanjye,




90

ngo aho ndi, namwe muzabeyo.”
Yohana 14:1-3.



91

(Isomo: Matayo 6:10)
Isengesho ry’intangarugero Yesu Yigishije abigishwa be rigira riti, “Ubwami bwawe buze, iby’ushaka bibeho mu isi, nk’uko biba mu ijuru.”
Matayo 6:10.
Aha turabona ko Yesu Adusaba gusengera ko ibintu byose bisubira uko byahoze.


92

Reka noneho turebe mu magambo arambuye umurwa mwiza uhebuje Yohana yabonye mu nzozi ubwo yari ku kirwa cya Patimosi.
Bisa naho byari bikomereye umuhanuzi kubona amagambo nyayo yo kuvuga iby’ubwiza bw’uwo Murwa Wera.
Bibiliya igira iti:



93

(Isomo: 1 Abakorinto 2:9)
“...Iby’ijisho ritigeze kureba, n’iby’ugutwi kutigeze kumva,
Ibitigeze kwinjira mu mutima w’umuntu,

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



94

Ibyo byos’ Imana yabiteguriy’ abayikunda.”
1 Abakorinto 2:9.
Ariko buretse gato wumve.
Abantu benshi ntibigera basoma uyu murongo ukurikira uvuga uti:



95

(Isomo: 1 Abakorinto 2:10)
“Ariko Imana yabiduhishurishije Umwuka wayo...”


96

Reba, Imana Yahishuriye abahanuzi ibi bintu Ibinyujije mu Umwuka wayo, abahanuzi barabitwandikira.
Kandi nta gushidikanya ko hari igice cyabyo kitavuzwe!


97

Nshuti, nguko uko byari bimeze kuri Yohana na Yesaya n’ abahanuzi bose.
Byose ni ukuri -- kandi hari igice cyabyo kitigeze kivugwa!
Ubwo Yohana yahishuraga iby’ Umurwa Wera mu buryo burambuye, bisa n’ ibirenze ukwemera.
Ariko nicyo Ijambo ry’ Imana ribereyeho! Ngibi ibyo Yohana yabonye.



98

(Videwo y’ amasegonda 11) Yohana yavuze ko yabonye ijuru rishya n’ isi nshya, kandi ko inyanja yari itakiriho.
Nuko abona Umurwa Wera umanuka uva mu ijuru.
Nuko atubwira ibiwerekeye byose.



99

(Isomo: Ibyahishuwe 21:1-3,11,17,21)
“Mbona ijuru rishya n’ isi nshya: kuko ijuru rya mbere n’ isi ya mbere byari byashize, n’ inyanja yari itakiriho.” Ibyahishuwe 21:1.



100

“Nuko, njyewe Yohana, mbona ururembo rwera, Yerusalemu nshya, rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rwiteguwe nk’ uko umugeni arimbishirizwa umugabo we.” Ibyahishuwe 21:2.

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



101

"Numv' ijwi rirenga rivuye kuri ya ntebe rivuga riti: 'Dor' ihema ry' Imana riri hamwe n' abantu,



102

kandi izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo, kandi Imana ubwayo izabana nabo, ibe Imana yabo.'"
Ibyahishuwe 21:3.



103

"...Kurabagirana kwarwo gusa n' uku ibuye ry' igiciro cyinshi cyane, nk' ibuye ryitwa yasipi, ribonerana nk' isarabwayi."
Ibyahishuwe 21:11.




104

"Agera inkike zarwo, ageramo imikono ijana na mirongo ine n' ine (ni metero 66)..." (Umurongo wa 17).



105

"Amarembo, uko ari cumi n' abiri, yari imaragarita cumi n' ebyiri!
(Umurongo wa 21).



106

(Isomo: Ibyahishuwe 21:12, 21, 23)
"...inkike nini kandi ndende ...kandi handitsweho amazina y' imiryango cumi n' ibiri y' abana b' Isirayeli."
(Umurongo wa 12).



107

"...Inzira nyabagendwa yo muri urwo rurembo yashigirijwe izahabu nziza, isa n' ibirahuri bibonerana."
(Umurongo wa 21).

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza




108

"Kandi urwo rurembo ntirugomba kuvirwa n'izuba cyangwa n'ukwezi; kuko ubwiza bw'Imana ari bwo buruvira, kandi Umwana w'Intama ari we tabaza ryawo."
(Umurongo wa 23).




109

(Isomo: Ibyahishuwe 22:1,2,5)
" ...uruzi rw'amazi y'ubugingo, rubonerana nk'isarabwayi, ruva ku ntebe y'Imana n'Umwana w'Intama."




110

"...Hakurya no hakuno y'urwo ruzi, hariho igiti cy'ubugingo cyera imbuto z'uburyo cumi na bubiri; cyera imbuto z'uburyo bumwe bumwe, uko ukwezi gutashye..."



111

"Nta joro rizabaho ukundi..." Ibyahishuwe 22:5.
Intebe y'Imana n'Umwana w'Intama izaba iri mu murwa -Yerusalemu Nshya.



112

(Isomo: Ibyahishuwe 22:3)
"Nta muvumo uzabaho ukundi, ahubwo intebe y'Imana n'Umwana w'Intama izaba muri urwo rurembo..." Ibyahishuwe 22:3.
Kandi imwe mu mpano nziza zihebuje iboneka mu Byahishuwe 21:4:



113

(Isomo: Ibyahishuwe 21:4)
"Izahanagura amarira yose ku maso yabo, kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo,



114

cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi,: kuko ibya mbere bishize." Ibyahishuwe 21:4.
Ahari waba wibaza uko uwo mugi ungana.

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza




115

(Isomo: Ibyahishuwe 21:16)
Yohana avuga mu buryo burambuye uko umurwa ungana:
“Urwo rurembo rungan’impande zose, uburebure bungana n’ubugari.



116

Nuko marayika ageresh’urwo rurembo rwa rubingo, ageramo sitadio inzovu n’ibihumbi bibiri.” Ibyahishuwe 21:16.



117

Sitadio ni kimwe cya munani ubaze muri mayilo, ubwo rero sitadio ibihumbi 12 (12.000) ingana hafi n’ibirometero ibihumbi bibiri na magana ane (2.400). Imigi ya kera yagerwaga n’ahantu hangana n’ahazengurutse inyuma y’inkike).
Ubwo rero umurwa ukabakaba muri kilometero magana atandatu (600) cyangwa mayilo magana atatu mirongo irindwi n’eshanu (375) kuri buri ruhande.
Bishoboka kandi ko wibaza niba uwo murwa uzaba ari munini bihagije niba abakijijwe bazawukwirwamo.


118

Tokiyo ituwe n’abantu bakabakaba miliyoni 35 (mirongw’itatu n’eshanu) baba muri uwo mugi.



119

Umugi ukomeye wa New York ucumbikiye abagera ku bantu miliyoni 20.


120

Seouli na Megisiko City nayo ni imigi ibiri buri wose ukaba utuwe n’abantu hafi miliyoni 20.

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza





121

**Nyamara umuhanga umwe mu mibare yagereranyije ko Yerusalemu Nshya ishobora gucumbikira abantu biliyoni 2!**
**Mu yandi magambo, hazaba yo umwanya uhagije kuri buri wese ushaka kubayo.**
**Ariko se aho hantu heza bihebuje, tuzahugira mu biki?**




122

**(Videwo y’amasegonda 15) Nta bwicanyi, nta ndwara, nta nzara cyangwa indwara -- hazaba ari amahoro masa n’ibintu byose bigiye umujy’umwe igihe cyose!**
**Bisa naho tuzakora ibintu byinshi: Kubaka inzu umutima wacu wifuza, guhinga imirima yacu.**


123

**Yesu, Umuremyi wacu, Azaduhishurira amayobera y’irema.**
**Tuzahora twiga ibintu bishyashya.**
**Tuzashobora gutembera mu gihe cyose tubyifuje.**


124

**Tuzagira igihe cyo kuba hamwe n’inshuti zacu n’abo dukunda.**
**Kandi buri Sabato tuzajya turamya Imana, turirimbana n’abamarayika na Yesu --kizaba ari igihe cyacu kidasanzwe cyo gusabana n’Umwami wacu.**
**Ariko ushobora kubaza uti, “Twakwemezwa n’iki ko dushora kubayo?**
**Igisubizo kiroroshye.**
**Bibiliya, urufunguzo rukuru, igira iti:**



125

**(Isomo: Abagalatia 3:29)**
**“Ubwo muri aba Kristo, muri urubyaro rwa Aburahamu, muri n’abaragwa nk’uko byasezeranijwe.”**
**Abagalatia 3:29.**


126

**Mu yandi magambo, iyo wakiriye Yesu nk’Umukiza wawe, iri sezerano Imana Yahaye Aburahamu nawe riba iryawe.**
**Uko turushaho kwiga Bibiliya, biratangaje kubona ko**

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza



127

Ibice bitatu bya mbere bitubwira uko Imana Yaremye isi na paradiso Yatujemo Adamu na Eva.
Nyamara Adamu na Eva bayitakaje yose.



128

Ibice bitatu bya nyuma muri Bibiliya bitubwira iby’inama y’Imana yo kongera gusubiza ho ibyo Adamu na Eva bajimije aribyo - ahazaza heza cyane aho imigambi yacu izuzurizwa!


129

Mu myaka myinshi yashize, ubwato bwari bupakiye intama bwazimiriye mu cyokotsi cyo mu nyanja ya ruguru. Ubwato butana iminsi itatu yose. Za ntama nazo zanga kurisha ibyatsi byumye.
zijarajara impande zose z’ubwato zitangira guhebeba. Zikomeza guhebeba , Umukuru w’ubwato n’abarimo baratangara cyane. Bibazaga impamvu zikomeza guhebeba cyane. Mu kanya gato rwa rwokotsi rurayoyoka. Ubwato bwari ku nkombe y’igihugu cya Ecosse.(vuga ekose)
Intama zari zahumuriwe n’ubwatsi butoshye bwo mu mirima hafi aho. Zanga kurya ubwatsi bunambye ba nyirazo bagerageje kuzigaburira zimara umunsi wose.



130

(Videwo y’amasegonda 7) Iyo duhumuriwe n’impumuro y’ijuru, duhitamo iby’ingenzi byihutirwa. Iyo duhumuriwe impumuro y’iteka n’iteka, ibindi byose bijya mu mwanya wabyo. Turifuza ikindi gihugu. Turashaka kuba ku cyambu gihoraho. Waba ukumbuye iwanyu mu ijuru? Urashaka kubayo? Mbese mu mutima wawe wifuza kubana na Kristo mu bwiza bwe iteka n’iteka? Wakwifuza kuvuga uti, Yee, Nyagasani, ndashaka kubana nawe. Nifuza cyane kubana nawe burundu, mu bihe bidashira, iteka n’iteka?”



131

(Isomo: Ibyahishuwe 22:17)
Imana Irakurarika: “Umwuka n’Umugeni barahamagara bati: ‘Ngwino.”
Ibyahishuwe 22:17.

# 25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza


132

**Ntubirazike!**
**Ushobora kuba umwe mu bazaba aharusha ahandi kuba heza aho Imana Yateganirije ahazaza. Yirarikire kuza mu mutima wawe, uzagabana ijuru ribe iwawe.**

25 - Ibyo Dutegereje Birushaho Kuba Byiza